**REPUBURIKA Y'U RWANDA**

**Akarere ka Nyarugenge**

**Komisiyo y'Igihugu yo Kurwanya Jenoside (CNLG)**

# AMATEKA YA JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI MU KARERE KA NYARUGENGE

**(Raporo ya nyuma – *Final Report*)**

**Yateguwe na Dr Philibert GAKWENZIRE**

**Kigali, Kamena 2020**

**IJAMBO RY'IBANZE**

Jenoside yakorewe Abatutsi mu Rwanda mu 1994 yahitanye ubuzima bw'abarenga miliyoni mu gihe cy'iminsi ijana, isiga ingaruka nyinshi zirimo imfubyi, abapfakazi, ibimuga n'isenyuka ry'umuryango nyarwanda. Jenoside imaze guhagarikwa n'ingabo za FPR-Inkotanyi hagiyeho ubuyobozi bw'igihugu bushya maze bwiha intego yo gusana uwo muryango hubakirwa ku kuri. Iyo ntego n'ubu ni yo ikigena intambwe y'u Rwanda; intambwe igamije ubumwe, ubwiyunge n'amahoro arambye.

Kandi koko, nyuma y'imyaka makumyabiri n'itandatu Jenoside ikorewe Abatutsi ibaye, hamaze gukorwa byinshi mu ngeri zinyuranye z'ubuzima bw'igihugu. Gusa inzira iracyari ndende, cyane cyane mu kumenya uko Jenoside yateguwe, uko yagenze mu bice bitandukanye by'igihugu, abo yahitanye batarashyingurwa mu cyubahiro ndetse no gufasha abayirokotse kongera kwiyubaka no kwisanga mu muryango nyarwanda.

Intego y'ubu bushashatsi ni ukwandika no kubika neza amateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi. Ibyo ni ngombwa kugira ngo asigasirwe kandi hubakwe ejo hazaza hazira Jenoside. Nk'uko Perezida wa Repuburika Nyakuhabwa Paul Kagame yabivuze mu kwibuka Jenoside ku nshuro ya 22 muwa 2016, "*Nta bubasha dufite bwo guhindura ibyahise, ariko dufite ubushobozi bwo kugena ahazaza hacu no kuhagira uko tuhifuza*". Ubu bushakashatsi bwakozwe kuri Jenoside yakorewe Abatutsi aho Akarere ka Nyarugenge gaherereye ubu bwagendeye kuri uyu murongo. Twibutse ko kandi ikorwa ry'ubu bushakashatsi rigamije gushyira mu bikorwa icyifuzo cy'Inama ya 13 y'Igihugu y'Umushyikirano yabaye muri 2015 cyo kwandika amateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi. Iyi nyandiko ni umusaruro w'ibyavuye mu bushakashatsi twizeye ko bizafasha mu kumenya ukuri ku byabaye muri Jenoside yakorewe Abatutsi muri 1994 mu Karere ka Nyarugenge, ndetse ikaba n'imbarutso y'ibindi bikorwa bigamije gushimangira ubumwe, ubwiyunge n'iterambere rirambye.

Ndangije nshimira buri wese wagize uruhare muri ubu bushakashatsi, by'umwihariko Leta y'u Rwanda ibinyujije muri Komisiyo y'Igihugu yo Kurwanya Jenoside (CNLG) yatanze urubuga n'imirongo ngenderwaho. Ndashimira kandi itsinda ry'abashakashatsi riyobowe na Dr Philibert Gakwenzire ari bo Dr. Janvier Indoha Kimenyi na Angelo Kimenyi. Sinakwibagirwa abayobozi n'abakozi ku rwego rw'akarere n'urw'imirenge, abatanze amakuru yifashishijwe ndetse n'abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu Rwanda muri 1994 b'aho akarere ka Nyarugenge gaherereye ubu.

Iyi nyandiko ituwe inzirakarengane zose zazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu Rwanda mu mwaka wa 1994.

**NGABONZIZA Emmy**

**Umuyobozi Nshingwabikorwa w'Akarere ka Nyarugenge**

**AMAGAMBO AHINNYE YAKORESHEJWE**

| | |
|---|---|
| **AIDR** | Association Internationale de Développement Rural |
| **AMASASU** | Alliance des Militaires Agacés par les Agissements Surnois des Unaristes |
| **APACOPE** | Association des Parents pour la Contribution et la Promotion de l'Education |
| **APRED** | Association des Parents pour la Promotion de l'Education |
| **APROSOMA** | Association pour la Promotion Sociale de la Masse |
| **ATRACO** | Association du Transport en Commun |
| **AVEGA** | Association des Veuves du Génocide-Agahozo |
| **BACAR** | Banque Continentale africaine au Rwanda |
| **BCR** | Banque Commerciale du Rwanda |
| **BNR** | Banque Nationale du Rwanda |
| **BK** | Banque de Kigali |
| **BRALIRWA** | Brasseries et Limonaderies du Rwanda |
| **BRD** | Banque Rwandaise de Développement |
| **CCM** | Center for Conflict Management |
| **CDR** | Coalition pour la Défense de la République |
| **CELA** | Centre des Langues Africaines |
| **CER** | Caisse d'Epargne du Rwanda |
| **CERAI** | Centre d'Enseignement Rural et Artisanal Intégré |
| **CHUK** | Centre Hospitalier Universitaire de Kigali |
| **CND** | Conseil National de Développement |
| **CNLG** | Commission Nationale de Lutte contre le Génocide |
| **CNUR** | Commission Nationale pour l'Unité et la Réconciliation |
| **CRS** | Catholic Relief Services |
| **EAR** | Eglise Anglicane du Rwanda |
| **ELECTROGAZ** | Entreprise d'Eau, Electricité et Gaz |
| **EPR** | Eglise Présbytérienne du Rwanda |
| **ERP** | Entreprise Rwandaise de Pétrole |
| **ESM** | Ecole Supérieure Militaire |

| | |
|---|---|
| **FAR** | Forces Armées Rwandaises |
| **FIDH** | Fédération Internationale des Droits de l'Homme |
| **FPR** | Front Patriotique Rwandais |
| **HRW** | Human Rights Watch |
| **ICTR** | International Criminal Tribunal for Rwanda |
| **INYENZI** | Ingangurarugo Yiyemeje kuba Ingenzi |
| **IRDP** | Institut de Recherche et de Dialogue pour la Paix |
| **JMDR** | Jeunesse du Mouvement Démocratique Républicain |
| **JOC** | Jeunesse Ouvrière Chrétienne |
| **MAGERWA** | Magasins Généraux du Rwanda |
| **MDR** | Mouvement Démocratique Républicain |
| **MINAGRI** | Ministère de l'Agriculture et Elevage |
| **MINALOC** | Ministère de l'Administration Locale |
| **MINIFOP** | Ministède de la Fonction Publique |
| **MINITRAPE** | Ministère des Travaux Publics, de l'Energie et de l'Eau |
| **MINUAR** | Mission des Nations Unies pour l'Assistance au Rwanda |
| **MINIFIN** | Ministère des Finances |
| **MRND** | Mouvement Révolutionaire National pour le Développement (1975-1991) Mouvement Républicain National pour la Démocratie et le Développement (1991-1994) |
| **NISR** | National Institute of Statistics of Rwanda |
| **NR** | Imprimerie Nationale du Rwanda |
| **OBM** | Office de Bugesera Mayaga |
| **OCIR** | Office du Café du Rwanda |
| **ONATRACOM** | Office National de Transport en Commun |
| **PARMEHUTU** | Parti du Mouvement pour l'Emancipation Hutu |
| **RADER** | Rassemblement Démocratique Rwandais |
| **RANU** | Rwandese Alliance for National Unity |
| **RPF** | Rwandan Patriotic Front |

| | |
|---|---|
| **RTLM** | Radio Télévision Libre des Mille Collines |
| **SNJG** | Service National des Juridictions Gacaca |
| **SIRWA** | Societé Industrielle du Rwanda |
| **SODEPARAL** | Société de Développement et de Promotion des Produits Agricoles et de Resources Animales Locales |
| **SOMIRWA** | Société Minière du Rwanda |
| **SOPECYA** | Societé Pétrolière de Cyangugu |
| **STIR** | Societé de Transport International au Rwanda |
| **TABARWANDA** | Usine du Tabac du Rwanda |
| **TELECOM :** | Télécommunications |
| **TRAFIPRO** | Travail-Fidélité-Progrès |
| **UN** | United Nations |
| **UNAR** | Union Nationale Rwandaise |
| **USAID** | United States Agency for International Development |

# ISHAKIRO

AMAGAMBO AHINNYE YAKORESHEJWE ........................................................................ II

ISHAKIRO ........................................................................................................................ V

INCAMAKE Y'IBYAVUYE MU BUSHAKASHATSI ...................................................................... XIII

UMUTWE WA MBERE: INTANGIRIRO RUSANGE ........................................................................ 1

1.1. INTEGO Z'UBUSHAKASHATSI ................................................................................... 3

1.2. IBIBAZO UBUSHAKASHATSI BWARI BUGAMIJE GUSUBIZA ...................................................... 3

1.3. ISHINGIRO RY'UBU UBUSHAKASHATSI N'ICYUHO BUJE KUZIBA ............................................... 4

1.4. UBURYO BWAKORESHEJWE MU BUSHAKASHATSI ................................................................ 4

1.5. IKUSANYAMAKURU N'ISESENGURA RYAYO ........................................................................ 5

1.6. AHO UBUSHAKASHATSI BUGARUKIRA ................................................................................ 6

UMUTWE WA KABIRI: UBUMENYI RUSANGE KU ITEGURWA RYA JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI ........................................................................................................................ 8

2.1. IGISOBANURO CY'IJAMBO "JENOSIDE" ............................................................................ 8

2.2. ITANDUKANIRO HAGATI YA JENOSIDE, IBYAHA BYO MU NTAMBARA N'IBINDI BYAHA BYIBASIRA INYOKOMUNTU ........................................................................................................................ 10

2.2. UMWIHARIKO WA JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI MU RWANDA ......................................... 10

2.2.1. UBWICANYI NDENGAKAMERE BWAKOZWE MU GIHE GITO CYANE ......................................... 11

2.2.2. UMUBARE MUNINI W'ABAZIZE JENOSIDE N'ABAYIKOZE ..................................................... 11

2.2.3. GUSENYUKA GUKOMEYE KW'UMURYANGO NYARWANDA ................................................... 12

2.2.4. JENOSIDE YAKOZWE N'ABANYARWANDA, IKORERWA ABANYARWANDA KANDI INAHAGARIKWA N'ABANYARWANDA ........................................................................................................ 13

2.2.5. UKWEMERWA KWA JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI MU RWANDA ....................................... 13

UMUTWE WA GATATU: IMIBEREHO Y'ABATUTSI MU KARERE KA NYARUGENGE GUHERA 1959 KUGERA KURI JENOSIDE ........................................................................................................ 15

**3.1. AMATEKA Y'AKARERE KA NYARUGENGE ..... 15**
3.1.1. AMAVU N'AMAVUKO YA KOMINI YA NYARUGENGE ..... 15
3.1.2. IMITURIRE Y'ABATURAGE MURI KOMINI YA NYARUGENGE ..... 18
3.1.3. AMATEKA N'IMIBEREHO Y'ABATUTSI MU MUJYI WA KIGALI MBERE YA 1959 ..... 19
3.1.4. NYARUGENGE MU MVURURU ZA 1959 N'INKURIKIZI ZAZO ..... 22
3.1.5. IMIBEREHO Y'ABATUTSI MURI NYARUGENGE KURI REPUBURIKA YA MBERE (1960-1973) ..... 24
**3.1.6. IMIBEREHO Y'ABATUTSI MURI NYARUGENGE KURI REPUBURIKA YA KABIRI (1973-1990)** ..... 27
3.1.6.1. Inkomoko y'Imvururu zibasiye Abatutsi mu wa 1973 ..... 27
3.1.6.2. Imvururu mu mashuri yisumbuye yo muri Komini ya Nyarugenge ..... 28
**3.1.6.3. Iyirukanwa ry'abakozi b'Abatutsi mu bigo bya Leta n'ibyabikoreraga muri komini ya Nyarugenge** ..... 31
**3.1.6.4. Kubuza amahwemo no kumenesha Abatutsi muri Komini ya Nyarugenge** ..... 33
**3.1.6.3. Ubuzima bw'Umututsi kuva 5 Nyakanga 1973 kugeza ukwakira 1990** ..... 33
**3.2. ABAYOBOYE KOMINI YA NYARUGENGE NA KOMINI YA BUTAMWA ..... 34**
3.2.1. JEAN KABAHIZI ..... 34
3.2.2. STANISLAS RUBERANGONDO ..... 35
3.2.3. JEAN BERCHMAS NGABOYAMAHINA ..... 35
3.2.4. FRANÇOIS KARERA ..... 35
3.2.5. JEAN PIERRE BAKOMERA ..... 37
3.2.6. JEAN BIZIMANA ..... 37
**3.3. IMYITWARIRE Y'ABANYAPORITIKI N'IMIBEREHO Y'ABATUTSI KUVA TARIKI YA 1 UKWAKIRA 1990 ..... 38**
3.3.1. INKUBIRI Y'AMASHYAKA MENSHI MU RWANDA N'INGARUKA ZAYO ..... 38
3.3.2. IVUKA RY'UMUTWE W'INTERAHAMWE N'INDI MITWE YITWARAGA GISIRIKARE ..... 40
3.3.3. ISHYIRWAHO RYA GUVERINOMA Y'INZIBACYUHO ..... 42
3.3.4. IMYIGARAGAMBYO Y'AMASHYAKA ATAVUGAGA RUMWE NA MRND ..... 43
3.3.5. ISHINGWA RY'IBITANGAZAMAKURU BYARI BISHYIGIKIYE UMUGAMBI WA JENOSIDE ..... 45
3.3.5.1. Ibitangazamakuru byahembereye urwango n'amacakubiri ..... 45
3.3.5.2. Uruhare rwa Radio-Tésion libre des Milles Collines (RTLM) mu gukwirakwiza urwango rwibasira Abatutsi ..... 45

3.3.6. Ishingwa ry'umutwe w'AMASASU ........ 47

3.3.6. Ikwirakwizwa ry'intwaro mu baturage ........ 48

**UMUTWE WA KANE: JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI MU KARERE KA NYARUGENGE ........ 49**

**4.1. Gahunda yo gukwirakwiza umwuka mubi n'urwango ku Batutsi ........ 49**

**4.2. Inzego z'ubutegetsi zatumye haba umwihariko mu itegurwa n'ishyirwa mu bikorwa rya Jenoside mu Karere ka Nyarugenge ........ 49**

4.2.1. Ibiro by'Umukuru w'Igihugu (Présidence) ........ 50

4.2.2. Urwego rw'ubugenzacyaha bitaga *criminologie* ........ 50

4.2.3. Ikigo cya gisirikari cya Camp Kigali ........ 51

4.2.4. Ibigo by'imari byateye inkunga Jenoside ........ 52

4.2.5. Icyicaro cya Perefegitura y'Umujyi wa Kigali (PVK) ........ 52

4.2.6. Hotel des Diplomates ........ 52

4.2.7. Igihugu cy'Itangazamakuru (ORINFOR) ........ 53

4.2.8. Radio Télévision Libre des Mille Collines (RTLM) ........ 54

4.2.9. Ibigo by'ubucuruzi (Amasoko, amaduka, inganda, …) ........ 54

4.2.10. Uruhare rw'Amadini ........ 55

4.2.10.1. Kiriziya Gatolika ........ 55

4.2.10.2. Itorero ry'Abangilikani mu Rwanda (EAR) ........ 55

4.2.10.3. Abayisiramu ........ 55

**4.3. Imibereho y'Abatutsi nyuma y'igitero cy'Inkotanyi cyo kuwa 1 Ukwakira 1990 ........ 56**

4.3.1. Muri Komini ya Nyarugenge ........ 56

4.3.2. Muri Komini ya Butamwa ........ 58

**4.4. Bamwe mu bateguye bakanashyira mu bikorwa Jenoside muri Komini ya Nyarugenge ........ 60**

4.4.1. Colonel Tharcisse Renzaho ........ 60

4.4.2. Bizimana Jean ........ 61

4.4.3. Padiri Munyeshyaka Wenceslas ........ 63

4.4.4. Lieutenant Colonel Munyakazi Laurent ........ 65

**4.5. Uruhare rw'abayobozi n'abakozi ba Komini ya Nyarugenge mu ishyirwa mu bikorwa rya Jenoside ........ 65**

4.5.1. François Karera ........ 66

4.5.2. Roza Karushara ........ 67

4.5.3. Odette Nyirabagenzi ........ 69

4.5.4. Euphrasie Kamatamu ........ 70

4.5.5. François Havugimana ........ 71

4.5.6. Callixte Kalisa ........ 72

4.5.7. Angéline Mukandutiye ........ 72

4.5.8. Théogène Rutayisire ........ 74

4.5.9. Gabriel Mbyariyehe ........ 75

**4.6. Uko Jenoside yateguwe ikanashyirwa mu bikorwa muri Komini ya Nyarugenge na Komini ya Butamwa ........ 76**

4.6.1. Ifungwa n'itotezwa ry'Abatutsi biswe ibyitso by'Inkotanyi muri Komini ya Nyarugenge ........ 76

4.6.1.1. Segiteri ya Nyarugenge ........ 77

4.6.1.2. Segiteri ya Rugenge ........ 81

4.6.1.3. Segiteri ya Muhima ........ 82

4.6.1.4. Segiteri ya Biryogo ........ 83

4.6.1.5. Segiteri ya Nyamirambo ........ 84

4.6.1.6. Segiteri ya Nyakabanda ........ 85

4.6.1.7. Segiteri ya Kimisagara ........ 87

4.6.1.8. Segiteri ya Cyahafi ........ 87

4.6.1.9. Segiteri ya Gitega ........ 88

4.6.1.10. Segiteri ya Muhima ........ 89

4.6.1.11. Segiteri ya Kanyinya ........ 90

4.6.1.12. Segiteri ya Nzove ........ 90

4.6.1.13. Segiteri ya Butamwa ........ 91

4.6.2. Imibereho y'abiswe ibyitso by'Inkotanyi ........ 92

4.6.3. Irekurwa ry'abiswe ibyitso by'Inkotanyi ........ 93

4.6.4. IBYISWE GUSHYINGURA FRED RWIGEMA MURI KOMINI YA NYARUGENGE .......... 94
4.6.4.1. Segiteri ya Nyarugenge .......... 95
4.6.4.2. Segiteri ya Rugenge .......... 95
4.6.4.3. Segiteri ya Muhima .......... 96
4.6.4.4. ya Biryogo .......... 96
4.6.4.5. Segiteri ya Nyamirambo .......... 97
4.6.4.6. Segiteri ya Nyakabanda .......... 98
4.6.4.7. Segiteri ya Kimisagara .......... 99
4.6.4.8. Segiteri ya Cyahafi .......... 99
4.6.4.9. Segiteri ya Gitega .......... 100
4.6.4.10. Segiteri ya Kanyinya .......... 100
4.6.4.11. Segiteri ya Nzove .......... 101
4.6.6. IKINAMICO RYO GUSHYINGURA FRED GISA RWIGEMA MURI KOMINI YA BUTAMWA .......... 101
4.6.7. IMYITWARIRE Y'ABAYOBOZI N'ABATURAGE MU GIHE CY'AMASHYAKA MENSHI .......... 102
4.6.7.1. Segiteri ya Nyarugenge .......... 103
4.6.7.2. Segiteri ya Rugenge .......... 104
4.6.7.3. Segiteri ya Muhima .......... 104
4.6.7.4. Segiteri ya Biryogo .......... 105
4.6.7.5. Segiteri ya Nyamirambo .......... 106
4.6.7.6. Segiteri ya Nyakabanda .......... 107
4.6.7.7. Segiteri ya Kimisagara .......... 109
4.6.7.8. Segiteri ya Cyahafi .......... 112
4.6.7.9. Segiteri ya Gitega .......... 113
4.6.7.10. Segiteri ya Kanyinya .......... 114
4.6.7.11. Segiteri ya Nzove .......... 116
4.6.8. INGARUKA Z'UMWADUKO W'AMASHYAKA MENSHI MURI BUTAMWA .......... 118
**4.7. INAMA ZO GUTEGURA JENOSIDE MURI SEGITERI ZO MURI NYARUGENGE .......... 122**
4.7.1. SEGITERI YA RUGENGE .......... 122
4.7.2. SEGITERI YA MUHIMA .......... 123

4.7.3. Segiteri ya Nyamirambo ............ 124
4.7.4. Segiteri ya Nyakabanda ............ 126
4.7.5. Segiteri ya Kimisagara ............ 127
4.7.6. Segiteri ya Cyahafi ............ 128
4.7.7. Segiteri ya Gitega ............ 129
4.7.8. Segiteri ya Kanyinya ............ 130
4.7.9. Segiteri ya Nzove ............ 131
4.7.10. Segiteri ya Biryogo ............ 132
**4.8. Ishyirwa mu bikorwa rya Jenoside yakorewe Abatutsi muri Komini ya Nyarugenge ............ 133**
4.8.1. Segiteri ya Nyarugenge ............ 134
4.8.1.1. Intandaro y'urupfu rw'abasirikare b'Ababiligi bari mu butumwa bw'amahoro ............ 135
4.8.1.2. Iyicwa rya Agatha Uwiringiyimana ............ 136
4.8.1.3. Iraswa ry'abasirikare b'Ababiligi ............ 138
4.8.1.4. Ahaguye imbaga y'Abatutsi muri Segiteri ya Nyarugenge ............ 140
4.8.2. Segiteri ya Rugenge ............ 144
4.8.2.1. Ahiciwe imbaga y'Abatutsi muri Segiteri ya Rugenge ............ 145
4.8.2.2. Abafashije Abatutsi kurokoka muri Segiteri ya Rugenge ............ 155
4.8.3. Segiteri ya Muhima ............ 156
4.8.3.1. Ahiciwe Abatutsi benshi muri Segiteri ya Muhima ............ 156
4.8.3.2. Iyicarubozo ryakorewe Abatutsi muri Segiteri ya Muhima ............ 157
4.8.4. Segiteri ya Biryogo ............ 158
4.8.4.1. Abayoboye ubwicanyi muri Segiteri ya Biryogo ............ 159
4.8.4.2. Ahiciwe Abatutsi benshi muri Segiteri ya Biryogo ............ 159
4.8.4.3. Iyicarubozo ryakorewe Abatutsi muri Segiteri ya Biryogo ............ 160
4.8.5. Segiteri ya Nyamirambo ............ 162
4.8.5.1. Abagize uruhare mu koreka imbaga y'Abatutsi muri Segiteri ya Nyamirambo ............ 164
4.8.5.2. Ahaguye imbaga y'Abatutsi benshi muri Segiteri ya Nyamirambo ............ 166
4.8.5.3. Iyicarubozo ryakorewe Abatutsi muri Segiteri ya Nyamirambo ............ 175
4.8.5.4. Abafashije Abatutsi kurokoka muri Segiteri ya Nyamirambo ............ 175

4.8.6. Segiteri ya Nyakabanda ..... 176
4.8.6.1. Abagize uruhare mu kwica imbaga y'Abatutsi muri Segiteri ya Nyakabanda ..... 176
4.8.6.2. Ahaguye imbaga y'Abatutsi muri Segiteri ya Nyakabanda ..... 178
4.8.6.3. Iyicwarubozo ryakorewe Abatutsi muri Segiteri ya Nyakabanda ..... 182
4.8.7. Segiteri ya Kimisagara ..... 185
4.8.7.1. Umwihariko wa Karushara Rose mu guhuza ibikorwa byo kwica Abatutsi ..... 189
4.8.7.2. Ahaguye imbaga y'Abatutsi benshi muri Segiteri ya Kimisagara ..... 191
4.8.7.3. Iyicarubozo ryakorewe Abatutsi muri Segiteri ya Kimisagara ..... 193
4.8.8. Segiteri ya Cyahafi ..... 194
4.8.8.1. Bariyeri ziciweho Abatutsi muri Segiteri ya Cyahafi ..... 197
4.8.8.2. Ahiciwe imbaga y'Abatutsi benshi muri Segiteri ya Cyahafi ..... 203
4.8.8.3. Iyicarubozo ryakorewe Abatutsi muri Segiteri ya Cyahafi ..... 204
4.8.9. Segiteri ya Gitega ..... 206
4.8.9.1. Ahaguye imbaga y'Abatutsi benshi muri Segiteri ya Gitega ..... 207
4.8.10. Segiteri ya Kanyinya ..... 208
4.8.10.1. Ahashyizwe bariyeri muri Segiteri ya Kanyinya ..... 209
4.8.10.2. Iyicarubozo ryakorewe Abatutsi muri Segiteri ya Kanyinya ..... 211
4.8.10.3. Ahaguye imbaga y'Abatutsi benshi muri Segiteri ya Kanyinya ..... 212
4.8.10.4. Abagize umutima wo guhisha no kurokora Abatutsi muri Segiteri ya Kanyinya ..... 212
4.8.11. Segiteri ya Nzove ..... 216
4.7.11.1. Ahaguye imbaga y'Abatutsi benshi muri Segiteri ya Nzove ..... 218
4.7.11.2. Iyicarubozo ryakorewe Abatutsi muri Segiteri ya Nzove ..... 219
**4.9. Ishyirwa mu bikorwa rya Jenoside yakorewe Abatutsi mur Komini ya Butamwa ..... 227**
4.9.1. Komini ya Butamwa ..... 229
4.9.2. Abagize uruhare rukomeye mu kwica Abatutsi muri Komini ya Butamwa. ..... 232
4.9.3. Ibikorwa by'iyicarubozo byakorewe Abatutsi muri Komini ya Butamwa. ..... 234
**4.10. Abakozi ba Komini ya Nyarugenge na Komini na Butamwa bazize Jenoside ..... 236**
4.10.1. Rugumire Jean Bosco ..... 236
4.10.2. Mukampabuka Marie Goretti ..... 237

4.10.3. Rutikanga Alexandre ........ 241
4.10.4. Twagirayezu Laurent ........ 244
4.10.5. Munana Theoneste ........ 244
4.10.6. Binego Djuma ........ 245
**4.11. Abantu bagize uruhare mu kurengera ubuzima no kurokora Abatutsi bicwaga muri Komini ya Nyarugenge na Komini ya Butamwa ........ 246**
4.11.1. Twagirayezu Laurent ........ 246
4.11.2. Musenyeri Célestin Hakizimana ........ 247
4.11.3. Mutsindashyaka Martini ........ 249
4.11.4. Mukashyaka Joséphine ........ 250
4.11.5. Nyirabayovu Teresa ........ 250

**UMUTWE WA GATANU: INGARUKA ZA JENOSIDE N'UBUZIMA BWA NYUMA YAYO ........ 251**

**5.1. Umubare w'abazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu karere ka Nyarugenge ........ 251**
**5.2. Gusibanganya ibimenyetso bya Jenoside ........ 252**
**5.3. Imibereho y' abacitse ku icumu rya Jenoside yakorewe Abatutsi ........ 252**
**5.4. Kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi mu Karere ka Nyarugenge ........ 253**
**5.5. Kurwanya ingengabitekerezo ya Jenoside mu karere ka Nyarugenge ........ 255**
**5.6. Imibanire y'abaturage b'Akarere ka Nyarugenge nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi ........ 257**

**UMUTWE WA GATANDATU: UMWANZURO RUSANGE N'BYIFUZO ........ 259**

**INKOMOKO Y'AMAKURU ........ 262**

**Amazina y'abafitanye isano n'abazize Jenoside yakorewe Abatutsi bakoreraga Komini ya Nyarugenge cyangwa Komini ya Butamwa ........ 262**
**Amazina y'abatanze amakuru kuri Jenoside yakorewe Abatutsi muri Komini ya Nyarugenge na Komini ya Butamwa ........ 262**
**Inyandiko zifashishijwe ........ 265**

**INCAMAKE Y'IBYAVUYE MU BUSHAKASHATSI**

Ubushakashatsi kuri Jenoside yakorewe Abatutsi mu Karere ka Nyarugenge bugamije kwegeranya no kubungabunga amateka ya Jenoside, hagaragazwa uko yagenze muri ako gace, abo yahitanye, gutanga umuganda ku kubaka ubumwe n'ubwiyunge mu bakozi b'Akarere ka Nyarugenge by'umwihariko no mu Banyarwanda muri rusange.

Ibibazo ubu bushakashatsi bwari bugamije gusubiza byubakiye ku kugaragaza ubuzima n'imibereho n'imibanire y'abaturage bari batuye bagizwe Akarere ka Nyarugenge mu bihe bitandukanye by'amateka. Ni ukuvuga kuva mu 1959 kugeza mu 1990, mu gihe cy'urugamba rwo kwibohora (1990-1994), imibanire igainsha ku bumwe n'ubwiyunge ku baturage b'Akarere ka Nyarugenge nyuma ya 1994 n'ubuzima bw'abarokotse Jenoside. Harimo kandi isesengura ku itegurwa n'ishyirwa mu bikorwa rya Jenoside mu duce dutandukanye twa Nyarugenge. Ishusho y'imibereho n'imibanire y'abaturage b'akarere ka Nyarugenge nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi na yo yagarutsweho hibandwa ku bikorwa mu kwibuka no mu kurwanya ingengabitekerezo ya Jenoside. Ubushakashatsi bwakorewe mu mirenge icumi (10) igize akarere ka Nyarugenge ari yo Gitega, Kanyinya, Kigali, Kimisagara, Mageragere, Muhima, Nyakabanda, Nyamirambo, Nyarugenge na Rwezamenyo.

Jenoside ni ubwicanyi bwibasira igice kimwe cy'abaturage bugakorwa na Leta bugamije kubarimbura bose hamwe cyangwa se igice cyabo. Bashobora kuba bahuje ubwoko, idini, ubwenegihugu cyangwa se ibara ry'uruhu. Jenoside iyo ari yo yose irategurwa. Mu Rwanda, ubutegetsi bwasimbuye ubukoroni bwiyubakiye ku nyigisho z'urwango n'amacakuburi hagati y'Abahutu n'Abatutsi. Poritiki y'ubwicanyi, itotezwa, ivangura n'iringaniza ry'amoko n'uturere byakozwe n'abategetsi bo kuri Repuburika ya mbere n'iya kabiri byapyinagaje Abatutsi cyane, nyuma intambara yo kubohora igihugu itangiye mu Kwakira 1990 iba intandaro n'urwitwazo rwo kubatoteza no gutegura kubarimbura. Ubuyobozi bwa komini bwari bufite inshingano yo gushyira iyo poritiki mu bikorwa.

Imbarutso yo gutangiza Jenoside yabaye ihanurwa ry'indege y'uwari Perezida Juvénal Habyarimana ryahise rikurikirwa n'imidugararo n'ubwicanyi bukomeye mu bice bitandukanye by'igihugu bwibasira Abatutsi. Aho Nyarugenge iherereye ubu habaye Jenoside ikomeye, ikorwa n'ubutegetsi bwariho bwifashishije inzego zose kuva hejuru kugeza hasi, Interahamwe,

Impuzamugambi, abasirikari, abajandarume n'intagondwa z'Abahutu bari baratojwe ubwicanyi. Umwihariko wa Jenoside mu karere ka Nyarugenge ni uko ari ho umurwa w'u Rwanda wari uherereye. Bityo ni ho Jenoside yatangiriye, ubuyobozi bw'igihugu butegeka abasirikari n'abajandarume gutangiza ubwicanyi no kubuhagararira. Undi mwihariko n'uko Umujyi wa Kigali wayoborwaga n'umusirikari Colonel Tharcisse Renzaho watangaga amabwiriza yo kwica Abatutsi muri komini zose zari ziwugize. Nk'umusirikare kandi nka Perefe, yari afite ububasha buseseuye ku ngabo no ku baturage. Inzira zose zahise zifungwa hakoreshejwe za bariyeri. Ibyo byatumye Abatutsi babura uko bahunga maze bicwa ari benshi. Jenoside yamaze amezi atatu kuva muri Mata kugeza muri Nyakanga 1994. Yahagaritswe na FPR-Inkotanyi abari bataricwa barakokoka.

Ubuzima bwa nyuma ya Jenoside mu Karere ka Nyarugenge ntibwari bworoshye kubera ingaruka yasize zirimo imfubyi, abapfakazi, incike, impunzi imbere no hanze y'igihugu, ibikorwa-remezo byari byarasenyutse, urwikekwe mu baturanyi n'ibindi. Leta y'ubumwe bw'Abanyarwanda yakoze byinshi mu kongera gusana umuryango nyarwanda, cyane cyane mu gufasha abacitse ku icumu, mu kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi, kurwanya ingengabitekerezo, ihakana n'ipfobya ryayo. Akarere ka Nyarugenge na ko ntikasigaye inyuma kuko kitabira ibikorwa na gahunda zose kandi bikaba bigenda binozwa uko umwaka utashye.

## UMUTWE WA MBERE: INTANGIRIRO RUSANGE

Jenoside yakorewe Abatutsi mu Rwanda hagati ya Mata na Nyakanga 1994 yahitanye abarenga miliyoni, bagizwe ahanini n'Abatutsi bazize ubwoko bwabo n'Abahutu bamwe na bamwe banze kwitabira uwo mugambi w'ubwicanyi (MINALOC, 2004). Abatutsi bishwe bari mu byiciro byose by'abaturage: abana, abagore, abagabo, abakuru, abize, abahinzi, ibimuga, abarwayi, abacuruzi, abarimu, abaganga, abakozi ba Leta, abanyamakuru, abanyamahanga n'abandi. Abicanyi nabo bari muri ibyo byiciro byose kandi umugambi wabo wari uwo gutsembatsemba kugira ngo abazavuka nyuma bazajye babaza uko *Umututsi yasaga*. Ni muri urwo rwego abaturage basanzwe, abize, abagize inzego z'umutekano; ni ukuvuga abajandarume, abapolisi, abasirikari, imitwe yitwaraga gisirikari yari yaratojwe ubwicanyi nk'Interahamwe n'Impuzamugambi, Abihayimana… bijanditse muri Jenoside yibasiye Abatutsi. Ikirenze ibyo byose kandi ni uko Jenoside yari yarateguwe ku buryo bunononsoye na Leta kandi ikanahagarira ishyirwa mu bikorwa ryayo.

Nyuma y'imyaka 26 Jenoside ihagaritswe na FPR-Inkotanyi, hakozwe byinshi mu rwego rwo kumenya ukuri kw'ibyabaye mu Rwanda, impamvu za hafi n'iza kure zayiteye, abayigizemo uruhare ahanini binyujijwe mu nkiko Gacaca zashoje akazi kazo mu wa 2012. Muri uwo mujyo kandi, ubuhamya bwinshi bukomeje gukusanywa, inyandiko za gihanga zitandukanye na zo zivuga kuri Jenoside yakorewe Abatutsi mu Rwanda zikomeje gusohoka. Aha twavuga inyandiko z'imiryango itandukanye irimo iy'abacitse ku icumu nka IBUKA (1998, 2001), AVEGA (1998), iy'abashakashatsi nka Human Rights Watch (1999), African Rights (1995, 1998, 2000, 2001), CCM (2012) n'iyindi. Abantu ku giti cyabo, baba abanyarwanda cyangwa abanyamahanga, nabo banditse kuri Jenoside yakorewe Abatutsi mu bihe no mu buryo butandukanye. Muri bo twavuga nka Yolande Mukagasana (1999, 2004), Philip Gourevitch (1998), Esther Mujawayo (2006), Jean-Paul Kimonyo (2008), Jean Hatzfeld (2003), Charles Mironko (2009, 2014), Aimable Kubana (2010) n'abandi. Kuri izi nyandiko kandi ni ngombwa kongeraho izavuye mu bushakashatsi bumaze gukorwa ku duce dutandukanye tw'igihugu, zigaragaza umwihariko w'ubwicanyi bwahabereye. Muri zo twavuga izakozwe ku duce tw'amayaga (Rutembesa & Mutwarasibo, 2008), Nyarubuye (Rutayisire & Rutazibwa, 2007), Murambi (Rutinduka, 2010), Gishamvu na Kibayi (Charles M. Kabwete, 2010), Rubungo na Gikomero (Philibert Gakwenzire,

2017), Jenoside muri Perefegitura ya Gisenyi (CNLG, 2015), Jenoside muri Perefegitura ya Cyangugu (2020), Akarere ka Gasabo (2018) n'izindi nyigo zigikorwaho.

Birakwiye kwibutsa ko gukora ubushakashatsi kuri Jenoside muri rusange no ku yakorewe Abatutsi by'umwihariko bisaba ubumenyi, ubwitange n'umutima, cyane ko iyo mu Rwanda yakoranywe ubugome burenze urugero, mu gihe gito kandi igakorwa hagati y'abantu bari babanye igihe kirekire baziranye. Ibi nibyo umwanditsi Hatzfeld (2003) yise "génocide de proximité'[1]. Gusesengura no gusobanura ibyerekeye Jenoside yakorewe Abatutsi mu Rwanda ni n'uburyo bwo kubuza ubwicanyi ubwari bwo bwose kongera kubaho ukundi, haba mu Rwanda cyangwa n'ahandi ku isi, "*Never Again*".

Igisobanuro cyo gukora ubushakashatsi kuri Jenoside yakorewe Abatutsi ku rwego rw'uturere, imirenge, ibigo bya Leta n'iby'abikorera gikubiye mu mwanzuro wa 2 w'Inama ya 13 y'Igihugu y'Umushyikirano yateranye ku matariki ya 21 na 22 Ukuboza 2015[2]. Muri iyo nama hasabwe gukomeza gukora ubushakashatsi kuri Jenoside yakorewe Abatutsi nk'umwimerere n'indangagaciro biranga Abanyarwanda baharanira kwigira no kwishakamo ibisubizo. Ku bufatanye na Komisiyo y'Igihugu yo Kurwanya Jenoside (CNLG), Akarere ka Nyarugenge kifuje gukora ubushakashatsi bwimbitse kuri Jenoside yakorewe Abatutsi mu yahoze ari Komini ya Nyarugenge, muri Komini ya Butamwa no muri Segiteri ya Kanyinya n'iya Nzove zari muri Komini ya Shyorongi ariko ubu zikaba zaragizwe Umurenge wa Kanyinya uri mu Karere ka Nyarugenge. Izo komini zombi, kongeraho Segiteri ya Kanyinya na Segiteri ya Nzove zari muri Komini ya Shyorongi nizo zabyaye Akarere ka Nyarugenge mu gihe cy'ivugururwa ry'inzego z'ibanze ryakozwe mu mwaka wa 2006[3].

---

[1] CNLG, (2015), *Ibisobanuro ku mwihariko wa Jenoside yakorewe Abatutsi mu Rwanda*, Kigali, CNLG, p.15

[2] Uwo mwanzuro wa 2 ugira uti: "Gukomeza gusigasira no kurinda ibyiza twagezeho dukesha inkiko Gacaca no kurushaho kubungabunga ibindi bimenyetso bya Jenoside yakorewe Abatutsi birimo inzibutso za Jenoside, no kwandika amateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu turere dutandukanye, mu bigo bya Leta iby'abikorera n'amadini kugira ngo bikomeze gushyigikira ubumwe bw'abanyarwanda."

[3] Repuburika y'u Rwanda (2013). Itegeko Ngenga n° 29/2005 ryo kuwa 31/12/2005 rigena inzego n'imitegekere y'igihugu cy'u Rwanda.

### 1.1. Intego z'ubushakashatsi

Intego nyamukuru y'ubu bushakashatsi ni ugufasha Akarere ka Nyarugenge kumenya no kubungabunga amateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi, mu nzira iganisha ku bumwe n'ubwiyunge mu Banyarwanda. Intego zihariye z'ubu bushakashatsi ni izi zikurikira:

1) Kubungabunga amateka ya Jenoside muri rusange n'ay'abakozi ba Komini ya Nyarugenge na Komini ya Butamwa, Segiteri ya kanyi na NZove bazize Jenoside yakorewe Abatutsi;
2) Gutanga umuganda ku kubaka ubumwe n'ubwiyunge mu bakozi ba Nyarugenge by'umwihariko no mu Banyarwanda muri rusange;
3) Kugira uruhare mu kumenyekanisha ukuri kuri Jenoside yakorewe Abatutsi mu Rwanda binyuze mu nyandiko zicukumbuye n'ubuhamya butangwa n'abayizi.

### 1.2. Ibibazo ubushakashatsi bwari bugamije gusubiza

Ubushakashatsi kuri Jenoside yakorewe Abatutsi mu karere ka Nyarugenge bwari bugamije gusubiza ibibazo ku ngingo zikurikira:

- ✔ Kugaragaza imibereho n'imibanire y'abaturage muri rusange n'abakozi mu ari komini zari zigize komini ya Nyarugenge mbere ya 1990;
- ✔ Kumenya imibereho n'imibanire hagati y'abaturage mu gihe cy'urugamba rwo kwibohora (1990-1994);
- ✔ Gusesengura uko Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 yateguwe ikanashyirwa mu bikorwa mu Karere ka Nyarugenge;
- ✔ Kugaragaza ibikorwa by'iyicarubozo byakorewe Abatutsi muri Jenoside mu Karere ka Nyarugenge;
- ✔ Kugaragaza igipimo cy'imibanire hagati y'abakozi b'akarere ka Nyarugenge nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi muri 1994;
- ✔ Kugaragaza bumwe mu buhamya bw'abakozi b'akarere ka Nyarugenge n'abarokotse bo mu miryango y'abari abakozi ba Komini zavuzwe haruguru.

### 1.3. Ishingiro ry'ubu ubushakashatsi n'icyuho buje kuziba

Umwihariko wa Jenoside yakorewe Abatutsi mu Rwanda ni uko yakozwe n'igice kimwe cy'Abanyarwanda kiyikorera abandi Banyarwanda baziranye neza. Ibyo bituma kumenya ukuri kose bigorana bitewe n'ubukana yakoranwe ndetse n'ingaruka yasize ku bayirokotse n'abayigizemo uruhare. Mu ntangiriro hagaragajwe uburyo inyandiko nyinshi zavuze kuri Jenoside yakorewe Abatutsi mu Rwanda zibanze ku rwego rw'igihugu. Inyandiko zivuga ku turere cyangwa inzego zihariye ziracyari nke cyane ugereranyije n'izivuga kuri Jenoside muri rusange. Ibyo bituma amateka y'uko Jenoside yagenze atamenyekana uko bikwiye bikanatera icyuho mu bumenyi abantu bakwiye kugira kuri Jenoside muri rusange no kuri Jenoside yakorewe Abatutsi by'umwihariko. Kugeza ubu kandi, nta bundi bushakashatsi burambuye burakorwa kuri Jenoside yakorewe aho Akarere ka Nyarugenge gaherereye ubu. Ni ukuvuga ko ibizava muri ubu bushakashatsi kuri Jenoside yakorewe Abatutsi mu karere ka Nyarugenge bizafasha gusobanukirwa kurushaho uko yateguwe, uko yashyizwe mu bikorwa, ingaruka zayo ndetse n'icyo ako karere gakora mu guhangana na zo. Byongeye kandi, kuba akarere ka Nyarugenge nk'urwego bwite rwa Leta rwegereye abaturage gakoze ubushakashatsi kuri Jenoside yakorewe Abatutsi biratanga urugero rwiza ku zindi nzego, zaba iza Leta cyangwa se iz'abikorera, zikwiye kwandika amateka y'ibyabaye ku Batutsi bakoraga iwabo bazize Jenoside. Nyuma y'ibyo kandi, ikigenderewe ni uko ukuri kose kuri Jenoside yakorewe Abatutsi kumenyekana kugira ngo kuzafashe mu gukumira amahano nk'ayo mu Rwanda n'ahandi ku isi.

### 1.4. Uburyo bwakoreshejwe mu bushakashatsi

Kugira ngo umuntu asobanukirwe uko Jenoside yakorewe Abatutsi mu karere ka Nyarugenge yagenze agomba kugendera ku makuru yose ashoboka avuga ku itegurwa, ishyirwa mu bikorwa n'ingaruka zayo mu bihe bitandukanye. Ayo makuru ava mu byiciro byose by'abashobora kuyatanga. Ubwo buryo ni bwo umuhanga mu bumenyi mbonezamubano witwa Gerring (2011) yise "Social constructivism". Bisobanura ko ibyaranze amateka ya kera n'aya vuba yagejeje u Rwanda kuri Jenoside yakorewe Abatutsi muri 1994 bigomba gusobanurwa neza. Ubu bushakashatsi ku bazize Jenoside mu Karere ka Nyarugenge bwagendeye ku iyigamiterere (qualitative approach) rifasha mu gucukumbura amakuru yose ajyanye n'ingingo umushakashatsi

aba yiga muri rusange ndetse n'insanganyamatsiko y'ubu bushakashatsi ku buryo bw'umwihariko.

### 1.5. Ikusanyamakuru n'isesengura ryayo

Mu ikusanyamakuru, hifashishijwe ibiganiro byimbitse twagiranye n'abatangabuhamya basaga mirongo itanu (50) babarizwa mu mirenge cumi (10) igize Akarere ka Nyarugenge uyu munsi. Ni ukuvuga ko nibura abantu 5 babajijwe muri buri murenge. Mu kuzuza amakuru no kuyemeza, hakozwe ibiganiro byo mu matsinda agizwe n'abantu bari hagati ya batanu n'icumi (5-10). Byongeye kandi, ku makuru yatanzwe n'abatangabuhamya bava mu byiciro byose hiyongeraho ari mu nyandiko z'abantu batandukanye banditse ku mateka ya Jenoside muri Komini zivugwa muri ubu bushakashatsi, kimwe n'amakuru yavuye mu manza zaburanishirijwe muri Gacaca no mu Rukiko Mpuzamahanga Mpanabyaha Rwashyiriweho u Rwanda ruri i Arusha ku bahamijwe ibyaha bya Jenoside bakomoka cyangwa se bakoreraga mu bice bivugwa muri ubu bushakashatsi. Gukorera ubushakashatsi ahabereye Jenoside yakorewe Abatutsi muri 1994 bigamije ibi bikurikira:

1) Kuvugana n'abatangabuhamya babonye ibyabaye muri Jenoside imbona nkubone;
2) Kumenya neza uko abaturage b'akarere ka Nyarugenge bari babanye mbere ya 1994.

Mu gutoranya abatannze amakuru hashingiwe ku byiciro byose, harimo abaturage basanzwe, abayobozi (cyane cyane abari abayobozi mu gihe cya Jenoside), abihayimana, abize n'abatarize, abatuye mu bice by'umujyi n'iby'icyaro. Ku makuru arebana n'abishwe muri Jenoside, uburyo bwo kurangirana abatangabuhamya (snowball technique) ni bwo bwakoreshejwe kugira ngo amakuru yose aboneke kandi ahuzwe. Nk'uko bisobanurwa n'abahanga Kenneth (1982) na Grinnell & William (1990), ikiba kigenderewe mu gukoresha ubu buryo si umubare munini w'ababazwa, ahubwo ni agaciro k'amakuru atanzwe. Muri urwo rwego, ababajijwe bava mu byiciro byihariye bikurikira:

- ✔ Abacitse ku icumu;
- ✔ Abakoze Jenoside bireze bakemera icyaha n'abo mu miryango yabo;
- ✔ Abayobozi mu nzego bwite za Leta;
- ✔ Abahoze ari impunzi zo muri 1959/1973 batahutse bazi amateka ya kera;
- ✔ Abihayimana;

- ✔ Abakora/abahagarariye imiryango itegamiye kuri Leta.

Muri rusange abatangabuhamya batoranyijwe hakurikijwe abantu bazi neza amateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi muri 1994 mu karere ka Nyarugenge, babyiboneye, babyumvanye abayikoze cyangwa abayigizemo uruhare. Muri abo harimo abari inyangamugayo za Gacaca, abemeye n'abireze icyaha bakaba bararangije ibihano bahawe cyangwa se bagifunze, abari abakozi n'abayobozi mu nzego za Leta n'izigenga mbere no mu gihe cya Jenoside, abacitse ku icumu bafite icyo bazi kimwe n'abandi bose bafite icyo bazi ku mateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu zahoze ari Komini zahurijwe hamwe zivamo Akarere ka Nyarugenge uko gateye ubu.


Mu isesengura ry'amakuru ubu bushakashatsi bwagendeye ku bitekerezo by'inzobere mu mibanire n'imibereho y'abantu. Ibitekerezo byabo bifasha mu kumva no gusobanura imibereho y'abaturage aho akarere ka Nyarugenge gaherereye ubu n'inkomoko y'urwango hagati y'Abahutu n'Abatutsi mu gihe cy'ubukoroni, kuri Repubulika ya mbere n'iya Kabiri. Ibitekerezo by'inzobere mu birebana na Jenoside nka Raphael Lemkin, Gregory Stanton, Samuel Totten, Jacques Semelin, Gérard Prunier n'abandi, byafashije mu gusobanura Jenoside icyo ari cyo ndetse n'aho itandukaniye n'ibindi byaha byibasira inyokomuntu. Ubushakashatsi bwakozwe n'Abanyarwanda ku mwihariko wa Jenoside yakorewe Abatutsi mu duce dutandukanye tw'u Rwanda na bwo bwafashije kumva neza uko yagenze. Hifashishijwe na none amategeko yo mu Rwanda ahana icyaha cya Jenoside, inyandiko zavuye mu bubikoshakiro bwo mu nzego za Leta kimwe n'ubuhamya butandukanye bwatanzwe n'abazi amateka ya Jenoside mu Karere ka Nyarugenge.

### 1.6. Aho ubushakashatsi bugarukira

Ubu bushakashatsi bugamije kugaragaza uko Jenoside yakorewe Abatutsi ahahoze ari muri Komini ya Nyarugennge na Kommini ya Butamwa ndetse na Segiteri ya Kanyinya na Nzove zo muri Komini ya Shyorongi byahujwe bivamo Akarere ka Nyarugenge. Utwo duce ni two twahurijwe mu karere ka Nyarugenge k'ubu mu ivugurura ryakozwe mu wa 2013 ryavuzwe hejuru. Ubu Akarere ka Nyarugenge kagizwe n'imirenge 10 ari yo Gitega, Kanyinya, Kigali, Kimisagara, Mageragere, Muhima, Nyakabanda, Nyamirambo, Nyarugenge, Rwezamenyo.

Amakuru yakusanyjwe muri ubu bushakashatsi ahera mbere ya 1959 mu rwego rwo gusobanura imvano y'amacakubiri n'ivangura byagejeje kuri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994. By'umwihariko, Komini zavuzwe haruguru zabarizwaga mu yahoze ari Perefegitura ya Kigali n'iy'Umujyi wa Kigali. Ubu bushakashatsi bwakozwe hakurikijwe ibijyanye n'ubumenyi kuri Jenoside no kuyikumira[4].

**Ikarita igaragaza Imirenge igize Akarere ka Nyarugenge**




***Aho yavuye**: National Institute of Statistics of Rwanda, Rwanda, 2012.*

Iyi nyandiko igizwe n'ibice bitatu (3) uvanyemo intangiriro n'umwanzuro. Ibyo bice byose bijyanye no gusobanura byimbitse Jenoside yakorewe Abatutsi n'icyayiteye, uko yakozwe, ingaruka yasize zaba iz'ako kanya ndetse no kugeza ubu mu Karere ka Nyarugenge.

---

[4] Repuburika y'u Rwanda, (1996), *Itegeko-ngenga n°8/96 ryo kuwa 30/8/1996 rigena imitunganirize y'ikurikirana ry'ibyaha bigize icyaha cy'itsembabwoko n'itsembatsemba cyangwa ibyaha byibasiye inyokomuntu byakozwe kuva tariki ya 1 Ukwakira 1990,* Kigali, Primature.

## UMUTWE WA KABIRI: UBUMENYI RUSANGE KU ITEGURWA RYA JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI

Iyiga n'isesengura ry'icyaha cya Jenoside muri rusange y'iyakorewe Abatutsi mu Rwanda muri 1994 by'umwihariko bimaze igihe. Igice gikurikira gikubiyemo ibisobanuro bijyanye n'inyito z'amagambo. Igisobanuro cy'ijambo Jenoside ni kirekire kandi gisaba ubushishozi ngo umuntu agicengere.

### 2.1. Igisobanuro cy'ijambo "Jenoside"

Iki gice gikubiyemo inyito z'amagambo y'ingenzi akoreshwa kuri Jenoside hamwe n'incamake y'ibyanditswe kuri Jenoside muri rusange ndetse no kuri Jenoside yakorewe Abatutsi mu Rwanda ku buryo bw'umwihariko. Mu gutangira, ni ngombwa kwibutsa ko Jenoside ari ijambo ry'inyunge ryahanzwe muri 1944 n'umucamanza w'umunyamerika witwa Raphaël Lemkin wakomokaga muri Pologne. Yifashishije ijambo ry'ikigereki *genos* rivuga ubwoko cyangwa inkomoko, hamwe n'iry'ikiratini *cãedere* risobanura kwica. Lemkin ahanga iri jambo yashakaga kwerekana itandukaniro riri hagati ya Jenoside n'ibindi byaha ndengakamere byibasira inyokomuntu (Crimes contre l'Humanité).

Icyi cyaha gishingiye ku mugambi wo kurimbura burundu abantu bo mu bwoko ubu n'ubu, bo mw'idini iri n'iri cyangwa batuye ahantu runaka. Inyito, igisobanuro n'ibigize icyaha cya Jenoside byemejwe n'Inteko Rusange y'Umuryango w'Abibumbye yateranye mu Kuboza 1948[5]. Mu Rwanda, Komisiyo y'Igihugu yo Kurwanya Jenoside (CNLG) yatanze igisobanuro cya Jenoside gikurikira:

Jenoside ni umugambi ukurikiwe n'ibikorwa bigamije kurimbura igice kimwe cy'abaturage cyangwa abaturage bose, bishingiye ku mpamvu z'ubwenegihugu, z'ubwoko, ibara ry'uruhu, cyangwa se idini. Ibyo bikorwa ni ibi : kwica abantu b'itsinda rimwe (group); gukomeretsa bikabije imibiri cyangwa ibitekerezo by'abantu b'itsinda rimwe (group); gushyira abantu b'itsinda rimwe mu buzima bubi (conditions) ubigendereye, ugamije ko barimbuka bose cyangwa

---

[5] Amasezerano Mpuzamahanga y'Umuryango w'Abibumbye ku Ikumira ry'Icyaha cya Jenoside, (1948), p.1

igice cyabo; gushyiraho uburyo bubuza iryo tsinda kubyara; kwambura iri tsinda abana babo bagahabwa irindi ridafite aho bahuriye[6].

Muri Jenoside nta bwo abantu bicwa bazira ko bari ku rugamba cyangwa ngo bahorwe ibindi byaha bakoze. Bazira gusa icyo bari cyo. Mu by'ukuri, abakora Jenoside ni bo bagena ibiranga abo bashaka kurimbura. Jenoside yose irategurwa; ntipfa kubaho. Igira umurongo mugari igenderaho uhuza abasangiye icyerekezo kimwe cyo gukora Jenoside. Uwo murongo mugari ni wo bita ingengabitekerezo ya Jenoside. Isakazwa mu bantu benshi, ikagira imbaraga maze abantu bakayigenderaho bakemera kuyikora. Irigishwa ikanakwirakwizwa n'ubutegetsi bubi buba bugamije kurimbura igice kimwe cy'abaturage babwo.

Ijambo 'ingengabitekerezo ya Jenoside' ryinjiye mu mvugo y'Abanyarwanda nyuma ya 1994. Rikubiyemo umugambi wo kumva uko abantu batabarika bishwe bazira ubwoko bwabo no gusobanukirwa ukuntu abandi bantu benshi bemeye umugambi w'ubwicanyi no kuwushyira mu bikorwa. Iryo jambo rikoreshwa hagamijwe guhamagarira abantu ngo bikingire kandi bitandukanye n'ibitekerezo, imyifatire cyangwa ibikorwa bishobora guhembera Jenoside[7].

Nk'uko tubisoma mu itegeko ryerekeye icyaha cy'ingengabitekerezo ya Jenoside n'ibindi byaha bifitanye isano na yo, umuntu ukorera mu ruhame igikorwa, byaba mu magambo, mu nyandiko, mu mashusho cyangwa ku bundi buryo, kigaragaza imitekerereze yimakaza cyangwa ishyigikira kurimbura abantu bose cyangwa bamwe muri bo bahuriye ku bwenegihugu, ubwoko, ibara ry'uruhu cyangwa ku idini aba akoze icyaha[8].

Mu magambo ahinnye, "ingengabitekerezo ya Jenoside" ni ikomatanyo ry'ibitekerezo n'imyumvire bifatirwaho kugira ngo abantu bicemo ibice kandi bemere ko kwica ari uburyo bwemewe bwo gukemura ibibazo. Mu buryo bwagutse, ingengabitekerezo ya Jenoside ikubiyemo gutsimbarara no gushyigikira ibitekerezo by'amacakubiri y'amoko; kwanga no gushaka kuburizamo umugambi w'ubumwe n'ubwiyunge; gukoresha ubwoko nk'iturufu yo

[6] Ikiganiro cyatanzwe na Bizimana Jean Damascène, Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa CNLG muri Kaminuza Yigenga ya Kibungo (UNIK), kuwa 17 Werurwe 2017

[7] Bizimana, J. D. (2014), *Inzira ya Jenoside yakorewe Abatutsi*, Kigali, CNLG, p.3

[8] Repuburika y'u Rwanda, (2013), Itegeko nº 59/2018 ryo kuwa 22/8/2018 ryerekeranye n'icyaha cy'ingengabitekerezo ya jenoside n'ibyaha bifitanye isano na yo, In *Igazeti ya Repuburika y'u Rwanda,* Kigali, Primature.

kwangisha ubuyobozi buriho hagamijwe kubusimbuza ubushingiye ku mahame ya Revolusiyo yo muri 1959; guhakana no gupfobya Jenoside, gutoteza, kugirira nabi abacitse ku icumu n'abatangabuhamya no gusibanganya ibimenyetso bya Jenoside[9].

### 2.2. Itandukaniro hagati ya Jenoside, ibyaha byo mu ntambara n'ibindi byaha byibasira inyokomuntu

Jenoside, ibyaha byo mu ntambara n'ibyaha byibasira inyokomuntu biratandukanye, n'ubwo bishobora guhurira ku bintu bimwe na bimwe. Intego y'intambara iba ari ugutsinda kw'uruhande rumwe mu ziba zihanganye. Intambara igira amategeko ayigenga utayubahirije akaba yabihanirwa. Urugero ushyize intwaro hasi ntiyicwa nk'uko Amasezerano Mpuzamahanga Agenga Intambara yashyiriweho umukono i Génève muwa 1948 abisobanura.

Jenoside iba igamije kurimbura abibasirwa kugira ngo ntihasigare n'uwo kubara inkuru. Nta bwo abantu barimburwa muri Jenoside bazira ko bari ku rugamba cyangwa ngo bahorwe ibindi byaha. Bazira uko bavutse. Abakora Jenoside ni bo bashyiraho ibiranga abo bashaka kurimbura (ni ukuvuga ubwoko, idini, akarere, ubwenegihugu, etc). Nta mategeko agenga Jenoside; abayikora nta kibakoma imbere. Nta n'ubwo batanga imbabazi.

Intambara igira imfungwa z'intambara, Jenoside iba igamije kumaraho itsinda runaka, ntigira imfungwa. Mu ntambara birabujijwe kwibasira abaturage basanzwe, by'umwihariko abana, abagore, abasaza, abarwayi, abamugaye. Jenoside yibasira abagize itsinda runaka igamije kubamaraho bose nta we isize inyuma. Jenoside itandukanye n'ibyaha byo mu ntambara kuko ibyo byaha biba bikomoka kuri iyo ntambara, mu gihe abicwa muri Jenoside bo baba bazira uko baremwe. Gusa na none, ubushakashatsi butandukanye bwerekanye ko akenshi abakora Jenoside bakunda kwikinga mu kiza cy'intambara kuko ari bwo biborohera kuyishyira mu bikorwa[10].

### 2.2. Umwihariko wa Jenoside yakorewe Abatutsi mu Rwanda

Bimwe mu byaranze ishyirwa mu bikorwa rya Jenoside yakorewe Abatutsi ni ibi bikurikira:

---

[9] CNLG, (2015), *Gusobanukirwa Jenoside*, Kigali, CNLG.

[10] Urugero ni Jenoside yakorewe Abayahudi yabaye mu Ntambara ya Kabiri y'isi yose yabaye hagati ya 1939-1945

### 2.2.1. Ubwicanyi ndengakamere bwakozwe mu gihe gito cyane

Mu ijoro ryo kuwa 6 Mata 1994, indege y'uwari Perezida Juvénal Habyarimana ikimara kuraswa, bariyeri zahise zishingwa hirya no hino uhereye mu Mujyi wa Kigali. Abantu bicishwaga imihoro, ubuhiri buteyemo imisumari, amashoka, ibyuma, ibibando, za gerenade, imbunda, n'ibindi. Ubwicanyi bw'abantu benshi bwahise bwibasira za kiriziya, ibitaro, inzu z'ubutegetsi, amashuri no mu giturage hose. Abatutsi bacukuzwaga ibyobo binini maze bakabajugunyamo ari bazima. Abenshi bahungiye muri za kiriziya, batewemo za gerenade zibica nabi, zibatanyagura ibihimba by'umubiri nkuko byagenze i Nyarubuye, Nyamata, Ntarama, Cyahinda n'ahandi. Abicanyi binjiragamo, bagasonga inkomere, bakoresheje imipanga, ibyuma, amacumu, amashoka yo gutema amajosi n'ibindi bihimba by'umubiri maze abadahise bapfa, bagasigara aho basambagurika. Nyuma yo gukomeretswa cyane abenshi bajugunywe mu migezi n'ahandi. Jenoside yagombaga gukorwa ku buryo nta n'umwe wagombaga kuyirokoka. Kubera iyo mpamvu, imirima, amashyamba, ibishanga n'imisozi byarajagajazwe kugira ngo abihishemo bavumburwe maze bicwe.

### 2.2.2. Umubare munini w'abazize Jenoside n'abayikoze

Mu 1996, Minisiteri y'Amashuri Makuru n'Ubushakashatsi mu by'Ubuhanga yatangaje raporo y'ahantu rusange Abatutsi biciwe mu gihugu hose inagaragaza umubare w'abishwe, abagize uruhare mu bwicanyi, amazina y'abacitse ku icumu n'abatangabuhamya kimwe n'abagerageje kurwana kubicwaga[11]. Iyi raporo yarifashishijwe cyane mu gukora izindi raporo n'ubushakashatsi hirya no hino mu gihugu kuri Jenoside yakorewe Abatutsi. Imibare yavuye mu ibarura ryakozwe na Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu (MINALOC) muri 2004 yerekana ko abazize Jenoside yakorewe Abatutsi muri 1994 ari miriyoni imwe n'ibihumbi mirongo irindwi na bine na cumin a barindwi (1,074,017) bishwe mu mezi atatu gusa[12]; na ho mu cyegeranyo cyatanzwe n'Urwego rw'Igihugu Rushinzwe Inkiko Gacaca (SNJG) ku musozo w'imirimo yarwo muri 2012, rwatangaje ko umubare w'abagize uruhare mu bikorwa byo kwica, gusenya no gusahura ungana na miriyoni n'ibihumbi magana abiri (1,200,000). Iyi mibare irerekana ishusho y'uburemere

[11] MINESUPRES, Rapport préliminaire d'identification des sites du génocide et des massacres d'avril-juillet 1994, Kigali, Février 1996
[12] MINALOC, Dénombrement des victimes du Génocide, rapport final, Kigali, 2004

bw'ingaruka Jenoside yasize ku muryango nyarwanda muri rusange no ku bayirokotse by'umwihariko.

Muri komini ya Nyarugenge by'umwihariko, raporo ku bushakashatsi bwakozwe na MINALOC twavuze haruguru igaragaza ko muri iyi komini havugwa ko hishwe Abatutsi ibihumbi mirongo ine na bitanu na Magana atanu na mirongo itatu na batandatu (45,5336) ariko ababashije kubarurwa bakanatangwaho amakuru y'ingenzi bakaba ari ibihumbi mirongo itatu na birindwi na arindwi mirongo irindwi (37770)[13].

**2.2.3. Gusenyuka gukomeye kw'umuryango nyarwanda**

Nk'uko byanditswe na Servilien Sebasoni (2000), Jenoside yakorewe Abatutsi yashenye umuryango nyarwanda mu mfatiro zose z'ubuzima: ubuntu, imibereho n'imibanire. Ubuzima bwateshejwe agaciro abantu benshi b'inzirakarengane barabwamburwa. Umuryango nyarwanda watakaje ubumuntu mu buryo bwinshi. Abicwaga bambuwe agaciro n'ubumuntu n'ababicaga batabafitiye impuhwe. Aba nabo biyambuye imyitwarire iranga umuntu bambara iy'ubunyamaswa mu gihe bicaga urubozo abo bari babanye igihe kirekire, bari barashakanye cyangwa bari basangiye ubuzima.

Ikigo Nyarwanda Kigamije Gukora Ubushakashatsi n'Ibiganiro Bigamije Amahoro (IRDP) cyakoze isesengura ku mpamvu zatumye Jenoside yakorewe Abatutsi ishoboka ku gipimo cyo hejuru. Uretse kuba abishwe n'abicanyi bari basangiye byose, harimo n'ibi bikurikira: indangamuntu zarimo ubwoko zatumaga byoroha kumenya Abatutsi bicwa hirya no hino; umuco wo kudahana wimakajwe guhera mu myaka ya 1960; imiterere y'inzego z'ubutegetsi bwite bwa Leta n'ubw'ishyaka rya MRND zatumaga byoroha gutanga amabwiriza kandi agakurikizwa kuva hejuru kugeza hasi. Hari umuco wo kubaha abategetsi buhumyi watumye benshi bari urubyiruko n'injiji bitabira ubwicanyi, cyane ko bari babemereye gusahura iby'abishwe nta nkurikizi; gutegura abicanyi mu mutwe mu gihe kirekire no kugira umugambi wa Jenoside ibanga rikomeye; gushyiraho za bariyeri hirya no hino; uburyo bw'imiturire butuma abantu baba baziranye cyane; icyizere n'uruhwiko Abatutsi bagize Jenoside itangiye aho bibwiye ko ari nk'ubwicanyi bwari bwarabanje bukabasiga, cyane ko n'Amasezerano y'Amahoro ya Arusha

[13] MINALOC, Dénombrement des victims du Génocide, rapport final, ville de Kigali, Kigali, Novembre 2002, p.19

yari yaramaze gusinywa. Hari na none uruhare rw'itangazamakuru n'imyifatire idahwitse y'umuryango mpuzamahanga.

### 2.2.4. Jenoside yakozwe n'Abanyarwanda, ikorerwa Abanyarwanda kandi inahagarikwa n'Abanyarwanda

N'ubwo Jenoside yakorewe Abatutsi muri 1994 yakozwe n'Abanyarwanda bayikorera bagenzi babo, yanahagaritswe n'Abanyarwanda bari bibumbiye mu Muryango wa FPR-Inkotanyi[14]. Ingabo za FPR-Inkotanyi zimaze kubona ko inzego za Guverinoma y'inzibacyuho yiyise iy'Abatabazi zikajije umurego mu kwica abaturage cyane cyane uhereye tariki ya 9 Mata 1994, yasubukuye urugamba igamije kurokora abicwaga. Yarwaniraga kandi gutabara ingabo zayo zari zikubiwe i Kigali muri CND, gusenya ubushobozi bw'Interahamwe n'ingabo za Leta zakoraga ubwicanyi hamwe no kugarura ituze n'amategeko.

Abasirikare ba FPR-Inkotanyi barokoye abantu ibihumbi n'ibihumbi uko bagendaga barwana. Bahagaritse Jenoside nyuma y'intsinzi ya gisirikare. Mu gihe Jenoside yabaga, abayikoraga n'ababakingiye ikibaba bakoraga ibishoboka ngo bahishe ibyabaye. Intumwa za FPR zazengurutse imijyi myinshi y'Afurika, iy'Uburayi n'iy'Amerika y'amajyaruguru zisobanura uko ibyabaga mu Rwanda ari Jenoside banasaba ko hashyirwaho urukiko mpuzamahanga rwo guhana abayiteguye bakanayishyira mu bikorwa. FPR kandi yegeranyije ubuhamya n'ibindi bimenyetso bya Jenoside yakorewe Abatutsi kugira ngo bizafashe mu kumenya ukuri ku byabaye byose.

### 2.2.5. Ukwemerwa kwa Jenoside yakorewe Abatutsi mu Rwanda

Mu bihe bisanzwe, umuntu wafata icyo cyemezo cyo gukora Jenoside Leta itabishyigikiye yamuhagarika, ikarengera abaturage ishinzwe kurinda. Jenoside ni icyaha kidasaza kandi gihanirwa aho ari ho hose ku isi. Mu Gushyingo 1994, Umuryango w'Abibumbye wemeje ko ibyaha by'ubwicanyi bwakorewe Abatutsi mu Rwanda ari Jenoside, unafata Icyemezo Nomero 955 cyo gushyiraho Urukiko Mpuzamahanga Mpanabyaha (ICTR) rukurikirana abakekwaho ibyaha bya Jenoside. Uru rukiko mpuzamahanga, ruri mu nzego zihuza ibihugu zatumye Jenoside yakorewe Abatutsi yemerwa ku buryo budasubirwaho. Bitewe nuko abashinjwaga Jenoside

---

[14]Byanafashe, D. & Rutayisire, P. (2011), *Amateka y'u Rwanda. Kuva mu ntangiriro kugeza mu kinyejana cya 20*, CNUR, pp. 558-600

bananizaga uru rukiko baburana urwa ndanze, muw'2006, rwafashe umwanzuro ko nta muburanyi numwe uzongera guhakana ko Jenoside yakorewe Abatutsi[15].

U Rwanda na rwo rwashyizeho ingereko zihariye zo kuburanisha ibyaha bya Jenoside n'ibyibasiye inyoko muntu byakozwe kuva mu Kwakira 1990 kugeza mu Kuboza 1994. By'umwihariko, inkiko Gacaca zaciye imanza za Jenoside miriyoni imwe ibihumbi Magana cyenda mirongo itanu n'umunani na magana atandatu na mirongo itatu n'enye (1, 958,634) hagati ya 2001-2012[16], zifasha kumenya ukuri kuri Jenoside yakorewe Abatutsi no kongera kunga umuryango nyarwanda[17]. Muri iyi myaka makumyabiri n'itandatu ishize kandi, niko imvugo kuri Jenoside yakorewe yagiye inozwa kurushaho. Mu gihe ibihugu byinshi bavugaga Jenoside nyarwanda (*Rwandan Genocide, Génocide rwandais)* muri Mutarama 2017, Umuryango w'Abibumbye wemeje ko mu mvugo hagaragazwa abo Jenoside yari igambiriye kurimbura kandi bigashyirwa mu bikorwa aribo"Abatutsi"[18].

[15] https://unictr.irmct.org/en/news/ictr-appeals-chamber-takes-judicial-notice-genocide-rwanda, byasomwe kuri murandasi, kuwa 17 Nzeri 2019

[16] http://www.minijust.gov.rw/fileadmin/_migrated/content_uploads/Gacaca_courts_in_Rwanda.pdf, p.261, byarebwe kuri murandasi kuwa 19 Nzeri 2019

[17] SNJG, (2012), *Raporo isoza imirimo y'Inkiko Gacaca*, Kigali, SNJG, p.3

[18] https://www.un.org/press/en/2018/ga12000.doc.htm, byasomwe kuri murandasi kuwa 16 Nzeri 2019

# UMUTWE WA GATATU: IMIBEREHO Y'ABATUTSI MU KARERE KA NYARUGENGE GUHERA 1959 KUGERA KURI JENOSIDE

## 3.1. Amateka y'Akarere ka Nyarugenge

Guhera u Rwanda rumaze kubona ubwigenge kugera kuri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, inzego nkuru z'igihugu zari ziri muri komini ya Nyarugenge: perezidansi ya Repubulika, inzego z'umutekano, ishuri rikuru rya gisrikare, iz'iperereza, amaradiyo, ubuyobozi bw'umujyi wa Kigali, n'ibindi. Ibi byose byatumye Nyarugenge igira umwihariko muri politiki y'igihugu ugereranyije n'izindi komini. Ni ho imigambi y'ubukangurambaga bwo kurimbura Abatutsi yacurirwaga. Ni na ho kandi ibikorwa byose byo muri urwo rwego byahurizwaga. Ni yo mpamvu ari ngombwa kumenya amavu n'amavuko y'iyi komini, abayiyoboye, uruhare abayobozi bayo kuva kuri komini kugera ku nzego z'ibanze bagize muri Jenoside kimwe n'abandi bayobozi bakuru b'igihugu bishoye mu bwicanyi muri Nyarugenge

### 3.1.1. Amavu n'amavuko ya Komini ya Nyarugenge

Akarere ka Nyarugenge ni kamwe mu turere dutatu tugize Umujyi wa Kigali[19]. Ibiro byako byubatse ku musozi wa Nyarugenge ufite ubutumburuke bwa 1380m n'umurambararo wa 1560m[20]. Uturutse mu burasirazuba bw'amajyepfo ugana mu burengerazuba bw'amajyaruguru, wicaye ku misozi ikurikira: Rugunga, Kiyovu, Muhima, Gitega hamwe na Nyamirambo iri mu mutwe wawo.

Nyarugenge ifite amateka maremare mu miyoberere y'u Rwanda, cyane cyane guhera mu 1907 ubwo Abadage bayubakagaho icyicaro cy'ubutegetsi bwabo bwa gikoloni mu Rwanda. Cyokora aho kugira ngo uwo murwa mushya witirirwe uwo musozi, Abadage bahisemo kuwita Kigali, umusozi muremure uherereye mu burengerazuba bwa Nyarugenge[21]. Bityo n'ubu umurwa w'u Rwanda ukaba witwa Kigali nyamara ibikorwa-fatizo biwutangiza bikaba byaraturutse i Nyarugenge. Abadage bavuga ko bahisemo uwo musozi wa Nyarugenge kubera impamvu ebyiri

---

[19] Repuburika y'u Rwanda, (2013), Itegeko N0 87/2013 ryo kuwa 11/9/2013 rigena imitunganyirize n'imikorere y'inzego z'igihugu zegerejwe abaturage, in Igazeti ya Repuburika y'u Rwanda, Kigali, Primature.

[20] Ephraim Ndangamira, *Kigali, Ville et capitale du Rwanda, 1907-1962. Les aléas historiques d'une urbanisation*, Mémoire de Licence, Ruhengeri, 1986, p. 8

[21] Idem, p. 42

nibura. Iya mbere ni uko uri hafi y'umusozi wa Kigali aho umwami w'u Rwanda yari afite umwe mu mirwa ye ikomeye. Bityo Dr. Richard Kandt wari uhagarariye ubutegetsi bw'Ubudage mu kuyobora u Rwanda yiyumvishaga ko ubwo Kigali yari hafi ye bizajya bimworohera kubonana n'Umwami mu gihe yaba aje kuharambagira. Ikindi ni imiterere y'umusozi wa Nyarugenge urambuye ukaba woroshye kuwubakaho ugereranyije n'indi iwukikije[22]. Iki gitekerezo kikaba cyarahitaga giha amahirwe make umusozi wa Kigali nyirizina.

Mu 1916 Ababiligi birukanye Abadage mu Rwanda mu ntambara ya mbeye y'isi yose. Mu ivugurura ry'imitegekere bakoze ahagana mu 1930, umusozi wa Nyarugenge wabaye susheferi kugera aho hagiriyeho za komini mu Rwanda mu 1960. Bitewe n'uko Nyarugenge yari igizwe n'ibikorwa by'ubukoloni, abaturage b'Abanyarwanda bari muri iyo susheferi bari bake ugereranyije n'ahandi. Raporo yo kuwa 31 Ukuboza 1959 igaragaza ko Nyarugenge yari ituwe n'abaturage bageze mu myaka yo gutanga umusoro kandi badafite ubumuga bangana na 924 (*Hommes adultes et valides, HAV*) n'inka 371. Nyamara izindi susheferi zari zituwe kurushaho kandi zifite n'inka nyinshi. Nka susheferi ya Kigali yari ifite abaturage bari muri urwo rwego rw'abasoreshwa bangana na 1.534. Ni na yo yari ituwe kurusha izindi muri sheferi ya Bwanacyambwe yose. Na ho susheferi ya Rutunga yari ifite abo baturage bangana na 1.251 ikaba yari ku isonga mu kugira inka nyinshi. Zanganaga na 3.271[23]. Ikindi ni uko usanga susheferi ya Nyarugenge yari nto, kuko aho izindi zabaga zigizwe n'imirenge nibura itatu, yo yari igizwe n'umwe gusa ari wo Nyarugenge. Kugera mu mpera za 1959, susheferi ya Nyarugenge yatwarwaga na Nkeramugaba. Biturutse ku mvururu zibasiye Abatutsi muri icyo gihe, mu mpera za Mata 1960, Nkeramugaba yasimbuwe by'agateganyo na Jean Kabahizi.

Mu ishyirwaho y'u rwego rw'ubutegetsi rwa komini mu 1960, susheferi ya Nyarugenge yagabanyijwemo komini ebyiri. Imwe yitwa iya Nyarugenge iyoborwa na Jean Kabahizi wakomokaga mu ishyaka rya Parmehutu indi yitwa Kigali-Centre Urbain (CU). Yayobowe na E.

---

[22] Ibidem

[23] Henri Guillaume au Ministre du Congo belge et du Ruanda-Urundi, Usumbura, (document entré au Ministère le 7-7-1960, «*Carte politique et liste des circonscriptions et des autorités coutumières au 31/12/1959*», Ministère belge des Affaires administratives et de la Coopération, Archives Africaines, A40.

de Borchgrave wari uturutse mu ishyirahamwe rya Intercommunaux[24]. Iyo Komini ya Kigali yari ituwe n'Ababiligi gusa. Yatorewe kuyoborwa n'Umubiligi kuko ubutegetsi bwa gikoloni nubwo bwari bugeze mu marembera ntibwifuzaga ko abakiri mu nzego zabwo z'ubuyobozi bayoborwa n'Umunyarwanda kandi ntibashaka kugendera ku mategeko n'imiyoborere yarimo gushyirwaho muri icyo gihe u Rwanda rwiteguraga kwigenga. Ahandi hagiyeho komini nk'iyo ni ku Gisenyi na Astrida.

U Rwanda rumaze kubona ubwigenge mu 1962 rwavuguruye izo inzego z'ubuyobozi zari zimaze gushyirwaho n'Ababiligi mu rwego rwo kuruganisha ku bwigenge. Iryo vugurura ryashyizwe mu bikorwa mu 1963. Icyo gihe komini ya Nyarugenge yahujwe n'iya Kigali-Centre Urbain bibyara Komini ya Kiyovu[25]. Jean Kabahizi ni we wakomeje kuyiyobora. Uyu Kabahizi yaje gusimburwa na Stanislas Ruberangondo wayoboye Komini ya Kiyovu kugera 1975. Muri uwo mwaka habaye irindi ruvugura ariko ritakwiriye igihugu cyose, hashyirwaho Komini ya Butamwa na ho Komini ya Kiyovu iragurwa yitwa Komini y'Umujyi ya Nyarugenge.

Guhera icyo gihe kugera mu 1990 iyo komini yari igizwe na segiteri icumi (10) ari yo Nyarugenge, Muhima, Kimisange, Gikondo, Rugenge, Kacyiru, Kimihurura, Kimisagara, Nyamirambo, Nyakabanda, Cyahafi, Biryogo na Gitega[26]. Muri iyo myaka Komini ya Nyarugenge yayobowe na Burugumesitiri François Karera turi buze kugarukaho nyuma. Aho Umujyi wa Kigali ugiriyeho, Segiteri ya Gikondo n'iya Kimisange zahohoze muri Komini ya Nyarugenge zashyizwe muri Komini nshya ya Kicukiro naho Segiteri ya Kacyiru na Kimihurura zomekwa kuri Komini ya Kacyiru nayo yari igiyeho icyo gihe[27].

---

[24] Bureau de l'information de la Résidence du Ruanda, *Liste des chefs et sous-chefs du Rwanda arrêtée à fin avril 1960,* Ministère belge des Affaires admnistratives et de la Cooperation, Archives Africaines, A61 Microfilm R.U1, 720.1.4 Refugies rwandais 1960, film 17

[25] Repubulika y'u Rwanda, Itegeko ryo kuwa 23 novembre 1963 ryerekeye imitegerekere ya komini.

[26] Karera François, Burugumesitiri, kuri Bwana Prefe wa Prefegitura Kigali, Impamvu: Imikorere y'abapolisi, Nyarugenge, le 23/02/1988

[27] Repubulika y'u Rwanda, *Itegeko n° 29/90 ryo kuwa 28 Gicurasi, 1990 rihindura kandi ryuzuza Itegeko ryo kuwa 15 Aprili 1963 ryerekeye imitegekere y'Igihugu cya Repubulika y'u Rwanda* n'*Itegeko n° 35/90 ryo kuwa 22 Kamena 1990, rishyiraho imitegekere ya Prefegitura y'umujyi wa Kigali*

### 3.1.2. Imiturire y'Abaturage muri Komini ya Nyarugenge

Isesengura ryakozwe na Gasamagera Wellars[28] ku miturire mu Mujyi wa Kigali uko imyaka yagiye yigira imbere rituma umuntu yahamya ko yatumye Jenoside ishoboka mu buryo umuntu yakwita ubutaziguye. Ahamya ko mu guhitamo aho umuntu atura akenshi agendera ku bintu bitandukanye cyane cyane kuba ahasanga umuntu/abantu b'iwabo cyangwa se bakorana. Uduce (Quartiers) twinshi twa Nyarugenge ni bwo buryo twakuzemo. Tubihuje n'amoko y'Abahutu n'Abatutsi, akenshi wasangaga hariho uduce twiganjemo ubwoko ubu n'ubu, Ingero: Nyakabanda, Mumena na Kivugiza zari ziganjemo Abatutsi mu gihe za Gatenga na Gikondo zari ziganjemo Abahutu bakoraga cyane cyane muri MAGERWA no mu nganda z'ahitwaga mu gishanga i Gikondo. Hari ibice wasangaga higanjemo abakomoka aha n'aha, urugero nka Gikongoro, Cyangugu, Byumba n'ahandi. Muri rusange ibyo byikoze mu buryo bwabyo nta we ubigizemo uruhare (Phénomène naturel) kuko abantu baba bishakisha. Gusa ku gihe cy'ubutegetsi bwa Habyarimana hari ubwo bigeze guha ibibanza abakoraga muri perezidansi, ba maneko n'abo mu iperereza ahitwa ku Ntaraga maze batura basa n'abakikije ingo zari zihasanzwe zari ziganjemo Abatutsi. Ntawahamya ko icyari kigenderewe ari ugutegura Jenoside, ariko na none abo batujwe nyuma bavutsemo intagondwa n'Interahamwe zikomeye zafatanyije n'abasirikari mu kurimbura Abatutsi muri Mata 1994.

Nyuma y'itangira ry'urugamba rwo kubohora igihugu mu Kwakira 1990 n'inkubiri y'amashyaka menshi muri 1991, ubutegetsi bwakoresheje iyo miterere n'imyunvire yari mu bantu maze bashinga udutsiko tw'interahamwe n'intagondwa zishingiye ku bwoko n'uturere maze babacengezamo amacakubiri n'urwango bigamije gukora Jenoside. Ku rundi ruhande, uduce twari dutuwe n'Abatutsi benshi na two byaroroshye kutujagajaga bafata ibyitso ndetse no mu gukora intonde zifashishijwe muri Jenoside mu kubahiga. N'ubwo ubusanzwe mu Mujyi buri wese aba akurikirana ibye, umugambi wa Jenoside wakunze kubera urwango ku Batutsi rwari rwarakwijwe hose, indangamuntu zarimo ubwoko kandi buri wese ategetswe kuyerekana, kumenya aho abahigwa batuye bityo bikoroha gushyiraho za bariyeri zibabuza guhunga, gushinga Interahamwe zituruka muri buri gace zari zaratojwe ubwicanyi zinahabwa intwaro, kandi zari zizi buri wese.

---

[28] Ikiganiro twagiranye na Gasamagera Wellars, Kigali, Gashyantare 2019

### 3.1.3. Amateka n'imibereho y'Abatutsi mu Mujyi wa Kigali mbere ya 1959[29]

Abakoloni b'Abadage bategetse u Rwanda guhera mpera z'ikinyejana cya 19; mu mwaka wa 1907 Dr Richard Kandt ashinga umurwa mukuru w'u Rwanda i Kigali. Nyuma yo gutsindwa kw'Abadage muri 1918, ubutegetsi bw'u Rwanda bwashyizwe mu maboko y'Abakoloni b'Ababirigi bari mu rugaga rw'ibihugu byari bimaze gutsinda intambara. Imitegekere yarahindutse kubera ko mu gihe Abadage bashakaga gufatanya n'abatware n'umwami basanze, bakagenda bahindura ibintu gahoro gahoro (Indirect rule), abakoloni b'Ababirigi bo bashatse guhindura ibyariho byose bakazana ibishya. Guhera muri 1925 mu Rwanda bakoze amavugurura menshi agamije gushimangira ubukoloni no kugabanya imbaraga n'ububasha by'umwami n'abatware be. Twibutse ko muri icyo gihe u Rwanda n'u Burundi byari bigifatanye mu cyitwaga Teritwari ya Ruanda-Urundi cyari gifite umurwa mukuru Usumbura yaje kwitwa Bujumbura nyuma yaho. By'umwihariko, muri 1925 ni bwo Kigali yemejwe nk'icyicaro (Résidence) cya Ruanda, nyuma y'impaka ndende za bamwe bashakaga ko icyo cyicaro gishyirwa Bishenyi cyangwa Nyanza hafi y'ibwami. Icyo gihe Rwanda yategekwaga n'uwitwa Résident wabaga Kigali. Usumbura ni yo yari ifite ibikorwaremezo bigezweho bicumbikiye inzego zose z'ubutegetsi n'iza gisirikari.

Hari inyandiko zivuga ko mu myaka ya 1955 hariho igitekerezo cyo guha Kigali sitati y'Umujyi ikamera nk'indi mijyi yari muri Kongo mbiligi yari iteye imbere. Muri icyo guhe kandi ni bwo Umwami Rudahigwa yari ahanganye n'abakoloni b'Ababiligi nyuma yo gukuraho ubuhake muri 1954 mu rwego rwo guca ubusumbane bukabije bwari mu Banyarwanda no gusaba ku mugaragaro ko bategura guha u Rwanda ubwigenge bagasubira iwabo. Ibyo gusaba ubwigenge bwihuse bigomba kuba bitarabashimishije n'ibyo kubaka Kigali ikaba umujyi bigenda biguru ntege.

Guhera muri 1957 u Rwanda rwinjiye mu bihe bigoye bya politiki, ubwo ku itariki ya 24 Werurwe muri uwo mwaka, itsinda ry'Abanyabwenge b'Abahutu bandikaga icyiswe "*Manifeste des Bahutu*" yarimo ko ikibazo cyari Hutu/Tutsi aho kuba icy'ubusumbane n'igitugu byaterwaga

[29] Ibitekerezo byinshi bikubiye muri iyi nyandiko byavuye mu buhamya bwa Gervais Dusabemungu yatangiye ku Ruyenzi muri Gashyantare 2019

n'ubukoloni butagiriraga impuhwe Abanyarwanda bose[30]. Nyuma yaho hakurikiyeho umwuka mubi wa politiki. Ku itariki ya 25 Nyakanga 1959 Umwami Rudahigwa aratanga, muri Nzeri haduka amashyaka ya politiki afite imyumvire n'imigambi ihabanye cyane, aho UNAR yasabaga ubwigenge bwihuse no kugenda kw'abakoloni, APROSOMA na Parmehutu bashyigikiye ivanwaho ry'ubwami no kwigarurira ubutegetsi. Abakoloni bashyigikiye Parmehutu maze ku itariki 3 Ugushyingo 1959 mu Rwanda hatangira icyiswe revosiriyo sosiyari yaranzwe n'urugomo n'ubwicanyi byibasiye ku buryo bukomeye Abatutsi bose. Abatarishwe bahungiye mu mahanga, umwami mushya Kigeli Ndahindurwa acirwa ishyanga maze igihugu kiyoboka inzira ya repuburika na demokarasi ishingiye kuri rubanda nyamwinshi y'Abahutu[31]. Abakoloni barayishyigikiye ku buryo bugaragara kandi bamwe mu bitabo banditse barabyemera[32].

Tugarutse ku miturire n'imibanire y'abari muri Kigali mbere ya 1959, dusanga Abanyarwanda b'icyo gihe bari bigabanyijemo ibice bitatu bikurikira:

1. Ku gasozi ka Nyarugenge hari amazu y'Abakoloni, ahitwaga «*Quartier des Astridiens*». Urebye ni ahahoze gare abagenzi bategeragamo imodoka imbere yo Kwa Rubangura. Yashinzwe ahagana mu 1925 ikaba yari ituwemo n'abakozi b'ubutegetsi bwa Leta mbiligi bari barize muri Shariti i Astrida. Bakoraga imirimo yo kubwunganira (Auxiliaires) bakitwa aba "*Evolués*";
2. Ahitwaga *Cité indigène* mu Kiyovu hari hatandukanyijwe n'aho abazungu bari batuye n'igiharabuge;
3. Agace ka Biryogo hari inkambi ya gisirikare hanatuye Abasilamu mu gace bitaga *Quartier Swahili. Iyo* nkambi yari nk'ingabo yakingiraga abazungu bari batuye ku murambi wa Nyarugenge kubera urwikekwe, ivangura n'agasuzuguro bari bafitiye Abayisilamu.
4. Indi *Cité indigène* yari i Nyamirambo ahitwa ubu mu Ibereshi yashinzwe mu 1949.

---

[30] Josias Semujanga (2010). *Le Manifeste des Bahutu et la diffusion de l'idéologie de la haine au Rwanda (1957-2007),* Éditions de l'Université Nationale du Rwanda, Butare, p.74

[31] Faustin, Rutembesa, « L'administration belge et le parti Union Nationale Rwandaise (UNAR). Repérage des mécanismes d'ethnisation de la vie politique au Rwanda (1959-1961) », in : Deo Byanafashe, *Les défis de l'historiographie rwandaise. T2 : La « révolution de 1959, mythe ou réalité ? »* Éditions de l'Université Nationale du Rwanda, p.18

[32] Logiest, G., (1988). *Mission au Rwanda: Un blanc dans la bagarre Tutsi-Hutu,* Bruxelles, Didier Hatier

Imiterere y'ivangura mu muturire igaragajwe haruguru irerekana ubusumbane bwari mu baturage ba Kigali, aho abakoloni banenaga abirabura bikomeye aho bakoreshaga bake mu batware (ibirongozi) mu gutanga amabwiriza no kugenzura ko yubahirizwa. Gusa rero, ubusumbane n'ikandamizwa byakorerwaga Abahutu n'Abatutsi ku buryo bumwe.

Umusaza Seburengo Abdul Karimu[33] wavutse muri 1944 agatura i Nyamirambo kugeza n'ubu asobanura uko Kigali yatuwe, ababigizemo uruhare n'uko amacakubiri ashingiye ku moko n'amashyaka yadutse muri 1959. Igice cya Biryogo na Nyamirambo cyatuwe n'Abayisiramu bakunze kubana n'ubwami kuva kera kandi abaje mbere bari abanyamahanga. Baje baherekeje abadage babatwaje imizigo yabo. Abaturutse Tanzaniya bageze mu Rwanda bahise batura ahitwa ku Matongo ari ho ku musigiti wo mu Mujyi (Munsi y'ahahoze Iposita hari abavunjayi). Umuntu yavuga ko ari bo bashinze umujyi wa mbere. Nyuma baje kwimurwa na Leta mbiligi ubwo abahindi n'abarabu bari bamaze kuza maze bajyanwa i Nyamirambo hahoze ishyamba ririmo inyamaswa maze kubera ko abantu batahambaga bazanaga abapfu bakabata aho bakigendera maze impyisi zikabarya. Gutura mu Biryogo byakozwe ku buryo bukurikira:

a. Ahitwa mu Kinyambo mu Biryogo hari hatuwe n'abatanzaniya b'abanyambo baje kera baherekeje abakoroni babatwaje imizigo;
b. Ku muhanda wa mbere hari abandi batanzaniya b'abasirimu baturutse Tabora na Dar-es Salaam (Barabara 1);
c. Barabara 2 ni umuhanda munini wambukiranya Biryogo yose. Wari utuwemo n'abantu bakomeye b'abaganda harimo n'abatanzaniya bake. Muri ubwo ni ho umwami yatoyemo umusaza witwa Feruzi amujyira sushefu utwara abantu bari batuye kuri iyo mihanda yombi. Umwami yatangaga amabwiriza n'amatangazo ayanyujije kuri abo bantu;
d. Ku muhanda w'inyuma wo kwa Mayaka hari hatuye abakongomani b'amoko atandukanye.

Kuva ubwo no kuri Repuburika ya mbere n'iya kabiri, abo banyamahanga bakunze kurongora Abatutsikazi maze havukamo imvange zakunze kujya mu idini ya islam na bo. Uko iterambere ryakomeje kwiyongera abo bagiye batura buhoro buhoro noneho ufashe isambu agakatira mugenzi we. Ni yo havuye ijambo rya majengo bivuga majengo mapya cyangwa se inyubako nshya zibatswe ku butaka (Parcelles) bwakaswe n'umutware witwaga Mukunzi.

---

[33] Ubuhamya bwatanzwe na Seburengo Abdul Karimu, Kigali, Ukuboza 2018

Abayisiramu bagiranye umubano mwiza kandi wihariye n’Umwami Mutara III Rudahigwa kugeza ndetse n’ubwo abahaye ikibanza akabubakira n’ishuri ahitwa ku Ntwari, ubu ni mu Murenge wa Rwezamenyo. Bari bamuganyiye ko rubanda ibita abaswahili b’ababeshyi maze we abita intwari. Ni mu buzima busanzwe ariko ngo Rudahigwa yakundaga abayisiramu kubera uburyo bari bakerebutse, bakamenya imyuga itandukanye yo kwirwanaho mu buzima irimo tekiniki, ubucuruzi bw’imyenda, bakagira isuku kandi bakirinda kwiyandarika. Ndetse ngo n’umushoferi we yari umuyisiramu. Byongeye kandi, mu Rwanda abakuru b’idini ya gatorika yari ihiganje ntiyarebaga neza Isilamu bashinjaga kutemera Kirisitu. Rudahigwa nk’umuntu wakundaga iterambere yababonagamo ahazaza heza. Iyo ni na yo mpamvu amashyaka ya politiki atangiye mu Rwanda muri 1959 abayisiramu benshi bayobotse UNAR yari ibogamiye ku bwami (Monarchie constitutionnelle). Imibanire y’abayisiramu n’abandi baturage bsanzwe muri Kigali nta byinshi umuntu yayivugaho kuko muri rusange iterambere ryari rikiri hasi, abize amashuri ari mbarwa, ibikorwaremezo bikiri bike kandi nk’uko byasobanuwe imiturire yari itandukanye bitewe n’icyiciro cya buri wese.

### 3.1.4. Nyarugenge mu mvururu za 1959 n’inkurikizi zazo

Ubwo amacakubiri ashingiye ku byitwa amoko y’Abahutu n’Abatutsi yadukaga mu Gushyingo 1959, intero ya Parmehutu yari ugukuraho ubwami no kwikiza Umututsi aho ava akagera. Bamwe mu basiramu bari Abatutsi cyangwa se batunze Abatutsikazi kandi gahunda kwari ugukuraho ingoma y’Abatutsi. Birumvikana ko batotejwe ndetse bamwe barakubitwa baranicwa. Seburengo wari umusore muw’ 1959 yemeza ko abasiramu bamenye amakuru y’uko benda guterwa maze bashyiraho gahunda y’amarondo. Hari umunsi batewe n’igitero kivuye i Gitarama cyoherejwe na Parmehutu mu modoka ebyiri, maze bageze mu Biryogo barabahagarika bababuza gutwika kubera ko bibujijwe mu buyisiramu. Gushyira hamwe rero kwabo kwatumaga babatinya. Icyabafashaga ni ukwirinda ikintu cyose kizabatandukanya mu moko nk’uko idini ibibabuza. Abo mu Biryogo na Nyamirambo bagendeye kuri iryo hame maze bemeza ko abantu bose, baba abayisiramu n’ababiinjiyemo bose bagomba kuba abavandimwe. Abari babateye baramanjiriwe basubirayo amara masa. Urugomo, ubwicanyi n’ubwicanyi muri Kigali byakajije umurego muri 1960, aho abazungu bagendaga mu ndege baha abaparimehutu ibibiriti byo gutwikira Abatutsi. Muri 1961 na 1962 hari Abatutsi benshi bahunze igihugu kubera ko bari baciwe, cyane cyane abari bifit kuko bari abatware, abakozi, abacuruzi, abakire n’abandi. Ubwicanyi bukomeye

bwibasiye Abatutsi muri Kigali bwakozwe mu Kuboza 1963 igihe Inyenzi zateraga mu Bugesera zikagera kuri Nyabarongo. Ubutegetsi bushya bwa Kayibanda, muri gahunda ndende yo kwihorera, bwishe Abatutsi benshi hirya no hino mu gihugu babashinja kuba ibyitso by'abateye. Abazwi cyane ni abayobozi n'abayoboke bakomeye ba UNAR yari ifite icyicaro gikuru ahitwa kuri 40 i Nyamirambo bafashwe bakajya kwicirwa mu Ruhengeri none kugeza n'ubu imibiri yabo ikaba itaraboneka ngo bashyingurwe mu cyubahiro.

Mu 1962 u Rwanda rubona ubwigenge, umutima wa Nyarugenge wari nk'urusisiro rwari rutuwe n'abaturage basaga ibihumbi bitandatu. Mu rwego rw'ibikorwa-remezo nta cyari cyarayiteguriye kwakira inzego z'ubutegetsi n'abaturage bari kuyigana. Ibyo byari mu mugambi w'abakoloni b'Ababiligi. Dore urutonde rw'ibikorwaremezo byari muri Kigali u Rwanda rubona ubwigenge:

- Inzu ya Richard Kandt washinze Umujyi wa Kigali mu 1907 yari Akanyanza mu Murenge wa Gitega;
- Uburoko n'iposita byari mu Murenge wa Muhima;
- Inkambi y'Abaporisi yari mu Murenge wa Nyarugenge;
- Inzu ya *Résidence* n'ibiro bya Teritwari byari ku mpinga ya Nyarugenge byubatswe mu 1944;
- Amazu 40 yo guturamo no gukoreramo;
- Amaduka 12 yari hafi y'aho Athénée n'umusigiti w'Abasilamu biri;
- Ibitaro bya Kigali byubatswe muw' 1928 na *clinique* yavurirwagamo abazungu yari aho Ambasade y'Ubushinwa iri ubu;
- Ishuri rya *Lycée Notre Dame de Cîteaux* riri mu Murenge wa Nyarugenge;
- Ishuri ryitiriwe Mutagatifu Andereya (Collège Saint André) riri ku Mumena mu Murenge wa Nyamirambo.

Ubutegetsi bwa Repubulika ya mbere bwaranzwe n'amatiku n'ivangura kuruta gushyira Igihugu ku murongo. MDR-Parmehutu yatangiranye n'andi mashyaka ari yo APROSOMA, RADER na UNAR ariko byageze mu 1965 atakibaho kuko iyo MDR-Parmehutu yari yararangije kwica cyangwa kumenesha abayoboke b'ayo abiri ya nyuma bari bakomeye bari mu buyobozi bwayo. Mu gihe cy'imyaka 11 iyo Repubulika yamaze yaranzwe no gusenya igihugu. Amacakubiri n'irondakoko ni byo bintu byayiranze.

Muri 1973 Habyarimana Juvénal yahiritse Kayibanda ku butegetsi atangiza Rapuburika ya kabiri yaririmbaga ubumwe, amahoro n'amajyambere. Ku ivanguramoko ryatangijwe na Kayibanda we yongereyeho ivangukarere maze abitwaga Abakiga bigarurira ibyiza byose by'ibihugu babihezaho abitwaga Abanyendugu n'Abatutsi bose muri rusange.

### 3.1.5. Imibereho y'abatutsi muri Nyarugenge kuri Repuburika ya mbere (1960-1973)

Ivangura n'amacakubiri bishingiye ku moko ni byo byagejeje ku bwicanyi n'ibikorwa by'urugomo byibasiye Abatutsi guhera tariki ya 3 Ugushyingo 1959. Ni nyuma y'itangazwa ry'amategeko icumi (10) y'Abahutu yahimbwe na Joseph Habyarimana Gitera muri Nzeri 1959. Ayo mategeko yaje akurikiye icyiswe "Manifeste y'Abahutu" yo mu 1957 aho bamwe mu banyabwenge b'Abahutu berekanye ko hari ikibazo cya politiki hagati y'Abahutu n'Abatutsi, kandi mu by'ukuri ikibazo cyari ubusumbane bukabije hagati y'abategetsi b'icyo gihe na rubanda rugufi rwari rukandamijwe.

Habyarimana Joseph Gitera washinze ishyaka rya APROSOMA afatanije na Kayibanda Grégoire bakoze ubukangurambaga bashishikariza Abahutu kwanga no kwica Abatutsi, byatumye guhera mu Ugushyingo 1959 Abatutsi bicwa, baratwikirwa, bameneshwa mu gihugu cyabo, abarokotse bakomeza gutotezwa.

Muri icyo gihe Abatutsi benshi bari batuye muri Komini ya Nyarugenge n'izindi komini zahanaga imbibi nayo kimwe n'abandi Batutsi mu bice bitandukanye by'u Rwanda bahungiye mu bihugu duhana imbibi. Abatutsi batabashishe guhunga igihugu, bahungiye kuri Paruwasi y'Umuryango Mutagatifu (Ste Famille). Aho kugira ngo basubizwe mu ngo zabo, ubutegetsi bwa Komini y'Umugi wa Nyarugenge buhagarariwe na Kabahizi Jean waje kuba Burugumesitiri wayo muwa 1960[34] bwirukanye Abatutsi bari bahahungiye babohereza i Nyamata n'amaguru[35].

Muwa 1960 Abakoloni b'Ababirigi bafatanije na bamwe mu bamisiyoneri ba Kiriziya Gaturika bashyizeho ubutegetsi bwa Repuburika bwari bukuriwe na Kayibanda Grégoire nyuma yo kuvanaho ubwami. Izo mpinduka zabanjirijwe n'urugomo n'ubwicanyi bwibasiye Abatutsi mu

---

[34] Préfecture de Kigali (1987). La préfecture de Kigali Durant la période de 25 ans de l'indépendance nationale (1962-1987), p8.

[35] Antoine Mugesera (2004). Imibereho y'Abatutsi kuri repubulika ya mbere n'iya 2 (1959-1990), p 89

gihugu hose harimo n'Umujyi wa Kigali, abacitse ku icumu baboneza iy'ubuhungiro mu bihugu bituranye n'u Rwanda. Abasigaye mu gihugu na bo bahinduwe ibikange, bamburwa imitungo yabo, babuzwa uburenganzira bwose bw'abenegihugu. Muri uwo mwaka, imitungo y'Abatutsi birukanywe kuri Sainte famille kimwe n'iya bari bahunze bakajya hanze y'igihugu yatanzwe ku mugaragaro na Kabahizi Jean wari umaze kuba Burugumesitiri wa Komini y'Umugi wa Nyarugenge indi igirwa umutungo bwite wa Komini[36].

Byumvikane ko Abatutsi bagizwe impunzi imbere mu gihugu batari bafite uburenganzira ku mitungo yabo. Ingero za bamwe mu Batutsi bahohotewe ni Bagirishya Emile na Gatera Francois[37]. Bagirishya Emile ni mwene Mpogoma Gerard na Nyiramugwera Pascasie ukomoka ku gasozi ka Nyarugenge muri sheferi ya Bwanacyambwe akaba yakoraga akazi ko gukanika imodoka. Muwa 1961, Bagirishya yabeshyewe gutunga imbunda akatirwa n'urukiko gufungwa burundu. Undi ni Gatera Francois mwene Rukeba François na Kandamage wari umucuruzi atuye muri Komini ya Nyarugenge wafunzwe arakatirwa muri Nzeri 1961 ashinjwa gutegura ibitero by'Inyenzi. Aba bombi n'abandi benshi batotejwe bikomeye bibaviramo ingaruka zikomeye ku buzima bwabo n'imiryango yabo.

Muwa 1962, u Rwanda rwabonye ubwigenge himakazwa ubutegetsi bwaranzwe n'ivangura, amacakubiri n'urwango ku Batutsi. Babayeho ubuzima bwo guhezwa, gutotezwa no kwicwa. Abari barahunze ntibari bemerewe kugaruka mu gihugu, abasigaye na bo ntibari bemerewe kujya kubasura nk'uko byemezwa n'ababigerageje.

Hagati y'imyaka ya 1962 na 1973, Abatutsi basigaye imbere mu gihugu bakomeje gutotezwa mu buro butandukanye. Mu Kuboza 1963 bamwe mu Batutsi bari barahunze bateye u Rwanda baturutse i Burundi bibumbiye mu mutwe w'Inyenzi. Ubutegetsi bushya bwa Parmehutu bwagize icyo gitero urwitwazo baze abarwanashyaka bayo birara mu Batutsi bari mu gihugu maze bicamo benshi. Hose hashyizweho amarondo, Abatutsi bagahungira mu mashyamba bakabakurikirana bakabatsindayo. Hari abashoboye kwambuka bahungira i Burundi, Tanzaniya na Kongo, basangayo abari barahunze muwa 1959. Urugomo, ubwicanyi n'ubwicanyi muri Kigali byakajije umurego muri 1960, aho abazungu bagendaga mu ndege baha abaparimehutu ibibiriti byo

---

[36] Ibidem
[37] Igazeti ya Leta yo kuwa 15 Kanama 1963.

gutwikira Abatutsi. Ubwicanyi bukomeye bwibasiye Abatutsi muri Kigali bwakozwe mu kwezi kwa 12/1963 igihe Inyenzi zateraga mu Bugesera zikagera kuri Nyabarongo.

Icyo gihe nibwo ijambo “Imperuka y’Abatutsi” ryavuzwe bwa mbere risohotse mu kanwa ka Perezida Kayibanda nyuma riza gusbirwamo na Colonel Bagosora muwa 1993 ubwo yari avuye mu mishyikirano y’Amahoro hagati ya Leta y’u Rwanda na FPR Inkotanyi. Iryo jambo yarivugiye kuri Radio Rwanda ku itariki 11 Werurwe 1964 abitewe n’igitero cyari cyagabwe mu Bugesera kuwa 21 Ukuboza 1963; Kayibanda yaravuze ngo: «*Niba Inyenzi zishoboye gufata Kigali, nubwo bitazazorohera, izaba Imperuka yihuse y’ubwoko bw’Abatutsi*».

Ubutegetsi bushya bwa Kayibanda, muri gahunda ndende bwishe Abatutsi benshi hirya no hino mu gihugu bashinjwa kuba ibyitso by’abateye. Abazwi cyane ni abayobozi n’abayoboke bakomeye ba UNAR yari ifite icyicaro gikuru ahitwa kuri 40 i Nyamirambo bafatiwe hamwe na’abayoboke ba RADER bafatiwe hamwe bakajya kwicirwa mu Ruhengeri none kugeza n’ubu imibiri yabo ikaba itaraboneka ngo bashyingurwe mu cyubahiro. Bamwe muri abo ni aba bakurikira: Etienne Afrika, Denis Burabyo, Joseph Rutsindintwarane, Michel Rwagasana, C. Gisimba, Louis Ndahiro na Thadée Mpirikanyi ba l’UNAR na Prosper Bwanakweli, Lazard Ndazaro na Callixte Karinda ba RADER[38].

Mu mugi wa Kigali muri rusange no muri komini ya Nyarugenge by’umwihariko, kwirukana impunzi aho zahungiye byarushijeho gukaza umurego. Leta mbirigi yahirukanye Abatutsi bari barahahungiye bavuye i Gitarama, Kibungo na Byumba. Ibategeka kuva i Kigali bakajya mu muri komini zabo. Kubera umwuka mubi wabaga ukiri aho bakomoka, baturage bangaga gusubira mu matongo yabo, bahungira kuri za paruwasi z’iwabo ariko nibura bakava mu mugi wa Kigali wari inyarurembo. Misiyoni ya Kigali yari ifite impunzi 7865, naho ishuri ETO ryo ku Kicukiro ririmo 7265. Impunzi zari kuri misiyoni ya Kigali zanze kuhava, abasirikare barazirasa, bazicamo abantu tariki ya 7/11/1961 ariko nazo zica umusirikare. Uwitwaga Mwamba wamuhitanye yarafashwe arafungwa, hanyuma atoroka uburoko, acikira mu mahanga. Nyuma y’iyo mirwano, Abatutsi bari bahungiye kuri Misiyoni ya Kigali baraneshejwe batwarwa mu buhungiro ku ngufu[39].

---

[38] Mugesera Antoine, Imibereho y'abatutsi kuri Repubulika ya mbere n'iya kabiri, 1959-1990,Kigali ? Les Editions Rwandaises, 2004.

[39] Idem.

Muri Komini y'Umujyi ya Nyarugenge Abatutsi barafashwe barafungwa bazira ko Inyenzi zateye. Abandi bambuwe uburenganzira ku mitungo yabo. Urugero ni Rwambibi Janvier wari umukozi wa Leta wambuwe amazu abiri yari yaraguze na Leta mu cyamunara. Muwa 1966, Rwambibi Janvier yafunzwe azira ko Inyenzi zateye, amazu ye afatirirwa na Leta ku ngufu. Amaze gufungurwa, yasabye Leta kumusubiza amazu ye, Ubuyobozi bwa Komini ya Kiyovu[40] yayoborwaga na Kabahizi Jean bufatanije na Minisisteri y'Ingabo n'Abapolisi bwahuguje Rwambibi Janvier umutungo we mu ibaruwa yo kuwa 24 Kanama 1970 yanditswe na Habyarimana Juvénal wari Minisitiri w'Ingabo na Polisi ko atagomba gusubizwa imitungo ye kuko yarezwe kuba icyitso cy'Inyenzi[41].

### 3.1.6. Imibereho y'Abatutsi muri Nyarugenge kuri Repuburika ya kabiri (1973-1990)

#### 3.1.6.1. Inkomoko y'Imvururu zibasiye Abatutsi mu wa 1973

Mu ntangiriro za Gashyantare 1972 mu Rwanda hadutse umwuka mubi waterwaga n'uko Perezida Grégoire Kayibanda yashakaga kwiyongeza manda ya gatatu, akaba yari arangije ebyiri yemererwaga n'amategeko. Mu barwanashyaka ba PARMEHUTU harimo amacakubiri ashingiye ku itoneshwa ry'Abanyanduga bari biganje mu butegetsi no mu nzego z'umutekano aho bamwe bashinjwaga guta umurongo kandi n'abasirikare biganjemo abakomoka mu gice cy'amajyaruguru y'u Rwanda bitaga Abakiga. Abo rero ntibari bameranye neza n'abanyapolitiki, impunzi z'Abarundi zo mu bwoko bw'Abahutu zahunganye ingengabitekerezo ikomeye yo kwanga Abatutsi ndetse ibyo bigatera umwuka mubi hagati y'ibihugu byombi aho Perezida Micombero na Kayibanda batukaniraga kuri Radiyo.

Mu gushaka kujijisha rubanda aho gukemura ibibazo byariho ahereye mu ishyaka PARIMEHUTU, Perezida Kayibanda yongeye kwibasira Abatutsi ashingiye ku mubare w'abari mu mashuri yaba ayisumbuye na kaminuza y'u Rwanda, ibyo abikora avuga ko bikomeje bityo bashobora kongera kwigarurira ubutegetsi babwambuye rubanda nyamwinshi kandi iyo rubanda nyamwinshi ikaba yaratsindiye ibyiza byose by'ibihugu muri revosiyo sosiyari yo muwa 1959.

---

[40] Kuva muwa 1960 kugeza 1963, Agasozi ka Nyarugenge kari kagizwe na Komini y'Umugi wa Kigali yari ituwe n'Abakoloni ikayoborwa na Borchgrave d'Altena na Komini ya Nyarugenge yari ituwe n'Abanyarwanda ikayoborwaga na Kabahizi Jean. Kuva tariki 17 Kanama 1963, Komini y'Umugi ya Kigali yahinduriwe izina yitwa Komini ya Kiyovu, naho Komini ya Nyarugenge yitwa Komini y'Umugi ya Nyarugenge.

[41] Minisiteri y'ingabo na polisi, Urwandiko N° 319/1.L.L. 1.2.3. yo kuwa 24 Kanama 1970.

Ni muri urwo rwego, Kayibanda Geregori afatanyije n'abasirikari n'abanyeshuri bigaga muri Kaminuza Nkuru y'u Rwanda batangije ibikorwa bibi byo gukubita no kwirukana abanyeshuri b'Abatutsi mu mashuri hirya no hino mu gihugu bataretse abakozi ba Leta n'abo mu nzego z'abikora. Ibyo bikorwa by'urugomo byakozwe muri Gashyantare na Werurwe 1973 mu Rwanda hose.

Imvururu zo muri Gashyantare 1973 zatekerejwe na Kayibanda Gregori afatanije n'agatsiko kagizwe n'abahutu bakoranaga bya hafi barimo Ntarikure Elie wari umunyamabanga mukuru muri perezidansi ya repubulika, Kapiteni Seyanga wari Minisitiri ushinzwe ibya poritiki, Kapiteni Bizimana Andereya wari Minisitiri wari ushinzwe urubyiruko, Harerimana Gaspard wari Minisitiri w'uburezi, Ndagijimana Celestin wari umuyobozi mukuru (Directeur Général), Alphonse Ilibanje wari Umunyamabanga Mukuru muri Minisiteri y'Ubuhinzi, Seyoboka Damien wari umuyobozi w'ishami rishinzwe imirimo muri Minisiteri y'Abakozi ba Leta n'abandi basirikare bakoraga mu nzego z'iperereza.

### 3.1.6.2. Imvururu mu mashuri yisumbuye yo muri Komini ya Nyarugenge

Mu gutegura izo mvururu aka gatsiko gatafanije n'inzego z'umutekano karemye mu mashuri yose mu gihugu icyo bise "Comit*é* du salut". Iyo komite yari igizwe n'abanyeshuri b'Abahutu kandi yari ishyigikiwe n'ubutegetsi bwa Perezida Kayibanda Grégoire. Niyo yamenesheje Abatutsi. Mu mashuri yabarizwaga mu ifasi ya komini ya Nyarugenge naho abanyeshuri b'Abatutsi barakubiswe, barameneshwa ab'abakobwa bafatwa ku ngufu[42].

Amashuri yari muri Komini ya Nyarugenge ni Lycée Notre Dame de Citeaux, Collège Saint André, Collège officiel de Kigali (COK), Ecole d'Assistant Médicaux na Seminari Nto ya Mutagatifu Pawulo. Imbarutso yo kwirukana abanyeshuri muri Nyarugenge yatangiriye muri Collège Officiel ya Kigali hanyuma bikwira hose[43]. Imvururu zatangijwe n'umunyeshuri witwaga Kamali Isaac uvuka i Nyabikenke, ubu ni mu Karere ka Muhanga waje kugororerwa kuba umukozi mukuru muri MINITRAP. Dore uko izo mvururu zibasiye Abatutsi zagenze muri buri shuri.

---

[42] Ubuhamya bwatanzwe na Kabatesi Regine wigaga muri Lyce Notre Dame de Citeaux mu wa 1973.
[43] Mugesera Antoine (2004). *Imibereho y'abatutsi kuri Repubulika ya mbere n'iya kabiri (1959-1990),* Kigali. Les Editions Rwandaises, p.250

### a) Collège Officiel de Kigali

Umugambi wo kumenesha Abatutsi bigaga muri COK wamenyekanye igihe umunyeshuri witwa Kamali Laurent yaburiye mugenzi we Rutayisire Alphonse amubwira ko Abahutu barimo gutegura umugambi wo gukubita no kwica Abatutsi kandi ko biri butangire saa saba z'ijoro. Rutayisire yabibwiye abanyeshuri bagenzi n'umwarimu w'Umututsi witwaga Munyaburanga James. Munyaburanga yahise abimenyesha inzego z'umutekano. Muri iryo joro abapolisi bagose ishuri bagambiriye kuburizamo uwo mugambi. Ahagana saa saba z'ijoro, abanyeshuri b'Abahutu bibasiye umunyeshuri witwaga Mutombo wari Umuhutu wari incuti y'Abatutsi baramukubita, arataka cyane ari nabwo abapolisi bahise binjira mu macumbi y'abanyeshuri bahosha ayo mahane ariko basanga abanyeshuri b'Abahutu bari bafite intwaro gakondo zirimo amahiri, imipanga, ibyuma bya "*Fer à béton*" byateganyirijwe mu gukubita no kwica Abatutsi. Abanyeshuri b'Abahutu bisobanuye kuri abo bapolisi bavuga ko batagambiriye kwica abazungu bayoboraga ishuri ahubwo ko bagamije kwica Abatutsi nk'aho ibyo ari uburenganzira bwabo. Abapolisi bamaze kubyumva, bahise bafata inzira baragenda. Nyuma yaho Abatutsi bakwiriye imishwaro. Mu Batutsi birukanywe icyo gihe harimo Rutayisire Antoine, Butare Pierre, Bigirimana Augustin, Munyakazi Jean, Hajabakiga Celestin, Rutayisire Alphonse, Shyirambere François, Rugema Jean Pierre, Rutayisire Alphonse, Rusanganwa Frédéric, Rwabuyonza Louis, Mugema Emmanuel, Karasira Gakuba Emile, Musengimana François, Tanganyika Viateur, Shyirambere François, Niyimfasha marie de Monfort n'abandi benshi[44].

### b) Iseminari Nto ya Mutagatifu Pawulo

Muri Seminari Ntoya ya Mutagatifu Pawulo naho abanyeshuri b'Abahutu bahize Abatutsi barabirukana. Icyo gihe Abana b'Abahutu bigaga mu iseminari batinze kwirukana bagenzi babo kugeza ubwo abanyeshuri bo mu ishuri ry'abafasha b'abaganga "Ecole d'Assistants Médicaux" batumye ku banyeshuri b'Abahutu bigaga mu iseminari Nto ya Mutagatifu Pawulo ko niba batirukanye Abatutsi bo ubwabo biyizira. Nibwo rero ubuyobozi bw'iseminari bufashe icyemezo cyo gufunga bukohereza abanyeshuri iwabo bityo bakazagaruka imvururu zimaze guhosha, hari ku itariki ya 28 Gashyantare 1973. Ku itariki ya 1 Mata 1973 nibwo abanyeshuri bose bagarutse biteguye kwiga nkuko bisanzwe, maze nyuma kuya 13 Mata 1973 umugambi wo kwirukana Abatutsi ushyirwa mu bikorwa. Icyo gihe hirukanywe Nyombayire Reverien, Karekezi

---

[44]. Idem, pp. 253-254

Dominique, Ntidendereza Theoneste, Mugomanyi Alphonse, Ngarambe Augustin, Niyoyita Aloys, Habiyakare Augustin, Ntakekengerwa Alphonse, Mutemangando Tito, Niyibizi Jean Damascene, Byiyingoma Deogratias, Kagiraneza Zepherin, Incimatata Oreste, Ransoni Philbert, Gasana Cyprien n'abandi[45].

### c) Lycée Notre Dame de Citeaux

Mu ishuri rya bakobwa rya Lycée Notre Dame de Citeaux kwirukana abanyeshuri b'Abatutsikazi byakozwe n'Abanyeshuri b'abahungu bigaga muri Ecole des Assistants Médicaux ryakoreraga mu Bitaro bikuru bya Kigali mu nyubako ziteganye ububgubu na Hotel Serena. Abo bahungu nibo bari bashinzwe gutoranya Abatutsikazi bagombaga kwirukanwa. Bnyeshuri b'Abahutukazi bari bamaze iminsi bacunaguza bagenzi babo b'Abatutsikazi ariko ntibabirukane. Bamwe mu birukanywe muri Lycée Notre Dame de Citeaux harimo Dusabe Rose, Uwamariya Chantal, Nyirantashya Vénantie, Uwamariya Pelagie, Musanabera Germaine, Mukangarizi Candida, Nyiratunga Immakulata, Kayiganwa Josephine, Rangira Immakulata, Mukarurangirwa Immakulata, Murebwayire Donata, Nyandekwe Virginie, Gakuba Jeanne, Zahara Mumporeze, Murebwayire Jacqueline, Kabatesi Regina n'abandi benshi[46]. Ikurikiranwa ry'Abatutsi ntiryahagarariye aho kuko nyuma y'iyirukanwa ry'abana b'Abatutsi igikorwa cy'iperereza ku bandi batari birukanwe ryarakomeje. Ubuyobozi bw'iryo shuri bwakekaga ko hari abiyoberanyije. Mama Frieda Schaubroeck wayoboraga iryo shuri yakoze urutonde rw'abana yakekaga ko ari Abatutsi arwoherereza ba burugumesitiri ba komini abo bana bakomokagamo abasaba ko bamumenyesha ubwoko nyakuri bw 'abo bana. Imwe mu mabaruwa yanditse yagira ati : "*Ndabaramutsa, kubera ko ari mwebwe mushinzwe irangamimerere ry'abaturage ba komini yanyu, ndabasaba ngo mumpere uyu munyeshuri attestation yemeza ko indangamuntu ye ilimo amanyakuri. Namwe ntimuyobewe akamaro bene iyo attestation ifitiye impaka zisigaye ziba mu mashuli. Mungarurire izi attestation ziri mu ibahasha ifunze*"[47]. Ku itariki ya 3 Nzeri 1973,

---

[45] Ibidem

[46] Ubuhamya bwatanzwe na Kabatesi Regine wari umunyeshuri muri Lycée Notre Dame de Citeaux, Gicurasi 2019.

[47] Frieda Schaubroeck, S.O. *Ibaruwa yandikiwe burugumesitiri wa Komini ya Musambira*, Kigali, kuwa 20 Mata 1973,

Frieda Schaubroeck yanditse indi igaragaza neza ko amakuru ajyanye n'ubwoko bw'abanyeshuri be ajyanye na gahunda y'igihugu y'iringaniza[48].

**d) Collège Saint André**

Muri Koleji Collège St André naho hari agatsiko k'Abahutu bagize uruhare mu kumenesha abanyeshuri b'Abatutsi. Bamwe mu birukanywe harimo Karabayinga Joseph, Katerpirari Pierre Claver, Ngarambe Francois Xavier, Fundira Léon, Martin Mateso, Higiro Isaie, Ndungutse Pierre, Nshogoza Jean Baptiste, Nyamushara Joseph n'abandi.

**e) Ecole des Assistants Médicaux**

Benshi mu banyeshuri bigaga mu ishuri ry'abafasha b'abaganga nibo bayoboye igikorwa cyo kwirukana Abatutsi mu mshuri yo hirya no hino muri komini y'umujyi ya Nyarugenge. Abo kandi nibo birukanye abana b'abakobwa b'Abatutsi bigaga muri "Lycee Notre Dame de Citeaux" ndetse banababafata ku ngufu[49].

### 3.1.6.3. Iyirukanwa ry'abakozi b'Abatutsi mu bigo bya Leta n'ibyabikoreraga muri komini ya Nyarugenge

Imvururu zo mu wa 1973 muri Komini ya Nyarugenge ntizibasiye abanyeshuri gusa. Zanageze no ku bakozi ba Leta n'ibigo byigenga. Mu bigo bya Leta n'ibyigenga naho hashyizweho agatsiko k'abahutu kiyitaga"*Comité des Problèmes des Travailleurs*" ari nako kashyize mu bikorwa umugambi w'iyirukanwa ry'abakozi b'Abatutsi mu mirimo yabo. Inshingano zayo ntizari zitandukanye na "*Comité du Salut*". Abari ku isonga muri uwo mugambi rwego rw'igihugu ni Ntarikure Elie wari umunyamabanga mukuru muri Perezidansi ya Repubulika, Kapiteni Seyanga wari Minisitiri ushinzwe ibya Politiki, Kapiteni Bizimana Andereya wari Minisitiri ushinzwe urubyiruko, Harerimana Gaspard wari Minisitiri w'uburezi, Ndagijimana Celestin wari umuyobozi mukuru muri Minisiteri y'Uburezi, Alphonse Ilibanje wari Umunyamabanga Mukuru muri Minisiteri y'Ubuhinzi, Seyoboka Damien wari umuyobozi

[48] Frieda Schaubroeck, S.O. *Lettre au bourgmestre* (tous), Kigali le 3 septembre, 19973
[49] Mugesera Antoine, op.cit., p.254

w'ishami rishinzwe imirimo muri Minisiteri y'Abakozi ba Leta n'abandi basiikare bakoraga mu nzego z'iperereza[50].

Aka gatsiko kakoranye bya hafi n'ishami ryari rishinzwe imirimo muri Minisiteri y'Abakozi ba Leta kugira ngo kamenye abakozi bagomba kwirujkanwa. Iryo shami ryari rikuriwe na Seyoboka Damien. Uwitwa Nikobamera Damascène Alias Runumuzi wakoraga muri Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu Kavutse Leonard, Bakomera Edouard, Ryeze Damascene, Kideye Samuel, Ngabonziza Augustin babafashije nibo gukwirakwiza amazina y'Abatutsi bagombaga kwirukanwa mu kazi.

Muri komini ya Nyarugenge ni ho hirukanywe Abatutsi benshi mu mirimo kuko ariho hari icyicaro cy'inzego nyinshi z'imirimo, ibigo by'ubucuruzi n'inganda. Umwanditsi Mugesera Antoine ahamya ko bigoye kumenya umubare nyawe w'Abatutsi birukanywe mu kazi, akagareranya ko bari hagati ya 3.000 na 4.000, bakaba baravuye mu bigo birenga ijana ubariyemo ibya Leta, iby'abikorera ku giti cyabo n'ibya Kiriziya. Kwirukana Abatutsi byahereye muri MAGERWA bikomereza n'ahandi.

Ibyinshi muri ibyo byiganjemo ibyari muri Nyarugenge nka: BCR, BK, KIPHARMA, Sabena, Opa Pharmacie, Philips, AMIRWANDA, MANUMETAL, Israel Frères, TRAFIPRO, BENALCO, COMETAR, Hotel Kiyovu, Hotel des Diplômates, Hotel des Mille Collines, FINA, SHELL, Sulfo-Rwanda, MERA, SIRWA, Deutch Well, SOMIRWA, Rwandex, ATS-Kimihurura, SOMEKA, kwa PILLARD, Hatton and Cookson, muri Un Toit à Toi, kwa Nyagatare Raphael, kwa Sebera Antoine, kwa de Greet, kwa Defays, muri Rwanda Paints, muri CRS, muri Bata, kwa RAMJI na Rajans, kwa Makanji, kwa NAMDARI, muri CICRA ALIRWANDA, muri Old East, muri La Rwandaise, muri TABARWANDA, muri BRALIRWA, muri NAHV, muri TRANSINTRA, muri AGRAR, muri Assurance Le Jeune, muri Rwandamotor, muri ASTALDI n'ahandi benshi. Ibigo bya Leta byirukanywemo Abatutsi birimo MAGERWA, Radiyo Rwanda, INR, BNR, BRD, CER , OBM, OCIR, AIDR , ONATRACOM , muri minisiteri nka MINAGRI, MINIFIN, MINICOMMERCE, TELECOM, AERONAUTIQUE n'ahandi .

[50] Mugesera Antoine, idem, p.255

Mu birukanwe muri za Minisiteri n'ibigo bya Leta byari bifite icyicaro muri Komini y'Umujyi ya Nyarugenge harimo Kabayiza Raymond, Mpambara Celestin, Nzajyibwami Charles, Nkurikiyimana Deo, Mugunga Isidore, Twagirayezu Julien, Karigirwa Jeanne, Uwamariya Mélanie, Butera Védaste, Murenzi Alfred, Ruzindana Callixte, Rukiriza Félicien, Kamuzinzi Stanilas, Nyirumuheto Claude, Rutaremara, Rwamakuba Come, Mukamurigo Immaculée, Katabogama Edouard n'abandi benshi. Hakurikiyeho ibigo byigenga na za banki aho Abatutsi Uwasanga izina rye rimanitse ntiyabaga yemerewe kwinjira muri biro[51].

### 3.1.6.4. Kubuza amahwemo no kumenesha Abatutsi muri Komini ya Nyarugenge

Abatutsi bamaze kwirukanwa ku kazi no mu mashuri, habaye umukwabu ukomeye mu Rwanda hose. Muri Komini ya Nyarugenge uwo mukwabu wari ugamije gufata Abaututsi bari muri Kigali bakerakeraga mu miryango ya bene wabo. Uwo mukwabu wari uyobowe na Majoro Nsekalije Aloys ukorwa n'Abasilikare n'inzego z'iperereza. Uwo mukwabu wategetswe na Habyarimana Juvenal wari Minisitiri w'Ingabo na Polisi mu mabwiriza N$^0$ 0141/111.5.0 yo ku itariki 2 Mata 1973. Ayo mabwiriza yahawe abayobozi bose b'ibigo bya gisilikare na polisi mu Rwanda. By'umwihariko, Habyarimana Juvenal yasabye ko uwo mukwabu wakwibanda cyane muri komini ya Nyarugenge mu duce twa Mumena, Gikondo, Muhima, Kazarusenya, Cyahafi, Kajagari, Gakinjiro, Biryogo, Nyabugogo na Kimisagara n'ahandi.

Ku itariki ya 6 Mata 1973, Abatutsi bose bafashwe bajyanywe i Maranyundo muri Segiteri ya Nyamata. Bagezeyo bagize ubuzima bubi cyane kubera inzara n'isazi ya Tsétsé yahabaga. Uwo mugambi w'ubutegetsi wari uhishe kubamarira ku icumu kuko nyuma yo kwirukanwa mu mashuri no mu kazi nta kindi cyari gukurikiraho uretse gutindahara[52].

### 3.1.6.3. Ubuzima bw'Umututsi kuva 5 Nyakanga 1973 kugeza ukwakira 1990

Perezida Habyarima Juvénal yashingiye ku ntege nke za Politiki ya perezida Kayibanda Gregoire maze amuhirika ku butegetsi. Komite zari zariswe "*Commité du salut public*" na "*Commité des Problèmes des Travailleurs*" zari zaratekerejwe ku bwa Kayibanda Gregoire zari zishyigikiwe n'inzego za gisilikare n'iz'iperereza ariko mu buryo buziguye kuko muri politiki y'u Rwanda

---

[51] Idem, pp. 255-256
[52] Idem, p. 262-263

y'icyo gihe yari yaramunzwe n'irondakarere hagati ya "*nduga*" yari yiganje mu myanya ya poritiki na "*nkiga*" yari yiganje mu gisilikare. Iri vangura niryo ryaranze intege nke za Kayibanda bituma Habyarimana Juvenal wari Minisitiri w'Ingabo na Polisi bimworohera guhirika ubutegetsi bwa Kayibanda ku itariki ya 5 Nyakanga 1973.

Akimara gufata ubutegetsi, Perezida Habyarimana Juvénal yatanze ihumure ariko mu by'ukuri byari amayeri yakoresheje kugira ngo abanze kwigarurira icyizere mu ngeri zose z'abanyarwanda. Bamwe mu Batutsi bari barahunze baragarutse. Abashoboye gutahuka icyo gihe ntibigeze basubizwa imitungo yabo cyangwa se bahabwe ingurane. Abize ntabwo bahabwaga akazi kajyanye n'impamyabushobozi cyangwa kajyanye nibyo bari barize. Bitewe nuko Perezidansi ya Repubulika na Minisiteri nyinshi zakoreraga muri Komini ya Nyarugenge, Abatutsi bashakaga akazi bahoraga bacyurirwa cyangwa bacunaguzwa. Ababashije kubona akazi barapyinagajwe kuko ntibazamurwaga mu ntera. Umuyobozi wese utifuzaga Umututsi runaka yamubangamiraga kugera igihe amwirukanishije. Iyo byangaga, yamushyiraga mu maboko ya Minisiteri igenga abakozi ba Leta.

Ubutegetsi bwa Habyarimana Juvenal na none bwaranzwe na politiki yamenyekanye ku "*izina ry'Iringaniza*". Mu gihe cy'ubutegetsi bwe abana b'Abatutsi nta burenganzira bwo kwiga amashuri yisumbuye na Kaminuza bagiraga. Iyi poritike yarushije gufata umurego mu myaka y' 1980 aho muri Kigali imibare y'abana b'Abatutsi bari bemerewe kwiga amashuri yisumbuye yamanutse iva ku bana 64 mu mwaka w'amashuri wa 1981-1982 ikagera kuri 23 guhera mu mwaka w'amashuri wa 1984-1985.

### 3.2. Abayoboye Komini ya Nyarugenge na Komini ya Butamwa

#### 3.2.1. Jean Kabahizi

Burugumesitiri wa mbere wategetse Komini ya Nyarugenge ni Jean Kabahizi guhera 1960 kugera mu 1963. Muri uwo mwaka, mu Rwanda habayeho ivugurura ry'inzego z'ubutegetsi n'amazina yazo arahinduka, bityo ahitwaga Komini ya Nyarugenge hahinduka iya Kiyovu[53]. Yategetse iyo komini kugera mu 1966. Nyuma ntiyongeyeye kugaragara mu myanya ya politiki kuko yahise ajya

---

[53] République rwandaise, Loi du 23 novembre 1963 portant organisation communale

mu bucuruzi. Cyokora ntibyamubujije gukomeza kumenyekana kuko ari no mubashinze ikipe y'umupira w'amaguru ya Kiyovu, akaba yaragiye ayibera mu myanya y'ubuyobozi[54].

### 3.2.2. Stanislas Ruberangondo

Uyu burugumesitiri yasimbuye Jean Kabahizi ku buyobozi bwa Komini y'Umujyi ya Nyarugenge mu 1967. Yabuvuyeho mu 1975 ajya kuyobora komini ya Butamwa yashinzweho icyo gihe. Iyi Komini iri mu zashyizwe mu karere ka Nyarugenge mu ivugurura ry'imitere ya Repubulika y'u Rwanda ryakozwe muwa 2006.

Ruberangondo yayoboye iyo komini kugera mu 1992 asimburwa nyuma y'amatora yakozwe nk'inkurikizi y'inkubiri y'amashyaka menshi hatorwa Laurent Twagirayezu wari umuryoboke wa MDR.

### 3.2.3. Jean Berchmas Ngaboyamahina

Uyu Ngaboyamahina yagizwe burugumesitiri wa Nyarugenge ayitegeka guhera ku itariki ya 7 Mata 1975 kugera kuya 24 Nyakanga muri uwo mwaka[55]. Mu by'ukuri yayitegetse igihe gito kuko mu gihe yarimo kwiyereka abaturage b'iyo komini abagezaho disikuru ye ya mbere ku isoko rya Nyarugenge, yafashwe n'indwara yo mu mutwe. Yahise ajyanwa mu bitabo bivura bene izo ndwara i Ndera. Yahise asimburwa na François Karera. Aho akiriye Ngaboyamahina yasubiye mu burezi.

### 3.2.4. François Karera

François Karera yavukiye i Huro muri Musasa mu 1938.Yize amashuri abanza i Musasa naho ayisumbuye ayatangirira i Rulindo ayasoreza i Zaza, ahabwa impabumenyi mu kwigisha. Guhera mu 1958 kugera mu 1960 yigishije mu ishuri ndangaburezi ry'i Byumba, kuva mu 1960 kugera mu 1964 yigisha mu ishuri rya Paruwasi ya Rwankuba, na ho mu 1964 kugera mu 1966 yigisha mu ishuri ryisumbuye ryitiriwe Mutagatifu Andereya riri i Nyamirambo. Guhera mu 1966 kugera mu 1972 yabaye umugenzuzi w'akarere k'amashuri kari kagizwe na Komini ya Musasa n'iya

---

[54] Ikiganiro na Kamana Modeste, Kiyovu, kuwa 15 Nzeri 2019

[55] République rwandaise, Préfecture de Kigali, , *Bilan des 25 ans d'indépendancedu Rwanda : 1962-1987,* Kigali, 1987, p. 8

Rushashi. Mu 1972 yagiye gukora mu Isandaku y'Ubwiteganyirize bw'abakozi *(Caisse Sociale du Rwanda*) aho yari ashinzwe gukurikirana imishahara y'abarimu bose bo mu Rwanda. Mu 1974 yakoze igihe gito mu Isanduku yo Kuzigama y'u Rwanda (Caisse d'Epargne du Rwanda) ahita ajyanwa muri Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu. Muri iyi minisiteri yari ashinzwe gushyira inyandiko z'amategeko mu rurimi rw'Ikinyarwanda. Mu mpera z'uwo mwaka yagizwe superefe i Byumba. Guhera ku itariki ya 28 Nyakanga 1975 kugera kuwa 5 Ukuboza 1990 yabaye Burugumesitiri wa Komini y'Umujyi ya Nyarugenge. Guhera kuwa 9 Ugushyingo 1990 yagizwe Superefe muri Perefegitura ya Kigali. Ku itariki ya 17 Mata 1994 Guverinoma y'Abatabazi yagimuze Perefe w'iyo Perefegitura ayiyobora kugera mu ntangiriro za Nyakanga muri uwo mwaka. Guhera mu 1992 yabaye Perezida wa MRND muri Komini ya Nyarugenge.

Uretse ibya politiki n'ubutegetsi, François Karera yari azwi no bindi bikorwa byo mu buzima busanzwe. Mu myaka ya 1980, yabaye Perezida w'Ishyirahamwe ryo Guteza Imbere Uburezi (Association pour la Promotion de l'Enseignement-APE). Iryo rishyirahamwe ryakoreraga mu gihugu hose rifite ibikorwa i Butare, i Kigali, mu Ruhengeri n'i Rushashi. Ryaje gushinga amashuri yisumbuye abiri mu Bumbogo : Ishuri Ryisumbuye rya Rwankuba n'iry'Ubuhinzi n'Ubworozi rya Rushashi. Karera ari mu bashinze ikipe y'umupira w'amaguru ya Kiyovu Sport mu 1964 ayibera perezida kugera mu 1992. Yari no muri komite ya paruwasi ya Saint Michel, akaririmba kandi akaba n'umwe mu bari bagize Chorale de Kigali[56].

Nyuma yo kugira uruhare rukomeye muri Jenoside yakorewe Abatutsi muri Mata-Nyakanga 1994, François Karera yahungiye muri Zayire ajyanye n'abandi bagiranye uruhare muri iryo rimburabatutsi. Yarakomeje ahungira muri Kenya aho yafatiwe ku itariki ya 20 Ukwakira 2001. Bukeye bwaho yoherejwe mu Rukiko Mpuzamahanga Mpanabyaha Rwarashyiriweho u Rwanda rwakoreraga i Arusha muri Tanzaniya kugira ngo ruburanishe imanza za Jenoside yakorewe Abatutsi. Urubanza rwe rwatangiye ku itariki 9 Mutarama 2006. Ku itariki ya 7 Ukuboza 2007 ubushinjacyaha bwamusabiye gufungwa burundu. Nyuma yo kujurira, ku itariki ya 2

[56] TPIR, Le Procureur c. François Karera. Le jugement portant condamnation, Arusha, le 7 décembre 2007, pp.10-11

Gashyantare 2009, urukiko rwemeje icyo gihano. François Karera yafungiwe i Cotonou muri Bénin aho yageze ku itariki ya 27 Kamena 2009[57] akaba ari naho yaguye.

### 3.2.5. Jean Pierre Bakomera

Uyu Bakomera ni we wasimbuye François Karera mu 1990 ku buyobozi bwa Nyarugenge. Yayoboye iyi komini kugera mu Ugushyingo 1992. Bavuga ko impamvu atamaze igihe ku buyobozi bwa Nyarugenge ari uko atashyiraga imbaraga mu kurwanya andi mashyaka yari mukeba wa MRND. Ikindi bavuga cyatumye ataramba kuri ubwo buyobozi ni uko atumvikanaga na Perefe w'Umujyi wa Kigali, Colonel Tharcisse Renzaho. Ahanini bashwaniye mu gusahura imitungo y'abacuruzi b'Abatutsi bari barameneshwe. Iyo mitungo yigabijwe n'abo bayobozi indi itezwa cyamunara mu buryo budasobanutse[58].

### 3.2.6. Jean Bizimana

Bizimana Jean yabaye burugumesitiri wa Nyarugenge guhera mu Ugushyingo 1992 kugera mu mpera za Jenoside. Yavukiye muri Serire Rugando, Segiteri ya Kimihurura, Komini Kacyiru ariko akaba yari afite inkomoko muri Perefegitura ya Ruhengeri. Yari afite impamyabumenyi ihanitse (A0) mu burezi yakuye muri Kaminuza Nkuru y'u Rwanda mu 1986. Yagizwe Burugumesitiri wa komini ya Nyarugenge asanzwe ari umukuru wa serivisi y'imibereho myiza y'abaturage muri Perezidansi ya Repubulika kandi yanakoze mu biro by'ishyaka rya MRND. Nyuma yo kugira uruhare rukomeye muri Jenoside yakorewe Abatutsi yahungiye muri Zayire agaruka mu mpera za 1996.

Mu 1997 yishyikirije ubuyobozi bw'Akarere ka Nyarugenge yemera ko yagize uruhare muri Jenoside. Ku itariki ya 9 Ugushyingo 2009, Urukiko Gacaca rw'umurenge wa Nyarugenge rumaze kumuhamya icyaha cyo kugira uruhare muri Jenoside yakorewe Abatutsi yahanishijwe igihano cyo gufungwa burundu[59]. Ubu afungiye muri Gereza ya Mpanga iri mu Karere ka Nyanza[60].

---

[57] Idem, Le Procureur c. François Karera. Arret de condamnation, le 2 juillet 2009, p.114
[58] Ubuhamya bwa Gervais Dusabemungu yatangiye ku Ruyenzi muri Gashyantare 2019
[59] Urukiko Gacaca rw'ubujurire rwa Nyarugenge, Nyarugenge, 2009
[60] Ubuhamya bwa Rutayisire Masengo Gilbert, uwarokokeye muri Rugenge, Rugenge kuwa 10 Ukwakira 2018

### 3.3. Imyitwarire y'abanyaporitiki n'imibereho y'Abatutsi kuva tariki ya 1 Ukwakira 1990

Komini ya Nyarugenge yaranzwe n'ibikorwa bya poritiki bitandukanye hagati y'Ukwakira 1990 na Mata 1994. Ibyo bikorwa byose byaranzwe na propaganda mbi usanga zari zifitanye isano n'ibikorwa byakorewe Abatutsi mu myaka za 1961 kugeza 1968 igihe Inyenzi zagabaga ibitero. Inzego z'umutekano nazo zahise zitangira imigambi yo kubuza amahwemo Abatutsi no kubangisha abandi banyarwanda.

#### 3.3.1. Inkubiri y'amashyaka menshi mu Rwanda n'ingaruka zayo

Imbanzirizamushinga ya poritiki y'amashyaka menshi yagiyeho muri Nzeri 1990. Perezida Habyarimana yayishyikirije akanama k'impuguke kagombaga gutekereza uko washyirwa mu bikorwa. Muwa 1991 ni bwo umushinga w'amashyaka menshi wemewe maze abanyapolitiki bashinga amashyaka hakurikiraho gushaka abayoboke. Hari ayari ariho (MRND), hari amashyaka yavutse nka PL, PSD n'andi yigeze kubaho ariko yari atakivugwa MDR yongeye gusaba kujya muri poritiki. Ku ikubitiro ayemewe na Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu ni MRND na MDR ku itariki ya 30 Nyakanga 1991, PL, PSD na PSR bikurikiraho. Umwaka wa 1991 warangiye amashyaka yemewe ari icyenda ariko ayemerewe kujya muri guverinoma yari atanu yonyine.

Amashyaka amaze kwemererwa gukora ku mugaragaro, hatangiye inama zijyanye no kwimenyekanisha ndetse no gushaka abayoboke. Gushaka abayoboke bitangiye, MDR ni yo yabimburiye ayandi mashyaka, ikoresha mitingi ku kibuga cy'imikino cya Nyamirambo, hari kuya 11 Kanama 1991, isobanura imigabo n'imigambi yayo, igeza ku bari bitabiriye ibyo inenga ishyaka MRND.

Ishyaka MRND ivuguruye n'abayoboke bayo bakoze bwa mbere mitingi ku itariki ya 4 Mutarama 1992 ku kibuga cy'imikino i Nyamirambo. Iyo mitingi yari iyobowe na Ngirumpatse Matayo wari Perezida wa MRND ivuguruye mu mujyi wa Kigali. Yitabiriwe n'abayoboke bari baturutse mu mujyi wa Kigali bunganiwe n'abari baturutse muri Perefegitura ya Kigali, bishimira guverinoma yashyizweho na Nsanzimana Sylvestre kuwa 30 Ukuboza 1991. Muri iyo mitingi bagarutse ku matora bateganyaga gukora mu ishyaka ryabo rya Muvoma Iharanira Repubulika, Demokarasi n'Amajyambere (MRND).

Iyo mitingi kandi yari yabanjirijwe n'urugendo rwari rwateguwe n'Interahamwe[61] za muvoma ivuguruye, rutangirira i Nyabugogo bazamuka Kimisagara na Nyakabanda barusoreza ku kibuga cy'imikino cya Nyamirambo ahari hateguwe kubera mitingi. Muri urwo rugendo indirimbo za Bikindi n'iz'urubyiruko rwa Muvoma ivuguruye (JMRND) zasingizaga Perezida Habyarimana, guverinoma, demokarasi, amatora, amahoro n'amajyambere ni zo zaririmbwaga.

Ubwisanzure bwari bwitezwe kuri demokarasi ishingiye ku mashyaka menshi ya poritiki ntibwabaye bukigezweho kuko ayo mashyaka yashyize imbere iturufu y'amoko mu gushakisha abayoboke. Ishyaka ry'Ukwishyira Ukizana, PL, ni ryo Abatutsi bagiyemo ariko rigafatanya n'andi mashyaka nka PSD na MDR. Ingaruka zagaragaye icyo gihe ku Mututsi ni uko yakomeje kugaragara nk'umwanzi w'igihugu naho yabaga ari mu ishyaka rya MRND abategetsi ntibabyemeraga kuko bumvaga ko bari mu ishyaka PL, ishyaka bitiriraga Abatutsi.

Amashyaka kandi yakurikiwe n'ibikorwa by'urugomo hagati y'abayoboke b'amashyaka atandukanye. Amashyaka yakunze kugaragara cyane muri ibyo bikorwa ni urubyiruko MRND rwaje kumenyekana cyane mu izina ry'Interahamwe, urubyiruko rwa MDR rwari rwibumbiye muri JMDR, n'urubyiruko rwa PSD rwari ruzwi ku izina ry' "*Abakombozi*".

Igihe cyarageze, Perezida Habyarimana Juvenal yaje gusanga ko amshyaka menshi yaraciye imbaraga ishyaka rye rya MRND. Ku itariki 29 Mata 1991 muri kongere idasanzwe ya MRND yabereye muri Hoteli y'uwa 5 Nyakanga yabajije abayoboke ba MRND niba bemeye guharikwa. Mu gihe yari agitegereje icyo bamusubiza, yarongeye arababwira ati: "*abahutu ni mwishyire hamwe twe kwicamo ibice*". Yarongeye ati: "*mwabonye ko nta mututsi ugira akarere, bose bashyira hamwe*". Icyo gihe Habyarimana yabajije Abatutsi bari bitabiriye iyo kongere idasanzwe aho bazavana indi ONU, bityo asubiramo inshturo y'indirimbo y'abanyuramatwi yo mu myaka ya 1960. Iyi ndirimbo yahimbwe na ba PARMEHUTU baririmbye bishimira kamarampaka bishongora ku Batutsi ko batsinze amatora, bababaza aho bazavana indi ONU kuko bavugaga ko ariyo yabarengeraga kuva 1959 bameneshwa bakanatwikirwa amazu. Ibi yabivuze kugira ngo amashyaka yari afite abayoboke b'Abatutsi acikemo ibice; Abahutu bahuze imigambi kuko hari hashize iminsi babumvisha ko umwanzi bafite ari umwe akaba ari ari

---

[61] Interahamwe zo mu mujyi n'abayobozi ba MRND muri Kigali y'Umujyi zungani we n'izari zivuye muri komini zari zigize Perefegitura ya Kigali zihimbaza urugendo. Abasesenguzi bavuga ko ari yo mitingi yakubise stade iruzura ahantu hose.

"Umututsi". Ntibyatinze kuko ishyaka rya CDR ryahise rishingwa riza ryuzuza ibyo Habyarimana yari yaravuze mu mbwirwaruhame riyoborwa na Bucyana Martini wigize kuba Minisitiri muri repubulika ya mbere n'iya kabiri[62]. Ishyaka CDR ryagenderaga ku mahame n'amatwara y'ubuhezanguni (extremism) rikaba ritarihanganiraga umututsi ahubwo riharanira inyungu za rubanda nyamwinshi ari we "Umuhutu" kandi rikorera mu kwaha kwa MRND. Ishyaka CDR ryemewe bibyuranyije n'amategeko kuko mu mahame ya Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu yo kwemera ishyaka harimo kuba ishyaka ryagombaga kuba ridashingiye ku bwoko.

Aho ishyaka CDR rishingiwe, bikagaragara ko rishyigikwe n'ubutegetsi byatumye andi mashyaka nayo yiremamo ibice bigendera ku matwara y'ubuhezanguni ashingiye ku bwoko bw'abahutu byamenyekanye mu nyito ya "POWER PARMEHUTU". Uyu mwaduko wahereye mu ishyaka MDR yacitsemo ibice bibiri, MDR isanzwe na MDR Power yari ishigikiwe na Karamira Froduard, Murego Donat n'abandi. Ishyaka PL naryo ryacitsemo ibice, PL Power ishyigikirwa na Mugenzi Justin, Ntamabyariro Agnes, Komanda Mbonampeka Stanislas n'abandi. Ishyaka PSD naryo ryacicemo ibice, PSD Power ishyigikirwa na Rafiki Yacynthe wari Minisitiri w'Ibikorwa Remezo (MINITRAP), Nyungura n'abandi.

Ishyaka ya CDR n'ivuka ry'abahezanguni (Power) muyandi mashyaka byateje umwiryane mu banyarwanda, bitiza umurindi Abahutu kwanga Abatutsi ndetse bidindiza ishyirwa mu bikorwa by'amasezerano y'amahoro y'Arusha hagati ya FPR na guverinoma y'u Rwanda.

### 3.3.2. Ivuka ry'Umutwe w'Interahamwe n'indi mitwe yitwaraga gisirikare

Amateka yerekana ko ubutegetsi bwo mu Rwanda hagati ya 1990 na 1994 bwifashishije urubyiruko mu mashyaka mu gucengeza amatwara y'urwango n'amacakubiri yagejeje u Rwanda kuri Jenoside. Amashyaka yatangiye kureshya abantu mu ngeri zose ashakira cyane cyane mu bakuru atibagiwe urubyiruko. Mu wa 1992 ni bwo urubyiruko rw'amashyaka rwashyigikiye ku mugaragaro amashyaka rwari rumaze kwiyegurira. Urugero rwa hafi ni umutwe w'Interahamwe wavutse uhereye ku ikipe ya Club Loisirs yayoborwaga na Kajuga Robert afatanije na Murenzi

[62] Agace k'imbwirwaruhame ya Perezida Habyarima Juvenal, Kanguka yo kuwa 12/05/1992

Desiré wari umuyobozi wa PETRORWANDA[63] mu wa 1991. Aba bagabo bombi bari abarwanashyaka bakomeye ba MRND bakiri bato kandi bakunzwe cyane n'urubyiruko rwari rutuye mu mujyi. Bamaze kwigarurira imitima y'urubyiruko rutari ruke, bashyikirije imigambi yabo ubuyobozi bw'ishyaka MRND, iyo migambi yakirwa neza kandi umukuru w'Igihugu ari na we washinze ishyaka MRND asezeranya inkunga iyo ari yo yose mu rwego rwo gufasha umutwe wa JMRND-Interahamwe. Uyu mugambi wo gushyiraho umutwe w'Interahamwe umaze gushyikirwa n'umukuru w'Igihugu, muri mitingi ya mbere y'Ishyaka MRND yabereye ku kibuga cy'imikino i Nyamirambo, umunyamabanga mukuru waryo Matayo Ngirumpatse yashimangiye igitekerezo cy'umukuru w'Igihugu cyo gukwirakwiza Interahamwe mu guhugu hose agaragaza mu buryo buziguye uburyo zizafashwa. Mu ijambo rye yagize ati: *"Natanze amabwiriza ko mu kwezi kwa karindwi Interahamwe zigomba kuba ziri muri komini zose. Nahamagaye abakozi bacu baba mu maperefegitura ngo bazabivugane n'abaperezida ba MRND mu maperefegitura, dufite uburyo tuzabafasha ntashaka…ntagomba kuvuga hano ku buryo Interahamwe mu kwezi kwa karindwi zizaba ziri hose"*.

Mu ntangiriro za 1992, kubaka muri urwo rubyiruko icyo bitaga «uburwanashyaka» cyabaye nk'irushanwa mu mashyaka yose. Ni muri urwo rwego havutse umutwe w'urubyiruko rw'ishyaka MDR ruhabwa izina rya JMDR-Inkuba, mu ishyaka PSD havuka JPSD-Abakombozi no muri PL havuka JPL. Ishyaka CDR n'ubwo ryari ritaremererwa mu rwego rw'amategeko ryari rifite shami ry'urubyiruko JCDR-Impuzamugambi.

Muri mitingi nsobanurabubisha ya CDR yateranye ku itariki 20 Mata 1992 kuri Sitade Nyamirambo, Bucyana Martin afatanije na Barayagwiza Jean Bosco ari na bo bashinze CDR bashimangiye ko CDR ari ishyaka riharanira kunga no kurenganura inyungu za rubanda nyamwinshi ari bo Abahutu. Mu mpera z'umwaka wa 1993, havutse udutsiko tw'abahezanguni mu mashyaka, mu gisirikari no muri jandarumori twarwanyaga ishyirwa mu bikorwa ry'amasezerano ya Arusha yari amaze gushyirwaho umukono. Bafatanyaga n'ibinyamakuru byandika ndetse na RTLM yari imaze gushingwa. Mu gihe cya Jenoside urubyiruko rwibumbiye mu mashyaka y'abahezanguni ari yo JMRND-Interahamwe, JPSD-Abakombozi, JCDR-Impuzamugambi bafatanije mu gusoza umugambi wa Jenoside. Urundi rugero rugaragaza

[63] André Guichaoua asobanura ko mu wa 1991 ari bwo Kajuga Robert yashinzwe ikipe y'umupira yitwa *Club Loisirs* yaje kuvamo umutwe wa mbere w'Interahamwe ubwo Leta ya Habyarimana yari imaze kwemera amashyaka menshi.

uruhare rw'abanyaporitiki mu gukwiza amacakubiri yaganishije kuri Jenoside n'ijambo Karamira Froduard Visi-Perezida w'Ishyaka MDR yavuze akangurira imbaga nyamwinshi (Abahutu) kwitandukanya n'Abatutsi. Ibyo yabivuze muri aya magambo: "*twavuze neza ibyo mugomba kwirinda. Muzirinde kurwanya undi muhutu. Twaratewe, ntitugomba kwitera na twe! Dukumire umwanzi ushaka kutwambura ubutegetsi. Hutu Power, MDR Power, MRND Power, CDR Power, Interahamwe Power, JDR Power, CDR Power, Abahutu bose turi Power*".

Kubaka uburwanashyaka birangiye ni bwo igikorwa cyo kwigisha urubyiruko intwaro kubyina ijyana z'amashyaka, kwiyereka[64] cyatangiye. Mu 1992 urubyiruko rwari rwatoranyijwe muri segiteri rwajyanywe mu bigo bya gisirikare i Gako mu Bugesera n'i Gabiro mu Mutara rutozwa uburyo bwo kwica no gukoresha intwaro nk'imbunda na gerenade, ndetse n'iza gakondo. *Interahamwe* zatwarwaga na bisi za ONATRACOM zafatiriwe, mu modoka za gisirikari cyangwa mu zindi zabaga zakodeshejwe. Gutoranya abarwanashyaka byari bishinzwe abayobozi b'ibiro nshingwabikorwa by'ishyaka, b'ubunyamabanga bw'igihugu nyirizina, babifashijwemo n'abasirikari bakuru cyane cyane ab'umutwe warindaga Perezida Habyarimana (Abajepe). Ababurugumesistiri bafatanije n'abakonseye ba segiteri bagize uruhare mu gufatanya n'inzego z'ishyaka ndetse n'izi gisirikari mu gushishikariza urubyiruko kwinjira mu mutwe w'Interahamwe no kwitabira imyitozo ya gisirikare. Mu gutoranya urubyiruko bashingiraga ku miterere n'ubushobozi by'umubiri w'abifuzaga kwiyandikisha. Ariko abahoze ari abasirikare bahitaga binjizwa muri uwo mutwe kubera ubunararibonye bari basanganywe. Nyuma y'igihe kitari gito zamaragayo, zagarukaga zifite ubumenyi buhambaye nk'ubw'abasirikare. Zirangije imyitozo zambitswe imyenda n'ingofero ziziranga maze zihabwa n'ibikoresho, birimo gerenade, inkota, amashoka n'ibindi. Nyuma ni bwo izo Nterahamwe zakwirakwijwe mu gihugu cyose ari na ko zikora ubwicanyi ahagiye hageragezwa iyicwa ry'Abatutsi. Zajyaga zigaragara aho MRND yakoze mitingi ndetse n'ahabaga habereye imyigaragambyo.

### 3.3.3. Ishyirwaho rya Guverinoma y'inzibacyuho

Perezida Habyarimana amaze gushyiraho Minisitiri w'intebe Nsanzimana Sylvestre wari mu ishyaka MRND yahuye kenshi n'abahagaraiye amashyaka kugira ngo bashyireho guverinoma yahangana n'ikibazo cyariho cy'intambara. Bahura bwa mbere kuya 16 Kanama 1991,

---

[64] Abo bitaga Abakombozi bagiraga umwiyereko bitaga kamucerenge; ingendo ya kamucerenge bakayita gukurura.

abanyamashyaka yandi ntibemeraga ko minisitiri w'intebe yava mu ishyaka rya MRND ariko ingingo ya 12 mu itegeko-nshinga itaravugururwa yarabimwemereraga. Ayo mashyaka yanze kujya muri guverinoma maze Minisitiri w'Intebe Nsanzimana Sylvestre ashyiraho guverinoma. kuwa 18 Ukuboza 1991 Habyarimana yongeye guhura n'abahagarariye amashyaka ababwira ko amashyaka yabo atagomba kwishyira hejuru y'andi, kandi ko minisitiri w'intebe yashyizweho hakurikijwe itegekonshinga. Habyarimana yabemereye ko ibyo bifuza byazakorwa mu bihe biri imbere ariko ko hagati aho ibirimo gukorwa biri mu murongo w'itegeko ririho. Icyo gihe bifuzaga ko ububasha buri mu itegeko nshinga mu ngingo yayo ya 12 yabwamburwa bugahabwa inteko ishinga amategeko. Bimaze kwanga abanyamashyaka batashye bavuga ko bakeneye inama "Rukokoma" ariko Habyarimana we avuga ko amatora ari yo azakemura ibintu.

Guverinoma y'inzibacyuho yagiyeho kuya 30 Ukuboza 1991; PL, MDR, PSD na PSR zanga kuyijyamo yavugaga ko guverinoma yagiyeho isa n'iyarisanzweho. Bayinengaga ibikurikira :

- Ntishobora guhamya demokarasi ishingiye ku mashyaka menshi,
- Ko itazashobora kugirana imishyikirano n'abadutera, ko itatugeza ku mahoro, ko itazashobora gushyigikira amahoro n'umutekano mu gihugu cyose ngo yite no ku burenganzira bwa muntu ;
- Ko idashobora gutuma impunzi zitahuka ngo banazishakire aho zitura ;
- Ko itazashobora kuzahura ubukungu, kandi ko itazashobora guhamagara inama «Rukokoma» yo nzira yonyine babona yabakura mu butegetsi bw'ishyaka rimwe ikabageza ku butegetsi bushingiye ku mashyaka menshi.

### 3.3.4. Imyigaragambyo y'amashyaka atavugaga rumwe na MRND

PL, PSD na MDR zishyize hamwe zigira ibyo zisaba Perezida Habyarimana maze byakubahirizwa zikabona kujya muri guverinoma. Perezida Habyarimana yaje gushyiraho Nsanzimana Sylvestre nka Ministri w'Intebe maze ayo mashyaka ahamagaza abanyamakuru mu kiganiro kuya 15 Ukwakira 1991 yerekana ko atishimiye icyavuye mu kiganiro amashyaka yagiranye na Habyarimana. Ntibyatinze, nyuma y'ibiganiro ayo mashyaka yagiranye na Habyarimana, amashyaka MDR, PSD, PL na PSR yatangiye imyigaragambyo yo kwamagana guverinoma. Aya mashyaka yarahagurutse arahagarara, ahangana mu bitekerezo yaba ari mu

byaro no mu mijyi. Yarivuze arivovota, aratongana aratongera, aratukana aratontoma, arajorana arajombana ndetse arasogotana, arahondana aratwikana.

Imyigaragambyo ya mbere yatangiriye i Gitarama kuya 7 Mutarama 1992, ahahuriye abantu batagira ingano berekana ko batifuza ubutegetsi buriho. Ku itariki ya 8 Mutarama 1992, amashyaka ataravugaga rumwe na MRND yakoresheje imyigaragambo ikomeye mu Mujyi wa Kigali. Iyo myigaragambyo yatangiye guhera saa kumi n'ebyiri za mu gitondo abantu benshi bari bageze mu mihanda ya Nyarugenge ndetse no hirya mu komini z'Umujyi wa Kigali. Imihanda irafungwa imodoka zirahagarikwa umujyi ubura amahoro. Bwari ubwa mbere abaturage b'Umujyi n'aba Komini ya Nyarugenge by'umwihariko babona ibintu nk'ibyo. Uwo munsi abigaragambya baturutse mu komini zose z'umujyi wa Kigali bahuriye muri "*Rond point*" ya Kigali bakomeza bagana ku ngoro ya Minisitiri w'Intebe ku Kimihurura. Mu busitani bwa Minisiteri y'Intebe ni ho babyiniye, bavuga ko bifuza gusesa guverinoma y'ishyaka rimwe rya MRND, bashoje bavuga ko nibidakemuka buri wa gatatu w'icyumweru bazajya bishora mu muhanda. Muri iyo myigaragambyo ntacyangiritse yewe nta n'uwabiguyemo. Nta duka ryakinguye imiryango ndetse ari abakozi ba Leta n'abo mu bigo byigenga ntibitabiriye akazi ku buryo busanzwe.

Ayo mashyaka yamaganaga uburyo Perezida Habyarimana n'ishyaka rye bari bakomeje kubangamira ibiganiro by'amahoro no kugabana ubutegetsi kandi Habyarimana yari yaremeye ko agiye guhindura Guverinoma akanashyiramo abo mu mashyaka ataravugaga rumwe na MRND. Habyarimana icyo gihe yahinduye Guverinoma kuko ku itariki ya 30 Ukuboza 1991 ayishinga Minisitiri w'Intebe Sylvestre Nsanzimana ariko ba Minisitiri bose bashyizwemo bari abo muri MRND usibye umwe gusa Gaspard Ruhumuriza wakomokaga mu Ishyaka rya PDC ryayoborwaga na Jean Népomuscène Nayinzira. Mu guhangana n'iyo myigaragambyo y'amashyaka, hatoranyijwe abasore b'intarumikwa bo muri MRND bahabwa imbunda zo kujya bahangana n'abo muri opposition.

Kuwa 19 Mutarama 1993, imyigaragambyo irangajwe imbere na MRND yabereye mu Mujyi wa Kigali. Ku itariki 21 Mutarama 1993, Matayo Ngirumpatse, Perezida wa MRND ku rwego rw'igihugu, yatangaje ko MRND itemera ibyagezweho mu masezerano y'amahoro birebana no gusangira ubutegetsi.

### 3.3.5. Ishingwa ry'Ibitangazamakuru byari bishyigikiye umugambi wa Jenoside

Mu kunoza umugambi wa Jenoside, ubutegetsi bwa MRND bwashyigikiye ishingwa ry'ibitangazamakuru bihembere urwango n'amacakubiri biganisha kuri Jenoside.

#### 3.3.5.1. Ibitangazamakuru byahembereye urwango n'amacakubiri

Muri Mutarama 1992 ni nabwo hashinzwe Ikinyamakuru cyitwaga INTERAHAMWE cyari gishamikiye kuri MRND kikayoborwa na Robert Kajuga wari umuyobozi w'Interahamwe ku rwego rw'Igihugu. Iki kinyamakuru hamwe n'ibyitwaga Kangura, Kamarampaka, La Médaille Nyiramacibiri, Echos des Mille Collines, Umurwanashyaka, biri mu byakwirakwije urwango n'ubukangurambaga bwa Jenoside.

#### 3.3.5.2. Uruhare rwa Radio-Tésion libre des Milles Collines (RTLM) mu gukwirakwiza urwango rwibasira Abatutsi

Radio-télévision Libre des Mille Collines (RTLM), yatangiye itangaza makuru kuwa 8 Nyakanga 1993. Yari ifite icyicaro muri Segiteri ya Nyarugenge muri Komini ya Nyarugenge. RTLM yashinzwe n'abayoboke ba MRND na CDR ikaba yari igamije gucengeza amatwara y'ishyaka mu baturage ku buryo uwavuga ko yari radiyo ya MRND ataba yibeshye na gato.



*RTLM yakoreraga muri Segiteri ya Nyarugenge mu nyubako ya kabiri iri ku muhanda KN 4 Ave i buryo uva ku cyicaro cya Banki ya Kigali ugana ku bitaro bikuru bya Kigali (CHUK).*

*Tariki 17 Mata 1994 mu gitondo nibwo Ingabo za RPF-Inkotanyi zari mu birindiro zabyo i Kagugu zarashe studio n'iminara RTLM ntiyongera kuvuga.Ubu hasigaye gusa igice cy'umunara wayo.*

*Ishusho yavanywe ku murandasi www.lemonde.fr*

Bamwe mu bagize uruhare mu gushinga RTLM hari Félicien Kabuga wari Perezida wayo, Ferdinand Nahimana Umuyobozi wayo, Jean Bosco Barayagwiza akaba umuyobozi wungirije na Phocas Habimana wakoraga mu buyozi ari n'umunyamakuru. Abanyamigabane b'ibanze b'iyi radiyo rwagaragajwe na Tom Ndahiro ruriho abantu 1136 aho umugabane umwe wari amafaranga 5000 Frw. Abanyamigabane b'icyiciro cya mbere ni Kabuga Félicien, Musabe Pasteur, Ntilivamunda Alphonse, Nzirorera Joseph na Rwabukumba Seraphin. Abanyamigabane b'icyiciro cya kabiri barimo Kamana Claver, Bagosora theoneste, Mbonye Kope Gratien na Munyanganizi Donat. Icyiciro cya gatatu barimo Perezida Habyarimana Juvenal, Ngirabatware Augustin, Sagatwa Elie na Simbikangwa Pascal. Icyiciro cya kane cy'abanyamigabane kigizwe n'urutonde rw'abantu benshi barimo Joseph Serugendo, Ephrem Nkezabera, Augustin Hatari, Charles Nzabagerageza, Silas Mucumankiko n'abandi bari ibyegera by'ubutegetsi[65].

Iyi radiyo yamamaye cyane kubera ibiganiro mbwirwaruhame yahitishaga bihembera urwango n'amacakubiri. Abanyamakuru bamenyekanye cyane kubera ibyo biganiro ni Gahigi Gaspard wari umuyobozi ushinze gutunganya ibiganiro, George Ruggiu wari ufite ubwenegihugu bw'ububiligi, Bemeriki Valerie, Kantano Habimana, Rucogoza Emmanuel, Nkomati Emmanuel, Hitimana Noel, Joel Hakizimana, Ananiya Nkurunziza, Jean Baptiste Mbilizi wari ufite ubwenegihugu bwa Zayire n'abandi.

RTLM yakoreraga ku butaka bwa Komini ya Nyarugenge igacishaho ibiganiro bigamije kubiba inzagano mu banyarwanda ariko nta na rimwe ubuyobozi bwigeze bwiyama ubuyobozi bwa RTLM, bufunge cyangwa bwirukane iyo Radiyo ku butaka bwayo.

Nyuma y'ihanurwa ry'indege ya Perezida Yuvenali Habyarimana kuwa 6 Mata 1994, RTLM yatangaje ko Abatutsi ari bo bayirashe bityo ko Abahutu bagomba kwitabira icyo iyo radiyo yitaga «*intamabara ya nyuma*» yo gutsemba Abatutsi. Imvugo yasubirwagamo kenshi ni iyo "*Gutema ibiti birebire*". Kubera ko iyi Radiyo yari yaramaze kwigarurira imitima y'abantu benshi, byatumye ubwicanyi bugira imbaraga kandi bugakwirakwira vuba. Nta narimwe, yaba ubuyobozi bukuru bw'igihugu, ubuyobozi bw'umugi wa Kigali cyangwa se ubwa Komini ya Nyarugenge bwigeze bukoma mu nkokora gahunda ya RTLM yo kubiba amacakubiri no gukangurira Abahutu kwica Abatutsi.

---

[65] www.unictr.org, ICTR-99-52-T (Dossier Nahimana Ferdinand 23.9.2002). Structure de la Société RTLM S.A.



*Félicien Kabuga, yari Perezida wa RTLM*



*Ferdinand Nahimana, Perezida wa Komisiyo ishinzwe Tekinike na programme bya RTLM*



*Barayagwiza Jean Bosco, Umuyobozi wa komisiyo ishinzwe Imiyoborere*



*Kantano Habimana, Umunyamakuru*



*Valerie Bemeriki, umunyamakuru*



*Georges Ruggiu, Umunyamakuru*

Iyi radiyo n'abanyamakuru bayo banakunze gukora icengezamatwara ryabo bifashishije indirimbo za Simoni Bikindi na we uzwiho kuba yararirimbga indirimbo zahamagaririraga Abahutu kwishyira hamwe bakarwanya Abatutsi. Yari yarashinze itorero ryitwa "Irindiro" ari naryo yacishagamo indirimbo nka "*Mbwirabumva*" na "*Nanga abahutu*". Ng'uko uko urwango rwagiriwe Abatutsi rwari rwarigishijwe, ibibatesha agaciro n'ibibaha isura mbi bikavugirwa mu ruhame, hifashishije itangazamakuru, RTLM ikaba ku isonga.

### 3.3.6. Ishingwa ry'umutwe w'AMASASU[66]

Colonel Bagosora akimara kugaruka i Kigali avuye Arusha kuwa 9 Mutarama 1993, yakoresheje inama zitandukanye na bagenzi be b'intagondwa, barimo abasilikare bakuru nka Colonel Dr Laurent Baransaritse wayoboraga ibitaro bya gisilikare bya Kanombe, Liyetona Kolonel Anatole Nsengiyumva wayoboraga ingabo muri Gisenyi, Major Protais Mpiranya wayoboraga abasilikare barindaga Perezida Habyarimana, Major Aloys Ntabakuze wayoboraga batayo parakomando, Major Augustin Ntibihora wayoboraga serivisi yari ishinzwe ubwubatsi (Bâtiments militaires), bashinze Ishyirahamwe ry'abicanyi mu ngabo z'u Rwanda baryita "AMASASU". Iri

[66] Alliance des Militaires Agacés par des Actions Surnoises et Séculaires des Unaristes

shyirahamwe ryayoborwaga na Bagosora, rikaba ryarabaye ku isonga yo gukwiza ingengabitekerezo ya jenoside mu ngabo z'u Rwanda no gukangurira abasilikare kutazemera kubana n'Inkotanyi, ahubwo bakitegura kurimbura Abatutsi kuko ngo Abatutsi bose bari ibyitso by'Inkotanyi.

### 3.3.6. Ikwirakwizwa ry'intwaro mu baturage

Ukwezi kwa Mutarama 1994 kwaranzwe ku ruhande rumwe n'ibyishimo bya bamwe mu Banyarwanda bari bishimiye ko abasilikare 600 b'inkotanyi n'abanyapolitiki babo basesekaye i Kigali kuwa 28 Ukuboza 1993, baje kwitegura kwinjira mu nzego z'Inzibacyuho nkuko zateganywaga n'amasezerano y'amahoro y'Arusha. Ku ruhande rwa Guverinoma y'u Rwanda n'ingabo zayo, bo ntibabyishimiye, maze batangira ibikorwa by'ubukangurambaga bwa Jenoside harimo gukaza imyitozo y'Interahamwe no kuziha intwaro. Mu Mujyi wa Kigali uwayoboraga "*auto-défense civile*[67]" ni Komanda Bivamvagara akaba ari we wafatanije na Perefe w'Umujyi wa Kigali Colonel Tharcisse Renzaho gukwirakwiza imbunda na gerenade muri ba Konseye ndetse n'abayobozi b'imitwe y'Iterahamwe mu Mujyi wa Kigali.

---

[67] Muri Kibungo yayoborwaga na Colonel Pierre Céléstin Rwagafirita; muri Kigali Ngari ikayoborwa na Major Stanislas Kinyoni; i Cyangugu ikayoborwa na Colonel Singirankabo, i Gitarama ikayoborwa na Major Jean-Damascène Ukurikiyeyezu, muri Butare na Gikongoro ikayoborwa na Colonel Aloyizi Simba wari ufite abamwungirije barimo Colonel Alphonse Nteziryayo wagizwe Perefe wa Butare mu gihe cya Jenoside. Muri Gisenyi na Ruhengeri auto-défense civile yayoborwaga n'abakuru b'ingabo muri izo Perefegitura aribo Colonel Anatole Nsengiyumva ku Gisenyi na Augustin Bizimungu mu Ruhengeri.

## UMUTWE WA KANE: JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI MU KARERE KA NYARUGENGE

Imiterere y'Akarere ka Nyarugenge ubu ishingiye ku mpinduka zabayeho nyuma y'ivugurura ry'imiterere ya Repubulika y'u Rwanda yabayeho muri 2006 muri gahunda yo kwegereza abaturage ubuyobozi. Muri iryo vugurura Segiteri ya Nyarurama yometswe ku Karere ka Kicukiro naho izindi segiteri zari zigize Komini ya Butamwa zahujwe na Komini ya Nyarugenge bikora Akarere ka Nyarugenge. Mu rwego rwo kumenya uko Jenoside yakorewe Abatutsi mu Karere ka Nyarugenge uko gateye uyu munsi byatumye mu gukusanya amakuru dusuzuma uko Jenoside yateguwe inashyirwa mu bikorwa dushingiye kuri izo komini ebyiri ari zo Komini ya Nyarugenge na Komini ya Butamwa.

### 4.1. Gahunda yo gukwirakwiza umwuka mubi n'urwango ku Batutsi

Gahunda zose zigamije kubiba urwango ku batutsi zaheraga muri Komini ya Nyarugenge mbere y'uko zikwizwa mu zindi komini zari zigize Umujyi wa Kigali. Ku itariki 8 Mutarama 1994 Perefegitura y'Umujyi wa Kigali yateguye inama yitabirwa n'inzego za gisirikare, amashyaka yari igamije gutegura imyigaragambyo yakozwe ku itariki 9 Mutarama 1994 mu rwego rwo kwamagana MINUAR. Kuri iyo tariki, igihe iyo myigaragambyo yarimo kuba, RTLM yarimo gucishaho ikiganiro gikangurira Abahutu kwamagana MINUAR kubera ko irwanya Interahamwe n'Impuzamugambi mu bikorwa byayo by'urugomo kandi ngo ikaba ishyigikiye FPR[68]. Ku itariki 11 Mutarama 1994 habaye indi myigaragambyo yahuje MRND na CDR initabirwa na ba Minisitiri Pauline Nyiramasuhuko na Callixte Nzabonimana n'abayobozi b'Umujyi wa Kigali. Uyu mwuka mubi warakomeje kugeza Jenoside itangira muri Mata 1994.

### 4.2. Inzego z'ubutegetsi zatumye haba umwihariko mu itegurwa n'ishyirwa mu bikorwa rya Jenoside mu Karere ka Nyarugenge

Akarere ka Nyarugenge kitwaga Komini ya Nyarugenge kugeza muri 1994 igihe Jenoside yashyirwaga mu bikorwa. Guhera muri 1975 kugeza mu Ukwakira 1990 yitwaga Komini ya Nyarugenge, ikaba yari icyicaro cy'inzego nkuru z'imitegekere y'igihugu zagize uruhare mu

---

[68] Dr Bizimana Jean Damascène, Igihe.com yo kuwa 16 Mutarama 2017

gutegura no mu gushyira mu bikorwa Jenoside yakorewe Abatutsi, haba mu Mujyi wa Kigali n'ahandi mu gihugu. Reka tugaragaze zimwe muri izo nzego:

### 4.2.1. Ibiro by'Umukuru w'Igihugu (Présidence)

Ibiro by'Umukuru w'Igihugu byari muri Komini ya Nyarugenge bikaba byari biri aho ibiro by'Umujyi wa Kigali n'Akarere ka Nyarugenge biherereye ubu. Ibiro bya perezida byari bibangikanye n'Urwego rw'Igihugu rw'Iperereza rwitwaga "*Service Central des Renseignements"* ariho haberaga ibikorwa by'iyicarubozo ryakorerwaga Abatutsi, cyane cyane guhera mu kwakira 1990 ubwo bashinjwaga kuba ibyitso by'Inkotanyi.

Benshi mu bahafungiwe barakubiswe cyane, bamwe barapfa, abagize amahirwe yo kuvamo bakuramo ubumuga bukomeye. Ubuhamya bw'abafungiwe bakavamo bwumvikanisha neza umugambi w'ubugome bwo kuburabuza no kurimbura Abatutsi wari ushyigikiwe n'urwego rusumba izindi mu gihugu. Pascal Simbikangwa, umusirikare wari ufite ipeti rya kapiteni yari icyamamare mu gukorera iyicarubozo abo Batutsi. Urugamba rwo kubohora u Rwanda rusoje muri Nyakanga 1994, Kapiteni Pascal yahunze igihugu. Yamaze igihe ubutabera butazi aho aherereye. Mu Kwakira 2008 yafatiwe mu kirwa cya Mayotte azira guhimba ibyangombwa. Yahise anakurikiranwaho uruhare yagize muri Jenoside yakoreye Abatutsi. Ku itariki ya 24 Gicurasi 2018, yahamwe burundu ibyaha yaregwaga ahanishwa gufungwa imyaka makumyabiri n'itanu. Ubu afungiye mu Bufaransa[69].

### 4.2.2. Urwego rw'ubugenzacyaha bitaga «*criminologie*»

Uru rwego rwakoreraga muri Jandarumori. Urwo rwego mbere rwitwaga *Fichier central*. Uru rwego rwaje kumenyekanya cyane mu gukora urutonde rw'abantu babaga badashakwa na Leta cyangwa se amabandi. Urwo rutonde rwaje kubanngikanywa n'urw'Abatutsi bari batuye muri Nyarugenge bakanabishyira mu buryo bw'ikoranabuhanga (Informatique). Ibyo byatangiye mu 1992 bikorwa n'abajandarume b'Abafaransa bari bayobowe na Major Michel Laubardier[70]. Abo bajandarume bakoranaga na Majoro Laurent Munyakazi.

---

[69] https://trialinternational.org/fr/latest-post/pascal-simbikangwa/, byasomwe kuwa 31 Gicurasi 2020

[70] République du Rwanda, Rapport de la Commission Nationale Indépendante chargée de rassembler les preuves montrant l'implication de l'Etat français dans le génocide perpétré, au Rwanda en 1994, Kigali, p. 79

### 4.2.3. Ikigo cya gisirikari cya Camp Kigali

Ikigo cya gisirikari cya Camp Kigali cyari giherereye muri Nyarugenge cyari mu bigo bikomeye u Rwanda rwari rufite. Guhera mu Ukwakira 1990 cyari indiri y'ubugome n'urugomo byakorerwaga Abatutsi bashinjwaga kuba ibyitso by'umwanzi wateye igihugu. Benshi mu bafashwe babanje gufungirwa muri camp Kigali, bakorerwa amabazwa akaze mbere yo kujya gufungirwa kuri sitade i Nyamirambo. Imwe muri za batayo zari muri Camp Kigali hari iyari ishinzwe ubutasi yayoborwaga na Majoro Francois-Xavier Nzuwonemeye akungirizwa na Kapiteni Innocent Sagahutu uvuka i Cyangugu[71]. Muri iyi batayo habereye iyicarubozo rikomeye kuko hafungirwaga Abatutsi bafatwaga mu byitso, bamwe baranahicirwa imirambo yabo ikajyanwa muri morgue y'ibitaro bikuru bya Kigali bikitwa ko bishwe n'indwara ahubwo bazize inkoni. Muri Camp Kigali ni na ho hiciwe abasirikari 10 b'Ababiligi bari barinze Minisitiri Agatha Uwiringiyimana kandi abamwishe na bo bavuye muri Camp Kigali. Aha ni naho mu ijoro ry'itariki ya 6 Mata 1994 indege ya Habyarimana ikimara guhanuka habereye inama yayobowe na Colonel Bagosora yo kugena uburyo Jenoside igomba kwihutishwa. Kuri Mont Kigali habaga indi Batayo yitwaga Huye yagize uruhare runini mu bwicanyi bwayogoje uduce twa Mumena, Kivugiza, Saint André, Nyakabanda, Biryogo na Cyahafi. Bayoborwaga na Major Ntirikina Faustin[72].

Ishuri Rukuru rya Gisirikari na ryo ryari hafi y'icyicaro cya Minisiteri y'Ingabo muri Nyarugenge. Indege ya Perezida Habyarimana igihanuka, muri ESM hateraniye inama zitegura Jenoside zitumijwe Colonel Théoneste Bagosora. Igihe abasirikari b'Ababiligi bicwaga muri Camp Kigali mu gitondo cyo ku itariki ya 7 Mata 1994 muri ESM harimo inama y'inzego nkuru za gisirikari bari bibumbiye muri *Comité de crise*.

Inzego za gisirikari zagize uruhare rukomeye mu gukwiza urwango guhera mu 1991 aho basobanuraga ko umwanzi ari Abatutsi bose n'abumvikana nabo kandi ko umuti ari ukubarimbura bose. Muri Jenoside nyirizina aba basirikari bagize uruhare rukomeye mu bwicanyi bwibasiye Abatutsi bo mu nkengero z'ibyo bigo uhereye ku Bitaro bya Kigali (CHK). Ibyo byatinyuye abaturage bo mu Biryogo, Gitega na Cyahafi bishora mu bwicanyi.

---

[71] Aba bombi baburanishijwe n'Urukiko Mpuzamahanga rwashyiriweho u Rwanda Arusha muri Tanzania

[72] République du Rwanda, Rapport de la Commission…

#### 4.2.4. Ibigo by'imari byateye inkunga Jenoside

Akarere ka Nyarugenge karimo ibyiciro by'amabanki n'ibigo bikomeye bicunga amafaranga yifashishijwe mu guha imyitozo abicanyi no mu kugura intwaro bakoresheje. Izo banki ni Banki ya Kigali (BK), Banki y'Ubucuruzi y'u Rwanda (BCR) na Banki Nyafurika (BACAR). Hakoreraga kandi na Minisiteri y'Imari n'Igenamigambi ndetse na Banki Nkuru y'Igihugu. Izo nzego zose zayoborwaga n'abatoni b'ubutegetsi batangaga amafaranga ku buryo bworoshye kuko bemeraga ibikorwa bibi yabaga agiye gukoreshwa.

#### 4.2.5. Icyicaro cya Perefegitura y'Umujyi wa Kigali (PVK)

Kamini Nyarugenge ni yo yarimo icyicaro cya Perefegitura y'Umujyi wa Kigali yayoborwaga na Perefe Tharcisse Renzaho guhera mu ntangiriro y'intambara yo kubohora u Rwanda. Niwe wateguye akanayobora ibikorwa byose byo kurimbura Abatutsi. Jenoside itangira yahawe ububasha budasanzwe aho yahaye amabwiriza yo kwica Abatutsi inzego z'ibanze yari ashinzwe akoresheje kubaha imbunda no kubetegeka gushinga za bariyeri hirya no hino zihiga abo yitaga abanzi n'ibyitso byabo. Perefe Renzaho yafatanyije n'abari ba Burugumesitiri Bizimana Jean wa Komini ya Nyarugenge hamwe na Nyirinkwaya wayoboraga Komini Kacyiru. Ababurugumesitiri bashyikirizaga amabwiriza abakonseye n'abaserire, na bo bakayshyira mu bikorwa. Ubwo bubasha Perefe yari abufite no ku ngabo zose zakoreraga mu Mujyi wa Kigali, cyane ko na we yari umusirikari mukuru.

#### 4.2.6. Hotel des Diplomates

Yacumbikiye abakomeye bo muri MRND-CDR harimo abagize Leta y'Abatabazi n'abo mu miryango yabo guhera mu ijoro ry'itariki ya 6 Mata 1994 indege y'uwari Perezida Habyarimana ikimara guhanurwa. Nyuma yo kugenwa na Ambasaderi w'Ubufaransa mu Rwanda witwaga Jean Michel Marleau no kurahira ku itariki ya 9 Mata 1994, abagize Leta y'Abatabazi bakoresheje iyo hotel mu gutangiza ubwicanyi mu Mujyi wa Kigali n'ahandi hose mu gihugu mbere y'uko bahungira i Murambi ya Gitarama. Mu gihe ariko Hotel des Diplomates yacumbikiye abakuru b'abicanyi, ni byiza ko Hotel des Mille Collines yo yafunguriye imiryango abahigwaga bose, abashoboye kuhagera benshi bakarokoka n'ubwo bagiriyemo ubuzima bugoye.

### 4.2.7. Igihugu cy'Itangazamakuru (ORINFOR)

Iki kigo cyashinzwe muri 1975 kiyoborwa na Mfizi Christophe kugeza mu 1992. Uretse kuba cyarabarizwagamo Radiyo Rwanda yari radiyo imwe rukumbi yumvwaga n'Abanyarwanda bose kugeza mu 1993 ubwo RTLM yavukaga, icyo kigo cyanakoraga umurimo wa Minisiteri y'Itangazamakuru itarabagaho, kikageza ku bantu bose ibyemezo bikomeye by'ishyaka rya MRND n'iby'inama y'abaminisitiri. Amabwiriza, amakuru n'amatangazo byanyuzwaga no mu nyandiko z'Imvaho za buri cyumweru. Muri 1992 kandi ORINFOR yibarutse Terevisiyo y' u Rwanda, uburyo bwo gutara no gutangaza amakuru buriyongera.

Guhera mu 1990, Radiyo Rwanda yafashe umurongo w'ubutegetsi maze yamagana Inkotanyi nabo ubutegetsi bw'icyo gihe bitaga ibyitso byazo. Yashyigikiye ubukangurambaga buryanisha n'ubusumbanya Abanyarwanda bashingiye ku moko n'uturere, itera akanyabugabo ingabo zari ku rugamba, ntiyigera ivugira inzirakarengane z'Abatutsi zatotejwe kuva mu Ukwakira 1990 igihe zafungwaga mu biswe ibyitso. Mu 1991 igihe amashyaka menshi yavukaga yagiye ku ruhande rw'ishyaka ryari ku butegetsi rya MRND kandi yaragombaga kutabogama nk'uko amategeko yabiteganyaga. Itangazamakuru ryakoresheje abanyamakuru b'abahezanguni bahemberaga urwango n'amacakubiri no gukwirakwiza ibinyoma. Rumwe mu ngero nyinshi ni nko kuvuga ko abateye u Rwanda bari Abagande bari inyuma y'impunzi z'Abatutsi zari mu mahanga.

Mu 1992 Radiyo Rwanda yahembereye ubwicanyi bwakorewe Abatutsi batagira ingano mu Bugesera[73] igihe umuyobozo wayo Nahimana Ferdinand yemeraga ko inyuzwaho itangazo ry'ishyushyamutwe ryahamagariye Abahutu kwica Abatutsi kandi koko bakabikora. Icyo gihe Radiyo Rwanda yakoragaho abanyamakuru n'abahezanguni barimo Florent Kampayana wandikaga mu Mvaho, Jean Baptiste Bamwanga wakundaga gutumira abanyapolitiki b'intagondwa muri Jenoside hagati bakagirana ibiganiro bya politiki, Frodouard Ntawurikura, Augustin Karekezi waje kujya gukora kuri Radiyo Ijwi ry'Amerika n'abandi bahembereye urwango n'amacakubiri yagejeje kuri Jenoside yakorewe Abatutsi.

---

[73] Itangazo ry'ibinyoma ryakwirakwijwe n'intagondwa z'Abahutu kuri Radiyo Rwanda ko hari Abahutu bakomeye bagiye kwicwa n'Abatutsi bo mu Bugesera bohereza abana babo mu Nkotanyi

### 4.2.8. Radio Télévision Libre des Mille Collines (RTLM)

RTLM yashinzwe muri Mata 1993, itangira kumvikana mu Mujyi wa Kigali n'inkengero zawo muri Nyakanga uwo mwaka. Yari mu murongo umwe na MRND wo gushyigikira ubutegetsi bwa MRND bwariho, akarusho ikaba ko yavugaga ku buryo butaziguye ko Abatutsi bose bagomba kwicwa kugira ngo ibibazo u Rwanda rwarimo birangire. Yatangiranye abanyamakuru b'umwuga bavuye muri ORINFOR uhereye ku muyobozi mukuru wayo Ferdinand Nahimana.

RTLM yagize uruhare rutaziguye muri Jenoside kuko ari yo yarangaga aho Abatutsi bihishe maze Interahamwe zikahabasanga zikabica. Yashimagije ubwicanyi bwakorwaga n'Interahamwe kuri za bariyeri. Yatangaga amakuru y'ibinyoma ku ntambara hagati y'Inzirabwoba n'Inkotanyi, aho yabuzaga Abahutu guhunga ngo bave mu murwa w'u Rwanda ahubwo ikabakangurira kwikiza umwanzi aho yari hose. Yahaye urubuga abagize Leta y'Abatabazi bakwirakwiza amatwara yabo yo kurimbura Abatutsi nta nkomyi, ndetse barayiherekeza kugeza mu buhungiro muri Nyakanga 1994 imaze gutsindwa intambara y'amasasu[74].

### 4.2.9. Ibigo by'ubucuruzi (Amasoko, amaduka, inganda, …)

Ubuhamya bwatanzwe n'abahoze mu nzego z'ibanze bahamwe n'ibyaha bya Jenoside buhuriza ku kuba Perefe Tharcisse Renzaho ari we wenyine watangaga essence ikoreshwa n'abari mu kazi bose, ahereye ku gutwara Interahamwe zigiye kwica Abatutsu hirya no hino. Bayinyweraga kuri Station ya ERP yari iruhande rwa Radiyo Rwanda. Perefe kandi ni we watangaga ibya ngombwa byo kugenda ku modoka zose ziva mu Mujyi wa Kigali, cyane cyane izajyaga kuzana ibiribwa n'ibinyobwa. Igihe ubwicanyi bwamaraga Abatutsi hagati ya Mata na Nyakanga 1994, ubuzima bwarakomeje mu gace k'ubucuruzi nk'aho nta kibazo gihari kandi nyamara impande zose Abatutsi baricirwaga kuri za bariyeri. Muri make umutungo mwinshi wari muri Nyarugenge ugereranyije n'ahandi wateye inkunga ikomeye Jenoside kubera ko abicanyi ari ho bakuraga ibya ngombwa byose bakeneye ari na yo mpamvu bamaze amezi asaga atatu yose bica Abatutsi.

---

[74] Ikiganiro Bizimana yatangiye mu muhango wo gushyingura imibiri yabonetse mu Murenge wa Nyakabanda, Kanama 2019

### 4.2.10. Uruhare rw'Amadini

#### 4.2.10.1. Kiriziya Gatolika

Akarere ka Nyarugenge karimo ibyicaro by'amadini akomeye mu Rwanda, ahatangirwaga amabwiriza n'amatangazo mbere y'uko agera mu bindi bice by'igihugu. Umuntu ahereye kuri Kiriziya Gatolika ifite abayoboke benshi kurusha andi madini, umukuru w'abasenyeri, Musenyeri Vincent Nsengiyumva yari atuye anakorera mu Kiyovu. Jenoside itangiye we na bagenzi be ntibigeze bamagana ubwo bwicanyi bwakorerwaga inzirakarengane ziganjemo abayoboke babo. Yahunganye na Leta y'Abatabazi ajya i Kabgayi. Kubera umubano ukomeye yari afitanye n'abategetsi bakuru b'ishyaka rya MRND uhereye kuri Perezida Habyarimana ubwe, Musenyeri Vincent Nsengiyumva yabaye umwe mu bagize Komite y'iryo shyaka mu gihe cy'imyaka irenga icumi ayobora Komisiyo y'Imibereho Myiza y'Abaturage. Aho kwamagana no kurwanya politiki y'ivangura rishingiye ku moko n'uturere yakorwaga na Perezida Habyarimana kandi igaragara ko yima abana b'Abanyarwanda amahirwe, abagize iyo Komisiyo barayishyiye bavuga ko igamije *gukosora amakosa ya kera*.

#### 4.2.10.2. Itorero ry'Abangilikani mu Rwanda (EAR)

Muri 1994 Itotero ry'Abangilikani mu Rwanda, Diyosezi ya Kigali ryayoborwaga na Musenyeri Adoniya Sebununguri yungirijwe na Musenyeri Jonathan Ruhumuriza. Aba bashumba bombi nabo bakoranye bya hafi na Leta ya Juvénal Habyarimana. Bizimana yibutsa ko nyuma ya Jenoside Jonathan Ruhumiriza yasimbuye Sebununguri wari warahunze ku buyobozi bukuru bwa EAR. Abakirisitu baramwamaganye abandi bamushyigikiye, maze muri Kanama 1994 yandika ibaruwa asa n'uwiyerurutsa avuga ko atigeze ajya mu nzego za Leta. Icyo gihe ngo yirindaga gukoresha ijambo Jenoside ahubwo yavugaga ko u Rwanda rwahuye n'akaga, uburyo bumwe bwo gupfobya Jenoside yakorewe Abatutsu[75].

#### 4.2.10.3. Abayisiramu

Hari inkuru zitari zo zakwijwe n'abantu bamwe bavuga ko Abayisiramu batakoze Jenoside. Nk'uko byagenze hose, hari bamwe mu Bayisiramu bakoze Jenoside, ariko haboneka n'abandi

---

[75] Bizimana, op.cit.

bayirwanyije. Mu Karere ka Nyarugenge uwamamaye mu bwicanyi bwamaze imbaga y'Abatutsi ni Konseye Amuri Karekezi wayoboraga Segiteri ya Biryogo afatanyije n'abasore b'Interahamwe zo muri iryo dini barimo uwitwa Karimu wagendanaga imbunda. Mu Biryogo na Nyamirambo hari abataragiye kuri za bariyeri ariko bakaranga aho Abatutsi bihishe bakicwa. Ngeze Hassan wayoboraga Kangura na we yari umuyisiramu kandi uruhare rwe mu gutegura no gukangurira gukora Jenoside rurazwi nk'uko byanemejwe n'Urukiko Mpuzamahanga Mpanabyaha Rwashyiriweho u Rwanda rwamuhanishije igihano cyo gufungwa imyaka mirongo itatu mu 2007[76].

### 4.3. Imibereho y'Abatutsi nyuma y'igitero cy'inkotanyi cyo kuwa 1 Ukwakira 1990

#### 4.3.1. Muri Komini ya Nyarugenge

Inkuru y'Intambara yo kubohora igihugu yatangiye mu kwezi k'Ukwakira 1990 yaje isa nitunguye benshi muri Komini ya Nyarugenge. Kuva Perezida Habyarimana yitabira ibirori byo Kwambika Fred Rwigema ipeti rya "*General Major*" umwuka w'amacakubiri n'ubwo wari usanzweho wahinduye isura. Inkuru imaze kumenyekana ko abateye u Rwanda ari impunzi zo mu 1959 n'abana babakomotseho, byateye Abatutsi bari bakuru ubwoba bahereye ku ngaruka zabaye mu 1960 na 1964 ubwo Inyenzi zagababaga ibitero ahantu hatandukanye mu gihugu. Kuva icyo gihe imibanire yariho hagati y'Abahutu n'Abatutsi yarahindutse. Abahutu bahembera umwuka w'urwikekwe no kutizera Abatutsi kubera ko Abahutu benshi bemezaga ko Abatutsi bari bazi umugambi w'uko Inkotanyi zizatera u Rwanda.

Haje kwaduka imvugo nyinshi ndetse zihabwa urubuga n'abategetsi. Muri icyo gihe bamwe mu Bahutu batangiye kujya bavuga ngo "Inyenzi zagarutse, ubwami bwagarutse". Ubwo ingo zihagarika umubano ndetse no kugenderana bavuga ngo "Abatutsi mutwihishemo". Abana batangira kubwira bagenzi babo ngo "mwe tuzabica" ndetse no mu bakuru byaravugwaga. Muri uko kwiyegeranya, babinyujije mu mvugo mbi no gutukana by'urukozasoni, Abatutsi bahawe akato ndetse no kurebwa nabi. Abajyaga basangira nyuma y'akazi ndetse n'aho bahuriraga ntibyari bigishobotse kuko babonaga Umututsi nk'umwanzi wabo. Urugero mu kabari kabaga mu nzu ya Colonel Nsekarije muri Serire ya Bwahirimba muri Segiteri ya Rugenge gakorerwamo na murumuna wa General Gatsinzi kirukanwemo Abatutsi banyweragamo.

[76] https://trialinternational.org/latest-post/hassan-ngeze

Urwikekwe rwarakomeje ndetse bituma misa y'igitaramo cya Noheli 1990 yagombaga kubera kuri Kiriziya y'Umuryango Mutagatifu (Sainte Famille) iburizwamo na Padiri Karibushi kubera umugambi mubi wari wateguwe muri iryo joro ku bakirisitu b'Abatutsi bagombaga kuza muri icyo gitaramo[77].

Mu Ukwakira Inkotanyi zitangiza urugamba rwo kubohora u Rwanda abaturage benshi ba Komini ya Nyarugenge babaye nk'abatunguwe. Ariko hari n'abandi batigeze batungurwa kuko amakuru menshi yatangiye guhwihwiswa mu 1988 bavuga ko impunzi zo 1959 na 1973 zahuye zigashyiraho umuryango uzihuza. Mu 1989 hari ibinyamakuru byandikirwaga mu Rwanda bitangaza ko impunzi zishaka gutaha ku ngufu. Ngeze Hassan wari umunyamakuru w'ikinyamakuru Kanguka cyayoborwaga na Rwabukwisi Vincent bitaga «RAVI», asezera mu kinyamakuru Kanguka ahita ashinga Kangura. Umunyemari Kajeguhakwa Valens wari watangiye gutungwa agatoki ko hari aho ahuriye n'itahuka ry'impunzi yahise ahunga igihugu. Iya 1 Ukwakira 1990 inkuru iba ibaye impamo Inkotanyi zinjirira ku mupaka wa Kagitumba. Rugero Paulin wari ufite imyaka 31 muri icyo gihe yakoreraga muri «Quartier Matheus» ahitwa kwa Fatake avuga uko yabonye impunzi zageze bwa mbere mu mujyi wa Kigali. Nicyo cyamwemeje ko igihugu cyatewe n'abo bise icyo gihe «Inyangarwanda».

Rugero akomeza agira ati : «*ku itariki ya 2 Ukwakira mu gitondo tuje ku kazi ni bwo mu mujyi wa Kigali aho ikaragiro rya Nyagatare ryacururizaga amata n'ibiyakomokaho, ni hariya hubatse inzu ya Ruhamyambuga Paul «City Plaza», twahabonye impunzi nyinshi zari ziturutse mu Mutara. N'ubwo itegeko ryari ryagiyeho ko nta bantu bahagararana barenze batatu, abantu bari bafite amatsiko yo kumenya uko ibintu bimeze kandi abari bafite ayo makuru ni abari bavuye i Nyagatare. Bakomeje kuza ari benshi ariko ubwoba na twe buratwica kuko twabonaga bidasanzwe. Aho ni ho bari bateraniye noneho abantu bakagira amatsiko yo kujya kubareba ari na ko bababaza amakuru ariko abajandarume n'abasirikare bakabakumira kuko amabwiriza yari yatanzwe ko nta bantu barenze batatu bahagararana* [78]».

Kuri iyo tariki ya 2 Ukwakira 1990 Perezida Habyarimana wari witabiriye inama muri Leta Zunze Ubumwe z'Amerika yasubitse inama ikitaraganya agaruka i Kigali. Mu ijambo rye kuri Radiyo Rwanda yabwiye Abanyarwanda ko gihugu cyatewe n'abanzi b'amahoro, avuga ko ari

---

[77] Ubuhamya bwatanzwe n'umuturage wa Rugenge warokotse Jenoside yakorewe Abatutsi, Mutarama 2019.
[78] Ubuhamya bwatanzwe na Rugero Paulin, Nyakabanda, Werurwe 2019

Inyenzi-Nyangarwanda. Muri urwo rugamba rwari rutangiye u Rwanda rwatabawe bwangu n'abasirikare b'igihugu cya Zayire[79] n'Ububirigi, igihugu cya Misiri gitanga intwaro ziganjemo imbunda bitaga L4.

### 4.3.2. Muri Komini ya Butamwa

Intambara yo kubohora itangira igihugu itangira mu Ukwakira 1990, hari imvugo yateye mu Bahutu bamwe nabamwe bari batuye muri Komini ya Butamwa bavugaga ko Inyenzi zateye u Rwanda zishaka gutsemba Abahutu ndetse no Kugarura ingoma ya Cyami. Inkuru y'uko Igihugu cyatewe yageze mu baturage b'i Butamwa ikererewe ho gatoya izanywe na Karinganire wakoreraga umuzungu witwa Jean Pierre Charbonau[80], icyo gihe wakoraga ataha i Butamwa muri Serire Karukina. Amaze kugera aho yari atuye, yasanze abaturage bataramenya ko intambara yatangiye ni uko afata umwanya wo kubibabwira babimenya batyo[81].

Nubwo Komini ya Butamwa yarigizwe na segiteri y'icyaro, umukwabu, amabariyeri ndetse n'amarondo byahise bishyirwaho bityo bitangira kugenzurwa na Burugumestre wariho icyo gihe Ruberangondo Stanislas abifashijwemo n'abapolisi ba Komini, ba konseye ba za segiteri, ba resiponsabure n'abandi bari mu buyobozi. Kuva ku itariki 2 Ukwakira 1990, ubuyobozi bwa Komini ya KOMINI YA BUTAMWAButamwa bwahagaritse imirimo mu biro bya Komini, maze Munyakazi Jean Chrisostome wari umukozi wa Komini afatanije na Gahamanyi Geregori wari umuyobozi wa Serire Karukina bakwirakwiza inyandiko mu baturage zo gushishikariza Abahutu kurushaho kwanga Abatutsi, bavuga ko Abatutsi bashaka kugarura ingoma ya Cyami yari yarabakandamije.

Izo ngorane Abatutsi b'i Butamwa bagize ziyongereyeho itotezwa n'amagambo yuzuyemo incyuro babwirwaga n'abaturanyi b'Abahutu, batangira kubabwira ko bene wabo bateye, kandi ko Abatutsi bateguye gucukura imyobo yo gushyiramo Abahutu. Abo batashyiragaho amakenga cyane cyane ababaga baturutse kure y'aho batuye bahitaga babata muri yombi cyangwa se bakanabica[82].

---

[79] Repubulika Iharanira Demokarasi ya Kongo y'iki gihe.
[80] Yakorega mu kigo cya CELA.
[81] Ubuhamya bwatanzwe na Karinganire Dismas, Mageragere, Ugushyingo 2018
[82] Ikiganiro twagiranye na Hitimana Pio, Mwendo, Ugushyingo 2018

Imibanire y'Abahutu n'Abatutsi n'ubwo hagati yabo wasangaga nta bibazo bikomeye cyane birimo, Igitero cyo ku itariki ya 1 Ukwakira 1990 cyatumye Abahutu bagaragaza urwango ku Batutsi. Urugero n'ibyabaye kuri Dismas Karinganire yakoraga muri CELA muri Rugenge. Avuye ku kazi yanyuze mu kabari yari asanzwe anyweramo kari gaherereye hafi y'ibiro bya Komini asangamo uwari Burigadiye wa komini witwa Kabera n'undi mugabo witwa Munyakayanza, arabasuhuza maze asaba inzoga ya Primus. Nyuma batangiye kumushotora haziramo no kumukubita bamuziza ko ngo bene wabo baje kubakura "Amata ku munwa"[83].

Muri Segiteri ya Rwesero uwari konseye Télesphore Gatare wari Umututsi[84] akimenya ko Inkotanyi zinjiriye i Kagitumba yabibwiye umuryango we ko Abatutsi bagiye kujya mu kaga kuko yari asanzwe azi ibyabaye ku Batutsi igihe Inyenzi zateraga mu myaka ya 1960. Abaturage ba Segiteri ye bashishikarijwe na Ndizihiwe Ananiya wiyitaga umunyabwenge[85] n'umugore we Geneveva Kambayire kumukura ku buyobozi bwa segiteri azira ko ari Umututsi. Icyo gihe banditse inyandiko zidasinye bazikwirakwiza hirya no hino bavuga ko Gatare naramuka asubiye mu biro bya Segiteri bazamuca amaguru n'amaboko[86]. Imyigaragambyo yarakomeje uwitwa Rutare, Gatete na Gatera bene Rutare, Mahembe Célestin, Helena umugore wa Gatabazi, bajya ku isonga y'iyo myigaragambyo no gutesha agaciro uyu Konseye Gatare. Ibyo byakorerwaga konseye wari warashyizweho n'abaturage mu gihe amatora y'abakonseye yabaye kuya 21 Mutarama 1990. Ibyo kandi byamukorerwaga Burugumesitiri Stanislas Ruberangondo abizi ntiyagira icyo abikoraho. Konseye Gatare mu bushishozi yagiraga ahitamo gusezera ku buyobozi bwa Segiteri ya Rwesero[87].

Bariyeri zari zashyizwe mu mihanda nyabagendwa zaje kurindwa n'abasirikare bafatanyije n'abasivili[88]. Imbere y'ibiro bya Komini ya Butamwa hari bariyeri y'abapolisi Burigadiye, Kabera Stanislas na Munyakayanza Jean Chrisostome. Yariho kandi n'abasirikare ndetse n'abasore baturukaga ahitwa i Rugendabari. Indi yari imbere yo kwa Padiri Karidinari iriho abasirikari n'abaturage bari batuye hafi yayo. Uwazinyuragaho wese bamwakaga indangamuntu, basanga ari Umututsi bakamwicaza aho bakamubuza urugendo. Iyakaremye Athanase wari

---

[83] Ubuhamya bwatanzwe na Karinganire Dismas, Mageragere, Ugushyingo 2018.
[84] Gatare Télesphore yabaye Konseye wa Segiteri ya Rwesero, yaje kwicwa muri Jenoside yakorewe Abatutsi.
[85] Uyu Ananiya Ndizihiwe yigeze kuba Agronome.
[86] Ubuhamya bwatanzwe n'umuturage ukomoka muri Segiteri Rwesero, Mageragere, Ugushyingo 2018.
[87] Ubuhamya bwatanzwe n'umukazana wa Gatare Telesphore. Mageragere, Ugushyingo 2018.
[88] Hari bariyeri yari mu Rugarama yari iriho abasirikare b'Abazayirwa.

Konseye wa Segiteri ya Rugarama abifashijwemo n'ubuyobozi bwa Komini n'inzego za gisilikare bahise bashyira bariyeri ku Kimisange. Iyo bariyeri yaje kurindwa n'abasirikare b'u Rwanda ndetse n'abasirikare ba Zayire bari baje gutabara u Rwanda mu ntambara rwari rurimo na FPR-Inkotanyi. Hafi yaho gato hari indi yashyizweho irindwa n'abaturage bo muri Segiteri ya Rugarama.

### 4.4. Bamwe mu bateguye bakanashyira mu bikorwa Jenoside muri Komini ya Nyarugenge

Komini ya Nyarugenge yari ifite umwihariko wo kuba icyicaro cy'inzego z'ubuyobozi ku rwego rwo hejuru, Komini ya Nyarugenge yagombaga kuba ku isonga y'ishyirwa mu bikorwa y'ibyemezo byose byafatwaga n'inzego cyane cyane iza gisirikare mu gushishikariza abaturage kwitabira ubwicanyi. Usibye kuba Jenoside yarateguwe n'inzego z'ubuyobozi n'abategetsi bo hejuru, muri Komini ya Nyarugenge, Jenoside yashyizwe mu bikorwa n'abayobozi bari bakuriye inzego zose z'ubuyobozi bafatanije n'abasirikare. Ab'ingenzi twavuga ni aba bakurikira:

#### 4.4.1. Colonel Tharcisse Renzaho

Colonel Tharcisse Renzaho yari umuyobozi w'Umujyi wa Kigali washyizweho na Perezida Habyarimana hashize iminsi ine intambara y'Inkotanyi yo kubohora u Rwanda itangiyera kugera Nyakanga 1994. Yari afite igitinyiro n'ububasha by'umusirikari mukuru mu ngabo z'u Rwanda.



*Colonel Renzaho Tharcisse yagize uruhare rukomeye mu gutegura no gushyira mu bikorwa Jenoside yakorewe abatutsi mu mujyi wa Kigali.*

*Yitwaje amategeko yo mu bihe bidasanzwe maze yiha ububasha bwose ndetse aburizamo n'inzego zagombaga kumufasha gutegeka. Yasigaye akora wenyine anyuze muri Komite y'Umujyi Ishinzwe Umutekano.*

Mu gihe cya Jenoside, Inama y'Umujyi nta jambo yagize kuko uretse no kuba benshi mu bari bayigize nta bushobozi bari bafite kubera amashuri make, nta n'ubwo bashoboraga kugira ijambo

rivuguruza umusirikari mukuru mu bihe bikomeye by'intambara n'impinduka za poritiki[89]. Byongeye kandi, birazwi ko ubutegetsi bwa Habyarimana bwifashishije intambara kugira ngo bugaragaze ko ibibazo by'Abanyarwanda byaterwaga n'abari hanze y'igihugu, kandi ko ikibazo cyari hagati y'amoko y'Abahutu n'Abatutsi ko atari icya poritiki ye mbi. Tharcisse Renzaho n'abari bamwungurije n'inzego zose z'ubutegetsi bari basangiye imyumvire n'ingengabitekerezo y'ivanguramoko yari yaratangijwe na Perezida Grégoire Kayibanda igashimangirwa bidasubirwaho na Perezida Habyarimana abinyujije mu ishyaka rimwe rukumbi rye rya MRND.

Yikinze mu kiza cy'intambara maze ashyiraho amategeko yo mu bihe bidasanzwe nko kwitwaza ibya ngombwa by'inzira zizwi nka "Laisser-passer, permis de résidence na "*feuille de route*" bigamije kugenzura abaturage by'umwihariko Abatutsi bari biswe abanzi b'igihugu. Yagize uruhare mu gutegura no kuyobora inama nkangurambaga zishishikariza abaturage kwitabira ubwicanyi, gukwirakwiza intwaro mu bayobozi b'inzego z'ibanze no mu Nterahamwe no kuyobora ibitero aho Batutsi bahungiye. Muri make, kuyobora Umujyi wa Kigali byamuhesheje ubushobozi no kugira uruhare rukomeye mu gutegura no gushyira mu bikorwa umugambi mubisha wo kwica Abatutsi mu Mujyi wa Kigali muri rusange no muri Komini ya Nyarugenge by'umwihariko.

Renzaho Tharcisse yaburanishijwe n'Urukiko Mpuzamahanga wagiriyeho u Rwanda Arusha muri Tanzaniya rumushinja Jenoside n'ibyaha byibasiye inyokomuntu harimo kwica no gusambanya Abatutsikazi ku ngufu. Ku itariki ya 14 Nyakanga 2009, umushinjacyaha yamusabiye igihano cyo gufungwa burundu. Nyuma yo kujurira, ku itariki ya 1 Mata 2011 yahamwe ibyaha yaregwaga n'icyo gihano[90].

### 4.4.2. Bizimana Jean

Nkuko byavuzwe haruguru, nyuma yo kubona impamyabushobozi ya kaminuza yakoreze imirimo mu ishyaka rya MRND no muri peresidansi y Repubulika bityo bikaba byaramuhaye kuba umuntu wizewe muri politiki n'ubutegetsi. Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 itangira yari afite imyaka 36 y'amavuko.Yari umuyoboke w'imena w'ishyaka rya MRND.Yateguye

[89]Iki ni icyiswe Commission de synthèse yarimo Renzaho na Bagosora yashyizweho muri Nzeri 1990 kugira yige ku bibazo by'ubwisanzure bwa poritiki mu Rwanda n'itahuka ry'impunzi.
[90] https://trialinternational.org/fr/latest-post/tharcisse-renzaho, byarebwe kuri murandasi kuwa 11 Nzeri 2019

Jenoside muri komini yategekaga kandi yanavuzwe mu bitero by'Interahamwe yayoboye mu kigo cyitiriwe Mutagatifu Pawulo, CELA no kuri Kiliziya y'Umuryango Mutagatifu ari kumwe na Perefe Tharcisse Renzaho. Icyibukwa cyane kikaba ari icyo kuwa 14 Kamena 1994 cyaguyemo Abatutsi 44[91].

Abamenye Bizimana Jean batangazwa n'ubugome yakoze muri Jenoside kuko ubusanzwe nta bukana yagaragazaga kimwe n'abandi bahezanguni[92]. Yari umuyoboke ucecetse wa MRND utarabigaragazaga mu ruhame. Iyo uganiriye nawe aho afungiye i Mpanga wumva asa n'uwicuza ibyo yakoze nk'umuyobozi wari mu butegetsi bwateguye bukanahagarikira Jenoside. Ariko ntasobanura neza ibikorwa bye birimo ibizwi nk'ubwicanyi bwabereye kuri CELA muri Rugenge ku itariki ya 8 Mata 1994 bunavugwa mu rubanza rwa Tharcisse Renzaho bari kumwe. Mu buhamya atanga uruhare rwe bwite muri Jenoside asa n'uruca hejuru. Yanashatse kugira Tharcisse Renzaho umwere nyiyabigeraho kubera ko yanyomojwe na Longolongo Huessein bakoranye ubwicanyi bwose[93].

Longolongo azi byinshi kuri Jenoside yakorewe Abatutsi muri segiteri ya Rugenge ku buryo amakuru ye afite gihamya. Urukiko Gacaca rw'umurenge wa Rugenge rwmurenze ibyaha bikurikikira kandi byose biramuhama: yari mu bitero byishe abari bahungiye muli CELA kuwa 22 Mata 1994, kuri Saint Paul 24 Mata 1994 no kuwa kuwa 14 Kamena 1994, kuri Sainte Famille kuwa 17 Kamena 1994, kwica mu ngo ku matariki atandukanye kuva kuwa 07 Mata kugera 04 Nyakaganga 1994no gucura umugambi w'ubugizi bwa nabi[94].

Bizimana yahunganye na Leta y'Abatabazi muri Zayire ahungukana n'ikivunge cy'impunzi z'Abanyarwanda muri 1997. Yahise afatwa arafungwa. Mu kuburana kwe ntiyigeze agorana kuko uruhare rwe bwite n'urw'ubutegetsi yakoreraga rwigaragazaga. Yarireze yemera ibyaha byose yakoze akanasaba imbabazi abarokotse Jenoside cyane cyane abari[95]. Ubu afungiye muri Gereza ya Mpanga iri mu Karere ka Nyanza mu Majyepfo y'u Rwanda nyuma yo kuburanishwa

---

[91] Ibitero bikomeye byibasiye Sainte Famille, Saint Paul na CELA ku matariki atandukanye

[92] Umutangabuhamya Gervais Dusabemungu ahamya ko mbere ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 yabonaga Bizimana Jean nk'umuntu wacishaga make, werekanaga ko yakundaga abantu kandi akaborohera. Yakundaga gukina umupira wa basiketi.

[93] Ubuhamya bwatanzwe na Longolongo Hussein wari ukuriye Interahamwe zishe Abatutsi kuri CELA, Kigali, 2018

[94] Urukiko Gacaca rw'Umurenge w'Umurenge wa Rugenge, Nyarugenge, 2007

[95] Ikiganiro twagiranye ku itariki ya 30 Ugushyingo 2018 i Mpanga

n'Inkiko Gacaca no guhanishwa n'igihano cyo gufungwa burundu ku itariki ya 9 Ugushyingo 2009[96].

### 4.4.3. Padiri Munyeshyaka Wenceslas

Padiri Munyeshyaka Wenceslas yari umusaseridoti muri Paroisse Sainte Famille iherereye muri segiteri yitwaga Rugenge. Wenceslas Munyeshyaka akurikiranyweho icyaha cya Jenoside we ubwe nk'umuntu wayiteguye, washishikarije abandi gukora Jenoside yakorewe Abatutsi. Wenceslas yarenze ku inshingano ze zo kwigisha urukundo n'iyobokamana, ahubwo mu nyigisho za kiriziya bimubera umwanya wo kubiba inzangano no gushishikariza Abahutu kwica Abatutsi. Padiri Wenceslas yakoranye bya hafi cyane n'inzego za gisirikare n'Interahamwe mu kuborohereza kwinjira gufata Abatutsi muri kiriziya aho bahungiye bakajya kubica. Icyo yakoze n'uko yavanze Abatutsi bahungiye mu kiriziya no muri CELA n'Interahamwe mu rwego rwo kumenya imibare n'ubwoko bw'Abatutsi bahahungiye.

Nyuma y'ibyumweru nka bibiri izo Nterahamwe zarasohotse ziragenda kubera ko zari zishoje inshingano zari zahawe zo kumenya umubare w'Abatutsi bahahungiye no gukora urutonde rw'Abatutsi bagomba kwicwa. Haje gukurikiraho gahunda yo guhererekanya Abatutsi bahungiye muri Saint Paul na Sainte Famille bahunga ubwicanyi n'Abahutu bahunze imirwano hagati y'ingabo zarwaniraga Leta yarimo gukora Jenoside. Padiri Wenceslas Munyeshyaka yinjiye muri Kiriziya kubaza mu ruhame ashaka kumenya impunzi zifuza kujya mu duce twabohojwe n'ingabo za FPR maze mu ijwi riranguruye avuga ati: "Inyenzi nizijye ku ruhande biyandikishe!". Ibyo yabibajije ku mugaragaro kugira ngo Abatutsi bahahungiye bigaragaze. Inkurikizi yabyo ni uko yanditse amazina y'Abatutsi ku mpapuro ebyiri, rumwe aruha MINUAR urundi aruha Interahamwe ari na rwo bagenderagaho baza kujonjora Abatutsi bagomba kwicwa. Urwo rupapuro ni rwo interahamwe zifashishije itariki 14 Kamena 1994 zijonjora Abatutsi bageze ku ijana biganjemo abasore bajya kubica.

Tariki ya 17 Kamena 1994 yinjiye mu kiriziya abwira impunzi z'Abatutsi ko abasirikare b'Inkotanyi baraye batwaye Abatutsi, ngo ntibikange babonye Interahamwe zije kwihorera.

---

[96] Urukiko Gacaca rw'umurenge wa Nyarugenge, Nyarugenge, 2009 na https://www.justiceinfo.net/en/hirondelle-news/21990-en-en-091109-rwandagacaca-life-sentence-for-former-mayor-bizimana1279712797.html, byarebwe kuri murandasi kuwa 15 Nzeri 2019

Ntibyatinze kuko byageze saa yine Interahamwe zikaza zikica Abatutsi bari bahasigaye. Imyitwarire ya Padiri Wenceslas Munyeshyaka yatumye Abatutsi benshi bicwa tariki 17 Kamena 1994 mu gitero cyayobowe na Major Laurent Munyakazi ku bufatanye na Colonel Tharcisse Renzaho. Josephat Umwangavu avuga ko Padiri Munyeshyaka yatindije gahunda MINUAR yari ifite yo guhungisha Abatutsi ibajyana ku ruhande rwagenzurwaga n'ingabo za FPR. Muri iki gikorwa cyo guhungisha Abatutsi, Wenceslas Munyeshyaka yafashe urutonde rw'Abatutsi basabye guhungishwa ku ruhande aruha Interahamwe byazifashije kuza kujonjora abagabo n'abahungu batwawe kwicwa. Ubundi buryo yakoresheje ni uko yagabanyije umubare w'abagomba guhungishwa mu gihe ingabo za MINUAR zitari zibuze imodoka zo gutwara izo mpunzi[97].

Padiri Wnceslas Munyeshyaka ntiyatinye gusambanya abakobwa n'abagore bari bahungiye kuri Ste Famille mu rwego rwo kwigura kugira ngo baticwa ariko ntibyababuzaga kugirirwa nabi. Ababyanga bo bahitaga bicwa. Urugero rw'ihohoterwa ryakozwe na Padiri Munyeshyaka Wenceslas ni iraswa rya Hyacinthe Rwanga, umukobwa wa Karoli Rwanga wifujwe na Padiri ariko Hyacintha arabyanga. Ntibyatinze kuko Hyacinthe yahise yicwa arashwe n'umusirikare wari waje kureba Padiri aho kuri Sainte Faimille. Mu gihe Jenoside yari irimo gukorwa, Padiri Wenceslas Munyeshyaka yashyize bariyeri yarindwaga n'abasirikare n'Interahamwe ku marembo yombi ya kiriziya mu rwego rwo gukumira Abatutsi kwinjira muri Sainte Famille[98]. Intambara irimbanyije muri Kigali, Padiri Munyeshyaka yahungiye i Kabgayi aho yakomereje Jenoside.

Nkuko inkiko gacaca mu murenge wa Gahogo zabigaragaje, yafatanyije ubwicanyi b'abitwa Murwanashyaka na Bizimungu bitaga Shitani. Nyuma ya Jenoside yahungiye mu Bufaransa aho akora imirimo y'ubusaseridoti muri za paruwasi zinyuranye guhera icyo gihe. Guhera muri Nyakanga 1995, Munyeshyaka yarezwe mu gihugu yari amaze guhungiramo kugira ngo akurikiranweho uruhare yaba yaragize muri Jenoside yakorewe Abatutsi. Ku itariki ya 20 Werurwe 1996, urukiko rw'i Nimes mu Bufaransa rwemeje ko rudafite ububasha bwo kumuburanisha nk'umunyamahanga wakoreye ibya mu mahanga kandi abikorera

---

[97] African Rights, Issue 9, *Father Wenceslas Munyeshyaka. In the Eyes of Survivors of Sanite Famille*, pp. 39, 1999

[98] Urukiko Gacaca rw'Umurenge wa Gahogo, Muhanga, 2009

abanyamahanga. Abamureze barajuriye ariko ubutabera bw'Ubufaransa kudindiza urwo rubanza rwe. Ku itariki ya 21 Kamena 2018, nibwo ubutabera bw'Ubufaransa bwakuriye inzira ku murima abaregaga bose Padiri Munyeshyaka Wenceslas buvuga ko nta byaha bumukekaho[99].

Ku ruhande rw'u Rwanda, Padiri Munyeshyaka yaburanishijwe n'Inkiko Gacaca za Segiteri ya Rugenge kuba ku isonga mu bwicanyi bwabere ku Kiriziya cyitiriwe Umuryanho Mutagatifu n'ikigo cya Saint Paul, gusambanya abatutsikazi ku gahato bari bahungiye muri iyo kiliziya. Ku itariki ya 30 Kamena 2009, Urukiko Gacaca rwa Gahogo rwamukatiye adahari gufungwa burundu[100.]

### 4.4.4. Lieutenant Colonel Munyakazi Laurent

Mu myaka ya 1990 kugeza mu gihe cya Jenoside, Lieutenant Colonel Munyakazi Laurent yari umuyobozi w'Ikigo cya Jandarumori cya Muhima. Uwitwa Hamidu Safari yavuze ko yamwiboneye n'amaso ye atanga gerenade, ngo amaze kubaza impamvu nta mwanda wari uhari. Aha Safari yasobanuye ko ngo yashakaga kuvuga ngo kuki nta mirambo y'Abatutsi yari ihari.

Muri 2005, Urukiko Gacaca rwo muri segiteri ya Rugenge rwamuhamije ibyaha bya Jenoside yakorewe Abatutsi 1994, birimo kuba yarayoboye ubwicanyi bwabereye kuri Kiriziya y'Umuryango Mutagatifu. Urukiko rwa Gacaca rwo mu cyahoze ari Segiteri ya Rugenge, mu Mujyi wa Kigali mu mwaka 2006 rwamukatiye igihano cyo gufungwa burundu. Ku itariki ya 17 Nzeri 2013 yaguye mu Bitaro Bikuru bya Kaminuza i Kigali nyuma y'igihe afungiwe muri gereza ya Kimironko.

## 4.5. Uruhare rw'abayobozi n'abakozi ba Komini ya Nyarugenge mu ishyirwa mu bikorwa rya Jenoside

Abayobozi n'abakozi ba Komini ya Nyarugenge bagize uruhare rukomeye mu gutegura no gushyira mu bikorwa Jenoside yakorewe Abatutsi. Uruhare rwabo rwagaragariye mu bikorwa bitandukanye birimo gushishikariza abaturage kwitabira kwinjira mu mitwe yitwara gisirikare nk'Interahamwe n'Impuzamugambi, gutanga intwaro mu baturage no guhuza ibikorwa mu gihe ubwicanyi bwarimo bukorwa. Muri abo bayobozi twavuga aba bakurikira:

---

[99] https://trialinternational.org/fr/latest-post/wenceslas-munyeshyaka, byasomwe kuri murandasi kuwa 14 Nzeri 2019

[100] Imyanzuro y'Urubanza Gacaca mu murenge wa Rugenge.

### 4.5.1. François Karera

Mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi mu Rwanda, François Karera yari amaze imyaka igera kuri ine atakiri Burugumesitiri wa Komini ya Nyarugenge. Nyamara hari impamvu nibura ebyiri zituma ahuzwa na Jenoside yakorewe Abatutsi muri iyi Komini. Iya mbere ni uko kubera igihe yayiyoboraga yari umuturage wayo atuye muri Segiteri ya Nyamirambo, Serire ya Kivugiza, akaba atarigeze ahimuka no mu gihe yahabwaga indi mirimo yakurikiye kuba Burugumesitiri wa Komini ya Nyarugenge. Ntiyigeze atakaza imbaraga cyangwa ijambo ku baturage bari bahatuye. Icya kabiri ni uko yari Perezida w'Ishyaka rya MRND muri iyi komini. Kandi iryo shyaka ni ryo ryateguye Jenoside riyishyira mu bikorwa rinashishikariza abaturage kwishora mu bwicanyi. Ibyo rero byatumye akora Jenoside mu bice bimwe bya Komini ya Nyarugenge.

Muri Jenoside yakorewe Abatutsi, Karera yicishije Abatutsi i Nyamirambo aranabasenyera. Si aho gusa kuko yanagize uruhare mu iyicwa ry'Abatutsi baguye muri Kiriziya ya Ntarama[101] kandi yicisha n'abandi muri Komini Rushashi[102].Tugarutse kuri Nyarugenge, imbere yo kwa Karera i Nyamirambo hari bariyeri yacungwaga'abapolisi batatu n'Interahamwe, bose bakaba bari barinze urwo rugo. Hiciwe Abatutsi barimo Rukemampunzi, Murekezi, Mazimpaka, Joseph Kahabaye, Léonard, Murekezi n'abana be batatu, Kabuguza, Enode Ndoli, John, Nana, Bosco na Kazadi, ku itariki ya 7 Mata 1994. Hari n'abandi abo bambari bishe barimo umugore wa Rukemampanzi wiciwe iwe i Rwarutabura aho yari yihishe, Palantin Nyagatare, Félix Dix na Adolphe biciwe mu ngo zabo muri uko kwezi kwa Mata, Félicien n'abana be babiri, Gangi Innocent, Renata, Kazungu bose biciwe i Nyamirambo[103].

Ingabo za FPR-Inkotanyi zimaze kubohora igihugu Karera François yarahunze. Ku itariki ya 20 Ukwakira 2001 yafatiwe muri Kenya yoherezwa mu rukiko mpuzamahanga rwari rwarashyiriweho u Rwanda Arusha. Agejejwe mu rukiko yarezwe ibyaha byibasiye inyokomuntu, gutegura ubwicanyi bwakorewe aho yari atuye ku Kivugiza, ku Kiriziya gaturika i Ntarama muri Kanzenze, Nyamata kuri Paruwasi n'ahandi. Ku itariki 7 ukuboza 2007 yahamijwe

---

[101] Le Procureur c. Francois Karera, Jugement portant condamnation, affaire n° ICTR-OI-74-T, Arusha, le 07 décembre 2007, p.159

[102] Idem

[103] TPIR, Le Procureur c. François Karera. Le jugement portant condamnation, Arusha, le 7 décembre 2007, p.29

ibyaha yaregwaga akatirwa n’urukiko mpanabyaha byashyiriweho u Rwanda igihano cyo gufungwa burundu[104].

### 4.5.2. Roza Karushara

Mu gihe Jenoside yakorerwaga Abatutsi mu 1994, Roza Karushara yari Konseye wa Segiteri ya Kimisagara atuye muri Serire ya Kamuhoza ariko akomoka muri Komini Bwakira, Perefegitura ya Kibuye. Yabanje kuba resiponsabule wa Serire yari atuyemo anahafite akabari kari gaherereye hafi y’uruganda rutunganya amazi rwa Kimisagara. Nyuma Burugumesitiri Karera yaje kumubonamo umuntu bakorana bya hafi maze mu 1983 amugira Konseye wa Segiteri ya Kimisagara. Nkuko abamuzi benshi babihamya, yari umugore w’igishegabo, umunyagitugu, urya ruswa ndetse n’umwicanyi na mbere y’uko Jenoside itangira. Mu gihe u Rwanda rwagenderaga ku ishyaka rimwe rukumbi rya MRND yagaragazaga ko ari inkoramutima yaryo. Ikindi ni uko yakoranaga bya hafi na burugumesitiri na perefe mu gukandamiza abaturage no guhohotera Abatutsi by’umwihariko[105].

Intambara yo kubohora u Rwanda itangiye mu 1990 n’amashyaka menshi ya politiki yongeye guhabwa urubuga yarushijeho kugaragaza ko ashyigikiye ubutegetsi bwa Perezida Juvénal Habyarimana n’imikorere yayo[106]. Kugira ngo abonere iri shyaka abayoboke nyuma 1991, yashinze ishyirahamwe aryita *Abiseki* mu magambo ahinnye. Mu magambo arambuye bivuga “*Abishyize hamwe ba Segiteri ya Kimisagara”*[107].

Aho Jenoside yakorewe Abatutsi itangiriye, Karushara yayigizemo uruhare rukomeye, kuva mu ikubitiro kugera mu mpera zayo. Yihutiye gukoresha inama Interahamwe, cyane ko yari afite imitwe yatorejwe ku biro bya segiteri ye. Inama zakorerwaga ahitwa ku Ntaraga[108]. Ntabwo kandi yayoboye ubwicanyi mu segiteri ye gusa. Yazengurukaga henshi mu Mujyi wa Kigali, cyane ko yari azwi n’abaturage kandi akorana n’abayobozi hafi ya bose. Ndetse yaje no kwica no

---

[104] Idem, p.160
[105] Jean de Dieu Kayiranga, warokokeye i Kimisagara, Kimisagara, 14 Nyakanga 2018
[106] Twashishikariza buri wese gusoma igitaba cyanditswe na African Rights, Rwanda. Moins innocentes qu’il n’y parait. *Quand les femmes deviennent meurtrières*, Londres, 1995, pp. 121-136. Umwimerere w’iki gitabo uri mu cyongereza ku mutwe ugira uti: «Not so Innocent: When Women Become Killers. Kiboneka mu masomero menshi mu Rwanda no mu nzu zigurisha ibitabo
[107] Idem, p.129
[108] Idem, p. 122

bindi bice by'igihugu nka za Rushashi aho uwari Burugumesitiri Karera François yavukagaar naho yahungiye mbere yuko ava mu gihugu n'i Runda. Ubuhamya kandi bugaragaza ko hari n'Abatutsi yiyiciye ubwe. Zimwe mu ngero nyinshi ziriho, twavuga nka Sezirahiga wari umupolisi wa Komini ya Nyarugenge. Yanateye umuryango wa Alphonse Ndegeya aramusenyera na we ubwe amutwikisha amapine y'imodoka[109].

Karushara yagize uruhare mu kwichisha abantu benshi. Yicishije umugore witwaga Jean d'Arc Mukamusoni wari warashakanye na Antoine Bernier Mbarushimana wari ufite sosiyete itwara ba mukerarugendo yitwaga *Mimosa Travel Agency*. Uyu nyakwigendera ngo yari yabashije guhungishwa na Colonel Gendarme Laurent Rutayisire wakomokaga muri Perefegitura ya Gikongoro wakoranaga ubucuruzi n'umugabo we. Ukurikije imyanya yagiye ayobora muri Jandarumori, Rutayisire yari afite ububasha bwo kurwana kuri Mukamusoni akamukura mu menyo ya Karushara n'abicanyi be ariko si ko byagenze. Mbere ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, Colonel Laurent Rutayisire yayoboraga ibiro by'iperereza muri Jendarumori y'Igihugu hanyuma muri Jenoside agirwa Umukuru wa *Etat-Major* wungirije wa Jandarumori y'Igihugu. Colonel Rutayisire yari amukuye aho yari atuye ku Ibereshi rya Nyamirambo mu modoka ya gisirikare ya *blindé*. Colonel yari mu modoka ye naho *blindé* yarimo Mukamusoni iyikurikiye.

Izo modoka zombi zigeze hafi yo kwa Karushara ku Kimisagara, Interahamwe zari kuri bariyeri zirazihagarika. Colonel Rutayisire yasabwe kwerekana abantu yari atwaye muri blindé. Yarazitakambiye ngo ze kuyisaka ariko ziranga. Zakuyemo Mukamusoni hanyuma zihamagara Konseye Karushara ngo avuge ikimukwiye. Karushara yahise ategeka ko Interahamwe zimuca umutwe ziwumanika ku rubambo zirutera kuri bariyeri ngo hatazira undi muntu ugerageza gukiza umututsi. Urugamba rwo kubohora u Rwanda rumaze gusatira umurwa mukuru, Rose Karushara yahungiye muri Zayire; n'ubu nta we uzi irengero rye.

Karushara Rose yahamwe n'ibyaha byo gushishikariza abahutu kwica abatutsi, kuyobora ibitero bigamije kwica abatutsi no gusahura imitungo yabo muri Kimisagara, Nyakabanda, Muhima n'ahandi. Urukiko Gacaca rwamukatiye adahari igihano cyo gufungwa burundu[110].

---

[109] Idem, p.132

[110] Urukiko Gacaca rwa Nyamirambo, Nyarugenge, 2009

### 4.5.3. Odette Nyirabagenzi

Odette Nyirabagenzi yari Konseye wa Segiteri ya Rugenge mu gihe cya Jenoside. Yavukiye ku Kabasengerezi muri Segiteri ya Rugenge aho se yari yari atuye kuva kera aturutse muri Perefegitura ya Byumba. Uyu se yategetse Segiteri ya Rugenge kugera atabarutse mu 1990. Abamuzi bavuga ko yayoboye neza iyo segiteri kandi ko nta we yahutazana bityo akaba yarasize inkuru nziza imusozi. Nyuma y'urupfu rwa se, Nyirabagenzi ari mu biyamamarije kumusimbura. Ariko amatora yaje kwegukanwa na Pierre Sebushishi Nyirabangezi abona amajwi ya kabiri, bityo akaba umwungiriza we. Intambara yo kubohora u Rwanda itangiye mu 1990 Burugumesitiri Karera yakuyeho Sebushishi amusimbuza Nyirabangenzi kuko ari we bari bahuje gahunda y'icyo gihe irimo no gutoteza Abatutsi[111].

Mu gihe cya Jenoside Nyirabagenzi yahagarikiye ubwicanyi bw'Abatutsi muri segiteri yayoboraga cyanecyane muri Saint-Paul, kuri Paruwasi ya Sainte-Famille no muri CELA. Yabaga ari kumwe n'abategetsi ba perefegitura, aba komini n'abandi ari bo Colonel Tharcisse Renzaho wari Perefe w'Umujyi wa Kigali, Padiri Wenceslas Munyeshyaka, Angéline Mukandutiye wari umugenzuzi w'amashuri w'akarere ka Nyarugenge, abasirikare, abajandarume n'Interahamwe bahaga amabwiriza yo kwica. Igihe kinini Nyirabagenzi yabaga yambaye gisirikare cyangwa imyambaro y'Interahamwe kandi afite imbunda. Antoine Gasarabwe wahaye ubuhamya African Rights yemeza ko hari igihe yamubonye afite imbunda yo mu bwoko bwa G3 n'iyo mu bwoko bwa *pistolet*[112].

Nyirabagenzi yicishije Abatutsi benshi bari muri Sainte-Famille na Sainte-Paul. Ku itariki ya 14 Kamena 1994, yazanye Interahamwe batoranya abasore biganjemo abize barenga mirongo itandatu (60) bajya kubica. Iminsi itatu nyuma yaho ni bwo Ingabo za FPR-Inkotanyi zaje kurokora abahungiye muri Saint-Paul. Muri uko kwezi kwa Kamena hagati ni na bwo yicishije André Kamenya wari umuyobozi w'ikinyamakuru *Rwanda Rushya* cyakundaga kunenga ubutegetsi bwa Habyarimana. Nyuma yo kumuvutsa ubuzima Nyirabagenzi yishimiye urupfu rwe abibwira impunzi zari muri ibyo bigo by'abihayimana. Urupfu rwe kandi rwamuteye ishema ryo

---

[111] Igitabo cya *African Rights* twigeze kwifashisha cyanditse inkuru ndende ku ruhare rwa Odette Nyirabagenzi muri Jenoside yakorewe Abatutsi muri Rugenge. Umuntu yasoma birambuye ku izi mpapuro zikurikira, 136-146

[112] African Rights, Rwanda, Moins innocentes qu'il n'y paraît…, p. 139

gukomeza kwica Abatutsi bari basigaye[113]. Muri icyo gihe Odette Nyirabagenzi yari yararembeje Padiri Célestin Hakizimana wayoboraga ikigo cya Saint-Paul kuko yakoraga uko ashoboye kose ngo arwane ku Batutsi. Nyirabagenzi yazanaga amalisiti ariho Abatutsi ashaka Padiri Célestin akamutsembera ko atabanga, noneho akamucunaguza amubuza amahoro[114]. Ibyo Padiri Célestin yabikoraga azi ko byatuma yicwa ariko agahitamo kurengera intama ze. Igihe Umujyi wa Kigali wafatwaga, Odette Nyirabagenzi yahungiye muri Zaire ntiyagaruka mu Rwanda.

Urukiko Gacaca rwa Segiteri ya Rugenge rwahamije Nyirabagenzi Odette ibyaha bya Jenoside birimo kuba ku isonga mu bwicanyi bwibasiye inyokomuntu, kuyobora ibitero bigamije kwica abatutsi. Yakatiwe igihano cyo gufungwa burundu adahari[115].

### 4.5.4. Euphrasie Kamatamu

Uyu mugore wamamaye mu gutoteza Abatutsi no kubarimbura yari Konseye wa Segiteri ya Muhima. Yakomokaga muri Komini ya Kagano muri Perefegitura ya Cyangugu. Kimwe n'umugabo we, bari abayoboke b'imena ba MRND. Umugabo we Thomas Habyarimana yari umukozi w'ikigo cy'amaposita mu Rwanda akaba na Perezida wa MRND muri iyo segiteri umugore we yayoboraga. Euphrasie yahoraga yambaye ishapuke kandi ntiyasibaga misa yumviraga muri Paruwasi ya Sainte-Famille no mu gihe cya Jenoside.

Mu gihe cya Jenoside, iwe yahagize icyicaro gikuru cy'ubwicanyi. Abana be bose harimo n'ab'abakobwa bakoze Jenoside. Mu rugo iwe niho hakorerwaga urutonde rw'abagombaga kwicwa, hakabikwa intwaro n'amasasu kandi akanahatangira amabwiriza yo kwica. Yakoranaga n'umuyobozi wa Jandarumori ya Muhima, akanaherekeza Interahamwe aho zagendaga zivumbura abagombaga kwicwa kandi akanagenzura imikorere ya za bariyeri. Nk'uko ubuhamya bubyemeza, Kamatamu yagize uruhare rutaziguye mu kurimbura imbaga y'Abatutsi muri segiteri yayoboraga n'ahandi hanyuranye. Umusaza Nkuliliyinka warokokeye muri Muhima ariko abahungu be batatu bose bagahitanwa na Jenoside yemeza ko Kamatamu yicishe umwana we muto witwaga Théogène Nkulikiyimfura wigaga mu mwaka wa kane muri APACOPE[116].

[113] Idem, pp. 143-144
[114] Etienne Nkerabigwi, uwarokokeye muri Saint-Paul, Kabuga, Kuwa 02 Ukuboza 2018
[115] Urukiko Gacaca rw'Umurenge wa Muhima, Nyarugenge 2009
[116] African Rights, *op.cit*, p. 149

Kamatamu yanagabije Interahamwe umwana witwaga Idrissa Nsanzimfura, umuhungu wa Seleman Gasasira. Interahamwe zabanje kujya impaka zimwe zemeza ko agomba kwicwa izindi zitabishyigikiye. Hanyuma zamujyanye kwa Konseye Kamatamu arazitegeka ngo nibakureho umwanda. Zihita zimwica ubwo.

Kamatamu yasahuye ibintu byinshi by'Abatutsi kandi akoresha uburyo bwinshi bwo kubambura amafaranga. Hari abagore n'abakobwa yandikishirije amarangamuntu arimo ubwoko bw'ubuhutu ariko agaca inyuma akabwira Interahamwe zirakaza zikabica. Ibyo byabaye kuri Emerthe Twagirimana.

Mu gihe Ingabo za FPR-Inkotanyi zari zigiye gufata umujyi wa Kigali no gukiza Abanyarwanda ingoma y'abicanyi, Euphrasie Kamatamu yahungiye muri Zayire. Yahungutse mu 1996 ahita afungirwa kuri «*Brigade* ya *Gendarmerie*» ya Muhima na yo imujyana muri Gereza Nkuru ya Kigali. Euphrasie Kamatamu n'umugabo we Thomas Habyarimana baburaniye imbere y'urugereko rwihariye rw'urukiko rwa mbere rw'iremezo rwa Kigali mu 1998. Muwa 2000 urubaranza rwari rukiburanishwa, yaguye muri gereza azize uburwayi[117].

### 4.5.5. François Havugimana

François Havugimana alias Mavuba yari Interahamwe kabuhariwe yo mu Nyakabanda. Ni mwene Augustin Bahufite na Euphrasie Nyirankima. Mbere gato y'uko Jenoside itangira yari yaragizwe umusoresha wa Komini ya Nyarugenge. Muri icyo gihe hari Interahamwe nyinshi zashakiwe akazi. Yari yarahawe imyitozo ihagije ya gisirikare kandi akabyigamba ahantu hose ari na ko yambaye ibirango bya MRND cyangwa CDR. Yakundaga kugendana n'izindi Nterahamwe n'Impuzamugambi zayogoje Nyakabanda nka Jean Nepomuscène Mbarushimana, Félix Ntamfurayishyari, Fidèle Namahoro, Athanase Bucyana na Jean de Dieu Rwemalika. Bakundaga kuba bari ku kabari kitwa Café de Nyakabanda cyangwa ku kabari k'umugabo witwaga Musonera kari mu Kagali ka Munanira aho bitaga kuri *Etat-Major*.

Muri Jenoside Havugimana yarayogoje mu Nyakabanda na Rwezamenyo akoresheje imbunda na za gerenade. Mu bo yishe harimo Gashagaza, Christiane Mukandekwe n'abandi benshi. Yajyaga

[117] Ubuhamya bwatanze na Epaprodite Nyiringondo na Benoite Gakwaya, Muhima kuwa 02 Ugushyingo 2018.

no ku rugamba kurwana n'ingabo za RPF-Inkotanyi mu bice bya Nyamirambo cyane cyane ahagana mu mpera za Kamena 1994 igihe Kigali yari igoswe n'Ingabo za FPR-Inkotanyi[118].

Urukiko Gacaca rwa Segiteri ya Nyakabanda rwahamije Francois Havugimana ibyaha bya Jenoside birimo kuba ku isonga mu bwicanyi bwibasiye inyokomuntu, kuyobora ibitero bigamije kwica abatutsi. Yakatiwe igihano cyo gufungwa burundu y'umwihariko adahari[119].

### 4.5.6. Callixte Kalisa

Uyu Kalisa nawe yari umusoresha wa Komini ya Nyarugenge muri Segiteri ya Biryogo. Kandi yari umwe mu bari bagize komite ya Serire Rwampara ari na ho yari atuye. Mu gihe cya Jenoside yahawe imbunda ayogoza agace yari atuyemo yica Abatutsi. Kalisa yaje gufungirwa muri Gereza ya Karubanda nyuma yimurirwa mu ya Kigali. Yaguye muri gereza azize uburwayi mbere yuko inkiko gacaca zitangira[120].

### 4.5.7. Angéline Mukandutiye

Angelina Mukandutiye yari yakomokaga muri Komini ya Giciye muri Perefegitura ya Gisenyi. Muri Jenoside yakorewe Abatutsi, Angéline Mukandutiye yari umugenzuzi w'amashuri abanza muri Komini ya Nyarugenge akaba n'umuyobozi w'ishyirahamwe ry'abakozi b'iyo komini. Kubera uwo mwanya yari afite mu buyobozi, byatumye yigarurira imitima y'Abaturage ba Segiteri ya Rugenge, yigize umuyobozi w'umutwe w'Interahamwe muri Segiteri.

Angéline Mukandutiye yari inshuti magara ya Odette Nyirabagenzi. Mu matora y'abajyanama ba komini yabaye muri Mutarama 1990, Mukandutiye yashyigikiye bikomeye cyane Nyirabagenzi ngo atorerwe kuyobora Segiteri ya Rugenge kugira ngo asimbure se André Budala. Ubwo yagira ngo akumire uwitwaga Sebushishi Petero bitaga umunyenduga kuko yakomokaga i Gitarama mu cyitwaga Komini ya Taba. Amatora yaje gukorwa, abaturage batora Pierre Sebushishi. Akimara gutorwa, Mukandutiye Angélina na Nyirabagenzi Odeta bahoraga bamuteranya kuri Burugumesitiri François Karera. Ntibyatinze rero kuko Burugumesitiri Francois Karera yaje kumwirukana amusimbuza Odette Nyirabagenzi wari waramukurikiye mu majwi. Mu gihe cya

---

[118] Olivier Mugema warokokeye mu Nyakabanda, Nyakabanda, 20 Kanama 2018
[119] Urukoko Gacaca rw'Umurenge wa Nyamirambo, Nyarugenge, 2009
[120] Joseph Muyombanowarokokeye mu Biryogo, Biryogo, kuwa 12 Nzeri 2019

Jenoside, Mukandutiye ntiyatanaga na mucuti we bafatanyije ibikorwa byose by'ubwicanyi muri Rugenge.

Muri raporo yasohowe mu 1995 n'amashyirahamwe aharanira uburenganzira bw'Ikiremwamuntu ya CLADHO na Kanyarwanda ivuga ko mu gihe cya Jenoside inama z'Interahamwe zo kurimbura Abatutsi zaberaga kwa Angéline Mukandutiye. Ni na ho hakorerwaga urutonde rw'abagombaga kwicwa n'igenzura ry'ibimaze gukorwa[121]. Iyi raporo ikomeza ivuga ko Mukandutiye yari mu bateguye ishimutwa n'iyicwa by'Abatutsi 100 bari muri Kiliziya ya Sainte Famille no mu kigo cy'ababikira ba Calcutta tariki ya 16 Mata 1994. Tariki ya 24 Mata 1994, mukandutiye yagize uruhare mu iyicwa ry'abasore b'Abatutsi 35 mu kigo cya CELA, abasore 7 bari muri Saint Paul, abasore 17 muri JOC. Tariki ya 14 Kamena 1994, yagize na none uruhare mu kwica abasore 44 bari muri Saint Paul, André Kameya ku itariki ya 15 Kamena 1994 n'abandi basore b'Abatutsi 8 bakuwe muri Kiliziya y'Umuryango Mutagatifu kuwa 18 Kamena 1994 n'abandi[122].

Angéline Mukandutiye alias «*Inspectrice*» yaburanishijwe n'Urukiko Gacaca rw'umurenge wa Rugenge aregwa ibyaha bya Jenoside bikurikira: kurema umutwe w'abagizi ba nabi no kuba iwe ariho Interahamwe zaherwaga ibkoresho n'amabwiriza ngo zijye kwica kuri CELA, St Paul na Ste Famille. Yaburanishijwe n'Urukiko Gacaca adahari, urukiko gacaca rumukatira icyaha cya burundi y'umwihariko kuwa 23 Ugushyingo 2008[123].

---

[121] Commission d'enquête CLADHO-KANYARWANDA, Rapport de l'enquête sur les violations massives des droits de l'homme commises au Rwanda à partir du 06 avril 1994, première phase, Kigali le10 décembre 1994, p. 237

[122] Ubuhamya bwa Rutayisire Masengo Gilbert, uwarokokeye muri Rugenge, Rugenge kuwa 10 Ukwakira 2018

[123] Urukoko Gacaca rw'Umurenge wa Muhima, Nyarugenge, 2008



*Angéline Mukandutiye n'umugabo we* Marc Sahunkuye *bagize uruhare mu gutegura Jenoside yakoreweAbatutsi muri Segiteri ya Rugenge. Yigaragaje cyane mu iyicwa ry'Abatutsi bari barahungiye muri St Paul, CELA, Ste Famille no mu babikira bo mu Muryango wa Thereza w'i Calcuta.*

*Ifoto yakuwe ku rubuga rwa www.rba.co.rw, kuwa 26 Gicurasi 202*

Mu mpera z'umwaka wa 2019, Angelina Mukandutiye ni umwe mu Banyarwanda bahoze ari abarwanyi ba FLN/MRCD bacyuwe n'ingabo za Kongo FARDC. Minisiteri y'Ubutabera yarisanzwe izi ibikorwa by'ubunyamaswa byaranze uyu mugore mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi muri 1994 yahise imukurikirana. Ku itariki ya 28 Ukuboza 2019, Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa nkuru ya Leta, Johnston Busingye, yatangaje ko Mukandutiye Angeline ufite igifungo cya burundu yakatiwe n'Inkiko Gacaca ariko ntaboneke ngo agikore, yatawe muri yombi ajyanwa gufungirwa muri Gereza ya Mageragere[124].

### 4.5.8. Théogène Rutayisire

Uyu Rutayisire avuka mu Gakinjiro. Se Kabego yari yarigeze kuba *Brigadier* wa Komini ya Kiyovu. Muri Jenoside rwagati Perefe w'Umujyi wa Kigali Colonel Tharcisse Renzaho yamugize Resiponsabure wa Serire ya Gakinjiro mu Murenge wa Cyahafi. Yasimbujwe mugenzi utari waragaragaje umwete mu guhiga Abatutsi no kubica.

Jenoside ihagaritswe Rutayisire yahungiye muri Zayire agaruka mu 1996. Yaje gufungwa ariko ntiyatinda muri gereza. Inkiko Gacaca zigiye gutangira Rutayisire yarahunze kuko yari afite ibyo yishinja kandi yari yarafunguwe mu buryo budasobanutse. Mbere gato y'uko Inkiko Gacaca zitangira imirimo yazo ni bwo yahunze Igihugu. Byerekana ko yahungaga ubutabera kuko yari azi ibyo yari yarakoze noneho byari bigiye kuvugirwa ku Karubanda n'abantu bari

[124]https://www.kigalitoday.com/ubutabera/jenoside/article/mukandutiye-wamamaye-mu-mutwe-w-interahamwe-yatawe-muri-yombi, inkuru yasomwe kuwa 26 Gicurasi 2020

barabihagazeho. Hari gutangwa n'ibindi birego atari yarabajijweho ngo anisobanureho mu Rukiko rusanzwe. Nta wamenya aho yahungiye.

Mu rukiko Gacaca rw'Umurenge wa Cyahafi rwamureze kwamamara mu bwicanyi, gushishikariza gukora Jenoside, ubwicanyi bw'abantu barega 30 biciwe mu Gakinjiro n'ubwicanyi bwabereye ahandi hatandukanye. Yakatiwe gufungwa burundu adahari mu rubanza rwosomwe mu ruhame kuwa 29 Mata 2009[125].

### 4.5.9. Gabriel Mbyariyehe

Mbyariyehe Gabriel yari Konseye wa Segiteri ya Nyarugenge. Yahagarikiye ubwicanyi bwibasiye Abatutsi muri Serire *Quartier Commercial* yakorerwagamo imirimo y'ubucuruzi no muri Serire Kiyovu. Muwa 1990 yari ahagarariye abacuruzi mu mugi wa Kigali. Kuva ku itariki ya 1 ukwakira 1990 Inkotanyi zitangira urugamba rwo kubohora u Rwanda, Mbyariyehe yafatanyije na Perefe Tharcisse Renzaho kubuza amahwemo Abatutsi bacururizaga muri Quartier Matheus na Commercial. Ku itariki ya 3 Ukwakira 1990 hamenyekanye ko hari Abatutsi bahunze barimo Ndahiro Jean Baptiste, Kirenga, Ruhamyambuga Paul n'abandi. Mbariyehe afatanyije na Tharcisse Renzaho bafatiriye imitungo yabo irimo amazu, ibicuruzwa n'amamodoka nyuma biza gutezwa cyamunara. Mu gihe cya Jenoside, yakanguriye Abahutu kwica Abatutsi anatanga ibikoresho byo kwica, gusenya no gusahura no gutwika. Abahungu be babiri ari bo Murangira Gervais bitaga Rasta na Murengezi Gabriel bitaga Gaby nabo bavugwa muri ibyo bikorwa. Uwa mbere agihunguka yarafashwe afungirwa muri Gereza ya Nyarugenge, nyuma yaje gufungurwa ku bw'imbabazi za Perezida wa Repubulika ahita ahunga igihugu. Nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 Mbyariyehe Gabriel yarahunze ntiyagaruka mu Rwanda. Umuhungu we Murengezi Gabriel yarezwe urupfu rwa rwa Auberthe na Iyamuremye Emmanuel, gusambanya abagore ku ngufu, gutunga imbunda no kwambara gisirikare, kujya mu bitero, gutanga Alice na mugenzi bakabica no gusambanya Vestine ku gahato. Yakatiwe gufungwa burundu y'umwihariko ku itariki ya 21Kamena 2008[126].

---

[125] Urukiko Gacaca rw'umurenge wa Cyahafi, Nyarugenge, 2009
[126] Urukiko Gacaca rw'umurenge wa Nyarugenge, Nyarugenge, 200!

### 4.6. Uko Jenoside yateguwe ikanashyirwa mu bikorwa muri Komini ya Nyarugenge na Komini ya Butamwa

Ivangura hagati y'Abahutu n'Abatutsi muri Komini ya Nyarugenge kimwe n'ahandi ryatangiye kuva muri 1959 rigamije gusobanurira Abahutu uwo mututsi ari we. Nubwo byari bigoye ko Abatutsi bahita bamenya ibyari bigamijwe usibye guhita bahangana n'ingaruka z'ako kanya z'ayo macakubiri, icyari kigamijwe cyari kugira ngo igihe nikigera cyo kurimbura Ababtutsi hatazabaho kwibeshya. Iri vangura ryakozwe mu bihe bitandukanye kandi mu nzego zose za Leta n'izigenga, bicengezwa no mu mashuri. Mu rukerera ry'ijoro rishyira iya 1 Ukwakira 1990, Radiyo Rwanda yatangaje ko igihugu cyatewe n'umwanzi bavugaga ko ari abantu baturutse i Bugande. Bahise bashyiraho uburyo budasanzwe bwo gucunga umutekano. Nta bantu bagombaga guhagararana barenze batatu, ni ko amabwiriza mashya yavugaga.

Imibanire hagati y'Abahutu n'Abatutsi yarahindutse kuko hajemo urwikekwe. Abatutsi biswe abagambanyi, abarunari n'andi mazina yo kubatandukanya n'abandi kandi mu byukuri Abaturage bose ntibari basobanukiwe neza n'ibirimo gukorwa. Abategetsi na bo batangiye kureba nabi abatutsi, turaburabuzwa aho unyuze bakakuvugiriza induru kandi nta ruhare ufite mu rugamba igihugu cyarimo[127].

#### 4.6.1. Ifungwa n'itotezwa ry'Abatutsi biswe ibyitso by'Inkotanyi muri Komini ya Nyarugenge

Kuya 3 Ukwakira 1990 abantu batangiye gufatwa n'inzego z'umutekano. Abari basobanukiwe n'uko ibintu bimeze n'ingaruka z'igitero cy'Inkotanyi gishobora kugira ku Batutsi cyane cyane batangiye guhunga. Kuri iyo tariki ni bwo hatangiye gufatwa abantu uruhongohongo bakajyanwa ahantu hatazwi. Mukakimenyi Spéciose avuga ko abaturanyi babo ndetse n'inshuti batangiye kushisha bakajya batubwira ngo tubihishemo, ko turi abagambanyi n'ibindi tutari dusanzwe tubumvana" [128].

Mu ijoro ry'itariki ya 4 rishyira iya 5 Ukwakira 1990, mu Mujyi wa Kigali humvikanye amasasu abanyakigali n'abaturage ba Nyarugenge by'umwihariko batari barigeze bumva. Mu rukerera

---

[127] Ubuhamya bwatangiwe i Kanyinya, kuya 12 Ukuboza 2018.
[128] Ikiganiro na Mukakimenyi Speciosa, Mageragere, Nzeri 2018.

bariyeri zari zashyizwe ahantu henshi mu mujyi n'ingo z'Abatutsi zatangiwe gusakwa. Bwakeye hafatwa Abatutsi cyane cyane abari mu butegetsi, abikoreraga cyane cyane imirimo y'ubucuruzi, ndetse n'abandi bakoreraga imiryango itegamiye kuri Leta bafatataga nk'abanyabwenge. Hirya no hino intero yari uko Inyenzi-nkotanyi zashatse gufata umujyi wa Kigali, ingabo z'u Rwanda zikazihashya. Mu rukera bariyeri zari zashyizweho hirya no hino, abasirikare n'abajandarume barangajwe imbere na ba konseye, ba resiponsabure babayobora mu ngo z'Abatutsi cyane cyane abari bajijutse cyangwa se bakomeye kubera imirimo bakoraga (abakozi ba leta n'abacuruzi) babaziza ko basangiye umugambi n'inkotanyi. Gufata Abatutsi byakozwe muri gahunda yiswe iyo gufata «Ibyitso», ikaba yariganje cyane muri Komini ya Nyarugenge.

Abafashwe barakubiswe babasiga ari intere, bafungwa nabi, bicishwa inzara, bagaburirwa ibiryo byanduye. Hari benshi bahasize ubuzima, n'abandi bitabye Imana bamaze gusohoka muri gereza. Ifatwa ry'aba bantu ryarimo ubugome n'amayeri menshi; nk'iyo binjiraga mu rugo rw'uwo babaga baje gutwara bakoraga uko bashoboye bakerekana ko yari atunze imbunda cyangwa ibindi bikoresho. Mbere y'uko bamutwara, babanzaga kwereka abaturanyi be ko koko ibyo bamuvuga kuba icyitso cy'Inkotanyi ari ukuri. Ngubwo ubundi buryo ububi n'ubugome bw'Umututsi bweretswe Umuhutu. Aho ni ho imvugo kandi yamamaye ya «*Mutwihishemo* yaturutse»[129]. Dore uko ifatwa n'itotezwa ry'abiswe ibyitso by'Inkotanyi ryagenze muri segiteri za komini ya Nyarugenge n'iya Butamwa

#### 4.6.1.1. Segiteri ya Nyarugenge

Muri Segiteri ya Nyarugenge ahitwaga mu Kiyovu cy'Abazungu hafashwe Bwana Munyembaraga Narcisse wari umukozi wa Minisiteri y'Ubwikorezi n'Itumanaho, Tamba Charles, Bwana Ntashamaje Antoine, Rugema Donatien, n'abandi. M kwakira 1990, Perefe Renzaho yakoze urutonde rw'abiswe ibyitso by'Inkotanyi n'abagambanyi b'igihugu barenga 40[130]. Amaze gukora urwo rutonde, abifashijwemo na Mbyariyehe Gabriel wari Perezida w'Abacuruzi akaba na Konseye wa Segiteri ya Nyarugenge yashyikirije ikirego Parike ya Kigali anaha Perezida wa Repuburika urutonde rw'abo bantu atanga n'ibimenyetso mpimbano

[129] Iyi mvugo yerekanaga ko Umututsi atari umwere kandi akayibwirwa n'umuntu wari usanzwe ari inshuti ye, ko ibyo yakora byose bitakuraho ubugambanyi afite ku mutima.
[130] Ibicuruzwa byabo byari mu mangazini ndetse n'ububiko byaje gufatirwa, bigurishwa cyamunara. Umucamanza Jean Hategekimana wari perezida w'urukiko rwa mbere rw'iremezo rwa Kigali niwe watanze ubwo burenganzira.

byerekana ko ihunga ryabo rifitanye isano n'igitero cy'Inkotanyi cyo kuya 1 Ukwakira 1990 n'amasasu yarashwe mu Mujyi wa Kigali mu ijoro ryo kuya 4 rishyira iya 5 Ukwakira 1990. Hagati aho imitungo y'abo bacuruzi ubuyobozi bw'umujyi wa Kigali bwarayifatiriye butegereje icyo Parike ya Repuburika ya Kigali ibivugaho. Ntibyatinze kuko urukiko rwa Mbere rw'Iremezo ruyobowe na Hategekimana Jean rwemeje ko imitungo y'abo bacuruzi itezwa icyamunara amafaranga agashyirwa mu isanduku ya Leta ; ni ukuvuga mu mutungo w'Umujyi wa Kigali.

Abo bantu bafatiriwe ibyabo bari abacuruzi bakomeye ndetse ubucuruzi bwabo bwari bushingiye ku bwikorezi no gutumiza ibintu mu mahanga ku buryo utahuza ugosohoka kwabo mu gihugu[131] n'igitero cy'Inkotanyi cy'iya 1 Ukwakira kuko n'ubundi bari basanzwe basohoka kenshi. Benshi muri bo usanga barasohotse hagati y'itariki ya 29 Nzeri n'iya 4 Ukwakira 1990. Perefe Renzaho Tharcisse amaze guhabwa ubwo burengenzira bwo gufatira no guteza cyamunara imitungo yabo yafatanyije na Konseye Mbyariyehe Gabriel wari Perezida w'abacuruzi akabana yari na Konseye wa Nyarugenge na Ruzindana Obed muramu wa Colonel Renzaho Tharcisse, Mathias (nyir'inzu yubatse i Remera hafi ya Prince House) na Basabose mu kwigabiza imitungo y'abo bitaga Ibyitso by'Inkotanyi bahoze bafite ibikorwa by'ubucuruzi i Nyarugenge bakaza guhunga mbere gato no mu gihe Inkotanyi zinjiiriraga i Kagitumba mu Ukwakira 1990[132].

Muri iyo nyandiko kandi, Perefe Tharcisse Renzaho yerekana ko abenshi muri abo bahunze basize bafungiranye ibicuruzwa byabo mu maduka no mu bubiko kugira ngo havuke ikibazo ku isoko ry'igihugu. Perefe Renzaho yemeje kandi ko agatsiko k'abo bacuruzi kari karangajwe imbere na Assinapol Rwigara, Ruhamyambuga Paul, Tito Musoni na Aloys Kaberuka. Perefe yashimangiye ko abo bantu bahurira mu tubari nko kwa Thaddée Hitimana, i Remera cyangwa kwa Eduard Kimenyi kuri kontineri yari imbere y'ahahoze Ponts et Chaussées ubu hubatse Chic, mu migambi yo kugambanira igihugu no gushaka uko FPR-Inkotanyi yafata ubutegetsi. Perefe Renzaho avuga ko bitangaje kuba abo bantu bafitanye amasano ya hafi kandi benshi muri bo ari abavuka ku Kibuye na Gitarama. Ibicuruzwa byabo byaje gufatirwa[133] binatezwa cyamunara[134]. Igurishwa ry'ibi bicuruzwa ntiryitaye ku bari barabisigiwe kuko ababifatiriye bakanatanga

[131] Benshi muri bo batumizaga ibicuruzwa hanze, bafite imodoka zikurayo imizigo.
[132] Ubuhamya bwatanzwe na Rugero Paulin, Nyakabanda, Werurwe 2019
[133] Inyandiko yifatira yasohotse kuya 30 Ugushyingo 1990.
[134] Itegeko ryasinywe kuya 5 Ukuboza 1990.

uburenganzira bwo kubigurisha bemezaga ko abo babisigiye cyangwa abashakanye n'abo bantu bari barahunze, babigurisha maze amafaranga bakayohereza aho bahungiye[135].

Muri abo bahunze icyo gihe harimo aba bakurikira: Bayigamba Alexis wari ufite Quincallerie bitaga NOVA yari imbere ya Electrogaz station ya Kigali, Ruhamyambuga Paul yahunganye n'umugore we wari umunyeshuli muri APACE, na Joseph Mimire, Kayihura Claver bitaga "Mille Collines" bashinjaga guha FPR-Inkotanyi amakuru no gukorana n'abanyamakuru b'abazungu. Muwa 1990, yari afite aho abika imyenda ya caguwa muri Quartier Matheus no mu mazu ya Ndamage Eliabu. Ubucuruzi yabukomereje muri Kenya, mu Bubirigi na Uganda, Ndahiro Jean Baptiste na Kirenga Edouard abavandimwe ba Sakumi Anselme baregwa ko bateguraga gucyura umwami Kigeri V Ndahindurwa, Musoni Tite wahunze kuya 3 Ukwakira 1990 anyuze i Bugesera, Bayingana Victoire murumuna wa Musoni Tite ajyana na mubyara wa Rwigara Assinapol witwa Nsengimana Aloys alias Gasatsi.

Rwakana Herrmogene wari ufite iduka imbere y'ahahoze gare mu mugi, Rumongi Roger, Uwobahora Déo wari ufite iduka hagati y'ahahoze gare ya Kigali na MIJEUMA wahunganye na Ndahiro Jean Baptiste na Rutayisire, umucuruzi w'i Cyangugu, Kaberuka Aloys wari ufite iduka n'ububiko iruhande rwa Pharmacie Ramji, Ntakirutimana Jean washatse gutorerwa kuba Konseye wa Segiteri ya Nyarugenge waregwaga gutegura ibitero by'Inkotanyi muri Nyarugenge aramutse atorewe uwo mwanya, Mimire Joseph inshuti ya Ruhamyambuga Paul waregwaga kugeza ubutumwa ku byitso by'Inkotanyi byabaga biri mu gihugu, Gahizi Thadée, Ngarambe Bosco waregwaga gufatanya na Mimire Joseph kugura mu cyamunara imodoka n'amazu bya Leta ku nyungu z'Inkotanyi. Abandi bafashwe ni Semanzi Jean Bosco mwene Semanzi François wishwe muri Jenoside i Butare waregwaga kugura inzu y'umugabo witwa Birikunzira yari mu Rubirizi n'ikamyo ya rukururana ya Kayombya Robert abigurira Fred Rwigema, Bisakaza Privat yaregwaga kuba Umuforoderi kandi akanatwara ubutumwa bw'Inkotanyi, Rutayisire Déo yaregwaga gukwirakwiza amakuru ya FPR Inkotanyi muri Quartier Commercial, Kimenyi Edouard, Muhawe Jean yakoranaga ubucuruzi na Rwakana Hermogene, Rwigara Assinapol, Nkurunziza Charles, Nsengimana Aloys bitaga Gasatsi ahunga yajyanye na Bayingana Victor

[135] Kangura no 7, Ugushyingo 1990, p.14 : uburenganzira bwogufatira no kugurisha ibicuruzwa by'Inkotanyi n'ibyitso byazo bwenewe n'inzego zibishinzwe. Uburenganzira bwatanzwe n'urukiko rwambere rw'iremezo rwa Kigali mu izina rya Juje Perezida Jean Hatagekimana.

nyiri Prince House kuya 3 Ukwakira 1990. Yaregwaga ko ari umwe mu batumwa n'umwami Kigeri V Ndahirwa ndetse akaba yari no mu mugambi w'iraswa ry'umugi wa Kigali ryabaye mu ijoro ry'iya 4 rishyira iya 5 Ukwakira 1990, Iyamuremye Uzzia muramu wa Musoni Tito yafunzwe mu byitso ariko aza kurekurwa. Yaregwaga iraswa ry'umujyi wa Kigali na Camp Kigali mu ijoro ry'itariki ya 4 rishyira iya 5 Ukwakira 1990 ari ku musozi wa Kigali. Hafashwe kandi Nsanzurwimo Gaetan, Bahizi Evariste, Ntaganda Joseph, Ntaganira alias "*Dodo*" murumuna wa Mimire Joseph, Ntazinda Augustin, Butera Ignace wari ufite iduka muri Matheus. Yarafashwe anafungwa mu byitso, Ntaganda Thomas, Karambi Innocent, umuhungu wa Mutangana wari ufite uruganda rw'amabuye "*Volta Super*", Murengezi uva inda imwe na Hussen Mugwaneza, Ntaganda Innocent alias Rukoro wari atuye i Nyamirambo mu 1990. Yaje guhungira i Burundi anyuze i Bugesera. Muvunyi Samson wari afite iduka muri Quartier Matheus akava inda imwe na Karumura waregwaga kuba intasi ya FPR-Inkotanyi, Rucakatsi wakoranaga cyane na Muvunyi Samson, wahunze igihe barimo bafata ibyitso by'Inkotanyi, Kayigamba Pierre wari umucuruzi watumizaga ibintu mu mahanga akaba yari afite iduka n'ububiko hagati ya Caritas ubu hubatse Centenary House na Etablissement Rwanyindo waregwaga kuba atanga amakuru umunsi kuwundi mu bayobozi ba FPR Inkotanyi kubibera mu Rwanda n'abandi.

Ndahiro Jean Baptiste uri mu bambuwe ibicuruzwa bye avuga ko umunsi Inkotanyi zinjirira i Kagitumba aribwo we na murumuna we Edourd Kirenga basohotse mu gihugu. Amakuru y'uko Inkotanyi zizatera u Rwanda yari ayazi ariko yari azi ko ibizakurikiraho bishobora kuba bibi ahitamo kujyana n'umuvandimwe we. Imodoka ze z'ubwikorezi zari muri Kenya zitegereje kuzana ibicuruzwa mu Rwanda. Ndetse hari imwe yari mu nzira igaruka yari itwaye ibicuruzwa bya Kabuga Félicien. Imaze gupakurura yo n'indi modoka nto yari yasigaye i Kigali zarafashwe zijyanwa ku biro bya Komini ya Nyarugenge bavuga ko nyirazo ari Inyenzi ariko nyuma zaje guhabwa mukuru we Sakumi Anselme. Kubera kumara igihe kirekire zidakoreshwa zari zimaze kwangirika. Ibindi yambuwe n'ibyari mu iduka n'ububiko yakoreragamo byari mu nzu y'umugabo witwa Pio Semaheru. Harimo ibintu bifite agaciro karenze miliyoni cumi n'umunani. Hari amafaranga yari amaze iminsi acuruzwa, hari amasheki yari yishyuwe atarajyana kuri konti bayasanze mu mutamenwa bayashyira abari bayatwishyuye babaha amafaranga. Renzaho na Gabriel Mbyariyehe wari Perezida w'abacuruzi, Obed Ruzindana wari umucuruzi akaba na

muramu wa Renzaho, Mathias, Basabose n'abandi bafatanyije kugurisha ibintu bya bagenzi babo. Mbyariyehe yaje gukuramo amafaranga menshi mu iryo gurisha ry'imitungo y'abo bari bise Ibyitso by'Inkotanyi, bityo bimufasha kubaka inzu yari yaramunaniye iri i Nyarugenge[136].

**4.6.1.2. Segiteri ya Rugenge**

Mu ijoro ry'iya 4 rishyira iya 5 Ukwakira 1990 harashwe amasasu mu Mujyi wa Kigali bavuga ko ari Inkotanyi zaraye zirasa ariko mu byukuri n'igikorwa kitari gifite aho gihuriye n'ukuri. Kuya 5 Ukwakira bwakeye umujyi nta buzima ufite abaturage birirwa mu rugo zabo kubera ubwoba. Mu sa mbiri za mu gitondo, Abajandarume bo ku Muhima bazindukiye mu ngo z'abaturage. Konseye wa Rugenge, Mukandutiye Angélina wari umugenzuzi w'ifasi y'amashuri ya Nyarugenge, Resiponsabule wa Bwahirimba witwaga Laurent n'undi muserire witwaga Narcisse n'abandi ni bo bagendaga barangira abajandarume ingo z'Abatutsi. Icyo gihe muri Rugenge hafashwe umugabo witwa Rwanga Charles, Mudenge Samuel, Ndemeyo bitaga Umuhudi, Ingénieur Aristarque, Murigande wakoraga muri Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi na Niyibizi Bonaventure wari umukozi wa USAID.

Hafashwe kandi umudamu wa Ruzindana Léonald witwaga Mariya, Kabaka Daniel na Kabera Assiel wari umaze iminsi mike ahungutse avuye i Burundi aje gutura muri Rugenge. Hafashwe kandi Akili Remy wari umushoferi w'amakamyo mu Sosiyeti y'Igihugu yari Ishinzwe Ubwikorezi (STIR). Uyu mugabo igihe yari afunzwe yicishijwe inzara nyuma baza kumunywesha akadobo k'irangi rya SIRWA bamubwira ko ari amata y'Abatutsi. Ubwo yari afunguwe, Akili Remy yararwaye bikomeye ndetse bimuviramo urupfu kuko usibye n'irangi bamunjwesheje, yakubiswe kenshi kandi agakubitwa mu kico[137].

Abatutsi bafatiwe muri Segiteri ya Rugenge bahurijwe n'abafatiwe mu tundi duce twa Kigali kuri Jandarumori ya Muhima mbere y'uko bajyanwa ku kibuga cy'imikino cya Nyamirambo. Aho mu kibuga cy'imikino barabashinyaguriye kuko babanje kwicishwa inzara, barisha ubwatsi bwo mu kibuga. Igihe batangiye kubazanira ibyo kurya babibaheraga mu nkweto babaga bambaye.

[136] Ubuhamya bwa Ndahiro Jean-Baptiste, Nyarugenge, Gashyantare 2019.
[137] Ubuhamya bwa Mudenge Martin wamenye ubuzima bwa Akili Remy, Muhima, Ukuboza 2018.

Imiryango iharanira uburenganzira bw'ikiremwamuntu yaratakambye maze abantu bari bafashwe bajya gufungirwa muri Gereza ya Kigali yari izwi ku izina rya 1930[138].

#### 4.6.1.3. Segiteri ya Muhima

Muri Segiteri ya Muhima, abajandarume bari bakwiriye hose, bashyizeho amabariyeri, babuza abantu kugenda. Hakurikiyeho kwinjira mu ngo z'Abatutsi bavuga ko bagiye gusaka imbunda zaraye zirasa mu mujyi. Ni bwo batangiye kurizwa amakamyo ya jandarumori bajyanwa mu kigo cya jandarumori ku Muhima. Abasigaye baturijwe ayo makamyo n'ubundi bashyizweho ingenza kugira ngo badatoroka.

Amabwiriza y'ibyakorwaga muri icyo gihe yatangwaga n'abayobozi b'ingabo na Jandarumori. Abandi babigizemo uruhare ni Bagambiki Emmanuel wari Perefe wa Kigali na Karera François wari ukiri Burugumesitiri wa Komini ya Nyarugenge. Konseye wa Muhima n'abaresiponsabure, Komanda wa Jandarumori ya Muhima Munyakazi. Kapiteni Simbikangwa wayoboraga umutwe Bitaga "*Escadron de la Mort*".

Muri Segiteri ya Muhima, Serire ya Kabasengerezi hafashwe uwitwa Kayumba Demeyo, Karangwa Manassé, Karamaga Charity, Mboninkesha Théogène, Gakwaya Gamariel, Karangwa Paul w'umwubatsi, Kanamugire François bitaga "Gitoki" wari ufite igaraji rikomeye ku Kicukiro ndetse yakinaga umukino wo gusiganwa mu modoka, Nzungize Antoine, Rwagasana James, Kayirangwa Euphrasie wakoraga muri Banki ya Kigali, murumuna we Iribagiza Claudette na basaza be babiri, Kayijamahe William, Karekezi Jean Claude, Safari Jean, Mbaraga Viateur, Nyiringondo Epaphrodite wari uvuye muri Kenya mu kazi, Muhizi Edouard, Gisigisigi Evariste, Rutayisire Déo bitaga Tigana, Safari Jean wari umukozi wa BCR, Nyiringondo Epaphrodite wari umukozi wa ERP. Muri icyo gikorwa cyo gufata ibyitso hishwe umusore witwaga Samuel wavukaga i Mabanza ku Kibuye. Abandi bafashwe ni bashiki ba Mayeri Eustache babiri bari barashakiye i Bugande baraje kubasura. Nyuma baje gufungurwa basubirayo.

Abatutsi bafungiwe kuri Burigade ya Muhima ariko ntibahatinda kuko bajyanwe kufungirwa hamwe n'abandi bari bavuye ahandi ku Kibuga cy'imikino i Nyamirambo. Bahageze, bicishijwe inzara, barakubitwa kubera inzara batangira kurya ibyatsi. Aho imiryango iharanira

[138] Ikiganiro na Patrick Kamanzi, Rugenge, kuwa 19 Nyakanga 2018

uburenganzira bw'ikiremwa muntu itakambiye batangira kubaha igikoma ariko babura uko bakinywa kuko cyazaga gishyushye cyane ndetse nta bikombe byo kukinywesha bafite. Ni bwo rero mu bari bacyambaye inkweto batangiye kuzifashisha kugira banywe icyo gikoma.

### 4.6.1.4. Segiteri ya Biryogo

Muri Segiteri ya Biryogo, Emmanuel Gahinda[139] yafashwe mu biswe ibyitso by'Inkotanyi ubwo bavugaga ko Inkotanyi zaraye zirasa amasasu mu mujyi wa Kigali. Mu rukerera kuya 5 Ukwakira 1990 yagiye gufata imodoka ye aho yari yaraye ku muryango w'aho yakoreraga asanga abasirikare bahashyize bariyeri. Bakimubona bahise bamwaka indangamuntu. Benshi muri bo bajyaga baza kunywera iwe ariko nta bucuti budasanzwe bari bafitanye. Indangamuntu ye yari yanditsemo ko ari Umututsi ahita ahagarikwa yicazwa hamwe n'abandi bari bafashwe. Urundi rugo rwasatswe mu gihe cyo gufata Ibyitso ni kwa Cyabakanga wakoraga muri banki. Abajandarume bageze iwe basanga adahari batwara umugore we Ryabazayire Gérardine n'abana be babiri. Abandi bafashwe bagafungwa ni umugabo witwa Rugeri-Nsinga wavukaga ku Kibuye na nyina babanaga[140].

Muri Segiteri ya Biryogo hafashwe na none Kalinda Emmanuel, Musafiri bitaga Muhamazi, Disimas wakoraga mu ruganda rwakoraga amarangi rwitwaga SIRWA, Ntaganda wakoraga kwa SIEVA, Gahigiro Sixbert, Vincent, Mutabaruka Silas, Ryabazayire Gérardine n'abana be Rutagengwa Serge na Ruzindana Regis, Dukuzumuremyi Eugène wari umwarimu ku ishuri rya Camp Kigali, Safari umuhungu wa Buhigiro n'abandi. Bigeze ahagana saa tanu z'amanywa, abasirikari bari bamaze guhagarika abantu bageze kuri mirongo itanu bataramenya icyo bazira kuko hari abandi berekanaga ibya ngombwa bagatambuka nta kibazo. Ikamyo ya jandarumori ni yo yahabakuye ibajyana kuri Burigade ya Muhima ahahurijwe Abatutsi bafashwe mu duce dutandukanye tw'umujyi wa Kigali. Benshi muri bo bari bakubiswe ndetse banakomeretse cyane. Imodoka za jandarumori zongeye kubavana kuri Burigade ya Muhima ziberekeza i Nyamirambo ku kibuga cy'imikino. Mu nzira abajandarume babaga bicaye muri karisori y'imodoka bagenda bakandagira abantu mu mutwe n'inkweto ari na ko babakubita ibirindi by'imbunda.

---

[139] Gahinda Emmanuel yari umucuruzi waje gutura mu Rugunga mu 1982 avuye mu Bunyambiriri. Aho mu Rugunga yakoreraga ubucuruzi, benshi mu bakiriya be bari abasirikare bigaga mu ishui rikuru rya gisirikare ESM.

[140] Ubuhamya bwatanzwe na Rutayisire Eugène, Biryogo, tariki ya 27 Nzeri 2018.

Muri stade harimo ingeri nyinshi z'abantu; usibye abagabo n'abasore, abagore n'abana nabo bari bafungiwe ahongaho. Nyuma y'iminsi ibiri bari aho ku kibuga cy'imikino nta mazi yo kunywa cyangwa ifunguro, abantu baje gutaka inzara, basaba abajandarume bari barinze iyo stade kubarekura bagataha. Ku munsi wa gatatu ni bwo Umuryango Utabara Imbabare w'u Rwanda wazaniye abari aho igikoma. Icyo gikoma ntibyari byoroshye kukinywa kuko nta bikombe byari bihari. Abari bacyambaye inkweto, kuko benshi bagendaga bazita, bazifashishije kugira ngo babashe kuzinywesha icyo gikoma.

Abajyanama segiteri na ba resiponsabure ba serire bahamagajwe kuri Stade basabwa kujonjora abantu, buri wese agendaga yerekana umuturage utuye muri serire ayobora kandi agatangirwa ubuhamya ko ari umuturage mwiza cyangwa utari mwiza. Uwatangirwaga ubuhamya bwiza yahitaga arekurwa agataha[141].

**4.6.1.5. Segiteri ya Nyamirambo**

Abafashwe mu byitso muri Segiteri ya Nyamirambo muri Serire ya Gatare ni Rubayiza, Nteziryayo Eugène, Gatera Mbogo, Primiyani waje kugwa muri gereza igihe yafungwaga n'abandi. Muri Serire Kivugiza hafashwe Kahabaye Joseph, Ruremesha Léonard, Disi Félix, Rukemampunzi Stanislas n'ummugore we Mariyana, Gatali Camille, Nteziryayo Léonard n'abandi. Benshi muri aba bari inshuti za François Karera ariko ntibyamubujije kubarega ibinyoma. Mu ifatwa ryabo yavugaga ko bafatanye Stanislas Rukemampunzi amasasu yari yahishe mu mata, ko Joseph Kahabaye bamufatanye amasasu yahishe mu icukiro, Disi Félix na Habimana bo bari bafite umugambi wo kwica Abahutu batuye Kivugiza bakabajugunya mu byobo iyo FPR-Inkotanyi itsinda. Aba bagambaniwe na Noël Hitimana wari umwanditsi w'ikinyamakuru Kangura na François Karera wari Burugumesitiri wa Komini ya Nyarugenge icyo gihe. Igihe cy'ifatwa cy'abiswe ibyitso by'Inkotanyi nanone, Joséphine Mukaruhungo yafungishije Mukabalisa na Florida nyuma baje kwicwa mu ntangiriro ya Jenoside yakorewe Abatutsi. Undi wagize uruhare mu gufatisha abatutsi ni umugore witwa Madeleine Senguri. Yahoze ari umukozi wa RWANDEX i Gikondo aza no kuba mu Mpuzamugambi za CDR. Avuka muri Perefegitura ya Ruhengeri, akaba yarashakanye n'umugabo wahoze mu ngabo z'u Rwanda. Mu gihe cy'ifatwa ry'abiswe ibyitso by'Inkotanyi, Madeleine Senguri na we yagambaniye

[141] Ubuhamya bwatanzwe na Emmanuel Gahinda, Nyarugenge kuwa 10 Nzeri 2018.

umugabo w'Umututsi witwaga Ruremesha arafungwa, nyuma aza kwicwa igihe Jenoside yakorwaga ku Kivugiza[142].

#### 4.6.1.6. Segiteri ya Nyakabanda

Muri Segiteri ya Nyakabanda kimwe n'ahandi hose, Umututsi yahuye n'ibibazo bikomeye cyane cyane abakoraga mu nzego bwite z'ubutegetsi bwa Leta, abanyabwenge, abakoraga imirimo y'ubucuruzi n'abakoreraga imiryango itegamiye kuri Leta. Kuya 3 Ukwakira inzego z'umutekano zatangiye gufata abantu. Paulin na mugenzi we Louis bari batuye mu Nyakabanda ariko bagacururiza muri Quartier Matheus. Barafashwe bajyanwa mu kigo cya Camp Kigali bahahasanga bandi bagera kuri 15. Paulin Rugero aragira ati *"Icyo gihe batwicaje ku kibuga cya basket cyari imbere y'amashuri abanza ya Camp Kigali. Igihe ibyacu batangiye kubyiga haje umugabo wari usanzwe unzi witwaga Adjudant Chef Rutamujyanye wakundaga kuza ku kazi aho nakoreraga muri Matheus ankura mu bandi ndataha. Mu bo twari kumwe aho ngaho nari nzi n'umusore witwaga Kayiranga twakoranaga muri Matheus nasizeyo igihe nari ndekuwe ariko sinongeye kumuca iryera kugeza magingo aya. Bivuze ko yiciwe aho ngaho*[143]".

Ku itari ya 4 ishyira iya 5 Ukwakira 1990 ni bwo mu mujyi humvikanye amasasu. Bukeye ni bwo bavuze ko Inkotanyi zarashe umujyi wa Kigali ariko ko ingabo z'u Rwanda zazirukanye. Rugero arongera ati:

> "*nari ntuye mu Nyakabanda hafi ya Hotel Baob, nitegeye neza Nyarugenge. Iryo joro naraye ndeba amasasu anyuranamo aturuka mu kigo cya gisirikare cya Camp Kigali. Nayabonaga neza kuko nari nitegeye umujyi. Andi yavaga ku Muhima mu kigo cya Jandarumori. Bukeye batubujije gusohoka ariko ubwo abasirikare n'abajandarume bari bageze hose ndetse no mu ngo z'abantu. Mu baturanyi banjye telephone zaracicikanaga abantu babazanya amakuru y'ibyaraye bibaye. Nka saa mbiri n'igice za mu gitondo hari umuturanyi wanjye wambwiye ko hari abantu bafashwe na Jandarumori b'abakozi ba Leta*". Ubwo harimo abitwa:

- Businge Jeanne wakoraga muri Ambassade ya Kenya, ubu ukora muri RIAM;
- Munyembaraga Narcisse[144] wakoraga muri MIJEUMA ;

---

[142] Ubuhamya bwatanzwe na Rugundana Vedaste, kuwa 20 Nzeri 2018.
[143] Ubuhamya bwatanzwe na Rugero Paulin, Nyakabanda, Werurwe 2019
[144] Munyembaraga afunguwe yaje yagiye gukora muri MINITRANSCO, yaje no kuba Umuyobozi Mukuru w'Iposita.

- Sisi Evariste bitaga « SIEVA »
- Gasamagera Wellars abajandarume batwaye baboshye bamukuye aho yari atuye munsi y'amashuri ya Kabusunzu ;
- Ruhatana Ignace wari umukozi wa Minisiteri y'Imigambi ya Leta ;
- Nyakwigendera Ruhatana Ignace yashyizwe mu itsinda ryaregwagamo abantu hagati ya 1988 na 1990 basohotse mu gihugu bakabonana n'Inkotanyi ;
- Maziyateke Claire wari umukozi w'Ambasade y'Ababirigi mu Rwanda ;
- Kayiranga n'umugore we Thérèse bari batuye iruhande rwa burigade ya Nyamirambo ;
- Karangwa Claver n'umukobwa we Karangwa Assumpta wari umunyamakuru kuri Radiyo Rwanda ;
- Nzungize[145] wari utuye hafi y'umuhanda wa kaburimbo umuhanda witiwe Kadhafi ugana Kimisagara ;
- Kayiranga François n'umugore we Thérèse bari batuye hafi ya burigade ya Nyamirambo babatesha kurera abana babo b'impanga bari bakiri bato cyane. Thérèse[146] yagiye gufungirwa muri gereza ya Gitarama, naho Kayiranga afungirwa muri gereza ya 1930.
- Rugero Paulin, n'abandi.

Rugero Paulin aratubwira uko nyuma yo gufatwa kuya 3 Ukwakira 1990 mu gitondo muri Matheus akarekurwa ku mbabazi za Adjuda Shefu Rutamujyanye, yongeye gufatirwa iwe mu rugo afungirwa ku kibuga k'imikino cya Nyamirambo:

"*Mu gitondo nka saa tatu abasirikare bagera ku munani bayobowe na Lt Kalisa uvuka mu Buliza bageze iwanjye mu rugo bayobowe n'uwari umuserire. Bakomanze ku rugi rw'irembo umukozi ajya gufungura, bamubaza ko naharaye na we abasubiza ko mpari. Binjiriye ku muryango w'uruganiriro ninjye ubwanjye wabafunguriye ariko basanze nsa n'uwiteguye gusohoka. Ikintu cya mbere bambajije, habe no kumbwira ijambo waramutse, ni ahantu naba nziranye n'umugabo witwa Gatemberezi. Nababwiye ko muzi ko atuye mu Nyakabanda. Ubwo bahise baboneza mu byumba basaka inzu yanjye baruhukira ku cyumba umugore wanjye yari aryamyemo n'umwana w'uruhinja kuko twari tumaze icyumweru kimwe twibarutse. Ntibatinye kureba ibyo aryamiye no*

---

[145] Uyu Nzungize amaze gufungurwa yahise yitaba Imana azize uburozi yaba yaraherewe muri gereza igihe yari afunzwe.

[146] Theresa afatwa yarakubiswe cyane. Ageze muri gereza ya Gitarama barakomeje baramukubita ku buryo ubu ubona ko yagize ikibazo gikomeye ku buzima bwo mu mutwe.

*gusesera munsi y'ibitanda ngo barasaka imbunda. Bavuye mu cyumba umugore wanjye yari aryamyemo barambwira ngo nimbereke aho nahishe imifuka y'amasasu Gatemberezi yazanye iwanjye n'aho imbunda yo mu bwoko bwa MG (Machine Gun) naraye ndashisha ibitse. Nababwiye ko ibyo bintu nta byo dufite kandi ko ntabizi kuko ntari umusirikare ko bafite uburenganzira bwo kurebera aho bashaka.N'umujinya mwinshi umwe anshyira imbere ngo tugende. Umugore wanjye wari ku kiriri ndetse n'abana banjye nta we nabwiye aho ngiye kuko uwo mwanya batigeze bawumpa. Ngenda ntyo nsiga ab'iwanjye barira. Tugeze hanze banshyize mu modoka ya VW Kombi, tunyura imbere ya "Hotel Baobab" twinjirira ku muryango wa kane w'ikibuga cy'imikino. Muri Stade nasanzemo abantu batagira ingano. Ntangira gukubitwa bambwira kwemera imbunda n'amasasu bafatiye iwanjye. Kuri uwo mugoroba bigeze nka saa moya baje kunshaka aho nari ndyamye ku ibaraza ry'igice cya stade gisakaye. Nabonaga noneho igisigaye ari ukunyica; baransohoye nsanga ya modoka yanzanye mu gitondo yiteguye kunjyana. Banyinjijemo ariko nza kumenya noneho uwari uyitwaye. Yari itwawe n'umusirikare w'umu Sergeant watwaraga umusirikare witwa Nyampame wari utuye i Nyamirambo. Nabonye kandi Lt Kalisa wari waje iwanjye mu gitondo. Bageze aho nari ndyamye, baravuze ngo cya kindi cy'imifuka y'amasasu kiri hehe? Ubwo bahita bambwira ngo tugende ujye kutwereka aho wahishe imbunda ya MG n'amasasu Gatemberezi yasize iwawe. Kugeza iyo saha kandi amakamyo (ya Benz na IVEKO) yari akizana abantu gufungirwa aho kuri stade".*

#### 4.6.1.7. Segiteri ya Kimisagara

Muri Segiteri ya Kimisagara hafashwe uwitwa Kabuguza wari ufite umugore ufite "station" ya Essence ku Giticyinyoni. Hafashwe kandi umugabo witwa Kabanda Anastase wari utuye muri Serire ya Akatabaro. Aba bagabo bafunguwe nyuma y'ibyumweru bibiri bagaruka mu ngo zabo ubona barazahaye bikomeye kubera imibereho mibi bagiriye mu buroko[147].

#### 4.6.1.8. Segiteri ya Cyahafi

Mu gitondo cy'iya 5 Ukwakira 1990 ahitwa kuri "TEZEFU" hashyizwe bariyeri ikomeye y'abasirikare, abandi basirikare bamanuka hafi y'Akabari bitaka "Imararungu" bahasiga ikamyo yarimo abandi bantu bafashwe muri icyo gitondo. Abo basirikare binjira mu rusisiro bajya gusaka

[147] Mudacyahwa Emmanuel, Kimisagara, Nzeri 2018

mu ngo z'Abatutsi bari bahatuye. Abo basirikare bahise bajya mu rugo rw'uwitwa Rodomo Aloys, ariko ntibahamusanga. Begereye imbere gato basimbuka igipangu cy'umugabo witwa Gatsimbanyi Ernest bavugaga ko atunze imbunda. Bakigera imbere mu rugo rwe ntibarindiriye ko ba nyiri urugo bafungura urugi. Bamubajije ibibazo byinshi birimo aho abitse imbunda atunze kandi akayirashisha. Yabawiye ko kuva avutse atigeze akora ku mbunda. Bamubajije kandi igihe aherutse kujya mu mahanga, we abasubiza yuko adaherutse mu mahanga ahubwo ko ari umukobwa we witwa Gasengayire Assumpta wakoraga icyo gihe muri MINITRAPE. Ni bwo nawe yiyongereye ku rutonde rw'abashakishwa. Gatsimbanyi bamwurije ikamyo ajya gufungirwa i Gikondo ahari hagenewe kubika ifarini yabaga yavuye mu ruganda rwa Kabuga Felicien i Byumba. Undi wafashwe agafungwa ni umugabo witwaga Ndayambaje Pierre wari umukozi wa Minisiteri y'Imigambi ya Leta (MINIPLAN). Hafunzwe kandi Munyankindi wubakishaga amazu. Ifatwa n'ifungwa rye ryatumye Veneranda bari barashakanye uvuka ku Gisagara asubizwa iwabo kubera ko uruhushya rwo gutura no kuba mu mujyi rwari rwarahawe umugabo we Munyankindi rwari rumaze guteshwa agaciro. Undi ni Nyirabazungu wari wariyanditse ku mubiri we ngo "*Vive Kigeli V*". Undi wafashwe ni'umutegarugori witwaga Mariya umugore wa Rwamasirabo Antoine. Uko ari batatu bafunguwe nyuma y'amezi atandatu[148].

### 4.6.1.9. Segiteri ya Gitega

Rukeza wari resiponsabure wa Serire yaherekeje abasirikare mu rugo rwa Kinyange Daniel. Bakimukubita amaso baramubajije ngo kuki atabyutse ngo ajye gukora umuganda wo gutema ibihuru aho inyenzi zihishe. Kinyange yahise abasubiza ko atari azi iyo gahunda y'umuganda, arababwira ati noneho reka mfate umupanga tugende. Barazamuka bageze hafi y'umugabo witwa Nayino, haza umugabo wari utuye muri Camp Kigali witwa Cyrille wavukaga mu Ruhengeri, arababwira ngo Daniel ajya i Bugande afite amakuru y'inyenzi. Umupanga bahise bawumwaka baramushorera bamugeza ku ikamyo ya Iveko yari ihahagaze baramuterura bamujugunyamo, asangamo abandi bagenda babakubita[149].

Kabagema Daniel wakoraga muri Ambassade y'Ubufaransa mu Rwanda, avuga ko inkoni ari cyo gikoma cyanyobwaga n'abari bafunzwe bazira kuba ibyitso by'Inkotanyi. Igihe yafatwaga kugera

[148] Ubuhamya bwatanzwe na Gatsimbanyi Félicien, Gitega kuwa 10 Mutarama 2019
[149] Ikiganiro na Mparabanyi Faustin warokotse Jenoside, Gitega kuwa 15 Mutarama 2019.

ageze muri gereza yarakubiswe cyane ndetse biranakomeza. Ubu yakuyemo ubumuga n'ubu agendana. Undi wafashwe ni Karangwa Claver n'umukobwa we Assumpta Karangwa wari umukozi wa Radiyo Rwanda, Gatsimbanyi na Albert wari ufite ateliye y'ubudozi bita «*Albert Supply*».

Kabagema Daniel avuga ku buzima bari barimo icyo gihe bafunze n'ubwicanyi bwakorerwaga abo bitaga ibyitso by'Inyenzi-Inkotanyi. Muri gereza ya 1930, cyane nijoro bajyaga baza gutwara abantu bakajya kwicwa. Hishwe umugabo witwa Kimenyi wavukaga ku Kibuye akubiswe cyane n'abarindaga gereza bamusanze aho imfungwa zihagarikaga kugeza igihe ashiriyemo umwuka. Umugore wa Muvala Valens umwe wakinaga umupira igihe bazaga gufata abo bica bamukuruye imisatsi yari iboshye iracika amaze atangira kuva amaraso mu mutwe.

Hari umujandarume Lt Bizumuremyi alias «Rutuku» wavukaga muri segiteri ya Rugenge wari ushinzwe umutekano mu mujyi na we wazaga gutwara abantu aho bitaga mu kiriziya. Abongabo irengero ryabo ntiryamenyekanaga. Ubwo bwicanyi bwategurwaga n'ubuyobozi bwa gereza bufatanyije na jandarumori. Bwamaze amajoro abiri maze amakuru agera ku miryango iharanira uburenganzira bw'ikiremwa muntu. Ni bwo iyo miryango n'abahagarariye ibihugu byabo mu Rwanda bazaga gusura izo mfungwa. Ubwicanyi bwabaye nkubuhosha ariko noneho haza amayeri yo amayeri yo kugaburira izo mfungwa amafunguro ahumanye. Nyuma y'iryo surwa Kabagema Daniel na Karangwa Claver wari umuturanyi we, umunsi abahagarariye ibihugu byabo mu Rwanda basuraga gereza ya 1930 ni bwo basohotse muri gereza. Hasohotse kandi n'abandi bakoreraga ambasade n'indi miryango mpuzamahanga yakoreraga mu Rwanda. Ajuda shefu Barakengera Théoneste wayoboraga gereza ya 1930 ni we wahaye ibya ngombwa bisohoka abari bafunguwe. Kuva icyo gihe kandi abasigayemo bagiye babohereza kubafungira muri gereza zitandukanye[150].

### 4.6.1.10. Segiteri ya Muhima

Intambara yo kubohora u Rwanda itangira kuya 1 Ukwakira 1990, ubuyobozi bwa Segiteri ya Muhima kimwe n'ahandi bwatangiye kuvangura abaturage bayo. Ubuyobozi icyo gihe bwaba ubwa gisivili cyangwa ubwa gisirikare bwashimangiye ko umwanzi yateye igihugu kandi ko uwateye ari umututsi bityo imiryango y'Abatutsi itangira kurebwa nabi. Icyo gihe Abatutsi bitwa

[150] Ikiganiro na Kabagema Daniel, Gitega 16 Mutarama 2019.

Inyenzi, inyangarwanda, inzoka n'andi mazina yari agamije kwerekana uko umututsi atari umuntu nk'abandi cyangwa se ari umuntu usuzuguritse. Icyo gihe kandi mu mbwirwaruhamwe za Perezida Habyarimana Juvénal zakanguriraga abaturage kumenya neza abaturanyi babo kuko abateye u Rwanda ari impunzi z'Abatutsi kandi bakaba bafitanye isano "*Buri wese yikebuke yirebe".*

Abaturage hagati yabo, kubera izo mbwirwaruhamwe zanyuraga kuri Radiyo Rwanda, imibanire yarahindutse batangira koko kwishishanya, ndetse Abahutu batangira kureba nabi Abatutsi. Ibyo byagaragaririraga mu mvugo cyangwa amagambo Abatutsi babwirwaga ndetse n'ibikorwa by'urugomo bari basigaye bababakorera. Imvugo ziganisha ku rwango nk'abana b'inzoka, abana b'inyenzi, kubatera ubwoba ngo nibatabuza inyenzi zene wabo gutera igihugu ko bazashira nta muntu n'umwe zizasanga mu gihugu. Mu bari bafite inshuti z'Abahutu zahise zibacikaho bitwaje ko Abatutsi babagambaniye[151].

**4.6.1.11. Segiteri ya Kanyinya**

Ku mashuri abanza ya Kanyinya, Mudadari Justin wigeze kuba Burugumesitiri wa Komini Shyorongi, muri icyo gihe akaba yari umwarimu n'umuyobozi w'iryo shuri, ntiyigeze aha amahwemo abana b'Abatutsi bahigaga. Muhawenimana Denyse wigaga mu mwaka wa Karindwi icyo gihe kuri iryo shuri yibuka itoteza Mudadari Justin yakoreraga abanyeshuri b'Abatutsi. Yagize ati: "*nibuka ko Mudadari yazengurukaga mu mashuri yose abwira abanyeshuri ngo Abatutsi barimo nibahaguruke bamara guhaguruka akabwira abasigaye ngo ngaho namwe nimwirebere!*[152]"

**4.6.1.12. Segiteri ya Nzove**

Impore avuga ko igitero cyo kuwa 1 Ukwakira 1990 cyaraye kibaye aribwo amakuru yasakaye aho yari atuye muri Segiteri ya Nzove ko Inyenzi-Inkotanyi zateye zinyuze ku mupaka wa Kagitumba. Icyo gihe kandi radiyo Rwanda mu biganiro byayo yavugaga ko abateye bafite imirizo. Ubutegetsi bwakomeje kwigisha ko abateye ari ibisimba, ariko ntibyatinda abantu baza gusobanukirwa kuko hari abantu bafunzwe bafatiwe ku rugamba ndetse n'abandi bafatiwe mu

---

[151] Ubuhamya bwa Nyiringondo Epaphrodite, Muhima, kuwa 7 Ukuboza 2018
[152] Ubuhamya bwa Muhawenimana Denyse, Kanyinya, kuwa 12 Ukuboza 2018

bikorwa by'ubutasi i Kigali n'ahandi bafungirwa muri Gereza ya 1930. Igihe cyo gufungurwa kwabo no gusubiza imfungwa, benshi ni bwo Impore yasobanukiwe ko Inkotanyi atari ibisimba ahubwo ari ugusebanya.

Impore akomeza avuga ko aho yari atuye hatangiye kuza urwikekwe hagati y'Abahutu n'Abatutsi. Abahutu bavugaga ko Abahutu ari abagambanyi, abarunari n'andi mazina y'ivangura n'iteshagacirokandi mu byukuri Abatutsi ntibari basobanukiwe neza iby'intambara y'Inkotanyi. Abategetsi nabo batangiye kureba nabi Abatutsi, baraburaburabuzwa, aho Umututsi anyuze bakakuvugiriza induru kandi nta ruhare afite mu rugamba igihugu cyarimo.

Abatutsi bafashwe nk'ibyitso muri Segiteri ya Nzove ni Gasamagera Gabriel bitaga "*Locomotive*" wo mu Nzove. Inkotanyi zitera baramusenyeye bamutwikira n'imodoka. Akimara gufungurwa, yahise ahunga n'umuryango we bajya gutura ku Kivugiza i Nyamirambo. Undi watwikiwe ni Gafurumba Désiré nawe wari utuye mu Nzove[153].

### 4.6.1.13. Segiteri ya Butamwa

Ifatwa ry'ibyitso mu gitondo cyo kuya 5 Ukwakira 1990 ryajyanye n'iyicwa ry'Abatutsi. Radiyo Rwanda mu rukerera imaze gutangaza ko abantu bose baguma mu ngo zabo ko akazi gahagaritswe uwo munsi, usibye abakozi bakoreraga ELECTROGAZ n'ibitaro, Karinganire Dismas wari wagiye mu rukerera agiye ku kazi yiboneye ubwe amaraso atemba ku mihanda ubwo yari kumwe n'umukoresha we bajyanye aho yakoreraga mu kigo cya CELA. Imodoka za MINITRAP zatwaraga amazi nizo zakoraga isuku zigenda zimena amazi ahabaga hiciwe abantu. Mu bafashwe mu byitso by'Inkotanyi i Butamwa, hafunzwe Kayitani mwene Maritini na Gatarayiha Geregori. Hafashwe kandi undi witwaga Kalisa ariko we yaje gufungurwa bidatinze avugiwe na Konseye Kangavera Xaveri wategekaga Segiteri ya Butamwa amaze gusimbura Nkurikiyimfura Augustini wari waratowe n'abaturage. Umunsi abo bagabo bafatwa batwawe n'imodoka ya komini yabajyanye i Nyamirambo kuri sitade baherekejwe n'abapolisi. Baje gufungurwa nyuma y'amezi atandatu nta cyaha bagaraweho, nta ndishyi bahawe ahubwo baramugajwe n'inkoni n'ubuzima bubi bwo muri gereza[154].

[153] Ubuhamya bwatanzwe na Impore Innocent, Nzove, kuya 12 Ukuboza 2018
[154] Ubuhamya bwatanzwe na Karinganire Dismas, Mageragere, 11 Ugushyingo 2018

### 4.6.2. Imibereho y'abiswe ibyitso by'Inkotanyi

Imibereho y'abari bafashwe mu byitso yakomeje kuba mibi uko bukeye. Harimo gukubitwa buri munsi, inzara, inyota n'ibindi. Ku itariki ya 6 Ukwakira abantu bari aho muri stade bari batangiye gusonza noneho batangira kurisha ibyatsi. Hari igiti cy'ipapayi n'igiti cy'umwembe muri stade. Uwabaga agiye kwihagarika yarwaniraga gukuraho amababi kugira ngo abashe gukamuramo utuzi. Nyuma gato Umuryango Nyarwanda Utabara Imbabare wazaniye igikoma abari aho ariko habura ibikombe byo kukinyweramo. Ni bwo abantu batangiye kwiga ubundi bwenge bwo kunywa bakoresheje inkweto. Ubwo kandi nticyageze kuri bose kuko byari nko kurigata. Bukeye bwaho haje ibitoki by'imineke byari bipakiwe mu modoka ya MINITRANSCO ariko banga kubiha abari bafunze, abantu nabwo barushaho gusonza. Imiryango irengera uburenganzira bw'ikiremwamuntu imaze kumenya ko hari abari kwicwa urubozo yaje gusura aho kuri stade.

Icyavuye muri iryo surwa n'uko kuya 7 Ukwakira 1990 hatangiye igikorwa cyo kuvangura abantu hakurikijwe amaperefegitura bakomokamo. Hanze aho imodoka zihagarara hari za bisi n'amakamyo menshi abategereje. Kubera ibyaha abantu baregwaga byatumaga ntawajyanwaga gufungirwa aho uvuka. Rugero Paulin uri mu bari bafunzwe bamubwiye ko agomba kujya gufungirwa muri gereza "*Special*" ya Ruhengeri kuko hejuru y'imifuka y'amasasu n'imbunda ya MG yashinjwaga baje noneho kuvuga ko ari Liyetona wafatiwe ku rugamba.

Rugero akomeza agira ati: *«imodoka zijya i Byumba, Kibungo ndetse n'abagomba gufungirwa muri Gereza ya 1930 bose bavanywe muri stade. Bisi ya Ruhengeri yaraje tuyijyamo tujyeze muri Rond Point ya Kigali abasirikare ba Zayire bari batabaye u Rwanda bashaka kuturasa. Bihosheje turakomeza na bwo tugeze imbere yo kwa Sakumi ku Muhima tuhasanga abasirikare b'abazayirwa baraduhagarika ariko ntibatugora. Tugeze Nyabugogo bahise baduha abasirikare baduherekeza hanyuma tugeze ku Giticyinyoni umushoferi wari udutwaye avuga ko mazutu afite ari nke itamugeza mu Ruhengeri. Hashize isaha bategereje ko ababishinzwe banywesha imodoka twarimo, umushoferi n'abasirikare bari baturinze bakomeza i Gitarama.*

*Saa mbiri z'ijoro ni bwo twageze i Gitarama kuri gereza, badukura mu modoka noneho abasirikare bihererana abanyururu twari tuhasanze barababwira ngo batwice. Umugambi wo kutwica wamenyekanye bamaze akanya babijyaho impaka birangira abanyururu babyanze maze abari batuzanye aho bongera kutubwira ngo dusubire mu makamyo imodoka zikomeza zigana i*

*Nyanza. I Nyamza twahageze mu rukerera tuhasanga abacuruzi b'i Nyanza, abarimu batwigishije mu mashuri abanza nabo bafunzwe bitwa ibyitso by'Inkotanyi. Twarafunzwe kugera muri Gashyantare 1991*[155]».

### 4.6.3. Irekurwa ry'abiswe ibyitso by'Inkotanyi

Abafashwe mu byitso by'Inkotanyi baregwaga icyaha cyo kugambanira Igihugu. Abahutu b'intagondwa bavugaga ko icyo cyaha gihanishwa urupfu kandi umuntu agahita yicwa. Nyuma haje gushyirwaho akanama gashinzwe ijonjora ry'abafashwe mu byitso kuva intambara itangiye mu Kwakira 1990. Ako kanama kashinzwe uwari Umushinjacyaha Mukuru Bwana Alphonse Marie Nkubito waje kuba Minisitiri w'Ubutabera nyuma ya Jenoside. Bakunze gushyira mu majwi ko na we yari icyitso cy'Inkotanyi kubera kurekura bamwe mu bari bafashwe. Ako kanama gashyirwaho kari kasabwe gukorana ubushishozi kagafungura abarengana.

Sebagabo Alphonse wabarizwaga i Gikondo mu nyandiko yise "Ka kanama kari kayobowe na Nkubito Alphonse ngo kaba kararekuye Inkotanyi n'ibyitso byazo kiyushye icyuya kurusha abakibize bazifata"[156], yandikiye Porokireri Nkubito urwandiko arunyuza muri Kangura nyuma y'irekurwa rya Sebera Antoine na Landouald Ndasingwa. Umwanditsi avuga ko baza gusaka kwa Antoine Sebera bahasanze imbunda esheshatu zingana n'umubare w'abasore bafatiye mu gishanga munsi yo kwa Sebera barimo kurasa. Landouald Ndasingwa we yafunzwe aregwa kuba ari we wari gutegura umunsi mukuru Inkotanyi zimaze gufata ubutegetsi[157]. Umwanditsi yasabaga ko ako kanama gaseswa kagasimburwa n'urukiko rwa gisirikare kandi ko n'ibyitso byarekuwe byaburanishwa n'urukiko ruburanisha abahungabanyije umutekano wa Leta. Ku itariki ya 27 Ukuboza 1990 ni bwo hari hateganyijwe iburanishwa rya mbere ry'abari bafungiye icyaha cyo kuba ibyitso by'Inkotanyi[158]. Urubanza rwabereye mu nzu y'Inama Igihugu Iharanira Amajyambere yakoreragamo by'agateganyo. Mu itsinda rya mbere ryarimo Narcisse Munyambaraga[159], Charles Mukurarinda[160], Carpophore Gatera, Emmanuel Ntakiyimana, Jean

---

[155] Ubuhamya bwatanzwe na Rugero Paulin, Nyakabanda, Werurwe 2019.
[156] Kangura N° 6, Ukuboza 1990, urupapuro rwa 10-11.
[157] Idem
[158] Kangura n°7, Ukuboza 1990, urupapuro rwa 6
[159] Icyo gihe Munyambaraga Narcisse yari Umuyobozi Mukuru w'Ikigo cy'Igihugu cy'Amaposita mu Rwanda
[160] Mukurarinda Charles yakoreraga Palloti-Presse

Baptiste Karinijabo, Charles Tamba, Ignace Ruhatana, na Donasiyani Rugema. Baregwaga ibi bikurikira:

- Kuba bari mu Rwanda no mu mahanga cyane cyane muri Uganda hagati y'umwaka wa 1988 na 1990 baragiranye ubucuti n'umutwe w'Inkotanyi wari ugamije kuvutsa amahoro n'ubumwe abaturarwanda.
- Kuba umwe ku giti cye cyangwa afatanyije n'uwundi barafatanyije n'Inkotanyi batera iterabwoba ndetse n'intambara
- Kuba bari mu Bugande barafatanyije mu migambi yayo[161].

Irindi tsinda ryashyizwemo Jean de Dieu Kabengera, Fidèle Niyonkuru, Athanase Karake ryo ryaregwaga ibi bikurikira :

- Kuba bari mu Rwanda batunze cassette irimo ibintu bifitanye isano n'Inkotanyi.
- Kuba Fidèle Niyonkuru yaramenye imigambi y'Inkotanyi ntabimenyeshe ubutegetsi[162].

Izo manza zarasubitswe ababuranyi bamaze gusaba kongererwa igihe cyo kwiga neza urubanza zishyirwa kuwa 9 Mutarama 1991. Mu ntangiriro za Gashyantare 1992, mu bari bafungiye muri Gereza ya 1930 harekuwe Munyambaraga Narcisse, Rugema Donatien, Mukurarinda Charles, Ntakiyimana Emmanuel, Gatera Carpophore, Comanda Munyagatanga, Colonel Uwihoreye wahoze ari umuyobozi w'ishuri rya Jandarumori EGENA waziraga kwima amasasu abasirikare bityo Inkotanyi zigafata umujyi wa Ruhengeri nta nkomyi, Mugabo Jean Damascène n'abandi. Abari bamaze kurekurwa, benshi muri bo bangiwe gusubira ku kazi bahozeho kuko wasangaga ahenshi barasimbujwe. Ibyo byabaye cyane cyane abakoraga mu bigo bya leta. Icyo gihe kandi ubuyobozi bwohereje imodoka za Perefegitura y'Umujyi wa Kigali na bisi za ONATRACOM gufata Abatutsi mu mugi wa Kigali bakabasubiza ku ivuko bitwa ko ari imihirimbiri.

#### 4.6.4. Ibyiswe gushyingura Fred Rwigema muri Komini ya Nyarugenge

Mu ntangiriro z'Ugushyingo 1990 ni bwo urupfu rwa General Major Fred Rwigema rwamenyekanye binyuze kuri Radiyo Rwanda. Iyo nkuru ikimenyekana, abategetsi barishimye bemeza ko urugamba Inyenzi zashoje zirutsinzwe ku mugaragaro, inzirabwoba zihimba indirimbo zerekana ko urugamba zirushoje.

---

[161] Kangura n° 7, Ukuboza 1990, urupapuro rwa 6
[162] Idem

Tariki ya 5 Ugushyingo 1990 hatangizwa ibikorwa byo gushyigikira ingabo byabimburiwe n'umuhango wiswe uwo guhamba Generali Fred Gisa Rwigema. Ibi byateguriwe muri buri Segiteri, mu bigo bya Leta n'ibyigenga ndetse no mu bigo by'amashuri aho abaturage bikoreye imitumba n'ingiga z'ibiti bakajya kubujugunya mu byobo byari byaracukuwe n'inzego z'ubutegetsi nk'inkimenyetso ko Rwigema ahambwe. Abitabiriye uwo muhango, bagiye baririmba indirimbo yari yarahimbwe n'Inzirabwoba ndetse yigishwa abanyeshuri hirya no hino mu mashuri[163].

Uburyo iki gikorwa cyateguwe muri segiteri za Komini ya Nyarugenge, abayobozi babigizemo uruhare n'itotezwa ryakorewe Abatutsi muri uwo muhango nibyo bigaragara mu bika bikurikira.

#### 4.6.4.1. Segiteri ya Nyarugenge

Abari muri urwo rugendo bahagurukiye kuri Rond Point imbere y'ahahoze "Etablissement Rwandais" bafata umuhanda ujya mu Gakinjiro baca imbere ya Burigade ya Muhima bazamuka umuhanda ujya ku isoko rya Nyarugenge. Bakomereje ku ku muhanda wa «Quartier Commercial» berekeza n'ubundi aho bari baturutse, muri Rond-Point. Ubwo bagendaga baririmba indirimbo yari imaze iminsi yigishwa kandi inaririmbwa kuri radiyo ivuga ngo: "*Ngabo z'u Rwanda dukomere, inyangarwanda twazikubise inshuro, zifuza icyazizanye…*", indirimbo ishobora kuba yarahimbwe na Colonel Rusatira.
Umuhango w'uwo munsi wasorejwe muri Rond Point hagati mu busitani. Icyo gihe bashyizeho indangururamajwi batangira kubyina ikivunge. Ubuzima bwari bwahagaze muri «*Quartier Matheus na Commercial*». Mu mbwirwaruhamwe zahavugiwe abategetsi bavuze ko inyangarwanda bazisubije inyuma ariko bashimangira ko abaturage baba maso kugira ngo birinde umwanzi kandi ko umwanzi atari kure ahubwo abarimo[164].

#### 4.6.4.2. Segiteri ya Rugenge

Muri Segiteri ya Rugenge hateguwe gahunda ishushanya ikinamico ryo gushyingura Fred Rwigema nk'ikimenyetso cy'uko inzirabwoba zitsinze urugamba. Inzego zose ari iza Leta, ibigo byigenga n'amashuri byahawe amabwiriza ajyanye n'icyo gikorwa baranagishishikarizwa. Icyo

[163] Ubuhamya bwatanzwe n'uwari muri urwo rugendo rwakozwe mu mpera z'Ukwakira 1990.
[164] Ikiganiro na Rutayisire Masengo Gilbert, Rugenge kuwa 10 Ukwakira 2018

gikorwa cyaranzwe n'iterabwoba ku miryango y'Abatutsi aho Konseye na ba Resiponsabure bavugaga ko utitabira uwo muhango baza kumufata nk'umwanzi w'igihugu.

Abaturage ba Rugenge n'abanyeshuri b'ishuri ribanza ry'Umuryango Mutagatifu babanje gutema ibihuru mu mpande z'ishuri. Banyuze ku biro bya Segiteri bahetse imitumba baririmba, bajya kuyishyingura ahitwa "Kinamba ya Kabiri" munsi y'ikiraro ku muhanda uturuka mu Kanogo ugana Nyabugogo. Wabonaga abaturage n'abayobozi ari abasivile, abasirikare n'abajandarume bishimye cyane bavuga ko bahambye umwanzi. Ku Kinamba ni ho babyiniye indirimbo za gisirikare birangiye abantu barataha[165].

**4.6.4.3. Segiteri ya Muhima**

Urupfu rwa Fred Rwigema rwakiriwe nk'ikimenyetso simusiga cy'uko inzirabwoba zatsinze intambara. Konseye Euphrasie Kamatamu yatumyeho abaturage abinyujije kuri ba Resiponsabule kuza mu gikorwa cyo gushyikira ingabo. Icyari giteganyijwe cyari umuhango wo guhamba Rwigema. Abaturage hafi ya bose bahuriye ku biro bya Segiteri bitwaje imitumba iri ku mitambiko berekeza ku muhanda wa Kinamba bajya kuyijugunya mu mugezi wa Nyabugogo. Icyo gihe bagendaga baririmba indirimbo ifite igitero kivuga ngo "*Ngabo z'u Rwanda dukomere inyangarwanda twazikubise inshuro zifuza icyazizanye*…". Mu gutaha, abari bayoboye icyo gikorwa n'abaturage bamwe na bamwe bajya gukomeza kwishima banywa inzoga. Abatutsi muri icyo gihe bagize ubwoba kuko bari batangiye kwitwa inzoka, inyenzi n'andi bityo batangira kugenda bikandagira. Bamwe mubayoboye icyo gikorwa cyo gushyingura Rwigema, harimo responsabule wa Serire ya Kabasengerezi, Mukandutiye Angélina wari umuyobozi w'ishuri rya Sainte Famille kuko ni we wari urangaje imbere abarimu n'abanyeshuri ba Sainte Famille. Nyirabagenzi Odetta wari konseye, Munyampama Zéphirin, Bigirabagabo Jean Marie Vianney wakoraga muri SONARWA n'abandi[166].

**4.6.4.4. ya Biryogo**

Inkuru y'uko Rwigema atakiriho imaze gusakara kuri radiyo hatangiye kunyura indirimbo ya gisirikare yavugaga ko inzirabwoba zivuganye Rwigema shefu w'inyenzi. Kuva icyo gihe

---

[165] Idem
[166] Ubuhamya bwatanzwe na Charles Kabanda, Muhima, 15 Ukwakira 2018

abahanzi benshi berekeje inganzo yabo kubibera ku rugamba batangira guhimba ndirimbo ziha imbaraga inzirabwoba ku rugamba ariko zishimangira ububi bw'Inkotanyi bashaka kuvuga Abatutsi. Haciyemo iminsi itari mike m gihugu hose haririmbwa indiririmbo zivuga ko inzirabwoba zatsinze urugamba hanategurwa igikorwa cyo gushyingura Fred Rwigema kugira ngo bereke Abanyarwanda ko intambara yarangiye. Abahutu batangije imvugo ivuga ngo "*ak'Abatutsi kashobotse*". Iyo mvugo yarakomeje no mu gihe cya Jenoside. Hahise hategurwa mu gihugu cyose ikinamico rishushanya ishyingurwa rya Fred Rwigema nk'ikimenyetso simusiga ko intambara irangiye kandi abayishoje batsinzwe.

Muri Segiteri ya Biryogo, icyo gikorwa cyayobowe na Karakezi Amuri, Kalingene Kalisiti wari umunyamabanga wa Karekezi kuri segiteri, Iriniga Sudi, Karimunda Djafar wari nyumba kumi n'abapolisi bakoreraga kuri segiteri. Imbaga y'abaturage yahurijwe ahakoreraga Colichimie[167] mu Kanogo. Ku gicamunsi, bahaguruka berekeza mu Rugunga bahetse imitumba n'ibyapa byanditseho amagambo atandukanye. Bakomeza umuhanda unyura hagati ya Lycée de Kigali na CSK, bakomereza muri Rwampara bagera ahitwa kuri "*Mirongo ine*". Urugendo rwakomereje i Nyamirambo, bakatira kuri Station ya ERP bafata umuhanda wa Kivugiza berekeza ku irimbi ryo mu Rugarama ari na ho umuhango wo guhamba Rwigema warangiriyeikinamico. Bahavuye baje kuri Stade barabyina karahava bishimye ko intambara bayitsinze. Bavuye muri iryo kinamico uwitwa Karingene Kalisiti yabwiye abantu ati: "ubu turajya gukarabira mu kabare k'umututsi!". Bageze mu Biryogo bahise bajya muri bare y'Umututsi witwaga Cyabakanga bahageze banywa inzoga, barabyina karahava barangije bahava batamwishyuye. Nyuma y'uwo muhango Abatutsi b'aho mu Biryogo babonaga ko bitoroshye kuba mu gihugu. Ibintu byahise byigaragaza kuko bavugaga ko umwanzi ari nta wundi ari umututsi[168].

### 4.6.4.5. Segiteri ya Nyamirambo

Inkuru y'urupfu rwa Fred Rwigema imaze kumenyekana, ubuyobozi bwa Segiteri ya Nyamirambo kimwe n'ahandi mu gihugu, bwateguye gahunda yo gushyigikira Inzirabwoba mu ikinamico ryo gushyingura Rwigema. Uyu muhango wayobowe n'uwari Konseye wa Segiteri ya Nyamirambo Froduard Munyaneza afatanije n'abaresiponsabure ba za Serire. Aba bayobozi nibo

---

[167] Ni aho bita Ku mazi
[168] Ubuhamya bwatanzwe na Rutayisire Eugène, Biryogo, kuwa 20 Ukwakira 2018

bashishikarije iamashuri yose kwitabira iyo gahunda, amasomo arasubikwa. Abanyeshuri bo mu Rugarama bahagurukiye ku ishuri bikoreye imitumba baza kuyijugunya mu irimbi, bahavuye bajya ku Kivugiza ku kibuga cy'umupira bahahurira n'abandi banyeshuri bari kumwe n'abaturage ba Kivugiza na Gatare. Abanyeshuri n'abaturage bo ku Mumena bamanukanye imitumba bajya kuyijunya mu Rwampara gahunda bayikomereza ku kibuga cyo ku Mumena. Byari byateguwe banaririmba indirimbo zo gushyigikira Inzirabwoba, ariko cyane cyane bacyurira Abatutsi ko akabo gashobotse[169].

#### 4.6.4.6. Segiteri ya Nyakabanda

Umuhango wo gushyingura Rwigema wabaye mu rwego rwiswe gushyigikira ingabo z'u Rwanda ku rugamba. Mu Nyakabanda icyo gikorwa cyobowe na Ruyombyangoro wari konseye w'iyo segiteri muri icyo gihe. Abaturage ba Rwezamenyo barimo n'abanyeshuri n'abarimu b'ikigo cy'amashuri abanza yo ku Ntwari bahuriye n'abaturage, abaserire na ba resiponsabure ba serire Munanira zombi kuri "Tapis Rouge". Hari abari bafashe amashuka bafunika imitumba barayikorera bamanuka umuhanda ugana Nyabugogo bambuka hakurya ku mugezi wa Mpazi ari naho bajugunye iyo mitumba bavuga ko bashyinguye Rwigema. Bahindukiye bagiye kwifatanya n'abaturage ba Nyamirambo ku kibuga cy'imikino cya Kigali. Mu nzira bagaruka bagendaga baririmba indirimbo za gisirikare bari barigishijwe, bagashyiramo amagambo y'agashinyaguro ku wapfuye. Ubwo ni ko bagendaga bakubita abantu batari baje muri ibyo birori byabo.

Abaturage ba Segiteri ya Nyakabanda hafi ya bose bagiye muri uwo muhango abenshi babitewe n'ubwoba, abandi babijyamo kuko byafatwaga nk'umwera uturutse ibukuru. Bageze ku kibuga cy'imikino cya Nyamirambo bamaze guhura n'abaturutse i Nyamirambo ariko bo umuhango bari bawukoreye mu irimbi rya Kabeza barabyinnye karahava, bavuga ko Gashakabuhake bamutsinsuye kandi ko urugamba barutsinze. Indirimbo ziririmba ubutwari bw'inzirabwoba ni zo zahimbaje ibyo ngirwa birori. Usibye abaturage b'izo segiteri, hari hateraniye kandi abanyeshuri bo mu bigo by'amashuri atandukanye yari muri izo segiteri[170].

---

[169] Ikiganiro na Rugundana Vedaste warokotse Jenoside yakorewe Abatutsi, Nyamirambo kuwa 20 Nzeri 201816
[170] Ubuhamya bwatanzwe na Mugema Olivier, Nyakabanda, kuwa 20 Gashyantare 2019

#### 4.6.4.7. Segiteri ya Kimisagara

Muri Segiteri ya Kimisagara, ikinamico ryo gushyingura Fred Rwigema ryakozwe tariki 5 Ugushyingo 1990, ubuyobozi butegeka abaturage bose kucyitabira. Ikindi n'uko muri Segiteri ya Kimisagara hari igitugu gikomeye cyaterwaga na Konseye w'iyo segiteri Karushara Rose bakundaga kwita "Inyamaswa-ngore". We na ba resiponsabure be bazengurutse Segiteri yose bategeka abaturage kwitabira. Karushara n'abamufashaga babishyizemo iterabwoba bavuga ko utaza gushyingura afatwa nk'umwanzi w'igihugu. Nguko uko abanyarwanda benshi babigiyemo, yewe n'abari basobanukiwe ikibyihishe inyuma bitabiriye uwo muhango kugirango baramuke. Abaturage ba Kamuhoza, Katabaro, Ntaraga na Kimisagara bafatanije n'abanyeshuri bo mu mashuri yo muri Kimisagara bahagurukiye ahari ibiro bya Segiteri bamanuka Kimisagara bagana Nyabugogo bakomeza bagana ku mugezi wa Nyabugogo mbere y'uko ugera ku isoko rya Kiruhura. Imitumba bari bikoreye bayijugunya mu mugezi wa Nyabugogo. Icyo gihe bafashe imitumba bayambika amashuka hanyuma barikorera bagenda baririmba indirimbo za gisirikare zari zimaze iminsi zihimbwe. Imihanda yari yuzuye icyo gihe. Bagenda bavuga amagambo atuka nyakwigendera! Igikorwa cyari kiyobowe na Karushara Rose, Resiponsabure Kavumbutse Yoramu, Muberuka Adiriyani, Karoli Burumbuke, abapolisi bo kuri Segiteri ndetse n'abari baturutse kuri Komini ya Nyarugenge. Ibyo birangiye abaturage bose bagarutse kuri Segiteri barabyina karahava bishimira ko bavuye gushyingura Fred Rwigema[171].

#### 4.6.4.8. Segiteri ya Cyahafi

Muri Segiteri ya Cyahafi abaturage bitabiriye icyo gikorwa ari benshi nkuko cyari cyateguwe naKonseye Rwanda Christophe n'abaresiponsabure n'amaserire ya Kora, Gakinjiro, Kakirinda na Kanyanza. Abaturage bahagurukiye mu Gakinjiro hafi y'ahahoze Café Nectar bitwaje imitumba berekeza i Nyamirambo ku kibuga cya "Tapis Rouge" bayobowe na Rwanda Christophe wari konseye waje gukurwaho n'amatora. Bahageze bafatanyije na segiteri ya Nyamirambo na Nyakabanda muri cyo gikorwa cyitwaga icyo gushyingura Rwigema[172].

[171] Ubuhamya bwatanzwe na Mudacyahwa Emmanuel, Kimisagara, Nzeri 2018
[172] Ubuhamya bwa Mparabanyi Faustin, Gitega, Mutarama 2019

### 4.6.4.9. Segiteri ya Gitega

Abari ku isonga muri icyo gikorwa harimo Konseye wa Gitega Mbonyimana Stanislas Alias "Pépé" afatanyije na Rukeza wayoboraga Serire Kinyange, Ntawiha François wari umucamanza akaba akaba yari aumwe mu bari bagize komite ya serire ya Gacyamo. Bategetse abaturage bose n'amashuri abanza yo ku Gitega kwitabira iyo gahunda ndetse bagenda baririmba indirimbo bari bari barigishijwe mu rwego rwo kwizihiza urupfu rwa Fred Rwigema. Umututsi utitabiriye iyo gahunda yafashwe nk'umwanzi aratotezwa[173].

### 4.6.4.10. Segiteri ya Kanyinya

Bimaze kumenyekana ko Fred Rwigema yapfuye, ku ishuri rya Kanyinya, abana bose bigishwijwe indirimbo yo kuzaririmba igihe bazaba bagiye mu ikinamico ryo gushyingura Fred Rwigema, bakaba barayiririmbaga buri munsi mu rwego rwo kwitegura. Mu barimu bayigishije harimo Mudadari Justin wari umuyobozi w'ishuri na bagenzi be. Bamwe mu Batutsi bari basobanukiwe bakimara kumva ko Fred Gisa Rwigema yishwe bacitse intege. Imvugo y'uko Abatutsi bihishe mu bahutu yarakomeje; Abahutu batangira gucyurira Abatutsi iby'urupfu rwa Fred Rwigema, yewe n'abatari bazi iyo bigana. Abahutu barishimye cyane bavuga ngo "Aka Batutsi kashobotse".

Muri Serire ya Kanyinya Gashumba Andereya ni we washishikarije abaturage gahunda yo gushyingura Fred Rwigema. Uwari Resiponsabure wa Taba witwaga Tanganyikan'abandi nka Butuyu, Nyabunyoro Benjamini wabyinaga mu itorero "Irindiro" rya Bikindi, Vedaste alias Gikongoro, umupolisi witwaga Kamuhanda na Burugumesitiri wa Komini Shyorongi Hitimana Alexandre mwene Sebastiani wari umaze gusimbura Kaneza Andereya.

Urwo rugendo rwo kujya mu ikinamico ryo gushyingura Fred Rwigema rwahagurukiye i Kanyinya ku mashuri berekeza i Nyamweru babyina, bagaruka aho ku ishuri i Kanyinya, maze iyo mitumba bayishyingura munsi y'ishuri. Uwari uyoboye abanyeshuri n'abarezi yari Mudadari Justin n'abarimu bitwa Védaste alias Gikongoro, Alivera umugore wa Gikongoro nibo bari barangaje imbere abo banyeshuri n'abarimu. Bamwe mu banyeshuri bari babikazemo cyane twavuga Ndayambaje mwene Sentibagwe waje kujya mu mutwe w'abacengezi ubu akaba

[173] Ubuhamya bwatanzwe na Gatsimbanyi Félicien, Gitega, Mutarama 2019

yaratashye, Albert mwene Birigamba, Ntibitura Bonaventure n'abandi. Uwo munsi ntiwari uw'abarezi n'abanyeshuri gusa kuko abaturage bose ba Kanyinya baturutse mu maserire yose bitabiriye iryo kinamico bari kumwe na ba resiponsabure babo na Konseye Gashumba Andereya[174].

### 4.6.4.11. Segiteri ya Nzove

Gushyingura Rwigema muri Segiteri Nzove byarakozwe kandi byitabirwa n'abaturage benshi, ibigo by'amashuri n'ubuyobozi. Konseye Karangwa Alexandre na ba Resiponsabure b'amaserire nibo bari babiyoboye. Kubera ko mu Nzove ari iwabo wa Habimana Bonaventure bitaga Muvoma, umwuka wo kwanga Abatutsi wari ukabije kuba mubi. Icyo gihe bikoreje abaturage imitumba. Konseye Karangwa yakoresheje urugendo maze agenda asoma amagambo yari yanditse ku rupapuro avugira mu ndangururamajwi avuga ko Gashakabuhake bamwivuganye kandi ko ingabo z'u Rwanda zikomeje gushaka umwanzi aho ari hose[175]. Icyo gihe abaturage bose bahagurukiye ku biro bya Segiteri ya Nzove bakomeza umuhanda ugaruka ahitwa Nyabihu mu cyerekezo cy'iwabo wa Habimana Boaventure wari Umunyamabanga Mukuru wa MRND.

### 4.6.6. Ikinamico ryo gushyingura Fred Gisa Rwigema muri Komini ya Butamwa

Abaturage b'i Butamwa bakimara kubimenya ku dusozi hafi ya twose abantu baraye bavuza induru n'amadebe[176]. Igihe abasirikare ba Habyarimana bari babonye agahenge mu mpera z'Ugushyingo 1990, gahunda yo gushyingura Rwigema ni bwo yateguwe maze inashyirwa mu bikorwa muri Komini ya Butamwa. Ba konseye na ba resiponsabure n'abayobozi b'ibigo by'amashuri ni bo bashinzwe icyo gikorwa maze babishishikariza abaturage. Bashyizemo iterabwoba babwira abaturage ko utaza muri iyo gahunda bamufata nk'inyangarwanda.

Muri Komini ya Butamwa umuhango wabereye muri Segiteri ariko gahunda bayirangiriza ku kibuga cy'umupira kiri ku mashuri abanza ya Butamwa. Kuri icyo kibuga cyahuriweho n'abaturage ba Segiteri ya Butamwa, Rwesero na Rugarama n'ibigo by'amashuri byari muri izo segiteri. Hari Ruberangondo Stanislas, ba Konseye Kangavera Xaveri, Iyakaremye Athanase,

---

[174] Ubuhamya bwa Muhawenimana Denyse, Kanyinya, kuwa 12 Ukuboza 2018

[175] Ayo magambo yavuzwe na Konseye Karangwa Alexandre bitaga Matene igihe cy'urugendo bise gushyingura Rwigema mu rwego rwo gushyigikira ingabo zari ku rugamba.

[176] Ubuhamya bwatanzwe n'umuturage wa Mageragere warokotse Jenoside, kuya 15 Ugushyingo 2018.

Dusabe Theresa wayoboraga ikigo nderabuzima cya Butamwa, abayobozi b'ibigo by'amashuri, abarimu n'abanyeshuri babo. Hari kandi Musabende Alphonse wari konseye wa Nyarubande, Kanyandekwe wari umaze gusimbura Gatare wategekaga Segiteri ya Rwesero, Bakinahe wakoreshaga "*Animation*" abakozi ba Komini ya Butamwa akaba ari na we wari umushyushyarugamba icyo gihe. Indirimbo zaririmbwe icyo gihe zaterwaga na we bityo akongeramo amagambo y'urukozasoni mu ndangururamajwi yari yitwaje[177].

Muri Segiteri ya Kigali yayoborwaga na Ubarijoro Jean Damascene[178] wahoze ari umupolisi wa Komini ya Butamwa yafatanyije na Setiba Joseph n'abaresiponsabure kuyobora icyo gikorwa. Abaturage bitabiriye ari benshi bayobowe na ba resiponsabure babo, abarezi n'abanyeshuri b'ikigo cya Karama bayobowe n'umuyobozi w'ikigo baje kwifatanya n'ingabo z'igihugu kwishima kubera ko zatsinze umwanzi. Abitabiriye bari bitwaje imitumba y'insina bagenda baririmba kandi bishimye bayijugunya mu mugezi wa Nyabugogo. Mu nzira bagendaga baririmba indirimbo za gisirikare zakundaga guhita kuri Radiyo Rwanda zirata ubutwari bw'Inzirabwoba. Barangije uwo muhango bakomereje ku biro bya Segiteri ya Kigali bacinya umudiho biratinda babwira abaturage ko batakomeza kwirara ahubwo bafata ingamba zo kwirindira umutekano[179].

### 4.6.7. Imyitwarire y'abayobozi n'abaturage mu gihe cy'amashyaka menshi

Muri Nyakanga 1990 Perezida Juvénal Habyarimana, yashyizeho komisiyo yagomba kuvugurura poritiki yayoboraga igihugu. Muri Kamena 1991 itegekonshinga ryemeye amashyaka menshi gukora poritiki. Ku mashyaka agera ku icumi, ane niyo yaje afite imbaraga kandi atavuga rumwe n'ubutegetsi bwa Habyarimana ari yo MDR, PSD, PL na PDC[180]. Kuva ayo mashyaka yaduka yishyize hamwe atangira kurwanya ishyaka rya MRND ubundi yaro yihariye ubuyobozi. Mu 1992 nibwo Perezida Habyarimana yemeye gushyikirana n'ayo mashyaka. Ntibyatinze havuka ishyaka rya CDR ryavugaga ko rirengera rubanda Nyamwinshi. CDR yaje gufatanya na MRND

---

[177] Ubuhamya bwatangiwe i Mageragere, Mutarama 2019.
[178] Ubarijoro Jean Damascene na Kangavera Xaveri bahoze ari abapolisi nyuma baza kugirwa abakonseye bikozwe na Burugumestre Ruberangondo Stanislas, Ubarijoro Jean Damascene asimbura Twagirimana Simoni , Kangavera Xaveri nawe asimbura Nkurikiyimfura Augustini bari baratowe n'abaturage mu matora y'abakonseye yabaye mujyihugu hose kuya 26 Mutarama 1990.
[179] Hitimana Pio warokotse Jenoside akaba ari muri bamwe bitabiriye ikinamico ryitiriwe iryo gushingura Gen Fred Rwigema, Mwendo kuya 14 Ukwakira 2018
[180] Alison Des Forges (1999), *Rwanda. Aucun Temoin ne doit survivre*, Paris, Edition Karthala, pp.

biba amashyaka yanga ikitwa umututsi. CDR mu nama zayo yavugaga ko u Rwanda ruzazamurwa n'amazuru y'abana barwo. Muri Mata 1992 nibwo amashyaka atavuga rumwe n'ubutegetsi bwa Habyarimana yinjiye muri guverinoma[181]. Ibika bikurikira birereka iyo myitwarire muri segiteri zose yaje kwibumbira mu karere ka Nyarugenge.

#### 4.6.7.1. Segiteri ya Nyarugenge

Segiteri ya Nyarugenge yari ifite umwihariko kuko amashyaka hafi ya yose ni ho yari yarahisemo gushyira ibyicaro byayo. Muri Gicurasi 1992, Interahamwe za MRND ziyobowe n'uwitwa Cyabingo afatanyije na Kirenge zishe abasore babiri bo mu ishyaka rya MDR zikoreshe udushoka imbere y'inzu bitaga SOFERWA ya Havugimana Emmanuel alias Nyirarucyaba[182].

Muri iyo minsi kandi umusore wakoreraga mu mujyi i Nyarugenge witwaga Rwema Wilflred wari utuye i Gikondo akaba yari n'umuyoboke w'ishyaka PL yakubiswe bikomeye n'abapolisi ba Komini ya Nyarugenge baramuvunagura abwirwa ko Leta atari iya PL. Kuya 28 na 29 Gicurasi 1993, Interahamwe n'Impuzamugambi zashyamiranye n'urubyiruko rwa PL abantu batanu bahasiga ubuzima bwabo. Itangazo ryanyuze kuri Radiyo Rwanda rihamagara Interahamwe zose kuza mu rugendo rwari rwateguwe rwo kwamagana urubyiruko rw'ishyaka PL ruhohotera Interahamwe. Uwo munsi Interahamwe zabujije amaduka gufungura, zitwara ibendera rya PL ryari riri ku kicaro gikuru cyayo mu nzu yitwaga SORWACI ya Mugenzi Yustini wari Perezida wa PL mu rwego rw'igihugu, bamenaguye ibirahuri by'amazu harimo n'inzu ya Karamira yari icumbikiye Ishyaka MDR, amamodoka n'abantu barakomereka cyane[183]. Interahamwe zigera kuri magana atandatu zivuye i Nyarugenge zirangajwe na Nahimana Ferdinand zakomereje urugomo ku ngoro ya Minisitiri w'Intebe ku Kimihurura[184]. Abakombozi ba PSD n'Inkuba za MDR zatabaye urubyiruko rwa PL maze bafunga imihanda yagombaga kunyuramo zivuye ku ngoro y'ibiro bya Minisitiri w'Intebe.

Kuya 29 Gicurasi 1992 imyigaragambyo yarakomeje ariko ihindura isura kuko icyo gihe yayobowe n'abashoferi ba tagisi bo mu ishyirahamwe rya ATRACO babitewe n'uko imyigaragambyo yari yaraye ibaye yari yayobowe na Ingabire Alphonse alias Katumba na

---

[181] Des Forge & al. (1999) Aucun Temoin ne doit survivre, Paris, Edition Karthala (p.68)
[182] Ubuhamya bwatanzwe n'umuturage wakoreraga i Nyarugenge, Kicukiro, Mutarama 2019.
[183] Ubuhamya bwatanzwe n'umuturage wahoze ari umuyoboke w'Ishyaka PL, Nyarugenge, Ugushyingo 2018.
[184] Ikinyamakuru KangukaCyasohotse kuya 3 Kamena 1992.

mugenzi we Mutombo. Muri iyo myigaragambyo yari yaraye ibaye hakubiswe abashoferi b'Abatutsi n'abakonvoyeri babo Katumba na Mutombo baje kwigamba ko umwe yishe babiri undi akica batatu[185]. Abashoferi icyo basabaga ubuyobozi cyangwa inzego zibishinzwe zakurikirana abo bicanyi. Iyo myigaragambyo yari yafunze imihanda yose yo muri Nyarugenge ihereye kuri *Rond Point*. Yarangiye nka saa sita z'amanywa ihitana umuntu umwe. Nyuma inzego zibishinzwe zafashe Katumba zimusanze aho yari yihishe muri Segiteri ya Biryogo na ho Mutombo zimusanga i Kanombe aho abasirikare bari bamuhishe.

**4.6.7.2. Segiteri ya Rugenge**

Muri Segiteri ya Rugenge, imyitwarire y'Abayobozi ishingiye ku mashyaka babarizwamo yagize uruhare mu guhembera urwango ku batutsi. Angélina Mukandutiye, Odette Nyirabagenzi wari umaze gusimbura Konseye Karangwa, responsabure Rubanda Narcisse, responsabure Odette wo kwa Rugangura n'uwo bitaga Nyagasambu bahuriraga mu kabare kari hafi ya Segiteri bitaga kwa Gikongoro. Muri izo nama kandi hazagamo uwitwa Mutabazi wari mu ishyaka rya CDR akaba n'umuganga mu ivuriro rya BCR, Muvunyi wari Impuzamugambi ya CDR wari ushinzwe ibikorwa by'umuganda muri MINIJUST. Ahandi ni kwa Rwabuhungu Jérôme, kwa Angélina Mukandutiye, kwa Konseye Odette Nyirabagenzi, kwa Anaclet wakoraga muri Régie y'ibibuga by'indege. Kwa Gisagara Andereya wakoraga muri Ministeri y'Ubwikorezi n'Itumanaho (MINITRANSCO) akanatanga ikiganiro cy'ibijyanye n'indege kuri Radiyo Rwanda, izaberaga kwa Mutabazi iruhande rw'agasoko ka Rugenge, kwa Depite Seyoboka n'ahandi. Henshi muri izo ngo ni ho hatahuwe amalisti y'Abatutsi bishwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi[186].

**4.6.7.3. Segiteri ya Muhima**

Igihe cy'inkubiri y'amashyaka nacyo nticyahiriye Abatutsi bari batuye Segiteri ya Muhima. Abatutsi benshi bari batuye muri Segiteri ya Muhima banze kuyoboka MRND. Batangiye gutotezwa bamwe bakora uko bashoboye ngo berekane ko bayirimo ndetse ugasanga umuntu umwe afite amakarita nk'atatu kugira ngo agire amahoro. Ingaruka zo gushyamirana hagati y'abayoboke b'amashyaka byatumye imiryango y'Abatutsi isenyerwa ndetse imiryango imwe

---

[185]Ubuhamya bwatanzwe n'uwari umushoferi muri ATRACO ubu akaba ari mu zabukuru i Mageragere, Ukuboza 2018.

[186] Ubuhamya bwa Rutayisire Masengo Gilbert, uwarokokeye muri Rugenge, Rugenge kuwa 10 Ukwakira 2018

n'imwe yakunze kwibasirwa igakurwa mu byayo n'Interahamwe zifatanije n'impuzamugambi za CDR. Abatutsi bakorewe urugomo aho wasangaga baterwa ibyuma bazira ko ari Abatutsi. Hari bamwe mu Batutsikazi umutangabuhamya atashatse kuvuga izina wafashwe ku ngufu. Kimwe n'abandi yabuze uwo aregera kuko abakoraga ibyo babaga bashyigikiwe bikomeye n'inzego z'ubutabera n'iz'ubuyobozi.

Abatutsi bo muri segiteri ya Muhima bishwe muri izo mvururu z'amashyaka harimo uwitwa Nzungize François na Eulade Ngabonziza wishwe atemeshejwe agashoka n'Interahamwe. Mu babigizemo uruhare hari Resiponsabule wa Kabasengerezi Athanase bitaga Gakondo wari ufite akabare bitaga kuri "Demokarasi", Resiponsabule wa Kabakene witwaga Bajeneza akaba yari murumuna wa Mugenzi Justin wari Minisitiri w'uUbucuruzi na Perezida wa PL Power[187].

### 4.6.7.4. Segiteri ya Biryogo

Amashyaka yari akomeye muri Segiteri ya Biryogo ni MRND na CDR yayoborwaga na Katumba. Hari kandi andi mashyaka nka PSD PDI, PL n'andi ariko ntiyari afite imbaraga nkayo. Kuva inkubiri y'amashyaka itangira umutekano wabaye muke muri Segiteri ndetse n'urugomo ruriyongera hagati y'abashyigikiye amashyaka atavuga rumwe. Interahamwe za MRND zifatanyaga n'Impuzamugambi za CDR zigahohotera andi mashyaka. Kuva aho Ishyaka CDR rikoreye mitingi ya mbere ku kibuga i Nyamirambo kuya 20 Mata 1992 abayobozi baryo bamaze ubwoba abarwanashyaka baryo ku kwimakaza urwango n'ivanguramoko. Kuya 14 Gashyantare 1993 hishwe abantu batanu barimo Mwangange Justine wakomokaga i Byumba, Bugirimfura n'uwo biteguranaga kurushinga, Mukantwari na Mukabahinde wakomokaga i Gisovu ku Kibuye. Hishwe kandi muri iyo minsi Songoro Ismael wari umwarimu. Katumba wari Perezida w'Impuzamugambi afatanyije na Simbizi Stanislas wari umwanditsi mu kinyamakuru Kangura akaba n'umwe mu bayobozi bakuru b'ishyaka CDR na we wari utuye mu Biryogo yafatanyaga na Katumba mu guhohotera Abatutsi muri Segiteri ya Biryogo ndetse n'ahandi. Ingabire Alphonse witwaga Katumba amaze kuraswa hishwe umugabo w'Umututsi wakoraga mu Isanduku y'Ukuzigama y'u Rwanda witwaga Maurice aciwe umutwe. Kuva icyo gihe Abatutsi

[187] Ikiganiro na Gafaranga Omar, Uwarokotse Jenoside Biryogo kuwa 12 Ukwakira 2018.

benshi bahungiye i Nyamirambo mu Ishuri ryitiriwe Mutagatifu Andereya no mu kigo cy'Abafureri b'Abayozefiti[188].

#### 4.6.7.5. Segiteri ya Nyamirambo

Kuva amashyaka atangira i Nyamirambo hakunze kubera ibintu by'urugomo rukorewe Abatutsi ukabona ko hari agatsiko k'abantu babiziranyeho kubera ko ntawigeze abihanirwa. Muri Mata 1994, Interahamwe zageraga hose aho Abatutsi babaga bari haba mu nzu zabo ndetse zabakurikiranaga n'aho babaga bagiye gushaka ubuhungiro ari na ho hagiye habera ubwicanyi ndengakamere.
Hari imiryango yari yaramenyekanye ko abana babo bagiye mu Nkotanyi. Umwaduko w'amashyaka menshi waherekejwe na rwaserera yatumaga abasirikari n'urubyiruko rwari rwarotojwe gisirikare bitwikira ako kaduruvayo bagatoteza iyo miryango ndetse bakanayimenesha. Urugero ruri hafi niimiryango ibiri; uw'umusaza Kayigi n'uwa Stefano. Iyi miryango yarahizwe kugera imeneshejwe. Ibyo byarakomeje bigera aho Interahamwe n'Impuzamugambi zijya zifungira Abatutsi amayira zibabuza kujya mu kazi, guhaha cyangwa mu bindi bikorwa bibateza imbere[189].

Inkubiri y'amashyaka yaherekejwe na none n'ubushyamirane hagati y'amashyaka bwaterwaga no kurwanira abayoboke. N'ubwo inkubiri y'amashyaka yatangiye François Karera atakiri Burugumesitiri wa Komini ya Nyarugenge bitewe n'ivugurura ryabayeho muri 1990 akagirwa Superefe wa Superefegitura ya Kanazi, yakomeje kuba umukangurambaga wa MRND muri Segiteri ya Nyamirambo aho yari atuye. Ubukangurambga yabukoraga abifashijwemo na Mwamini Nyirandegeya wari ufite akabari ku Kivugiza aho gucengeza amatwara ya MRND n'urwango ku Abatutsi byakorerwaga. Yabwiraga Abahutu ati: "*nimuhumuke mwitandukanye n'Abatutsi barashaka kubamara*". Muri ako kabari ka Mwamini ni ho François Karera yari yarashyize igitabo cyo kwandikamo abarwanashyaka ba MRND ndetse n'amakarita y'ishyaka akaba ari ho atangirwa. Buri mugoroba yagombaga kuhanyura kureba abiyandikishije. Amaze kubona ko Abatutsi batitabiriye gahunda yo kwiyandikisha byaramurakaje ni ko kubwira Mwamini Nyirandegeya ko Abatutsi badashaka kuba muri MRND ahubwo bibera muri PL ishyaka rikorana n'Inkotanyi, akaba ari ikimenyetso simusiga ko ari ibyitso!

---

[188] Benshi mu bari bahahungiye Jenoside yakorewe Abatutsi ni ho yabasanze, bicirwa aho harokoka mbarwa.
[189] Ubuhamya twahawe muri Mutarama 2019 n'uwarokotse Jenoside mu Rugarama, umurenge wa Nyamirambo.

Urugomo rw'abarwanashyaka rwajyanaga n'ishingwa n'imitwe y'insoresore yitwara gisirikare. Iyi mitwe yabanje guhabwa imyitozo ya gisirikare mu kigo cya gisirikare i Gabiro. Mu ntangiriro y'umwaka wa 1994 bigaragara ko hari ahandi bitorezaga muri Komini ya Nyarugenge nko kuri Sitade i Nyamirambo. Bigishwaga na Commandant Twagirayezu Alphonse afatanije na Bamparijeho Léonard na Senguri Eugène. Barangije imyitozo bahawe imyenda n'ingofero y'Interahamwe n'ibindi bikoresho bya gisirikare nka gerenade n'udushoka duto dukwikiye mu mihini migufi. Bahoraga bagenda aho MRND yagiye muri mitingi cyangwa kubohoza abarwanashyaka.

Abasore bo muri segiteri ya Nyamirambo bazwi bakoze iyo myitozo barimo Martini n'umugore we Espérance, Gakuba Anastase, abana batatu bo kwa Nyandwi barimo umukobwa we witwa Nyirarudodo Chantal wagendaga yiziritse kuri bisi, Mukankuranga Annonciata, Rukara, Gasamake, Maurice, Ndahimana, Buregeya wo kwa Karegeya, Rukabukira Michel, Ndahimana Isaac, Kizito n'abandi benshi. Aba bakaba baragize uruhare rukomeye mu kwica Abatutsi muri Serire ya Gatare[190].

**4.6.7.6. Segiteri ya Nyakabanda**

Umwaduko w'amashyaka menshi waranzwe n'ibikorwa byinshi birimo kwiyereka kw'amashyaka n'inama hirya no hino. Habayeho kandi kwigisha urubyiruko rwa'amashyaka. Imyitozo y'Interahamwe, urubyiruko rwa MRND rwarayitabiriye cyane. Mu 1993 nibwo imyitozo y'Interahamwe yamenyekanye. Muri Serire ya Rwezamenyo Interahamwe zakundaga guhurira ku kibuga cy'umupira ahubatse "*Union Hope"*. Batozwaga n'Interahamwe yitwa Sukari. Iyo babaga bamaze gutorezwa muri Nyakabanda bakomerezaga ku musozi wa Jali, i Gabiro, n'ahandi.

Iyo myitozo itangira hari abantu bayigiyemo rugikubita. Iyo bagarukaga babaga bagarutse babaga barahindutse, haba mu myambarire cyangwa se mu myitwarire. Babaga bambaye imyenda y'ibitenge bisa n'ingofero. Babaga bambaye imigozi y'abakomando banatwaye inkota ku matako. Umutangabuhamya Mukakimenyi Spéciose arashimangira ibyo yiboneye agira ati: "*Uwitwa Nyirimanzi Geregori yari umwana w'umuturanyi wanjye. Kubera ubushobozi bucye ababyeyi be bari bafite umwana naramubasabye murerana n'abanjye. Uyu Nyirimanzi Geregori*

---

[190] Ubuhamya twahawe n'ufungiye icyaha cya Jenoside muri gereza ya Mageragere

*ni we wahise aba umuyobozi w'Interahamwe muri Segiteri ya Nyakabanda"*[191]. Hari abandi bagiye gukurikirana ayo mahugurwa barimo abitwa Mugemanyi Augustin, Kaboneye, Semutwa Vianney, umugabo wari umureseriviste bitaga Premier (Sergent)[192], Bideri wavaga indimwe na Nyirimanzi Geregori, Mbundu waje guhunga ubutabera ubu akaba aba muri Kenya, Karambizi alias «Bisupu» watorotse Gacaca n'abandi benshi.

Aba tuvuze haruguru ni bo bitabiraga imyigaragambyo yaberaga hirya no hino ndetse bakagaragara mu bikorwa by'ubugizi bwa nabi. Bavuye muri iyo myitozo umutekano wabaye muke hano muri Segiteri ya Nyakabanda kuko bamwe muri bo bajyaga bategа Abatutsi bakababuza amahoro. Ikindi kandi ni uko gutega ibisasu hirya no hino cyane cyane muri gare no mu tubare byiyongereye.

Ku itariki ya 5 Ukwakira 1993 saa moya hafi n'igice za nimugoroba kuri Hotel Baob haturikiye igisasu cyari cyatezwe muri Bingalo. Cyahitanye abantu babiri undi umwe ararokoka. Uwarokotse aravuga uko byagenze: *"Twari tuvuye kureba umupira wa Rayon Sports n'ikipe y'i Burundi ndi kumwe n'abasore babiri twari duturanye aribo Rutamu Louis na Musabane Innocent. Dutashye tunyura kuir hotel Baobab ngo turebe kuri televiziyo y'u Rwanda uko Habyarimana ahemba ikipe ya Rayons Sports tunaganira. Tugeze muri Baobab hari akazu ka bingalo twakundaga kwicaramo duhitamo kuba ariho tujya ariko ntitwamenya ko itezemo igisasu. Umwanya twinjiyemo tutaricara igisasu cyahise kituzamura Musabane Innocent ahita apfa, Rutamu Louis wari wakomeretse cyane nanjye batwihutana kwa muganga. Rutamu Louis wari urembye cyane umukoresha we yahisemo kujya kumuvuriza mu gihugu cya Ethiopia, bamwuriza indege ariko bageze i Bujumbura babona ko arembye cyane maze indege imusiga i Bujumbura ngo abe ari ho yivuriza, ariko ntibyatinze kuko yahise yitaba Imana. Nakomeje kurwarira muri CHUK mpamara igihe kirekire, nibuka ko Inkotanyi zaje nkiri mu bitaro. Ntarakira neza naje gutaha mba mu rugo ariko abantu bansura bakambwira amakuru bumvaga hanze ko kiriya gisasu ngo ahubwo ari njyewe wagiteze"*[193].

Mu ijoro ryo kuwa gatandatu tariki ya 10 rishyira iya 11 Ukwakira 1992, muri Serire ya Munanira abaturage baraye ku nkeke kubera igitero cyari cyateguwe n'Interahamwe cyo kwica

---

[191] Ubuhamya bwa Mukakimenyi Spéciose, Rwezamenyo kuwa 25 Mutarama 2019.
[192] Uyu yari afite abana bafite imbunda.
[193] Ubuhamya twahawe na Rugero Paulin, Nyakabanda, kuya 10 Gashyantare 2019.

Abatutsi n'abandi bo mu mashyaka ya PSD. MDR na PL. Cyaburijwemo na Resiponsabure wa Munanira Bizimana Karoli wabimenyesheje Konseye Kandekwe Emmanuel na we agahuruza abajandarume bo kuri Burigade ya Nyamirambo. Icyo gitero cyari kirangajwe imbere na Mbarushimana Jean na Sixbert bakoraga muri ONAPO, Damiyani wakoraga muri TRANSINTRA abafatanyije na Félix wakoraga muri PETRORWANDA na Liyetona Fidèle Museruka. Urutonde rw'abagombaga kwicwa rwari rurerure ariko rwariho John wari ufite akabare n'abanyweragamo, Gasarabwe Gérard wo mu ishyaka PL, Muligande Octove, n'abandi. Mu minsi yabanjirije iki gitero cyaburijwemo hatoraguwe tract yari yarakwirakwijwe n'Interahamwe yitwa Sukari wari ushinzwe animasiyo muri SONARWA afatanyije na Népo wakoraga muri ONAPO yikomaga imiryango imwe n'imwe y'Abatutsi n'abo mu mashyaka ya MDR, PL na PSD. Icyakurikiye iyo *tract* n'urugomo no guhohotera Abatutsi byashimangirwaga n'amagerenade yahoraga aterwa aho mu Nyakabanda.

Interahamwe zakomeje imyitozo yazo n'igihe zari zaravuye mu mahugurwa. Ku kibuga cy'imikino i Nyamirambo. Wasangaga hari Interahamwe zihatorezwa, zigerageza gushyira mu bikorwa bimwe mubyo zize[194]. Wabonaga uwitoza afashe icyuma cyangwa ikindi gikoresho agasa nk'aho agikubita umuntu nk'uko bigenda mu mikino ya karate iyo umuntu akora ibyo bita «Kata». Abahatorezwaga ni ababaga batumiwe hirya no hino mu Mujyi wa Kigali, cyane cyane ababaga baturutse muri Komini ya Nyarugenge n'iya Butamwa. Ahandi hazwi ko haberaga imyitozo y'Interahamwe muri Segiteri ya Nyakabanda ni aho bita muri «Kariyeri» haherereye muri segiteri ya Nyamirambo. Hahurizwaga abasore n'abakobwa baturutse muri Segiteri ya Nyakabanda na Nyamirambo nabwo bakigishwa gukoresha intwaro gakondo, imbunda na za gerenade. Muri iyo myitozo bigishwaga n'abasirikare cyangwa ababaga batagikora imirimo ya gisirikare ku buryo buzwi[195].

#### 4.6.7.7. Segiteri ya Kimisagara

Igihe amashyaka menshi yemerwaga mu Rwanda, abaturage ba Kimisagara baarabyishimiye cyane bavuga ko babonye aho bazajya bacisha ibitekerezo byabo bya poritike bitewe nuko nta muntu washoboraga kuvuga kubera igitugu cya Karushara Rose wari umuyoboke w'imena wa MRND. Usibye MRND yari isanzweho hakurikiyeho ishyaka rya MDR ryari riyobowe na

[194] Babaga bafite bya bikoresho byabo nk'inkota, nta mpongano y'umwanzi,
[195] Abo bitaga reservistes, abasirikare babaga batakiri mu kazi ni bo bari abarimu muri iyo myitozo.

Sebahire Vincent na PSD yari ikuriwe na Sebabirigi Jonathan muri Segiteri ya Kimisagara. Aya mashyaka yakunze kugaragaza ubufatanye dore ko muri Segiteri ya Kimisagara amabendera y'ayo mashyaka yari ateganye. Mu mpera za Kanama mu wa 1992 ni bwo ibendera ry'ishyaka CDR ryazamuwe bwa mbere muri Kimisagara ahitwa ku "*kazu k'amazi*". Nyuma bidatinze amshyaka yaje gucibwamo ibice haduka imvugo ivuga ngo "Turashaka kunga Abahutu", Abahutu ntibagomba kuryana, mbere y'uko Umuhutu amenya ko umututsi ari ikiremwamuntu agomba kumenya umuhutu mugenzi we ko ari ikiremwa-muntu n'ibindi. Icyakurikiyeho ni ivuka ry'amashyaka y'abahezanguni azwi ku kazina ka "Power" muri MDR, PL, PSD. Yaje kwifatanya na CDR batangira kwigisha irondakoko, ashaka ko Abahutu n'Abatutsi basubiranamo kandi ayo mashyaka ashingwa wayasangagamo amoko yose.

Icyo gihe cy'amashyaka cyabereye ingorane abaturage bo ku Kimisagara by'umwihariko Abatutsi n'abandi bari mu mashyaka atavugaga rumwe na MRND na CDR. Karushara yari afite abantu bamurinda bafite imbunda. Imyigaragambyo itangiye, habaga imvururu zikomeye amaduka n'amasoko bigafunga. Aho batafunze insoresore z'ayo mashyaka ziraraga mu maduka zigasahura bene yo nyuma zikajya kubigabana.

Muri Gashyantare 1994 Interahamwe n'Impuzamugambi zo ku Kimisagara, ubwo Inkotanyi zazaga gushaka amazi mu Kigo cya ELECTROGAZ kiri ku Kimisagara, zakoreye urugomo Inkotanyi. Interahamwe n'Impuzamugambi barimo abitwa Akimana Lambert wo kwa Yonatasi, abahungu ba Simba Manu na Nsekerabanzi, Adrien n'abahungu be, Muhingabo, Mugenzi wo kwa Karushara n'abandi bari baturutse mu Gatsata na Muhima, bakimara kubona imodoka z'Inkotanyi zigiye kuvoma, zamanutse i Nyabugogo zishyira bariyeri mu muhanda kugira ngo zibuze Inkotanyi gutambuka. Iyo bariyeri yari yashyizwe mu ihuriro ry'imihanda uva mu Gatsata n'uturuka Kinamba uzwi nka "Poids Lourds". Inkotanyi zibibonye gutyo zururutse imodoka ziza buke buke n'amaguru, zikura bya biti mu muhanda zikomeza urugendo maze Impuzamugambi n'Interahamwe zisigara zimyiza imoso[196]. Icyo gihe nticyaranzwe gusa n'urugomo, kwambura, gusenya cyangwa se gutwikira Abatutsi, cyarimo kandi kwikiza abo badashaka cyane abo mu bwoko bw'Abatutsi.

[196] Ubuhamya bwatanzwe n'umuturage utuye muri Segiteri ya Kimisagara, Mutarama 2019.

Mu ntangiriro za 1991 Konseye Karushara yatungiye agatoki abasirikare abasore babiri b'umugabo wavukaga ku Kibuye w'Umututsi witwa Njyamubiri avuga ko ari Inkotanyi, abo basore baricwa. Muri icyo gihe kandi Karushara yatse ibya ngombwa byose by'umubiri umugabo witwaga Rusingizandekwe Callixte arangije amutungira agatoki yicwa n'abasirikare bamushinja kuba Inyenzi. Bitumwe na Karushara Rose, umugore w'Umututsikazi witwaga Mujawamariya Cathérine wari umuforomokazi yiciwe iwe mu rugo atewe gerenade.

Mu kabare k'uwitwa Binego Ibrahimu kari gaherereye ahubatswe igorofa izwi ku izina rya «*Chez Manu*» i Nyabugogo, Mazembe umuhungu wa Simba yishe umuhungu w'Umututsi witwa Mbabazi wari umudozi. Icyo gihe, Mazembe yiyenjeje kuri Mbabazi, amusohora arangije amwicaza munsi y'igiti cy'umuvumu cyari gihari. Mbabazi amaze kubona ko Mazembe n'agatsiko ke bagamije kumugirira nabi, yarirutse na bo baramwirukankana bamufata atarambuka umuhanda i Nyabugogo amutera icyuma mu nda amara arasohoka. Arimo gusamba, batabaje mukuru we Ruzindana wari utuye mu Gatsata, bamwihutana kwa muganga CHK ariko amahirwe make bamugejejeyo amaze gupfa. Icyuma cyishe Mbabazi cyatanzwe na Binego kandi igitangaje uwo wamwishe bitaga Mazembe kubera ko yari mu Nterahamwe zikomeye zidakorwaho, mu gitondo yagarutse ku iseta gukarata ntawigeze amukurikirana ngo aryozwe umuntu yaraye yishe. Icyo gihe nubwo Jenoside yari itaratangira kwica Umututsi ntacyo byari bitwaye kuko nta buyobozi bwigeze bukurikirana iyo nterahamwe ngo buyiryoze iyo nzira karengane[197].

Urundi rugero rw'urugomo rwakorewe Abatutsi muri ibyo bihe by'amashyaka menshi muri Segiteri ya Kimisagara ni ubwicanyi bwakomeje gukorwa ntihabe inkurikizi ngo abicanyi bahanwe. Muwa 1992 Karushara n'umukobwa we Mukakayibanda wari uzwi ku izina rya "*Mukaperezida*" bishe umusore wari utuye mu Cyahafi witwaga Hategekimana Pascal. Uyu Pascal uko yahuraga na Mukakayibanda yabwiraga Pascal ngo n'imbwa y'Umututsi. Uyu Pascal amaze guhaga ibitutsi by'uwo mukobwa yamureze kuri musaza we witwa Mugenzi. Mugenzi yabwiye Pascal ngo azamukubite. Mugenzi yaje kubivuga mu rugo iwabo kwa Karushara maze Mukakayibanda na nyina nibwo bateguye umugambi wo kwica Pascal. Karushara yohereje abantu iwe nijoro baramwica barangije bamuhambiriza imigozi bashyira ku ngorofani umurambo we bawujyana hafi ya "*Maison des Jeunes*". Umukozi wa Karushara ni we wamutwaye ku

[197] Ikiganiro na Nyiringondo Epaphrodite, uwarokotse Jenoside muri Segiteri ya Muhima, tariki ya 16Ukwakira 2018.

ngorofani. Inkuru umaze kumenyekana Karushara n'umukobwa we Mukakayibanda barafashwe barafungwa ibyumweru bibiri bishize barabarekura.

**4.6.7.8. Segiteri ya Cyahafi**

Muri Segiteri ya Cyahafi abayoboke b'amshyaka baranzwe n'urugomo cyane cyane hagati y'amashyaka yari yarishyize hamwe kugirango arwanye ishyaka MRND ryari ku butegetsi. Muri Serire y'Akakirinda hari amabendera abiri y'amashyaka atandukanye mu rugo rumwe rw'uwitwa Uwimana Vianney na Uwizeyimana Domitile. Bombi bari abakozi ba Leta umugabo aba muri MDR na ho umugore aba muri CDR. Icyo gihe kandi, cyaranzwe n'iterabwoba ry'abayoboke ba MRND na CDR bakoreraga Abatutsi. Muri bo hari uwitwa Bazamanza Marcel wari umukozi wa Minisisteri y'Imari, Hategekimana Jean Damascène alias Rufunga, Rwanamiza Ananiya wakoraga muri MAGERWA, Twagiramungu Théoneste wari umushoferi w'imodoka ya MRND. Uyu Rwanamiza Ananiya mwene Nzeyi na Nyirakabanza wavukiye Nyabihu, mu nkiko Gacaca yashinjwe gutoteza Abatutsi mbere ya Jenoside, urupfu rwa Biziyaremye Emmanuel n'ubufatanyacyaha mu kwica Abatutsi benshi. Ibyo byaha byaramuhamye kui ya 25 Mutarama 2009, akatirwa gufungwa imyaka mirongo itatu (30)[198].

Igihe cyarageze kuri Segiteri ya Cyahafi hatangira kubera imyitozo isa n'iya gisirikare yahuriragamo abasore bo mu Cyahafi. Konseye Michel Havugimana wari umaze gusimbura Rwanda Christophe afatanije na Rwubusisi, Mbungo François, Ndayambaje mu guha inyigisho abo basore barimo Ndayambaje mwene Verediyana, Adolphe wo kwa mama Gentille, Cyakurukuru umuhungu wa Twagirayezu, Friend wo kwa Rugambage, Ngamije wo kwa Magare, Kajabo, Thomas n'abandi. Hashize ibyumweru bibiri haje imodoka irabatwara ntibongeye kwitoreza aho kuri Segiteri.

Igihe cy'amashyaka menshi kandi cyaranzwe n'urugomo ndetse rwaganishaga kw'iyicwa ry'Abatutsi kuko abenshi bari baranze kuyoboka amashyaka ya MRND na CDR. Umusore witwaga Temeri wari umututsi ukomoka i Nyanza yishwe nyuma y'imyigaragambyo yari yabereye i Nyabugogo yari igamije kubohoza abarwanashyaka. Uyu Temeri yari atuye haruguru ya Segiteri ya Cyahafi hafi n'Agakinjiro. Imyigaragambyo yaberaga i Nyabugogo yari yarangiye noneho ni mugoroba haza kuba imirwano imbere ya Segiteri ya Cyahafi. Interahamwe yari ifite

[198] Urukiko Gacaca rw'Ubujurire rwa Cyahafi, Nyarugenge, 2009

icyuma bafunguza ipine maze iragifata ikimukubita mu mutwe ahita apfa. Umurambo we waraye aho bukeye bene wabo baza kuhamukura bajya kumushyingura. Nta buyobozi bwigeze butabara ndetse n'inzego z'umutekano ntizigeze zikurikirana abo bagizi ba nabi[199].

**4.6.7.9. Segiteri ya Gitega**

Amashyaka menshi atangira yasanze MRND ariyo iriho, maze MDR, PL, PSD n'andi biravuka. Mu ntangiriro, ayo mashyaka yose yarwanyaga MRND kuko baryitaga ishyaka ry'igitugu. Muri Segiteri ya Gitega, Abaserire bafatanyije na Bernard wari umukozi wa BACAR na Ndutiye batangiye kwandika abatari muri MRND bababwira ko bazahura n'akaga. Nibwo abantu bize ubwenge bwo gutunga amakarita menshi, umuntu agahera ku ikarita ya MRND agafata n'indi y'ishyaka arimo by'ukuri. Uyu Bernard ntiyahwemaga kuvuga ko abatari muri MRND bashyigikiye Inyenzi kandi ko bazahura n'akaga gakomeye. Za mitingi zitangiye MDR, PL na PSD zishyize hamwe zirwanya MRND n'Interahamwe zayo. Ako kaga kagaragaye ubwo Ndadaye wari Perezida w'igihugu cy'u Burundi yicwaga. Icyo gihe abantu batari bake barishwe, abandi barafungwa. Abantu benshi ntibaraye mu ngo zabo kuko Interahamwe n'impuzamugambi zateye ingo nyinshi z'Abatutsi zitwaje urupfu rwa Ndadaye.

Mu ntangiriro ya 1994 ubwo Katumba wari Perezida w'impuzamugambi yari amaze gupfa, Interahamwe n'impuzamugambi zahereye kumugabo wari utuye mu Biryogo witwaga Maurice wari ufite umugore w'umunyamerika zimuca umutwe. Ubwicanyi bwarakomeje batera ingo z'Abatutsi, abantu bahungira hirya no hino. Zigeze muri Segiteri ya Gitega bakubise abantu barababakomeretsa abandi bahungira mu miryango yakure.

Kuya 18 Gicurasi 1993, Gapyisi Emmanuel, umukwe wa Kayibanda, akaba na none umunyamabanga mukuru muri Minisiteri y'Imirimo Rusange (MINITRAP) akaba yari umurwanashyaka w'imena w'ishyaka rya MDR ryari ryarazengereje MRND, iri shyaka ryamwivuganye. Urupfu rwe rwarakaje urubyiruko rwa MDR rwari rwibumbiye mu cyitwa "JMDR" muri Segiteri ya Gitega. Aba JMDR bateye ingo z'Abatutsi barazimenesha, benshi barasuhuka. Agahenge kagarutse, bagarutse mu ngo zabo bafite ubwoba basanga barasenyewe

[199] Ikiganiro twagiranye na Uwingabe Julienne wakotse Jenoside, tariki ya 18 Ukwakira 2018.

amazu baranasahurwa[200]. Icyo gihe rwose nta muntu wari ufite umutima muzima abantu benshi bari barabaye ibikange.

Hari mitingi ya PL yabereye i Nyamirambo iyobowe na Mugenzi Justin. Icyo gihe hajemo abayobozi n'abayoboke b'andi mashyaka MRND, PSD na MDR. Mugenzi yafashe ingofero ya PL ayijugunya hasi yambara iya MRND asezera ishyaka rya PL abantu barumirwa. Kuva icyo gihe nibwo hatangiye icyo bise «Hutu Power». Uwo munsi Abautsi benshi barakubiswe cyane[201].

**4.6.7.10. Segiteri ya Kanyinya**

Igihe cy'amashyaka menshi cyafashije abagome gukomeza imigambi mibisha yo kurimbura Abatutsi. Urugomo rw'ababaga bari mu mashyaka rwatangiriye ku isoko ryaremeraga kuri "Poterie". Umunsi umwe Interahamwe yitwa Hitayezu mwene Mugema na bagenzi be bafashe uwitwa Gaspard wo kwa Karoli bamutemagurira mu isoko asigara aho ari intere. Abari baremye isoko bagize ubwoba isoko riraremura. Kuri uwo munsi kandi Karekezi Pascal umuturage w' i Kanyinya yatewe icyuma mu mutwe n'abasore bo mu ishyaka rya MDR[202]. Muri iyo minsi kandi urugomo no gusahura imitungo, kurya inka z'Abatutsi n'ibindi bigayitse ntibyigeze bihagarara.

Kuya 4 Kanama 1992, Interahamwe zatwitse ibisheke bya Ngirabacu Jean wari umukozi wa MINIFIN akaba na Perezida wa MDR muri Komini ya Shyorongi n'ibya Nzanywayimana Anthère. Izo Nterahamwe zakubise kandi Muganze wari uhagarariye ishyaka MDR muri Segiteri ya Kanyinya, Rufangura se wa Kayitare wahoze ari Burugumesitiri wa Shyorongi, Uwamungu Yohani, Gafaranga Desiré na Kalisa babazizako ari abayoboke ba PL. Hakubiswe kandi Mugabo na Marara na bo bari abayoboke ba PL.

Kuya 9 Nzeri 1992, haburijwe mitingi ya MDR yagomba kubera i Kanyinya. Igitero cy'Interahamwe cyarikomye imbere cyari kiyobowe na Candali afatanyije na Turatsinze. Kuwa 17 Ukwakira 1992, Candali, Turatsinze na bagenzi babo bongeye kuburizamo mitingi ya MDR yagombaga kubera i Rutonde. Bamaze kuyiburizamo baje ku Giticyinyoni basahura Farumasi y'umugabo utaravugaga rumwe na MRND. Bamze kumva ijambo Habyarimana yavugiye kuri Sitade mu Ruhengeri avuga ko azamanuka we n'Interahamwe, Interahamwe zahuriye kwa

[200] Ikiganiro na Mparabanyi Faustin warokotse Jenoside, Gitega kuwa 15 Mutarama 2019.
[201] Ubuhamya twahawe Gatsimbanyi Felicien warokotse Jenoside yakorewe Abatutsi muri Segiteri ya Gitega kuya 15 Mutarama 2019.
[202] JDR ni Urubyiruko rw'ishyaka MDR

Karekezi Michel na Habimana Bonaventure bitaga Muvoma bahafatira umugambi wo kwica Karasira Paul nyamara wari umuyoboke wa MRND bamuziza ko ari Umututsi.

Mu kwakira 1992 Interahamwe zateye urugo rw'uwitwa Aloys William zihatwara ibintu byinshi ndetse zisiga zinamusenyeye, bituma we n'umuryango we bahungira i Kigali. Umuryango wa Segikwiye na wo Interahamwe zarawuteye bityo biwuviramo guhunga. Ku ishuri ribanza rya Kanyinya, umwarimu witwa Gasigwa Vedaste alias Gikongoro afatanije na Mudadari Justin nawe wari umaze kuva ku buyobozi bw'iryo shuri bayoboye imyigaragambyo y'abarezi n'abanyeshuri yo kwanga Kanamugire Faustin wari warahawe kuyobora icyo kigo cy'amashuri kuko yari Umututsi. Abo bagabo bombi bakomeje ibyo bikorwa by'iterabwoba ndetse bageza aho bandikira Kanamugire Faustin ko nidahunga i Kanyinya abantu batazabona umurambo we. Bytumye Kanamugire Faustin ateshwa akazi ahungira i Kigali.

Kuya 17 Ukuboza 1992 MRND yakoranije Interahamwe ziturutse muri Segiteri ya Gatenga, Kicukiro, Remera bajya gusenya, gutwika no gusahura urugo rwa Ngirabacu Perezida wa MDR i Shyorongi. Icyo gihe haguye abantu babiri. Izo Nterahamwe zakomereje umugambi wazo kwa Gasamagera Gabriel bamusenyera inzu n'imodohka ye ya Peugeot 505 barayibaga batwara ibyuma byayo. Igitero cyashenye kikanasahura kwa Gasamagera cyari kiyobowe na Ngirabatware washatse umukobwa wa Depite Mbonabaryi. Ngirabatware yari afashijwe n'uwitwa Zikanga Paul na Ngerageze Alphonse. Ibyasahuwe kwa Gasamagera byapakiwe n'imodoka ya Ngerageze yari ifite icyapa BB 1025. Muri icyo gitero kandi harimo Interahamwe zo muri Shyorongi zirimo Candali, Turatsinze, Karekezi Michel bita Senkoko, Gafarasi Emmanuel, Bizimana François, mwishywa wa Habimana Bonaventure, Habimana Desiré mubyara wa Habimana Bonaventure, Kabishyanzira Pierre, Ugirakirengera Grégoire na Sibomana Laurent.

Muri ibi bikorwa bibi byakorwaga n'abayoboke b'amashyaka byitabiriwe n'abasore bigeze gukurwa mu ishuri ribanza rya Kanyinya bajya kwigishwa imyitozo ya gisirikare mu rwego rwo gutegura ubwicanyi[203]. Abajyanywe muri iyo myitozo ni Harorimana Jean Félix mwene Kamayogi, Ntibitura Bonaventure mwene Kamuhanda, Mudenge mwene Ngendahayo n'abandi. Aba basore kandi mu gihe cya Jenoside babaga bitwaje imbunda, amashoka, ubuhiri cyane cyane

[203] Ikiganiro na Muhawenimana Denise i Kanyinya kuya 15 Ukwakira 2019.

kuri za bariyeri no mu gitero cyaje kwica abari bahungiye kwa Mukarumanzi. Muri iki gihe kandi Interahamwe yitwa Muhawenimana Cléophas na bagenzi be bataburuye imva y'umugore wa Gasamagera witwaga Urujeni Marciana bitwaje ko muri iyo mva harimo amasasu, bacuza umurambo w'uwo nyakwigendera[204].

**4.6.7.11. Segiteri ya Nzove**

Muri Segiteri ya Nzove amashyaka menshi atangira yasanze ishyaka rya MRND rifite imbaraga kubera ko havukaga Habimana Bonaventure wabaye Umunyamabanga mukuru wa MRND kuva igishingwa kugera mu 1991. Andi mashyaka yahavugwaga ariko atarigeze ashinga imizi n'ishyaka MDR na PSD ndetse na CDR yaje kuhagera mu mpera z'umwaka wa 1992. Amabendera yayo yahoraga arandurwa ndetse akanatwikwa n'abarwanashyaka ba MRND. Icyo gihe n'ubwo yavugwaga ntiyigeze abona ubwisanzure. Ntibyari gushoboka kwigaragaza cyane kubera ko abantu benshi bibonaga muri Habimana Bonaventure, bitaga "Muvoma[205]". Urubyiruko rwo muri Segiteri ya Nzove rwakundaga Habimana Bonaventure cyane kandi rukamufata nk'umubyeyi wabo. Habimana Bonaventure yari yarabubakiye inzu y'imyidagaduro ari naho bakoreraga animasiyo na mbere y'uko igihugu kinjira muri poritiki y'amashyaka menshi.

Igihe cy'amashyaka menshi gitangiye benshi muri urwo rubyiruko nibo binjiye mu mutwe w'Interahamwe ku ikubitiro. Urubyiruko rwo muri Segiteri ya Nzove rwagiye rwitabazwa ari muri Komini ya Shyorongi cyangwa ahandi muri za mitingi cyangwa mu myigaragambyo rukimara kuva mu myitozo y'Interahamwe. Jenoside itangira urubyiruko rwo mu Nzove rwagaragaye mu bwicanyi bwakorwaga mu gice cya Nduga cyane cyane mu komini ya Taba na Komini ya Runda. Habimana Bonaventure hari bamwe muri urwo rubyiruko yagiye agororera kugira ngo bayoboke nta kwitangira.

Ingaruka z'amashyaka menshi zabaye nyinshi ku Batutsi bari batuye muri Segiteri ya Nzove. Hari imiryango itari mike yatotejwe cyane ndetse iranameneshwa, bityo imitungo yabo irasahurwa, inka ziraribwa bikozwe n'Interahamwe zari zirangajwe imbere n'abayobozi ba MRND barimo Karegeya Stanisilasi, Karekezi Michel, Karangwa Alexandre alias Matene wari

---

[204] Ikiganiro na Nsanzamahoro Budagisi i Kanyinya kuya 15 Ukwakira 2019.

[205] Interahamwe yitwa Candali mwene Gahondogo yubakiwe inzu yo kubamo muri Segiteri Nzove ngo akunde abe umuyoboke. Uyu Candali yaramamaye mu kuyobora ibitero no kwica Abatutsi.

Konseye. Uyu Karegeya Stanisilasi yigeze gukubita Gafurumba Desiré amuziza ko ari Umututsi,. Icyo gihe nibwo imiryango myinshi y'Abatutsi bari bifashije n'indi y'abari bajijutse yameneshejwe, imitungo yabo yigabizwa n'izo Nterahamwe, inka zabo ziraribwa ndetse icyo gihe hatwitswe imodoka y'umugabo witwaga Gasamagera Gabliel. Imiryango yameneshejwe ni umuryango wa Gafurumba Desiré, umuryango wa Habimana Joseph, umuryango wa Nzeyimana, umuryango wa Marara Sebastian, umuryango wa Ngirabacu Jean Baptiste, umuryango wa Claver, umuryango wa Ntage n'umuryango wa Gasamagera Gabriel.

Interahamwe zo muri Segiteri ya Nzove bavugaga ko zidasanzwe kubera imyitwarire yazo. Mu wa 1992, amashyaka yatangiye gukoresha za mitingi hirya no hino mu gihugu. Icyo gihe muri Segiteri ya Nzove, amabisi n'izindi modoka zazaga gutwara Interahamwe ngo zijye gushyigikira ahabaye mitingi cyangwa imyigaragambyo. Ibyo byabaye kandi kuri mitingi ya mbere ya MRND yabereye i Nyamirambo ku kibuga cy'imikino iyobowe na Ngirumpatse Matayo wayoboraga MRND icyo gihe muri Pererefegitura y'Umujyi wa Kigali. Interahamwe zo mu Nzove zahuriye i Nyabugogo n'izari zivuye ahandi, zikora urugendo zifata umuhamda wa Kadafi zerekeza i Nyamirambo ahaberaga mitingi ya MRND.

Ku itariki ya 28 Gashyantare 1992, Interahamwe yitwa Turatsinze yanyuze muri Segiteri ya Nzove, Rutonde, Rwahi, Bitanda na Muhondo abwira agira inama bagenzi be bafatanya bakamensha Ngirabacu wakoraga, Gasamagera na Magorane muri Komini ya Shyorongi. Tariki ya 28 Nyakanga 1992 Interahamwe n'Impuzamugambi zateraniye ku Giticyinyoni bazinduwe no kwamagana no gusaba ivanwaho rya Disimas Nsengiyaremye ku mwanya wa Minisitiri w'Intebe. Bavuye muri iyo myigaragambyo, baje mu Nzove mu rugo rwa Busomo Dismas, Habimana Charles na Yohani bari mu ishyaka MDR babasaba kuyivamo bakaza muri MRND cyangwa CDR. Izo Nterahamwe zari ziyobowe na Candali, Rudahunga, Kurimpuzu, Mugabarigira na Sibomana Laurent.

Kuya 19 Ugushyingo 1992 Interahamwe zirukanye Abatutsi n'abandi babaga mu mashyaka atavuga rumwe na Habyarimana bagera kuri 500, zirica zinatwika ingo z'Abatutsi. Uwitwa Magorane Ignace wari umucuruzi akaba yaraje kwicwa muri Jenoside, Interahamwe zateye iwe zirasahura, zirasenya zibonye zitanyuzwe zimenagura imodoka ye. Burugumesitiri Hitimana Alexandre wabonaga ashyigikiye urwo rugomo kuko nta cyo yigeze abyamagana cyangwa se ngo agire uruhare mu kumvikanisha abaturage ba Nzove na Kanyinya ahari higanje ubwo bugizi bwa

nabi. Kuya 19 Ukuboza 1992 Minisitiri w'Intebe Nsengiyaremye Dismas yagiye gukoresha inama yo kugarura umutekano yatabajwe n'abayoboke ba MDR.

### 4.6.8. Ingaruka z'umwaduko w'amashyaka menshi muri Butamwa

Umwaduko w'amashyaka menshi muri Komini ya Butamwa watumye habaho gushyamirana hagati y'abayoboke b'amashyaka bituma ndetse amacakubiri hagati y'Abahutu n'Abatutsi arushaho gufata indi ntera. Amashyaka yagize imbaraga muri Komini ya Butamwa n'irya MRND yari ishyigikiwe na Burugumestre Ruberangondo, Sebastiani Muhizina n'abakonseye bose. Ishyaka rya MDR naryo wabonaga rifite abayoboke benshi byagaragaye cyane igihe mitingi cyangwa imyigaragambyo byari bimaze guhabwa umwanya. Nyuma haje ishyaka rya CDR riritabirwa cyane rizanywe na Christophe Mutsindashyaka ari nawe wazamuye ibendera ryayo bwa mbere ku muhanda ugana kwa Bihirabayo afatanyije na Emmanuel Twizeyimana[206]. Ku rwego rwa komini ishyaka CDR ryayoborwaga na Rufifi wari umukozi mu rukiko. Andi mashyaka Ni PL yari afite abayoboke batari benshi, ndetse bakayanga urunuka bitewe n'abakonseye n'abaserire bavugaga ko ari ishyaka ry'Abarunari[207].

Muri icyo gihe cy'amashyaka menshi, iyo CDR, MRND na MDR bazaga muri mitingi bahabwaga ikaze n'urugwiro ukabona abaturage benshi bitabiriye. Inshuro nke ishyaka rya PL ryakoreye mitingi i Butamwa ku kibuga cy'umupira yitabirwaga n'abantu bake cyane. Ikindi ni uko iyo abayoboke baryo bataha abaserire n'abakonseye babashyiraga ku nkeke rimwe na rimwe bakabakubita bavuga ngo ishyaka ryabo ni Runari. Muri icyo gihe kandi i Butamwa hatangiye intambara yo kubohoza abayoboke, bityo bakava mu ishyaka barimo bakajya murindi ariko bikozwe kungufu. Mu ntangiriro z'umwaka wa 1992, MDR yaje gukoresha mitingi ku kibuga cy'ishuri ribanza rya Butamwa. Abayoboke b'ishyaka MDR bambitse abaturage bari bavuye muri MRND imyambaro n'ingofero zabo ndetse babaha n'amakarita y'ishyaka, ni bwo igikorwa cyo kubohoza cyagaragaye muri Butamwa bwa mbere[208].

Ikindi gikorwa cyo kubohoza cyagaragaye ubwo CDR yari yakoresheje mitingi ku kibuga cy'amashuri y'i Butamwa. Kubera ko iryo shyaka ryavugaga ko riharanira inyungu za benshi aribo Bahutu, Abahutu benshi bamaze gucengerwa n'ibyavugirwaga aho bashubije amakarita

---

[206] Aba bagabo bombi bahamwe n'icyaha cya Jenoside n'ibindi byaha byakorewe inyoko muntu.
[207] Ubuhamya bwatanzwe n'uwari mu ishyaka PL muri Komini ya Butamwa. Ugushyigo 2018.
[208] Ubuhamya bwatanzwe n'umuturage uvuka i Butamwa, Mageragere, kuya 12 Ugushyingo 2018.

y'amashyaka bari barahawe n'andi mashyaka maze binjira gutyo mu ishyaka rya CDR. Muri icyo gihe cy'ibohoza ry'abayoboke abantu barabyitwaje bakajya bahohotera abandi badahuje ishyaka. Usibye bariya bagabo bavuzwe haruguru Mutsindashyaka Christophe na Emmanuel twizeyimana, ishyaka rya CDR ryari rifite abandi bantu barimo uwitwa Rafiki[209] wakoraga mu rukiko, Gasana Stansilas, Mutabaruka Jean Chrisostome n'abandi. Mu matora ya Komini yakozwe muri 1994, ishyaka rya MRND ryahanganye bikomeye na MDR bitewe n'uko MRND yarishyigikiye burugumesitiri Ruberangondo wari umuyoboke wayo kuva kera yifuza ko yakomeza kuyobora Komini ya Butamwa. Nyuma y'amatora, nk'uko byari byitezwe, Ruberangondo ni we watowe, havuka umwuka mubi bitewe nuko abayoboke ba MDR bateje induru bavuga ko MRND yibye amajwi. Amatora yasubiwemo, maze MDR yifatanya na PL hatorwa burugumesitiri Twagirayezu Laurent wari umuyoboke wa MDR yungirijwe na Munana Théoneste wo mu ishyaka rya PL, Twagirayezu Laurent na Munana Théoneste ntibigeze bagira imikoranire myiza n'abakozi bayoboraga kuko bari biganjemo abayoboke ba MRND. Ibyo byatumye Munana Théoneste ananirwa, aza gusimburwa na Muhizina Sebastien wahoze ari umwarimu mu mashuri abanza n'umurwanashyaka wa MRND. Muhizina Sebastien mwene Gacondo Fabien na Nyirabashashi, wavukiye mu murenge wa Butamwa mu 1966 yari yungirije burugumesitiri wa komini ya Butamwa (Assistant bourgmestre) mu gihe cya Jenoside. Yahamwe n'ibyaha byo gutanga imbunda, urupfu rwa Nkusi, gutangiza umutwe w'Interahamwe no kuwuyobora muri komini ya Butamwa. Ku itariki ya 24 Nzeri 2009, yakatiwe gufungwa burundu y'umwihariko[210].

Ingaruka z'amashyaka menshi zakunze kugaragazwa n'urugomo ndetse n'impfu zakorerwaga Abatutsi n'abandi bitwaga ko bakorana na FPR-Inkotanyi. Depite Kabageni Vénantie yibasiwe n'ibitero byinshi by'Interahamwe n'Impuzamugambi kuva ubwo afashe icyemezo cyo kuva mu ishyaka rya MRND akayoboka irya PL. Abambari ba MRND barimo Setiba Joseph n'Interahamwe yari akuriye zaramujujubije ntiyagira amahoro kuko iteka ryose yahoraga agabwaho ibitero ndetse akanabuzwa kugenda. Kuya 24 Gicurasi 1992 hari habaye mitingi ya MRND i Nyamirambo, Interahamwe zari zatumiwe zari ziturutse mu mpande zose za Kigali. Icyo gihe muri Segiteri ya Kigali zahohoteye umugabo witwa Maguruzi ziramuhondagura

209 Umukozi wa Cour d'appel.
210 Urukiko Gacaca rw'ubujurire rw'umurenge wa Gitega, Nyarugenge, 2009

zimusiga ari intere. Zafashe kandi undi bitaga Gikongoro ziramuhondagura zirangije zimutwarira iradiyo. Bukeye bwaho kuya 25 Gicurasi 1992, igitero cy'Interahamwe kiyobowe na Setiba Joseph cyatangiriye Depite Kabageni Venantie kimubuza gukomeza urugendo ari munzira ataha. Nyuma izo Nterahamwe zaje kumurekura aragenda ariko zihita zimukurikira, ziririmba ngo "Venantie tuzamukanda n'Inyenzi n'ibindi". Na none kuya 11 Nyakanga 1992, Interahamwe zateye urugo rwa Depite Kabageni Vénantie. Zigeze hafi y'urugo rwe muri Serire Karama zatangiye gutera amabuye hejuru y'inzu no ku rugi rw'irembo. Depite nibwo yahuruje abajandarume baza kumutabara bazirukanye.

Mu rwego rwo gukemura icyo kibazo, ku itariki ya 17 Nyakanga 1992, habaye inama iyobowe na Perefe Kosima Bizimungu, ba Superefe Karera François na Nayinzira Népomuscène, Mukarushema Dancilla, Burugumesitiri Ruberangondo Stanislas na Konseye wa Kigali Ubarijoro Jeana Damascene n'uwari uhagarariye Interahamwe muri Serire ya Karama witwaga Niyoyita. Muri iyo nama Depite Kabageni, yasabye ijambo kugira ngo ageze ku bayobozi ikibazo cy'ibitero yahoraga agabwaho n'interahamwe. Mu kumusubiza, Setiba yahawe ijambo maze agira ati: "uwo mugore ni areke kuvuga amahomvu. Niba adashaka amahane azimuke!". Konseye Ubarijoro na we yungamo ati: "uwo mugore ni we utera akaduruvayu muri Segiteri yanjye. Depite Kabageni aherutse kohereza aba JDR na JL ngo baze bigaragambye maze mveho ngo ntashaka ubutegetsi bw'Abahutu". Uwari ukuriye Interahamwe muri Serire Karama Depite Kabageni yari atuyemo witwa Niyoyita we yavuze ko Vénantie adakwiye kwitwa Depite. Nyuma Superefe Karera François we yaravuze ngo Vénantie ntagashake kwifatira Perefe mushya[211] ngo ibye birazwi. Urubanza rurangira rutyo Setiba, konseye Ubarijoro na Niyoyita badafatiwe umwanzuro kandi ari bo bakururaga urugomo.

Kuwa 18 Kamena 1993 umutwe w'abicanyi wa Leta ya Habyarimana bitaga "Escadon de la Mort" wishe Fureri François Cardinal wari ufite ubwenegihugu bwa kanada. Uyu Padiri Cardinal yabanaga n'abafureri batutu, abanyarwanda babiri n'undi w'umunyakanada. Muri icyo gihe cy'imidugararo hagati y'amashyaka, Abatutsi bishwe ni Mashyundu Léonard[212] wishwe mu Ukuboza 1993. Abamwishe ni Gatete Charles afatanyije na Rufifi, Rubamburindashi, Bigirimana

---

[211] Perefe Bizimungu Kosima yari ataramara igihe kinini ayobora Perefegitura ya Kigali.
[212] Uyu mugabo yari yarabaye konseye wa Butamwa mu myaka ya 1980.

Issa, Ziherambere Ernest, Mbazumutima Joseph n'abandi. Aba bagabo bavuye muri mitingi[213] ya MRND na CDR banyuze mu kabari ka Marita Musanabera baranywa kugeza ubwo basinda bikabije. Mashyundu Leonard yanyuze aho ku kabari abo bagabo baramukubita hafi guhwera, Musanabera Marita yogeza avuga ngo: "*bakubite inzoka*" barangije bamuta aho barigendera. Bukeye mu gitondo abaturage bamusanze aho aryamye maze bamujyana ku ivuriro i Butamwa ariko ntiyahatinda kubera ko yari arembye ahita yoherezwa kuvuzwa mu bitaro bya Kigali basanga baramumennye impyiko bimuviramo kwitaba Imana y'igihe gito. Abo bagabo baje gufatwa barafungwa ariko ntibatinze gufungurwa babifashijwemo na Rufifi wari umukozi w'urukiko. Naho Musanabera Marita we yavugaga ko abo bagabo bazize ubusa babafunga kandi bakubise inzoka[214].

Mu rwego rwo gutegura Jenoside muri Komini ya Butamwa, urubyiruko rwatojwe ibya gisirikari. Imodoka zatwaraga abasore ariko abantu ntidusobanukirwe ibirimo gukorwa. Gusa igihugu cyari mu ntambara, bityo bamwe bakibwira ko bagiye kwiga igisirikare bakazajya ku rugamba. Iyo bagendaga byaragaragaraga kuko bahuriraga ku biro bya Komini. Abatojwe ni benshi cyane ariko abigaragaje mu bwicanyi ni Mulindahabi mwene Sinzi na Mukaruziga, Niyoyita Martini, Muvunyi Aloys alias Kabaya mwene Muhigi, Mukarugema Espérance alias Kadasokoza, Kabutura Xaveri, Bashirubwabo Asteriya umugore wa Murekambanze n'umuhungu wabo Kayinamura, Mungurakarama Claude, Uwanyiligira Emmanuel alias Mazehe, Bisusa mwene Mbaraga, Rubamburandashi mwene Bampire; Rutikanga Vincent, Mohamed na Amri bene Djuma, Yubu Sudi mwene Mashaka na Nyinagashikazi Odette, Karimunda na Rutayisire bene Gakwisi, Murashi mwene Kirombe, Rudimba mwene bihene, Shakila wa Mama Ndongo na Demokarasi, Nyarihanga, Sekamana Emmanuel n'abandi[215].

Muri aba bagize uruhare mri Jenoside yakorewe Abatutsi, Bigirimana Issa ari mu baburanishijwe n'Inkiko Gacaca. Bigirimana Issa ni mwene Bampire Pierre na Singiranumwe Saveline. Yavukiye mu kagari ka Butamwa, ,umurenge wa Butamwa, muri komini ya Butamwa mu 1966. By'umwhariko yarezwe urupfu rwa Mashyundu Léonard, Mukakarangwa Edith, kuba mu gitero

---

[214] Izina Abahutu bajyaga bita Abatutsi.
[215] Ikiganiro na Murangwa Jean-Damascène warokotse Jenoside yakorewe Abatutsi, 15 Mutarama 2019.

cyishe Ncogoza, Rudasingwa, Kansilida, Habineza, abantu babiri batazwi amazina kuri bariyeri yo mu kagari ka Butamwa. Yakatiwe burundu kuwa 24 Nzeri 2009[216].

### 4.7. Inama zo gutegura Jenoside muri segiteri zo muri Nyarugenge

#### 4.7.1. Segiteri ya Rugenge

Jenoside muri Segiteri ya Rugenge yabanjirijwe n'imyitozo yahawe urubyiruko mu rwego rwo kuzayobora ibitero mu gihe cya Jenoside. Abahawe imyitozo akaba ari Mazimpaka Joseph, Nkishimana umuhungu wa Gikongoro, Muhire umuhungu wa resiponsabule Rubanda Narcisse, Munyejabo, Ndamage, Faustin wari ufite akabari kitwaga "*Las Vegas*", Mugande umuhungu wa Mukansoro Verediyana, Muzigira Télesphore, Macumi Alphonse alias Kigomeke, Ntamakemwa, Biriduka Léonard, Munyakazi Léopold, Kizito n'umuhungu we Kodo, Ubumwe, Bwanakweri wari umureseriviste wakoraga akazi k'ububaji, Butihara mwene Rwabuhungu, Sadiki mwene Simba, Fidèle bitaga Castar wayoboraga ibitero mu gihe cya Jenoside ubu akaba aba muri Malawi, Mugabo wo kwa Shilingi, Abakobwa ba Shilingi bari baratojwe mu nterahamwe, Nyiramanote, Nyirakigage, Mutabazi[217] wari umuganga wa BCR, Nziraguseswa na mukuru we Emmanuel Muvunyi wakoraga muri MINIJUST, Umukombozi witwaga Mazimpaka mwene Cyakurukuru, Rongorongo, Bugombo, Noel na Furaha bene Tabaro, Nzisabira Jean Marie Vianney na mwene se Bagenzi, Nyaritwa, Kanyabikari Jean wari umudozi mu kigo cya gisirikare i Kanombe, Kagame Innocent, Mukeshabatware Vénuste bitaga Nyagasambu, Tabaro, Rubingisa[218] bitaga Saruhara, n'umuvandimwe we Gahanga baba mu Bubirigi, Agahambamazi[219], Ngamije wari umuzamu wo kwa Gisagara Andereya waje kuba umuyobozi w'Interahamwe muri Rugenge, Rugangura Emmanuel n'abandi. Muri aba bagize uruhare mu gutegura Jenoside yakorewe Abatutsi no kuyishyira mu bikorwa mu murenge wa Rugenge bahamye n'ibyaha bakoze nka Macumi Alphonse. Uyu Macumi yari umukozi wa Caritas-Rwanda akaba na nyumbakumi. Yarezwe kurema umutwe w'abagizi ba nabi, kwica urubozo Songero, guharikira itwikwa ry'amazu ya Beata Mukamazimpaka, kwicisha Lwanga Charles

---

[216] Urukiko Gacaca rw'Umurenge wa Butamwa, Nyarugenge, 2009.

217 Uyu ni we wakanguriye Interahamwe zo muri Serire Ubumwe azibwira ko Kimicanga bo batangiye akazi none bakaba bahugiye mu kwaka amarangamuntu.

[218] Urukiko Gacaca rw'Umurenge wa Rugenge, Nyarugenge, 2007

[219] Uyu bita Agahambamazi iteka yagendanaga icumu, yishe abantu batagira ingano akoresheje icumu, umuheto n'imyambi.

akoresheje abakozi be, gukoresha iterabwoba ku miryango y'Abatutsi avuga ko ari Inyenzi, kuyobora ibitero byakuraga Abatutsi muri St Paul ngo bajye kwicwa, ibitero yagabye kwa Rukundo Damien bikamuviramo urupfu ari kumwe na Nzamwita Narcisse kuwa 24 Mata 1994, urupfu rwa Bacinoni kuwa 13 Mata 1994. Yahanishijwe burundu y'umwihariko[220]. Nzisabira Jean Marie Vianney wavuzwe haruguru ni mwene Nzisabira François na Mukamudenge Marie. Yavukiye mu kagari k'Ubumwe, mu murenge wa Gitega mu 1965. Mu rukiko Gacacarw'umurenge wa Rugenge aho yakoreye ibyaha bya Jenoside kurusha ahandi, yarezwe kwamamara mu bwicanyi bwabereye mu murenge wa Rugenge. Yaburanye adahari , ku itariki ya 30 Gicurasi 2010 ahanishwa igihano cyo gufungwa imyaka (30)[221].

Mu bari barahawe intwaro hari umugenzuzi w'akarere k'amashuri ya Nyarugenge Mukandutiye Angéline, Konseye Nyirabagenzi, Claudette umugore wa Simon Pierre. Aho ni ho kandi habikwaga n'ibindi bikoresho by'Interahamwe birimo imyenda, intwaro zindi n'ibindi. Mu gihe cy'imyigaragambyo Nkeshimana na Castar bagendanaga imbunda[222].

Uyu Fidèle Castar alias Commando yaburanishijwe n'urukiko Gacaca rw'umurenge wa Rugenge, Akarere ka Nyarugenge. By'umwihariko yarezwe kwica Gasatsi Baptiste, Mukakalisa, Budensiyana, Kasengo, Chrisostome bo mu kagari k'ubumwe. Yari mu gitero cyarimo Nkeshimana, Komando, Bederi, Ngamije, Révériyani n'izindi nterahamwe. Ibyaha yarezwe byaramuhamye ahanishwa gufungwa imyaka makumyabiri n'itanu (25). Urubanza rwe rwasomwe kuwa 24 Ugushyingo 2007 adahari n'ubu ntawe uzi aho ari[223].

### 4.7.2. Segiteri ya Muhima

Inama zo kunoza umugambi wa Jenoside kenshi zaberaga ku biro bya Segiteri ya Muhima. Ahandi ni ku nzu yakoreragamo ishyaka rya MDR-Parmehutu yariri muri Serire Kabasengerezi, ku kabare bitaga "Demokarasi", mu gikari kwa Kabuga, kwa Resiponsabule Athanase, kwa Bigirabagabo Jean Marie Vianney, kwa Ndakaza Ernest, mu rugo kwa Kabirigi Elisé, kwa Hategekimana wari resiponsabule wa Nyabugogo no kwa Nsabimana Stanislas bitaga Castar.

---

[220] Urukiko Gacaca rw'Umurenge wa Rugenge, Nyarugenge, 2007
[221] Urukiko Gacacarw'umurenge wa Rugenge, Nyarugenge 2010
[222] Amakuru yatanzwe n'itsinda ry'abacitse ku icumu rya Jenoside yakorewe Abatutsi bo muri Segiteri ya Rugenge, 7 Werurwe 2019
[223] Urukoko Gacaca rw'Umurenge wa Rugenge, Nyarugenge, 2007

Muri izo nama kandi hatumirwagamo abantu batandukanye ariko akenshi ugasangamo ba resiponsabure ba za serire, ba nyumbakumi, abayobozi b'Interahamwe na CDR na MDR muri serire, ababaga baravuye mu ngabo, abari baratorewe kuba muri «*Comité de Crise*». Muri icyo gihe kandi hari bamwe bari batuye muri Serire ya Kabasengerezi na Kabakene bari baratojwe kugira ngo bazayobore neza ibitero byaje kwica Abatutsi. Muri bo hari nka Simba bitaga «Gakondo», Murenzi, Rutaganira Wenceslas, Ruhatana Aloys, Habinshuti Léandre, Kabirigi Elise, Kalisa mwene Appollinaire, Gakwerere Martin, Rumanura Tharcisse, Callixte bitaga Murogoro, David Bisangwa bitaga Robino, Hussein bitaga Rongorongo, Habiyaremye mwene Mudaraza Michel, Ambole Pie, Kajisho, Lamazani, Hussein, Munyurangabo, Bahizi Christophe, Ntareyishyamba, Saidi, Rutoro Jean Pierre, Ruzindana Eric, Habiyaremye bitaga Byumba, Edith, Mudaraza Michel, Habiyeze, Mugwiza Théophile wari warabaye umusirikare, n'abandi.

Hari n'abandi bari baratojwe banahabwa imbunda na gerenade ndetse n'izindi ntwaro gakondo. Muri bo twavuga David Bisangwa, Munyampame Zéphirin, Kabirigi Elisé wakoraga muri ministere y'ubutegetsi bw'igihugu (MININTER), Nyamaswa Justin, Habinshuti Léandre, Léon wakoraga muri Minisiteri y'Imari, Ruhatana Aloys, Munyensanga wakoraga muri MINITRAPE, Simba Athanase, Ikwabu Bosco, Janvier umuhungu wa Mariam, Mujyambere Léonard, uwo bitaga "*Tout Juste*"[224].

### 4.7.3. Segiteri ya Nyamirambo

Inama zo kunoza ishyirwa mu bikorwa rya Jenoside muri Segiteri ya Nyamirambo zaberaga ku Biro bya Segiteri ya Nyamirambo, kwa Spéciose Mujawayezu wari utuye ku Kivugiza akaba n'umukozi w'urukiko no kwa François Karera icyo wari Perezida wa MRND muri komini ya Nyarugenge. Iyo bifuzaga gukora inama zaguye zakorerwaga ahitwa mu kabare ko kwa Nyirakabonero. Izo nama zitabirwaga n'abantu batandukanye barimo aba bakurikia Madaleine Kankuyo wahoze ari umukozi muri Minisiteri y'Igenamigambi na Nyumbakumi aho yari atuye muri Serire Kivugiza. Mbere ya Jenoside no mu gihe yakorwaga, Kankuyo yakoranaga hafi na Perefe Renzaho Tharcisse ndetse na Karera François mu gutegura no kwicisha Abatutsi bo muri Serire ya Kivugiza. Ari mu bantu bakoze urutonde rw'Abatutsi bagombaga kwicwa.

---

[224] Ikiganiro na Rugundana Vedaste warokotse Jenoside yakorewe Abatutsi, Nyamirambo kuwa 20 Nzeri 201816

Spéciose Mujawayezu, umugore wa Gaspard Nsabiyumva nawe wari umwanditsi mu rukiko rwa mbere rw'iremezo rwa Kigali yagize uruhare mu kwitabira inama zategurirwagamo Jenoside. Yakundaga kujyana n'umugabo we mu bitero byababaga bigiye kwica Abatutsi. Yicishije Abatutsi benshi ku Kivugiza akoresheje uburyo bwo kuranga aho Abatutsi babaga bihishe.

Undi utakwibagirana mu bikorwa byo kwica Abatutsi muri Segiteri ya Nyamirambo ni Solina Rwabukombe, umugore wa Onesphore Rwabukombe wahoze ari Burugumesitiri wa Komini Muvumba. Uyu muryango wagize uruhare mu gutegura no gushyira mu bikorwa iyicwa ry'Abatutsi bari batuye ku Kivugiza. Umugabo we wari usigaye akorera umushinga w'ubuhinzi mu gice cy'Umutara yavuye i Murambi indege ya Habyarimana imaze guhanuka. Ageze ku Kivugiza yasanze ubwicanyi butaratangira, ababwira ko i Murambi barangije akazi, ko bikwiye ko na Kivugiza yahanagura umwanda. Solina afatanyije na Jeanne Mukamugema bakoze urutonde rw'Abatutsi bagomba kwicwa muri Serire ya Kivugiza barushyikiriza Interahamwe zitangira guhiga no kwica Abatutsi. Solina na Suzane wari umucuruzi bicishije umugabo n'abana b'uwitwa Charlotte ndetse n'umuryango wa Wilson Kayinamura. Uyu Suzane yafatanyije n'umugore wari umuganga witwa Priscille Nishimwe wagiye arangira Interahamwe aho abaturanyi be bihishe nyuma zikajya kubica.

Undi ni Joséphine Mukaruhungo wakunze kujya mu nama zateguraga ubwicanyi bakundaga gukorera kwa Nsengiyumva Gaspard ari naho hakorewe urutonde rw'Abatutsi bagomba kwicwa ku ikubitiro igihe ubwicanyi bwari butangiye. Muri ako kabari ni ho imigambi yose n'intonde z'Abatutsi bagomba kwicwa zafatirwaga akaba ari naho biyakiraga iyo babaga bavuye mu bikorwa bitandukanye byo gutegura ubwicanyi. Bitewe n'uko Rukabukira Michel yakoranaga bya hafi n'inzego za gisirikare n'Interahamwe ku rwego rw'Umujyi wa Kigali, iyo yabaga yitabiriye inama abayitabiraga babaga bizeye ko bagiye guhabwa amabwiriza mashya. N'ubwo yari muri MDR yakoranaga bya hafi cyane na Sezibera na Rwabukwisi waje kugirwa depite, bari abayoboke b'imena b'ishyaka MRND. Abakunze kwitabira izo nama twavuga nka Karasanyi, Muhire, Karasira, Munyabagisha, Kalisiti, Mpore, Kamanzi, abo bitaga ingabo iza maroke (Maroc), abahungu ba Sekaromba, Karonkano, Isaie, Kagabo bitaga Mpigarike, Rukabukira, Gisongo n'abandi. Aba kandi bahawe imyitozo ya gisirikare. Muri Jenoside inama zakorewe aha hakurikira:

- Kwa Karera François wari Perefe wa perefegitura ya Kigali Ngari akaba na Perezida wa MRND muri Komini ya Nyarugenge hakorerwaga inama hakanatangirwa n'imbunda n'amasasu. Ni na ho hafatiwe icyemezo cyo gushyiraho Kaboyi Germain ngo abe Konseye wa segiteri ya Nyamirambo asimbura Sezibera Célestin batibonagamo mu mugambi wabo.
- Muri Café Junior muri serire ya Nyabitare haberaga inama zihuje abari bagize comité de crise ziyobowe na Habimana Kassim. Abantu benshi bari bazi ko ari we wabaye konseye kubera uburyo yakoranaga na Perefe Renzaho Tharcisse.
- Muri Café Lion muri Cellule ya Nyabitare haberaga inama ziyobowe na Habyarimana Alias Kigingi wahuzaga Interahamwe zo muri zone ya Nyamirambo. Niho bagabaniraga ibyo babaga basahuye, bakanahafatira ibiyobyabwenge
- Kwa Dusabe Fred muri serire ya Nyabitare wari uzwi ku izina rya CDR haberaga inama z'abo muri Nyamirambo baje kwitoramo Comité de crise yaje gufata icyemezo cyo kwirukana Alphonse Kanimba ku buyobozi bwa serire muri Mata 1994.
- Kwa Gombaniro Aloys muri serire ya Akumunigo. Uyu Gombaniro yakoreraga umuhungu wa Perezida Habyarimana Juvénal muri Kigali Night. Yahuzaga abo muri serire ya Akumunigo, Rugarama, Rubona n'abandi bavaga muri Butamwa.
- Ku Kizu muri Serire ya Kivugiza haberaga inama ziyobowe na Ndabagumije Jérémie wari Resiponsabure w'iyo Cellule afatanyije na Habyarimana alias Kigingi[225].

### 4.7.4. Segiteri ya Nyakabanda

Inama zitegura kwica abatutsi zaberaga mu rugo kwa Sebucocero hitwaga «*Etat-Major*»[226] akaba yari Perezida wa CDR muri Segiteri ya Nyakabanda. Abitabiraga izo nama harimo Imananibishaka Jean Berchmas alias "*Sukari*" na Claude wari umuganga ku Bitaro Bikuru bya Kigali, bakaba bari mu buyozi bwa CDR ku rwego rwa Segiteri. Nibo bakoze lisiti z'abagomba kwicwa ndetse bakora na gahunda z'ibitero bijya kwica hirya no hino muri Segiteri ya Nyakabanda n'izindi zahanaga imbibi na Nyakabanda. Muri Serire ya Munanira naho hakorerwaga inama zitegura ibitero. Ibiro bya segiteri nabyo byabaye ihuriro ry'abicanyi aho Interahamwe yitwa Nyirimamzi Geregori bamujyiriye Konseye wa Segiteri wa Nyakabanda

[225] Ikiganiro na Rugundana Vedaste warokotse Jenoside yakorewe Abatutsi, Nyamirambo kuwa 20 Nzeri 201816
[226] Ikiganiro na Mugema Olivier warokotse Jenoside, Nyakabanda tariki ya 15 Gashyantare 2019.

asimbuye Kandekwe wari utitabiraga ubwicanyi. Aho kuri segiteri ni ho babikaga ibyo babaga basahuye mu ngo z'abo babaga bamaze kwica mbere yo kubigabana. Aho kandi niho inkoramaraso zanyweraga ibiyobyabwenge mbere yuko zigaba ibitero, ndetse niho zafatiraga abagore ku ngufu. Ahandi haberaga inama zitegura Jenoside ni mu kabare ko kwa Musonera muri serire ya Munanira[227].

**4.7.5. Segiteri ya Kimisagara**

Muri Segiteri ya Kimisagara kimwe n'ahandi mu gihugu, urubyiruko rwashishikarijwe kwinjira mu mitwe yitwara gisirikare. Abahawe imyitozo ni Mugabo Alphonse, Sumbanyi Hamimu, Mutabaruka Emmanuel, Karegeya Pascal, Mugenzi umuhungu wa Karushara Rosa, Nyirandegeya, Mukagahutu Jeanne, Karushara Rose, Habimana mwene Mutuganyi, Simba Emmanuel, Kavakure, Herman Kayibanda, Kanyamanza, Gahakwa, Assuman, Paulin wakoraga kwa Karushara, Kanyamanza Regis, Claver mwene Karegeya, Mbarushimana Jean Marie, Mugwaneza mwene Mbarubukeye Evariste, Benjamin bitaga «Kemukemu», Akumuntu Lambert, Muzehe umuhungu wa Sabine, Ngerageze, Niyirora Fulgence, n'abandi. Aba ni nabo baje kuba Interahamwe zishe Abatutsi muri Segiteri ya Kimisagara no mu nkengero zayo[228].

Hari ahantu henshi hakorerwaga inama zitegura ubwicanyi, ahamenyekanye ni aha hakurikira[229]:

- Kuri Segiteri ya Kimisagara haberaga inama zikayoborwa na Karushara. Izo nama zitabirwaga na Burumbuke Karoli, Twagiramungu Alexis, Silas, Muhingabo, Sebitenderi Narcisse n'abandi bari bashinzwe ku gukangurira abaturage gahunda z'ubwicanyi.
- Mu rugo kwa Ibrahimu naho haberaga kenshi izi nama zitegura ubwicanyi, iyo Interahamwe zabaga zifite mitingi cyangwa imyigaragambyo bakundaga guhurira kwa Ibrahimu cyangwa kwa Karushara. Abazaga kwa Ibrahimu ni Muberuka Adriyani, Simba Muvunyi, Kavumbutsi Yoramu wari umuserire, Nsekerabanzi Andereya, Muhingabo Stanislas, Twagiramungu Alexis, Hakizimana, Burumbuke Karoli, Ntawuruhunga Laurent, Gatashya, Mugabo Alphonse, Munyabarame akaba muramu wa Karushara n'abandi.

[227] Ikiganiro na Nyabyenda Jean Baptiste warokotse Jenoside, Nyakabanda tariki ya 15 Gashyantare 2019.
[228] Ikiganiro na Mudacyahwa Emmanuel warokotse Jenoside yakorewe Abatutsi ku Kimisagara, tariki ya 15 Mutarama 2019.
[229]. Item

- Mu rugo kwa Karushara hazaga Ndahiro Alphonse na Sebitabi Vincent, Simba Emmanuel, Ndorayabo, Munyaneza Elias, Bazimaziki Froduald, Mbarushimana Jean Népomuscene, Ngerageze Jean de Dieu, Utumabahutu Thaddée wari umujyanama wa Segiteri ya Kimisagara yungirije Karushara, Munyaruyonga Agustini, Pastori Ugirimbabazi, Mugabowindekwe Ladislas, Mbonyuwontuma Siméon, Habakurama Faustin, Nyirantibimenya Donata, Kanyamanza Emmanuel, Sebahire Damascene, Bukura, Munyakazi wari umucungagereza, Ruta umuhungu wa Karushara n'abandi.
- Mu rugo kwa Ndorayabo hateraniraga inama ikitabirwa na Kabandana Paul, Sekimonyo Evariste wakoraga muri MINITRAPE, Niyonzima Vincent, Kavumbutse Yoramu, Gasimba, Ruhamanya, Kanyetora, Nyiramana Eugènie n'abandi[230]. Sekimonyo Evariste umaze kuvugwa vukiye mu kagari ka Nyaruhombo, mu murenge wa Rwamiro mu karere ka Huye mu 1950. Yakoreye ibyaha muri segiteri ya Kimisagara ariko akaburanishirizwa mu murenge wa Gitega aho urubanza rwimuriwe nyuma yo kujurira. Yarezwe kwamamara mu bwicanyi, gushishikariza gukora jenoside no kugira uruhare mu bwicanyi bw'abantu barenga 30 biciwe ku Kimisagara ari na resiponsabule wa serire. Yakatiweburundu y'umwihariko[231]

### 4.7.6. Segiteri ya Cyahafi

Inama zitegura ubwicanyi zakundaga gukorerwa mu rugo kwa Sebukiro Bosco cyangwa se kwa Nzabamwita Geregori zitumijwe n'umugore we witwa Mukandekezi Marthe wari resiponsabure wa Serire Kakirinda. Hazagamo kenshi abitwa Kazadi, Rwabutogo bitaga Nyiramacibiri[232], Ananiya bitaga Kiragi, Rwagakiga, Déo n'abandi. Ku biro bya Segiteri ya Cyahafi, inama zakoreshwaga na Havugimana Michel amaze gusimbura Sedali Anastase wari warashyizweho by'agateganyo. Yakunze gukorana n'insoresore ari na zo zaje kuvamo Interahamwe zayogoje Cyahafi yose zica Abatutsi. Hari kandi abandi bari abanyarwanashyaka bakuru ba MRND na CDR bari ku isonga y'ibyaberaga mu Cyahafi ndetse bagakunda guhurira ku biro bya Segiteri aribo Bahizi Etienne, Rwabutogo François, Bazumutima Ananiya n'abandi[233].

---

[230] Ikiganiro na Mudacyahwa Emmanuel wacitse ku icumu rya Jenoside, Kimisagara tariki ya 1 Gashyantare 2019.
[231] Urukiko rw'Ubujurire bw'Umurenge wa Gitega, Nyarugenge, 2009
[232] Rwabutogo yari umwanditsi mu Kinyamakuru La Médaille Nyiramacibiri, cyari kibogamiye kuri MRND.
[233] Ikiganiro twagiranye na Uwingabe Julienne wakotse Jenoside, Cyahafi tariki ya 18 Ukwakira 2018.

### 4.7.7. Segiteri ya Gitega

Habanje kujya hakorwa inama mu buryo bwa rwihishwa. Igihe cyaje kugera barerura zikabera kwa Bernard wakoraga muri BACAR haberaga inama. Hazaga cyane uwitwa Muvoma, Karangwa wakoraga muri OCIR, Majariwa wari umuserire, Nzogiroshya, Fereshi n'abandi. Uwitwa Pecos yagenzuraga ibyavugirwaga mu nama zaberaga muri segiteri yose. Kwa konseye Stanislas naho haberaga inama ndetse no ku biro bya Segiteri ya Gitega kimwe no kwa Mwembo mu kabare hafi y'akazu k'amazi katinjirwagamo n'umututsi kuko iyo Umututsi yinjiragamo bavugaga ko ubanukira[234].

Urugomo rw'insoresore mu mashyaka cyane cyane muri MRND na CDR rwajyanaga n'ishingwa y'imitwe yitwaraga gisirikare. Iyi mitwe yabanje guhabwa imyitozo ya gisilikare i Gabiro. Kabagema Daniel wari umukozi wa Ambassade y'igihugu cy'Ubufaransa mu Rwanda yatubwiye byinshi ku itozwa ry'Interahamwe n'abasirikare byaganishaga ku ishyirwa mu bikorwa rya Jenoside. Mu buhamya bwe, yatubwiye ko habanje kuza abazungu mu bijyanye na coopération militaire, bazana ibikoresho byinshi birimo imbunda, imodoka n'ibindi bikoresho by'intambara. Bavugaga ko baje gutoza abasirikare. Ku biro bya ambassade kenshi mu ma saa kumi abakozi bitegura gutaha hazaga abasore bakinjizwa mu cyumba cy'inama bagahabwa amasomo. Ibyo kandi byakunze kubera mu cyumba kerekanirwagamo za filime cyari ku isomero ry'ibitabo (kuri Rond-point. Abo babaga bigishwa wabonaga harimo abantu bajijutse ndetse bashobora kuba bari nk'abakozi ba Leta cyangwa bakaba bari bafite inzego bahagarariye. Izo nyigisho zamaze igihe kirekire ariko hagati aho habaga hari abandi abandi barimo guhabwa imyitozo hirya no hino mu bigo bya gisirikare n'ahandi habonekaga umwanya[235].

Usibye mu Kigo cya Gisilikare cya Gabiro ahandi hantu hazwi kuba haraberaga imyitozo ni muri Kaminuza y'u Rwanda ikigo cya Nyakinama. Ahagana mu 1992 hakorewe imyitozo y'Interahamwe mu kibuga cy'umupira kiri hagati y'aho bita mu Muko n'ibibuga bya Volley na basket bya kaminuza. Mu Kigo cy'abasirikare bitaga abakomando cya Bigogwe naho Abafaransa bahatorezaga Interahamwe ndetse no ku musozi wa Jali.

---

[234] Ikiganiro na Mparabanyi Faustin warokotse Jenoside, Gitega kuwa 15 Mutarama 2019.
[235] Ikiganiro na Kabagema Daniel, Gitega 16 Mutarama 2019.

Mu nterahamwe zo ku Gitega zagiye mu myitozo harimo Abdu mwene Bwoko, Ndongo Emmanuel, Kabwana mwene Kapiroko, Muhidini mwene Fereshi. Abandi bagiye baturutse ahitwa mu Kinyange hafi y'ibiro bya Segiteri ya Gitega ni Kirenge wakomokaga i Masango, Joel bitaga Museveni, abahungu babiri bo kwa Evariste, Stanislas wari umushoferi wa MINITRAPE. Uyu Stanislas ntiyigeze afungwa cyangwa ngo akatirwe n'inkiko Gacaca. Abandi ni Veneranda wigiraga umukurisitu cyane asengera muri Saint Michel buri munsi, Majariwa wari umuserire, Ntwari wari mu gitero kishe umuryango wa Gerardine n'abandi. Igihe cyo kwigisha kirangiye bahawe imbunda zo kwirindira umutekano zaje gukoreshwa mu gihe cya Jenoside.

Interahamwe zivuzwe haruguru zayoborwaga kandi n'uwari Konseye witwaga Mbonyimana Stanislas alias Pepe Kale ari na we washishikarizaga urubyiruko kwinjira mu mutwe w'Interahamwe. Mbonyimana Stanislas yahawe imyitozo yose y'Interahamwe ndetse yamenyekanye cyane mu bikorwa byo kuyobora imyigaragambyo y'ishyaka MRND n'Interahamwe. Yari umuntu uzwi cyane mu bugome n'imvugo z'urwango byagaragaye cyane amasezerano y'amahoro y'Arusha amaze gushyirwaho umukono. Jenoside itangira, Konseye Mbonyimana yari amaze ibyumweru bibiri mu bitaro yivuza ibikomere bya gerenade yatewe. Aho Jenoside irangiriye, yaje guhunga agaruka mu gihugu muri 1996 asubira iwe ku Gitega aho bita muri Camp ONU. Yaje gufatwa arafungwa ariko mu ntangiriro z'umwaka wa 2001 arafungurwa kubera impamvu z'uburwayi. Yaje gupfa mbere yuko imirimo y'Inkiko Gacaca itangira[236].

### 4.7.8. Segiteri ya Kanyinya

Muri Segiteri ya Kanyinya inama zateguraga ubwicanyi zakorerwa henshi hatandukanye. Urugero muri mitingi zabereye i Kanyinya wumvaga zose zitegura Jenoside. Iyo bavugaga interuro "Gutsembatsemba Inyenzi" wumvaga abari mu nama bavugije urwamo, bityo ukumva ko bitinde bitebuke Abatutsi bazicwa[237]. Ahandi inama zakorerwaga ni ku kabare k'uwitwa Musafiri ndetse n'ubu afungiye gukora Jenoside. Aka kabari kari ihuriro ry'Interahamwe zikomeye nka Murwanashyaka, Turatsinze, Ngendahimana, Gatabazi wari utuye muri serire ya Taba, Ignace, Munyengango na Gatabaruka, ndetse n'abasirikare babaga bakambitse i Shyorongi kimwe n'umusirikare wari waravuye ku rugerero witwa Rudasingwa na bo bakundaga guhurira

[236] Ikiganiro na Mparabanyi Faustin warokotse Jenoside, Gitega kuwa 15 Mutarama 2019.
[237] Ikiganiro na Kayiranga Jean Bosco warokotse Jenoside, Kanyinya, tariki ya 14 Gashyantare 2019.

muri ako kabare. Ku biro bya Segiteri ya Kanyinya hakorewe inama nyinshi akaba ari na ho hateguriwe amalisiti y'Abatutsi bagombaga kwicwa. Inama zabaga ziyobowe na Konseye Nzabamwita Joseph alias Banzuyampe. Hazagamo kandi Gatabazi wari utuye muri Serire ya Taba, Ignace, Munyengango, Gatabaruka na Rudasingwa wari waravuye ku rugerero yirukanywe mu Nzirabwoba[238].

### 4.7.9. Segiteri ya Nzove

Inama zitegura ubwicanyi muri Segiteri ya Nzove zaberaga mu kabare k'uwitwa Karegeya Stanislas, murugo kwa Ndereyimana Andre, mu kabare ko kwa Nubahimfura, murugo kwa Karekezi Michel bitaga "Senkoko", kwa Konseye Karangwa Alexandre alias Matene niho bakundaga gukorera inama ndetse n'urutonde rw'Abatutsi bazicwa niho rwakorewe mu 1993 Inkotanyi zimaze kugera i Kigali, ku biro bya Segiteri ya Nzove no kubiro bya CCDFP.

Muri izo Nterahamwe zakundaga kwitabazwa hirya no hino zari zarahawe imyitozo ndetse zifite imyitwarire n'imyambaro yazo itandukanye n'iy'abandi. Zari zifite ibikoresho n'imbunda, ubuhiri burimo imisumari, udushoka batwaraga ku matako, inkota n'amagerenade. Muri bo twavuga uwitwa Rufangura mwene Kalinijabo, Karegeya mwene Rutambuka, Hitayezu mwene Mugema, Nzeyimana mwene Munyentama, Nzabamwita na Ntashamaje abahungu ba Rwakayigi, Musoni mwene Kanani na Nyirarudodo, Ahimana Emmanuel mwene Manihura, Miruho Martin mwene Segatashya, Meshake na Ndayambaje bene Karekezi Michel, Ntahompagaze, Nzabarirwa na Ndayambaje bene Gashaka, Shinani, Habyarimana na Utazirubanda bene Gahigi, Yankurije Venuste mwene Marembo, Murindahabi alias Kijyambere mwene Ayabashi, Mukarubayiza[239] umukobwa wa Rwabukwandi, Muhizi mwene Gakwisi, Majyambere Silas na Twagirayezu bene Mugema, Karangwa Alexandre bitaga Matene, Etazuni Innocent na Rwamukwaya Théo bene Rwamukwaya, Mukamuhaya umugore wa Rwamukwaya, Nkurikiye Thadeyo mwene Muriza, Mutimura, Nzabamwita Vincent alias Kamoteri, Jyambere mwene Hitimana Théobald, Nkunzingoma Zakaliya, Tuyisenge mwene Karekezi, Kimonyo mwene Ntazina, Gafero, Manishimwe mwene Gatemberezi, Kinyoni mwene Sindifite, Mucye mwene Bigirinka, Nkiriyehe mwene Mbabariye, Bitaha na Candali bene Gahondogo, Rwagasana mwene Karimujyire, Turikunkiko mwene Barayahundwa, Kabindi, Assuman, Ndereyimana

[238] Idem
[239] Uyu Mukarubayiza arafunze azira gukora Jenoside

Andereya mwene Mukakabano, Kigingi Vedaste, Musoni, , Sibomana, Zuberi, Mugabarigira mwene Ndekwe, Kurimpuzu, Ngendahayo, Mitongano, Bizimungu, Karani, Asheli, Bizimana, Mathias mwene Mahirane, Butare Jean Bosco, Muhire, Mutimura Jean Chyrisostome, Nsanzumuhire, Rusine, Anselme, Rwabugabo Nsabimana, Muhawenimana Cléophas n'abandi. Mutimura Jean Chyrisostome ni mwene Kazanenda Simon na Makarutamu. Yavukiye mu kagari ka Nzove, mu murenge wa Kanyinya, akarere ka Nyarugenge muri 1965. Yajuririye urubanza bityo rubera mu kagari ka Cyahafi, umurenge wa Gitega. Yarezwe kugira uruhare mu iyica ry'abantu batandukanye no gushinyaguriye umurambo wa Melesiyana. Ku itariki ya 09 Nyakanga 2009 yakatiwe gufungwa imyaka mirongo itatu (30)[240].

### 4.7.10. Segiteri ya Biryogo

Jenoside muri Segiteri ya Biryogo yabanjirijwe n'imyitozo yahawe urubyiruko. Iyo myitozo yakorerwaga ahitwa kuri kariyeri mu Rugunga mu nzu y'umucuruzi witwaga Seti. Ibyo bikorwa byo kwigisha byakunze kugaragaramo uwitwa Rukundakuvuga Joseph wakoraga muri Sulfo ndetse yari nyumbakumi muri Serire ya Rugunga. Kwa Kitonsa wacuruzaga imigati hafi y'ivuriro ryo kwa Nyiranuma. Uwo mugabo Kitonsa yakomokaga ku Gisenyi. Saa munani z'amanywa abasore bakoraga iwe mu ruganda rw'imigati bagera nko ku icumi, n'abandi basore bakoraga mu ngo z'abaturage baho hafi akazi ko mu rugo bahuriraga aho mu gipangu kwa Kitonsa bagatangira imyitozo. Mu byo bigishwaga harimo guterana ibyuma no kurwanisha intwaro gakondo ndetse no gutera za gerenade. Abo ni bo bavuyemo Interahamwe kuko nyuma baje guhabwa intwaro n'imyambaro yazo. Abo basore kandi iyo MRND yabaga ifite imyigaragambyo na za mitingi wabonaga babukereye bitwaje gerenade, inkota, n'udushoka ku matako yabo.

Ku Kibuga cy'ishuri ribanza rya Rwampara na ho hakorerwaga imyitozo iganisha ku gukora Jenoside. Icyo gihe buri wese yabaga atwaye umuhini babigisha kugenda gisirikare no kwiga kurasa. Konseye Karekezi Hamri na Simbizi Stanislas wari utuye ahazwi nko kuri "Korotire" hafi ya Kiriziya ya Mutagatifu Stefano Wera (Saint Etienne) ni bo bagenzuraga ibyo bikorwa byo gutoza Interahamwe. Ahandi ni ku kabare bitaga «Escale» kari mu Biryogo, naho hakorerwaga inama zitegura Jenoside ndetse n'ibyo babaga babohoje igihe cy'imyigaragamyo bazaga kubigabanira kuri ako kabare. Ahandi ni kwa Ndayitabi mu rugo aho bigiraga imbyino no kwa

[240] Urukiko rw'umurenge wa Gitega, Nyarugenge, 2009.

Shyirambere Lambert se wa Makantabana Séraphine wigeze kuba Minisitri ushinzwe ibiza akanaba Peresidante wa Komisiyo yo gusubiza abasirikare basezerewe ku rugero mu buzima busanzwe. Niho handikirwaga abarwanashyaka ba MRND bakahatangira n'amakarita y'ishyaka ry'iryo. Kwa Ababona Evariste wari mubyara wa Perezida Habyarimana akaba yari umukozi wa Minisiteri y'Amashuri Abanza n'Ayisumbuye. Ababona yarakatiwe n'inkiko gacaca ariko ntiyafunzwe. Kwa Resiponsabule Gatarayiha Seleman wari uturanye na Kitonsa hakorerwaga inama zateguraga Jenoside. Karekezi Hamri mu ntangiriro z'ukwezi kwa Gicurasi 1994 ubwo Jenoside yari irimbanije yatumije abaturage ba Serire Rugunga mu nama yabereye kuri Kariyeri. Muri iyo nama harimo Rukundakuvuga, Sibomana wari umupolisi wa Komini ya Nyarugenge, Ababona, Rubyegeri n'abandi. Muri iyo nama Hamri na bagenzi be baganiriye ku kibazo cy'Abatutsi bifuza kumenya niba barapfuye cyangwa bakiriho. Ni bwo yabwiye abaturage ko mu bisenge by'amazu yo mu «Kizungu» hihishemo Abatutsi. Hakozwe urutonde rwabo byitwa ko bashaka gukora urutonde rwabo kugira ngo bashake uko babarinda no kubagaburira. Ayo yari amayeri kugira ngo bamenye abatarapfa bityo babone uko babica. Icyo gihe Inkotanyi zari ku i Rebero zibonye icyo kivunge cy'abantu baje mu nama zirasa igisasu muri iyo nama yari itarafata imyanzuro abantu bakwira imishwaro irangira ityo[241].

## 4.8. Ishyirwa mu bikorwa rya Jenoside yakorewe Abatutsi muri Komini ya Nyarugenge

Nk'uko byagaragajwe n'amakuru yakusanyijwe ndetse n'ubusesenguzi bwayakorewe, Jenoside yakorewe Abatutsi yabanjirijwe n'imyiteguro yo kubiba urwango ku Batutsi mu baturage, gutoza abicanyi (interahamwe) inyigisho za gisilikare ndetse no gukwirakwiza intwaro mu baturage. Mu ijoro ryo kuya 6 Mata 1994 nibwo urupfu rwa Perezida Habyarimana Juvénal rwamenyekanye, Jenoside itangira ubwo kuko imyiteguro yose yari yarakozwe.

Iki gice kiragaragaza uburyo Jenoside yashyizwe mu bikorwa mu Karere ka Nyarugenge uko gateye ubu. Twibutse ko aka Karere ka Nyarugenge kahuje iyahoze ari Komini ya Nyarugenge, Komini ya Butamwa ndetse na Segiteri ya Kanyinya na Nzove byahoze biri muri Komini ya Shyorongi.

[241] Ubuhamya bwatanzwe na Rutayisire Eugène, Biryogo, tariki ya 27 Nzeri 2018.

### 4.8.1. Segiteri ya Nyarugenge

Amakuru y'urupfu rwa Habyarimana amaze kumenyekana, uduce dukomeye twa Segiteri ya Nyarugenge twahise dushyirwamo bariyeri. Ku biro by'umuryango mbuzamahanga utabara imbabare (CICR) mu Rugunga hari bariyeri yari irinzwe n'abasirikare. Indi yari iri kuri Hôtel Kiyovu ndetse no kuri EPR zombi zirindwa n'abasirikare n'Interahamwe. Umuhanda ujya ku kiriziya gaturika yitiriwe Mutagatifu Mikayire naho hari bariyeri. Hepfo yo Kwa Musoni Ndamage naho hashyizwe bariyeri ku gahanda kerekezaga kuri ambasade ya Libiya. Bariyeri yo kwa Colonel Serubuga ku muhanda wajyaga ku ishuri rikuru rya gislikare. Bariyeri yashyizwe munsi yo kwa Kanyarengwe hafi y'icumbi rya Ambasaderi w'Ububirigi. Imbere ya «*Hotel des Milles Collines*» hari bariyeri yariho abasirikare ndetse n'imbere y'isomero rya Ambasade y'igihugu cy'Ubufaransa. Indi bariyeri yari imbere ya Paruwasi katederali ya Mutagatifu Mikayire na yo yariho abasirikare n'Interahamwe. Uturutse kuri Camp Kigali, kuri «*Café Impala*» hafi ya «*Hotel des Diplomates*» hari hashyizwe bariyeri y'abasirikare. Indi bariyeri ikomeye yari iriho abasirikare yari imbere ya CHK. Bariyeri y'abajandarume yariyashyizwe hagati ya Radiyo Rwanda na «station» ya Lisense ya ERP. Yariho abajandarume benshi harimo n'abari barinze Radiyo Rwanda. Umuhanda wanyuraga hagati y'ibiro bya Perezidansi ubu hahereryе ibiro bya Perefegitura y'Umujyi n'Akarere ka Nyarugegne na Radiyo RTLM na ho hari hashyizwe bariyeri yarindwaga n'abajandarume. Bariyeri yindi yari yashyizwe kuri *Ecole Belge*. Yashyizweho nko mu matariki ya 14 Mata 1994 iyobowe n'Interahamwe. Indi bariyeri yariho aba JDR n'iyari iri imbere yo kwa Karamira Frodouald aharebana n'inzu bitaga «BCK». Bariyeri yari yashyizwe imbere ya Farumasi y'umuhinde bita Ramji yayoborwaga n'Interahamwe. Indi bariyeri yariho Interahamwe n'iyari yashyizwe ku muhanda wa Sulfo hafi y'ibiro bya ELECTROGAZ. Bariyeri zose zo mu mujyi cyane cyane izo muri «Quartier Commercial na Matheus» zagenzurwaga na Mbyariyehe Gabriel wari Konseye wa Nyarugenge akaba na perezida w'abacuruzi, bikaba byaramufashije gusahura amaduka y'abacuruzi bagenzi be[242].

[242] Ubuhamya bwatanzwe na Nsanzamahoro Budagisi, Kanyinya kuya 15 Ukwakira 2019.

#### 4.8.1.1. Intandaro y'urupfu rw'abasirikare b'Ababiligi bari mu butumwa bw'amahoro

Umwuka mubi hagati y'u Bubiligi n'u Rwanda watangiye mu ntangiriro ya Mutarama 1994. Uwo mwuka mubi wakomeje kugeza Jenoside itangira. Urwango rw'abanyapolitiki b'u Rwanda ku Bubirigi rwashingiye kuri raporo yakozwe n'inzego z'iperereza z'igihugu cy'Ububiligi. Ku itariki ya 8 Mutarama 1994, inzego z'iperereza z'igihugu cy'u Bubiligi zanditse inyandiko y'ibanga itangaza ko ku itariki ya 7 Mutarama 1994 hari inama yabereye ku cyicaro gikuru cya MRND yahuje Matayo Ngirumpatse wari Perezida wa MRND, Minisitiri w'Ingabo Augustin Bizimana, Umugaba Mukuru w'Ingabo Jenerali Nsabimana Deogratias, Umugaba Mukuru wa Jandarumori Jenerali Augustin Ndindiriyimana, Kajuga Robert Umuyobozi w'Interahamwe ku rwego rw'igihugu n'abandi bajandarume n'abasirikari bakuru. Iyi nama ikaba yari igamije gufata ibyemezo ku mikoranire y'u Rwanda na MINUAR, cyane cyane ko batashakaga kwereka MINUAR ububiko bw'intwaro nk'uko bari babisabwe na MINUAR. Muri iyo nama, bemeje ko bagomba gukora icengezamatwara (propagande) mu baturage yo kubangisha MINUAR cyane abasirikare b'Ababiligi bari mu bayigize[243].

Urugero rufatika rwo kwangisha abasirikari b'abanyarwanda n'abaturage uruhare rw'abasirikari b'Ababirigi mu kubungabunga amahoro mu Rwanda n'ibiganiro mbwirwaruhame byakorwaga

n'abanyapolitiki ba MRND ku maradiyo. Ku itariki ya 27 Mutarama 1994, RTLM yanyujijeho ibiganiro bihamagarira Abahutu bose kwishyira hamwe bakarwana kugeza ku munota wa nyuma ngo kuko abasirikare b'Ababiligi ba MINUAR bari bafite umugambi wo gutanga igihugu bakagiha Abatutsi.

Ibyo biganiro byaje bikurikira na none inama yari yahuje abayobozi bakuru ba MRND barimo Joseph Nzirorera, Edouard Karemera, Jean Pierre Habyarimana na Robert Kajuga wayoboraga Interahamwe ku rwego rw'igihugu. Muri iyo nama bashimangiye gahunda yo gucengeza mu baturage cyane cyane Interahamwe amatwara yo kurwanya abasirikari b'Ababiligi bo muri MINUAR, hatangwa n'amabwiriza ko Interahamwe zitagomba kuzongera gukurikiza ibivuzwe

[243] Des Forges A. (1999). "*Leave None to Tell the Story": Genocide in Rwanda,* Human Rights Watch, p147.

n'ingabo za MINUAR z'Ababiligi, zikitegura guhangana na bo no kubangisha abaturage ku buryo bushoboka[244].

#### 4.8.1.2. Iyicwa rya Agatha Uwiringiyimana

Nyuma y'iminota mirongo itatu indege y'umukuru w'igihugu ihanutse, Madamu Uwiringiyimana Agatha wari minisitiri w'intebe ni bwo yaburiwe na Booh-Booh wari ukuriye abasirikare bari mu butumwa bw'amahoro bwa ONU mu Rwanda (MUNUAR), ko ibintu bitameze neza. Muri icyo gihe kandi cyakurikiye ihanurwa ri'indege y'uwari umukuru w'igihugu Colonel Bagosora ni we wasaga n'ufite ubutegetsi kuko yahise ahamagara inzego za gisirikare agira ngo barebere hamwe icyakorwa. Roméo Dallaire wayoboraga ingabo z'umuryango w'abibumbye zari zaje mu igenzura ry'uko amasezerano y'amahoro y'Arusha ashyirwa mu bikorwa yasabye Colonel Bagosora ko ibyo yatekereza gukora byose yabivugana na Minisitiri w'Intebe Madamu Uwiringiyimana Agata. Colonel Bagosora ibyo ntiyabikozwa.

Colonel Théoneste Bagosora nyuma yaje gushaka ko ubutegetsi bwafatwa n'igisirikare ariko bamwe mu basirikare barabyanga kubera babonaga ko batajya mu buyobozi bwite bwa Leta hanyuma ngo banarwane intambara na FPR-Inkotanyi umugaba w'ingabo za APR yari amaze gutangaza ku mugaragaro. General Dallaire nawe ku ruhande rwa « ONU » yatangaje ko niba ubutegetsi bufashwe n'igisirikare ingabo z'umuryango w'abibumbye zihagarika ibikorwa byazo mu Rwanda zigasubirayo. General Dallaire yasabye abakuru b'ingabo ko bakorana na Uwiringiyimana Agata wari usanzwe ayobora guverinoma maze Colonel Bagosora amubwira ko bitashoboka kuko abaturage n'abari bagize guverinoma badashaka Uwiringiyimana Agata. Booh-Booh wari wamenye ko madame Uwiringiyimana Agata yakuwe ku buyobozi bwa guverinoma yahise abimumenyesha ariko Minisitiri Uwiringiyimana ntiyahunga.

Umutwe w'abasirikare barindaga Perezida muri iryo joro ryo kuwa 6 Mata 1994 bari bamaze gukwira hose mu mujyi wa Kigali. Ni bwo General Dallaire yahise asaba abakuru b'ingabo z'igihugu kugenzura ibikorwa by'uwo mutwe warindaga Perezida wa Repubulika. Muri iryo rojoro abasirikare barindaga JuvénalHabyarimana ndetse n'abari bagize umutwe w'iperereza batangiye kugenzura urugo rwa Agatha Uwiringiyimana. Abo basirikare bahise batabara

---

[244] Des Forges A. (1999). "*Leave None to Tell the Story": Genocide in Rwanda*, Human Rights Watch, p147.

abanyaporitike b'ishyaka MRND bari batuye ku Kimihura babahungishiriza mu bigo bya gisirikare ariko abandi banyaporitike bari bahatuye bo bababwira ko baguma mu ngo zabo. Lieutenant Colonel Bavugamenshi Innocent wari ushinzwe abajandarume barindaga abanyaporitike akimenya ko umutwe w'abasirikare barinda Perezida wahungishije abanyapolitiki b'ishyaka MRND gusa yahise atekereza ko abandi basigaye ntakiregera bafite maze afata icyemezo cyo kohereza abajandarume ngo barinde abasigaye by'umwihariko Madamu Uwiringiyimana Agata. Gusa abo yohereje yo ntibigeze bahagera.

Tariki ya 7 Mata 1994 hagana saa munani z'ijoro abasirikare icumi b'ababiligi bavuye Kigo cya Gisirikare cya Kigali muri Nyarugenge bagiye kurinda Agathe Uwiringiyima wari Minisitiri w'Intebe. Kubera imbogamizi za bariyeri zari zashyizweho ; izo ngabo za MINUAR zageze ku rugo rwa Agathe Uwiringiyimana mu rukerera hagana saa kumi n'imwe n'igice za mu gitondo gufatanya n'abandi basirikare batanu bakomokaga mu gihugu cya Ghana kurinda umutekano we wari muke.

Bakihagera, ingabo za MINUAR zashatse guherekeza Agata Uwiringiyimana kuri Radiyo Rwanda kugira ngo agire ijambo ageza ku Banyarwanda. Bafashe inzira berekeza kuri Radiyo Rwanda muri urwo rukerera. Mu butumwa yashakaga kunyuza kuri Radiyo Rwanda bwarimo kumenyesha Abanyarwanda ibihe barimo n'uko nyuma y'Urupfu rwa Perezida Habyarimana amasezerano ya Arusha agiye gushyirwa mu bikorwa. Ibi ntibyashobotse kuko abajandarume bari bayobowe na Lieutenant Colonel Kayumba Cyprien warindaga Radiyo Rwanda bangiye Minisitiri Agathe n'abasirikare ba MINUAR kwinjira muri Radiyo, kandi ko atayivugiraho igihe cyose nta ruhushya rwa Colonel Théoneste Bagosora afite. Bagaruka mu rugo kwa Agathe Uwiringiyimana.

Tariki 7 Mata 1994 ahagana saa moya za mu gitondo Lieutenant Lotin wari uyoboye iryo tsinda ry'abasirikare bari bashinzwe kurinda Agatha Uwiringiyimana bamenyesheje ubuyobozi bwa MINUAR ko bagoswe n'abasirikare b'abanyarwanda bageze kuri 20 bitwaje imbunda na «grenade»[245]. Igihe bari bategereje ko hari ubutabazi bundi bubageraho, ahagana saa mbiri za mu gitondo Agathe Uwiringiyimana n'uwo bashakanye bamaze kubona ko bari mu mazi abira

[245] Novopress.info: le massacre des para-commandos belges au Rwanda, byasomwe kuri murandasi kuwa 15 Ukuboza 2018

bagerageje guhungira mu rugo rw'umuturanyi wabo wakoraga muri Ambassade ya Leta Zunze Ubumwe z'America ariko ntibyabakundira. Bimaze kwanga bahungiye mu rundi rugo rw'undi muturanyi wabo wakoreraga umuryango w'abibumbye ari na ho abamwishe bamusanze.

Capitaine Hategekimana Gaspard wari mu mutwe w'ingabo zirinda Perezida wa Repuburika ni we wari ushinzwe gushakisha Ministiri w'Intebe Agatha Uwiringiyimana aho yaba yihishe hose. Saa tanu n'igice ni bwo abasirikare babonye Agathe Uwiringiyimana aho yari yihishe maze aza abasanga azi ko ari abaje kumuhungisha bamujyana mu kigo cya gisirikare kumurindira umutekano. Mbere y'uko Agathe Uwiringiyimana yicwa hari itsinda ry'abasirikare bavuka mu majyepfo y'igihugu birangira barushijwe imbaraga n'abavuka mu majyaruguru bashakaga guhita bamwica. Kapiteni Hategekimana akihagera yategetse ko Agathe Uwiringiyimana yicwa. Umusirikari wari ufite ipeti rya Liyetona ni we wahise arasa Uwiringiyimana Agathe n'umugabo we. Nyuma y'urupfu rw'Agathe Uwiringiyimana n'uwo bashakanye abashoboye kubona umurambo we bavuze ko bamusanze yambaye ubusa ndetse bamwinjije icupa rya Primus mu nda ibyara[246].

#### 4.8.1.3. Iraswa ry'abasirikare b'Ababiligi

Iyicwa rya Agathe Uwiringiyimana rifitanye isano n'umwuka mubi wari hagati y'ingabo z'u Rwanda n'abasirikare b'Ababiligi bari mu butumwa bw'amahoro mu Rwanda wakomeje kugeza Jenoside itangiye. Abasirikare b'igihugu cy'Ububiligi bari boherejwe na MINUAR kurinda Agathe Uwiringiyimana aribo Caporal Bruno Bassine, Caporal Alain Debatty, Caporal Christophe Dupont, Caporal Stéphane Lhoir, Caporal Bruno Meaux, Caporal Louis Plescia, Caporal Christophe Renwa, Caporal Marc Uyttebroeck, Sergent Yannick Leroy na Lieutenant Thierry Lotin bahise bamburwa intwaro n'abasirikare bo mu mutwe warindaga Perezida wa Repuburika bajyanwa mu kigo cya gisirikare cya Kigali (*Camp Kigali*).

[246] Ubuhamya bwatanzwe na Tadeyo Karamaga wahoze mu ngabo za FAR mu nkuru yasohotse mu kinyamakuru «Igihe» https://igihe.com/amakuru/u-rwanda/article/ kuya 19 Nyakanga 2016




*Inzu yiciwemo abasirikari b'ababiligi mu kigo cya gislikare cya Camp Kigali bamaze kugaraguzwa agati n'abasirikari b'u Rwanda bababwira ko Igihugu cy'Ububirigi gishyigikiye Inkotanyi mu rugamba barwanaga na Leta y'u Rwanda.*

*Ishusho yavanywe ku murandasi*

Mu rwego rwo kwangisha abaturage ingabo z'ababirigi, abasirikare b'u Rwanda bakwije ibihuha mu baturage ko abasirikari b'ababirigi ari bo bahanuye indege yari itwaye Perezida Habyarimana Juvénal.

Abagize uruhare mu rupfu rw'abo basirikare b'Ababirigi ni bamwe mu basirikare bakuru n'abandi bari bafite ijambo mu gufata ibyemezo. Muri abo ni Colonel Théoneste Bagosora watanze amabwiriza ku bayobozi b'ingabo bakurikira : Major Protais Mpiranya wayoboraga umutwe w'abasirikare barindaga umukuru w'igihugu, François-Xavier Nzuwonemeye wari ushinzwe umutwe w'Iperereza, Major Aloys Ntabakuze wayoboraga umutwe w'abasirikare barwanira mu Kirere, Lieutonant Colonel Léonard Nkundiye wigeze kuyobora umutwe warindaga umukuru w'igihugu, Major Bernard Ntuyahaga wayoboye ubwicanyi mu mujyi rwagati, Kapiteni Gaspard Hategekimana woherejwe kuyobora igitero cyahitanye Agathe Uwiringiyimana na Colonel Tharcisse Renzaho wari umuyobozi wa Perefegitura y'Umujyi wa Kigali.

Muri icyo gitondo abasirikare bane b'ababiligi bahise bicwa abandi batandatu n'abasirikare batanu bakomokaga mu gihugu cya Ghana babasha kwihisha mu nzu yakoreragamo MINUAR[247]. Kuri uwo munsi ahagana saa sita n'igice abasirikare b'u Rwanda bahise bategeka abasirikare ba

---

[247] Abasirikari b'Ababiligi biciwe mu Kigo cya Gisilikare cya Kigali mu nzu yari yaratijwe Abasirikari ba MINUAR

Ghana gusohoka, abasirikare b'u Rwanda batera gerenade mu nzu bari barimo. Hakurikiyeho kwica abo basirikare b'Ababiligi muri iyo nzu babateye ibyuma[248].

#### 4.8.1.4. Ahaguye imbaga y'Abatutsi muri Segiteri ya Nyarugenge

**Abatutsi biciwe mu Bitaro bikuru bya Kigali (CHK)**

Abaganga n'Interahamwe zifatanyije n'abasirikare bari kuri bariyeri imbere y'ibitaro binjiraga mu bitaro bakajya kwica abarwayi ndetse n'abaganga b'Abatutsi bakoraga muri CHUK. Abandi Batutsi bari muri ibi bitaro bakorewe urutonde barushyira Koloneli Renzaho Tharcisse wari Perefe w'Umujyi wa Kigali. Nyuma y'aho yagiye ahabwa raporo y'abamaze kwicwa. Abaforomo n'abaganga bo mu bwoko bw'Abatutsi bakoreraga muri CHK, abarwayi n'abarwaza n'inkomere bagiye bicwa urusorongo. Umunsi ku wundi hafatwaga Abatutsi bagahurizwa ku buruhukiro bw'ibi bitaro hanyuma Colonel Renzaho Tharcisse akohereza imfungwa zo muri Gereza ya 1930 zikabica. Uwari ku isonga mu kwica Abatutsi muri ibi bitaro n'umuforomokazi wahakoraga witwa Nyirakamondo Providence afatanyije n'abana be babiri n'Interahamwe.

Mu bitaro bikuru bya Kigali igihe Jenosode yakorewe Abatutsi yakorwaga, harimo Abatutsi benshi barimo abarwayi n'abarwaza cyane cyane inkomere zabaga zazanywe n'Umuryango Utabara Imbabare. Harimo kandi abakozi basanzwe mu buyobozi, abaganga n'abaforomo ndetse n'abasirikare b'Inziranbwoba babaga baje kwihisha urugamba aho mu bitaro[249]. "Imbere y'ibitaro bya CHK hari harashyizwe bariyeri kuva ku itariki ya 7 Mata 1994. Iyo bariyeri yarindwaga n'abasirikare bavanze n'Interahamwe ntibyari byoroshye kuyinyuraho. Yaguyeho abantu benshi kuko mpanyura nza kuvuzwa n'umuryango utabara imbabare nahabonye imirambo myinshi kuri iyo bariyeri itegereje gukurwaho"[250]. Mu minsi ya mbere ya Jenoside yakorewe Abatutsi ibitaro bya CHK byakiriye inkomere nyinshi z'Abatutsi babaga bakuwe mu mirambo bagihumeka aho babaga barimo kwicwa hirya no hino mu Mujyi wa Kigali. Ayo magana y'Abatutsi babaga

[248] De Forges, A. (1999). *Aucun témoins ne doit survivre: Le genocide au Rwanda*; Paris: Editions Karthala, p233.
[249] Ubuhamya twahawe n'uwacitse ku Icumu rya Jenosode yakorewe Abatutsi wari warazanywe kwivuriza muri CHUK nyuma yokuraswa n'Interahamwe bikomeye cyane. Rwezamenyo, Mutarama 2019.
[250] Ubuhamya bwatanzwe na Mukakimenyi Speciose warokotse Jenoside yakorewe Abatutsi, Nyakabanda kuya kuya 16 Gashyantare 2019. Mukakimenyi yazanywe n'Umuryango utabara imbabare kwivuza ku itariki ya 8 Mata 1994 aturutse muri Segiteri ya Nyakabanda.

bamaze kurokoka ahandi yose yiciwe mu bitaro bya CHUK yicwa n’abasirikare bafatanyije n’Interahamwe. Ubwicanyi bwakunze gukorwa ijoro riguye.

Mu bitaro bya Kigali CHUK habanje guhigwa abaganga n’abaforomo b’Abatutsi ngo bicwe. Ubwo Jenoside yari irimbanije mu gihugu cyose, muri CHUK hari harwariye abantu bingire zose. Ivangura mu kuvura ryahise ritamgira ubwo kuko abatutsi bari basanzwe baharwariye ndetse n’inkomere zari mu bitaro ntibongeye kwitabwaho ngo bavurwe. Urugero rw’ivangura ni igihe Ndayambaje Stéphanie wari ushinzwe gusaranganya ibiringiti abarwayi n’abarwaza byari bimaze gutangwa n’Umuryango Mpuzamahanga Utabara Imbabare (CICR) yabihaye abandi bose ariko arangije yanze kubiha abarwayi n’abarwaza bo mu bwoko bw’Abatutsi avuga ko ataha ibiringiti Inyenzi. Guhera ubwo Abatutsi bari baharwariye batangiye gupfa bazira kubura ubuvuzi. Umugambi mubisha wo kwica abaforomo n’abarwayi hakoreshejwe intwaro watangijwe na Ndayambaje Stéphanie wayoboraga Ishami ry’Abakozi uvuka muri Segiteri ya Gitega Komini ya Nyarugenge, afatanyije na Mukaruhungo Joséphine wari umuforomokazi muri ibyo bitaro kuko ari bo bakoraga urutonde rw’amazina n’ibyumba Abatutsi babaga barwariyemo bakabiha Interahamwe[251].




*Ku itariki ya 13 Gicurasi 1994 ahagana saa moya z’ijoro, Interahamwe zari kuri bariyeri y’imbere ya CHUK zifatanije n’abasirikare bari barwariye muri CHUK biraye mu barwayi bica abagera kuri mirongo itanu babarasiye imbere y’uburuhukiro bw’ibitaro.*

*Urwibutso rwa Jenoside yakorewe Abatutsi (Abaganga n’Abaforomo) bakoreraga mu Bitaro bikuru bya Kigali (CHK). Uru rwibutso ntirugaragaza amazina y’abarwayi n’abarwaza biciwe mu bitaro.*

[251] Ubuhamya bwatanzwe na Uwingabe Julienne, Nyarugenge, 18 Ukwakira 2018.

Muri ibi bikorwa by'ubugome ndengakamere Ndayambaje Stéphanie yabifatanyaga na bagenzi be b'abaforomo Nyiramondo Providence wafashaga Ndayambaje Stéphanie gukora urutonde rw'abagomba kwicwa, Mukaruhungo Joséphine, Mukakabera Edith, Mukandamage Philomène, Mukankusi Jeannette werekanye aho nyirabukwe wa Depite Sisi Evariste n'umwana w'umukobwa wa Sisi witwa Umurungi bari bihishe nyuma bakaza kwicwa.

Undi muforomokazi wabaye gica ni uwitwa Banabeza Marie Josée wavukaga i Bulinga akaba yari atuye Kimisagara. Ngo ntiyigeze yumva na rimwe ko Abatutsi bavurwa muri CHUK. Muri icyo gihe aho gukora akazi ke uko bikwiye yahigaga abarwayi n'abarwaza b'Abatutsi aho babaga bihishe hanyuma akabashyira Interahamwe n'abasirikare kugira ngo babice. Yirukanye umukazana wa Gasamagera mu nzu y'ababyeyi afite uruhinja rw'amezi atandatu ananga ko yivuza kandi yari arembye cyane. Banabeza, Mukandamage Philomène na Mukakabera Edith bafatanyije basanze abagore babiri bari bihishe mu nzu y'abagore barangije bajya ku muganga witwa Benoit n'umusirikare bitaga Kamashini wabaga muri CHUK bababwira ko mu nzu y'abagore bavumbuyemo Inyenzi. Bigeze nka saa yine z'ijoro, haje umugabo witwa Birandagaye Emmanuel wakoraga muri CHUK, Kamashini na Mukakabera Edith binjira mu nzu y'ababyeyi, bahera mu cyumba cya mbere babwira abarimo ko hari Inyenzi zirimo baje gushaka. Bahereye aho baka indangamuntu bageze mu cyumba cya kabiri ni ho basanze ba bagore. Kamashini yabashyize imbere abamanukana mu nzira igana ku buruhukiro bw'ibitaro. Hashize akanya bahise babarasa maze bukeye ni bwo byamenyekanye ko abagore bakuwe mu nzu y'ababyeyi baraye bishwe. Bananeza na Mukakabera bakomeje gukorana n'abasirikare n'Interahamwe kuko bakomeje kujya baka abarwayi indangamuntu.

Ijoro ryakurikiyeho hagana saa saba hakuwe abarwayi ku bitanda bari baryamyeho bikozwe na Bananeza na bagenzi be bari baraye mu gikorwa cyo kuzenguruka mu bitaro, na bwo bajya kwicirwa ku buruhukiro [252]. Abarwayi n'abarwaza b'Abatutsi bakomeje kwicwa kugeza igihe Inkotanyi zitangiye kurasa ibisasu bya rutura bityo Umuryango Utabara imbabare ugahungishiriza bamwe mu barwayi bari baharwariye i Kabgayi no ku kicaro cy'Umuryango Mpuzamahanga Utabara Imbabare (CICR) mu Kiyovu.

[252] Ubuhamya bwatanzwe n'uwari muri CHUK nyuma akaza kujyanwa i Kabgayi, Nyarugenge Mutarama 2019.


Ndayambaje Stéphanie yicishije na none umwana w'umukobwa wakoreraga umugabo witwa Kagorera arashwe n'umusirikare wari ufite ipeti rya "Sous Lieutenant". We n'uwo musirikare kandi bishe abarimu bigishaga muri "*Lycée de Kigali*" bari bahungiye mu bitaro bikuru bya Kigali[253]. Uyu Ndayambaje Stéphanie mwene Kayonga Juvénal na Nyiransekerabanzi Léoncie wavukuye mu kagari ka Gihinga mu murenge wa Gihinga akarere la Rutsiro mu ntara y'Iburengerazuba mu 1940, yagejweje imbere y'ubutabera ngo aryozwe uruhare yagize muri Jenoside yakorewe Abatutsi muri CHK aho yari umuforomokazi muri CHK. Yashijwe na Kaporali Ndagijimana Frédéric, Dr Kanyangabo Faustin na Gumyusenge Caritas kuba yagize ubufatanyacyaha mu gukora liste y'abagombaga kwicwa nk'umuntu wari ukuriye abakozi bari muri CHK, gushinyagurira Abatutsi abizi neza ko bahigwaga , gusaka ibitaro n'ubufatanyacyaha mu bantu baguye CHK no kwicisha umukobwa wari wasizwe muri CHK n'ababikira. Ku itariki ya 21 Kamena 2008 yakatiwe igihano cyo gufungwa imyaka mirongo itatu (30)[254].

Kaporali Ndagijimana Frédéric, mwene Sebukware Léonard na Nyiranzige wavukiye mu kagari ka Gasiza, akagari ka Gasiza, akarere ka Nyabihu intara Iburengerazuba washinje Ndayambaje Stéphanie nawe yashyikirijwe ubutabera kugira ngo abazwe ibyaha bya Jenoside yakoreye muri CHK birimo kwica umukobwa wa Sisi witwaga Umurungi Marie Antoinette na Nyirakuru witwaga Mukankusi, kwica umuhungu wa Karekezi na Munyempanzi, ubufatanyacyaha mu rupfu rw'abantu icyenda (9) biciwe muri camp Kigali n'urupfu rw'umusirikare wanyujijwe kuri urgence bamukurura bakajya kumwicira kuri morgue. Kaporali Ndagijimana yakatiwe gufungwa imyaka mirongo itatu ku itariki ya 21 Kamena 2008. Uru rubanza kandi rwaburanishije Premier Sgt Ndeze, mwene Gashakiye Martin na Banyangandora Suzanne, wavukiye i Shyira mu karere ka Nyabihu mu 1970. Yarezwe gusaka ibitaro, kugaba ibitero kuri CHK, ubufatanyacyaha na Ndayambaje Stéphanie mu gukora urutonde rw'abagomba kwicwa muri CHK , gushinyagurira imirambo n'urupfu rw'abantu icyenda biciwe muri camp Kigali, umutaximan wiciwe muri CHK, umukobwa wa Sisi Evariste na Nyirakuru. Premier Sergent yahanishijwe gufungwa imyaka 30 kuwa 21 Kamena 2008. Uru rukiko rwanaburanishije Sergent Habimana na Kaporali Karasira ibi byaha byavuzwe haruguru bakatirwa gufungwa imyaka mirong itatu[255].

[253] Ikiganiro twagiranye na Uwingabe Julienne wakotse Jenoside, tariki ya 18 Ukwakira 2018.
[254] Urukoko Gacaca rw'umurenge wa Nyarugenge, Nyarugenge, 2008
[255] Idem

**Mu ishuri ryisumbuye Lycée Notre Dame de Citeaux**

Ku itariki 30 Mata 1994 ni bwo Abatutsi 15 bari biganjemo abarezi n'abandi bari bahungiye muri Lycée Notre Dame de Citeaux bishwe.




*Urwibutso rwa Jenoside yakorewe Abatutsi rwiganjemo bamwe mu bari abarezi n'abanyeshuri bazize Jenoside.*

*Ishusho yafashwe n'umushakashatsi*

### 4.8.2. Segiteri ya Rugenge

Kuri tariki 7 Mata 1994, Habyarimana akimara gupfa, Colonel Renzaho Tharcisse yahise ashyiraho ibihe bidasanzwe imujyi wa Kigali no muri Komini ya Nyarugenge by'umwihariko. Icyari kigamijwe kwari ukubuza Abatutsi guhunga bityo bakicwa byihuse. Kuri buri sangano ry'imihanda muri Segiteri ya Rugenge hahise hashyirwaho bariyeri ziyobowe n'Interahamwe nkuru zabitojwe, hakiyongeraho izindi bariyeri zabaga mu midugudu hagati zirinzwe n'abaturage zigamije guhumbahumba Abatutsi kugira ngo hatagira n'umwe ucika. Kuri iyo tariki twavuze haruguru, bariyeri zikomeye zari aha hakurikira: bariyeri yo kuri Payage yari iyobowe na Bagenzi, umuhungu wa Nzisabira François afatanije n'abavandimwe batanu, Uwimana alias "Shitani" wari umurundi yafatanyaga n'abavandimwe aribo Mateso na Sadamu, Tene waririmbaga muri orchestre "Les Huit Anges", Kanyabikari n'abandi. Indi bariyeri yari iri kuri SOPECYA winjira mu muhanda wa kaburimbo haruguru y'ahari banki ya Duterimbere[256]. Indi bariyeri yari mu Kanogo igamije gukumira Abatutsi yabuzaga Abatutsi bavuye i Gikondo guhungira muri Sainte Famille. Iyi bariyeri yari ikomeye irindwa n'abasirikare. Kuri iyo bariyeri ni ho abasirikari bari mu mutwe warindaga Habyarimana Juvénal barwanyije abasirikari

[256] Ahari iyo bariyeri yinjiraga mu muhanda wa Kaburimbo iturutse ku muhanda wa Kabiri wa Rugenge, aho winjiriraga ni ahubatse igorofa ricuruza ibikoresho by'ubwubatsi riri haruguu ya Duterimbere.

b’umuryango w’abibumbye MINUAR barindaga amahoro bahungishije Abatutsi babavana muri Kiriziya y’Umuryango Mutagatifu babajyana mu duce twari twarigaruriwe na FPR muri gahunda yo guhererekanya impunzi mu gihugu imbere. Bariyeri ikomeye yari yashyizwe imbere ya Hoteli Panafrica yatangiraga ababaga baturutse ku Muhima bashaka guhungira kuri Kiriziya y’Umuryango Mutagatifu cyangwa muri “Saint Paul”. Imbere y’ibarizo n’igaraji rya JOC hari bariyeri irebana neza na Sitasiyo ya Essence ya GEMECA. Iyi bariyeri ntawabashaga kuyinyuraho ahungiye kuri Sainte Famille. Indi bariyeri yari ku muhanda wa gatatu usohoka muri Rugenge winjira muri Kaburimbo ahubatswe inyubako ya RSSB. Iyi bariyeri yari muri Serire Bwahirimba igenzurwa n’Interahamwe yitwa Musambi Célestin waje guhungira muri zayire mu wa 1994 ntiyagaruka. Uyu Musambi yakatiwe n’inteko y’urukiko gacaca rwa Bwahirimba imyaka 17. Kuri iyi bariyeri wasangagaho kandi Interahamwe zitwa Joseph wo kwa Kinyata, Eyadema n’abandi.

Inkiko Gacaca mu ikusanyamakuru zabavuzeho, maze uwitwa Eyadema ahita acika. Hakekwa ko yaba yarasanze bene wabo baba mu gihugu cy’Ububirigi. Mugenzi we Joseph mwene Kinyata aridegembya muri uyu mugi wa Kigali, ntiyigeze ahanwa. Ku kabare bitaga Las Vegas naho hari bariyeri yari iyobowe na Faustin nyiri ako kabari. Faustin yahungiye muri Zayire ndetse igihe abo bajyanye batahukaga we ntiyigeze agaruka. Hari ndetse abavuga ko atakiriho. Uyu nawe bariyeri yari yarashyize imbere y’akabari ke, byatumye inteko y’urukiko gacaca imukatira igihano adahari cy’imyaka myakumyabiri[257].

#### 4.8.2.1. Ahiciwe imbaga y’Abatutsi muri Segiteri ya Rugenge

Muri Segiteri ya Rugenge hiciwe Abatutsi benshi bari bahungiye mu bigo by’abihaye Imana biri muri iyo Segiteri. Abahaguye si Abatutsi bari batuye muri iyo Segiteri gusa ahubwo hari n’abandi babaga baturutse ahandi akaba ari na yo mpamvu igihe Jenoside yakorwaga habaye isibaniro ry’abakonseye bayoboraga za Segiteri zari zikikije Segiteri ya Rugenge. Ku kiriziya y’Umuryango Mutagatifu bita “Sainte Famille” ku itariki ya 7 Mata 1994 ni bwo abantu ba mbere bahageze bahunze Interahamwe zari zatangiye kwinjira mu ngo z’Abatutsi. Icyo gihe icyari kigamijwe kwari ukugira ngo bave mu ngo zabo bahurizwe ahantu hamwe bityo

[257] Ubuhamya bwatanzwe n’abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi bari batuye muri selire ya Bwahirimba. Muhima, kuya 12 Gahyantare 2019.

Interahamwe n'abasirikare bafatanyaga kwica bitababagora kurangiza umugambi wo gutsemba Abatutsi[258].

**Ubwicanyi bwakorewe Abatutsi bari bahungiye mu Kigo cyigishaga Indimi "CELA"**

Ikigo cyari gishinzwe kwigisha indimi Abapadiri Bera kitwa CELA cyabereyemo ubwicanyi ndengakamere. Kuva ku itariki ya 7 Mata 1994 ingo z'Abatutsi bari batuye muri Rugenge zaratewe bituma ba nyirazo bahunga. Uwo munsi Interahamwe zateye gerenade mu rugo rwa Gahima Charles rwarimo Gahima Charles, abana be Jean de Dieu, Théophile, Gilbert, Valentine Gahonzire na mushiki we Nyiramazi Josée. Bukeye bwaho kuwa 8 Mata ni bwo bigiriye inama yo kuva mu rugo bagahungira muri CELA. Umuryango wa Gahima Charles uri mu bantu ba mbere bageze mukigo cya CELA. Nyuma hagenda haza n'abandi. Benshi mu bari bahahungiye niababanje guhungira mu macumbi y'Ababikira b'Umuryango w'Abizeramariya, mu rugo rw'Ababibikira bita Abakarikuta no muri JOC. Itariki ya 22 Mata 1994 ubwo ubwicanyi bwahakorerwaga hari impunzi zigera kuri 400.
Kuya 8 Mata abapadiri bera Irené Jacob na Jef Vleugels bakiriye abantu benshi bazaga babagana. Ku itari ya 10 Mata abo ba padiri ni bwo bamenyesheje impunzi ko bagiye kuva i Kigali bakajya i Butare. Kubera kwiheba kw'abari bahahungiye, impungenge zo kuba aho ngaho zariyongereye bitewe n'uko Padiri Munyeshyaka yari yaraje gusaba izo mpunzi ngo zijye muri Kiriziya ndetse no muri « Saint Paul ».

Kuya 12 Mata ni bwo abasirikare b'igihugu cy'Ubufaransa bari baraje guhungisha abanyamahanga bahungishije abo bapadiri babageza i Butare Jenoside yari itaragera kugeza icyo gihe[259]. Mu kugenda basigiye abari babahungiyeho imfunguzo z'inzu babagamo, ibikoresho bakoreshaga mu nzu, ibiryo byo kubatunga bari basabye mu muryango utabara imbabare. Babahaye kandi uburenganzira bwo gukoresha telefone kugira ngo bajye babawira amakuru yabo ndetse y'abavandimwe babo batari bari kumwe aho ngaho. Padiri Jef Vleugels amaze kugera i Butare yahamagaye umwe mu bo yari yasize aho babaga witwa Bitega Joseph amurangira aho akura amafaranga yabafasha kubaho. Muri urwo rugo kandi harimo n'imbunda uwo mupadiri

[258] Ubuhamya bwatanzwe n'Uwarokotse Jenoside muri Hotel des Milles Collines, Gashyantare 2019.
[259] Ubuhamya bwatanzwe n'uwaharokokeye wahavuye mu ijoro ryo kuwa 16 Kamena. Muhima, Gashyantare 2019.

yari yasizemo[260]. Ku itariki ya 15 Mata bamaze iminsi igera kuri itatu bagiye Padiri Munyeshyaka yashatse kuza muri CELA ariko abari bashinzwe kuharinda baramwangira. Icyo gihe yasubiyeyo arakaye kubera ko atabashije kubona imfunguzo z'urugo ba bapadiri bera babagamo. Kuya 18 Mata na none Padiri Munyeshyaka yagarutse muri CELA ari kumwe n'undi muntu binjira mu nzu y'aba bapadiri icyo basanzemo cy'agaciro babwira Bitega ko ari icyabo kugeza no ku modoka abapadiri bari basize aho ngaho. Kuri iyo nshuro bagarutse batse Bitega imfunguzo yari yasigiwe n'abapadiri bahabaga, ni uko baragenda.

Mu ijoro ryo kuya 21 Mata Padiri Munyeshyaka yaje muri CELA avugana na bamwe mu Bahutu bari bahahungiye abasaba kwitandukanya n'Abatutsi, ndetse ababwira ko Interahamwe ejo zizahatera. Mu gitondo nka 7:00, ku munsi ukurikiyeho nta muhutu wari ukirangwa muri CELA[261]. Kuya 22 Mata 1994 saa tatu za mu gitondo, igitero simusiga kigizwe n'Interahamwe zo muri Segiteri ya Rugenge cyane cyane Serire Kabasengerezi na Bwahirimba n'abasirikare baherekejwe na Jean Bizimana wari Burugumesitiri wa Nyarugenge, Konseye Odette Nyirabagenzi na Colonel Renzaho Tharcisse Majoro Munyakazi Laurent, Mukandutiye Angélina cyateye muri CELA gihitana abantu 130[262]. Icyo gitero kiswe 'igitero cy'Umuganda' kuko Interahamwe zibitegetswe na Perefe Renzaho Tharcisse zabanje gutema ibihuru byari aho muri CELA.

Saa tatu zuzuye z'amanywa ni bwo igitero cy'Interahamwe zo muri Rugenge na Muhima zitwaje intwaro gakondo, imbunda, impiri n'imihoro, zambaye amashati ya gisirikare, ingofero z'ibitenge zinjiye mu muryango ugana muri CELA bategeka umugabo witwa Bitega Joseph warindaga muri CELA gufungura urugi. Padiri Munyeshyaka yaje nyuma y'icyo gitero asanga umuganda watangiye maze asanga Perefe Renzaho Tharcisse, Colonel Munyakazi Laurent, Konseye Odetta Nyirabagenzi, na Angélina Mukandutiye, aho bari bahagaze. Interahamwe zimaze gutema ibyo bihuru, Perefe Renzaho yaje kuzibwira ngo zisohore abantu bari mu mazu aho muri CELA maze zibazane hanze. Ibyo bimaze kuba, babwiye abagore n'abagabo kwivangura maze batangira

[260] Padiri Jef Vleugels yari asanzwe azwi mu Rwanda. Urugamba rwo kubohora u Rwanda rutangira mu Kwakira 1990, we na Padiri Guy Theunis banditse inyandiko zinyuranye zigaragaza ko bashyigikiye ubutegetsi bwariho mu Rwanda icyo gihe. Nkuko bigaragara ku rubuga www.cnlg.gov.rw, Padiri Jef Vleugels wari umukuru w'Abapadiri Bera mu karere u Rwanda ruherereyemo, yagiye asohora inyandiko zinyuranye zihakana nkana iyicwa ry'Abatutsi bwakorwaga n'ubutegetsi bwa Habyarimana hirya no hino mu gihugu.
[261] Ubuhamya bwatanzwe n'uwari wihishe muri CELA. Muhima, Mutarama 2019.
[262] African Rights: Father Wenceslas Munyeshyaka: In the Eyes of the Survivors of Sainte Famille, 1999, p.77.

gusuzuma indangamuntu zabo. Ibyo bimaze gukorwa batoranyijemo abagabo n'abasore bagera kuri 40 barimo Nyakwigendera Rwanga Charles n'abahungu be Degroot na Wilson, Majoro Albert[263] wari umunyamakuru kuri Radiyo Rwanda, Mujyiraneza wakoreraga Minisiteri y'Imibereho Myiza y'Abaturage, Gahima Charles wakoraga muri MINIFOP, umuhungu we Gahima Jean de Dieu wakoraga muri RWANDATEL, Sengayire Dieudonne umuhungu wa Ukwishaka Willy, Safari Christophe, Gisara, Gihana n'abandi basore babasohora muri CELA, Interahamwe zibinjiza ku ngufu mu modoka zari zihari, Perefe Renzaho avuga ko hari ibyo bagiye kubazwa.

Imodoka icyo gihe zaberekeje ku cyicaro cya Jandarumori ku Muhima. Agihaguruka aho, Perefe Renzaho yasize abwiye abari bahasigaye ko nta mupunzi ashaka muri CELA, ababwira ko basubira mu ngo zabo cyangwa bakajya mu Kiriziya cy'Umuryango Mutagatifu. Padiri Munyeshyaka nyuma ya saa sita yaje kugaruka muri CELA ari kumwe n'umusirikare wari ufite ipeti rya Liyetona bongera kubwira abari muri CELA ko bagomba kuhava bagasubira mu ngo zabo cyangwa se bagasanga abandi kuri Paruwasi. Bakimara kubyumva gutyo benshi muri bo bahise bajya kuri Paruwasi ndetse no muri JOC batinya ko Padiri Munyeshyaka yakongera akohereza Interahamwe muri CELA. Kwinjira mu Kiriziya kandi ntibyari byoroshye kubera ko Interahamwe zemereraga kwinjira gusa uwabaga yishyuye amafaranga zamusabye. Hashize iminsi ibiri igitero cyo muri CELA gitwaye abantu, ni kuya 24 Mata 1994, igitero cy'Interahamwe zo muri Segiteri ya Rugenge muri Sserire Bwahirimba na Kabasengerezi cyazanye na Colonel Munyakazi Laurent zitera Abatutsi bari barahungiye muri CELA zibasanze muri JOC, abasore bagera kuri 17[264] bashyizwe mu modoka ya Colonel Munyakazi bakajya kwicirwa ahandi.

**Ubwicanyi bwakorewe Abatutsi bari bahungiye mu Kigo cya Centre Pastoral "Saint Paul"**

Kuwa 7 Mata ni bwo Impunzi zatangiye kwinjira muri Saint Paul cyane cyane Abatutsi bari batuye muri Segiteri ya Rugenge. Muri icyo gihe bakomeje kuza ari benshi bakirwa neza na Padiri Léopold Vermersch wayoboraga Saint Paul. Padiri CélestinHakizimana wari waraye muri "Centre Christus" yahageze ku gicamunsi asanga hari abaturage benshi bahahungiye, afatanya na

[263] Majoro Albert yaje kurokoka ubwo bwicanyi ariko Nyuma aza kwitaba Imana akoze Impanuka y'Imdoka.
[264] Ubuhamya bwatanzwe n'uwarokotse ubwicanyi bwabereye muri JOC ahaamaze iminsi ibiri nyuma yokwirukanwa muri CELA. Nyarugenge, Ukuboza 2018.

Padiri Léopold Vermersch kwita kuri izo mpunzi, basaranganya ibiringiti ndetse batangira no kubaha amafunguro[265]. Ku itariki ya 12 Mata 1994 nibwo Padiri Léopold Vermersch wayoboraga Saint Paul n'abapadiri bayoboraga CELA bahungishijwe n'abasirikare b'Abafaransa. Umunsi wambere Interahamwe zitera muri "Centre Saint Paul", Padiri Célestin yahise atabaza Perefe Renzaho Tharcisse amusaba ko yamutabara byihutirwa, maze Perefe Renzaho aho kugira ngo yumve icyo amusabye yamubwiye ko ahishe Inyenzi. Yahise amubwira ko abantu bari muri Saint Paul abohereza muri Sainte Famille cyangwa se mu ngo zabo. Interahamwe zakomeje gushaka kwinjira muri Saint Paul, Padiri Célestin aziha amafaranga ibihumbi mirongo itanu zirayanga, zinjiramo zitwara abantu barindwi barimo umugabo witwa Rukundo wari umunyamakuru akaba yari afite ishuri ryigisha imodoka[266]. Iteka iyo ibitero by'Interahamwe byazaga muri Saint Paul, Padiri Célestin yambaraga ikanzu ya gipadiri, impunzi zikamenya ko Interahamwe zaje zikajya kwihisha. Padiri Célestin yabanye n'abahungiye muri Saint Paul, ara bitangira ku buryo bushoboka bwose kugirango Interahamwe zitabavutsa ubuzima.

Tariki 25 Mata 1994 Abatututsi bagabweho nanone igitero n'abasirikari bari bavuye ku rugamba cyiswe "Wagiye". Abo basilikare basohoye abantu bose babasaba kwerekana indangamuntu zabo mu rwego rwo gutandukanya Abatutsi n'Abahutu bacye bari barahunze uduce twa Gisozi, Gaculiro, Batsinda na Kami Inkotanyi zimaze kuhigarurira. Iyo basangaga uri umututsi bavugaga ngo "Wagiye" bishatse kuvuga ngo na we uricwa. Uwo munsi Musenyeri Hakizimana Célestinyaraje atwara abo basilikare abaha amafaranga barayagaya, maze Abatutsi bongera gukusanya ayandi bayongera kuri ayo babona kugenda.

Ku itariki ya 14 Kamena igitero simusiga cyateye muri Saint Paul. Interahamwe ziturutse muri Rugenge na Muhima ziri kumwe na ba Konseye Kamatamu Euphrasie na Nyirabagenzi Odette, zateye mu Kigo Saint Paul ziza zitwaje urutonde rwa bamwe mu bari bahahungiye. Padiri Célestin yaratakambye ariko bigeze aho ababwira ko nta muntu usohoka muri Saint Paul kubera ko urutonde Interahamwe zitwaje rudasinyweho n'ubatumye abo bantu. Interahamwe zabwiye Padiri ko nareba nabi na we bamwica." Uwo munsi bajyanye Abatutsi basaga ijana biganjemo abasore bajya kubica. Icyo gihe Interahamwe zasubiyeyo ariko zirakaye cyane. Hagana saa saba

[265] Ubuhamya bwatanzwe n'uwari wahungiye muri Centre Pastoral Saint Paul nyuma akaza kujyanwa n'Inkotanyi mu ijoro ryo kuwa 16 Kamena 1994, Nyarugenge, Mutarama 2019.
[266] Africacan Rights, Father Wenceslas Munyeshyaka: In The Eyes of the Survivors of Sainte Famille, 1999, p.55

z'uwo munsi hagarutse cya gitero cyariye karungu gifite rwa rutonde ariko Perefe Renzaho yamaze gushyiraho umukono we. Padiri Célestin abibonye aratakamba cyane Interahamwe zimubwira ko nareba nabi na we bimujyiraho ingaruka. Uwo munsi batwaye Abatutsi bagera 100 biganjemo abagabo n'abasore bajya kubica. Hagati aho Interahamwe zakomeje kuza zigatwara abantu zikajya kubica ndetse hari ubwo Padiri Célestin yazihaga amafaranga zigasubirayo.

Mu ijoro ryo kuwa 16 rishyira uwa 17 Kamena 1994, ingabo za FPR Inkotanyi zarokoye Abatutsi bari bategereje urupfu ziyobowe na Major Kigofero. Muri iryo joro izo ngabo zaje ziherekejwe na bamwe mu bari barahahungiye ariko bakaza guhungishwa na MINUAR muri gahunda y'ihererekanya ry'impunzi z'imbere mu gihugu hagati ya guverinoma n'ingabo za FPR Inkotanyi[267]. Inkotanyi zihageze bibwiye Abatutsi bahahungiye babanza gushidikanya ko ari ingabo za FPR ariko nyuma bamaze kubona Harera abemeza ko ari Inkotanyi maze basubira inyuma kubwira abandi kubyuka bagahungishwa n'Inkotanyi. Ingabo za FPR kandi ubwo zari zimaze kurokora abari muri Saint Paul, zagerageje kurokora abari bihishe muri kiriziya y'Umuryango Mutagatifu, Sainte Famille, ariko ntibyashoboka kubera ubwoba bw'abari bihishemo baketse ko ari Interahamwe zije kubica nk'uko byari bimaze kuba akamenyero. Bukeye bwaho, hari kuwa gatanu, ni bwo Padiri Muneshyaka yaje arakaye cyane yinjira mu Kiriziya y'Umuryango Mutagatifu abwira abarimo ko Inyenzi zaraye zishe Abahutu bari mu kigo Saint Paul, ababwira kandi ko ibyo zakoze baza kubyishyura. Ni bwo ku gica munsi cy'iyo tariki ya 17 Kamena 1994, Interahamwe zateye mu kiriziya zica Abatutsi abarenga ijana[268].

**Ubwicanyi bwakorewe Abatutsi bari bahungiye muri Kiriziya y'Umuryango Mutagatifu Sainte Famille**

Mu gihe Jenoside yarimo ikorwa, Kiriziya y'Umuryango Mutagatifu «Sainte Famille» yabaye isibaniro ry'abayobozi b'Interahamwe n'abasirikare kubera umubare munini w'Abatutsi bari barahahungiye. Ku itariki ya 7 Mata 1994 nibwo abantu bambere bahageze bahunze Interahamwe

[267] Abaherekeje abasirikari ba FPR Inkotanyi aho kuri Sainte Famille na St Paul ni Harera, Musafiri na Ndengeyingoma

[268] Ubuhamya bwatanzwe n'uwarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi wari wihishe mu Kiriziya cya Sainte Famille nyuma akaza kujyanwa muri Hotel des Milles Collines.

zari zatangiye kwinjira mu ngo z'Abatutsi. Bariyeri zari zimaze gushyirwa ahantu hose h'ingenzi hagomba gufasha Interahamwe kugota Abatutsi ngo bagume mu ngo zabo[269].

Impunzi zambere zihageze zakiriwe na Padiri Mwumvaneza Anaclet wari Padiri Mukuru wa Paruwase y'Umuryango Mutagatifu, "Sainte Famille". Ku itariki ya 8 Mata 1994 Interahamwe zo muri Bwahirimba zashatse kwinjira mu kiriziya zishaka kwica Abatutsi maze Padiri Anaclet Mwumvaneza azikoma imbere ariko zisubirayo zikubita agatoki ku kandi. Kuva icyo gihe Interahamwe zitangira gushakisha Padiri Mwumvaneza zishaka kumwikiza. Abibonye atyo, ahungira muri "Saint Paul". Kuva ubwao Padiri Munyeshyaka Wenceslas nibwo yatangiye kugaragara nka padiri uyoboye Paruwasi avuga cyangwa agakora icyo ashaka. Ku itariki ya 15 Mata 1994 nibwo igitero simusiga kinjiye mu kiriziya gihitana abagera ku 120 barimo abagab n'abasore. Interahamwe n'abasirikare binjiye mu kiriziya bafite urutonde batangira guhamagara, bigaragara ko urutonde rwari rwakozwe mbere y'uko ubwicanyi bukorwa.

Mbere y'iyo tariki nko kuya 13 cyangwa 14 Mata, Perefe Renzaho, Konseye Odette Nyirabagenzi, Angélina Mukandutiye, Patrick Havugimana wari umupolisi kuri Segiteri ya Muhima, Interahamwe bitaga Habintwari Pascal alias Shitani yo muri Rugenge, Joseph Simparinka Burugumesitiri Bizimana n'abandi basirikare bahuye kenshi na Padiri[270]. Habintwari Pascal uvugwa hamwe na Padiri Munyeshyaka ni Umurundi wakoraga akazi ko gusiga amarangi. Urukiko Gacaca rw'Umurenge wa Rugenge wamureze ubwicanyi bunyuranye muri Nyarugenge no gusambanya abagore ku gahato kandi ibyaha yarezwe byaramuhamye. Yahanishijwe gufungwa burundu y'umwihariko ariko ubutabera ntibwabashije kumenya aho aherereye ngo ahanirwe ibyaha yakoze[271].

Mbere y'icyo gitero Padiri Munyeshyaka we na Konseye Odetta Nyirabagenzi nibo banonosoye urutonde rw'abagombaga kwicwa. Ikindi kandi n'uko hari ikaye yandikwagamo abari aho bose nayo ikaba yarifashishijwe mu kumenya neza Abatutsi bari batuye muri Segiteri ya Muhima na Rugenge bari bahungiye mu Kiriziya.

---

[269] Ubuhamya bwatanzwe n'Uwarokotse Jenoside muri Hotel des Milles Collines, Gashyantare 2019.

[270] African Right, Father Wenceslas Munyeshyaka: In the Eyes of the Survivors of sainte Famille, 1999, p. 6.

[271] Urukiko Gacaca rw'Umurenge wa Rugenge, Nyarugenge, 2007

Nk'uko umwe mu bategarugori wahigwaga wari kuri urwo rutonde yabitubwiye muri aya magambo: «*Ku itariki ya 15 Mata hagana saa tatu ni bwo igitero cy'Interahamwe kinjiye mu Kiriziya yitiriwe Umuryango Mutagatifu. Benshi muri izo Nterahamwe zari zabambaye amashati ya gisirikare, bafite imbunda, amagerenade n'imihoro. Bari bafite urutonde rwanditseho amazina y'abo bashakaga. Batangira guhamaga umwe umwe, uwo babonye bakamushyira ku murongo. Hakurikiyeho kwerekana indangamuntu zabo, abo basanze ari Abahutu barabihoreye. Abatutsi batangira kubazirikira hamwe bakoresheje amashati bari bambaye babakoresha umurongo umwe. Bongeye kugaruka kunshaka ndabihorera dore ko byari binagoye kubona umuntu kubera ko twari benshi. Nyuma barasohotse ariko basiga babwiye Padiri Munyeshyaka ko agerageza gushyira Abahutu ukwabo n'Abatutsi ukwabo. Ako kanya ntibyatinze, imbunda hanze zitangira kuvuga bica abantu benshi kuri uwo munsi, imirambo yari inyanyagiye mu mbuga ya kiriziya. Barangije kwica bagenda bigamba ko abagore aribo batahiwe*»[272].

Muri iki gitero na none, abasirikari bayobowe na Colonnel Renzaho Tharcisse na Majoro Munyakazi Laurent binjiye mu kiriziya batwara Abatutsi batazwi umubare mu modoka za Komini ya Nyarugenge bajya kubicira mu rugo rwa Iyaremye Stratoni babajugunya mu cyobo cyiswe "CND". Icyo gihe Karemera Ali, Marcellin na Hitayezu Emmanuel bahise bicwa ku ikubitiro kuko bari mu batutsi bashakishwaga cyane muri Segiteri ya Rugenge. Ku muryango imbere ya kiriziya hari bariyeri y'Interahamwe. Interahamwe zari ziyiriho nta we zemereraga kwinjira mu kiriziya atazihaye amafaranga. Imbere mu kiriziya naho Interahamwe zari zirimo ziyoberanyije kugirango zimenye neza aho Abatutsi bihishe. Inzugi za Kiriziya zirirwaga zifunguwe zigafungwa nimugoroba kugirango byorohere Interahamwe kwinjira no gukuramo Abatutsi ngo zibice cyangwa se urujya n'uruza rw'Abahutu babaga bagiye mu mujyi cyangwa se kurema isoko. Ikindi cyatumaga bafunga inzugi nijoro ni ukugira ngo Abatutsi bahoraga bategereje urupfu batabona uburyo bahunga.

Muri Kamena, ubwo abasirikare ba MINUAR batangizaga igikorwa cyo guhererekanya impunzi z'imbere mu gihugu bajyanwa mu bice bifuza ari cyarindwaga n'abasirikare ba Habyarimana cyangwa se aho abasirikare ba FPR bagenzuraga, hishwe abantu batagira ingano biturutse kuri Padiri Munyeshyaka Wenceslas. Padiri Munyeshyaka yasabye abantu bose bari bahungiye muri Kirizizya kwiyandika ku rutonde bakurikije aho bifuza guhungira. Iki gikorwa cyagize ingaruka

[272] Ubuhamya bwatanzwe n'umutegarugori wari washyizwekuri urwo rutonde. Bwahirimba, Gashyantare 2019.

ebyiri: iya mbere n'uko umubare w'Abatutsi bari bahahungiye wahise umenyekana mu buryo budashidikanywaho ku buryo kubavangura n'abandi bari bahahungiye byari byoroshye. Ikindi cya kabiri Padiri Munyeshyaka utigeze wishimira iyo gahunda yo guhererekanya impunzi yahise ashyikiriza Colonel Renzaho Tharcisse n'abandi bayobozi b'Interahamwe[273] urutonde rw'abari bahisemo guhungira mu duce twagenzurwaga na FPR. Uru rutonde nirwo rwifashishijwe mu kujonjora abatusti igihe cyose iyo habaga hagiye kuba ubwicanyi.

Igitero cyari kigamije kwihimura kuko Inkotanyi zari zaraye zitwaye bamwe mu mpunzi zari zahungiye muri Saint Paul cyagabwe ku Batutsi bari barahungiye mu Kiriziya y'Umuryango Mutagatifu kuya 17 Kamena 1994. Padiri Munyeshyaka yabanje kuza mu kiriziya abwira impunzi ko Inkotanyi zaraye zije muri "*Saint Paul*" zica Abahutu zirangije zitwara Abatutsi. Ababwira ko uko byagenda kose bitegura kubyishyura arangije aragenda. Hagana saa ine za mujyitondo, Interahamwe zinjiye muri kiriziya y'Umuryango Mutagatifu ziyobowe na Angéline Mukandutiye arikumwe na Colonel Munyakazi Laurent, Konseye Odetta Nyirabagenzi n'abandi basirikare babanje guhura na Padiri Munyeshyaka nyuma binjira mu Kiririziya bica abagera kuri mirongo irindwi n'abandi birukaga bahunga ubwicanyi bwahaberaga. Imirambo y'abo bantu yari inyanyagiye mu kiriziya ndetse no hanze mu kibuga.

Mbere y'uko Interahamwe zitangira kwica, Colonel Munyakazi na Angéline Mukandutiye binjiye mu kiriziya noneho Mukandutiye yerekeza kuri Aritari bitaga muri CND kubera ko Abatutsi benshi ariho bari bihishe. Mukandutiye yahasanze umutegarugori wari uhihishe witwa Mukamusenyi Thèrese bamenyanye kuva mu 1978. Angéline Mukandutiye yabwiye Thèrese ngo namwereke abasore baraye barasa muri Rugenge mu ijoro ryakeye. Thérèse yamusubije ko atabazi kandi amubaza ukuntu umuntu umaze igihe kirekire atarya yabasha kurasa abantu. Bahise batangira guhamagara amazina yari yanditse ku rutonde bari bafite, batangira gutoranya abagabo n'abasore bajya kubica. Muri abo kandi batwaye abana b'inkumi barimo Umutoni Hyacinthe Rwanga wari waranze kuryamana na Padiri Munyeshyaka bicirwa aho ako kanya, abagore n'abana barira cyane, imiborogo ari yose. Imibiri yabo yamaze iminsi ibiri imbere ya Kiriziya. Nyuma y'ubwo bwicanyi bwabereye mu Kiriziya y'Umuryango Mutagatifu, Padiri Munyeshyaka

[273] Abahisemo kujya mu gice cyari cyarigaruriwe na FPR batashoboye kugenda umunsi wambere barishwe cyane kubera ko hari hamaze kumenyekana amazina yabo. Igihe MINUAR yatwaraga abantu, baheraga kuri A kuburyo A atashoboraga kujyana na U kabone niyo baba ari abavandimwe cyangwa se umwe ari umubyeyi w'undi.

yagarutse mu kiriziya abwira impunzi ko gahunda yo kujyana abantu mu gice bifuza yongeye gusubukurwa[274].



*Urwibutso rwa Jenoside yakorewe abatutsi biciwe muri Kiziya y'umuryango Mutagatifu no mu nkengero zayo (segiteri ya Muhima, Rugenge, Nyarugenge n'abandi bari bahahungiye).*

*Ishusho yafashwe n'umushakashatsi*

Padiri Munyeshyaka yagiye aburizamo kenshi igikorwa MINUAR yabaga yateguye cyo kujyana impunzi aho zahisemo, agamije kwicisha Abatutsi ngo kugira ngo batajya gufasha FPR-Inkotanyi urugamba zarwanaga n'abasirikare b'Inzirabwoba. Amaze kumenya ko abanyamakuru na MINUAR bazasura impunzi zari muri "Sainte Famille", yaje kubwira abasore bamwe bari basigaye bataricwa ngo baze bakure imirambo aho ngaho bayishyire mu igaraje rya "*Economat Général*" abizeza ko igihe MINUAR izagaruka mu gikorwa cyo gutwara abantu ari bo bazagenda mbere.

[274] Ubuhamya bwatanzwe n'uwarokokeye ku Kiriziya cy'Umuryango Mutagatifu, Mutarama 2019.



*Padiri Wenceslas Munyeshyaka yitwaje imbunda yo mu bwoko bwa "Pistolet" yakunze kuburizamo gahunda y'Abasirikari ba MINUAR mu guhererekanya impunzi zifuzaga guhungira mu duce FPR Inkotanyi yagenzuraga.*

*Ishusho yavanywe ku murandasi.*

Igitangaje niuko igihe MINUAR yari yaje gutwara abantu yababujije kujya mu modoka ndetse bamwe muri bo bishwe Kuwa 19 Kamena 1994. Kuri iyo tariki Padiri Munyeshyaka yakiriye Colonel Munyakazi na Angélina Mukandutiye. Nyuma yaho binjiye mu kiriziya batoranyamo abasore 17 n'abandi bari bakuye muri JOC baburiza imodoka ya Colonel Munyakazi bavuga ko hari ibyo bagiye kubabaza. Muri abo, harimo abasore Padiri Munyeshyaka yari yemereye ko MINUAR nigaruka ari bo bazagenda ariko nyuma yaje kubabuza. Umusore witwa Gasongo ni umwe mu babujijwe kurira imodoka za MINUAR washyizwe mu modoka ya Colonel Munyakazi.

**4.8.2.2. Abafashije Abatutsi kurokoka muri Segiteri ya Rugenge**

Bamwe mu bantu babashije guhisha abantu no kubafasha kurokoka muri Segiteri ya Rugenge ni Ngoboka Innocent bitaga Rive, Bahati bitaga mama Kito, Claudine wo mu Bikuri. Aba bafashije abantu benshi kugera mu kigo cy'ivugabutumwa cya Saint Paul na Sainte Famille n'ubwo muri abo bahahungiye abenshi bahaguye. Undi wafashije abantu cyane kurokoka ni Musenyeri Célestin Hakizimana wari Padiri icyo gihe kuri Paruwasi ya Saint Famille, yungirije umupadiri wayoboraga ikigo cya Saint Paul.

### 4.8.3. Segiteri ya Muhima

Jenoside itangira muri Segiteri ya Muhima, hashyizwe bariyeri mu duce dutandukanye twa Muhima. Bariyeri zashyizwe aha hakurikira: kwa Simba Gakondo bahitaga kumuhanda wa demokarasi, yari iyobowe na Dirijerari Munyazikwiye. Bariyeri Kukiraro cyo ku Kinamba yayoborwaga na Kabirigi Elisé wri umukozi wa MININTER mu biro byatangaga impushya zijya mu mahanga (Pasiporo). Uyu Kabirigi yaranzwe n'ubugome ndengakamere kuko mu gihe cya Jenoside yagendanaga imbunda nto ya masotera ndetse akitwaza n'icumu agashimishwa no gusonga ababaga bamaze kwicwa.

Indi bariyeri yari ku muhanda winjira ahubatse ibitaro bya Muhima iyobowe na Gakwerere Martin waje kugwa muri gereza. Bariyeri yo kuri Yamaha ku muhanda ujya ahitwa kwa Kiruhura iyobowe na Rumanura Tharcisse, bariyeri yo kuri Bar Amahoro haruguru gato yo kwa Kabuga. Bariyeri yo kwa Simburudari bitaga CDR yariho uwitwa Sekanyambo Jonathan na Ndakaza Enest, bariyeri yo ku gahanda kinjira mu Itetero kagana mu Cyahafi. Bariyeri yo kuri Poids Lourds yariho uwitwa Nyamuda Appollinaire, bariyeri yo ku gahanda kerekezaga munsi y'ishuri ribanza rya Muhima. Rutaganira na Bajeneza murumuna wa Mugenzi Justin bagenzuraga bariyeri hafi ya zose kuko Bajeneza yari umuyobozi wa serire.

#### 4.8.3.1. Ahiciwe Abatutsi benshi muri Segiteri ya Muhima

Mu gihe cya Jenoside muri Segireti ya Muhima Abatutsi benshi biciwe ku Kinamba kuri *Poids Lourd*. Hiciwe abagore benshi bari batwite ku buryo bw'agashinyaguro. Abari kuri iyo bariyeri bajyaga bajugunya abagore batwite baturutse hejuru kuri icyo kiraro bagasandarira mu muhanda wo hasi. Ahandi ni ku rusengero rw'abadiventiste, mu Kabirizi kwa Munyazikwiye bitaga "Dirijerari" wari umuyobozi mukuru muri MINPLAN, Nyabugogo hafi y'ibagiro ry'amatungo, mu ihuriro ry'umuhanda ujya mu Itetero na Cyahafi, ku irembo ry'inzu ya Kabuga, ku muhanda ujya ku Kinamba hafi ya Yamaha. Ahandi Abatutsi bari batuye hano biciwe ni mu kiriziya ya Sainte Famille, kuri Saint Paul, kuri CELA kuko ari ho bari bagerageje guhungira.

Mu bari ku isonga y'ubwo bwicanyi muri Segiteri ya Muhima ni Mukandutiye Angélina, Nyirabagenzi Odetta na Commandant wa Jandarumori Munyakazi Laurent, Kamatamu

Euphrasie[275], Simba Gakondo, Hussein alias Rongolongo, Rwarakabije Paul, Kabirigi Elisé, Rutaganira, Munyeshyaka Wenceslas, Porokireri Munyensanga, Murenzi Callixte, Habinshuti Léandre, Bisangwa David n'abandi.

Hamwe muhajugunywe Abatutsi mu gihe cya Jenoside ni kuri Poids Lourds, CND Rugenge no wa Munyankindi bahatabuguruye imibiri myinshi. Uyu Munyankindi yari yaragerageje guhisha abantu hanyuma abaturanyi be baza kumurega ku Nterahamwe nyuma ziza kubicira iwe. Abandi Batutsi benshi bari batuye muri Segiteri ya Muhima biciwe aho bari bahungiye muri Kiriziya yitiriwe Umuryango Mutagatifu, muri Saint Paul, muri CELA no mu kigo cy'Ababikira b'Abakarikuta. Ahandi ni kwa Ibambasi, abandi bicirwa kwa Kayumba Demeyo banajugunywa mu cyobo cyari muri urwo rugo. Imibiri y'Abatutsi bishwe muri Segiteri ya Muhima yajugunywe mu Mugezi wa Nyabugogo, Nyabarongo ahitwa mu Ruriba no mu irimbi rya Kabeza i Nyamirambo. Amakuru twahawe na bamwe mu bacitse ku icumu ni uko mu byahoze ari Serire Nyabugogo na Tetero hakiri imibiri ishyinguye mu ngo n'indi itarabashije kuboneka n'ubu igishakishwa ababishe badashaka kuvuga aho bayishyize[276].

#### 4.8.3.2. Iyicarubozo ryakorewe Abatutsi muri Segiteri ya Muhima

Iyica rubozo ryakozwe muri Segiteri ya Muhima mu buryo butandukanye. Interahamwe zafashe abagore batwite zikabacurika umutwe hejuru ku kiraro cya "Poid lourd" maze bakabarekura bagasandarira kuri kaburimbo y'umuhanda unyuze munsi y'icyo kiraro. Gufata abagore ku ngufu barangiza bakabajomba ibiti mu nda ibyara. Izindi ngero n'Abatutsi bajugunyaga mu misarani bagihumeka. Kubica ntibababahwanye bakajya baza kubasonga n'imbwa zikaza kubahunahuna. Muri Serire Kabasengerezi, hari imiryango yatwikiwe mu mazu bumva hanyuma imirambo ijugunywa misarani.

Muri Segiteri ya Muhima hari Abahutu bagerageje gukiza Abatutsi barimo kwicwa. Muri bo twavuga nka Mukashyaka Joséphine wakijije Simburudari Théodore, na we yaramwituye amuha inka. Uwo kandi yakijije uwitwa Rusagara Paul n'umuryango we.

---

[275] Kamatamu Euphrasie n'umugabo we Habyarimana Thomas barafashwe baburanishwa nurukiko rwa mbere rw'iremezo rwa Nyarugenge, bakatirwa igihano cya burundu. Nyuma baje kugwa muri gereza ku mpamvu z'uburwayi.

[276] Ubuhamya bwatanze na Epaprodite Nyiringondo na Benoite Gakwaya, Muhima kuwa 02 Ugushyingo 2018.

Nyirabayovu Teresa bita “Nyakurongorwirijoro” yagize ubutwari bwo guhisha imiryango y’Abatutsi igera ku munani (8).

### 4.8.4. Segiteri ya Biryogo

Inkuru y’urupfu rwa Perezida Habyarimana imaze Kumenyekana, Abayobozi b’ingabo mu Kigo cya gislikare cya Kigali bafatanije n’abayobozi b’inzego z’ibanze ba Segiteri ya Biryogo bategetse ko hashyirwaho bariyeri mu duce dutandukanye. Guhera ubwo, bariyeri zirinzwe n’interahamwe zashyizwe imbere y’ishuri rya Lycée de Kigali, ku muryango wa ruguru, agahanda gatungukaga mu Kizungu hashyizweho bariyeri bitegetswe na Ababona.

Bariyeri yo kwa Rutuku Thomas hagati ya Biryogo na Kiriziya ya Mutagati Stefano Wera, bariyeri yo ku muhanda munsi ya kiriziya ya Mutagatifu Stefano wera ku “Bisima”. Indi bariyeri yari ku muhanda wa Paul VI yatangiraga aberekeza cyangwa bava mu Kizungu. Uturutse mu gahanda ko kwa Nyiranuma aho gasohokera kinjira ku ruhande rwo kwa Mayaka hari harashyizwe bariyeri. Mu marembo y’ivuriro bita kwa «Nyiranuma» yari iyobowe na Mapengu Ramazani. Ku isoko rya Biryogo na ho hari harashyizweho bariyeri. Aho bitaga kwa Kayabo w’umurundi na ho hari bariyeri.

Mu Gatare haruguru y’amashuri naho hashyizwe bariyeri, ku musigiti wa Rwampara harashyirwa indi yagenzurwaga na Kalisiti Karingene n’uwitwa Rwankubito. Haruguru yo kwa Petero Célestin Rwigema[277] hari bariyeri yategekwaga n’umugabo w’umusilamu witwa Yunusu. Kwa Cyabakanga hari harashyizwe bariyeri yariho uwitwa Gatera Haldi, Habimana Abuba, Habyarimana Assumani, Karimunda Djafari n’abandi. Indi bariyeri yari yarashyizwe imbere yo kwa Kitonsa indi ishyirwa imbere yo kwa Mudandi Michel[278]. Kuri Segiteri Biryogo naho hashyizweho bariyeri yarindwaga na Kalisiti Karingene. Wigiye imbere, wageraga kuri bariyeri yayoborwaga n’uwitwa Anatole hiciwe Kabayiza Raymond wakoraga mu icapiro rikuru ry’igihugu (INR). Bariyeri yo kwa Sebarera irindwa na we; yatangiraga Abatutsi guhungira ku i Rebero. Kwa Kanyaruhengeri kuri Mirongo ine hashyizwe bariyeri yarindwaga n’Interahamwe n’abasirikare. Bariyeri yo mu Kinyambo kwa Gatarayiha, bariyeri yo munsi y’umusigiti hafi yo

[277] Uyu yigeze kuba Minisitiri w’Intebe w’u Rwanda ; ubu ni umudepite wa EALA
[278] Uyu yahoze akora kuri Radiyo Rwanda ku buhanga bw’ibyuma.

kwa Isacar yarindwaga n’uwo bitaga “Fresh” abahiciwe bajugunywe mu cyobo bamenagamo amavuta ya moteri, indi bariyeri yari muri Tarinyota[279] hafi y’amagaraje.

#### 4.8.4.1. Abayoboye ubwicanyi muri Segiteri ya Biryogo

Abayoboye ubwicanyi muri Segiteri ya Biryogo harimo Nsengiyumva Pierre wahabwaga amabwiriza na Ugeziwe Uzziel bitaga «Mwarimu», Rubyigiri wari umuserire, Nyirabashyitsi umugore wa Gatarayiha, Ababona wari umukozi wa MINEPRISEC na Séraphine Mukantabana wari ushinzwe amasomo muri Lycée ya Kigali. Rukundakuvuga, Konseye Karekezi Hamri, Karekezi Karori bari bashinzwe kugenzura igice cya Biryogo na Rwampara, Gatare ndetse no muri Kariyeri. Uwitwa Amerika Issa wakoraga ku biro bya Komini ya Nyarugenge na Ngeze Hassan na bo bakoraga igenzura ry’uko ubwicanyi buri gushyirwa mu bikorwa. Bafashwaga kandi n’uwari umunyamabanga wa segiteri Karinkene Kalisiti, Byandagara Théophile n’undi witwa Babuzinturo Djuma wafashaga mu gikorwa cyo guha abaturage imbunda no kumenya aho zikenewe. Abandi bagaragaye cyane n’umugore witwa Uwiragiye Jacquérine, Ndayitabi na Karimunda Djafar. Ababona na madamu we Séraphine, Nyirabashyitsi na Sibomana wari umuporisi wa Komini ya Nyarugenge ni bo bari bashinzwe kumenya uko ubwicanyi bugenda mu Rugunga.

#### 4.8.4.2. Ahiciwe Abatutsi benshi muri Segiteri ya Biryogo

Muri Segiteri ya Biryogo, Abatutsi biciwe ku biro bya Segiteri Biryogo ubu akaba ari icyicaro cy’Akagali ka Rwampara ahajugunywe imibiri irenga ijana. Iyo mibiri yakuwemo ijya gushyingurwa ku Gisozi. Imodoka ni zo zabazanaga zibakuye hirya no hino. Ahandi ni kwa Imakulata hafi gato y’ahahoze ibiro bya Segiteri ya Biryogo na ho hajugunywe imibiri y’Abatutsi[280]. Kwa Claver Gasirabo wakoraga muri Ambasade y’Abanyamerika naho haguye abantu bo mu muryango we bari bavuye hirya no hino bamuhungiyeho. Ahandi haguye abantu benshi ni kwa Mudandi Michel wakoraga kuri Radiyo Rwanda. Mu Ishuri rya CETAI[281] Rugunga hari icyobo cyamenwagamo amavuta ya moteri cyajugunywemo Abatutsi. Mu ishuri ryisumbye rya “*Lycée de Kigali”* naho haguye abakozi, abarezi ndetse n’imiryango yabo.

---

[279] Hashobora kuba hari ibyobo byajugunywemo abantu batigeze bashyingurwa.
[280] Amazina yabo namara kumenyekana neza hakwiye gushyirwa ikimenyetso kigaragaza abahiciwe.
[281] Ishuri ryigishaga gukanika no gutwara imodoka.




*Urwibutso rwa Jenoside yakorewe abatutsi rwiganjemo abari Abarezi, Abakozi n'Abanyeshuri bigaga muri Lycée de Kigali.*

*Ishusho yafashwe n'umushakashatsi*

Ibitero by'Interahamwe biza kubica bishwe batakambira uwitwa Séraphine Mukantabana wari umuyobozi ushinzwe amasomo muri iryo shuri akaba we n'umugabo we Ababona ari bo bahaga Interahamwe amabwiriza.

**4.8.4.3. Iyicarubozo ryakorewe Abatutsi muri Segiteri ya Biryogo**

Urupfu rwa Sebera Antoine[282] wigeze gufungwa mu byitso aregwa kuba yari atunze imbunda. Sebera yavaga iwe aho yari atuye i Gikondo ashaka guhungira mu kigo cy'Umuryango Utabara Imbabare w'Ababirigi cyari mu Rugunga. Interahamwe n'abaturage b'i Gikondo bamubonye baza bamwirukankana banavuza induru nk'abahigi bavumbuye inyamaswa. Icyo gihe yasaga n'uwabasize kuko bamubonye amaze kurenga kuri bariyeri yari hagati ya «*Lycée de Kigali*» na «CSK». Hari n'indi yari imbere y'inzu y'abanyakanada na yo abari bayiriho ntibari bakimubonye. Antoine Sebera akigera ku rugi rw'ikigo cy'umuryango utabara imbabare w'ababirigi, Interahamwe zo hakurya i Gikondo zakomeje kuvuza induru n'izari zirinze bariyeri yo kuri CSK n'iyari imbere y'inzu y'abanyakanada ziza zimwiruka inyuma izindi ziramutangatanga. Akihagera yashatse kurira urupangu umuzamu waho witwaga Galikani amukubita umuhoro Sebera agwa hasi inyuma y'igipangu. Galikani na bagenzi be bari bavuye

---

[282] Ubuhamya twahawe n'umuturagewari utuye mu Rugunga mujyihe habaga ubwicanyi, Nyarugenge Nzeri 2018.

kuri za bariyeri batangira kumutema no kumukubita za mpongano abasaba imbabazi barazimwima maze aba ashizemo umwuka. Galikani Yahise amukuramo mafaranga menshi ni uko ahita acikira iwabo mu cyaro. Izo Nterahamwe kandi zamwishe agashinyaguro kuko zamwambuye imyenda n'inkweto yari yambaye zikamusigira umwambaro w'imbere[283]. Kabayiza Raymond[284] wiciwe kuri bariyeri yo kwa Anatole Nsengiyumva yari umugabo muremure ufite ingoto nini. Interahamwe zirafashe ingoto zirangije zikegeta ijosi umutwe uvaho igihimba gisigara gihirima ukwacyo.

Hitimana murumuna w'uwitwa Issa wishwe acumiswe ibyuma. Bamwica ntiyahise ahwana kuko Interahamwe zakomeje kujya ziza ndetse ziri kumwe n'abana b'abahungu bakiri bato bakomeza kumujomba ibyuma aho bashatse kugeza ashizemo umwuka.

Safari wari umudozi mwene Buhigiro yishwe na we abanje kwamburwa ubusa, atambagizwa Biryogo yose bamuvugiriza induru.

Semadimba wari umushoferi wa Musenyeri Sebununguri na Munana wayoboraga ikigo cy'abaporoso cyitwa CEFORMI i Gikondo bishwe urw'agashinyaguro. Ubwo bari baje kwihisha mu Kiriziya Stefano Wera n'imiryango yabo, Interahamwe zarahabasanze zibajyana ahitwa kwa Belina Urayeneza hafi ya bariyeri yo kwa Rutuku Thomas. Interahamwe zabategetse kwicukurira maze barangije bahambwa babona. Icyo gihe bicwa ubwicanyi bwasaga n'aho bugiye guhagarara kuko Inkotanyi zari zageze hose mu mujyi Interahamwe zatangiye guhunga. Abana umunani bishwe n'Interahamwe ziyobowe na Karimunda Djafar zibahonze ku nkuta z'inzu.

Gilbert wari umwarimu muri Ecole Française, Interahamwe zamwambitse amasashi maze zimusukaho lisansi zimukongezaho umuriro. Yagiye yirukanka agana mu kigo cy'Umuryango Mpuzamahanga Utabara Imbabare ari na ko ataka cyane agera yo yahiye umubiri wose abura ubuvuzi nyamara hari abaganga bavuraga abandi, aza gupfa nyuma y'iminsi itatu.

---

[283] Ubuhamya twahawe na Mukamugema Liberata wari warahungiye ku muryango utabara imbabare w'Ababirigi, Nyarugenge, Nzeri 2018.
[284] Kabayiza Raymond ni umwe mu bamenyekanishije umukino wa basketball mu Rwanda. Yarayikinnye, aba umutoza wayo ndetse ari mu bashinze ikipe ya basket ya Espoir.

Théophile wakoraga muri BCR wari warashakanye na Gatarina na we yishwe urubozo mu Gatare hafi y'ahubatswe ivuriro. Interahamwe zabanje kumuha imigozi ngo yambare Karuvati kuko yakundaga kurimba. Birangiye bamufashe akanwa bamusukira inkari zabo babaga bashyize mu bidomoro. Bamaze kumushinyagurira bamwicisha amabuye.

**4.8.5. Segiteri ya Nyamirambo**

Inkuru y'urupfu rwa Perezida Habyarimana ikimara kumenyekana muri segiteri ya Nyamirambo interahamwe zahise zihutira gushyiraho bariyeri mu duce dutandukanye. Bariyeri zashyizwe aha hakurikira: bariyeri yo kwa François Karera aho yari atuye ku Kivugiza yayoborwaga n'abapolisi batatu mu barindaga François Karera. Iyi bariyeri yari iriho n'abaturage batuye hafi aho kandi niyo yari ikuriye izindi[285]. Abayoboraga andi mabariyeri niho bazaga gutanga raporo yerekeye ibimaze gukorwa ni ukuvuga abamaze kwicwa n'abasigaye bagishakishwa. Aha ni ho abayoboraga ubwicanyi muri Kivugiza na Gatare bakuraga amasasu yakoreshwaga n'andi mabariyeri. Niho kandi hakorerwaga amalisiti y'Abatutsi batuye ku Kivugiza. Hicirwaga Abatutsi bavugwaga ko bakoranaga n'Inkotanyi.

Iyi bariyeri yaguyeho Mariyana umugore wa Rukemampunzi, Murekezi Joseph umugabo wa Mukagasana Yolanda n'abana be n'abandi barashwe n'umupolisi wari waravuye i Butamwa arinda François Karera. Abo bantu bakimara kwicwa imodoka yatundaga imirambo yaraje ibajyana mu cyobo cyo ku irimbi rya Kabeza aho bajugunyaga imirambo.

Bariyeri yari iri imbere y'akabari ka Kahabaye Joseph ahiwe uwitwa Purisi n'abakobwa ba Kagirigiri bamaze kubafata ku ngufu. Bariyeri yo kwa Baziruwiha Gaspard mu ikorosi rya Rwarutabura mu ihuriro ry'imihanda uva Kivugiza n'undi uturuka mu Rwampara. Yari iyobowe na Gaspard Baziruwiha afatanyije na Ntizisigwa Andereya alias Gicumba. Abo bagabo babaga bafite imbunda bagafashwa n'abaturage bari batuye aho ngaho. Interahamwe zo hakurya mu Rugarama na Rwampara na zo zazaga kubafasha.

Bariyeri yo ku Ryanyuma hafi yo kwa Jacquéline[286] yari iyobowe n'Interahamwe, Impuzamugambi ndetse n'abo bitaga inkuba. Abaturage babaga batuye mu mazu ya "Caisse Hypothécaire" nabo babaga bayiriho. Yari munsi ya Mont Kigali, hejuru hari abasirikare ba

---

[285] Ababaga badafite imbunda iyo bavumburaga abantu bajyaga kubwira aba bapolisi bakaza kubafasha.
[286] Yari afite akabare aho bita ku Ryanyuma. Na we yaje kwicwa n'abana be muri Jenoside.

"*Bataillon*" ya "*Camp Huye*". Bafatanyaga n'izo nterahamwe, impuzamugambi n'inkuba gusohora abantu babaga bahunze mu modoka babaga barimo. Iyi bariyeri yiciweho Abatutsi benshi ndetse bahamburiye imodoka nyinshi zibohozwa n'abo basirikare n'abo bandi babaga bari kuri iyo bariyeri.

Bariyeri yo kwa Rwabukwisi hagati ya Kivugiza na Gatare yari iyobowe na Gakuba Anastase, Ndahimana Isaac na Rukabukira Michel ari nawe wabakuye mu rugo ababwira ngo nabo bajye bajya ku irondo. Iyo bariyeri yiciweho uwitwa Nsanzabaganwa Aimable na Mworozi Antoine bishwe na Rukabukira Michel. Bariyeri yo kwa Kayigi yayoborwaga na Vianney afatanyije na Gahuru, Karasira n'abandi. Iyi yiciweho umugabo witwaga Kayigi n'umuhungu witwaga Igenukwayo, Kayigi yari abereye se wabo[287]. Uyu Igenukwayo yarashwe n'umuhungu wa Muberuka. Yiciweho kandi uwitwa Gatera arashwe ariko ntiyahwana nyuma baza kuhamukura agiye kwivuza ku mugabo wari Kapiteni mu Nzirabwoba, atangiye koroherwa Interahamwe ziramushimuta zijya kumwicira kuri bariyeri yo ku irimbi.

Bariyeri yo kwa Jumapili yari yobowe na Jumapili, Saidi, Gisongo, Muhire, Gikongoro, Tharcisse, Sanane n'abandi. Iyi yaguyeho uwitwa Musonera. Izi nterahamwe nizo zagiye kwica kwa Manirimbere bahica Iyakarongi Stefano, Kajabo Jean, Mugabo Feresiyani, Minega Marcelin, Manirimbere Jean Nepo, Rwakagabo Théoneste, Mugabo Ernest n'abana babo, Rubayiza Eric, Rurangirwa Eric, Ngambage na Manishimwe mwene Stefano, Tuyisenge na Kayiranga bene Kajabo Jean. Uyu wari umuryango umwe Interahamwe zaje kubwira ngo ujye hamwe wirindire umutekano. Icyo bashakaga kwari ukugira ngo babashyire hamwe babice bitabaruhije. Aba bantu baza kwicwa haje Interahamwe zari kuri bariyeri yo kwa Rwabukwisi, abo kuri bariyeri yo kwa Jumapili, abo ku irimbi ndetse n'izindi zaturutse ku Kivugiza. Izo nterahamwe zihageze zabanje kugota urwo rugo, zikuramo abagore n'abana bato zisigarana abagabo n'abasore aho mu muhanda. Bamaze kubicaza hasi, babateyemo gerenade maze babahukamo n'imihoro barabatema ntawabashije kurokoka. Abagore basize bababwiye ko bazabasasira Habyarimana ku itariki ya 4 Nyakanga.

Bariyeri yo ku irimbi rya Kabeza yagenzuraga izindi bariyeri zo muri serire Gatare yose. Yaguyeho umuryango wa Nyakana urimo Sempabwa, Joséphine, umuryango wa

[287] Uyu Igenukwayo n'umuhungu wa Niyomubisha Sylvestre uva indimwe na Kayigi.

Rugombamushali, abo kwa Nyirinkindi, Musafiri, umuryango wa Primiyani, Mukarusanganwa wo kwa Rudobori n'abana be avuye Kimisange, Ndejeje n'abahungu be babiri n'umushumba we n'abandi. Kuri iyi bariyeri kandi hiciwe umugabo wari waje mu mirambo yazanwaga n'ibikamyo baje kuyijugunya mu irimbi. Uyu mugabo bari bamutemye ahantu hose ariko atarahwana, ikamyo yari imaze gupakurura imirambo imaze kugenda, wa muntu aza guhembuka ava mu mirambo. Ni bwo yatangiye gushakisha inzira agira ngo ave mu irimbi ahita yitura muri ya bariyeri ni uko za nterahamwe zihita zimwica. Iyi bariyeri kandi yazanyweho umugabo witwa Musonera bamukuye aho yari yihishe, umuyobozi w'iyi bariyeri bavugaga ko adahari yagiye mu nama. Ni bwo Musonera yoherejwe kuri bariyeri yo kwa Jumapili aba ari na ho yicirwa[288].

#### 4.8.5.1. Abagize uruhare mu koreka imbaga y'Abatutsi muri Segiteri ya Nyamirambo

Abajandarume bo kuri Burigade ya Nyamirambo barimo Adjudant Nzapfakumunsi, umugabo wari uzwi ku izina rya "*Mutzing*" n'abandi bajandarume, abasirikare bari muri Mont Kigali babarizwaga muri Bataillon Huye, abasirikare bari muri Koleji yitiriwe Mutagatifu Andereya baturutse mu kigo cya Gisilikare cya Kanombe, abajandarume barindaga Karamira na mwene nyina Simpunga Edouard, bitwaga Iranga na Murokore, hamwe n'Interahamwe zo muri gace ka Nyamirambo ni bo bagize uruhare rukomeye mu bwicanyi bwahabereye kuri Paruwasi ya Mutagatifu Karoli Lwanga. Muri izo nterahamwe twavuga nka Habyarimana alias Kigingi bitaga Général, Aloyizi Gombaniro wakoraga muri Kigali Night, Andereya Ntizisigwa wari umukozi wa MINITRAPE, Honoré Rutarindwa, Léonard Kagabo, Kihebe, Saidi Hategekimana, Michel Rukabukira, Kibuye, Kariyariya alias Serija, Rucokori, Gasongo, Jean Berchimas Imanibishaka alias Sukari, Kajaganya, Simba, Mambo, Bitemeri, Sofino Sukuti, Muhabura Cekeri, Kaguta, Muzerefu, Fidele Uwamahoro, Twayibu, Selija Alphonse, Sabiti, Macisho, Mavange, Macuho, Zembe, Kenedi, Ninja, Byumba, Mukiga, Buyoya, Gikatu, Yangu, Tuya, Pekosi, Bonheur, Muvara, Mapengu, 1$^{er}$ Sergent Jerome, Jean Pierre Nshimiyimana, Dusabe, Kirenge, Nyiramana, Karimu, Mugesera, Waswa, Bariyanga, Jean Baptiste Nyabyenda[289]. Abayobozi b'Interahamwe n'abajandarumori bafashe icyemezo cyo guharira izi nterahamwe Burigade ya Nyamirambo bamaze kugira ngo bizazorohere gukora neza ubwicanyi. Aha kandi ni ho bafatiraga ibikoresho

---

[288] Ubuhamya bwatanzwe na Rugundana Vedaste, kuwa 20 Nzeri 2018. 6 Mutarama 2019.

[289] Jean Baptiste Nyabyenda we ubwe yemera ko yoherejwe kwica Abatutsi akiva mu myitozo i Gabiro. We na bagenzi be boherejwe i Bugesera kwica Abatutsi b'i Nyamata, Mareba, Ruhuha muri Ngenda, Mayange na Mbyo bagira ngo barebe niba imyitozo bahawe yarabaye ingirakamaro.

bijyanye na lisensi bashyiraga mumodoka, aho babikaga imihoro, amagerenade n'izindi ntwaro zifashishijwe mu kwica. Aho kandi ni ho bahererwaga gahunda y'umunsi bagaba ibitero hirya no hino[290].

**Josephine Mukaruhungo**

Uyu Josphine Mukaruhungo yari asanzwe ari umuforomokazi ku bitaro bya CHUK. Haba aho yari atuye ku Kivugiza cyangwa se ku kazi aho yakoreraga yaziraga uwitwa Umututsi. Charlotte Kananga na Agnes batuye ku Kivugiza bemeza ko muri Jenoside babonye Joséphine Mukaruhungo yitwaje ubuhiri ashoreye abantu yari amaze gusohora iwe bari baje kuhihisha. Uyu mugore yishe abana b'umugabo witwa Kamatari na Edithe wari umwarimu akoresheje ubuhiri. Josephine Mukaruhungo yashinjwe ibyaha bya Jenoside, akatirwa n'Inkiko Gacaca rwa Kivugiza adahari igifungo cy'imyaka 30[291].

**Madeleine Senguri**

Madeleine Senguri yagize uruhare mu iyicwa ry'Abatutsi batagira ingano bari batuye ku Kivugiza. Yafatanyaga n'abahungu be batatu b'Interahamwe ari bo Eric Senguri, Egide Senguri na murumuna wabo. Kuya 8 Mata 1994 yayoboye abasirikare barindaga Habyarimana mu rugo rw'Umututsi witwaga Stanislas Rwabuhindi baramwica we n'abantu barindwi bari bagize umuryango we. Mu buhamya twahawe na Bernadette Nyiramatabaro wigeze kwihisha kwa Senguri muri Jenoside yatubwiye ko yiboneye Madeleine Senguri atashye avuye kwica yambaye gerenade kandi yitwaje umuhoro. Madeleine Senguri akimenya ko Nyiramatabaro yihishe mu rugo rwabo yahise amwirukana. Na none Madeleine Senguri afatanyije na Léonidas Ntahontuye alias Micombero bishe umudamu witwa Odette wari warashakanye na Léopold Sebukayire[292]. Yicishije kandi umuryango wa Mushimire, uwa Nyirumuringa ndetse n'uw'umusaza wahoze ukora muri MINITRAPE witwaga Gasamagera wari warahunze ubwicanyi bwabereye mu Nzove muri 1992.

**Spéciose Mujawayezu**

[290] Ubuhamya bwatanzwe na Jean Baptiste Nyabyenda wari Interahamwe ikomeye wemeye icyaha akaba afungiye muri Gereza ya Mpanga azira ibyaha yakoze muri Jenoside yakorewe Abatutsi 1994. Ubuhamya bwatanzwe na nyirubwite, Mpanga, kuwa 18 Ugushyingo 2018.

[291] Ubuhamya bwatanzwe na Rugundana Vedaste, kuwa 20 Nzeri 2018.

[292] Idem

Spéciose Mujawayezu yari umwanditsi w'Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Nyamirambo akaba n'Interahamwe ikomeye mu ishyaka MRND. Yayoboye igitero cy'Interahamwe zishe umutegarugori witwa Julienne Mukanyarwaya, umwana we w'umuhungu witwaga Gilbert, na musaza we witwaga Bosco wari umunyeshuri muri Kaminuza y'u Rwanda. Interahamwe zimaze kubica, Spéciose Mujawayezu ni we wafashe iya mbere mu gutwara ibintu by'agaciro byari mu rugo rwa Julienne Mukanyarwaya abijyana mu rugo iwe. Uyu Spéciose Mujawayezu, yari mu gitero cyishe Abatutsi bari bahungiye mu musigiti bita uwa Kadhafi i Nyamirambo. We n'Interahamwe bari kumwe bakuye Abatutsi bari bihishe muri uwo musigiti babazana ku Kivugiza babafungira mu nzu babatwikiyemo bakoresheje gerenade. Nta n'umwe warokotse ubwo bwicanyi mu bashyizwe muri iyo nzu. Spéciose Mujawayezu yakomeje ku gukora mu nkiko z'u Rwanda ariko yafashwe kenshi kugira ngo ahanirwe ibyo yakoze ariko bamwe mu bayobozi bakamukingira ikibaba.

Igihe Bucyana Martini Perezida wa CDR yicwaga, Abatutsi bari batuye i Gikondo na Gatenga bahunze ubwicanyi bwari burimo gukorerwa Abatutsi. Hari abagabo batatu baje gucumbika mu mazu ya Spéciose Mujawayezu abijeje umutekano. Inama yabereye kwa Frodouard wari umukuru w'Interahamwe yitabirwa na Spéciose Mujawayezu n'abasirikare batatu. Muri iyo nama Spéciose Mujawayezu yagambaniye abo bagabo inama irangira ba basirikare bajya kwa Spéciose kwica ba bagabo bari bacumbitse iwe. Spéciose yarahunze ntiyigeze atahuka.

### 4.8.5.2. Ahaguye imbaga y'Abatutsi benshi muri Segiteri ya Nyamirambo

Ubwicanyi bwabereye i Nyamirambo ntibwakozwe n'Interahamwe zari muri Segiteri ya Nyamirambo gusa. Kugira ngo bugere ku rugero bwagezeho hitabajwe Interahamwe, impuzamugambi n'abandi bicanyi baturutse muri Segiteri ya Nyakabanda, Biryogo na Gitega.
Ubwicanyi bukomeye bwahitanye benshi mu Rugarama, Gatare, Akanyirazaninka no mu Kivugiza bwakozwe n'Interahamwe n'abaturage bashyigikiwe n'abapolisi batatuaribo Safari, Thomas na Kalimba baje baturutse kuri Komini ya Butamwa aho bakoreraga bazanywe na Perefe Karera François babaga iwe ku Kivugiza.

Imibiri y'Abatutsi yagiye ikurwa ahantu henshi kandi hatandukanye ku mpamvu ebyiri: Abatutsi bahungaga ibitero byababaga bije bibasanga mu ngo zabo akenshi bicwaga bahunga. Hari abandi

biciwe aho babaga bahungiye nko mu nsengero cyangwa mu bigo by'abihaye Imana iyo babonaga ibitero simusiga bije.

**Ubwicanyi bwakorewe Abatutsi bahungiye kuri Paruwase yitiriwe Mutagatifu Karoli Lwanga na Koleji yitiriwe Mutagatifu Andereya**

Ku itariki ya 8 Mata 1994 nibwo Interahamwe n'abasirikare barindaga Perezida Habyarimana Juvénal bishe Abatutsi barenga 100 bari bahungiye kuri Paruwasi Gatolika yitiriwe Mutagatifu Karoli Lwanga, Kolegi yitiriwe Mutagatifu Andereya[293] no mu Kigo cy'Abafureri b'Abayozefiti i Nyamirambo. Bakimara kubica, nubundi kubera guhigwa mu ngo n'ahandi bari bihishe, abatutsi bakomeje guhungira kuri Paruwasi bizera ko bazaharindirwa. Ntibyabujije interahamwe gukomeza kubica urusorongo kuko zazaga gutwara buri munsi Abatutsi zikajya kubica.

Abahungiye kuri Paruwasi yitiriwe mutagatifu Lwanga bongeye kugabwaho igitero cya 2 ku itariki ya 4 Kamena 1994. Interahamwe Gérard Mahirane ari kumwe na Serongo na Seromba bamurindaga bahuye n'imodoka ya Daihatsu hafi y'umuhanda uzamuka ku Kabusunzu ahitwa kuri "*Café de Nyakabanda*" irimo impunzi zari zivuye ku Kiriziya cya Mutagatifu Karoli Lwanga i Nyamirambo aho zari zahungiye. Abo bantu bari bahungishijwe na Majoro Munyandekwe abohereje ku Kabusunzu ku kigo cy'amashuri abanza. Akibona iyo modoka yari ipakiye abantu yahise ayihagarika asanga itwawe n'umushoferi w'umumetisi irimo n'abantu benshi, abagore, abana n'abantu bakuze; nta mugabo warimo, ni abari basigaye kuri Paruwasi i Nyamirambo.

[293] Nyuma ya tari ya 8 Mata 1994, abatutsi bari bahahungiye muri Koleji yitiriwe Mutagatifu Andereya bamaze kwicwa, ntabandi bongeye kuhahungira kuko aba jandarume bahise baza gucumbika muri iryo shuri.



*Kiriziya yitiriwe Mutagatifu Karoli Lwanga ahiciwe imbaga y'Abatutsi bari bayihungiyemo*




*Urwibutso*

Umushoferi bamubajije aho akuye abo bantu maze ababwira ko abavanye ku kiriziya i Nyamirambo akaba abahawe na Majoro Munyandekwe umubwiye ngo abageze ku mashuri abanza ya Kabusunzu. Bidatinze Interahamwe zari zitwaye moto ziza gusanga bagihagaze aho; harimo Interahamwe yitwaga Padiri yitegereje abari mu modoka maze bategeka umushoferi kubasubiza aho abakuye hanyuma Mahirane wari mu modoka ye na Padiri wagenderaga kuri moto bashorera iyo modoka bayisubiza i Nyamirambo ku Kiriziya. Icyo gihe bari barimo kwitotomba bavuga ngo barashaka guhangana n'umusirikare ushaka guhungisha inyenzi.

Imodoka ikihagera yahagaze kuri bariyeri yari iri mu ihuriro ry'umuhanda uva ku Mumena, uva ku isoko rya Nyamirambo n'umuhanda munini uva kuri Stade i Nyamirambo. Akigera kuri iyo bariyeri yari iyobowe n'Interahamwe yitwa Kigingi[294] yamubajje impamvu iyo modoka igarutse; Interahamwe zari zayigaruye zirimo Gérard Mahirane avuga ko abo bantu ari inyenzi. Yabwiye Majoro Munyandekwe ko ari icyitso cy'Inkotanyi kandi ko atunze umugore w'umututsikazi. Yahise akuramo pistolet maze arasa wa mushoferi, arangije afungura umuryango amujugunya hasi imodoka ayiha Interahamwe yitwa Bosco ngo imukurikire. Bafashe umuhanda w'inyuma ya

[294] Uyu Habyarimana alias Kigingi yari yarihaye ipeti rya Koloneli.

"Cosmos" bamanuka berekeza munsi ya Rafiki hafi kuri "*Union Bar*", babicira aho ngaho babajugunya mu cyobo kiri hafi y'urugo rw'uwitwa Marigarita Nyirangirabampatse.

Abandi Batutsi biciwe kuri Bariyeri bakajugunywa mu byobo, ahamenyekanye ni aha hakurikira:

- Muri Serire Kivugiza ku cyobo cyo kwa Baziruwiha, kuri bariyeri yo kwa François Karera hafi yo kwa Hitimana Noel wari umunyamakuru wa Kangura ;
- Kuri Home y'abasaveri i Nyamirambo, ku Kivugiza mu rugo kwa Maharangari Agustini no kwa Kabuguza,
- Muri Serire Mumena mu ishuri ryisumbuye rya Mutagatifu Andereya no ku Kiriziya Gatorika cya Mutagatifu Karoli Lwanga,
- Muri Serire Gatare ku cyobo cy'umugabo witwa Louis wakoraga muri MINITRAPE wubakaga aho ngaho. N'icyobo cyari cyargenewe kujyamo imyanda ivuye mu musarani. Cyashyizwemo abagore n'abana bose hamwe bagera kuri 80.
- Mu cyobo cyo kwa Nteziryayo, cyajunywemo Mutega n'abana be, nyina wa Sakindi, umuryango wa Pascal n'abandi bose bageraga kuri 30.
- Icyobo cyo kwa Pascal cyaguyemo abantu bagera kuri 20 bashyizwemo n'Interahamwe yitwa Etienne bita Marineti.
- Mu cyobo cyo kwa Gaspard Baziruwiha mu ikorosi ujya Rwarutabura. Cyashyizwemo Abatutsi benshi babaga bakuye muri «Compagnie Batisseur», muri Serire Akanyirazaninka n'ahandi. Imodoka zabaga zambuwe ba nyirazo bamaze kubica, izo nizo zazanaga imirambo yabaga ivuye hirya no hino muri Nyamirambo.
- Michel Rukabukira wari inshuti magara ya François Karera, akoresheje imodoka ye yatundaga imibiri y'Abatutsi agiye kuyijugunya mu irimbi ku Kabeza.
- Icyobo cyo kwa Damiyani;

**Abatutsi biciwe ku Kivugiza**

Ku kabare ka Déo Bayingana kakundaga kunyweramo abakunzi b'Inkotanyi, umwe mu bapolisi bari baravuye i Butamwa barindaga urugo rwa François Karera yitwaje imbunda ahageze ahasanga uwitwa Adolphe uva inda imwe na Disi ahita amurasa arapfa. Uwo bari kumwe na we ashatse guhunga na we ahita amurasa. Ntibyahagarariye aho kuko uwo mupolisi yakomeje muri

iryo joro anyura kwa Rukemampunzi yica umugore we Mariyana. Bukeye mu gitondo, imbere yo kwa Karera hafi yo ku munyamakuru witwa Noheli Hitimana wa RTLM hahise hashyirwa bariyeri irindwa n'abo bapolisi barindaga François Karera n'abajandarume babaga ahitwa mu Rugarama, ahitwa mu i Rasaniro.

kuwa 08 Mata 1994 mu gitondo, François Karera aherekejwe n'abapolisi hamwe n'abajandarume bo mu Rugarama bakoresheje inama n'abaturage bo ku Kivugiza mu muhanda imbere y'iyo bariyeri. Muri iyo nama François Karera yahamagariye Abahutu kwitandukanya n'Abatutsi ngo ntaho bahuriye. Yaravuze ati *"baturage bahutu mutuye Kivugiza mube maso, mu baturanyi banyu harimo ibyitso by'Inkotanyi"* […] *"dore bishe Perezida wanyu, none nimwe mugiye gukurikiraho, kandi biroroshye kuko bakoze amalisiti y'abo babona babangamira ibikorwa bya FPR. Ubwo rero nimwitabare aho gutegereza kwicwa, nimwikize umwanzi, mubice mbere y'uko babica"* […][295]. Intwaro twazitanze, kandi inkunga yose mukeneye abapolisi, abasirikare n'Interahamwe zatojwe barahari ngo babafashe. Nta we mugomba kugirira impuhwe kuko na bo nta zo bazabagirira. Iyo nama yararangiye abaturage batinya gusubira mu ngo zabo kuko Karera ayari amaze kubabwira ko mu baturage harimo abahishe Inkotanyi mu ngo zabo[296].

Nyuma y'iyo nama abaturage barakangaranye batinya gusubira mu ngo zabo ahubwo benshi bigumira ku mabariyeri ngo inyenzi zizahabasange. Bucyeye mu gitondo ku itariki ya 11 Mata 1994 hakurikiyeho guhiga imiryango y'Abatutsi yari yarohereje abana babo babo mu Nkotanyi. Urutonde rw'iyo miryango rwaje ruherekejwe n'abasirikare bari mu mutwe warindaga Perezida Habyarimana baherekejwe n'Interahamwe yitwa Rubabura. Bakihagera, mu nterahamwe zari kuri bariyeri harimo bake bazi iyo miryango, uwitwa Gilbert Nkandamurego wagendanaga icumu muri icyo gihe ni we wayoboye abo basirikare mu ngo z'abari kuri urwo rutonde. Urwo rutonde rwariho imiryango ya Claver, Gahitsi, Agustini Maharangari, Munyanziza, Népo wakoraga muri Ambassade y'Abanyamerika, Nkurikiyinka Canisius, Mudenge n'abandi.

Kuri iyo tariki ni bwo kwa Rudevure havanywe Abatutsi benshi bari bihishe mu kiraro cyororerwagamo inkoko. Interahamwe zarabafashe ziberekeza Rwarutabura aho bishwe batemaguwe bajugunywa mu cyobo cyo kwa Gaspard Baziruwiha. Muri iyo nzira ya

---

[295] Ubuhamya bwatanzwe na Rugundana Vedaste, kuwa 20 Nzeri 2018.
[296] Idem

Rwarutabura hiciwe abo bari bakuye kwa Murekezi na Innocent Karere alias Gangi wavumbuwe aho yari yihishe.

**Igitero cyishe Kazungu**

Aho kwa Rudevure na none ni ho uwitwa Kazungu wari utuye ku Kivugiza akaba yari umushoferi wa Ambasade ya Amerika yari yahungiye n'umugore n'abana babiri. Muri icyo gitero, Kazungu yararusimbutse ariko umugore we n'abana be babiri baricwa. Umugore witwa Grace yaje kumuhisha mu gisanduku cyari aho yacururizaga amakara. Interahamwe n'abasirikare bari baramuhize baramubuze. Umunsi umwe umwana wari umaze kugura amakara aza kurabukwa Kazungu muri cya gisanduku. Atangira kuvuga cyane ngo abonye umuntu wihishe. Abandi bari baje guhaha na bo babwira Grace ngo afungure igisanduku barebe. Bamaze kumubona bavugije induru maze hahita haza abapolisi bo kwa Karera barimo uwitwa Habimana. Kari ku itariki ya 24 Mata 1994. Kazungu yahise asohokamo afata Habimana wari ufite imbunda arayimwaka maze atangira kubarasa. Yahise atera muri ba bantu gerenade maze ariruka ashaka guhunga. Aho yari yihishe ntibyari gukunda ko asohokamo habona.

Habimana wari wambuwe imbunda ajya gutabaza abasirikare bari muri "Mont Kigali" ni bo bivuganye Kazungu nyuma yo kurasana nawe umwanya muremure hafi yaho Déo Bayingana yari afite akabari. Bakimara kumwica baraje bahita bica Grace wari waramuhishe. Interahamwe zo mu Gatare ni za Rwarutabura kwa Gaspard, izari kuri bariyeri yo kwa Karera zari zaje gufasha abo basirikare. Kuri uwo munsi ni na bwo igitero cyari kiyobowe na Ngendabanga afatanyije na Rukabukira Michel wari muri MDR-Power cyaje gishaka umunyamakuru witwaga Kamanayo Théotime nticyamubona maze kijya gushakisha umugabo witwaga Alex wakoraga muri TELECOM nawe kiramubura. Rukabukira Michel na bagenzi be bahise bajya kwa Ntaganzwa Juvénal zimuvana aho yari yihishe n'abandi bantu babiri zibereka Sylvestre Bahinze wari Resiponsabure wa Kivugiza, bicirwa ku cyobo cyo kwa Baziruwiha Gaspard.

**Ubwicanyi bwakorewe Abatutsi muri Serire Gatare**

Serire ya Gatare izwi nk'ahantu hajugunywe imibiri myinshi y'Abatutsi babaga biciwe hirya no hino mu nsisiro z'umujyi cyane cyane I Nyamirambo, Gitega na Nyakabanda. Yajugunywaga mu mu irimbi rya Kabeza aho katerepirali zari zaracukuye ibyobo.

Ku tariki ya 7 Mata 1994 nibwo abasirikare bo mu mutwe warindaga Perezida Habyarimana bateye ku Kivugiza no mu Gatare. Bageze mu Gatare bishe uwitwa Gatete ariko basiga atarahwana. Ubwo Kivugiza ho bari babiyogoje. Kuva kuri iyo tariki, abaturage bo mu Gatare na Kivugiza bahungiye kuri Komini ya Butamwa. Umwe mu barokotse wari wahungiye i Butamwa yaduhaye ubuhamya bukurikira: "*Tumaze kubona ko twatewe, twafashe inzira ya Butamwa turi Abahutu n'Abatutsi. Nta muhutu wasigaye mu rugo. Usibye Interahamwe zari zizi ibyo zirimo. Muri uko guhunga twajyanye n'abantu benshi bari baturutse ku Kivugiza barimo nyakwigendera Kahabaye Joseph na Kabuguza wakoraga muri Banki ya Kigali n'imiryango yacu. Aho i Butamwa twahamaze iminsi ibiri uwa gatatu turataha. Kwivangura byari bitaraba twasaga n'abasangiye gupfa no gukira*". Sakindi w'imyaka 60 yemeza ko igihe bahungiraga i Butamwa Abahutu n'Abatutsi bari bagifite ubumwe, byahindutse bahindukiye.

**"***Tuvuye mu buhungiro i Butamwa ni bwo inama zatangiye. Interahamwe zitangira kwihererana Abahutu zibasobanurira ko bahunze kandi bitabareba. Nibwo batangiye kubabwira ngo mwitandukanye na bariya mwe nta kibazo mufite. Ni bwo Interahamwe zatangiye guha bamwe muri abo imipanga n'izindi ntwaro twisanga n'Abahutu twari twajyanye i Butamwa bafashe intwaro. Nguko uko twisanze twenyine, dutangira ubwo kwihisha. Bariyeri na zo ni bwo zahise zishyirwaho hano mu Gatare"*[297].

Kuri 28 Mata 19994, nyuma y'icyumweru hishwe abagabo, nibwo za Nterahamwe zagarutse kwica abagore n'abana. Baza kwica bwa mbere bavuze ko batica abagore n'abana. Ni ko byagenze kuko nyuma baje kugaruka kwica abagore n'abana. Igitero cyishe abagabo ni cyo cyagarutse kwica abagore. Abo ku Kivugiza ntibaje uko banganaga icyo gihe. Interahamwe zabanje kuza gusaba amafaranga. Haje ibitero bitatu; icyavuye kuri bariyeri yo ku irimbi, Interahamwe zo kuri bariyeri ya Jumapili n'abaturutse kuri bariyeri yo kwa Karonkano. Harimo Gikongoro, Muhire, Ndayahoze, Sayidi n'abandi.

"*Ubwo bageze iwanjye, bansabye amafaranga, mbabwira ko nta yo mfite. Barambwira ngo nintayabaha baranyicana n'abana banjye. Nahise nsohoka njya kwa muramu wanjye mpahurira n'umugore we witwa Pascasie ndamubwira nti sinsubirayo bagiye kutwica. Pascasie arambwira*

---

[297] Ubuhamya twahawe na Sakindi warokotse Jenoside, Nyamirambo (Gatare) 06 Gicurasi 2018.

*ati subirayo ntiwasiga abana. Ubwo nasubiyeyo nababwira nti mbonye igihumbi barayafata, bahita bagenda*"[298].

Uwitwa Bugingo wari Responsabure yahise agera mu rugo, musaba ko yampishira abana arambwira ngo: "*erega icyemezo cyafashwe nta cyo nakumarira!*". Nagumye aho mu rugo ntegereza urupfu. Ubwo amaze gutirimuka, igitero cyahise kihasesekara kiryobowe n'umuhungu wa Karasira witwa Nyirigira. Yari afite umuhoro mu ntoki atwaye impiri mu rukenyerero. Akitubona njye n'abana banjye yabanje gutema ishami ry'umuyenzi ku rugo rw'iwacu, yinjira mu nzu anyaka abana arabasohora agenda abakubita. Yarabashoreye aberekeza kwa Minega ashaka kubashyira mu cyobo cyari kimaze iminsi gicukuwe. Ubwo naramukurikiye mvuza induru ariko musaba imbabazi ngo yinyicira abana. Ahageze yasanze cya cyobo baragitwikiriye, nasanze arwana no gukuraho ya beto ngo ashyiremo abana banjye. Abonye ko bidashoboka kubicira kuri icyo cyobo yaradushoreye atujyana mu rugo kwa Kajabo.

Muri urwo rugo niho cya gitero cyari cyakusanyirije abagore bose n'abana babo muri serire ya Gatare banonosoye uburyo babica. Interahamwe zari zavuye ku bariyeri zitandukanye zifite umugambi wo kubashorera zikajya kudushora kuri Nyabarongo. Batarafata icyemezo hahise hatangira kugwa imvura nyinshi idahita, ubwo kandi amasaha yari akuze kuko hari hamaze kuba nka saa cyenda z'amanywa. Ubwo twe twari mu nzu tunyegerana, abana barira naho izo nterahamwe ziga uko zigiye kutwica[299].

Sakindi warokotse ubwicanyi bwo kuya 28 Mata 1994 bwakorewe abana n'abagore ku cyobo cy'aho umugabo witwa Louis yubakaga yatubwiye uko byagenze. "*Hari hashize icyum weru abagabo bacu bishwe twe batubwiye ko Habyarimana azatwisasira. Muri iyo nzu baduteranyirijemo harimo abantu bagera ku ijana hari abagore bagera kuri 30, bahetse kandi ubwo ariko bakuruye n'inshuke ndetse n'abandi bana bakuze. Muri bo harimo baramukazi banjye barindwi kandi uwari ufite abana bake yari afite byibuze batatu. Imvura imaze guhita babona ntibari butujyane kuri Nyabarongo nk'uko bari babivuze. Ni ko kudushorera batwerekeza ku cyobo cyari cyaracukuwe mu rugo rw'umugabo witwa Louis wakoraga muri MINITRAPE. Uwo mwobo wari ugenewe kujyamo imyanda ivuye mu musarani ariko icyo gihe wari utaratangira gukoreshwa. Kuri icyo cyobo kandi hari Interahamwe nyinshi zari zagumanye*

[298] Idem
[299] Ubuhamya twahawe na Sakindi warokotse Jenoside, Nyamirambo (Gatare) 06 Gicurasi 2018.

*natwe kuva badukura mu ngo zacu. Ubwo kandi aho hafi yo kwa Louis hari inzu bajyanagamo abagore bakababafata ku ngufu barangiza bakabagarura kuri uwo murongo bari badukoresheje.*

*Mu badutondesheje umurongo bakanafata abagore ku ngufu nabashije kubona n'ubwo nta roho n'umubiri nari ngifite harimo Gakire Marcel, Maniraho Jean, Rugombamushali Assuman, Bugingo, Sanani, Rutayisire, Narcisse, Rukara, Munyakazi n'umuhungu we Saidi, Karasira, Mwitirehe Augustini wari hejuru y'icyo cyobo agenda asunikiramo abantu. Barangije kudushinyagurira no kudukorera ibyamfura mbi ni bwo batangiye kutujugunya muri wa mwobo. Mwitirehe Agustini naramwiboneye ni we wajugunyagamo abantu, ubwo induru ziravuga abana bararira, abagore bararira basaba imbabazi yewe data wambyaye we…barohamo abantu biratinda bageze kuri mabukwe arabavuma avuga ati munyiciye abana nanjye nimunyice mwa mbwa mwe muzapfa nabi…. Barangije b*amushyira ku ruhande ntibamuroha mu cyobo; ni bwo naturumbutse ndiruka, amaguru nyabangira ingata".

Barangije kujugunyamo abantu ni bwo batangiye guterura amabuye yari arunze aho mu rugo rwa Louis. Buri wese muri izo nterahamwe yateruraga ibuye yarangiza akarekurira muri cya cyobo, umwobo bawufunga neza n'amabuye abantu bacu bababanje hasi. N'iyo batabicisha ayo mabuye ndahamya ko urwo bari bapfuye atari ruto kuko amazi yari muri icyo cyobo atari gutuma hari n'umwe urokoka[300]. Ubwicanyi bwakorewe abagore n'abana bwerekanye kandi ubugome ndengakamere bariya bantu bari bafite. Ubu barimo gusaba imbabazi ndetse bamwe muri bo bari hanze baridegembya, baravuga ngo turi abasazi... Abo mu miryango yabo batwitwayeho umwikomo ngo twafungishije abavandimwe babo. Ntibabasura bakababona se?[301] Imiborogo yabaye myinshi kuri iki cyobo, abana bataka, abagore bahetse barira, abana barira, abana b'inshuke bose ugatsindagira mu mwobo wa metero mirongo ine ucagase amazi warangiza ukajya uterura amabuye yo kubaka uko uzi riba riremereye ukubika ku bantu! Iki cyobo cyajugunywemo abantu imibiri y'abiciwe aho imaze gukurwamo, cyarasibwe ndetse hejuru hubakwa amazu.

[300] Ubuhamya twahawe muri Gashyantare 2019 n'ufite abavandimwe be biciwe mu cyobo cyo kwa Louis.
[301] Ubuhamya twakiriye muri Werurwe 2019 i Masaka bw'ufite abe baguye muri icyo cyobo.

### 4.8.5.3. Iyicarubozo ryakorewe Abatutsi muri Segiteri ya Nyamirambo

Abagore n'abana biciwe ku cyobo cyo kwa Louis bishwe bamaze gufatwa ku ngufu bajugunywa mu cyobo cyuzuye amazi y'umuvu ari bazima bamwe bahetse ibibondo abandi bakuruye incuke mu ntoki. Hari imiborogo, abana barira, ba nyina basaba imbabazi, ariko biba iby'ubusa kuko byarangiye bose bajugunywe muri icyo cyobo, Interahamwe zitsindagira amabuye muri icyo cyobo.

Abagabo biciwe hano babanje gukubitwa amahiri no gutemwa n'imihoro. Nyuma Interahamwe zigaruka gushinyagurira imirambo zirara mu bo zari zimaze kwica zikoresheje udushoka. Hari imodoka ya Michel Rukabukira yanyuze mu Gatare ijyanye imirambo ku irimbi ihageze ibura uko ikomeza. Mu gushaka inzira y'imodoka, Interahamwe zakuruye imirambo nk'uko wakurura imifuka irimo ibishingwe ziyijugunya munsi y'umuhanda. Mu guterura imirambo umwe yafataga amaboko undi amaguru bakazunguza baririmba, bakabara gatatu bagahita bajugunya mu modoka[302].

**Iyicarubozo ryakorewe Abatutsi muri Segiteri ya Gitega**

Hari umugabo wiciwe kuri bariyeri yo kwa Habibu, bamaze kumwica bamuciye akaboko maze ako kaboko bakajya bagakinisha bahereza imbwa. Uwitwa Sekanuma alias "Rasta" yishwe aciwe umutwe n'Interahamwe yitwa Joel afatanyije na Ntwari, Stanislas, n'abandi. Bamaze kwica Sekanuma umutwe bakomeje kuwugendana bawukinisha nk'umupira.

Interahamwe zageze kwa Théophile zimusangana n'umugore we witwaga Janvière n'akana gato bari bafite. Bataratangira kumutema yari yabahaye amafaranga ngo bamubabarire. Nyuma umugore yaje guhungira kwa Stratoni na ho Théophile baramushorera. Akiri aho mu rugo bari bamutemye akaboko ariko kanagana. Nyuma bamaze kumwica bamutemye akaboko noneho bakajya bagakinisha bagahereza imbwa nk'abayihereza inyama.

### 4.8.5.4. Abafashije Abatutsi kurokoka muri Segiteri ya Nyamirambo

Twagirimana Innocent wari umuzamu kuri ambasade yakijije abana ba Daniel ubwo yajyaga kuzana umugore n'abana ba Kabagema Daniel kuri Ambassade y'Ubufaransa. Uyu Twagirimana

[302] Ubuhamya bwatanzwe na Rugundana Vedaste, kuwa 20 Nzeri 2018.

yaje kubona igihembo yahawe na Ambasade cy'uburyo yitangiye abari bahungiye kuri ambasade y'ubufaransa bagera kuri 50 barimo abakozi b'ambasade n'imiryango yabo ndetse n'abandi baturage.

### 4.8.6. Segiteri ya Nyakabanda

Hirya no hino muri Segiteri ya Nyakabanda, mu ngo z'abantu cyangwa se mu tubari niho hategurirwa ubwicanyi bworetse imbaga y'Abatutsi. Kuva inkuru y'ihanuka y'indege ya Perezida Habyarimana Juvenal imenyekaniye, inama zitegura kwica abautsti zabera mu rugo kwa Sebucocero wari Perezida wa CDR muri Segiteri ya Nyakabanda. Abitabiraga izo nama bo muri Segiteri ya Nyakabanda harimo Imananibishaka Jean Berchmas alias "Sukari" na Claude wari umuganga ku Bitaro Bikuru bya Kigali (CHK), bakaba bari mu buyozi bwa CDR ku rwego rwa Segiteri. Nibo bakoze lisiti z'abagomba kwicwa ndetse bakora na gahunda z'ibitero bijya kwica hirya no hino muri Segiteri ya Nyakabanda[303] n'izindi zahanaga imbibi na Nyakabanda. Muri serire ya Munanira bitaga kuri Etat-Majorna ho hakorerwaga inama zitegura ibitero. Ibiro bya segiteri nabyo byabaye ihuriro ry'abicanyi aho Interahamwe yitwa Nyirimamzi Geregori bamujyiriye Konseye wa Segiteri asimbuye Kandekwe wari utaritabira ubwicanyi. Aho kuri segiteri hakorewe byinshi; ni ho babikaga ibyo babaga basahuye mu ngo z'abo babaga bamaze kwica mbere yo kubigabana. Aho kandi niho inkoramaraso zanyweraga ibiyobyabwenge mbere y'uko zigaba ibitero, ndetse niho zafatiraga abagore ku ngufu[304]. Ahandi haberaga inama zitegura Jenoside ni mu kabare ko kwa Musonera, muri Serire Munanira[305].

#### 4.8.6.1. Abagize uruhare mu kwica imbaga y'Abatutsi muri Segiteri ya Nyakabanda

Abagize uruhare rukomeye mu bwicanyi bwabereye muri Segiteri ya Nyakabanda, usibye Abajandarume babarizwaga kuri Burigade ya Nyamirambo[306], abasirikare bari muri Koleji ya Mutagatifu Andereya, abasirikare bari muri *Mont Kigali* babarizwaga muri batayo *Camp Huye*, abasirikare bari muri «*Centre Iwacu*» babarizwaga muri «Batayo Muvumba», Interahamwe zo

---

303 Ikiganiro na Nyabyenda Jean Baptiste warokotse Jenoside, Nyakabanda tariki ya 15 Gashyantare 2019.

304 Idem.

305 Ubuhamya twahawe n'umwe mu bayobozi b'Interahamwe bayoboraga ibitero ubu ufungiye icyaha cya Jenoside muri Gereza ya Mageragere. Ubuhamya yatanze muri Nzeri 2018.

306 Iyi burigade ya Jendarumeri yaje guhabwa Interahamwe zo muri zone ya Nyamirambo akaba ariho bategurira imigambi yabo yose ijyanye n'ubwicanyi.

muri Zone ya Nyamirambo nizo zayogoje Segiteri ya Nyakabanda. Nyirimanzi Geregori[307], ni we wari ku isonga ry'ibyabereye muri Segiteri ya Nyakabanda, agatanga amategeko ndetse akayobora ibitero. Si we wenyine aho mu Nyakabanda kuko hari na Munyawera wari umupolisi wa Mujyi wa Kigali, Imananibishaka Jean Berchmas alias Sukali, Muhayimana Paul, Sibomana Jean Bosco, Kagaba, Habyarimana alias Kigingi[308], Simba, Kabananiye Eustache, Mambo, Mungarakarama, Shumbusho, Nyankuri, Gasongo, Kibaya, Kijyambere, Mupenzi, Nsabimana, Muhabura, Agata, Gahinyuza, Habimana Fidèle, Niyibizi, Cekeri, Rurangwa, Ruvubu, Sadosi, Rutemeri, Sofino, Nkikabahizi, Habarugira, Sukuti, Habinshuti Deo, Ndanda wari umukinnyi w'umupira w'amaguru, Mutabazi, Rutaremara, Kadege, Ntabana, Kaguta, Rwemarika, Karangwa, Mbaraga, John mwene Gasumizi, Habyarimana Frédéric, Muzungu, Munyandekwe, Mahoro Fidèle, Népo, Ndindayino, Kamegeri, Masumbuko, Twayibu, Muzerefu, Bizimana, Ahishakiye, Karimini, Hategekimana, Madi, Mavuba, Basomingera Jean Pierre, Sabiti, Nsengiyumva, Gasigwa, Nzabanita, Sinanga, Habyarimana Déo, Nyarudindiri, Barizera, Serija Alphonse, Tayari, Hamisi, Kanyabidari, Rwanyonga, Mwimbanzu Patrice, Caporal Bosco, Nyiramana, Ngaboyisonga Bernard, Yusufu, Ayirwanda, Macisho, Higiro Valens, Mugesera Pierre, Ndahayo, Mavenge, Kasimu Samuel, Mutabaruka, Karimu, Kenedi, Joel, Macuho, Rukundo, Mapengu, Nkusi, Munyaburiza Juma, Ndagijimana, Mapantufure, Bizi mwene Munyonga, n'abandi.

Uwitwa Nyirimanzi Geregori wari Konseye mu gihe cya Jenoside akaba yari n'interahamwe ikoye kuko yayoboraga ibitero ahantu hatandukanye, yafashwe muwa 1998 aturutse muri Congo Brazzaville. Yaburanishijwe n'Urukiko Gacaca rwo mu Murenge wa Nyakabanda na Rwezamenyo kuko ariho yakoreye ibyaha. Izi nkiko zombi zamukatiye igihano cyo gufungwa imyaka 30 kuko yemeye uruhare rwe nta mananiza akaba afungiye muri Gereza ya Mpanga mu karere ka Nyanza. Undi wakatiwe ni Imananibishaka Jean alias "Sukari" nawe wakatiwe igifungo cya burundu n'Urukiko rwa Gacaca rwa Munanira. Abandi muri aba hari abatigeze bagaruka mu gihugu, Karambizi alias "Bisupu" wakatiwe n'inkiko gacaca agahita atoroka, Mbundu nawe watorotse akimara gukatirwa, abandi baracyidegembya.

---

[307] Uyu yari asanzwe mu buyobozi bw'Interahamwe maze kuya 14 Mata 1994 asimbura Kandekwe Emmanuel ku mwanya wa Konseye wa Segiteri.

[308] Habyarimana alias Kigingi yari Interahamwe ituye ku Ibereshi. Yakundaga kuba ari mu bitero byinshi.

### 4.8.6.2. Ahaguye imbaga y'Abatutsi muri Segiteri ya Nyakabanda

Ikigo cy'Abafureri b'Abajozefiti cyatangiye kwakira abatutsi kuva mu mpera z'ukwezi kwa Werurwe 1994 baturutse muri Segiteri ya Biryogo n'iya Gitega bahunga ubwicanyi bwari bwatangiye kubakorerwa. Imbarutso ni urupfu rw'Impuzamugambi Ingabire Alphonse alias "Katumba" rwakurikiwe n'iyicwa ry'umugabo w'Umututsi witwaga Maurice wari utuye aho mu Biryogo[309]. Imiryango y'Abatutsi yahise ikwirwa imishwaro ihungira hirya no hino kuko. Abatangabuhamya bemeza ko icyo gihe umuhutu aho ari hose yari ameze nk'uwasaze ubwo bari bamaze kwica Maurice bamuciye umutwe[310]. Igihe bari bageze i Nyamirambo hari ababashije kwakirwa mu miryango imwe n'imwe, ariko benshi muri bo bagiye gucumbika mu Kigo cy'Abafureri b'Abayosefiti abandi bajya mu Kiriziya Gatorika cya Mutagatifu Karoli Lwanga.




*Urwibutso rwa Jenoside yakorewe Abatutsi ruri mu Kigo cy'Abafurere b'Abayozefiti ahiciwe abafurere n'imbaga y'Abatutsi baje bahahungiye baturutse muri Segiteri ya Biryogo, Nyamirambo, Nyakabanda n'ahandi.*

*Ishusho yafashwe n'umushakashatsi*

Igihe Jenoside yari itangiye ntihiciwe gusa abo bari barahunze baturutse mu Biryogo na Gitega, hiciwe kandi Abatutsi bari baturutse muri Segiteri ya Nyamirambo, Kimisagara n'iya Nyakabanda.

---

[309] Maurice yishwe n'intagodwa zo muri CDR zihora uwari Perezida wabo witwaga Katumba.

[310] Ubuhamya bwatanzwe n'umwe mubari bahungiye i Nyamirambo mu Kigo cy'Abafureri nyuma akaza kuhava asanga abandi ku Kiriziya yitiriwe Mutagatifu Karoli Lwanga, Nyamirambo kuya 14 Wrurwe 2019.

Nyirimanzi Geregori wamamaye mu bwicanyi agahamwa n'icyaha cya Jenoside n'ibindi byaha by'urukozasoni yakoreye Abatutsi ubu afungiye muri Gereza ya Mpanga. Ari mu bantu bane bayoboye ubwicanyi mu kigo cy'Abafureri Yozefiti. Nyuma yo gukorana inama itegura iyicwa ry'abo bantu ku itariki ya 8 Mata 1994 yahuriyemo na Karekezi Amuri wari uhagarariye segiteri ya Biryogo, Kaboyi Germain wari uhagarariye Segiteri ya Nyamirambo, Karushara Rose wari uhagarariye Segiteri ya Kimisagara. Nyuma y'iyo nama ni bwo twagabyeyo igitero simusiga, igitero cyayogoje serire ya Rwezamenyo na Nyabitare cyarimo Interahamwe zivuye muri segiteri ya Biryogo, Kimisagara, Nyakabanda na Nyamirambo. Haje kandi Interahamwe zari kuri bariyeri zikurikira kwa Mayira Pierre Célestin, ku isoko rya Nyamirambo, ku Ibereshi, ku rusisiro rw'amazu ya banki nkuru y'Igihugu. Haje kandi abasirikare bari muri Koleji yitiriwe Mutagatifu Andereya, abajandarume bari baturutse mu kigo cya Kacyiru, n'Interahamwe zakoreraga kuri Burigade ya Nyamirambo zirimo Habyarimana alias Kigingi, Imananibishaka Jean Berchimas alias Sukari, Gombaniro Aloys, Rukabukira Michel, n'abandi. Icyo gihe interahamwe zishe abari bahahungiye, ari nako abagore n'abakobwa bafatwa ku gahato, twica abafureri bagera muri batanu babaga muri icyo kigo n'abakozi babo. Twishe Bucyana Canisius wari ufite «Boutique du Progrès», Gahigi wari umudozi ku isoko rya Biryogo, Boyi Straton wari ufite ivuriro i Nyamirambo, Kiyonga n'abandi benshi. Twari dufite intwaro za Gakondo zirimo impiri, imihoro, amashoka ndetse n'imbunda n'amagerenade. Kwica birangiye, imirambo imwe yatawe mu myobo indi isigara aho ngaho. Aho mu Kigo cy'Abafureri twahasahuye imodoka, imyenda n'ibiribwa bitandukanye. Icyo gihe kandi, twasahuye amaduka yo mu isoko rya Nyamirambo». Umutangabuhamya avuga ko icyo gitero cyabatwaye imbaraga nyinshi, bityo bakaba baratashye batarangije akazi kabo.

Ku itariki ya 10 Mata 1994, igitero simusiga cyongeye kugabwa mu kigo cy'Abafureri kigambiriye guhanagura icyitwa Umututsi wari waharokokeye. Icyo gitero cyasubiye mu kigo cy'Abafureri b'Abayozefiti bagamije guhiga bukware abari bongeye guhungirayo n'abari baharokokeye. Ni ko byagenze kuko abo cyahasanze nta numwe warokotse. Kuri uwo munsi kandi, icyo gitero cyahitanye abakobwa bari bacumbitse muri «Home» y'Ababikira n'iy'Abasaveri zabarizwaga muri Segiteri ya Nyamirambo zibanje kubafata kungufu. Interahamwe zimaze kubakorera ibyamfurambi no kubasambanya kugahato, zabamanukanye

muri Serire Rwezamenyo ariko babica umugenda. Benshi muri bo biciwe ku mashuri y'Intwari bajugunywa mu cyobo cy'aho bitaga ku «Kigaraji»[311].

Kwa Nyirangirabampatse hiciwe abakurwaga hirya no hino, cyane cyane abazanywe n'Interahamwe mu mudoka babavanye hafi ya Paruwasi yitiriwe Mutagatifu Karoli Lwanga.

Kwa Rwagasana hiciwe abatutsi mpera z'ukwezi kwa Gicurasi 1994 mu igitero cyari kiyobowe na Imananibishaka Jean Berchmas alias «Sukari» afatanyije na Mbarushimana J.Népo, Ntamfurayishyari Jean Félix, Ntuyehe Isidore, Nyabyenda Jean Marie Vianney, Rushigajiki Herman[312], n'abandi benshi, cyagabye igitero simusiga mu rugo rw'umusaza witwaga Rwagasana Jean Baptiste wari utuye muri Serire ya Kabuguru. Usibye kuba yari Umututsi agomba kwicwa, bamushinjaga ko iwe hihishe Inkotanyi. Izo nterahamwe zatinye kwinjira yo maze zijya guhuruza abasirikare bo muri «*Mont Kigali*» maze bazana ya modoka bita «burende». Iyo niyo yarashe umuryango wa Rwagasana n'abari bari muri urwo rugo bagera kuri 20.

Ku mashuri yo ku Ntwari hiciwe abantu benshi baturutse hirya no hino, cyane cyane abakobwa bavanywe muri Home y'Ababikira no mu macumbi y'Abasaveri i Nyamirambo.

Ku itariki ya 8 Mata 1994 saa mbiri za mu gitondo kwa Pasteur Amoni Iyamuremye hiciwe Abatutsi. Pasteur Iyamuremye Amoni yari ahagarariye Intara y'Uburasirazuba mu Itorero ry'Abadivantisite b'umunsi wa Karindwi mu Rwanda. Yari atuye ku Kabusunzu, muri Serire ya Munanira. Icyo gitero cyari kiyobowe na Mahoro Fidèle mwene Pasteur Bitushya Silas wakoranaga na Pasteur Iyamuremye Amon, Ntamfurayishyari Félix, Mbarushimana Jean Népomuscene, Rwemarika Jean de Dieu n'izindi nterahamwe.Uwamugambaniye ni «Pasteur» mugenzi we witwa Ishimwe Samuel uva inda imwe n'uwitwa Bitushya.

Pasteur Amoni, uwo bashakanye, abana n'abandi bantu b'inshuti bari bahamaze iminsi bakimara kumva ko Interahamwe zahageze banze gufungura, bigumira mu nzu kuko babonaga n'ubundi izo nterahamwe zitari bubagirire impuhwe. Izo nterahamwe zabanje kurwana n'inzugi ariko birangira bafashe icyemezo cyo kumena risansi ahantu hose barangiza bagatwika. Umuryango wa «Pasteur» Amoni watikiriye mu nzu utyo kuko mu bari bayirimo ntawigeze arokoka.

---

[311] Ubuhamya bwatanzwe n'uwahamijwe icyaha cya Jenoside akaba yari muri icyo gitero. Mageragere, kuya 9 Mutarama 2019.

[312] Uyu Rushigajiki yari yungirije Burugumesitiri wa Komini ya Kacyiru.

Muri Gicurasi 1994, muri serire Rwezamenyo hagabwe igitero kiyobowe na Habyarimana bitaga Kigingi kica umugabo witwa Arthur wari utuye kuri TRAFIPRO. Cyahitanye kandi Cyuma wari umuturanyi we hanyuna imibiri yabo ijugunywa mu cyobo kwa Nyiranyamibwa Thacienne aho bitaga mu Kigaraje. Ahandi hiciwe abantu benshi ni ahaherereye icyobo cyajugunywemo umuhungu wa Spéciose witwaga Richard alias Mutama n'abandi benshi. Icyo cyobo kiri iruhande rwa butike iri hafi yo kwa Mukakimenyi Spéciose[313]. Mu rugo ahahoze ari inzu ya Utumabahutu Jean,[314] hari icyobo (fosse sceptique) cyakuwemo abantu bagera muri mirongo irindwi harimo abana ba Mukakimenyi Spéciose[315].

Mu mpera z'Ukwezi kwa gatanu na none igitero kiyobowe na Habyarimana Alias Kigingi kirimo Nyabyenda Jean Marie Vianney, Sudi, Nyankuri, Gikongoro, n'abandi baje muri kamyoneti bari babohoje kwa nyakwigendera Nyiranyamibwa Thacianna binjira mu Kigo cy'Imfubyi kitiriwe Gisimba bahicira umukozi waho bamurashe[316].

Urupfu rw'abana ba Mukakimeyi Spéciose bitaga Mama Goretti, Richard alias Mutama, Sandra na Rose bitaga Gigi rubazwa Nyirimanzi Geregori. Nyamara uyu mwicanyi ruharwa Nyirimanzi yarerewe mu rugo kwa Mukakimenyi Spéciose. Nyirimanzi Geregori ubu aremera icyaha kandi agasaba imbabazi uyu Mukakimenyi Spéciose. Mukakimenyi Spéciose avuga ukuntu yarereue iwe mu rugo uyu Nyirimanzi Geregori wari ku isonga ry'ubwicanyi bwabereye mu gace ka Nyamirambo, muri Serire ya Rwezamenyo by'umwihariko. Mukakimenyi Spéciose wagizwe inshike na Nyirimanzi Geregori, n'ubwo ababazwa n'urupfu abana be yakundaga, ababazwa cyane n'iyicwarubozo bakorewe, bagashinyagurirwa, bagafatwa ku ngufu, bakagaburirwa ibitaribwa n'umuntu wari ubazi bareranywe, n'ibindi.

Mukakimenyi Spéciose: «…*Nabonaga umuryango we udafite ubushobozi buhagije bitewe n'umubare w'abana bavukanaga. Bukeye nabwiye iwabo baramumpa, atangira kuba iwanjye. Usibye n'ibyo ninjye wamurihiraga amashuri. Nari nzi ko abana banjye bareranywe na we yababona nk'abavandimwe. Yabakoreye ibintu bibi, n'iyo abica… ariko ntiyanyuzwe… ubu aransaba imbabazi yaranyiciye abana nkaba negamye nk'igiti, baramugaje… Hari ikibaho*

[313] Ubuhamya bw'uwarokotse Jenoside, Rwezamenyo, kuya 8 Gashyantare 2019.

[314] Iyi nzu ivugwa hano ubu ntikiri iya Utumabahutu kuko yaje kugurwa n'umugore uva inda imwe na Sakumi Anselme ari nawe wagize uruhare mu iboneka ry'imibiri yabonetse muri urwo rugo.

[315] Abo bana ni Kagoyire Rose alias Gigi na Cendra.

[316] Uyu mu Sociale yari umugore w'umugabo witwa Kayiranga Isaac.

*yanyoherereje kivuye muri gereza cyanditseho ngo nimugirire impuhwe…* cyazanywe na ba Pasitoro bajya kubigisha ijambo ry'Imana muri gereza zitandukanye»[317]

Mukakimenyi Spéciose yarashwe kuya 7 Mata 1994 n'umusirikare witwa Ndori nyuma yuko barwanira imbunda ashaka kwica abana be. Muri uko kuyirwanira, ku irembo ry'urugo rwe hari abantu ariko nta n'umuntu wigeze aza kumukiza cyangwa ngo amubaze icyo yapfaga n'uwo musirikare. Igihe Mukakimenyi yarwanaga n'uwo musirikare abana be bahise bahungira mu baturanyi kwa Karambizi alias "Bisupu". Igihe Mukakimenyi yari agiye gufata uwo musirikare amubwira ko adashobora kumwicira imfubyi umugabo we Rurangirwa Laurent yamusigiye, uwo musirikare yahise amukubita inkokora mu gituza Spéciose imbunda arayirekura. Uwo musirikare yahise amurasa amasasu atatu afata mu kibero ahita yiruka.

Ijoro riguye, abana be bari bihishe kwa Bisupu bagarutse mu rugo ariko bari bazi ko nyina yitabye Imana. Bahageze basanze aryamye hasi yaviriranye cyane ariko agihumeka, bagerageje kumuterura bamwinjiza mu nzu barangije barakinga[318]. Yaje gutandukana n'abana be bukeye bwaho ku itariki 8 Mata 1994 ubwo umugiraneza yamujyanaga kwivuza mu bitaro bya Kigali bya CHK.

#### 4.8.6.3. Iyicwarubozo ryakorewe Abatutsi muri Segiteri ya Nyakabanda

Ingero z'Abatutsi bishwe urubozo ni benshi ariko muri Segiteri ya Nyakabanda. Twavuga nk'uburyo Mugemanyi yishe abana ba Mukakimeyi Spéciose urw'agashinyaguro. Bitewe n'uko Mukakimenyi yari yarakomeretse, yasize abana be mu rugo uko bari batatu: Rurangirwa Richard, Rose bitaga Gigi na Sandra ajya kwivuza ku bitaro CHK. Mugemanyi wari ucumbitse kwa Spéciose ni we wasigaranye abo bana abagira abagore be akajya abasambanya. Hashize nk'ibyumweru bibiri mu rugo kwa Spéciose haje umusirikare wo mu Nzirabwoba yambura abo bana Mugemanyi. Bageze kuri bariyeri yo kwa «*Premier Sergent*»[319] Interahamwe zarabahagaritse zibanza kujya gushaka Nyirimanzi Geregori. Interahamwe yitwa Saidi ni yo yihutiye kujyayo maze igarukana na Geregori. Geregori na bagenzi be babwiye uyu musirikare nabi cyane birangira afashe imodoka ye asiga abo bana aho ngaho.Geregori yabajyanye ubwo

---

[317] Ubuhamya bwatanzwe na Mukakimenyi Soeciose bita mama Goreth, Rwezamenyo kuya 12 Werurwe 2019.

[318] Mugemanyi n'umugore bari bacumbikiwe mu mazu yo kwa Mukakimenyi Spéciose ntibigeze bamuha byibuze ubufasha bw'ibanze. N'igihe yaraswaga bari aho ku irembo n'abandi baturanyi.

[319] Iyi bariyeri n'iyakabiri uturutse kuri bariyeri bitaga iyo kwa Mama Goreth.

avuga ko agiye kubafungira ku biro bya Segiteri ya Nyakabanda ariko yari afite umugambi wo kubagira abagore be. Sandra na Gigi Geregori yabagize abagore na ho musaza wabo Rurangirwa Richard bitaga Mutama amufungira mu kumba aho kuri segiteri. Mu kubica urubozo, iyo yamaraga kubasambanya yahamagaraga abantu ngo baze barebe uko Abatutsikazi bateye. Yageze aho abaha inkari ze ngo bazinywe ababwira ngo nibanywe Nido z'iwabo. Abo bana yarabakubise cyane bahakanye kunywa izo nkari ze. Iyo yabahaga ibyo kurya yabinikiraga ibigori mu mazi akabaha ngo bahekenye. Aba bana barababajwe cyane mbere yo gupfa. Akimara kubona ko Inkotanyi zigeze hafi, ubwo hari mu mpera z'ukwezi kwa Gicurasi, agiye guhunga we na bagenzi be bashoreye abo bana babageza ahahoze Banki y'Abaturage y'u Rwanda ku nzu y'umugabo witwaga Pasitoro Utumabahutu Jean wo mu itorero EPR. Zafunguye icyobo gisanzwe kijyamo umwanda uvuye mu misarani yo mu nzu zibohera Sandra na Rose bitaga "Gigi" mu ishuka zirangije zibajugunyamo ari bazima zirapfundikira[320].

Richard we ntiyicanwe na bashiki be. Amaze kubona agashinyaguro bakorera bashiki be yagize agahinda aratoroka. Igihe yari ageze kwa Gisimba ahari bariyeri yashakishije uko yinjiramo birakunda maze agezemo za Nterahamwe zimubona yagezemo. Interahamwe zaramukurikiye[321], kandi ubwo hari abandi bantu Gisimba Mutezintare Damas yari ahishe. Ni ko kumwirukankana bavuza induru, bamumenesha mu kigo, yiruka agana iwabo ku muhanda ukurikira uwo kwa Gisimba, Interahamwe ziramukurikira zigenda zimurasa ari na ko zivuza induru. Ageze mu rusisiro rw'iwabo Interahamwe zari ziri kuri bariyeri yari yashyizwe imbere y'iwabo neza zihita zimutsinda aho[322]. Zirangije kumwica zamushyize mu cyobo kiri hafi ya butike yegeranye n'urugo hazwi kw'izina ryo kwa Mama Goretti, icyobo cyajugunywemo abantu benshi barimo abana b'umupasitori uva indimwe na Rwigara Assinapol.

Mushiki wa Sakumi Anselme waje kugura inzu aho hataburuwe imibiri y'abana ba Mukakimenyi Spéciose hari harajugumywe abantu bagera kuri mirongo irindwi. Igihe cyo gutaburura icyo cyobo abana ba Mukakimenyi ntibabonetse kubera ko ari bo babanje kujugunywamo hasi cyane bityo ntibabasha kubageraho. Nyiri urugo yaje kubwira umukozi ngo afungure icyo cyobo

---

[320] Ubuhamya bwatanzwe n'uwarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi muri Rwezamenyo, kuya 10 Gashyantare 2019.

[321] Gisimba ntiyashatse kubwira uyu mubyeyi w'uyu mwana abirukankanye umwana we bakamumenesha mu kigo aho yari ahungiye, ndetse bakagenda bamurasa umugenda kugeza igihe agwiriye mu gaco k'izindi Nterahamwe zikamwica ubuzima.

[322] Ubuhamya bwatanzwe n'uwarokotse Jenoside mu murenge wa Rwezamenyo, Gashyantare 2019.

hagamijwe kureba aho kigeze maze bafunguye babonamo umutwe w'umuntu. Hasi kandi hari ikintu gisa n'igifuka gipakiyemo ibintu. Bagerageje kugikuramo barangije baragihambura basangamo abantu babiri. Ubwo yari Sandra na murumuna we Rose, abana ba Spéciose. Bari bagifite indangamuntu na pasiporo byaabo. Mu bya ngomwa bya Sandra basanzemo agafoto ka nyina n'aka se, ibikomo Sandra yambaraga, amasaha, amaherena. Imyenda yabo yari mizima nta maraso yari ariho bivuga ko babahambye ari bazima. Sandra yari acyambaye udukweto yari amaze iminsi akuye i Bujumbura turiho idarapo ry'Amerika. Ibyo byose byari ibyo bari basanzwe Bambara. Izo pasiporo, indangamuntu n'amafoto byatumye nyina atashidikanya ko ari abana be ashyinguye[323].

Roti Bizimana, abenshi bari bazi ku izina "Nsigaye ndi umuzungu, nsigaye nitwa Patron", umugore n'abana batanu babiciye aho yari atuye. Yishwe n'igitero cyari kiyobowe na Konseye Geregori n'izindi Nterahamwe. Hashize icyumweru bishe Roti, bagiye gushaka umugore we n'abana ngo nabo babice. Icyo gihe nibwo bazanye umugore wa Ruhatana Ignace[324] nawe wari umaze iminsi yiciwe umugabo. Geregori n'Interahamwe ze zarabazamukanye zibicira kuri bariyeri yari hafi y'umuhanda winjira kuri kaburimbo iva i Nyamirambo igana Nyabugogo.

Abacanyi bamaze kwivugana Loti n'umuryango we bateye urugo rw'umuturanyi we witwaga Nduguteye Alphonse[325] ziramuhitana. Uwo munsi habanje kuza iwe mu rugo umusirikare w'inzirabwoba amusangana n'umugore we witwaga Spéciose, ababwira ko agiye kubica. Umugore wa Nduguteye yari asanzwe asenga cyane maze abwira uwo musirikare ati reka tubanze dusenge mbere y'uko utwica kuko utazi icyo ukora. Bamaze gusenga Spéciose amuha bibiliya ngo izamubere intwaro arangije uwo musirikare ahita abica.

Kamanayo wari umwarimu ku ishuri ry'Intwari nabo mu muryango we bishwe n'Interahamwe zari ziyobowe n'uwitwa Semutwa Vianney yari yarigishije. Uwo mwicanyi Semutwa na bagenzi be bamaze kwivugana Kamanayo n'abo mu muryango we bahise batera urugo rw'umugabo witwa Kayitare na we baramwica.

---

[323] Ubuhamya bwatanzwe na Spéciose Mukakimenyi, Rwezamenyo, kuya 16 Gashyantare 2019.

[324] Ruhatana Ignace yari umukozi wa MINIPLAN akaba n'umunyamuryango akaba no mu bashinze Kanyarwanda ASBL.

[325] Uyu Nduguteye ni musaza wa Mukandemezo Colette umunyamakuru muri RBA

### 4.8.7. Segiteri ya Kimisagara

Ishyirwaho rya za bariyeri muri Segiteri ya Kimisagara ryaherekejwe n'itangwa ry'imbunda. Bityo bamwe mu bari abakuru b'Interahamwe cyangwa se abari abakuru mu ngabo z'igihugu z'icyo gihe cyangwa se abandi bari babifitiye ububasha batanze imbunda baziha abari kuri za bariyeri kugira ngo bafashe Inzirabwoba kwikiza uwitwaga umwanzi w'imbere[326] nk'uko byari byarasobanuwe na Colonel Nsabimana Déogratias. Muri bo twavuga Majoro Mugemana na Generali Bizimungu waje kuba umugaba w'ingabo. Abo bagabo bombi batanze imbunda baziha abantu ku Kimisagara. Generali Bizimungu yari afite umugabo w'inshuti ye bavugaga ko ashobora kuba ari muramu we bitaga Mujyarugamba Athanase alias Croix Rouge wari ufite akabari. Icyo gihe yamuhaye imbunda kimwe n'abandi barimo Kampayana, Mbabariye na Tadeyo umuhungu wa Mujyarugamba Athanase[327].

Bariyeri yo kwa Karushara yari munsi y'urugo rwe imbere yo kwa Gakoko[328]. Ugereranyije yari iteganye n'ikigo cy'amazi cya ELECTROGAZ. Karushara yanze kuyishyira mu irembo rye maze ayigiza epfo gato. Wayisangagaho abahungu be, Interahamwe yitwa Pascal, umusirikare wabaga mu rugo kwa Karushara, Sebitabi Vincent, Ndahiro, Habimana Jean Baptiste[329] mwene Mutuganyi, umupolisi witwaga Segaruka, Bakundukize Abdou, Gicumba Ladislas[330], Mugabo Alphonse[331], Rudomoro mwene Siméon, Nzaramba, Mubuyi n'abandi. Iyi bariyeri yo kwa Karushara ni yo yakorerwagaho inama zisuzuma ubwicanyi bwakozwe, bakamenya Abatutsi bataricwa, hagafatirwamo imigambi yo gukomeza kubashakisha. Kuri iyi bariyeri ni ho kandi ababaga bitwaye neza baboneraga ibihembo cyangwa bagabana ibyo basahuye mu ngo z'Abatutsi. Aha kandi habagiwe inka nyinshi zabaga zanyazwe Abatutsi bishwe, bakazibabagira mu rugo kwa Karushara mu rwego rwo kubashimira. Iyi bariyeri yiciweho Gahunga Claude

---

[326] Umututsi wari mu gihugu imbere ni we wari wariswe umwanzi ugomba kwikizwa.
[327] Ubuhamya bwa Mudacyahwa Emmanuel, Kimisagra kuya 02 Gashyantare 2019.
[328] Impamvu yayishyize kwa Gakoko kwari ukugira ngo habemo umwanya na we umuha umutekano.
[329] Uyu yakatiwe 14 baramurekura bavuga ngo yari mineur. Ubu aba mu Buhinde
[330] Uyu ntambabazi yicaga abantu urubozo. Yaje gufungwa yirega icyaha ageze hanze gacaca imukatira imyaka 30 hanyuma ahita acika.
[331] Uyu akatiye imyaka 30 kubera ibyaha bya Jenoside no kwica Abatutsi urubozo. Afungiye muri gereza ya Mageragere.

n'umugore we, Ntaganda Edson, abana ba Ndegeya, Mudebereza Jean Paul wari umushoferi bamaze kumucuza imyenda mbere yo kumwica[332].

Izi nterahamwe zo kuri bariyeri yo kwa Karushara zajyaga zinjira mu ngo z'Abatutsi zikabashimuta. Ni zo zishe umugabo witwaga Mututsi bamuvanye ahitwa Nyagakoki. Yishwe na Segaruka wari umupolisi kuri Segiteri ya Kimisagara. Bamujugunye muri Nyabugogo. Hari umugabo witwaga Rwabuyanga wakoraga muri EMEX wishwe na Jean de Dieu afatanyije na Rudomoro mwene Siméon. Na we bamaze kumwica bamumanura ku ngorofani bajya kumujugunya muri Nyabugogo.

Interahamwe yitwaga Kimiri mwishywa wa Major Mugemana we na bagenzi be bo bateye kwa Kabuguza bica umugore wa Kabuguza witwaga Spéciose bamutwikiye mu nzu. Uyu Mugemana kandi niwe watanze imbunda aziha ababaga bari kuri za bariyeri ngo bafashe inzirabwoba guhashya umwanzi[333].

Bariyeri yari yashyizwe kwa Kabuguza mu ikorosi umaze kurenga ku kigo kiyungurura amazi cya ELECTROGAZ yategekwaga na Mbarubukeye Evariste bita Kazungu afatanyije na Caporal Athanase wari avuye mu Inzirabwoba.

Bariyeri yo ku Kagega yari iyobowe na Sekimonyo. Yakusanyirizwagaho Abatutsi biciwe ku Kidirishya. Interahamwe yitwa Pfukamusenge Tharcisse afatanyije na Gasongo, Gasimba na Claver, bajugunyaga Abatutsi bishwe mu ishyamba rya Michel mu cyobo bitaga kwa Liyetona.

Naho bariyeri ya Kavakure na Nyirantibimenya Donata wari Resiponsabure wa Kimisagara yaboborwaga na Kavumbutse Yoramu na Népo bitaga Gitenge. Iruhande rw'iyi bariyeri hari icyobo cyajugunywemo abantu benshi. Iyi bariyeri yiciweho umugore wa Kalisa witwaga Rose bari bamaze gufomoza umwana. Uwo mubyeyi wari umaze gukorerwa ako gashinyaguro umuntu umwe yarahanyuze maze amutwikiriza ibati ariko agahinja bari bamaze kumufomoza imbwa zari zagatanyagurije aho ngaho.

---

[332] Habimana na Abdou bagize uruhare rukomeye muri icyo gitero baburanishijwe n'inkiko gacaca bakatirwa imyaka 30

[333] Ijambo "*Umwanzi*" mu bijyanye n'imyiteguro ya Jenoside ryahawe igisobanuro na Colonel Nsabimana wari umugaba w'ingabo za FAR. Iyo bavugaga umwanzi byabaga bishatse kuvuga "*Umututsi*".

Bariyeri yo kwa Etienne ahubatse ubu uruganda rw'imigati yari ikuriwe na Nkurunziza Cyriaque mwene Etienne afatanyije na Muhingabo, Twagiramungu Alex, Frodouald bitaga *Forodo*, Médard, Burumbuke Karoli, Silas n'abandi.

Bariyeri yo kuri Garaji ECOMER y'umugabo witwa Munyarukina imbere yo kwa Ibrahimu. Iyi bariyeri yariho Interahamwe zikurikira: Masasu, Njyonjyo, Bujisho, Rwabirinda, Simba n'abahungu be, Mutemberezi, Karasanyi, Papiyasi wari umukarasi mu matagisi, Mukombozi, Ibrahimu wari uhafite akabare k'urwagwa. Iyi bariyeri kandi yariho umugore w'Interahamwe karundura witwaga Mukagahutu Jeanne wari warabaye umujandarume. Izi Nterahamwe ziciye abantu batagira ingano kuri iyi bariyeri. Mu bari batuye Nyabugogo bahaguye hari uwitwa Mutangana Gabriel[334] wishwe na Bujisho afatanyije na Masasu. Uyu mugabo bamwiciye iwe barangije bamushyira ku ngorofani baza kumujugunya muri Nyabugogo. Kubera ko yari yaravunitse akaguru atagaterura ntiyabashaga kuva mu rugo ndetse n'inzara yari imaze kumuzahaza bamwishe amaze kugira intege nke.

Undi wahiciwe wari utuye hafi aho ni Karangwa Alphonse wari utuye ku Muhima waje aherekejwe na Liyetona Mutabaruka Jean Paul. Bageze kuri iyo bariyeri izo Nterahamwe zibabuza gukomeza, bakuramo uwo Karangwa bahita bamwicira aho. Liyetona Mutabaruka Jean Paul ni we watwaye imodoka ya Karangwa ya Hilux akimara kwicwa[335]. Uwo musirikare yaje kuza mu ngabo za APR, nyuma afungirwa ku Mulindi muri gereza ya gisirikare. Kuri iyi bariyeri hiciwe abantu benshi bakajugunywa mu mugezi wa Nyabarongo n'abandi batagira ingano bajugunywe mu cyobo cyamenwagamo amavuta n'indi myanda yavanwaga muri garaji "ECOMER".

Bariyeri yari imbere y'ahubatse inzu izwi ku izina rya «Chez Manu» igamije gusaka Abatutsi babaga bahunga basohoka cyangwa binjira mu Mujyi wa Kigali. Hiciwe Sagahutu, Kabuguza na Kayijamahe Martin. Hari undi mwana w'umusore wahungaga bamaranye akanya bataramwica hanyuma aza kuraswa na Ntawuruhunga Laurent. Abandi ni abababaga baturutse kure batabashije

[334] Uyu mugabo yari yaravunitse akaguru adahaguruka, ntiyari gushobora guhunga ngo agende wenda yicirwe ahandi.

[335] Uyu musirikare Liyetona Jean Paul Mutabaruka utarashatse gukiza Karangwa ziriya Nterahamwe kandi bari kumwe yaje mu ngabo za APR ariko aza gufatwa arafungwa kubera ibyaha bya Jenoside n'ibindi byaha byakorewe inyokomuntu.

kumenyekana. Bicwaga bahunga ubwicanyi bw'aho bari batuye. Abo imodoka za MINITRAPE ni zo zazaga kubapakira zikajya kubajugunya muri Nyabarongo.

Bariyeri yo kuri ya sitasiyo ya lisanse ya "*Discentre"* yari ikoraniro ry'Interahamwe zo mu Gatsata na Kimisagara iyobowe na Simba Emmanuel bahimbaga Wanyika. Uyu Simba ni we wahaye Interehamwe amabwiriza yo kutongera gusaba indangamuntu ngo barebe isura gusa. Simba yafatanije n'Interahamwe nyinshi zirimo Muhingabo Appolinaire, Serugendo, Epa, Mulisa wakatiwe akaba afungiye i Mageragere, Mazembe Gahwigiri, Cyubahiro, Izayi, Mazembe, Emmanuel umuhungu wa Simba, Muvunyi wo mu Gatsata, Mafene umuhungu wa Nsekeyabanzi, Lambert Akumuntu, Pacifique mwene Mbaraga, Mukera umuhungu wa Izayi n'abandi. Iyi bariyeri yiciweho abantu babaga bavuye mu Gatsata n'igice cya Kimisagara na Nyabugogo bahunga. Yiciweho Sagahutu wari uvuye mu Gatsata n'umugore wa Thimothée witwaga Thérèse, umugore wa Kanimba maze babajugunya mu ruzi wa Nyabugogo.

Bariyeri yari ku kabare ka Sebabirigi yari iyobowe na Muberuka Adiriyani yiciweho na Kayijamahe Martin.

Bariyeri yo ku Kidirishya yayoborwaga na Ntakobatagira Elias afatanyije n'Interahamwe yitwa Gahungu, Célestin wari utuye mu Nyakabingo, abo kwa Ntiyamira n'abandi. Ku itariki ya 10 Mata kuri iyi bariyeri hazanywe abantu 52 bari bakuwe muri serire Katabaro na Kamuhoza bavanywe kuri bariyeri y'ahitwa ku kagega k'amazi. Icyo gihe Interahamwe zabashoreye zimaze kubatamika amabuye ndetse bahambiriwe amaboko inyuma n'imyenda bari bambaye. Ntibashoboraga kuvuga cyangwa ngo batake kubera ayo mabuye bari babatamitse.

Ku cyumweru itariki ya 10 Mata 1994, Mudacyahwa Emmanuel bita «Kibukira» warokotse Jenoside yamanukanye n'abandi Batutsi bagerana ku Kidirishya. Atubwira ko bahageze mu ijoro ryo kuwa gatandatu Interahamwe zibaraza aho bita ku kagega k'amazi zibabwira ngo baje mu nama. Aragira ati: *"Abagore bacu n'abana ntitwari kumwe nabo kuko abagore bari bataratangira kubica. Muri icyo gitondo cyo ku itariki ya 10 Mata badutamitse amabuye batuzirikira amaboko inyuma bakoresheje imyenda twari twambaye, umwe mu bo twari kumwe witwa Muzolewa igihe batuzirikaga yavuyemo ariruka. Asiga barimo kutuzirika badutondesha umurongo tumanuka twerekeza kuri bariyeri y'ahitwa ku Kidirishya. Mu batuziritse harimo Interahamwe yitwa Gahungu na Kabanda Paul bitaga CDR. Ubwo Abahutu bari bahuruye baje*

*kureba uko batwica, badushungeye, badukwena, batuvuma n'amagambo mabi yabavaga mu kanwa. Tukigera aho ku kidirishya ni bwo batangiye kuturasa bigera aho batangira gukoresha impiri n'inkota kugira ngo bahwanye abari bakomeretse ariko bagihumeka. Kwica babonye birangiye haje imashini ya kateripirari imwe ijya iyora ibitaka n'ikamyo yipakurura. Imashini itangira kuyora imena muri ya kamyo nyuma ijya kumena mu mugezi wa Nyabarongo. Iyo katerepilari yaje itwawe n'umugabo witwa Uwamahoro wo ku Kimisagara, Interahamwe zunamuye icumu kuko zigambaga ko zinaniwe. Uwamahoro yanyujije imashini ya katerepilari hejuru y'abari bamaze kwicwa, isyonyora imirambo hapfiramo n'abandi bari bagihumeka"*[336]. Mu bwicanyi bwabereye aha ku Kidirishya kuri iyo tariki mu bantu mirongo itanu na babiri baje kuhicirwa bavanywe ahitwa ku "Kagunguru", haharokotse gusa Mudacyahwa Emmanuel na Pierre na Rusanganwa Jean de la Croix.

#### 4.8.7.1. Umwihariko wa Karushara Rose mu guhuza ibikorwa byo kwica Abatutsi

Karushara Roza azwi nk'umugore w'igishegabo wari utinyitse cyane wakomokaga ku kibuye. Yari umwicanyi kabombo watanze intwaro intwaro zakoreshejwe mu kwica abatutsi muri Kimisagara yose ndetse yarambutse ajya kuyobora ubwicanyi muri Segiteri ya Gitega na Cyahafi. Kubera ubugome bwe burenze ukwemera n'umutima utagira impuhwe, yari yarahaye Interahamwe yayoboraga amabwiriza yo kubanza gufata ku ngufu abagore n'abakobwa no gushahura abagabo mbere yo kubica. Karushara Roza afatanije n'abakobwa be Mukakayibanda na Nyirandegeya bishe Appolinaire n'abana be babiri babajugunya mu rutoki baribwa n'imbwa.

[336] Ubuhamya bwa Mudacyahwa Emmanuel, Kimisagra kuya 02 Gashyantare 2019.




*Mukakayibanda alias "Mukaperezida" umukobwa wa Karushara Roza bishe imbaga y'Abatutsi muri Segiteri ya Kimisagara. Kimwe na Nyina umubyara, yabaye interahamwe akagengana umuhoro n'ubuhiri "Impongano y'Umwanzi" yiteguye kwica abatutsi.*

*Ishusho yavanywe ku murandasi*

Yazengurukaga ahantu agenzura uko Interahamwe zishishikariye kwica Abatutsi. Yanezezwaga no kubona hari Interahamwe imuzaniye umutwe cyangwa ibishahu (iyo yabaga ari umugabo) by'Umututsi yabaga yabatumye kwica. Yakundaga kandi kugororera Interahamwe zigaragaje mu kwica Abatutsi benshi cyane cyane Abatutsi bari bazwi kubera ko ari abacuruzi cyangwa se kubera ko bize. Abandi bagore bitabiriye ubwicanyi ni:

- Mukakayibanda wari uzwi ku izina rya "Mukaperezida" akaba umukobwa Karushara wigeze kwica umugabo witwa Pascal wo mu Cyahafi;
- Nyiramana Eugènie, ava inda imwe na Kavakure yabaga ari mu bitero byose byayogoje Kimisagara, Cyahafi na Gitega;
- Mukagahutu Jeanne, we yagendaga hejuru ya bisi. Yari mu Nterahamwe zitoje kandi yabaga ari kumwe n'Interahamwe mu bitero hirya no hino, Gitikinyoni, Discentre na Simba Wanyika, Kimisagara na Nyakabanda na ho yari yarogeye.
- Mukamwezi na we yizirikaga n'imigozi ku modoka. Yagaragaye cyane muri mitingi no mu myigaragambyo y'amashyaka. Na we yazengurukaga Kigali yose areba uko ubwicanyi bugenda.

Abandi bose barezwe mu Rukiko Gacaca rwa Kimisagara, bashinjwa ibyha bya jenoside baranakatirwa badahari.

#### 4.8.7.2. Ahaguye imbaga y'Abatutsi benshi muri Segiteri ya Kimisagara

Ibitero byinshi byishe Abatutsi ku Kimisagara byaturukaga kwa Karushara bimaze guhabwa amabwiriza ndetse iyo babaga barangije kwica habaga igihe cyo gutanga raporo.. Ni na ho kandi byahuriraga bivuye kwica. Karushara ni we wagenzuraga ubwicanyi uko bukorwa muri Segiteri, ndetse yarengaga n'imbibi akajya kuri «*Sainte Famille*». Kubera urwango yari afitiye Abatutsi, yahawe ububasha budasanzwe, Jenoside imubera umwanya wo kugaragaza ubugome yakoranye mu kushishikariza Abahutu kwitabira no kwica Abatutsi.

Interahamwe zadushoreye zari ziturutse kwa Karushara, zitugejeje ku Kidirishya turi kumwe n'Interahamwe yitwa Ntakobatagira ari kumwe n'umugabo bitaga «Sergent» wari utuye mu mazu ya Karushara akaba yarashakanye n'uwitwa Icyitegetse Jeanne umukobwa wa "Nyirarugohe". Bamaze kwaka abantu amarangamuntu baratuzamuye ku muhanda hafi y'ikidirishya dusanga umusore witwa Kapitali wacuruzaga Caguwa bamaze kumwica ariko agisamba. Kayitsinga ni we wakurikiyeho. Ubwo kwica abagore byari bitaragera igihe. Muri icyo gihe abadushoreraga harimo Noheli Gataza, John ni we wakoranaga na Karushara bya hafi, Innocent, Kabizi, Célestin, Twagira, Rukara Dominique, Kayibanda, Nsenga bitaga Koca, Nsababera uvuka i Nyanza, Matoroshi, Muvala bitaga "Muzehe" wari warabaye umusirikare, Yowasi (ari iwabo ku Kibuye) n'abandi batari bazwi amazina. Icyo gihe haguye uwitwa Kayitsinga Jean d'Amour na Kapitale wacuruzaga imyenda.

Cécile yatwawe n'icyo gitero igihe bageze aho ku Kidirishya biciraga bamusabira imbabazi. Ruhamanya wari muri izo Nterahamwe ni we wamusabiye imbabazi ngo bategereze umugabo we azaze babone kumwica.

Ku munsi wakurikiyeho izo nterahamwe zishe Agronome Rucogoza Antoine wakoraga i Nyagatare yishwe n'uwitwa Ruhamanya wasabye ko Rucogoza ashyirwa aho abandi bari. Rucogoza na Cypriani bahise bajyanwakwa Karushara baregwa ko barimo kubarura Abatutsi bamaze kwicwa. Cypriani yahise acika, muri uwo mugoroba bica Rucogoza.

Kuya 12 Gicurasi 1994 Karushara yakoresheje inama yo kureba niba hari Abatutsi bataricwa ngo babahige bukware. Urutonde rw'abagomba gupfa muri Segiteri ya Kimisagara rwongeye gusuzumwa bihagarariwe na Konseye Karushara afatanyije na Ruhamanya. Hari kandi Ugirashebuja na John bari ibyegera bya Ruhamanya. Iyo nama yabereye ahitwa ku Kidirishya ahari bariyeri iyobowe na Célestin afatanyije na Innocent. Aho ku Kidirishya kandi hari hateraniye Interahamwe Karushara yari yemereye inka yo kurya. Imaze kuhagera barayibaze, Interahamwe zigabana inyama maze zikomeza gahunda yo guhiga bukware Abatutsi aho bari bihishe. Nyuma y'iyo nama yari igamije kubarura Abatutsi bakiriho bashatse kwica Cécile na Donatha ariko Ruhamanya avuga ko batabica kuri uwo munsi ahubwo bazabasasira umubyeyi[337]. Kuri uwo munsi saa moya za nimugoroba ni bwo batangiye kwica. Bahereye kwa Karera François, umugore baramutema bamuta mu cyobo. Umwana we witwa Uwimana na we bari bamukubise ntampongano ariko we atarashiramo umwuka. Mukamurenzi Winiflida n'umuhungu we Uwimana bo baje kurokoka bakuwe aho bari batawe mu cyobo barokowe n'umugabo wo mu Cyahafi.

Icyo gitero cyari kiyobowe na Ruhamanya afatanyije n'Interahamwe yitwa Matoroshi. Bageze kwa Semanyenzi bahise babasohora we n'umugore. Bageze hafi ya SODEPARAL bishe Semanyenzi yabanje kubasaba imbabazi avuga ko azabagororera aramutse abayeho. Abicanyi ntibamwumvise kuko Semanyenzi n'umugore babatsinze aho, barangije barabacuza. Imyenda ya Semanyenzi yambarwaga na Matoroshi na ho ibitenge by'umugore we byajyaga byambarwa n'umugore w'Interahamwe yitwa Innocent. Bamaze kwicwa bajugunywe mu cyobo cyajugunywagamo impu kiri kuri SODEPARAL.

Icyo gitero cyakomereje ku'witwa Uwimana Martina. Amaze kumenya ko Interahamwe zije yahungiye mu rugo rwa Yohani yakirwa n'umukecuru witwa mama Kabibi. Interahamwe zahise zifata Muvala wafashije Martina kugera kwa Yohani zimujugunya mu cyobo cyo kwa Kabera ari muzima maze zimutera gerenade aho muri uwo mwobo aba ari yo imushwanyaguza.

Bucyesenge wavukaga i Remera ya Rukoma wakoraga mu ibagiro rya OPROVIA yishwe amaze kugambanirwa n'abo bakoranaga. Na we yishwe muri iryo joro ryo kuwa 12 Gicurasi

[337] Umubyeyi uvugwa hano ni Perezida Juvénal Habyarimana.

1994bamwicanye n'undi musore. Ni uko Yasoni Ndikuryayo, Kosamu, Nsabimana, Karemera n'abandi bishwe.

### 4.8.7.3. Iyicarubozo ryakorewe Abatutsi muri Segiteri ya Kimisagara

Kimwe n'ahandi mu Rwanda, Abatutsi barishwe muri Segiteri ya Kimisagara bakorerwa iyacarubozo mbere na nyuma y'uko bavamo umwuka. Ingero zamenyekanye n'izi zikurikira:

- Umugore wa Gahunga wishwe atwite inda y'imvutsi. Interahamwe zabanje kumufomozamo umwana zimusiga aho asambagurika. Ibyo babikoreye kuri bariyeri yari mu marembo kwa Karushara;
- Ndegeya wishwe n'Interahamwe zoherejwe na Karushara zimutwikisha ipine ;
- Alphonsine umugore wa Kabuguza wari ufite sitasiyo ya lisansi ku gitikinyoni na we yishwe atwikishijwe ipine;
- Nyirabukwe wa Kabuguza babanaga mu rugo, na basaza b'Umugore we Alphonsine babiri, Interahamwe zabajugunye mu musarani, nyirabukwe bamusiga mu musarani hejuru aho buri gitondo bakajya kumunyara mu kanwa ngo ziramuha icyayi cya mu gitondo;
- Kanamugire Marcel wishwe washahuwe, nyuma aratemagurwa, nyuma bamutwara ku ngorofani bajya kumujugunya mu cyobo cyo kuri SODEPARAL;
- Rose umugore wa Kanimba, Interahamwe zitwa Akumuntu Lambert mwene Sebabirigi Roger n'abandi banya Kiruhura babanje kumufata ku ngufu bamumarana igihe kirekire umugabo we yaramubuze. Ntibanyuzwe baje kumutema barangije bamushyira ibiti mu nda ibyara bajya kumuta mu irimbi agihumeka ariko arembye. Yaje gutoragurwa mu ishyamba ryari hafi y'irimbi ubwo abaturage ba Kimisagara bari batabaye umuryango wari wapfushije umwana. Umugabo we nawe wari watabaye uwo muryango amukubise amaso ahita avuza induru asaba abo bantu bari batabaye ngo bamufashe kumuheka. Abaturage bamaze gushyingura uwo mwana ingobyi bamuzanyemo ni yo bakoresheje guheka mugore wa Kanimba bamusubiza mu rugo ngo umugabo we amurwaze.
- Umugore wa Kalisa witwaga Rose yari atwite inda nkuru, Interahamwe zaramubaze ngo zirebe ikiri mu nda. Bamaze kumusatura inda bamusize agaramye aho akana bari bamaze kumukuramo gasigara gasamba aho hasi, hashize akanya kahise gashiramo umwuka

hanyuma imbwa ziragashwanyaguza. Muri abo bamugize ze batyo harimo uwitwa Akumuntu Lambert mwene Sebabirigi Roger n'abandi banya Kiruhura.

#### 4.8.8. Segiteri ya Cyahafi

Hirya no hino muri Segiteri zihana imbibe na Cyahafi hari harimo kuba ubwicanyi ariko kugeza tariki ya 12 Mata abaturage ba Cyahafi bari bagifite ubumwe kuko Konseye Michel yari yasabye abantu gutangira gukora amarondo kugira ngo birindire umutekano. Icyo gihe ari Umututsi ari n'Umuhutu bose bahuriraga kuri bariyeri, abandi bakayisimburanwaho.Yari yarasabye abaturage kudasubiranamo ariko hagati aho ukabona Gitega, Kimisagara, Muhima n'ahandi ubwicanyi burakorwa. Abaturage ba Cyahafi bari bagishyize hamwe bagira ngo Interahamwe za Kimisagara, Muhima, Gitega ntizitere aho mu Cyahafi. Ni bwo bariyeri zikomeye zashyizwe ahitwa mu Kanyanza zikumira abicanyi baturuka ku Muhima, kuri Mpazi bakumira abaturuka Kimisagara, ndetse ahitwa mu Kakirinda hari bariyeri yakumiraga abicanyi baturuka ku Gitega.

Ibyo ariko ntibyamaze kabiri kubera urwikekwe rwari rwatangiye hagati y'Abahutu n'Abatutsi. Nyuma umwuka wakomeje kugenda uba mubi mu baturage ba Cyahafi, bariyeri barazitinya ndetse bamwe ntibazisubiraho. Ubwo ariko Konseye Michel yaje gufata icyemezo rwihishwa abantu benshi batabizi ko na Cyahafi yatangira kwica. Umugoroba umwe abantu bari kuri za bariyeri, we n'abandi bantu bagiye rwihishwa gukorera inama kuri butike y'umugabo witwa Emmanuel wakomokaga ku Gisenyi. Ndayambaje Pierre na Zaburoni ubwo bari bagiye kuruhuka gato kubera ko bari biriwe ku irondo, bageze imbere yo kwa Emmanuel, Ndayambaje Pierre ajya kugura ipaki y'itabi aho kwa Emmanuel. Agezemo yasanzemo Konseye n'agatsiko k'Abahutu karimo Twagira, Yonasi, Shumbusho n'abandi. Bakirabukwa Ndayambaje Pierre, bahise bamwikanga na we abona ko hari ikibazo bamukinze. Ni uko urwikekwe rwatangiye.

Kuya 12 Mata 1994 mu gitondo ni bwo kwica Abatutsi byatangiye. Uwo munsi hishwe Gahutu[338] umuhungu wa Nyirampiya bamutsinze munsi yahariya hubatse urwibutso rw'abazize Jenoside yakorewe Abatutsi. Uwo munsi kandi hishwe undi mugabo utari usanzwe atuye mu Cyahafi wahanyuze ahunga bamutsinda munsi ya Segiteri. Kuva icyo gihe ni bwo Abatutsi bo muri Segiteri ya Cyahafi cyane cyane abari batuye muri Serire ya Kora babonye ko ibintu bigenda birushaho kuba bibi.

---

[338] Gahutu yakoraga akazi ko gutwara abantu ku ipikipiki.

Iminsi yakurikiyeho yabaye injyanamuntu kuko ubwicanyi bwakajije umurego ndetse n'inama z'urudaca zikomereza kubera ku biro bya Segiteri aho Havugimana Michel yaheraga amabwiriza Interahamwe. Abitabiraga cyane inama zo kuri Segiteri muri iyo minsi ni uwitwa Ndayambaje na Ninja.

Kuya 14 Mata 1994 yabaye itariki idasanzwe n'ubwo n'andi atari yoroheye abahigwaga. Kuri uwo munsi Konseye yatumiye inama ariko yitabirwa gusa n'abo yifuzaga kuyijyamo. Abaserire na Resiponsabure bari batumiwe usibye umuserire umwe wari Umututsi utarigeze ayitumirwamo. Ni uwitwa Ndayiroye André. Iyo nama yari irimo kandi ka gatsiko kari gasanzwe gakorera inama mu kabare ka Emmanuel. Ndayambaje na Ninja nabo bari bayitabiriye. Muri icyo gihe kandi kubiro bya Segiteri hahabarega haje kuza amakamyo ane yuzuyemo Interahamwe n'abasirikare. Yahagaze hepfo y'ahari hubatse ibiro bya Segiteri akuramo abo bicanyi, akomeza urugendo. Izo nterahamwe zari zafashe agahanda kari munsi y'ibiro bya segiteri gahinguka munsi ya «Gereza ya 1930». Ntibyatinze kandi kuko hakurya muri Segiteri ya Kimisagara haturutse igitero cy'Interahamwe zitwaje imbunda, amahiri ya ntampongano, amagerenade, imihoro n'amashoka zije gufasha abari baje mu makamyo. Icyo gitero kihageze nacyo cyagumanye na babandi baje kare bazanywe n'amakamyo. Ubwo hari nyuma ya saa sita hafi sa cyenda gutyo.

Muri izo gahunda zari zirimo kubera kuri Segiteri ni ho havuye imbarutso yo gutangiza ubwicanyi mu Cyahafi n'ubwo hari abari bamaze kwicwa batagira ingano. Interahamwe yitwa Munyawera yaje kurasa amasasu mu kirahuri cy'idirishya maze abari mu nama basohoka basakuza bavuga ngo "Inyenzi zirashe Konseye Michel". Ntibyatinze za Nterahamwe zahise zizamuka zikoze imirongo ibiri ubona ziteguye kurasa zerekeje ku biro bya Segiteri. Icyo cyari ikimenyetso cyo guhamagarira bya bitero byari biri ku muhanda wo hepfo[339] gutangira kwica kuko ntawigeze arasa Konseye Michel. Abari kuri Segiteri bahise bafata indangururamajwi batangira kuvuga ngo abantu bose nibasohoke mu ngo zabo, ngo uwo basanga mu rugo ni we uba yarashe Konseye.

Ni bwo rero za Interahamwe zari ku gahanda ko k'epfo zazamutse ku mirongo ibiri zigana kuri Segiteri ahaberaga ya nama. Kubera ayo mabwiriza mashya yari amaze gutangwa, abantu benshi b'igitsinagabo bahise bajya hanze nk'uko amabwiriza bari bamaze gutanga yavugaga. Uwitwa

[339] Interahamwe n'abasirikare bari bazanywe n'amakamyo ndetse na babandi bari baturutse ku Kimisagara.

Gafaranga yari Umututsi muremure arengeje hafi metero ebyiri, igihe na we yari ahagaze aho ku nzira yazamukaga igana kuri Segiteri ya Cyahafi za Nterahamwe n'abasirikare zari zihagaze hepfo ku muhanda igihe zazamukaga zigana kuri Segiteri, havuyemo umusirikare umwe ashyira Gafaranga ku ruhande ahita amaurasa amutsinda aho. Gafaranga ni we Mututsi wabimburiye abandi kwicwa muri Serire ya Kora. Uwitwa Ndayambaje Pierre wari umuturanyi we yahise agaruka mu rugo iwe abwira umugore we ko umuturanyi wabo Gafaranga bamwishe.

Izo Nterahamwe zakomeje inzira zirenga ibiro bya Segiteri zigana mu Gakinjiro ahari hatuye Abatutsi benshi bakomokaga i Nyanza. Aho mu Gakinjiro hari hatuye Abatutsi benshi barimo abacuruza caguwa ndetse n'abadozi b'imyenda bakomokaga i Nyanza, Murama na Masango. Abenshi muri bo bari abasore ku buryo washoboraga gusanga babana mu nzu ari nk'icumi. Konseye Haragirimana Michel, Munyawera, Ndayambaje, Ninja n'izindi Nterahamwe zari kuri Segiteri bahise bakurikira abo basirikare n'Interahamwe zari zigiye mu Gakinjiro[340]. Iraswa rya Gafaranga ntawigeze amenya ko Jenoside itangiye byibuze ngo abantu batangire guhunga. Haragirimana Michel yari konseye wa Cyahafi. Yakatiwe burundu y'umwihariko[341].

Igitero kikigera mu Gakinjiro ahari hatuye abo bitaga «abanyenyanza», Interahamwe n'abo basirikare binjiye mu mazu yabo batangira kwica abantu bararasa, ari na ko batema abantu hari Interahamwe zitwaje imihoro n'amashoka, amagerenade n'izindi ntwaro. Bishe abantu barenga 70 bari batuye aho, nta n'uwo kubara inkuru wasigaye. Interahamwe zimaze kwica zafashe amagunira maremare amwe ajyamo ibiro ijana zitangira gupakiramo abantu zari zimaze kwica, maze zikaza zikurura iyo mifuka zagera kuri uriya muhanda wubatse amabuye zigafungura igunira zikamena hanyuma zigasubirayo. Usibye abo bakoreshaga amagunira hari abandi bashyiraga umuntu ku rugi zigaterura zikaza kujugunya kuri uriya muhanda. Bamaze kubona ko bibavuna kubazana hepfo ku muhanda bahise batangira noneho kubajyana hejuru mu Gakinjiro kuri kaburimbo.

Bukeye bwaho kuya 15 Mata saa tatu za mu gitondo, Interahamwe zamanuye abandi bantu bagera kuri 60 zibaboheye amaboko inyuma zikoresheje amashati bari bambaye, berekeza aho bari bajugunye imirambo y'abari baraye bishwe. Muri abo bari baboshye bagiye kwicirwa kuri

---

[340] Impamvu babanje kujya kwica Abatutsi bo mu Gakinjiro n'uko batekereje ko ni bahera kwica Abatutsi batuye muri Kora basanga abo mu Gakinjiro bahunze.

[341] Urukiko Gacaca rw'Umurenge wa Cyahafi, Nyarugenge, 2009

uwo muhanda harimo umugabo witwa Ndayambaje Pierre wakoraga muri Minisiteri y'Imigambi ya Leta (MINIPLAN). Bamaze kuhabageza babatondesheje umurongo umwe batangira kubarasa urufaya, icyo gihe hishwe benshi amasasu aza gushira batangira kwicisha ubuhiri no gutema abantu bakoresheje udushoka.

**4.8.8.1. Bariyeri ziciweho Abatutsi muri Segiteri ya Cyahafi**

Hari itsinda ry'Interahamwe indege yari itwaye Habyarimana ikimara guhanuka ryahise rishyiraho bariyeri. Muri zo Nterahamwe twavuga Rwabutogo François wari umunyamakuru wandikaga "La Médaille Nyiramacibiri", Sebukiro Bosco, Musoni na Nteziryayo bene Musominari, Sinamenye ufite nyina witwaga Thérèse, Maurice mwene Bahizi Etienne, Bazumutima Innocent na Bazumutima Patrick, abahungu ba Bazumutima Ananiya.

- Muri Serire ya "*Akakirinda*" honyine bashyizweho bariyeri zirenga eshanu. Mu Gakinjiro kuri kaburimbo iruhande rwa Shyirakera Michel bitaga kuri Etat Majoro;
- Bariyeri yo kuri "Café Nector".
- Bariyeri yari yashyizwe kwa Gatarama Alphonse munsi ya LNDC;
- Bariyeri yashyizwe kuri "Tezefu" mu muhanda rwagati wa kaburimbo ibuza abantu kuba bahungira mu macumbi y'abarimu ba Lycée Notre Dame de Cîtaux. Iyo bariyeri yari ifitwe n'Interahamwe zifatanyije n'abasirikare. Yiciwe ho Ngabonziza Aimable na Lambert barashwe n'umusirikare. Ubwo yari amaze kwirukanwa aho yari yahungiye muri LNDC ari kumwe n'umwana bari baturanye witwa Lambert mwene Rudomo Aloys. Bakigera kuri bariyeri yari hafi y'ahinjiraga ku macumbi y'abarimu ba LNDC, umusirikari umwe yarabahagaritse maze ahita arasa Lambert naho Aimable Ngabonziza ahita yiruka ajya kwihisha mu bwiherero. Umukecuru wari wamubonye aho yaihishe ni we waharangiye uwo musirikare, maze aza kumutwara amwerekeza kuri ya bariyeri ahita amurasa amasasu abiri yo mu mutwe ahita yitaba Imana[342].
- Bariyeri yari munsi y'ibiro bya segiteri hari akazu bari barahimbye "Kinihira" kafungirwagamo abantu bategereje kwicwa;
- Bariyeri yo kwa Vincent bari barahimbye muri Arusha. Hari indi bavugaga ko iyoborwa na Ndayambaje wo kwa Rugwizangoga, iyi yiciweho abantu magana abiri muisaha imwe.

[342] Ubuhamya Gatsimbanyi Ernest, Nyarugegenge, kuya 12 Mutarama 2019.

Uyu Ndayambaje yabyiyemereye mu rubanza yarezwemo mu nkiko Gacaca. Uyu yemera ko yishe we ubwe abarenga magana atanu.

- Mu muhanda ugana ku bitaro bya CHUK hashyizwe bariyeri nayo yari ifitwe n'abasirikare bafatanyije n'Interahamwe.
- Bariyeri yari munsi y'ishuri ry'amaposita ubu hubatse Ikigo cy'Igihugu cy'Iteganyagihe. Iyo bariyeri yabuzaga abaturutse muri Segiteri ya Gitega guhungira muri Serire Akakirinda ihana imbibi na Segiteri ya Gitega.
- Bariyeri yari haruguru y'irembo ry'ishyuli ry'amaposita. Iyo bariyeri ni yo yatindishijwe umurambo w'umugore wa Karekezi witwaga Mukamutara Adela wari umaze kwicanwa we n'abo mu muryango we 11. Uturutse hepfo mu ngo z'abaturage imbere yo kwa Gatsimbanyi, Sebukiro Bosco yahashyize bariyeri. Uvuye aho kwa Gatsimbanyi indi bariyeri yari iri ku kazu k'amazi uturutse munsi ya Gakinjiro. Imbere yayo nko muri metero ijana hashyizwe indi yabuzaga abaturutse mu ngo zo muri Serire Akakirinda guhunga bagana kuri kaburimbo. Bariyeri yindi yashyizwe muri "Akakirinda" n'iyasohokaga ku'ishuri ry'amaposita ikinjira mu mu muhanda ugana ku Gitega.

**Ubuhamya bw'iyicwa rya Ndayambaje Pierre**[343]

*Jenoside itangira, Ndayambaje Pierre yabanje kwihisha hirya no hino, rimwe na rimwe interahamwe zikamuvumbura aho yihishe, ariko ntibamwice kuko zahitaga zicikamo ibice kubera ko Ndayambaje Pierre yari azwiho kugira umutima mwiza. Kurokoka bwa mbere n'umunsi ubwicanyi butangira ubwo bari bamaze kwica Gafaranga, umuturanyi we. Muri izo Nterahamwe harimo iyitwa Ndayambaje JMV yari afite imbunda yo mu bwoko bwa "pistolet" na we warasaga abantu igihe bari babashyize ku murongo. Interahamwe Ndayambahe JMV amaze kubona Ndayambaje Pierre, wari inshuti ya se*[344] *kubera ko yari yaramwishyuriye umwaka wa nyuma w'amashuri muri APACOPE ise amaze gupfa, amutunga pistolet yari afite aramubwira ngo nave mu murongo w'abandi ni we uri bumwiyicire. Akimara kumukuramo yaramushoreye maze amurengeje munsi yo kwa Alphonse, aramubwira ngo nagende yihishe ntiyatuma apfa kandi yaramugiriye neza.*

---

[343] Ubuhamya bwa Umuhoza Annonciata, akaba umugore wa Ndayambaje Pierre, Gitega kuya 22 Gashyantare 2020
[344] Ise w'iyi nterahamwe yitwa Ndayambaje atarapfa yakoraga muri Haton.

*Ubwo Ndayambaje Pierre amaze gukizwa abifashijwemo na Ndayambaje JMV yuriye umukingo wo kwa Alphonse yihisha mu bwiherero bwo muri urwo rugo. Mu rugo rwa Alphonse hari hacumbitse umugabo witwa Gitenge wigeze gushaka gukodesha inzu yo kwa Ndayambaje Pierre. Gitenge yaje gushaka kwihagarika maze yinjira muri bwa bwiherero ni ko gusangamo Ndayambaje Pierre yegamyemo n'uko Gitenge*[345] *avuza induru agira ngo Interahamwe zihurure zize zimwice. Ndayambaje Pierre ni bwo yavagamo ariruka ajya kwihisha ahandi bigeze nka sa mbiri z'ijoro Ndayambaje Pierre agaruka iwe mu rugo, yabwiye umugore we ngo amubwirire interahamwe yitwa Ndayambaje*[346] *irebe uko ibigenza kuko ubuzima bwe bwari mu mazi abira; hanyuma ajya kwihisha mu matafari ya rukarakara yari iwe mu gikoni.*

*Ndayambaje JMV yaje kuza abwira umugore wa Ndayambaje Pierre ngo ajye kwa nyina wa Ndayambaje JMV witwaga Verediyana*[347] *amusabe ko Pierre Ndayambaje yihisha aho mu rugo*[348]*. Umugore yagiyeyo arabimutekerereza ariko yari azi neza ubugome bw'uwo Verediyana. Ariko yatekerezaga ko ineza Ndayambaje Pierre yagiriye uwo muryango ayiturwa. Verediyana amuhakanira ubuhungiro bw'umugabo we, amwibutsa ko bavuze ko abagabo bose bicwa. Umugore wa Pierre acyumva ayo magambo yagarutse mu rugo ahamagara Kalimu ngo abwire Ndayamaje JMV*[349] *ko Verediyana yanze kwakira Pierre mu rugo rwe. Pierre ubwo yari yihishe mu matafari ya rukarakara yari mu gikoni. Ndayambaje JMV yaje gusaba Kalimu na Fifi ko Pierre yaza kwihisha iwabo, hanyuma uwo mugoroba Kalimu aza mu rugo abwira umugore wa Pierre ko Pierre aza kubonana na Ndayambaje muri urwo rugo; Kalimu ahita asubirayo. Ntibyatinze, umugore wa Pierre yahise ajya kubibwira Pierre anyuze ku idirishya ry'inyuma. Ubwo yahise azamuka muri ya matafari yari yihishemo yicara hejuru ategereje kururuka. Ako kanya imbwa zo mu rugo zitangira kumoka. Umugore aramubwira ati ba uretse ndebe ikintu gitumye imbwa zimoka. Umugore yazengurutse inzu ageze imbere ku irembo ahasanga interahamwe eshatu ari bo: Muzehe wo kwa Rukema, Interahamwe yari yaturutse mu Kanyanza*

---

[345] Icyo Gitenge yari agambiriye kwari ukumwishyura ibyo yamukoreye kuko Ndayambaje Pierre yari yarimye Gitenge inzu yo gucumbikamo kandi ihari.

[346] Uyu n'umuhungu w'umuturanyi Ndayambaje JMV yaje gupfusha se wakoraga muri Haton yiga mu mwaka wa gatandatu mu ishuri APACOPE. Pierre Ndayambaje aza kumufasha kurangiza amashuri nk'umwana w'inshuti, amurihira ishuri n'ibindi.

[347] Uyu yashoboraga kurokora Pierre; Verediyana nawe yari interahamwe yitwazaga imbunda kandi yambara amakoti ya gisirikare babaga barahawe n'umuhungu wabo wari umusirikari mu nzirabwoba.

[349] Uyu ndayambaje yakundaga kujya kwica hirya no hino ku buryo yabonekaga mu Cyahafi gake gashoboka kandi nawe yari imwe mu nterahamwe nkuru zo mu Cyahafi.

*na Théodore wari umupolisi. Izo nterahamwe zahise zishorera umugore wa Pierre zimwinjiza mu nzu zitangira gusaka mu byumba ariko Pierre aho yari ari ategereje kururuka ntiyigeze amenya ko interahamwe zateye mu rugo rwe. Yaje kubimenya ari uko abonye amatoroshi no kumva imirindi y'inkweto zabo zivuga noneho arwana no gusubira muri wa mwenge w'amatafari. Mu gihe atarasubiramo yakubise umutwe ku ibati, maze za nterahamwe zitangira kuvuza amafirimbi zivuga ngo hariya mu gikoni harimo ikintu. Interahamwe zo kuri bariyeri n'abandi bari ku irondo bahise baza, bajya kureba muri cya gikoni basanga yicaye muri wa mwenge w'amatafari. Bariyamira cyane, bavuga ngo na wa mugore bamusohore wavugaga ko atazi aho umugabo we ari. Baramusohoye bamwicaza imbere y'umuryango ategereje gupfa. Ya nterahamwe yo mu Kanyanza yahakanye ko itamwica kubera ko Ndayambaje Pierre asanzwe ari umugabo mwiza, undi na we avuga ko akunda gutwara abantu mu modoka ye ko nta kibazo afitanye n'abaturage, ntibaba bakimwishe.*

*Interahamwe zimaze kuhava Ndayambaje Pierre yahise ahungira iwabo wa Kalimu aba ari ho yihisha. Umugore we yakomeje kujya agenda muri rwa rugo agemuriye umugabo we, noneho umunsi umwe umuturanyi wabo Imakulata abwira Interahamwe zateraniye kuri Segiteri ko mu rugo iwabo wa Kalimu hihisheyo Inyenzi yitwa Ndayambaje Pierre. Izo nterahamwe ntizabivuzeho rumwe kubera ko bari baracitsemo ibice bibiri, hari abarwanya interahamwe yitwa Ndayambaje JMV hari n'abandi bamushyigikiye kandi bazi ko Ndayambaje Pierre yihishe iwabo wa Kalimu. Abari bamushyigikiye banze ko hagira ujya gusaka iwabo wa Kalimu abandi nabo bemeza ko bagomba kujyayo. Igihe izo nterahamwe zajyaga impaka Ndayambaje Pierre yahise asohoka aho yari yihishe ahungira mu rugo kwa Juvénal yinjira mu nzu abasaba ko bamuhisha. Bakimukubita amaso bahise bavuza induru bati dore ya nyenzi yabuze kandi ubwo ni we umugabo wari usigaye ataricwa.*

*Bakimara kumwirukana yafashe akayira ajya kwihisha kwa Gatemberezi umugabo w'umutwa wari uhatuye. Umugore we akimubona yahise amubwira ati mvira aha Gatemberezi nakubona hano aragutanga, bituma agaruka mu rugo iwe. Umugore we yaje gutumaho ya nterahamwe Ndayambaje JMV iraza maze ifata icyemezo cyo kujya kumuhisha iwabo n'ubwo nyina atabishakaga.Bagezeyo yabanje kwihanangiriza nyina ko icyo Ndayambaje Pierre azaba atazamwihanganira. Uwo munsi nka saa saba, hari kuya 28 Mata, mu rugo kwa Ndayambaje Pierre haje interahamwe Fils, Muzehe, Claude, Cyewusi ndetse na Imakulata. Imakulata abwira*

*umugore wa Pierre ngo niyerekane aho Ndayambaje Pierre ari cyangwa bamwice ari we. Fils icyo gihe yabwiye umugore wa Pierre ko agiye kumurasa isasu ry'ikibero kugira ngo amubwire aho umugabo we ari. Immakulata nawe ati ni byo mumurase isasu ry'ikibero (2), ngo nirimurya aravuga aho ari. Fils yarashe wa mugore ariko isasu rinyura hagati y'amaguru rimena urugi ryinjira mu nzu. Fils yongeye gushaka kurasa wa mugore, maze ashinga umunwa w'imbunda ku kirenge aramubwira ngo agiye kumushanyaguza ikirenge. Cyewusi yaramubujije aramubwira ngo nareke uwo mugore amwibutsa ko Konseye yavuze ko batagomba kwica abagore, ko igihe cyabo kitaragera.*

*Interahamwe iragenda noneho Immakulata ahita ajya kwa Verediyana aho Pierre yari yihishe. Verediyana yari yongoreye izo nterahamwe ko Pierre ari iwe, maze izo nterahamwe zimanuka zijya ahari bariyeri. Ntibyatinze hazamutse igitero simusiga kijya kwa Verediyana kimusohora muri ya nzu Ndayambaje yari yihishemo. Abaturanyi barimo Gatemberezi, umugore we n'abandi nabo barahurura ngo bajye kureba uko bica Ndayambaje Pierre. Za nterahamwe zabanje kumubwira ngo yicukurire abasubiza ko nta mbaraga afite. Nyuma zashatse kumubabarira ariko igihe zitaramuvugaho rumwe haje Interahamwe yitwa Emmanuel yari ifite ntampongano. Iyo nterahamwe Emmanuel yabwiye bagenzi bayo ngo nibamubabarira ntatera intambwe ataramufata ngo amwiyicire. Byarangiye banze kumubabarira noneho ngo baramubwira ngo najye mumugende w'amazi awuryamemo. Niko yabigenje maze bahita bamukubitiramo amasasu barangije bamurituriraho umukingo.*

Muri Segiteri ya Cyahafi, ubwicanyi bwarakomeje, hafatwa Hamada na Musafiri bari Abatutsi batuye muri Kora. *Hamada na Musafiri babanje kwihisha mu gikoni cyo kwa John, biyorosa ibarizo ryari rihari kuko ariryo bacanaga. Ijoro ryambere barayemo abagore babo baje kubasura babazaniye icyayi. Umugore wa John yari azi neza ko abo bantu bahihishe, yemerera abagore babo ko bazajya bagemurira abo bagabo. Ku munsi wa gatatu bihishe aho, umugore wa John aza kubwira umugabo we ko hari abantu bihishe mu gikoni cyabo ariko ntiyari azi ko abifata nabi. John nyirurugo ntibyamushimishije. Bukeye mu gitondo ni bwo yagiye ku muturanyi witwa Nikuze Imaculata aramubwira ati ubwo uri kumuhanda nubona Interahamwe uzibwire zize zikure inyenzi zihishe iwanjye mu gikoni. Umwana wa Hamada wakinaga n'abandi aho kwa Nikuze Immakulata aba yabyumvise, yiruka ajya kubwira nyina ibyo yumvise. Umugore wa Hamada yahise ajya kwa Musafiri abwira umugore we ko aho abagabo babo bihishe*

*hamenyekanye kandi ko Interahamwe zigomba kuza kuhabavana. Kubera ko hari kumanywa, batinye kujya kubabwira bavuga ko bajyayo nijoro.*

*Nikuze Imakulata ageze kuri Segiteri ahari habereye inama y'Interahamwe, yarembuje uwitwa Ninja na Kiki baza bamusanga arababwira ati mujye kuri iki gipangu cyo munsi yanjye, mukuremo inyenzi zihishe mu gikoni[350]. Izo nterahamwe ntizahise zijya gushaka abo bantu kwa John, ahubwo zamanutse hepfo kuri bariyeri maze bazamukana n'igitero cyari gihari. Icyo gitero kije kwa John mushiki wa Musafiri yarabibonye yiruka yinjira mu nzu kwa John aruhukira mu cyumba cy'aba nyirurugo munsi y'igitanda. Ubwo Interahamwe zirimo Ninja, Rwubusisi wari perezida w'Interahamwe, Bideri, Nangwa, Harera[351], Joseph n'umuhungu we witwa Remy, Kamonyo, Shumbusho, Yonasi n'abandi, zikihagera yahise aziyobora aho Hamadi na Musafiri bari bihishe babakuramo buzuye ibarizo umubiri wose, Interahamwe zivuza induru n'amafirimbi. Wa mukobwa mushiki wa Musafiri yaje gusohoka mu cyumba aho yari yihishe maze John aramutuka amubaza impamvu yinjiye mu cyumba cye. Umwana w'umukobwa asubira kwa musaza we.*

*Bigeze ni mugoroba kuri uwo munsi bishe Musafiri na Hamada, John yagiye kuri bariyeri azana Interahamwe bajyana kwa ba bagabo bishwe mu gitondo bigabiza abagore babo babafata ku ngufu. John yafashe umugore umwe muri ba bandi indi nterahamwe nayo ijya kwa Musafiri yiha umugore we. Wa mwana mushiki wa Musafiri bamuhaye indi nterahamwe ariko yaje kubwira uwo mwana w'umukobwa ko nta cyo yamukoza ari ikiremba. Iyo nterahamwe icyo yakoze yafashe igiti aba ari cyo ashyira muri uwo mwana*[352].

Muri Segiteri ya Cyahafi, Interahamwe zarishe abantu babura aho bajya kubahamba bigeza aho abayobozi n'abakuru b'Interahamwe bavuga ko uzajya yica umuntu azajya amwihambira. Interahamwe ntizacitse intege ahubwo zongeye umurego noneho yajya kwica umuntu akamubwira ngo nabanze yicukurire. Mu bantu bashyinguye mu rwibutso rwa Cyahafi abenshi ni abicukuriye. Barababwiraga ngo ni bicukurire barangiza bakigera muri uwo mwobo nyuma bakabashyiramo bakabakubitiramo amafuni barangiza bakorosaho ibitaka.

---

[350] Ubuhamya bwatangiwe mu ikusanyamakuru y'inkiko gacaca.
[351] Harera yari umwicanyi ruharwa kubera kwica no gufata abagore ku ngufu wakatiwe n'inkiko Gacaca igifungo cya burundu, ariko ubu akaba yidegambya.
[352] Uyu mwana byabayeho ubu yarakuze arashaka, abyaye gatatu.

### 4.8.8.2. Ahiciwe imbaga y'Abatutsi benshi muri Segiteri ya Cyahafi

Kwa Karekezi bitaga "Agronome" mu rugo munsi y'ahahoze ishuri ry'amaposita ubu hakorera Ikigo Gishinzwe Iteganyagihe hiciwe abantu benshi. Umuryango wa Karekezi n'umuryango we wari ugizwe n'abantu 11 Interahamwe zarabishe, umurambo w'umugore we Adela bawukoresha bariyeri.

Kuri bariyeri yok u muhanda munini imbere y'amacumbi y'abarimu ba LNDC hiciwe abantu benshi. Mukujya kubica, abasirikare barabashoreye, babiri barabacika barimo umugabo witwa Gatsimbanyi. Abandi barimo imiryango ya Bahutu Innocent, Malakiya, Rwagakiga Ferdinand, Gasarabwe wishwe na we akaswe ururimi, Kayiranga Cyrille, Rutayisire Théogene, Gatarayiha Augustin n'umwana we Gatarayiha Jean Paul alias Mimi, Kagorora, umugore we n'abana batatu, Rutayisire wakoraga muri "Bar Imararungu", Innocent wari umushoferi muri MINAGRI akaba yari acumbitse kwa Kabongo Pascal n'abandi benshi biciwe kuri bariyeri yari munsi ya Lycée.



*Iyi nzu iherereye munsi y'Akagali ka Kora ahahoze Ibiro bya Segiteri ya Cyahafi. Ni yo yafungirwagamo Abatutsi babaga baturutse hirya no hino mbere yo kwicwa.*

*Amashusho yafashwe n'umushakashatsi*



*Abatutsi biciwe ku biro bya Segiteri ya Cyahafi no mu nkengero zayo bamwe muri bo bashyinguye ku rwibutso rwa Cyahafi, ariko benshi muri bo bajyanwe n'ibikamyo byari byatanzwe na MINITRAPE ndetse n'uMujyi wa Kigali igihe igikorwa cyiswe cyo gusukura umujyi cyari gitangiye*[353].

Umwe mu bazaga gutwara imirambo y'abababaga bishwe harimo umuturage wo mu Cyahafi witwa Nicodemu wakoraga muri MINITRAPE mu ishami ry'amateme n'imihanda. Imibiri y'Abatutsi babaga biciwe ahantu yaje kuburirwa irengero, imwe ikaboneka mu byobo rusange, indi ikajugunywa mu migezi nk'uwa Nyabarongo cyangwa Nyabugogo ubu ikaba itarashyingurwa mu cyubahiro.

### 4.8.8.3. Iyicarubozo ryakorewe Abatutsi muri Segiteri ya Cyahafi

Interahamwe zo mu Cyahafi zishe abantu urubozo ndetse zongeraho no gushinyagurira imirambo. Umugore wa Karekizi witwaga Mukamutara Adela amaze kwicwa, Interahamwe yitwa Rwabutogo bitaga Nyiramacibiri, Sebukiro, Cyuma, Gasongo, Kanyandekwe n'abandi bafashe umurambo we bawutindisha bariyeri yari yashyizwe hafi y'umuryango winjira mu ishuri ry'amaposita, ubu hari ibiro by'Ikigo cy'Iteganyagihe.

Undi washinyaguriwe ni'uwitwa Mbarushimana Eric; amaze kwicwa n'Interahamwe yitwa Cyuma ifatanyije na Kanyandekwe n'undi witwa Claude, bamaze gutera Mbarushimana inkota mu gatuza, bafashe Nyakwigendera babonye atarashiramo umwuka bamubamba ku ruzitiro rw'iwabo bamupfuka amaso ari na ko bamubwira amagambo y'urukozasoni. Ahamaze iminsi itatu Interahamwe yitwa Nsengiyumva Gervais ni yo yamushyize ku ngorofani imujyana ku

[353] Perefe Renzaho Tharcisse yasabye ko hajyaho igikorwa cyo gusukura umujyi harimo nokugirango imiryango yagenzuraga uburenganzira bw'ikiremwamuntu itabona ibirimo kubera mu Rwanda.

muhanda wa kaburimbo ngo atanukira urusisiro. Imodoka zatwaraga imirambo icyo gihe ni zo zamutwaye ariko umubiri we ntiwigeze uboneka ngo ushyingurwe mu cyubahiro.

Undi wishwe urubozo muri Serire Akakirinda ni umutegarugori witwa Uwimbabazi Agnès umugore wa Bizimungu Dieudonné[354] bitaga Inzovu y'Imirindi. Interahamwe Cyuma, Gasongo na Kanyandekwe bavuye kuri bariyeri yari ruguru hafi ya "Bar Imararungu" yategekwaga na Rwabutogo François alias Nyiramacibiri zimaze kumukorera ibyamfurambi no kumufata ku ngufu, zamukase isonga y'ururimi maze ziramubwira ngo niyongere aririmbe. Zimaze kumwica urubozo izo nkoramaraso zamushyize igisongo mu nda ibyara zirangije zimucurika mu musarani. Umubiri we ntiwigeze uboneka kugeza n'ubu byibuze ngo ushyingurwe mu cyubahiro.

Undi wishwe urubozo n'uwitwa Gasarabwe Gaspard waciwe ururimi. Abandi bantu bishwe urubozo bakanashinyagurirwa ni abagore batatu bafatiwe kuri bariyeri yo kuri Tezefu bashaka kwinjira ahari amacumbi y'abarimu bo muri LNDC. Abasirikare bari kuri iyo bariyeri ni bo bagabije abo bagore izo Nterahamwe zirimo Cyuma, Rwabutogo, Sebukiro Bosco, Musoni, Nteziryayo, Sinamenye, Maurice, abahungu ba Bazumutima Patrick na Innocent n'abandi. Abo bagore bamaze kugera mu maboko y'izo Nterahamwe zabajyanye mu nzu y'umugabo witwa Iyakaremye Aloys wari utuye hafi y'ahari akazu k'amazi munsi y'ahahoze akabare "Bar Imararungu". Izo Nterahamwe zamaze iminsi igera kuri itanu zibasambanya nyuma ziza kubicira hafi ya bariyeri yari iruhande rw'umuhanda winjiraga ku macumbi y'abarimu ba LNDC aho bari bafatiwe.

- Umuvandimwe wa Paul Gati waje ahunga ubwicanyi bwaberaga ku Kimisagara yafatiwe muri Kora bamwicisha ishoka bamusatuye umutwe Abahutu bavuza induru ngo baze barebe uko ubwonko bw'Umututsi bumera. Bamutsinze munsi ya Segiteri ya Cyahafi.
- Interahamwe yitwa Twayigize yo mu Cyahafi yishe umugabo witwa Valens imukubise inyundo abanje kwicukurira imva. Mu mvugo y'ubwishongozi Twayigize yaravuze ati" naramubwiye ngo yicukurire, arangije yigeramo maze ntiyakwirwamo, yongeye gucukura maze ajyamo. Icyo nakoze nafashe inyundo y'ibiro bitanu mukubita rimwe ubwa kabiri arambyamo norosaho ibitaka".

[354] Bari abahanzi n'abaririmbyi bazwi ku ndirimbo yitwa Inzovu y'imirindi.

- Umwana w'umuhungu w'imyaka 15 witwaga John wabanaga na bakuru be mu mazu yo kwa Ndayambaje Pierre icyo gihe bakuru be bari barabishe ubwo yahuraga n'Interahamwe yitwa Abudala na Harera mwene Nzogera bafatiye John aho yari asigaye akora muri icyo gihe kuri "restaurant" yo kwa Mukeka Edouard. Bamuzanye aho kwa Ndayambaje Pierre bamukuyemo ijisho rinagana arifashe mu ntoki aje kubereka aho acumbitse no kubereka ibintu bya bakuru be. Bamaze kubireba babwira umugore wa Ndayambaje Pierre ko ibyo bintu bisigaye hatagomba kugira ikiburamo, nyuma izo Nterahamwe zijya kumwicira kuri bariyeri bitaga iya Rwubusisi.
- Abandi bishwe urubozo ni abasore bishwe na Cyewusi afatanyije na Harera mwene Nzogera. Umusore umwe mu bari baturutse haruguru mu Gakinjiro ahunze amaze kugera munsi y'ibiro bya Segiteri ifirimbi iravuga noneho uwo musore ageze mu irembo ryo kwa Pierre ahacakiranira n'Interahamwe yitwa Cyewusi ihita imurasa. Ndungurukiye mu idirishya nsanga niumusore urimo kugaragurikira aho ngaho asamba. Muri ako kanya n'ubundi uwitwa Harera mwene Nzogera n'izindi Nterahamwe bamanukanye abasore batatu bababakuye mu Gakinjiro bageze imbere yo kwa Pierre aho Cyewusi yari amaze kwicira wa musore, Cyewusi yahise abateramo gerenade umwe ahita apfa undi asigara asamba. Harera na Abudala bahise bahagera noneho Harera aravuga ngo dore kiriya gitutsi cyo ntigipfuye. Ako kanya bahise binjira mu rugo rwa Ndayambaje Pierre mu gikari bahasanga umugore wa Pierre bamusaba isuka ariko ababwira ko nta suka ihari. Harera yakomeje mu gikoni aba arayizanye ahita acira mu maso wa mugore wa Pierre. Ageze ha handi hari haryamye ba bantu bari bamaze kwica hari umwe wari ugihumeka. Harera yafashe ya suka arayihindukiza arayimanika akubitisha cya gifunga cy'isuka inshuro eshatu mu mutwe wa musore, arangije aravuga, "ngo kirapfuye na cyo ndakishe…". Abo bantu bashyinguwe mu isambu ya Ndayambaje Pierre n'umugabo wari umuserire witwa Muhigira abitegetswe n'izo nterahamwe. Nyuma gushakisha imibiri y'Abatutsi ngo ishyingurwe mu cyubahiro bitangiye abo bantu bashyinguwe mu rwibutso rwa Cyahafi.

### 4.8.9. Segiteri ya Gitega

Jenoside igitangira, ubuyobozi bwa Segiteri ya Gitega bwihutiye gushyiraho za bariyeri hirya no hino. Bariyeri yashyizwe munsi y'umusigiti yari iyobowe na Bernard wakoraga muri BACAR,

afatanyije na Fereshi n'umugore witwa Mariciana. Indi yari aho bita ku Mwembe iyobowe n'umuhungu wa Ndutiye witwa Mutesa. Yariho kandi umugabo w'umurundi witwa Philippo wagendaga mu modoka ya Kombi. Indi bariyeri yari yarashyizwe imbere ya Bar yitwa "*Ombre du Midi*". Yo yari iyobowe na Abdu[355] afatanyije na Ndongo Emmanuel. Pecos we yagenzuraga bariyeri zose zari muri segiteri. Indi bariyeri yari ikomeye bayitaga kwa Habibu. Yiciweho umuntu watwikiwe mu ipine. Uyu Habibu yamaze kwica umuntu amuca akaboko maze akajya agatamika imbwa.

#### 4.8.9.1. Ahaguye imbaga y'Abatutsi benshi muri Segiteri ya Gitega

Ubwicanyi muri iki gice cya Gitega bwayobowe n'uwitwa Bernard wari umukozi wa BNR akaba n'umuserire afatanyije na Bizimana Madjaliwa wari resiponsabure wa Serire Miduha nyuma akaza gusimbura Konseye Mbonyimana Stanislas alias Pepe Kale. Uyu Madjaliwa igihe yari Konseye ni we watangaga imbunda z'ababaga bari kuri bariyeri ndetse n'ababaga bagiye kwica. Resiponsabure Kaneza Hamdani na Harindintwali Emmanuel bafatanyije na Rukeza ndetse na Pecos bayoboye ubwicanyi bwabereye muri Serire Kinyange no mu Rugarama.

Ahiciwe abantu batagira ingano ni munsi y'ahari icyicaro gikuru cya Croix Rouge y'u Rwanda. Abahaguye ni'abari bahahungiye baturutse mu maserire ya Rwezamenyo, ababaga bacitse Interahamwe baturutse mu Miduha ndetse n'abo bashoreraga babakuye mu ngo zabo. Aha ni ho hiciwe Gisimba Mutesa wakundaga kwiyita iyamarere. Ahandi hiciwe abantu benshi ni mu rugo kwa Karambizi Ezira hishwe umuryango we wose n'abari bamuhungiyeho. Mu rugo kwa Izakar na ho haguye abantu benshi ndetse no kwa Camille.

Imibiri y'abishwe muri Segiteri ya Gitega yajugunywe mu byobo byo kuri CHUK; hari abajyanywe mu irimbi i Nyamirambo, hari abo amakamyo yajyaga kujugunya kuri Ruliba muri Nyabarongo. Icyobo cyo kuri Croix rouge y'u Rwanda ni cyo cyaje gutabururwa gikurwamo imibiri y'abari barajugunywemo ijya gushyingurwa ku rwibutso rwa Gisozi.

[355] Ndongo Emmanuel na Abdu wari umukanishi ni bene Bwoko. Bombi bararanzwe no gufata abagore kungufu mu gihe cya Jenoside mbere yo kubica

### 4.8.10. Segiteri ya Kanyinya

Mbere ya Jenoside kugeza mu gihe cy'amavugurura y'imitere ya Repubulika y'u Rwanda ya 2002, Segiteri ya Kanyinya, Segiteri ya Nzove na Segiteri ya Rutonde zabarizwaga muri Komini ya Shyorongi, imwe muri Komini zari zigize Perefegitura ya Kigali Ngali. Nyuma y'ivugurura ry'imitere ya Repubulika y'u Rwanda ryabaye muri 2006, izo segiteri 3 zomowe ku yahoze ari Komini Shyorongi zomekwa ku Karere ka Nyarugenge nyuma y'ivugurura y'imiterere ya Repubulika y'u Rwanda. Ni ku bw'iyo mpamvu twasanze ko ari ngombwa ko zakorerwa amateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi bari bazituyemo.

Mu ntangiriro za 1992 muri Komini Shyorongi habaye imvururu zibasira Abatutsi n'abandi batavugaga rumwe n'ishyaka MRND batifuzaga ko ahari irindi shyaka ritari MRND na CDR byarangwa muri iyo Komini. Icyo gihe hari abishwe, abandi baratwikirwa ndetse baranasahurwa. Abarokotse ubwicanyi benshi bafashe iy'ubuhungiro batinya izo nkoramaraso.

Urugomo n'ubwicanyi bwabereye muri Komini Shyorongi yaba imbere ya Jenoside no mu gihe yarimo gukorwa bwakozwe n'abantu benshi cyane ariko muri bo hari uwari ushinzwe imigendekere y'icyo gikorwa witwa Turatsinze Jean Pierre wakoraga mu biro bikuru bya MRND wari wahawe imbunda mbere y'abandi aho muri Shyorongi. Uyu yakoranaga hafi na Karekezi Michel alias Senkoko mwene Sekabwa, Setiba Joseph[356] uvuka muri Komini Rushashi akaba n'inshuti, Sekubumba Stanislas uvuka muri Komini Musasa, Sasita na Sibomana bene Musruka Marcel, Semabumba Juvénal mwene Rukera, Sengabo bitaga umutware w'abarozi, Candali[357] mwene Gahondogo, Ntaganda Wellars mwene Rwamukwaya, Ngirabatware Philemon[358]mwene Kabeba, Ndacyayisenga mwene Ngirabatware Philemon, gafarasi Emmanuel wishe Karasira Paul, Kibishyanzira Paul wamaze abantu b'i Rwahi, Niyonsenga Michel wayoboraga amashuri abanza ya Rwahi, Karangwa Alexandre alias Matene wari Konseye wa Segiteri ya Nzove icyo gihe, Kabera mwene Munyentama, Hitimana Rukekrli Theobald wari umucamanza, Jyambere Lin mwene Hitimana Rukekeri Théobald, Uwamahoro Eugène wari Resiponsabure wa Serire Bibungo, Munyagihugu Andereya wari umushoferi.

---

[356] Setiba Joseph yari incuti magara ya Colonel Sagatwa

[357] Uyu yari Umututsi wo mu bwoko bw'Abaha wayobotse ingoma yokurimbura Abatutsi. Uruhare rwe kandi rwagaragaye igihe Jenoside yatangiraga.

[358] Uyu Ngirabatware yigeze kuba Konseye wa Rutonde.

Abandi bari muri ibyo bitero byayogoje Shyorongi hari Nzabamwita alias Camarade wari Konseye wa Segiter ya Kanyinya mwene Rwakayigi, Nzabarirwa mwene Gashaka, Nguranga mwene Musure, François ukomoka muri Satinsyi akaba yaracumbitse kwa Musure, Funga ukomoka i Masango, rwamukwaya Théophile mwene Rwamukwaya, Karisa mwene Ruzayali ukomoka i Runda, nzabandora Japhet mwene Nyagasaza, Afurika mwene Karibwende, Bizimana mwene Kamonyo, Lambert mwene Masumbuko wari impunzi y'Umurundi, Muhawe Cleophas, Mutemberezi Faustin mwene Rinigumugabo, Mbarubukeye mwene Mpabanzi, gatambara mwene Siniga, Niyonzima mwene Semabumba, Habimana mwene Nkerabigwi, Murwanashyaka mwene Shyirambere, Habimana mwene Mbabariye, Ndazivumye mwene Rinigumugabo, Twiringiye mwene Murasi, Hitayezu na Twagirayezu bene Mugema Daniel, Mujyambere-Nyamurya mwene Mugema Daniel, Ngendahimana mwene Gakeri, Nzeyimana mwene Muzindutsi, Mwiseneza-Kijyambere, Tubanambakenga François, Nkundabagenzi n'abandi.

#### 4.8.10.1. Ahashyizwe bariyeri muri Segiteri ya Kanyinya

Kuva muri Gashyantare 1993, igihe Inkotanyi zateraga zikagera Shyorongi nyuma zigasubira inyuma hongerewe umubare wa bariyeri muri Komini ya Shyorongi. I Kanyinya ku biro bya Segiteri hashyizwe bariyeri ndetse iyari kuri Nyamweru irindwa kuva icyo gihe n'abasirikare b'Abafaransa. Abo basirikare bakajya baka abaturae bahanyuze indangamuntu zabo kugira ngo barebe ubwoko[359]. Iyo basangaga uri Umututsi bagushyiraga iruhande ubwo urugendo ntirube rugikomeje kuko kuba Umututsi byari impamvu ikomeye yo guhatwa ibibazo no gukorerwa iperereza. Aba basirikare kandi bafataga abana b'abakobwa bakabasambanya ku gahato[360].

Mu gihe Jenoside yari itangiye muri Segiteri ya Kanyinya, ku itariki ya 9 Mata 1994 mu duhanda twose twinjiraga muri kaburimbo hari hamaze gushyirwa amabariyeri. Ahitwa mu Kabuga hashyizweho bariyeri iyoborwa n'Interahamwe yitwa Munyengago afatanije na Gatabaruka, Gatabazi na Ntawuruhunga. Abari kuri iyo bariyeri bavuzwe kimwe n'abandi batavuzwe bari bafite ibikoresho by'ubwicanyi birimo amashoka, impiri zirimo imisumari, imbunda, imihoro imiheto n'imyambi. Bari bameze n'abahig[361]. Indi bariyeri yari yarashyizwe ahitwa kuri Ngendo

[359] Byari bitangaje kubona Umufaransa uzi gusoma agasobanukirwa ijambo Tutsi. Abo basangaga ari Abatutsi akenshi barafatwaga bakicazwa aho kugira ngo bahatwe ibibazo.
[360] Ubuhamya bwatanzwe na Impore innocent i Kanyinya kuya 12 Mutarama 2019.
[361] Idem.

hafi y'shuriamashuri abanza ya Kanyinya imbere neza y'urugo rw'umwarimu witwa Védaste alias Gikongoro.

Indi bariyeri yari yarashyizwe kuri "Poterie" iyobowe na resiponsabure wa Sirire witwa Tanganyika. Iyi bariyeri niyo yaguyeho abana b'abanyeshuri bo mu ishuri "Stella Matutina" bari batwawe n'umushoferi w'ikigo cy'ishuri abahungishirije ku kiriziya y'Umuryango Mutagatifu "Sainte Famille"[362]. Urupfu rw'abo bana rwahamwe na Tanganyika n'abo bari kumwe kuri iyo bariyeri, ndetse n'umukozi w'ababikira[363] waje kubwira Tanganyika ko "Directrice" agiye guhungisha Inyenzi[364], kandi ko imodoka y'ikigo nihanyura bakora uko bashoboye bakayisaka[365].

Ku itariki ya 14 Mata 1994 saa ine za mu gitondo nibwo iyo modoka yahageze Tanganyika ayibuza gukomeza, asaba uwari uyitwaye ko niba yikunda asohoka muri iyo modoka. Abana basohowemo bicirwa aho ngaho imodoka isubira muri Stella Matutina. Kuri iyo bariyeri kandi hiciwe umurezi ku mashuri abanza ya Kanyinya witwaga Sebahutu. Ubwo yashakaga guhunga ubwicanyi bwaberaga aho yari atuye, yafatiwe kuri iyi bariyeri, Interahamwe z'iwabo zitwaga "abanyakanyinya" bazitumaho ziza kumwicira aho kuri "Poterie". Uyu mugabo Sebahutu yishwe ateraguwe ibisongo nterahamwe zimusimburanwaho bamwica ataka yababaye cyane, nyuma aza gushiramo umwuka[366].

I Nyamweru na none hari indi bariyeri yariho Interahamwe n'abaturage bahaturiye babaga bafite imihoro n'amacumu iyobowe n'Interahamwe yitwa Gasirabo. Indi bariyeri ni iyari ku mugezi wa "Yanze" yiciweho umugore wari uhetse umwana atemaguwe we n'uruhinja yari ahetse nyuma akajugunywa mu mugezi wa Yanze.

---

[362] Umuyobozi w'ishuri yamaze kubona ko abo bana bashobora kwicirwa aho ku ishuri, abwira umushoferi we ngo abageze kuri Sainte Famille bagambani we n'umukozi wakoraga muri icyo kigo wari wumvise umugambi w'umubikira wayoboraga iryo shuri.

[363] Uwo mukozi w'ababikira ni umuhungu w'umugabo w'i Shyorongi witwa Kajisho.

[364] Ubuhamya bwatanzwe na Kayiranga Jean Bosco warokotse Jenoside, Kanyinya kuya 14 Gashyantare 2019.

[365] Ni ko byagenze kuko abagera kuri batandatu biciwe kuri iyo bariyeri.

[366] Ikiganiro na Kayiranga Jean Bosco, Muhanimana Denise barokotse Jenoside (Nyamweru, Kanyinya) kuya 13 Gashyantare 2019.

### 4.8.10.2. Iyicarubozo ryakorewe Abatutsi muri Segiteri ya Kanyinya

Ingero z'Abatutsi bishwe nabi ni nyinshi; amakuru twabonye akaba ari ay'aba bakurikira: Mwarimu Sebahutu wo ku ishuri rya Kanyinya wishwe ateragurwa ibisongo bamuhererekanya nk'abica imbeba. Umwe akubita undi akubita kugeza igihe ashiriyemo umwuka.

Hari Abatutsi batwitswe babona. Abatwitswe ni imbaga y'Abatutsi bari bahungiye kwa Mukarumanzi mbere yo kwicwa benshi bari binjiye mu mazu yo muri urwo rugo. Icyo gihe biraye mu bantu bari aho hanze babahukamo n'imihoro n'amashoka[367]. Uwo munsi ntibanyuzwe b'abo bamaze kwicira aho hanze ni bwo bahinduye uburyo babanza kumena lisansi ahantu hose barangije batangira kohereza amagerenade mu madirishya no mu bisenge, abarimo barashya bahinduka umuyonga[368].

Uwitwa Batamuriza bamwiciye mu Kana[369] bamuteye igisongo kimuhinguranya igihimba cyose. N'igihe cyo gushyingura abahaguye icyo gisongo cyari kikimurimo[370]. Mukakayumba bamwishe bamujombye ibiti mu nda ibyara bamaze iminsi baramugize umugore wabo. Byakozwe n'Interahamwe yitwa Habimana alias Kabuga, Karamuka na Munyankumburwa babanje kumuhererekanya bamukorera ibyamfura mbi.

Umugore wa Kayinamura na we mbere yo kwicwa yakorewe ibyamfura mbi. Ibi byakozwe na Afurika wo mu Nzove ubu widegembya, Gasana mwene Rwabukwandi, Rudacyahwa[371] wo kwa Rwarabuze, Modeste wo kwa Bushishi Patrice n'abandi

Interahamwe yitwa Ignace yabanje kwica nyina wa Kayitesi. Akimara kumwica yagiye gushaka Kayitesi agira ngo amugire umugore maze Kayitesi wari wamenye ibyo Ignace yakoreye nyina

---

[367] Muri bake barokotse ubwo bwicanyi n'abatarashoboye kwinjira mu mazu.
[368] Aba bantu igihe cyo gushyingura bari barabaye umuyonga. Imibiri yashyinguwe n'iy'abiciwe hanze batemaguwe.
[369] Kana ni ahantu mu manga ihanamye y'umusozi. Abahaturiye bavuga ko bumvaga abakurambere babo bavuga ko ariho hajugunywaga abana bapfuye u rw'ikirago bakaribwa n'impyisi. Mu gihe cya Jenoside, mu Kana niho Interahamwe ziciye Abatutsi bari bahungiye kuri Segiteri ya Kanyinya, hakanajugunywa Abatutsi babaga biciwe mu tundi duce twa Segiteri ya Kanyinya.
[370] Ubuhamya bwatanzwe na Kayiranga Jean Bosco warokotse Jenoside, Kanyinya, kuya 10 Ukuboza 2018.
[371] Uyu yari yaragiye kuba umusirikari nyuma aza gutoroka urugamaba.

arabyanga nawe aramwica. Ignace amaze kumwica yamuvanyemo umutima agenda avuga ngo agiye kwereka abajepe bari ahitwa i Nyamweru uko umutima w'umututsi umeze[372].

### 4.8.10.3. Ahaguye imbaga y'Abatutsi benshi muri Segiteri ya Kanyinya

Ku biro bya Segiteri ya Kanyinya hahungiye Abatutsi benshi mbere y'uko bajyanwa kwicirwa mu Kana aho kugeza amagingo aya umubare w'abahiciwe utaramenyekana neza. Abahiciwe n'Abatutsi baje bahunga baturutse Jali, Rusiga, Shyorongi, Kanyinya, Nzove n'ahandi.



*Kwa Mukarumanzi haguye Abatutsi barenga 300. Aho bahagaze ni ku cyobo rusange bajugunywemo, kugeza magingo aya ntibashyinguwe mu cyubahiro.*

*Ishusho yafashwe n'umushakashatsi*

*Kayiranga Jean Bosco na Muhawenimana Denise ni bamwe muri bake barokotse mu bantu barenga 300 biciwe mu rugo kwa Mukarumanzi*

Kwa Paul Gakwaya haguye Abatutsi barenga 30, kwa Binagwaho haguyemo abitwa Nyiramafaranga, Mukadana, Mukakibibi n'abandi, kwa Ugirashebuja n'ahandi hapfiriye umubare utazwi. Ahandi hiciwe imbaga y'Abatusti ni mu kawa ya Nyarurama bahahungiraga bahashaka ubwihisho.

### 4.8.10.4. Abagize umutima wo guhisha no kurokora Abatutsi muri Segiteri ya Kanyinya

Nsengiyumva Albert wari ufite umuvandimwe w'Interahamwe yabashije guhisha abantu barindwi bararokoka: Rugira Modeste, Karamage Jean Népomuscene, Louise, Denyse, na

[372] Ikiganiro na Kayiranga Jean Bosco, Muhanimana Denise barokotse Jenoside (Nyamweru, Kanyinya) kuya 13 Gashyantare 2019.

Nyiradadari Donatille, Isabelle Murekatete, Uwamariya Floride, Nyiragafaranga Philomène, Mukamukesha Eugènie n'abandi.

Mukarumanzi yari Umuhutukazi w'umukristu Gaturika wemera Imana cyane ndetse bakavuga ko ari n'umuhanuzi kuko n'iyicwa ry'Abatutsi yasaga n'uwarivuzeho. Mukarumanzi yari afite urugo runini, yemeye kwakira Abatutsi bari bamuhungiyeho. Ubwicanyi bukimara gutangira Abatutsi basenganaga bamuhungiyeho bavuye ku gasozi ka Taba aho bari bamaze iminsi barwana n'Interahamwe bakabasha gusubiza inyuma ibitero bagabwagaho. Byaje kugera igihe Interahamwe zibagabaho igitero gihitana Muhire wari washoboye guhangana n'izo nterahamwe. Muhire akimara gupfa abandi bacitse intege bahitamo guhungira mu rugo rwa Mukarumanzi kubera ko babonaga nta kindi gisigaye uretse kwiragiza Imana. Aho mu rugo rwe yahabanaga n'abuzukuru be babiri maze ababwira kujya iwabo akabwira ba nyina ko we adahari agiye kujyana n'abantu benshi kandi ko azatinda. Kuri uwo munsi nibwo Interahamwe zifatanije n'n'abasirikari barindaga bariyeri ya Shyorongi bateye urugo rwa Mukarumanzi bakica Abatutsi bagera kuri 300 aho abari hanze bicishijwe amasasu, gerenade n'imihoro, na ho abihishe mu mazu imbere babicisha inkongi y'umuriro hakoreshejwe lisansi na za gerenade. Kayiranga Jean Bosco na Muhawenimana Denyse barokotse ubwicanyi bwahabereye.

Kayiranga Jean Bosco mu buhamya yaduhaye, atubwira iby'ubizima bwe muri Jenoside n'uburyo Abatutsi bahungiye kwa Mukarumanzi bapfanye nawe; we ararokoka na Denyse murumuna w'umugore we, ariko umugore we Dancilla n'abana be baricwa[373]. Kayiranga Jean Bosco avuga ko kuya 6 Mata 1994 we n'umuryango we wari utuye ahitwa ku Mayaga ahahoze ari Segiteri ya Nzove baraye bamenye iby'urupfu rwa Habyarimana. Kuya 7 Mata ni bwo bafashe inzira bava aho ku Mayaga baza muri Serire Taba muri Segiteri ya Kanyinya mu muryango mugari w'Abasinga. Impamvu ntayindi yagiraga ngo yisunge bene wabo, barwanye ibitero by'Interahamwe zari zarayogoje ibintu na mbere y'urupfu rwa Habyarimana. Ku itariki 8 Mata ku gasozi bari bateraniyeho, nibwo Interahamwe zabateye bihagararaho, banesha Interahamwe zisubirayo[374]. Abo bicanyi bi Kanyinya bamaze kubona ko bitoroshye bayambahe abasirikare bari hakurya hafi y'ivuriro ry'i Shyorongi n'Interahamwe z'ahitwa Rusiga. Igitero cyo kuya 11 Mata cyaje ari simusiga, harimo za Nterahamwe zari ziturutse i Rusiga, nabwo imiryango

[373] Ikiganiro na Kayiranga Jean Bosco warokotse Jenoside, Kanyinya, tariki ya 14 Gashyantare 2019.
[374] Bari bafite imifuka y'amabuye, niyo mpamvu babashije kurwana n'izo Nterahamwe barazinesha.

y'Abatutsi yongeye kwisuganya ifitero gisubirayo. Tumaze kubona ko amaherezo ibitero bigaruka kutubuza amahoro twariyegeranyije maze tujya mu rugo rw'umukecuru witwaga witwaga Mukarumanzi[375].

Ku itariki ya 11 Mata ni bwo ibyo bitero byagarutse duhangana na byo ariko biratuganza. Impamvu nta yindi ni uko usibye Interahamwe zari zaje mbere haje icyo gihe n'abasirikari bitwaje imbunda, amagerenade ndetse burende[376].

"Saa cyenda z'uwo munsi ni bwo barashe uwitwa Muhire watugendaga imbere muri icyo gihe twarwanaga n'Interahamwe. Twahise ducika intege maze dufata icyemezo cyo guhungira kwa Mukarumanzi aho bitaga mu "Bayabuza" dutekereza ko Interahamwe zitazahatera. Hari abantu benshi cyane, yewe n'Abatutsi bo hakurya i Jari, abi i Rusiga, i Shyorongi n'ahandi, bari bahungiye mu Basinga bahano i Kanyinya. Twaraye aho kwa Mukarumanzi ariko kubera ko twari benshi cyane ntitwashoboye kurara munzu. Abari basigaye hanze, abagore n'abana bicaye hanze mumbuga abagabo baradukikiza barinze ibikingi by'amarembo ahari guturuka Interahamwe.

Ijoro ryose twaraye dusenga, Mukarumanzi nawe adusanga hanze afatanya n'abakecuru amasengesho. Mu gitondo cyo kuwa 12 Mata, yohereje iwabo abuzukuru be babiri babanaga nawe. Mubyukuri nibwo nemeye ko ari umuhanuzi nkurikije ibyakurikiyeho. Mu gitondo cy'uwo munsi nka saa tatu za mu gitondo haje igitero kiyobowe na Niyoyigenga w'ahitwa kuri Ngendo. Abagabo twari kumwe bahangana nacyo hashira amasaha agera kuri abiri turwana nacyo ariko inyuma y'urugo haturuka izindi Nterahamwe ziyobowe na Munyarushoka, zizenguruka urugo maze dusigaramo hagati. Aho mu mbuga Mukarumanzi n'abandi bakecuru bari barimo gusenga, maze igitangaje uwo Mukarumanzi uwo akozeho wese agatangira gusenga mu rurimi rutumvikana. Hashize akanya ibyo bitero abagabo barabihashya bisubirayo ariko Mukarumanzi akomeza gusenga yitera hejuru ndetse aza kuduhishurira ko tugiye gutaha[377]. Ntawigeze ashidikanya kuri ibyo n'ubundi bamufataga nk'umuhanuzi.

---

[375] Ubuhamya bwatanzwe na Kayiranga Jean Bosco warokotse ubwicanyi bwakorewe kwa Mukarumanzi, kuya 10 Ukuboza 2018.
[376] Uwo musirikare yaje atwaye auto burende yo kurasa abari bahungiye kwa Mukarumanzi.
[377] "*Gutaha*" yavugaga bisobanuye gupfa ukajya mu ijuru. Indege ya Habyarimana igwa nabyo yari yarabivuze ko hagiye kuba icyago mu Rwanda.

Ntibyatinze, Interahamwe ziragarutse, zinjiye mu rugo aho kwa Mukarumanzi zifite imbunda, amagerenade n'intwaro gakondo zirimo imihoro, amacumu n'amashoka. Abandi batari bafite intwaro bafata imyugariro batwahukamo baratema bica abantu benshi bari hanze batari bashoboye kwinjira mu mazu. Hapfuye icyo gihe umugore wanjye Dancille n'uruhinja twari tumaze icyumweru twibarutse. Mukarumanzi wari watwakiriye iwe mu rugo nawe yapfuye muri icyo gihe cya mbere.

Kugeza icyo gihe abari bashoboye kwinjira munzu bari batarahura n'ikibazo gikomeye ariko bumvaga imiborogo y'abari hanze mu mbuga. Uwitwa Kayiranga akimara kurokoka ibyo bitero yagiye agana ahari ibirindiro by'inzirabwoba akeka ko zishobora kumurokora. Munzira atarahagera, yasanze i Shyorongi kwa muganga hari bariyeri y'Interahamwe, agaruka inyuma yihisha mu makawa y'ahitwa i Nyarurama.

"Abatutsi b'i Jari bari barokotse ubwicanyi bw'aho ndetse n'abandi bari batuye ku Mayanga muri segiteri ya Nzove bumvise ko Abatutsi bo mu Basinga bibereye kwa Mukrumanzi kandi ko ntakibazo bafite. Niko kuza ari benshi ariko ntibyabahiriye kuko benshi baguye hano murugo kwa Mukarumanzi": Muhawenimana Denyse warokotse ubwicanyi bwo kwa Mukarumanzi.

Kuya 12 Mata 1994, tumaze kugera iwe, ibitero byaraje arabyirukana arababwira ati muranshakaho iki ko ndi uwanyu. Baragenda ariko bahita bajya gushaka izindi Nterahamwe ngo zize zibafashe. Haza Interahamwe zo ku gasozi bita "Kagaramira" n'izindi zo kuri Ngendo zarimo uwitwa Niyoyigenga, Turatsinze, Murwanashyaka, n'abandi benshi. Icyo gihe Interahamwe za Kagaramira zanze kuza kubera ko Mukarumanzi yari afite umukobwa yashyingiyeyo, bityo banga kuhatera. Mu gitondo kuya 12 Mata, Mukarumanzi yohereje abuzukuru be babaga iwe mu rugo iwabo. Hari ufite nyina washakiye i Rwahi, yaramubwiye ngo agende abwire nyina ko afite urugendo azatindamo kandi ko ari bujyane n'abantu benshi. Umwana yaranze yanga kugenda ariko Mukarumanzi amusohora mu rugo aramwirukana, umwana abona kujya iwabo. Abandi basigaye na bo yahise abohereza iwabo, abatuma kuri ba nyina ko adahari kandi aho agiye azatinda. Ibyo bimaze kurangira nka saa tatu ibitero bibiri byahise bitera urugo rwa Mukarumanzi[378].

---

[378] Ubuhamya bwatanzwe na Kayiranga Jean Bosco warokotse ubwicanyi bwakorewe kwa Mukarumanzi, Kanyinya kuya 10 Ukuboza 2018.

Mukarumanzi ubwo yari yatangiye gusenga, yabujije abantu guhunga, ati muze tujye muri rwa rugendo, arongera ati “Uhunga ni akazi ke!”. Abari bafatanyije ukwemera batangira gusenga ndetse n’uwo yakoragaho ntiyongeraga kuvuga ikinyarwanda[379]. Yari afite amazu manini kandi menshi ariko ntiyashoboraga kwakira abantu bari bahungiye iwe mu rugo. Ababuze uko binjiramo bagumye hanze mu mbuga ibitero by’Interahamwe ni bo byahereyeho, ariko igitangaje niuko mu barokotse ubwicanyi bwahabereye ari abatarashoboye kwinjira mu nzu. Mukarumanzi ari mu bahise bicwa n’ibyo bitero, umugore wa Kayiranga witwaga Dancille, n’abandi batagira ingano.

Bigeze hafi nka saa sita haje umusirikare bitaga Kamashini wabaga ku birindiro by’Inzirabwoba i Shyorongi. Yazanye lisansi n’amagerenade bamaze kwica abari aho mu mbuga bagamije kwica abari aho bose. Ntibyatinze kuko bahise batangira gusuka lisansi hose barangije batangira gutera amagerenade muri ya mazu abantu bari bihishemo abarimo bahiramo nta muntu wabashije gusohoka. Umuriro wamaze iminsi irenga itatu ucumba. Nyuma za Nterahamwe zagarutse gukora umuganda aho kwa Mukarumanzi zihirika ibikuta by’inzu. Mu rugo kwa Mukarumanzi hari hahungiye abantu barenga magana atatu ariko mu baharokokeye ntibarenze batandatu harimo batatu bavukaga i Kanyinya.

Mu bari bahahungiye harimo Abatutsi bo mu Basinga bari batuye hafi ya Mukarumanzi, abaturutse i Jari, Rusiga no ku Mayaga[380]. Abaharokokeye ni Kayiranga Jean Bosco, Muhawenimana Denyse, Uwamariya Florida n’undi umusore ukomoka batabashje kumenya izina kuko babashije kwiruka igihe ubwicanyi bwari burimo bukorwa aho mu mbuga yo kwa Mukarumanzi.

### 4.8.11. Segiteri ya Nzove

Mu gitondo cyo kuya 7 Mata 1994 Interahamwe zahise zijya kwica umuryango wa Ibambasi wari utuye muri Serire Bwiza. Igitero cyagiyeyo cyari kiyobowe na Candali ari kumwe na Kigingi Vedaste, Hitayezu, Musoni, Sibomana, Mutimura, Zuberi, Mugabarigira, Ndekwe, Kurimpuzu, n’abandi. Bariyeri zari zitarajyaho hirya no hino muri Segiteri ya Nzove. Mu gitondo cyo ku itariki ya 8 Mata amabwiriza yogushyiraho bariyeri yasakaye hose ndetse irondo ritangira

[379] Uwo yakoragaho muri urwo rugendo ntiyongeraga kuvuga ururimi abandi bumva, bamwe mubarokokeye aho bemeza ko uyu Mukarumanzi yari afite ibindi bimukoresha ariko akaba n’umuhanuzi.
[380] Ni Mayaga yo mu Nzove, hafi yo Kwa Habimana Bonaventure bitaga Muvoma.

gukorwa kumanywa na nijoro. Konseye Karangwa Alexandre alias Matene, Karekezi Michel na Candali batangiye kuzunguruka Segiteri yose bareba ko Bariyeri zagiyeho ndetse ko n'irondo ririmo gukora uko bikwiye. Hari bariyeri yashyizwe rugikubita ahitwa mu Bibungo yari ikuriwe na Hitayezu. Yariho kandi abahungu ba Mugema, Ntashamaje, Mukakabanda umukobwa wa Kanani, Mukakalimba umukobwa wa Muronsi, n'abandi.

Muri Nyabihu, bariyeri yashyizwe munsi y'urugo rwa Habimana Bonaventure bitaga Muvoma. Iyo yari ikuriwe na Nzabarirwa afatanyije na Murindahabi. Yariho kandi Interahamwe yitwa Ndayambaje na Rwagasana. Abo bombi bari bafite imbunda, amagerenade, impiri, n'amashoka. Iyi bariyeri yariho kandi abaturage bahaturiye babaga bitwaje impiri, imiheto, amacumu n'imihoro[381].

Indi bariyeri yari yashyizwe imbere y'urugo rwa Karekezi Michel. Karekezi ni we wari uyikuriye we n'abahungu be nka Meshake wariwaravuye gutozwa mu kigo i Gabiro ibijyanye no gukoresha imbunda n'izindi ntwaro. Uyu Meshake yari azwi cyane kuko nta myigaragambyo cyangwa ibikorwa byo kubohoza abarwanashyaka yaburagamo.

Ahitwa ku Gateko imbere yo kwa Ntahompagaze hashyizwe bariyeri ikarindwa na Ntahompagaze n'umugore we Mukangeruka ari na bo bakaga Indangamuntu ababaga bahanyuze.Indi bariyeri yashyizwe aho bita ku «Kamanga» muri Serire Ruyenzi. Iyo yari ikuriwe n'Interahamwe yitwa Nsengiyumva alias Matwi. Iyi bariyeri ni yo yiciweho uwari Resiponsabure wa Nyabihu Twahirwa Jean Bosco wari umaze kurokoka ubwicanyi bwari bwabereye kuya 12 Mata 1994 aho bita mu Kana yishwe n'uwo Matwi.

Indi bariyeri ikomeye yari iri ku mashuri abanza ya Nzove. Iyi yahozeho na mbere ya Jenoside; yari iriho abasirikare b'Abafaransa bababaga bari kumwe n'inzirabwoba. Abo Bafaransa kandi na bo bajyaga baka abahanyuze indangamuntu zabo. Nta mututsi wayihitagaho kubera ubushishozi babaga bafite.

Bariyeri y'aho bitaga kwa «Musa». Yari ikuriwe n'uwitwa Habimana na Gafaranga abahungu ba Musa. Hari bariyeri kandi yashyizwe kwa Karangwa Alexandre alias Matene wari Konseye wa segiteri ya Nzove. Hari kandi bariyeri yo kwa Kavuna Assuman na barumuna be. Iyi bariyeri niyo yinjiraga muri kaburimbo ugana ku "Gitikinyoni", ahari bariyeri y'umugabo wamamaye mu

[381] Ubuhamya bwtanzwe na Impore Innocent, Nzove kuya 13 Gashyantare 2019.

bwicanyi witwa Setiba Joseph. Izi bariyeri zose uko zari muri segiteri ya Nzove zagenzurwaga na Konseye Karangwa Alexandre alias Matene afatanyije na Candali ndetse n'abahungu bo kwa Karekezi Michel.

#### 4.7.11.1. Ahaguye imbaga y'Abatutsi benshi muri Segiteri ya Nzove

Abatutsi bo mu Nzove cyane cyane abari batuye aho bita ku Mayaga ubwicanyi butangira, bahungiye i Kanyinya kuri Segiteri. Munzira bamwe muri bo Interahamwe n'abasirikare bagendaga bakuramo abo bashatse bakajya kubica abandi bakabakomeretsa ku buryo bukomeye.

**Igitero cyishe Abatutsi bo muri Segiteri ya Nzove aho bahurijwe ahitwa mu "Kana"**

Ku itariki 8 Mata 1994 niho gusenya no gusahura Abatutsi bari batuye mu Nzove byatangiye. Kuri iyo tariki nibwo basenyeye ndetse banatwikira Kabatsi n'abahungu be. Icyo gihe Interahamwe zatangiye kuzenguruka mu ngo aho Abatutsi bari batuye zibategeka kujya ku biro bya Segiteri ya Kanyinya. Abatutsi bo muri Segiteri ya Nzove kimwe n'Abatutsi baje baturuka i Jali, ku Mayaga n'ahandi babanje guhungira kuri Segiteri ya Kanyinya bizeye kuhakirira. Interahamwe yitwa Munana, umupolosi witwa Uwazigira bari baturutse i Jari, Munyensanga Michel na Konseye Nzabanita nabo bahise bahagera. Ntibyatinze kandi umusirikare wavukanaga n'Interahamwe bitaga Munyamahame mwene Byarabuze, witwa Karambizi wari ufite ipeti rya Kapiteni akihagera yahise akorana inama na ba bandi uko ari bane. Barangije inama batangira kwaka impunzi zari aho amarangamuntu yazo. Nibwo rero batangiye kuvangura impunzi; uwo basanze ari Umututsi akaguma kuri Segiteri, naho uwo basanze ari Umuhutu bakamwohereza ku ishuri rya Kanyinya. Abasigaye kuri segiteri nibo baje koherezwa kwicirwa ahitwa mu «Kana». Kuri uwo mugoroba bagabanyijemo abari aho kuri segiteri ibyiciro bibiri. Icya mbere cyahise giherekezwa n'abasirikare bari baturutse i Nyamweru, bafatanyije n'Interahamwe yitwa Munyamahame, Seromba mwene Gashumba na Nyirahategeka n'abandi benshi. Tugeze kuri Ngendo twahasanze bariyeri yari iriho Interahamwe zirimo Rwandinda, Niyoyigenga, Harorimana, n'abahungu ba Kamayombo na bo baradukurikiye bafatanya nabo kuduherekeza ariko ntitwari tuzi aho batwerekeje.

Kuya 11 Mata 1994 abasirikare bavanye Abatutsi bahungiye ku biro bya Segiteri ya Kanyinya baberekeza umuhanda wa kaburimbo usa n'ugana i Nyamweru. Bageze i Nyamweru ahari bariyeri y'abasirikare b'Abafaransa, abasirikare bari babaherekeje babanyujije agahanda kari mu

kaboko k'iburyo, ubu hubatswe sitasiyo ya lisansi. Aho bari babajyanye hitwaga mu Kana hafi y'ahari irimbi ry'abaturage b'i Kanyinya. Bahageze baberetse inzira yinjira mu ishyamba na bwo mu kaboko k'iburyo. Bageze hejuru ku manga babategeka bose kwicara bareba hepfo. Ubwo abo basirikari bo basubira haruguru yacu aba ari ho baturindira. Imiterere y'aho hantu ntawashoboraga kuba yahunga. Turara aho buracya"[382].

Mu rukerera abasirikare bazanye abandi Batutsi bari basigaye ku biro bya Segiteri ya Kanyinya. Bamaze kuhagera, babohereza aho Abatutsi bari baryamye mu nshinge, ababyeyi babundikiriye abana babo kubera imbeho yari kuri ako Gasozi, abana barira kubera inzara n'inyota. Abantu bakuru bari bihebye babona ko nta kindi kibategereje usibye urupfu.

Igihe cya saa kumi n'ebyiri n'igice ni bwo ba basirikare bari baturi inyuma barashe urufaya rw'amasasu[383]. Uko kurasa kwari gutanga ikimenyetso cyo gutangira kwica. Muri ako kanya Interahamwe ziturutse mu Nzove zahereye epfo ariko mu kaboko k'iburyo. Na ho Interahamwe zaturutse i Kanyinya zari zigizwe n'izari ziturutse i Jari n'izindi zari zaraye zishe Abatutsi bari bahungiye kwa Mukarumanzi zari mu gice cy'ahagana ku muhanda ahari abasirikare bari baturinze. Kuva ubwo nta sasu ryongeye kuvuga kuko babanje kudutera ibyuka biryana mu maso, ziradutangatanga zidushyira hagati, turatakamba ariko biba iby'ubusa. Batangira gutema tubura iyo duhungira kubera imiterere y'aho bari batuzanye. Babanje gutera ibyuka bihumanya hanyuma batwahukamo baratema hapfa benshi cyane. Bigeze nka saa sita bafata akaruhuko"[384].

#### 4.7.11.2. Iyicarubozo ryakorewe Abatutsi muri Segiteri ya Nzove

Umugabo witwa Kayiranga ahunga we n'umuryango we berekeza i Kanyinya yafatiwe kuri bariyeri y'inzirabwoba ziramusigarana, zifashishije bya byuma bita "beneti" zamukuyemo ijisho rimwe ntizarivanamo neza. Zimaze kumugira gutyo zaramubwiye ngo nagende. Yaje kugera ku biro bya Segiteri ya Kanyinya ijisho arifashe mu kiganza ataka kubera ko yababaraga cyane. Icyo gihe ijisho ryari rigifashwe n'imitsi yaryo. Igihe cyo kujyanwa mu Kana aho yaje kwicirwa yari agitwaye iryo jisho mu kiganza.

---

[382] Ubuhamya bwatanzwe na Impore Innocent na Theomistocles Twagirimana barokotse ubwicanyi bwabereye mu Kana, Kanyinya kuya 12 Mutarama 2019.
[383] Ayo masasu ni yo yatangije ubwicanyi kuko nyuma yayo ni bwo Interahamwe zatangiye akazi kazo.
[384] Ubuhamya bwatangiwe mu Nzove, Mutarama 2019

- Nyagahungu François amaze kwicwa hari Interahamwe yitwa Mbaraga Célestinyari yaravuze ko ari yo izamwiyicira. Amaze gusanga zamutanze kumwica we icyo yakoze yahise afata inkota aramushahura yigamba ko ari we wari wari yarahigiye kuzamwica.
- Nayigiziki Vincent mwene Casmir bamujugunye mu musarani ari muzima apfa hashize iminsi ibiri.
- Twahirwa Jean Bosco wahoze ari Resiponsabure wa Serire Nyabihu yishwe n'Interahamwe yitwa Nsengiyumva alias Matwi amunyujije inkota mu kanwa ayihingutsa umuhogo isatura igituza.
- Ntaganda na Majyora bicishaga abana bato ubuhiri bitaga ntampongano.
- Umutegarugori witwaga Clotilda bamwishe bamuziritse ku biti bamaze kumufomoza bajya kumujugunya muri Nyabarongo bagenda babyina.
- Abana b'impinja bagiye bapfa nyuma y'ababyeyi babo na bo bishwe urubozo. Hari Interahamwe yakubise ubuhiri umwana mu mutwe arira aramuhwanya. Habereye ibintu bibi.

**Ubuhamya bwa Innocent Impore warokotse ubwicanyi bwabereye mu Kana**

Innocent Impore ni umwe mu Batutsi bake barokokeye mu Kana ahiciwe imbaga y'Abatutsi kugeza ubu itazwi umubare. Aratubwira uko yageze mu Kana.

*Indege ya Habyarimana imaze guhanuka, hatanzwe amabwiriza ko ntamuntu wemerewe gusohoka iwe mu rugo. Bukeye kuwa 7 Mata nka saa tatu, Interahamwe n'uburakari bwinshi zarambaye zitangira gukwirakwira mu ngo z'Abatutsi. Zabanje mu Bwiza ku mugabo witwa Ibambasi Daniel wari umushoferi zimwicana n'umuryango we. Ubwo twahise tumenya ibigiye kutubaho twese, jye n'abo mu muryango wanjye duhungira i Kanyinya mu muryango twari tuziranye. Ariko mu by'ukuri kwari uguhungira ubwayi mu kigunda.*

*Tugeze muri urwo rugo inkuru yazanywe na ba nyumbakumi bari bavuye mu nama Konseye yari yatumiye. Ni ko kubwira abo bari baducumbikiye ngo tutagomba kuguma aho mu rugo ahubwo ari ukujya ku biro bya Segiteri ya Kanyinya. Ntibyatinze twahise dufata inzira tuhasanga abandi ndetse abantu bakomeje kuza buhoro buhoro baturutse i Kanyinya, Rwahi, Rusiga, Shyorongi, n'ahandi. Umubare wakomeje kwiyongera ndetse baza no kubwira Abahutu bari aho ko bo bajya ku mashuri ya Kanyinya.*

*“Saa moya za nijoro ni bwo abasirikare bazaga baducamo ibice bibiri, njye nagiye mu cya mbere, baradushorera twerekeza aho mu Kana, mu byukuri ntitwari tuzi aho tugiye. Gusa mu nzira tugenda bavugaga ko bashaka kuduhungisha ibitero by’Interahamwe byari byadusanze kare ku biro bya Segiteri ariko nta cyo byadukozeho kubera ko twese, ari Abahutu n’Abatutsi twari tugishyize hamwe. .*

*Kuya 11 Mata nijoro ni bwo twageze kuri ako gasozi ka Kana turaharara buracya. Mujyitondo karekare hasesekaye abandi bantu bari basigaye kuri Segiteri. Imibare y’abantu yagendaga yiyongera ku buryo abari bamaze kuhagera barengaga ibihumbi bitanu.*

*Ku ruhande rw’ubuyobozi, Interahamwe n’abasirikare bateguye igitero cyo kuza kutwica. Nka saa kumi n’ebyiri zirenga ni bwo ubwicanyi bwatangiye ariko imyiteguro yari yatangiye kare tubibona ariko guhunga ntitwari kubishobora bitewe n’imiterere y’agasozi bari batuzanyeho. Ubwicanyi bwakozwe n’Interahamwe z’i Kanyinya zaduturutse inyuma, Interahamwe zo muri Segiteri ya Nzove zo zaturutse mu ruhande rwo hepfo, abasirikare b’inzirabwoba bari bakambitse ku gasozi ka Nyamweru na bo bari baje, baduheza hagati, baratema, baraturasa, badutera amagerenade n’ibindi byose bashatse gukora. Mbese yari imiborogo abantu basaba imbabazi, barasenga ariko abo bagome nta we bagiriye impuhwe.*

*Innocent Mpore avuga ko yiboneye ubwe mu Kana igihe bakwirwaga imishwaro batangiye kwica, Interahamwe zo mu Nzove zirimo Butare Jean Bosco, Candali, Mbaraga Célestin n’umuhungu we Kabandana, Urimubenshi Elias, Mutimura Jean Chrisostome, Mudahunga Jean Pierre.*

*Ubwicanyi butangira sinamenye uko nageze mu gihuru. Nihishanye na murumuna wanjye witwa Tisa Ernest. Muri icyo gihuru nasanzemo kandi undi musore wari waturutse i Jari. Uwo munsi bica twumva ariko dufite ubwoba, bigeze saa kumi n’imwe z’umugoroba barataha kuko bumvaga ko baturangije twese. Mu mirambo y’abo bari bishe harimo abandi bantu bagihumeka ariko badashobora kuvamo. Ubwo Interahamwe zari zavuze ko zigaruka bukeye; ijoro riguye tuva muri cya gihuru tujya gushaka inzira ariko byari bigoye guca inzira utazi kandi nijoro kugira ngo ugere aho ushaka. Mu rukerera n ibwo twageze ku mugezi wa Nyabarongo, turayambuka tugera hakurya i Nduga ariko ho bari bataratangira kwica, ducumbika kwa muramu wanjye w’Umuhutu wari warashatse mushiki wanjye. Tuhamaze iminsi ibiriubwicanyi bwahise butangira maze ku*

*munsi wa gatatu atwirukana iwe mu rugo maze tugaruka kwihisha mu bisheke. Igishanga twakibayemo kugeza igihe Inkotanyi zifatiye igihugu, mba ndarusimbutse.*

***Ubuhamya bwa Theomistocles Twagirimana n'uko yarokotse***

Theomistocles Twagirimana yarokokeye mu Kana nyuma yo kuhakomerekera bikomeye. Ubuhamya bwe yabuduhaye muri iyi nkuru ikurikira:

*Mu ijoro ryo kuya 6 Mata 1994, Papa akimara kumenya ko Perezida Habyarimana yapfuye, yaraje arambwira ati mwana wanjye indege y'umubyeyi yahanutse, ati kuva Habyarimana apfuye ubu ni ukwitegura intambara. Twararyame buracya nta kibazo kibaye. Bukeye ari kuwa kane, nari naraye ntetse ibishyimbo by'ibitonore, njya gukura ibijumba hakurya iyo twagiraga amasambu. Saa yine n ibwo nageze mu rugo bya bitonore ngerekaho n'ibijumba nari maze kuzana. Mu gihe kitageze ku isaha Interahamwe zitera muri Serire Nyabihu aho twari dutuye. Ibyo nari ntetse tubitaho duhungira mu ishyamba ryari haruguru yo kwa Kabatsi se w'umugabo wari resiponsabure wa Nyabihu witwaga Twahirwa Jean Bosco.*

*Mu gihe twahungaga, twanyuze kwa Kabatsi, tumubwira ko ibintu byakomeye Interahamwe zaduteye. Kabatsi n'umuryango we nabo baradukurikira tujya kwihisha hejuru mu ishyamba aho bita mu "Bitare". Twari tumaze kugera hafi abantu 6o (kuko hari abahungu benshi ba Kabatsi, abagore babo n'abana). Interahamwe zari zakwiye mu ngo z'Abatutsi aho muri Nyabihu, zatangiye gusenya no gusahura. Ubwo kandi Abahutu bari batangiye gutwikira Abatutsi.*

*Nka saa cyenda z'umugoroba turi aho twari twihishe mu Bitare, Kabatsi aratubwira ati mureke tuve mu maso y'aba bantu. Twese uko twanganaga dufata inzira yerekeza i "Nyamweru"*[385]*, hari ku itariki ya 9 Mata 1994. Twese uko twanganaga duhungira kwa data wacu wari utuye i Nyamweru kuri Kaburimbo. Turi muri urwo rugo twakomeje gukurikira ibibera iwacu kuko hari hirengeye. Twbonaga icyo gihe uko ing z'iwacu zirimo gutwika. Tukiri mu Bitare twasize abaturage tangiye gusambura amazu y'iwacu, iya Kabatsi n'iy'umuhungu we Twahirwa wari resiponsabure wa Nyabihu.*

*Kuya 10 Mata nimugoroba ni bwo ubuyobozi bwaje buza kubwira uwo data wacu ko tujya kuri Segiteri ya Kanyinya akaba ariho turindirwa umutekano. Tugezeyo twaraharaye ndetse bukeye*

[385] Kamwe mu dusozi tugize Kanyinya.

*turahiririrwa, ariko igihe twari tukiri kwa data wacu hari ijoro abasirikari bari bakambitse i Nyamweru baje gushimuta abagabo bo kujya kwica. Icyo gihe hagenda mukuru wanjye witwaga Kayiranga n'abandi bahungu babiri bamaze kwereka abo basirikare indangamuntu. Bakiri aho murugo rwa data wacu, Kayiranga kubera ko ari we wari mukuru muri abo bari batwaye, abo basirikare bamukuyemo amaso bamushyira imbere ngo agende. Ni cyo gihe muherukira ndetse n'igihe twajyaga mu Kana sinigeze mubona.*

*Ku itariki ya 11 Mata 1994 saa mbiri z'ijoro, icyo gihe Inkotanyi zari zimaze kugera i Jari kuko abajandarume bahabaga bari batangiye guhunga, abasirikare baraje baratubwira ngo tuve aho kuri Segiteri batwereke ahandi tujya kurindirwa umutekano. Twari abantu benshi cyane, dufata umuhanda wa kaburimbo maze abasirikare batujya imbere abandi batujya inyuma. Kubera ubwinshi bw'abari aho kuri Segiteri, hari abahasigaye batugezeho mu gitondo. Abasirikare b'Abafaransa bari hejuru i Nyamweru muri urwo rugendo bajyaga batunyuza amabombe hejuru bohereza i Jari aho Inkotanyi zari ziri.*

*Abasirikare bari imbere hari ahantu bageze bafata agahanda k'igitaka iburyo natwe turabakurikira. Papa abibonye atyo arambwira ati mwana wanjye ubwo tuje hano ntitukibayeho. We yari yamenye kare ko bagiye kutwica atari ukuturindira umutekano nkuko bari babitubwiye. Tugeze aho mu Kana*[386]*, batwicaje tureba epfo mu gikombe nk'ureba umugezi wa Nyabarongo cyangwa hasi mu Nzove. Ntawigeze anyeganyega kubera ubwoba twese twari dufite. Ntawashoboraga kandi gukebuka ngo arebe byibuze uwinyuma ye. Ubwo abasirikare bari haruguru yacu barinze ko ntawasubira inyuma cyangwa ngo ave aho bari batwicaje. Turara aho.*

*Mu rukerera ba bandi twari twasize kuri Segiteri na bo baba barahageze babadusangisha aho twari twicaye. Hashize nk'isaha bahageze ubwo ni kuya 12 Mata nka saa kumi n'ebyiri n'igice, ba basirikare barashe amasasu menshi, bityo dutangira kugwirirana aho twari twicaye. Ayo masasu yarashwe ntawe yahitanye ni nayo mpamvu navuga ko ari ikimenyetso cyo gutangiza ubwicanyi. Interahamwe zo ku Mayaga, Nzove, Ruyenzi, iza Nyamweru, izo i Kanyinya, n'ahandi zari ziteguye. Bamaze kurasa Interahamwe aho zari ziryamye zahise zibyuka natwe tubona turi hagati mu ruziga rw'izo Nterahamwe.*

---

[386]Akana ni agasozi gateretse hejuru y'imanga mbi cyane ireshya hafi na metero 200. Uramutse unyereye ntubona ikigutangira uruhukira yo. Ninayo mpamvu abantu batinyaga kuherekeza kuko nabyo byari urupfu nk'urwo bari bagiye kwicwa.

*Icyo gihe kandi ntawabashaga kuba yasubira haruguru kuko hari abasirikare, tubura aho duhungira batwahukamo baratema. Papa twari kumwe aho ngaho yaje gufata inzira igana mu Rutagara ariko ntiyarenga umutaru bamutsinda hafi ataragera umuhanda. Njye n'abandi twahunze tugana hepfo tuhasanga igitero cy'Interahamwe, tubura aho dukwirwa dusa n'abagaruka haruguru. Ubwo izindi Nterahamwe zahirikaga amabuye uwo rigwiriye rigahita rimwica. Icyo gihe niboneye ubwanjye Interahamwe yitwa Majyora wadoderaga inkweto ku Mubuga ahorahoza akana k'agahinja agakubise ubuhiri mu mutwe. Undi nabashije kubona muri ibyo bitero ni uwitwa Ntaganda ariko we namuvuze igihe cy'Inkiko Gacaca bavuga ko n'ubundi ndi umusazi kubera ukuntu bantemye mu mutwe.*

*Ubwo hari hamaze kwicwa abantu batagira ingano; tubuze uko tugira, abari bagihumeka tugenda dusanga cya gitero cyari hepfo yacu. Nari kumwe icyo gihe na Twahirwa Jean Bosco umuhungu wa Kabatsi n'abana babiri b'impanga Alice na Liliane bo kwa Fideli. Tugeze muri icyo gitero Interahamwe zitwicaza hasi n'ubundi tugirango ahari zigiye kutubabarira. Imirambo yar myinshi n'ubwo twagendaga tuyisimbuka. Hari Interahamwe zavuye mu gitero cyarwaniraga ahagana haruguru ziza zidusanga aho twari twicaye. Nta sasu ryongeye kuvuga, hakoze imipanga, ubuhiri n'amashoka. Kubera ko twari twicaye tureba hepfo, abicanyi bahereye ruguru batema noneho Twahirwa Jean Bosco kubera ko ari we twari twegeranye arambwira ati ariko sha waje tukagenda, gusa abimbwira Interahamwe zangezeho. Narahagurutse, maze nteye intambwe ya mbere, umwe aba yarangije kunkubita ishoka mu mutwe, Twahirwa we ahita yiruka agana ha handi Interahamwe zari ziri kuko zari zimaze kwinjira mu bantu zitangiye gutema. Na njye naramukurikiye mvirirana igice cy'inyuma cy'umutwe. Turamanuka epfo ahitwa mu Gahama[387], dusanga kuzuye biratugora kwambuka kubera imvura yari yaguye ari nyinshi. Imyenda n'inkweto nari nambaye nabitaye aho kugira ngo mbashe kwambuka.*

*Twahirwa amaze kubona uko mvirirana byamuteye impungenge afata umushwali yari afite awupfuka aho bari bantemye kugirango hatajyamo ibishokoro n'uko dukomeza urugendo. Tugeze muri Bwiza dufata agahanda kagana mu bisheke tugira ngo twihishe abari kuri bariyeri yari ihari iyobowe na Nsengiyumva alias Matwi. Byabaye iby'ubusa kuko Matwi yari asanzwe azi Twahirwa, yaratubonye avuza induru natwe tuba twinjiye mu bisheke turihisha. We na bagenzi be bahise batera gerenade aho twari twihishe ariko ntiyagira icyo idutwara, ariko nyuma baza*

[387] Agahama n'umugezi utemba uva mu misozi.

*badukurikiye badukuramo, bazamuka badukubita ibibatira by'imihoro. Twahirwa we ntacyo bamubajije kuberako bari basanzwe bamuzi.*

**Theomistocles Twagirimana yakomeje urugendo**

*Ngeze kuri iyo bariyeri ikuriwe na Matwi bambajije ibibazo byinshi: babanje kumbaza ngo "wabaye iki"? Kubera ko nari ngifite akenge, ariko n'Imana yatumye mbivuga, narabashubije nti twarwanye n'Abatutsi barahindukira barantema. Barongera barambaza bati uri uwo kwande? Narabashubije nti ndi uwo kwa Manihura, se w'umugabo witwa Nzeyimana wari Nterahamwe ikomeye. Barongeye barambaza bati se ko utagiye kwa Muganga? Nibwo bambwiye ngo njye kwa muganga i Rutonde ariko ntangira gutekereza bariyeri yari iri hafi y'ivuriro iriho Candali wari unzi neza, numva ngize ubwoba. Narababwiye nti najyaga nyura hano ngiye kwiga kwa Tanzi i Kigali nigira kubatizwa mwaretse akaba ariho njya kwivuza ko hafi yaho hari ivuriro, baranyemerera.*

*Nkihagaze aho ariko, Twahirwa bongeye kumukubita ikibatira cy'umuhoro hanyuma Nsengiyumva alias Matwi amwicaza hasi. Akigera hasi hahise haza umugabo ntibuka neza wari hafi aho afite inkota mu ntoki. Yafashe iyo nkota ayijomba Twahirwa mu kanwa arashimangira ihinguranya umunwa awusaturamo ibice bibiri amanura mu muhogo ahinguranya igituza. Twahirwa musiga aho asamba.*

*"Muri urwo rupfu rwa Twahirwa ntiyigeze avuga ko anzi kugira ngo batwicire hamwe ari na cyo mushimira kuko yapfuye kigabo. Nsengiyumva Matwi niwe namenye nabaza urupfu rwa Twahirwa kubera ko ari we wadusanze mu bisheke kandi akaba ari nawe wicaje Twahirwa aho hasi mbere y'uko uwo mugabo amwicisha inkota".*

*Nafashe inzira y'umuhanda wose, nyura ku mashuri ariko sinahasanga bariyeri, ndakomeza. Nanyuze kuri bariyeri yo kwa Mussa ntibagira icyo bambaza kubera ko batari banzi. Nigiye imbere nahasanze bariyeri y'ahitwa kwa Paca mpasanga umuhungu we witwa Mathias twabanaga mu ba saveri afite imbunda. Akimara kubona uko meze, yarambajije ati ese wabaye iki? Ndamubwira nti bantemye, sinagombaga kumubeshya kubera ko yari anzi neza ko ndi Umututsi. Yahise ambwira ati genda sinkwica uzagwe kubandi, nuko nkomeza urugendo. Bariyeri yo kwa Assuman nayo ntacyo bambajije nkomeza urugendo. Ngeze hafi ku "Giti k'inyoni" ahitwa kwa Muhawenimana Cleophas ninjira mu ivuriro ryari rihari nshaka ko*

*bamvura. Nahasanze umuhungu wa Karekezi Michel wari Interahamwe wari wararashwe aharwariye.*

*Abaganga nahasanze barambajije ngo nabaye iki, noneho ndababwira nti n'Interahamwe zantemye. Mu by'ukuri mu mutwe byari byatangiye guhinduka. Bahise bambwira ngo twe ntituvura Inkotanyi, va hano. Bongera ku mbaza bati ese ufite amafaranga? Ndabasubiza nti ntayo mfite ariko mfite umutungo. Igihe navuganaga n'uwo muganga hahise haza Karekezi Michel ari kumwe n'undi muhungu wari ufite imbunda amuherekeje aje gusura umuhungu we. Karekezi Michel yari anzi kuko nakunze kujya njya iwe kubera ko nari inshuti y'umwana we w'umukobwa waje kwitaba Imana. Na we yarambajije ati wabaye iki? Ndamusubiza nti bantemye. Ni uko ambwira ko nta kintu ari bumfashe. Arongera arambwira ati sinakujyana mu rugo kuguhisha n'ubundi bakunyicana. Nyuma yaje kumbwira ati icyiza ni'uko wasanga mama wawe i Gitarama wenda ho ntibirakara nka hano. Naramubwiye ngo anyingingire abaganga bamvure kuko bari banze kumvura. Yarambwiye ati humura barakuvura.*

*Umuganga umwe aza kumpamagara mbere yo kumvura arambaza ati: "uremera gusinyira urutoki rw'iwanyu"? Ndamubwira nti ndabikora. Barandoda ariko bandoda batabanje kunyogosha. Ubwo bahita bansinyisha urupapuro rw'urutoki rw'iwacu mbahaye, ni ko kujya guhamagara Konseye Karangwa Alexandre alias Matene aho yari ari kuri bariyeri yo kwa Muhawenimana Cléophas. Konseye Matene ntiyari anzi ariko ahageze arambaza ati uri mwene nde, ndamubwira… Ubwo icyo gihe yari afite imbunda, amaze kumbaza ibyo anyegeka ku giti kiri hafi y'icyuma cy'amashanyarazi, ashyiramo isasu agiye kundasa sinzi uwabimubujije amubwiye ngo iryo sasu ryaba ripfuye ubusa n'ubundi uwo muntu yapfuye; ng'uko uko nakize urupfu rwa Konseye Karangwa Alexandre alias Matene.*

*Karekezi Michel yaje kugaruka n'ubundi ansanga aho ariko maze kuvurwa. Yampaye amafaranga magana atanu arambwira ngo ninjye iwabo wa mama i Gitarama muri Komini Kayenzi. Karekezi Michel n'umuganga wari umaze kumvura nabasize aho ndagenda nerekeza ku kiraro mpasanga umugabo witwa Mitongano wari Interahamwe yicaye ku kiraro ariko kubera ko atari anzi, nta cyo yambajije. Mfata umuhanda wa Gitarama ndi kumwe n'impunzi zari zaravuye Kivuye, nambuka ikiraro cya Nyabarongo ngeze hakurya Kamuhanda ntega n'imodoka ingeza muri Komini Kayenzi aho nasanze umubyeyi wanjye.*

### 4.9. Ishyirwa mu bikorwa rya Jenoside yakorewe Abatutsi mur Komini ya Butamwa

Nubwo Jenoside yatangiye tariki ya 7 Mata 1994, ibimenyetso by'uko Abatutsi bazibasirwa n'ubwicanyi byari byaragargaye na mbere y'aho. Abahutu b'i Butamwa bajyaga bavuga kumugaragaro ko bazica Abatutsi igihe nikigera. Ihanurwa ry'indege y'uwari umukuru w'igihugu Juvénal Habyarimana yabaye nk' imbarutso. Benshi bari mu mutwe w'Interahamwe bakoze inama zitagira ingano bategura uko bagiye gushyira mu bikorwa iyicwa ry'Abatutsi[388].
Indege yaraye ihanutse, Burugumesitiri Twagirayezu wari warasimbuye Ruberangondo Stanislas igihe amatora yari amaze gusubirwamo MRND igatsindwa, yatumiwe mu nama y'igitaraganya i Kigali ku itariki ya 7 Mata. Bukeye kuya 8 Mata habaye inama ku biro bya Komini ya Butamwa iyobowe na Burugumesitiri Twagirayezu na Muhizina Sébastien wari umwungirije. Hatumiwe ba Konseye bose ba segiteri za Butamwa, harimo kandi kandi abapolisi ba Komini barimo uwitwa Habimana warindaga urugo rwa Karera François wari Superefe icyo gihe i Bugesera, muganga Dusabe Thérèse wayoboraga Ikigo Nderabuzima cya Butamwa, Ruberangondo Stanislas wahoze ari Burugumesitiri wa Butamwa, Gasana Stanislas, Gatete Charles, Iyakaremye Noheri, Rufifi Jean Népomuscène, Ubarijoro Jean Damascene, Bagezaho Deny, Musabende Alphonse, Kanyarushoki Telesphore, Gahamanyi Geregori, Setiba Joseph, Sekamana Emmanuel, Mbonyi Pacifique, Gasasira Jean Claude, Rutaganda, Nzeyimana, Mutsindashyaka Télésphore, Twizeyimana Emmanuel n'abandi[389]. Gahamani Geregori, mwene Zibanyinshi André na Nyirahabimana Sophie yavukiye muri segiteri ya Gatare muri komini ya Butamwa mu 1950. Mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi yari umucuruzi na resiponsabule wa serire muri komini ya Butamwa. Yarezwe ibyaha byo kugenzura no kuyobora Jenoside muri komini ya Butamwa no gutoranya abagombaga kwicwa no kujugunywa muri Nyabarongo. Ibyo bimaze kumuhama, ku itariki ya 24 Nzeri 2009 yahanishijwe gufungwa Burundi y'umwihariko akaba ari muri gereza ya Kigali[390].

Muri Segiteri ya Kigali Konseye Ubarijoro Jean Damascene akiva muri iyo nama yabereye kuri Komini, yahise atumizaho abaresiponsabure n'abaserire, bahurira kwa Setiba Joseph, aho yacururizaga inzoga. Resiponsabure Shabani wa Serire Kiruhura nawe yari ari muri iyo nama

---

[388] Ubuhamya bwatanzwe na Karinganire Dismas warokotse jenoside, Mageragere, 11 Ugushyingo 2018.
[389] Ubuhamya twahawe n'uwakoranaga hafi n'urwego rwa Police communale i Butamwa, Nyarugenge kuya 15 Ukwakira 2018.
[390] Urukiko rw'umurenge wa Gatare, Nyarugenge, 2009

yabereye kwa Setiba Joseph. Bongeye gusubira mu rutonde rw'Abatutsi bagombaga kwicwa rwari rwakozwe mbere y'iyo nama, bashimangira ibijyanye n'amarondo y'amanywa n'ijoro, bemeza kandi ahagomba gushyirwa za bariyeri[391]. Havuzwe kandi urutonde rw'abagomba guhabwa imbunda zari zifitwe na Setiba Joseph, yari yahawe ku itariki ya 7 Mata na Major Mugemana wari utuye ku Kimisagara ndetse n'izindi zari zaturutse kuri Komini.

Ku itariki ya 9 Mata 1994, Setiba Joseph na Konseye Ubarijoro bakoresheje inama abaturage b' i Karama biganjemo "Abanyabungo[392]" bari bazwiho kwitanga, barimo uwitwa "*Pas mal*", Riberakurora wacuruzaga mazutu, Bizimungu, Kalisiti, Munyaneza, Kagote, Eugène na Serugendo bose bakomoka muri uwo muryango w'abanyabungo. Aba banyabungo bari bafite bariyeri ikomeye cyane hejuru muri Kigali. Abo banyabungo bari basanzwe bifitiye intwaro zabo gakondo, ariko bamwe muri bo bari barahuguwe gukoresha imbunda bahawe imbunda, amasasu n'amagerenade yo kurinda umwanzi. Kuri uwo munsi kandi ni bwo Interahamwe zo muri Kiruhura, izo mu Banyabungo zahawe imbunda ku mugaragaro. Interahamwe zakiriye izo mbunda harimo abitwa Bizimungu, Kalisiti, Munyaneza, Innocent, Kagote, Eugène, Serugendo mwene Sebumba na Umulisa, Bihoyiki na Jumayine[393] mwene Nyandwi Hamada, Twagirimana mwene Twiringiyimana Mapengu, Candari mwene Binyavanga, Subukino n'umuhungu we Shabani, na Ngiruwonsanga Claver, n'abandi.

Setiba Joseph alias Colonel ari mu baburanishijwe n'Inkiko Gacaca. Setiba ni mwene Rukaburambuga Pierre na Nyirandambiwe Anne Marie. Yavukiye i Butamwa mu1950. Mu rubanza rwe rwabereye mu kagari ka Kankuba, umurenge wa Butamwa, yarezwe kuba Perezida w'Interahamwe, kuba Sekamana na Kabutura baragiye kumwiyambaza bamwaka abasirikare muri segiteri ya Kigali ngo barangize ubwicanyi, gutegura inama zo kwica Abatutsi mu gihe cya Jenoside, kuba umuyobozi w'ishyaka rya MRND ashinzwe discipline mu mujyi wa Kigali no mu nkengero zawo. Yahamwe n'ibi byaha ahanishwa gufungwa burundi y'umwihariko, kuwa 24 Nzeri 2009[394].

---

[391] Ubuhamya bwatanzwe na Hitimana Pio, Mwendo kuya 14 Ukwakira 2018.

[392] Uyu muryango wari ufite abantu benshi ari abakuru ari abato bitabiraga imyigaragambyo, gusahura, n'ubundi bugome butandukanye. Bakunze kujya gutera imbaraga Interahamwe zindi hirya no hino ahabaga habereye imyigaragambyo cyangwa se za mitingi.

[393] Aba batorotse ubutabera baba mu bihugu byo hanze.

[394] Urukiko Gacaca rw'umurenge wa Butamwa, Nyarugenge, 2009

### 4.9.1. Komini ya Butamwa

Urupfu rwa Habyarimana rukimara kumenyekana muri Komini ya Butamwa umwera bwakeye wakwiriye hose kuko abayobozi bahise bategeka ahashyirwa bariyeri. Ishyirwaho rya za bariyeri yabanjirijwe n'inama yabereye kuri komini yarimo abakonseye ba za segiteri uko ari umunani zari zigize Komini ya Butamwa. Iyo nama yarimo kandi abapolisi ba komini na Burigadiye wabo. Haje kandi abari bahagarariye amashyaka CDR, MDR na MRND, Muhizina Sebastiani, Rufifi, Mutsindashyaka Christophe n'abandi nabo bari bitabiriye iyo nama. Muri iyo nama icyavuyemo n'ishyirwaho rya bariyeri n'itangira ry'amarondo yakorwaga amanywa na n'ijoro aho batekereza ko umwanzi[395] yanyura. Bariyeri zashyizwe ahantu bagerageza gufunga inzira zose zatuma abantu bagera ku mwaro w'uruzi rwa Nyabarongo. Izo bariyeri zashyirwagwaho n'ubuyobozi ariko bitabujije ko n'abaturage ku giti cyabo bashyiragaho izabo kandi bashyigikiwe n'ubuyobozi. Muzashyizweho muri iki gice cya Butamwa, Nyarubande na Burema nizi zikurikira:

- Bariyeri ya Kavumu yayoborwaga na Xaveri Kabutura, Birasa, Bideri na Magera;
- Bariyeri y'ahitwa Kankurimbi;
- Bariyeri ya Mubura aho gereza itangirira yarindwaga na Emmanuel Ruhagaze; Saidi, Rutikanga Vincent, Kasimu na Bene Rwitunda. Kuri iyo bariyeri hari inzu y'ibyumba bibiri yajonjorerwagamo abagabo bicwa igacumbikirwamo abagore, abana n'abasaza babaga bategereje kujya kurohwa mu mugezi wa Nyabarongo. Abagabo n'abasore bo bahitaga bicirwa aho bakajunywa mu cyobo cyari mu rugo kwa Martini Munyenkaka;

---

[395] Umwanzi bashakaga kuvuga Umututsi.



*Iyi nzu iherere ahitwa i Mubura mu mbibi za gereza ya Mageragere. Iyi nzu yahurizwagamo Abatutsi bagiye kwicwa, mu ijonjora ryabakorerwaga abagabo n'abasore bakicwa bakajugunywa mu cyobo kwa Martini, na ho abasaza, abana n'abagore bakicwa baroshywe mu ruzi rwa Nyabarongo.*

- Bariyeri yo kwa Munyandinda uzamuka Mubura yarindwaga na Munyaneza Augustin, Twagiramungu Faustin, Michel mwene Turimubakiga;
- Bariyeri ya Nyakabingo yayoborwaga na Kayinamura mwene Murekambanze, Charles Nkurunziza, Venuste Musabyeyezu, Célestin Musabyimana, Gakumba, Kirimi na Bivumu bene Birikunzira;
- Bariyeri yo kuri Kiriziya yarindwaga na Hermani Kavamahanga, Habarurema mwene Rwagahu, Alphonse Mugeri alias Ngona, Venanti Uwihanganye, Athanase Musilikare n'umuhungu we Kibwa, Alexis Kajangwe n'abandi
- Bariyeri ya Kankuba bari bise muri CND yarindwaga na Emmanuel Rucahaga, Stanislas Gasana, Charles Gatete, Raphael Karimbanya, Célestin Mwitirehe, Celestine Nyirarudodo, Habimana Alias Rudomoro mwene Gerivazi Habimana, Emmanuel Ruhumuriza;
- Bariyeri yo kuri Kankoko yayoborwaga na Augustin Kaberuka mwene Bishiturintare, Pascal, Nzabandora Félicien na Rurihose;
- Bariyeri yo kwa Kanyeperu na Kanyabigega Evariste alias Gisambo yarindwaga na Jean Claude Karasi, Uwizeye Alias Nsanzumuhire, Bushayija, Alexandre Gahutu wari responsible wa Serire Kankuba, Aloys Mbaraga, Ernest Ziherambere. Uyu Gahutu Alexandre mwene Nyandwi na Mukangira yavukiye mu kagari ka Kankuba, murenge wa

Butamwa mu 1966. Nyuma yo guhamwa n'igitero cyishe kwa Rudasingwa, Ncogoza, Kansilida no kwa Habineza,kwamamaye mu bwicanyi, kujugunya Abatutsi muri Nyabarongo ari bazima, ku irariki ya 24 Gicurasi 2009, urukiko Gacaca rw'Umurenge wa Cyahafi rwamuhanishije gufungwa burundu y'umwihariko[396].

- Bariyeri ya Rugendabari ya yoborwaga na Ignace Sengiyumva, Stanislas Sindambiwe, Majoro, Sipiriyani Sebahutu bene Nzabarinda, Rwagakinga, Bushayija, Rutayisire mwene Rwabukwisi;
- Bariyeri ya Kankuba yayoborwaga na Jean Chrisostome Mutabaruka, Noheli Habiyaremye, Balitazari Muzindutsi, Xaverina Bakunzibake, Nshimiyimana, Faustin Mbyariyehe, Binagwaho;
- Bariyeri yo kuri Komini ya Butamwa yarindwaga n'abapolisi ba Komini barimo Kabera wari Burigadiye wa Komini, Murenzi mwene Kanane, Ndayisaba mwene Yohani Nyaritwa, Agustini Karekezi na Gasigwa;
- Bariyeri yo kuri ADEPR mu marembo yo kwa Berekimasi, Runaku na Stanisilas Ruberangondo[397]. Iyi bariyeri yayoborwaga na Kabanda mwene Karasanyi, Nyamukera, Ntamunoza, Kavamahanga na Ntamabyariro bene Kanyoni na Mukabasebya. Yariho kandi Thadeyo Musengimana, Havugimana, Naramabuye, Mvuyekure na Kadihira bene Busanane, Habiyaremye mwene Nyirabagenzi, n'abandi;

Muri Segiteri ya Kigali, Mwendo na Rwesero hashyizweho bariyeri nyinshi; izi ngenzi zikaba zari aha hakurikira:

- Bariyeri yashyizwe mu ihuriro ry'imihanda igana Mwendo-Rwesero na Butamwa yayoborwaga ana Anania Ndizihiwe, Turatsinze na Rukumbira;
- Ku Kigo cy'ishuri ribanza rya Mwendo ni ho Abatutsi benshi bo muri Mwendo bari bahungiye bizeye kuhabona umutekano naho hari bariyeri;
- Ku giti cy'inyoni, yari mu ihuriro ry'imihanda ugana ahahize ari Perefegitura ya Gitarama na perefegitura ya Ruhengeri

[396]Urukiko Gacaca rw'Ubujurire bwa Cyahafi, Nyarugenge, 2009

[397] Ruberangondo Stanislas yabaye Burugumestri wa Komini ya Nyarugenge (1969-1975), ayobora Butamwa igishingwa kugeza mu 1991.

- Kuri Segiteri ya Mwendo, ubu hubatswe Umurenge wa Kigali hari bariyeri yabuzaga kugenda ababaga bashaka guhungira mu rufunzo ngo bambuke bagere muri komini Runda;
- Hafi y'ikibuga cy'umupira cya Mwendo na ho hari bariyeri;
- Ku Cyitabi mu Ruhango ahiciwe Abatutsi bahungaga bava i Nyamirambo cyane cyane Kivugiza n'abari bamaze kurokoka ubwicanyi bwakorewe, ku itariki ya 13 Mata, Abatutsi bari bahungiye mu kigo cy'umuryango w'Abafurere b'abayezuwiti ;
- Ahitwaga ku Tsamatera hafi yo kwa Claver Ngiruwonsanga;
- Ku Butare ahiciwe imiryango y'Abakono;
- Ku musozi witwaga "Ruzirabatutsi[398]";
- Ku ruganda rw'amategura n'amatafari rwa Ruliba hari hashyizwe bariyeri irinzwe n'Interahamwe zari zoherejweyo na Setiba Joseph wari umugenzuzi wa za bariyeri zose zo muri segiteri ya Kigali. Abahiciwe bose barohwaga mu mugezi wa Nyabarongo bikorewe ku kiraro kiri kuri Ruliba[399].

Bariyeri yari aho bita ku Kitabi kumaduka hafi y'icyuma gisya, mu ihuriro ry'imihanda ibiri ijya ahitwa Matimba. Bariyeri yitiriwe abanyabungo ku muhanda werekeza i Muganza kuri kiriziya ya ADEPR. Indi bariyeri yari yashyizwe ahitwa Kiruhura yategekwaga na Simba Wanyika. Yari iri hagati ya bariyeri yari mu ihuriro ry'imihanda uva Nyabugogo na Kimisagara n'undi ufite icyerekezo cya Segiteri ya Gatyata. Muri icyo indi bariyeri bariyeri yari yashyizwe hafi y'akabare ka Cyubahiro yayoborwaga na Serugendo, Umulisa na Pacifique. Kuri Yanze hari bariyeri iyobowe na Bizimungu Paul, Ntawikunda Deo, Ngarambe Isidore, Rugamba na OPJ Kubwimana Celestin, Semiteja Lambert, Viateur n'abandi. Bariyeri ya Giticyinyoni bitaga iyo kwa Setiba Joseph yari hagati y'ihuriro ry'imihanda ugana mu gice cy'amajyepfo n'ugana mu majyaruguru.

### 4.9.2. Abagize uruhare rukomeye mu kwica Abatutsi muri Komini ya Butamwa

Abagize uruhare mu kwica Abatutsi muri Komini ya Butamwa ni benshi cyane bakaba bari biganjemo abasirikari, abapolisi, Interahamwe zari zihatuye yewe n'abandi bazaga baturutse mu

[398] Umusozi wiswe "Ruzirabatutsi" kubera ko mu mvururuku zo muri 1973, na none Abatutsi barishwe abandi barahunga. Kuri uwo musozi rero nta Mututsi wahegeraga kuko yahitaga afatwa akajugunywa muri Nyabarongo.
[399] Muri segiteri Mwendo ya Komini ya Butamwa, habaruwe Abatutsi barenga 250 bishwe bakajugunywa muri Nyabarongo.

bindi bice kuburyo ntibyari byoroshye kumenya abicanyi bose uko bakabaye. Gusa mu bari bahatuye abicanyi bigaragaje cyane ni aba bakurikira:

1. Nyabugwiza Célestin Alias "Mahembe" ni we wafashe iya mbere tariki ya 7 mata 1994mu gukangurira Interahamwe zari zaragiye gutozwa gisilikare i Gabiro[400] kwica Abatutsi. Mu gihe cya Jenoside, ni we wayoboye ibitero byose byishe Abatutsi muri Komini ya Butamwa. Jenoside ihagarikwa n'ingabo za FPR yarahunze ntiyagaruka;
2. Nkundanyirazo Mussa yafatanije na Célestin Nyabugwiza alias Mahembe mukuyobora ibitero byo kwica Abatutsi. Yarafashwe aburanishwa maze akatirwa igifungo cya burundu;
3. Mwitirehe wari umuyoboke wa MRND;
4. Gasana Védaste wari umuyoboke wa CDR: yahoranaga amagambo asesereza "ngo Umuhutu abagomba kuba afite izuru rya kwinjiramo intoki eshatu". Jenoside ihagarikwa n'ingabo za FPR, yarahunze ntiyagaruka;
5. Dusabemungu Isiak yarafashwe aburanishwa maze akatirwa igifungo cya burundu;
6. Niyonsenga Tito yarafashwe aburanishwa maze akatirwa igifungo cya burundu;
7. Karasira Malik, yarafashwe aburanishwa maze akatirwa nawe igifungo cya burundu;
8. Nkubito Philemoni yari afite umwihariko wo kwica abana gusa. Yarafashwe aburanishwa maze akatirwa igifungo cya burundu;
9. Munyentwari Andereya yari azwiho kwica abana;
10. Ndemezo Jean Damascène yiciraga Abatutsi kuri bariyeri ahitwa "Ku Mugano" muri serire Ruliba. Urugero rw'ubugome yari afite ni igihe yishe umugabo witwa Kamuzinzi amuca umutwe maze awumanika kuri bariyeri ngo nibamara kwica Abatutsi bose bazaze abereke uko umututsi yasaga;
11. Nyagahakwa Jean yari afite ubugome bukabije cyane. Interahamwe zimaze kwica Abatutsi muri Komini ya Butamwa, yashishikarije Interahamwe kwica abagore n'abana bari basigaye. Mu nama y'umutekano yateranye tariki 28 Gicurasi 1994 ku mashuri ya Mwendo, yabwiye Interahamwe ko "*n'Uwica imbeba ntababarira ihaka*". Iryo ijambo ryatumye mu ijoro ryakurikiyeho abana n'abagore basigaye bicwa maze bajugunywa muri Nyabarongo.

---

[400] Gabiro ni Ikigo cya Gisilikare aho Interahamwe zahabwaga imyitozo ya gisilikare harimo kurasa no guturitsa gerinade mu rwego rwo kubategura kwica Abatutsi mu gihe Jenoside yarimo itegurwa.




*Urwibutso rwa Jenoside yakorewe Abatutsi muri Komini ya Butamwa.*

*Amashusho yafashwe n'umushakashatsi*

**4.9.3. Ibikorwa by'iyicarubozo byakorewe Abatutsi muri Komini ya Butamwa**

Muri Komini ya Butamwa Kimwe n'ahandi mu Rwanda, Abatutsi benshi bicwaga u rwagashinyaguro. Abakobwa n'abagore bafashwe ku ngufu mbere y'uko bicwa bambikwaga ubusa mbere y'abana. Urugero muri Segiteri ya Butamwa ni Ingabire Immaculée wari utwite ashorerwa agiye kwicwa. Ageze mu nzira afatwa n'inda maze Interahamwe zimuhitisha ku kigo nderabuzima abyazwa n'umuformo witwa Thérèsa Dusabe. Amaze kumubyaza yahamagaye Interahamwe zari zimutegereje zishorera uwo mubyeyi yitwaje uruhinja zimuroha muri Nyabarongo.

Muri Segiteri ya Kigali, Andereya Munyentwari afatanije na Philemoni Nkubito bafashe umwana witwaga Jean Paul Mugabo mwene Aloys Mudahembya bamutema akaboko barangije barakamwikoreza agenda avirirana bajya kumujugunya mu mugezi wa Nyabarongo. Urundi rugero ni'iyicwa rya Gérard Gateneri wari umuyobozi w'ishuri ribanza rya Butamwa. Interahamwe zaramuhize ajya kwihisha kwa Emmanuel Rucahaga ariko bigera igihe aramwirukana. Yavuye aho ajya kwihisha mu kigo nderabuzima cya Butamwa. Akihagera, Thérèsa Dusabe[401] yahise ahamagara Interahamwe ziramufata maze zimwambika ubusa zimuzengurukana Butamwa yose bamwereka abaturage n'abana yigishije barangije baramwica.

[401] Thereza Dusabe ni Nyina wa Ingabire Umuhoza Victoire



*Urwibutso rwa Jenoside yakorewe Abatutsi barenga 750 bishwe baroshywe mu ruzi rwa Nyabarongo ruherereye mu Kagali ka Ruliba, Umurenge wa Kigali.*

*Amashusho yafashwe n'umushakashatsi*

Mu Murenge wa Kigali Interahamwe zo mu muryango w'abanyabungo zafashe umuryango wa Bisamaza urimo abagore n'abana babajugunya mu cyobo cyarimo imyanda iva mu musarani barangije barapfundikira. Twiboneye umugabo Flodouald amaze gukubitwa ntampongano ntiyahise ashiramo umwuka; Interahamwe zirimo bariya banyabungo zagarutse kumureba zisanga agihirita atarashiramo umwuka ziravuga ngo Abatutsi ntibapfa maze bamurasa imyambi mu mutwe abona gushiramo umwuka. Undi niumukobwa witwa Dusabe wavukaga mu muryango w'Abagege[402] wahambwe abona nyuma abicanyi bakamwicisha ifuni. Ferederiko wo mu Bagege na we Interahamwe zo mu banyabungo zabanje kumutema ibirenge akajya yiririwa aryamye ataka. Nijoro imbwa zazaga kumurya mu bisebe izo nkoramaraso zari zaramusigiye. Hashize iminsi itatu Interahamwe zaragarutse ziramuhorahoza. Undi wishwe urubozo n'uwitwa Silivani waciwe ibice by'umubiri buhoro buhoro kugeza igihe ashiriyemo umwuka.

Marie Rose Samputu wari umukozi wa MIJEUMA; Isidore Ngarambe ni we wari umuhishe iwe ariko aca ruhinga nyuma atumaho Interahamwe. Zabanje kumufata ku ngufu zijya kumwicira mu ishyamba zirangije zimujomba ibiti mu nda ibyara.

---

[402] Abagege n'umuryango mugari w'Abatutsi bari barafashe iryo zina.

### 4.10. Abakozi ba Komini ya Nyarugenge na Komini na Butamwa bazize Jenoside

Amakuru ku bahoze ari abakozi ba Komini ya Nyarugenge na Butamwa bazize Jenoside yakorewe Abatutsi yabonetse hifashishijwe amakuru y'ibanze twahawe na'Akarere ka Nyarugenge. Mu rwego rwo kurunoza, twagiranye ibiganiro mu matsinda n'abahoze ari abakozi ba Komini ya Nyarugenge ndetse n'abavandimwe babo badufasha kuzuza amakuru ajyanye n'imirimo bakoraga. Mu bushakashatsi, amakuru yose kuri bamwe muri abo bakozi ntiyabashije kuboneka yaba ari mu bubikoshakiro bw'Akarere ka Nyarugenge mu bijyanye n'abakozi cyangwa se mu gushakisha abavandimwe babo n'ababakomokaho.

Abari abakozi ba Komini ya Nyarugenge na bazize Jenoside bazwi kugeza ubu ni cumi na barindwi (17). Batanu (5) gusa nibo twoboneye amakuru y'uburyo bishwe tuyabwiwe n'abavandimwe babo cyangwa abo bakoranaga. Amakuru y'abandi ntiyabashije kuboneka bitewe nuko mu gihe cy'ikusanyamakuru ababakomokaho cyangwa abavandimwe babo batabashije kuboneka. Abakoranaga nabo ntibamenya uko bishwe cyangwa kandi ntabwo bazi ababakomokaho baba bararokotse.

#### 4.10.1. Rugumire Jean Bosco

Rugumire Jean Bosco ni mwene Rugumire Tharcisse na Nduwamungu Spéciose. Yavukiye Kimisagara mu Komini ya Nyarugenge muri 1964. Yize amashuri yisumbuye muri seminar into y'I Zaza aho yarangije muri 1985. Rugumire Jean Bosco yatangiye akazi muri Komini ya Nyarugenge muri 1986 ashinzwe urubyiruko na siporo[403]. Nyinawababagara Claire yatubwiye ko Rugumire Jean Bosco yari umuntu usabana n'abantu bose kandi wintangira akazi.

Amakuru twahawe na Nyinawababagara Claire, yatubwiye ko Rugumire Jean Bosco hamwe na bagenzi be bakoranaga batigeze bagira amahoro. Burugumesitiri Karera yabahozaga ku nkeke abita inzoka, inyenzi n'ibindi bitutsi. Umuryango wabo wari ku isonga w'abashakishwaga baregwa ko bakorana n'inyenzi. Ku bijyanye n'urupfu rwa Rugumire Jean Bosco, Nyinawababagara yatubwiye ko Rugumire yari asanzwe yiga amategeko i Bukavu mu yahoze ari Zayire. Tariki 6 Mata 1994 yambutse avuye i Bikavu arara ku Kibuye. Mu gitondo cya kare cyo

[403] Ubuhamya bwatanzwe na Nyinawababagara Claire, Mushiki wa Rugumire Jean Bosco, Remera tariki 12 Ukuboza 2018.

ku itariki 07 Mata 1994, Rugumire yamahagaye mushikiwe Nyinawababagara ko yaraye ku Kibuye akaba yabuze uko akomeza agana i Kigali cyangwa asubire i Bukavu. Nyinawagara Claire yamubajije impamvu, Rugumire ambwira ko aho yaraye ku Kibuye batangiye kwica Abatutsi kubera ko Habyarina Juvénal yapfuye impamvu. Nyinawababagara yatubwiye ko aho yaraye ni bo baje kubamenyesha ko Rugumire Jean Bosco yishwe n'Interahamwe.

Rugumire Jean Bosco wari ukiri ingaragu, yishwe n'ababyeyi be, mu muryango we harokoka Kimenyi Jean Pierre, Nyinawababagara Claire na Umuhoza Régine. Mu buhamya Nyinawababagara Claire yaduhaye, yatubwiye ko mu gitondo cyo kuwa 7 Mata 1994, akimara kumenya iby'urupfu rwa Habyarimana, yarabyutse n'umugabo we bageze hanze bahasanga abahungu babiri bari bacumbitse babana mu gipangu kimwe. Bakimara kuganira ku by'umutekano muke bari bafite kubera amasasu yavugaga hirya no hino ku Muhima aho bari batuye, ntihashize akanya haza igitero mu rugo rwabo, bica abo bahungu babiri, umugabo we abasha kwihisha ku ibaraza iyo yari ifite hejuru. Icyo gihe Nyiwababagara yibaza ko yarokotse kubera ko Interahamwe n'abasirikari bari bataribasira abagore n'abana. Muri icyo gitondo bahise bahungira kuri ADEPR Muhima. Tariki 08 Mata 1994 haje igitero kiyobowe n'umupolisi witwagwa Bisangwa hicwa abatuntu 40 biganjemo abagabo gusa. Nyiwababagara, umugabo we n'abana babo bigiriye inama yo gusubira murugo rwabo rwari inyuma y'urusengero rwa ADEPR basubiranayo n'abandi bakobwa munani. Tariki 11 Mata 1994 ni ho haje igitero cy'Interahamwe zica umugabo we zimurashe amasasu yo mu mutwe.

### 4.10.2. Mukampabuka Marie Goretti

Mukampabuka Marie Goretti ni mwene Birekeraho Evariste na Nyirabyago Christiane wavutse muri 1956. Mukampabuka yashakanye na Mugemana Constatin babyarana abana batanu aribo: Mugemana Jean Pierre, Mugemana Uwimana Jeanne, Mugemana Jean Paul, Mugemana Uwase Teddy na Karame Emmanuel. Mukampabuka Marie Goretti yakoze muri Komini Nyarugenege ashinzwe irangamimerere, akaba yari umukozi w'intangarugero wakiraga neza abaturage bamugana no gutegura ibya ngombwa babaga bakeneye.

Mu gihe cya Jenoside nk'abandi batutsi, ntibyaboroheye na gato kuko we n'umugabo we n'abana babo barishwe harokoka Mugemana Uwase Teddy ari na we watanze ubuhamya bw'urupfu umuryango we wishwe. Umuryango wa Mukampabuka Marie Goretti wari utuye i Nyakabanda,

icyo gihe Mugemana Uwase Teddy yari afite imyaka cumi n'ibiri. Wari umuryango usenga cyane kandi ubana n'abantu bose neza kandi mu mahoro. Jenoside itangira tariki 7 mata 1994, hari liste yari yarateguwe y'Abatutsi bogomba kwicwa muri Nyakabanda. Interahmwe yitwa Munyagisenyi Joseph bari baturanye urugo ku rundi, yategetse Interahamwe yayoboraga kwica Mugemana n'umuryango we. Interahamwe ntizahise z'umvira ibyo Munyagisenyi ategetse kuko umuryango wa Mugemana wari uzwiho gusenga no kubana neza muri Nyakabanda.

Munyagisenyi Joseph ntiyanyuzwe kubera ko yahise ajya kwiyambaza Interahamwe zituruka Kimisagara na Gitega. Munyagisenyi yazindukiye murugo kwa Mugemana, ahageze amubwira ko aje kumuburira kuko bamubwiye ko Interahamwe ziza kumwica, bity akaba amugira inama yo kwifungirana mu nzu we n'umuryango we wose kandi ntihakagire uwo akingurira. Mugemana yasanze ahubwo ari umugambi wo kugirango ni baterwa bicirwe hamwe, maze bigira inama yo gutatana. Mugemana n'imfura ye Jean Pierre bihishe muri toilette y'abantu bakodeshaga mu mazu ya Munyagisenyi Joseph. Umugore we n'abandi bana bajya kwihisha mu baturanyi munsi y'urugo rwabo. Munyagisenyi yahise amenya aho bihishe ajya kubavana mu bwihisho, n'aho umugore wa Mugemana yagiye kwihisha hamwe n'abana nabo barabasohora basubira mu rugo rwabo burira buracya. Byageze igihe ibyo kurya birangira biba ngombwa ko Mukampabuka ajya guhaha ku isoko. Yajyanye n'umukozi wo mu rugo, mu nzira ahura n'umupolisi wakoraga ku isoko amuburira ko ku isoko hari bariyeri ikaze bashobora kumwica. Undi kubera gushaka ifunguro yagaburira abana yiyemeje gukomeza uwo mu polisi aramuherekeza guhaha ndetse ara namuherekeza mu gutaha amugeza iwe mu rugo.

Mu ntangiriro z'ukwezi kwa Gicurasi 1994 Mugemana yigiriye inama yo guhunga bagana i Kamembe kugira ngo bahungire i Bukavu. Basohotse mu nzu bageze ku irembo bahura na Protazi[404] wahise anyaruka ajya kubwira Munyagisenyi ko Mugemana ahunze. Muri urwo rugendo, ku muryango wa Mugemana wari wiyongereyeho Nzamukosha Anastaziya (Nyirasenge wa Mama we) n'abuzukuru be batanu ari bo: Adelaide, Alain, Xandra, Rosine na Jean de Dieu. Yatubwiye ko kuva Kigali kugeza Gitarama bahagenze n'amaguru, urugendo rwose kugera i Kamembe rukaba rwarabatwaye ibyumweru bibiri kubera ko kuri buri bariyeri basigaranaga Mugemana, Mukampabuka na Nzamukosha.

---

[404] Protazi nawe yari Interahamwe yakoranaga na Munyagisenyi Joseph

Bageze i Kamembe bakiriwe mu rugo kwa Tindo aho bamaze igihe cy'isaha haza Interahamwe zibaza Mugemana Jean Pierre uwo ari we. Mugemana yahise yiyerekana maze baramutwara. Murumuna wa Tindo yahise ahagera bamubwira ko Mugemana Jean Pierre bamaze kumujyana, hanyuma ajya gutanga amafaranga aramugarura. Byageze ku mugoroba babagira inama yo guhungira mu kibuga cy'umupira cya Kamembe kugira ngo baticirwa mu rugo kwa Tindo. Bitewe n'uko guhungira mu kibuga cy'umupira cya Kamembe byasaba uburenganzira bwanditse butangwa n'ubuyobozi bwa Komini, bafashe taxi bajya kuri Komini bahasanga abasirikari barindaga Habyarimana, bahagarika imodoka, maze umwe muri abo basirikare asohora urupapuro abaza ngo Mukampabuka na Mugemana ni bande, maze na bo bariyereka, ariko babagumisha mu modoka kugeza saa moya. Hahise haza abandi basirikare basohora Mugemana, Mukampabuka, Jean Pierre (umwana wabo w'imfura) na Nzamukosha (Nyirasenge wa Mukampabuka) babatwara mu modoka ya gisirikare babicira ahitwa mu "Gatandara".

Bamaze kubica baragarutse basohora abana basigaye muri taxi babinjiza muri iyo modoka ya gisirikare nabo babajyana mu Gatandara. Bahageze babanje gusohora umukozi wabo wo mu rugo witwa Munyakazi baramwica[405]. Interahamwe zifatanije n'abo basirikare basohoye Sandra na Emmanuel batangira kubakubita impiri. Sandra yaratatse ngo "Ntituzongera", Interahamwe ziramusubiza ngo: "Umva uko babaye, baba babizi ko ari abanyabyaha!". Adelaide babanje kumubwira ngo yemere ababere umugore kugira ngo batamwica, yarabyanze abasubiza ngo "Munyice kuko n'abavandimwe banjye bose mwabishe". Interahamwe yamwatse gasaza ke kari kakiri gato, agafata akamanitse amaguru umutwe ureba hasi, ahondagura umutwe muri kaburimbo, barangije Adelaide nawe bamukubita ubuhiri mu mutwe nawe arapfa. Rosine na Jean de Dieu barekuwe ari uko Rosine avuze ko yahuye n'umuryango wa Mugemana mu gihuru naho Jean de Dieu avuga ko we ari umukozi wabo. Umuryango wose wa Mugemana n'abo bahunganye kuva i Kigali wahise wicirwa aho. Mugemana Uwase Teddy ni we wenyine warokotse mu muryango wa Mugemana na Mukampabuka. Yakubiswe ubuhiri mu mutwe bibaza ko yapfuye, yongeye kugarura ubwenge aryamye ku gitanda mu ivuriro ry'ababikira ryitiriwe Mutagatifu Francisco i Kamembe atigeze amenye uko yahagejejwe.

---

[405] Munyakazi yari umukozi wa Mugemana wakoraga imirimo yo mu rugo. Yari yaranze gutandukana n'umuryango wa Mugemana kubera ko wari waramubereye ababyeyi, ababwira ko aho bazapfira azapfana na bo.

Uwase Teddy amaze koroherwa yamenye ko Rosine na Jean de Dieu barokotse asohoka mu bitaro abasanga mu rugo aho bahungiye baragumana. Papa wa Sandra Kandekwe Emmanuel yaje kumenya ko barokotse ajya Kamembe gutahana abana i Kigali, Uwase arerwa na nyirakuru ubyara nyina ari we Nyirabyago Christiana. Mugema Uwase Teddy amaze gukura yaje gusubira Kamembe ngo amenye neza urupfu bapfuye na ho bajugunywe ngo abashyingure mu cyubahiro. Ubwa mbere abanyururu bamubwiye ko ababyeyi pe babajugunye mu kiyaga cya kivu. Yaratashye ariko atanyuzwe yongera kwigira inama yo gusubirayo kugira ngo yongere abaririze amenye neza uko ubuzima bw'ababyeyi be n'abavandimwe be bwarangiye. Yagiye mu igereza ya Rusizi bamuhuza n'Interahamwe zishe ababyeyi be. Bamuhamirije ko ari zo zishe umuryango we urw'agashinyaguro babaca ingingo z'umubiri. Bamubwiye ko mama we bamukase inyama barazotsa maze barazirya. Yashatse kumenya aho babajugunye bamubwira ko batahazi, ariko bamurangira undi mugabo wakoraga icyo gihe mu muryango utabara imbabare "*Croix Rouge*" ko ari we wabavanye aho mu muhanda kandi ko ari we wajyanye Mugemana Uwase Teddy kwa muganga ariko akaba yari akiri mu buhungiro.

Mugemana Uwase Teddy yaje gusubirayo muri 2008 abwiwe ko uwo mugabo yatashye ariko akaba yarafunzwe ashinjwa kuba mu gihe cya Jenoside yatoraguraga imirambo y'Abatutsi agashyingura Abatutsi bakiri bazima akajugunya abandi mu kiyaga cya Kivu. Yaganiriye n'uwo mugabo, abanza kumushimira anamusaba kumubwira aho umuryango wiciwe ahitwa mu Gatandara bajugunywe. Yamubwiye ko yabashyinguye mu cyobo rusange aho mu Gatandara. Uwase yamusabye gereza barahajyana, bahageze abahaturiye bamubwira ko aho hantu hataburuwe imibiri y'Abatutsi bakaba batazi aho yagiye gushyingurwa.

Mugemana Uwase Teddy yemeza ko Munyagisenyi Joseph ari we wagize uruhare mu rupfu rwa Mugemana na Mukampabuka n'umuryango we kuko muri urwo rugendo rw'umuryango wa Mugemana bava Kigali bajya Gitarama n'amaguru, Munyagisenyi Joseph yarabakurikiye abasanga mu Nkoto ndetse bageze i Gitarama na none barahamusanga. Umunsi Mugemana, Mukampabuka, Jean Pierre (umuhungu wabo w'impfura) na Nzamukosha bicwa i Kamembe, Munyagisenyi Joesph yizihije uwo munsi, arabyigamba mu baturanyi aho yari atuye i

Nyakabanda[406]. Ubu Mugemana Uwase Teddy ni we wenyine warokotse mu muryango wa Mugemana na Mukampabuka wari umukozi wa Komini ya Nyarugenge. Yarize arangiza kaminuza, arubatse kandi afite abana babiri kandi akaba afite icyizere cyo kubaho.

### 4.10.3. Rutikanga Alexandre

Rutikanga Alexandre ni mwene Gashumba Charles na Mujawikigali Thérèse. Yavutse muri 1959 mu yahoze ari Serire Nyarurama ya Komini Shyorongi. Yize amashuri abanza akomereza mu mashuri y'imyuga. Rutikanga yashakanye na Mukandahiro Domitilla babyarana abana bane bose bakaba barishwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi muri mata 1994. Mu gihe cya Jenoside Rutikanga Alexandre yari resiponsable wa serire Nyarurama[407].

Ubuhamya twahawe na Mukandahiro Domitilla, yatubwiye ko nubwo bari babayeho mu buzima bw'ivanguramoko barai baramenyereye, Rutikanga Alexandre yatangiye kugira ibibazo ku mwaduko w'amashyaka menshi yatangiye muri 1991[408]. Yaduhaye ingero aho mu mpera za 1993, interahmwe zagiye kwamamaza MRND ku kabaya mu yahoze ari Perefegitura ya Gisenyi. Mu gutaha, interahmwe yarataye ingofero ya MRND, Domitilla arayitoragura. Umunsi ukurikiyeho hakozwe umukwabu, barimo gusaka munzu yabo, abasirikari barabaza niba babarizwa mu rihe shyaka, Domitilla asubiza ko ari umwambari wa MRND, bamusabye ikimenyetso yerekana ya ngofero ya MRND yatoraguye, bituma umugabo we adafungwa. Umwuka wa politiki ukomeje kumera nabi, murumuna wa Rutikanga Alexandre yiyemeje gusanga Inkotanyi kurugamba rwo kubohoza igihugu. Aho Interahamwe zibimenyeye, umuryango wa Rutikanga ntiwongeye kugira amahoro na gato, kuva ubwo ntibongeye kurara mu nzu.

Muri werurwe 1994 ku matariki atibuka neza, resiponsable wungirije wa Serire Nyarurama, Butera Augustin yakoresheje inama yo gusimbura Rutikanga Alexandre aba ari nawe umusimbura kuri uwo mwanya. Mu mpera za werurwe 1994, bwarakeye basanga ingo z'Abatutsi

---

[406] Ubuhamya twahawe na Mugemana Uwase Teddy, umukobwa wa Mukampabuka Mari Goretti, Nyarugenge kuya 12 ukuboza 2018.

[407] Mbere ya Jenoside, Serire Nyarurama yabarizwaga muri Komini ya Shyorongi. Mu ivugururwa ry'imiterere ya Repubulika y'U Rwanda yakozwe, guhera 2006, Serire Nyarurama ibarizwa mu Murenge wa Kanyinya, Kanyinya ikaba ari umwe mu Mirenge igize Akarere ka Nyarugenge.

[408] Ikiganiro na Mukandahiro Domitilla, umugore wa Rutikanga Alexandre, Nyarugenge kuya 22 ukuboza 2018.

bari baturanye zikikijwe n'amahema y'abasirikari bitwaga "Bataillon Gitarama". Bitewe nuko abo basirikare batigeze babahutaza batangiwe raporo ku wari ukuriye ingabo muri Komini Shyorongi ko basabanye n'Abatutsi aho bakambitse. Nyuma y'iyo raporo bahise basimburwa n'abandi basirikari bitwaga "Bataillon Zulu" bakomoka Ruhengeri. Mu gitondo bwarakeye Domitilla asuhuza abo basirikari atazi ko basimbuwe, aho kumwikiriza, amusubiza ati: "Wapfa inzoka irakuriye !".Muri ako kanya yabonye murumuna w'umugabo we Hitimana nawe wazize Jenoside akaba yari atuye munsi y'urugo rwabo yiruka kubera iterabwoba yatewe n'umusirikare wari mu ihema imbere y'urugo rwabo. Barazamukanye mu rugo kwa Gashumba Charles ari na we se wa Rutikanga bamubwira amagambo babwiwe, nawe abasobanurira ko "Inzoka ari bo babwirwaga". Kuva ubwo nta mibanire myiza bongeye kugirana n'abo basirikare kugeza ubwo Jenoside itangiriye.

Abasirikari bafatanije n'abaturanyi n'Interahamwe batangiye kwica imiryango y'Abatutsi muri serire Nyarurama tariki 13 mata 1994 baraswa cyangwa bicishwa imihihoro nizindi ntwaro gakondo. Kuri iyo tariki, resiponsable wa Serire Nyarurama Butera Augustin afatanije na perezida wa CDR, perezida wa MRND muri serire Nyarurama n'umusaza Nshaka Joseph wiyise "Inararibonye"bakoresheje inama yihuse basaba urubyiruko kwica Abatutsi bose muri serire kugeza ku bana bato. Basoza inama, batwaye urwo rubyiruko mu rugo rwa Gakwaya Paul nawe wazize Jenoside kubereka icyobo yari yaracukuye umwobo wagombaga kubakwamo ubwiherero, Butera Augustin n'abo yari afatanije bereka urwo rubyiruko ko ariho Inkotanyi zizataba Abahutu. Bahise basaba urwo rubyiruko gutanguranwa bakica Abatutsi akaba ari ho babataba.

Kuri iyo tariki, muri Serire Nyarurama abasirikari bafatanije n'Interahamwe zahise zica Nkaka Apolinaire, Rwagasore, Sugira Josetta, Byukusenge Jean Baptiste, Umubyeyi Beaytrice n'undi mwana w'umuturanyi uwaduhaye ubuhamya atibutse amazina, bose bajugunywa muri uwo mwobo. Bakomereje mu zindi ngo barica Abatutsi barundanya intumbi basanga habuzemo intumbi ya Rutikanga Alexandre na Mukandahiro Alexandre. Butera Augustin yahise akoresha inama y'abaturage bose muri serire igamije gushakisha. Muri iyo nama bahise bafata icyemezo cyo kubahiga amanywa n'ijoro kandi bihanangiriza abaturage ko uwazamenyekana ko ariwe wahishe Rutinga n'umugore we nawe ntakabuza azafatwa nk'umugambanyi nawe akaba agomba kwicwa. Nyuma y'iyo nama habaye gusaka inzu ku yindi, uwo munsi Theophila, mushiki wa

Rutinga yafatiwe mu rugo rwa kwa Rusigarira baramwica ajugunywa mu mwobo w'ubwiherero. Mu gihe Rutikanga n'umugore we bari barihishe mu rugo rw'umukecuru witwa Mukabirege, haje kuza umukobwa we yumvisha nyina ko nta mpamvu yo guhisha Umututsi kubera guhisha rya tegeko ryatanzwe na Butera Augistin afatanije na perezida wa MDR na CDR muri serire. Bahise basohora Rutinga n'umugore we, bageze hanze bahurirana n'igitero gihitana Rutikanga, umugore we arabacika. Bakimara kwica Rutikanga, Butare n'Interahamwe bahise bigamba ko tariki ya 1 Kamena 1994 bazakora umunsi mukuru wo kwizihiza ko Abatutsi bose bishwe muri Serire Nyarurama kandi abana bazajya babaza uko umututsi yasaga[409].

Domitila yatubwiye ko nyuma y'urupfu rw'umugabo we Rutikanga nibwo yagize ibyago bikomeye. Bahise basaba amaserire atatu ariyo Nyarurama, Taba na Kaganamira guhiga Domitilla kugeza abonetse. Karinda Damascene yaje guhiga Domitilla kuko bakekaga ko yaba akihishe nu rugo kwa Mukabirege, akigera mu masaka munsi y'urugo, imbwa ya Damascene yaciye umunyururu, umugore we arataka ko Inkotanyi zimwishe. Damascène yahise asubira inyuma, Domitilla ararusimbuka. Mu mpera za Kamena 1994 bahunze bava muri Nyarurama baungira mu zindi serire za Komini Shyorongi. Umuhungu wa Mukabirege yabwiye Domitilla guhunga aranga, ahubwo yigira inama yo kuva mu masaka munsi yo kwa Mukabirege aho yararaga ajya kwihisha mu rugo kwa Kamboga ahasanga akandi kana k'agatutsi na ko bahasize. Umuhungu wa Kambogo yaragarutse ahasanga Domitilla arikanga, aramubwira ati murumuna wanjye arahagusanga akwice. Cyakora yakomeje kubahisha kugeza tariki 4 nyakanga 1994 intambara irangiye Inkotanyi ziramurokora we n'ako kana zibajyana muri "Village Urugwiro".

Domitilla yatubwiye ko Interahamwe Nshaka Joseph "Inararibonye", Gabriel (Perezida wa MRND, Butera Célestin (resiponsable wa serire mu gihe cya Jenoside), Birinda Jean Damascène wabaye burugumesitiri wa Komini Shyorongi nyuma ya Jenoside, Kamri Celestin, Bunani, Twagirayezu na Rusigarira aribo bagize uruhare mu kwica no kwicisha Abatutsi muri muri Serire Nyarurama. Abenshi muribo ntibigesze bafatwa ngo baburanee ubwicanyi bakoze, n'abafashwe baburanishijwe n'inkiko Gacaca bararekurwa.

---

409 Aya magambo yumviswe na Mukandahiro aho yari yihishe munsi y'akayira aho umugabo we yiciwe bagisohoka mu rugo kwa Mukabirege.

### 4.10.4. Twagirayezu Laurent

Twagirayezu Laurent yari Umuhutu anayobora Komini ya Butamwa akaba yaratorewe uwo mwanya binyuze mu mashyaka, we akaba yari umuyoboke wa MDR. Bitewe n'uko twagirayezu atari ashyigikiye ubwicanyi, yafashwe nk'inzitizi mu maso y'ubutegetsi bwari bugamije kwica imbaga y'Abatutsi.

Bimaze kumenyekana ko Twagirayezu arimo kurwana ku Batutsi kugira ngo baticwa, Intehamwe yitwa Setiba ifatanije na Nyabugwiza célestin alias "Mahembe" batabaje mu Kigo cya Gisirikare cya Kigali maze haza abasirikari bica Abatutsi barenga ijana bari basigaye muri Serire Burema. Bakimara kubica, Setiba na Nyabugwiza Célestin alias "Mahembe" bafashe Twagirayezu Laurent bamwambura umupolisi Rutagonya wamurindaga babifashijwemo n'abasirikari bamuvana I Butamwa bamujyana i Mwendo aba ari na ho bamwicira.

### 4.10.5. Munana Théoneste

Munana Théoneste ni mwene Ngangari Simoni na Concessa. Yavukiye Rwesero muri Komini ya Butamwa (Kigali Ngali) muri 1966. Yize amashuri abanza i Mwendo arangiriza amashuri y'isumbuye i Save. Akirangiza amashuri yisumbuye yahise aba umuyobozi w'ungirije wa Komini ya Butamwa (Assistant Bourgumestre). Nyuma y'imvururu mu baturage zakuruwe n'umwaduko w'amashyaka muri 1991, Ruberangondo Stanislas yabangamiye cyane Munana Théoneste bigera aho avanwa kuri uwo mwanya agirwa umukangurambaga w'urubyiruko. Mu matora y'inzego z'ibanze yakozwe muri 1992, yiyamamarije umwanya w'umuyobozi wungirije wa Komini aranawutorerwa binyuze mu ishyaka ryo kwishyira ukizana (PL[410]).

Guhera muri 1993, abitwa Murigo Oswald, Muhawenimana Anthère ni bo bari barihaye gutoteza Abatutsi bakababuza amahoro ntihagire inkurikizi cyangwa se ngo bahanwe. Byumwihariko, kuba Munana Théoneste yari Umututsi akanatorerwa uwo mwanya byatumye mu minsi ibanziriza urupfu rwe Ruberangondo Stanislas wayoboraga Komini ya Butamwa amutoteza cyane. Jenoside itangira Munana Théoneste yaraye i Nyamirambo mu rugo kwa Mupira mu Rugarama aho yiciwe n'umuryango wa Mupira.

---

[410] PL: Parti Libéral

### 4.10.6. Binego Djuma

Binego Djuma ni mwene Segafiri Asumani na Kamagaju Zaina wavukiye muri Komini ya Nyarugenge. Yize amashuri amashuri abanza mu Kigo cy'amashuri abanza cy'Intwari. Muri 1975 yashakanye na Kagitare Asiya babyarana umwana umwe Uwantege Farida. Binego Djuma yari Resiponsable wa Serire Rwampara. Ubuhamya twahawe n'umugorewe we Kagitare Asiya ni uko kuva intambara y'Inkotanyi itangira tariki ya 1 Ukwakira 1994, Binego Djuma atigeze agira amahoro kubera ko yari Umututsi, ntabe umuyoboke wa MRND kandi ntakore ibyo bamwifuzagaho birimo gutoteza Abatutsi. Igihe cyose habaga imyigaragambyo, interahmwe zo muri Rwampara zaruhukiraga iwe bamutongera amagambo ko amaherezo azicwa.

Umutekano mucye wakomeje wakomeje kwibasira Abatutsi muri Serire Biryogo yayoborwaga na Ibrahimu, Rugunga yayoborwaga na Ugeziwe. Mu mpera z'ukwezi kwa Gashyantare igihe Interahamwe Ingabire Alphonse Katumba yicwaga n'abagizi ba nabi mu ijoro ryo ku itariki 30 werurwe 1994. Kimwe no mubindi bice by'Umujyi wa Kigali, icyo gihe na bwo interehamwe zibasiye Abatutsi zirica no gusahura ingo z'Abatutsi. Muri Serire Biryo hishwe Maurice aciwe umutwe nk'ikimenyetso cy'ubugome Interahamwe zari zifite.

Uhereye ubwo,abayobozi bose ba Serire Rugunga, Biryogo na Gatare bahawe impunda usibye Binego Djuma wayoboraga Serire Rwampara. Kagitare Asiya yatubwiye ko Karekezi Amri wari umuyobozi wa Segiteri ya Biryogo ari we wagize uruhare mu iyicwa rya Binego Djuma abifatanijemo n'Interahamwe yitwa Hamisi Mastilo. Asiya yatubwiye ko tariki 7 Mata 1994 ubwo bamenyga inkuru y'urupfu rwa Habyarimana Juvnal no kubera umutekano muke bari bamaranye iminsi bahisemo kuva mu rugo rwabo bajya kwihisha mu ngo z'abaturanyi. Hamisi Mastilo yahereye ubwo ahiga Binego Djuma n'umuryango we. Binego yahisemo kwitandukanya n'umuryango we ajya kwihisha mu wundi muryango i Nyakabanda ariko ntibyatinze Hamisi Mastilo amenya aho yihishe aragenda amuvanayo. Uwari uhishe Binego Djuma yatanze amafaranga ibihumbi mirongo itanu kugira ngo aramire ubuzima bwe, Hamisi Mastilo arayakira ariko ntiyamurekura kugira ngo Binego ajye kwereka aho Kagitare Asiya yihishe. Binego yanze kwerekana aho umugore we yihishe maze bamujyana mu Biryogo Hamisi Mastilo ajya kubwira Karekezi Amri ko Binego Djuma yabonetse. Guhera ubwo Karekezi Amri yahise atanga

amabwiriza yo kwica Binego Djuma. Kagitare yakomeje kwihisha mu mwobo kugeza intambara irangiye arokoka we n'umukobwa we.

#### 4.10.7. Serubibi Florent

Serubibi yabanje kwigisha mu kigo cy'amashuri abanza cya Mwendo, nyuma aza kwimurirwa mu ishuri ribanza rya Butamwa. Nyuma y'igihe gito, yaje kugira umukangurambaga w'urubyiruko wa Komini ya Butamwa. Bivugwa ko umuryango wa Thérèsa Dusabe ari wo wagize uruhare mu kumwicisha.

### 4.11. Abantu bagize uruhare mu kurengera ubuzima no kurokora Abatutsi bicwaga muri Komini ya Nyarugenge na Komini ya Butamwa

Muri Komini ya Nyarugenge na Komini ya Butamwa bamwe mu baturage bagize urahare mu kwica abari inshuti cyangwa abaturanyi babo. Abasirikari bafatanije n'Interahamwe bishe Abatutsi mu maso y'ubuyobozi, habura ubutwari bwo kurengera ubuzima bw'abicwaga. Muri Komini ya Butamwa abantu batatu gusa muri Komini yose ni bo bagize ubutwari bwo guhisha Abatutsi bicwaga mu rwego rwo kurengera ubuzima bwabo. Abo ni aba bakurikira:

#### 4.11.1. Twagirayezu Laurent


Twagirayezu Laurent yari Burugumesitiri watorewe kuyobora Komini ya Butamwa binyuze mu mashyaka kuko yari umuyoboke wa MDR. Bitewe n'uko twagirayezu atari ashyigikiye ubwicanyi, yafashwe nk'inzitizi mu maso y'ubutegetsi bwari bugamije kwica imbaga y'Abatutsi. Mu butwari yagize, n'uko yakumiriye ibitero byinshi byari bigamije kwica Abatutsi muri Komini ya Butamwa. Imiryango y'Abatutsi yo mu maserire Mwendo, Rwesero na Burema Jenoside itangita yahise ihungira ku cyicaro cya Komini. Twagirayezu Laurent abonye umutekano wabo ugaramiwe yasabye umupolisi wa Komini witwa Rutagonya Jean Népomuscène kwambutsa Nyabarongo Abatutsi barenga ijana bari bahahungiye bagahungira muri Kanzenze. Imiryango ikomoka muri Serire Burema yarabahumurije abasaba gusubira mu ngo zabo abizeza kubarindira umutekano kuko na we ariho yakomokaga. Icyo gikorwa cy'ubutwari cyatumye afatwa n'inzego za gisirikare nk'inzitizi yo gukomeza Jenoside muri Komini ya Butamwa maze na we baramwica.

### 4.11.2. Musenyeri Célestin Hakizimana

Musenyeri Hakizimana yavukiye mu Murenge wa Jali mu Karere ka Gasabo kuwa 14 Kanama 1963. Yahawe ubupadiri kuwa 21 Nyakanga 1991, agirwa Padiri wungirije muri Paruwasi ya Rutongo, nyuma y'umwaka umwe yashinzwe amashuri Gatolika muri Arikidiyosezi ya Kigali aho yari anashinzwe Ikigo cya Mutagatifu Pawulo cyari kirimo impunzi muri Jenoside kugeza mu 1996 ubu akaba ari umushumba wa Diyosezi ya Gikongoro.

Musenyeri CélestinHakizimana yabaye urugero rwiza mubihaye Imana n'ubwo hari n'ababaye indashyikirwa mubihaye Imana mu gutanga urugero rubi. Mu gihe cya Jenoside, abahungiraga muri Saint Paul afite ubushake bwo kurengera ubuzima bw'abahigwaga kuko yari azi neza ko ari inzirakarengane kandi icyo bakwiye gusa ari ukurindwa. Muri icyo gihe yakundaga kubuza abarindaga Kiriziya kudakingurira Interahamwe n'abasirikare ngo binjire muri Kiriziya no mu zindi nyubako za paruwasi kuko yari azi neza ko hari Abatutsi benshi bahihishe, inshingano ikomeye kuko zari zizi ko hari Abatutsi bahihishe.

Mu gitero cya mbere cyahagabwe tariki 22 Mata, Interahamwe zahatwaye Abatutsi barindwi mu bari bahahungiye, Padiri Hakizimana aratakamba ariko biba iby'ubusa. Mu buhamya Mukabyagaju Marie Grace yahaye ikinyamakuru Igihe.com yagize ati "Padiri Célestin Hakizimana wari uduhishe yatwitagaho amanywa n'ijoro yaratakambye, agerageza kwitambika ngo arebe ko abo bantu batabatwara ariko biba iby'ubusa, ba bantu barabamwambuye." Padiri yakoreshaga uburyo butandukanye bwo kurwana ku bari bamuhungiyeho. Urugero, ni igihe yari amaze kubona ko Interahamwe zizana amalisiti zigahamagara abantu bakitaba zikabatwara, yagize umugambi wo kubarura abantu ku mazina atari ayabo kugirango Interahamwe nizizajya ziza zijye zireba ku malisiti yakozwe na Padiri bityo basubireyo ntawe bajyanye.



*Musenyeri Célestin Hakizimana, umwe mu abihayimana bagize ubutwari bwo kurengera Abatutsi bahigwaga muri Jenoside arengera ubuzima bwabo.*

Mukabyagaju Marie Grace yakomeje agira ati “Padiri yakoze uko ashoboye kose abahungiye muri Saint Paul babone icyo karya. Uretse kubagaburira, Padiri Hakizimana yajyaga anaha Interahamwe amafaranga cyangwa ibiribwa ngo zitagira uwo zitwara. Ibyo byose byarengeraga Abatutsi bari barahungiye muri Saint Paul.” N’ubwo yahoraga ku nkeke y’abicanyi atazi uko bizagenda, yakomeje kwihangana ntiyatandukana n’intama yari yaragijwe n’Imana kugeza kuya 16 Kamena Inkotanyi zibohoza Abatutsi barenga 2000 bari barahungiye muri Saint Paul.

### 4.11.3. Damas Mutezintare bita “Gisimba”

Damas Mutezintare bita Gisimba, umugabo wagize ubutwari bwo kurokora Abatutsi bari mukaga, yavukiye mu gihugu cya Congo/Zaire mu 1961. Iwabo ni i Ngoma ahahoze ari muri Perefegitura ya Butare. Ubu ni komini Huye. Damas Mutezintare yageze i Kigali mun1979. Umubyeyi we yitwaga Gisimba ari na we yitiririrwa. Se yaje kwitaba Imana mu 1986, akaba yari afite umushinga wo kwakira abana b’imfubyi ariko yitaba Imana atarabigeraho nubwo yari asanzwe afite abana b’imfubyi iwe murugo bagera kuri 19. Damas Mutezintare ni we wabashije kwandikisha ishyirahamwe mu buryo bw’amategeko aryita “Orphernat Gisimba”.

Mu bantu ba mbere bageze kwa Gisimba indege imaze guhanurwa harimo uwitwa Pie Mugabo w’umucamanza. Nyuma ye haje n’abandi benshi ariko baza bakurikiwe n’abasirikare barindaga Perezida Habyarimana baje kwica abari bahahungiye. Bakihagera bahise bica abo bari bamuhungiyeho ariko icyo gihe hari abarokotse ubwo bwicanyi. Hakomeje guhungira abantu benshi barimo Abahutu n’Abatutsi noneho itangazo ry’abanyamakuru ba RTLM rivuga ko

Abahutu bivangura n'Abatutsi ritangira guca kuri iyo radiyo. Nyuma rero Abahutu baje gusubira mu ngo zabo kwa Gisimba hasigara abantu bahigwaga bagera ku ijana. Noneho batangira kwihisha hirya no hino cyane cyane mu bisenge by'amazu. Damas Mutezintare yakomeje kubungabunga umutekano w'abo bantu bari bahihishe, Interahamwe zikomeye zaza kwica akazishukisha amafaranga n'ibiryo zigasubirayo.

Yigiriye inama yo guhamagara umuzungu bari basanzwe bakorana wayoboraga umuryango utabara imbabare w'ababirigi witwaga Claudien. Avugana na Claudien, Damas Mutezintare yamubwiye ko afite ikibazo gikomenye cyo kutabasha kugaburira abana n'impunzi zamuhungiyeho. Damas Mutezintare yakomeje guhura n'ingorane kugeza igihe Interahamwe zishatse kumwica. Geregori n'Interahamwe ze baje kugaruka bashaka kwica abari aho maze Damas Mutezintare amuha ibyo kurya zisubirayo. Uwitwa Bemeriki wari umunyamakuru wa RTLM yakunze kuvuga ko Damas Mutezintare abitse Abatutsi. Robert Kajuga na we yakoranye inama n'Interahamwe ahitwa kuri FTC bavuga ko mbere yo kugira ngo bice bari bana n'abandi yari ahishe Mutezintare Damas agomba kubanza gupfa. Inkotanyi zafata i Nyamirambo zasanze Damas Mutezintare ahishe Abatutsi bagera muri magane ane ariko ari mu kaga k'abashakaga kuza kubamwambura ngo babice.

### 4.11.3. Mutsindashyaka Martini

Mutsindashyaka Martini yari umupolisi mu gihe cya Jenoside ni we gusa wagize urhare mu guhisha no guhungisha Abatutsi bake mu bushobozi yari afite kandi abenshi muri abo yahishaga bararokotse. Kubera umurimo yakoraga, byatumye ahisha Abatutsi benshi iwe abandi akabajyana kubahisha mu miryango aho yari yizeye ko umutekano wabo utari buhungabane. Ingero zifatika ni Mukamponga yavanye mu rufunzo amuhisha hamwe na Kanamugire yahishe mu mwobo iwe mu rugo kugeza aho Inkotanyi zihamurokoye. Abandi ni Musoni Martini, Fulgence Sevile, Natetse Martin na Bimenyimana Jean Paul yahungishije abageza kuri Sainte Famille. Mutsindashyaka Martini yagizwe umurinzi w'igihango na Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge kubera umutima w'ubutwari n'ubumuntu yagarageje mu kurwana ku batutsi barimo kwicwa kugeza aho barokowe n'ingabo za FPR Inkotanyi.

### 4.11.4. Mulinda Augustin

Mulinda Augustin yahishe Abatutsi barenga 300, akabatunga aho ashoboye akabahungisha. Abasirikari bafatanije n'Interahamwe bagiye iwe mu rugo bamusaba kwitandukanya n'Abatutsi maze arabyanga. Bahise bamurasa we n'umugore we n'abana babiri, inzu ye iterwa gerenade biciramo Abatutsi bose bari bayihishemo.

### 4.11.4. Mukashyaka Joséphine

Mukashyaka Joséphine wakijije Simburudari Théodore, na we yaramwituye amuha inka. Uwo kandi yakijije uwitwa Rusagara Paul n'umuryango we.

### 4.11.5. Nyirabayovu Teresa

Nyirabayovu Teresa bita "Nyakurongorwirijoro" wagize ubutwari bwo guhisha imiryango y'Abatutsi igera ku munani (8).

# UMUTWE WA GATANU: INGARUKA ZA JENOSIDE N'UBUZIMA BWA NYUMA YAYO

## 5.1. Umubare w'abazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu karere ka Nyarugenge

Kimwe n'ahandi mu gihugu, Abatutsi b'aho akarere ka Nyarugenge gaherereye ubu, biciwe mu ngo zabo, kuri za bariyeri cyangwa aho bari bahungiye. Ibyo bitera ingorane zo kumenya umubare nyawo w'abishwe[411]. Ikindi ni uko imirambo myinshi y'Abatutsi bicwaga muri Jenoside yatwarwaga n'imodoka za MINITRAPE n'iza Perefegitura y'Umujyi wa Kigali kujugunywa muri byobo rusange. Imirambo imwe yarahambwe ku buryo bwa rusange mu irimbi ry'i Nyamirambo indi ikajugunywa mu mugezi wa Nyabarongo. Mu mwaka wa 2000, hari indi mirambo myinshi yataburuwe mu rwobo ruseange i Nyamirambo ishyingurwa mu cyubahiro mu Rwibutso rwa Jenoside rwa Kigali ruri ku Gisozi. Na n'ubu hari imirambo igitoragurwa hirya no hino mu karere ka Nyarugenge igashyingurwa muri urwo rwibutso.

Ahiciwe Abatutsi mu karere ka Nyarugenge ni henshi cyane. Hamwe muriho ni kuri CELA, kuri paruwwasi ya Sainte Famille, mu kigo cy'iyogezabutumwa cya Saint Paul, ku Gitega, ku kigo cy'Abafurere b'Abayozefiti kiri i Nyamirambo , kuri Paruwasi ya Mutagatifu Karori Lwanga, kuri CHUK, mu Nyakabanda, ku Ntaraga, kuri SODEPARAL, ku Muhima, muri Rugenge, mu Kiyovu cy'abakire, mu Biryogo, mu Rugunga, ku Mumena, ku Kivugiza, Kimisange no kuri Mont Kigali. Abicanyi bari mu nzego zose: abategetsi ku nzego zose, abasirikari n'abajandarume, Interahamwe n'Impuzamugambi n'abaturage basanzwe. Cyane cyane ko Komini ya Nyarugenge ari yo yari icumbikiye inzego nkuru z'igihugu.

Akarere ka Nyarugenge nta rwibutso kagira. Imibiri yagiye iboneka yose yagiye ijyanwa gushyingurwa mu cyubahiromu rwibutso rwa Gisozi. Umubare w'abishwe muri Jenoside yatanzwe n'ibarura ryakozwe na Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu mu 2002, rigaragaza ko mu

---

[411] Ikusanyamakuru ryakozwe mbere yuko Inkiko Gacaca zitagnira, zitanga amakuru y'ingenzi kuri uwo mubare. Kubera ko inyandiko z'izo nkiko zirimo gutunganywa ku buryo bw'ikoranabuhanga, muri iki gihe ntabwo abashakashatsi babasha kugera mu bubiko bwazo. Igihe umushakashatsi azaba abasha kuzigeraho umusaruro uzarushaho kuba mwiza

karere ka Nyarugenge hishwe Abatutsi bagera 45.536[412]. Iyi mibare ni agateganyo kubera ko hari imibiri ikomeje kuboneka hirya no hino.

## 5.2. Gusibanganya ibimenyetso bya Jenoside

Muri rusange, guhakana no gupfobya bitegurwa kandi bigakorwa mbere y'uko ikorwa, mu gihe irimo gukorwa ndetse na nyuma yayo. Kuri Jenoside yakorewe Abatutsi, hari ibimenyetso bitandukanye byerekana ihakana n'ipfobya ryayo byagiye bigaragara muri biyo bihe byombi bya mbere. Bigizwe no kujugunya imirambo y'abishwe ahantu hatazwi cyangwa se kuyihisha, kuyitwika, kuyishinyagurira n'ibindi. Nyuma ya Jenoside abayiteguye n'abayikoze batangiza urugamba rwo kuyihakana bemeza ko abishwe atari bo. Mu Karere ka Nyarugenge imirambo myinshi yaburiwe irengero kuko iyavuzwe aho yajugunywe ari mike cyane ugereranyijwe n'abishwe. Ahantu henshi muri Nyarugenge abantu bubatse hejuru y'ahajugunywe imibiri y'Abatutsi bishwe barangije baricecekera.

## 5.3. Imibereho y' abacitse ku icumu rya Jenoside yakorewe Abatutsi

Jenoside yakorewe Abatutsi yagize ingaruka zikomeye kandi z'igihe kirekire ku nkirirahato zayirokotse. Muri izo ngaruka harimo kuba abacitse ku icumu barabuze ababo bari babafitiye akamaro, ubumuga, agahinda no kwiheba, uburwayi buturuka ku gufatwa ku ngufu ku bagore n'abakobwa, ubukene, ubupfubyi, incike zitagira ababo, kutagira amacumbi, inzu zishaje zikeneye gusanwa no kutishyurwa imitungo yabo yangijwe muri Jenoside.

Ikibazo cy'imiturire igomba gukurikiza igishushanyo mbonera cy'Umujyi wa Kigali na cyo kiri mu bibangamiye abacitse ku icumu batishoboye kubera ko kubaka cyangwa se gusana bisaba amikoro benshi badafite. Hari abagurishije aho bari batuye bimukira ahajyanye n'ubushobozi bwabo, hari ariko n'abatarimuka, cyane cyane abasenyewe inzu zabo muri Jenoside bakaba batarasanirwa. Hari n'abataragiraga inzu zabo kandi bakomoka mu karere ka Nyarugenge none ubu bakaba basaba kubakirwa.

Akarere ka Nyarugenge gafatanyije n'Ikigega cya Leta Gitera Inkunga Abarokotse Batishoboye (FARG) kakoze ibishoboka kugira ngo gakemure ibyo bibazo by'abacitse ku icumu by'insobe.

---

[412] MINALOC (2002). *Dénombrement des victimes du génocide. Rapport final. Ville de Kigali,* Kigali, p. 19

Nk'uko bigaragazwa n'imbonerahamwe ikurikira, hari amazu yubakiwe abatishoboye badafite amacumbi, inkunga z'ingoboka za buri kwezi zitangwa, abanyeshuri bafashijwe kwiga n'abarwayi baravuzwa ku buntu.

**Imbonerahamwe igaragaza inkunga zatewe abacitse ku icumu rya Jenoside mu Karere ka Nyarugenge kuva 2006.**

| Sgiteri | Amacumbi | | Inkunga zatanzwe | Imishinga ibyara inyingu | | Girinka |
|---|---|---|---|---|---|---|
| | Amazu yubatswe | Amazu yasanwe | | Umubare w'imishinga | Umubare w'abagenewe ibikorwa | |
| Gitega | 52 | 22 | 262 | 2 | 22 | |
| Kanyinya | 45 | 26 | 115 | 3 | 36 | 38 |
| Kigali | 43 | 20 | 203 | 5 | 54 | 43 |
| Kimisagara | 58 | 12 | 198 | 3 | 36 | |
| Mageragere | 42 | 46 | 126 | 4 | 42 | 45 |
| Muhima | 52 | 18 | 217 | 5 | 57 | |
| Nyakabanda | 46 | 8 | 95 | 3 | 31 | |
| Nyamirambo | 48 | 22 | 311 | 4 | 44 | 35 |
| Nyarugenge | 48 | 16 | 168 | 4 | 43 | |
| Rwezamenyo | 44 | 8 | 94 | 2 | 24 | |
| **Igiteranyo** | **478** | **198** | **1789** | **35** | **389** | **161** |

*Aho byavuye: Byakusanyijwe n'umushakashatsi hifashijwe raporo za Karere ka Nyarugenge (2006-2019)*

Inkunga Leta y'u Rwanda inyuza mu Kigega Gitera Inkunga Abarokotse Jenoside batishoboye yishimirwa na bose n'ubwo itakemura ibibazo byose bafite. Ikirenze ibyo kandi ni umutekano abacitse ku icumu bafite kimwe n'abandi Banyarwanda bityo bakabasha gukora imirimo ibateza imbere.

## 5.4. Kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi mu Karere ka Nyarugenge

Muri Nyakanga 1994 ubutegetsi bwakoraga Jenoside bwahungiye hirya no hino, harimo n'abategekaga Komini ya Nyarugenge boretse imbaga. Nyuma ya Jenoside abaturage b'akarere

ka Nyarugenge bafatanyije n'inzego z'ubuyobozi bushya baharaniye kongera kwiyubaka no gusana akarere kabo kashegeshwe bikomeye. Iki gice gikubiyemo inshamake y'ibikorwa bijyanye no kwibuka muri rusange ndetse no kurwanya ingengabitekerezo ya Jenoside mu karere ka Nyarugenge. Mbere yo gusobanura uko akarere ka Nyarugenge kibuka Jenoside yakorewe Abatutsi mu Rwanda muri 1994, ni ngombwa kwibutsa akamaro ko kwibuka n'ibikorwa muri rusange. Ku banyarwanda n'inshuti zabo, kwibuka ni umwanya mwiza kandi wihariye wo kuzirikana ku mateka ya politiki mbi banyuzemo ikabageza kuri Jenoside yahekuye igihugu. Kuva muri 1995 hakozwe byinshi mu gusubiza icyubahiro abishwe muri Jenoside bashyingurwa mu nzibutso zubatswe ku bufatanye bwa Leta n'abaturage hirya no hino mu gihugu. Ibiganiro byihariye bitegurwa mu gihe cyo kwibuka bifasha abantu kwiyumva mu gikorwa kimwe no gufatana mu mugongo hagamijwe ubumwe n'ubwiyunge no komorana ibikomere byasizwe na Jenoside. Ibyo biganiro biherekezwa n'ubutumwa bw'abayobozi bushishikariza abantu kwirinda ivangura n'ibikorwa ibyo ari byo byose byasubiza igihugu mu miborogo. Icy'ingenzi mu bikorwa byo kwibuka Jenoside bibera hirya no hino mu gihugu ni ukuremera abacitse ku icumu batishoboye, bubakirwa cyangwa se bagasanirwa inzu batuyemo bakanahabwa inkunga zitandukanye. Ibyo bituma imyumvire igenda itera imbere bityo n'ibikorwa bikarushaho kunozwa no gutanga umusaruro ugaragara.

Kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi mu Karere ka Nyarugenge bikorwa mu buryo bubiri bw'ingenzi: Hari ibikorwa bibera mu mirenge yose 10 igize aka akarere, hakaba n'ibikorwa n'abakozi bakorera ku cyicaro cy'akarere bafatanyije n'abafatanyabikorwa bako. Ibikorerwa mu mirenge bisa n'ibikorerwa ahandi mu gihugu muri rusange, bikaba byiganjemo gushakisha imibiri itaraboneka kugira ngo ishyingurwe mu cyubahiro, kwitabira ibiganiro bitandukanye bitegurwa no kuremera abacitse ku icumu batishoboye. Ibikorerwa ku cyicaro cy'akarere ahanini biba bigizwe no kwibuka abari abakozi ba komini ya Nyarugenge bishwe muri Jenoside.[413]

Akarere ka Nyarugenge kitabira ibikorwa byo kwibuka Jenoside bya buri mwaka nk'uko bigaragazwa na raporo zo kwibuka z'imyaka ya 2016 na 2017. Mu 2016 ibikorwa byo kwibuka byabereye ahantu icumi muri buri mirenge no mu bigo by'imirimo n'amashuri bigera kuri 45. By'umwihariko mu karere ka Nyarugenge bibutse Jenoside yakorewe Abatutsi bikorerwa ku

[413]Ikiganiro n'umukozi w'Akarere ufite kwibuka mu nshingano ze, Ugushyingo 2018

mugezi wa Nyabarongo ahajugunywe Abatutsi abandi bakabatemera mu nkengero zayo bakabajugunyamo. Igikorwa gishya ni uko akarere ka Nyarugenge mu mwaka wa 2016 kubatse ikimenyetso cy'urwibutso rwa Jenoside rwanditseho amwe mu mazina y'abishwe bagatabwa muri uwo mugezi wa Nyabarongo agera kuri 700[414].

Mu kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi ku nshuro ya 23 mu 2017, ibikorwa byo kwibuka mu Karere ka Nyarugenge byakorewe ahantu hagera kuri 55 harimo ahibukiwe mu gihe cy'icyunamo ku nshuro ya 11, mu mashuri 8, ibitaro n'ibigo nderabuzima 2, ibigo by'abikorera 17 n'amatorero 6. Muri aka Karere ahantu hibukiwe hiciwe Abatutsi mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi ni ku mashuri abanza ya "*Camp Kigali"* ahiciwe Abatutsi benshi bari bahahungiye bicwa nabi, bamwe baraswa n'abasirikare, abagore batwite bakabavanamo abana abandi bakabafata ku ngufu. Mbere gato ya Jenoside kandi abasirikare batwaraga Abatutsi bakahabicira uwo batishe bakamumugaza kubera inkoni. Hibukiwe kandi ku Murenge wa Mageragere ahiciwe abantu ku mashuri, mu Murenge wa Kanyinya, muri Saint Paul na Paruwasi ya Sainte Famille, mu Murenge wa Kigali ahahoze ari muri Komini ya Butamwa, muri Paruwasi ya Karoli Lwanga, mu ishuri rya Saint André, muri Saint Joseph no ku mashuri abanza ya Kivugiza ndetse no kuri Sitade Mumena.

Aha hose hari hahungiye Abatutsi bishwe mu buryo bunyuranye kandi burimo ubugome bwinshi, bamwe batabwa mu myobo abandi bajya kujugunywa muri Nyabarongo. Ku cyicaro cy'Akarere ka Nyarugenge naho habereye umuhango wo kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi mu bice bigize Akarere ka Nyarugenge, harimo n'abari abakozi bako bazize Jenoside[415]. Ibikorwa byo kwibuka byitabirwa n'abaturage bose, baba ababa mu Rwanda ndetse n'abo mu mahanga. Intambwe imaze guterwa irashimishije.

### 5.5. Kurwanya ingengabitekerezo ya Jenoside mu karere ka Nyarugenge

Igisobanuro cy'ibikorwa bigize ingengabitekerezo ya Jenoside n'ibindi bifitanye isano nayo tugisanga mu Itegeko n° 59/2018 ryo kuwa 22/08/2018 ryerekeranye n'icyaha

[414] CNLG, 2016, *Raporo yo Kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi ku nshuro ya 22*, Kigali

[415] CNLG, 2017, *Raporo yo Kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi ku nshyuro ya 23*, Kigali

cy'ingengabitekerezo ya Jenoside n'ibindi byaha bifitanye isano na yo[416]. Ingingo ya kane y'iryo tegeko isobanuro:

*"Umuntu ukorera mu ruhame igikorwa, byaba mu magambo, mu nyandiko, mu mashusho cyangwa ku bundi buryo, kigaragaza imitekerereze yimakaza cyangwa ishyigikira kurimbura abantu bose cyangwa bamwe muri bo bahuriye ku bwenegihugu, ubwoko, ibara ry'uruhu cyangwa ku idini aba akoze icyaha".*

Muri iri tegeko, "uruhame" ni ahantu hateraniye abantu barenze babiri (2). Ibikorwa bikurikira na byo bifatwa nk'ibikorewe mu ruhame:

1. ibitangajwe ku rubuga nkoranyabuhanga;
2. ibitangajwe ku rubuga nkoranyambaga;
3. ibitangajwe mu bitangazamakuru;
4. ubutumwa bwohererejwe umuntu;
5. amajwi yafashwe hakoreshejwe ibyuma byabugenewe ibyo ari byo byose cyangwa amashusho yafashwe hakoreshejwe icyuma gifata amashusho agenda;
6. ibindi byose bitangajwe hifashishijwe ikoranabuhanga mu itangazabumenyi n'itumanaho;

Ibindi byaha bifitanye isano n'ingengabitekerezo ya Jenoside, harimo guhakana Jenoside (ingingo ya 5); gupfobya Jenoside (ingingo 6); guha ishingiro Jenoside (ingingo ya 7); kuzimiza cyangwa gutesha agaciro ibimenyetso cyangwa amakuru byerekeye Jenoside (Ingingo ya 8); Kwiba cyangwa kwangiza imibiri y'abazize Jenoside (Ingingo ya 9); gusenya,konona cyangwa gutesha agaciro urwibutso rwa Jenoside cyangwa ahashyinguwe imibiri y'abazize Jenoside (Ingingo ya 10); Guhohotera uwacitse ku icumu rya Jenoside (Ingingo ya 11).

Nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi, Leta y'u Rwanda yashyize imbaraga mu kurwanya ingengabitekerezo yayo binyuze muri gahunda zitandukanye zirimo guhana abakoze icyaha cy'ingengabitekerezo ya Jenoside n'ibindi byaha bifitanye isano nayo, gushimangira ubumwe n'ubwiyunge mu banyarwanda, kubungababunga ibimenyetso bya Jenoside, kwigisha urubyiruko amateka y'u Rwanda ; Ubushakashatsi ku mateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi; Kuvuguruza

[416] Itegeko rivuguruye rihana icyaha cy'ingengabitekerezo ya Jenoside n'ibyaha bifitanye isano na yo

abahakana n’abapfoya Jenoside yakorewe Abatutsi no gushishikariza ibihugu by’amahanga gushyiraho amategeko ahana ihakana n’ipfobya bya Jenoside yakorewe Abatutsi.

N’ubwo Leta yashyizeho amategeko akomeye ahana icyaha cy’ingengabitekerezo ya Jenoside[417], mu Rwanda haracyagaragara abantu bakiyifite. Mu mihango yo kwibuka hagiye hagaragara ibikorwa bibi byibasira cyane cyane abacitse ku icumu n’ibindi bibazo binyuranye birimo ihungabana nk’uko byagiye bigaragazwa muri za raporo zitandukanye. No mu Karere ka Nyarugenge ibyo bikorwa bibi byarahagaragaye; ababifatiwemo bashyikirizwa inkiko. Mu kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi ku nshuro ya 22 mu 2016, mu Karere ka Nyarugenge abantu cumi na batanu (15) bagaragaweho ibikorwa n’ibimenyetso by’ingengabitekerezo ya Jenoside, guhakana no kuyipfobya. Mu kwibuka ku nshuro ya 23 mu 2017, abagaragaweho n’ingengabitekerezo ya Jenoside ni umunani (8). Bose bashyikirijwe ubushinjacyaha ngo bubakurikirane[418]. Ibikorwa byo guhana abagaragaweho ingengabitekerezo ya Jenoside bigomba kujyana no kwigisha abaturage muri rusange ububi bwayo n’uko bagomba kuyirinda. By’umwihariko ababyeyi barakangurirwa kwirinda kwinjiza mu bana bakiri bato ibitekerezo by’urwango n’ivangura kuko ari byo ntandaro yayo, ahubwo bakabigisha kubanira bose kivandimwe bashyira imbere indangagaciro z’ubumwe n’ubunyarwanda.

### 5.6. Imibanire y’abaturage b’Akarere ka Nyarugenge nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi

Jenoside yakorewe Abatutsi yasenye umuryango nyarwanda, isenya imibanire no kwizerana hagati y’Abanyarwanda. Nyuma yayo Leta yashyize imbaraga nyinshi mu kongera kubanisha Abanyarwanda no kunga ubumwe bwabo. Abatangabuhamya batandukanye bemeza ko abaturage b’Akarere ka Nyarugenge babanye neza n’ubwo hakiri bake bagifite ingengabitekerezo ya Jenoside. Umwe mu batangabuhamya asobanura uko imibanire y’abaturage imeze mu magambo akurikira:

---

[417] Repuburika Y’u Rwanda, (2013). Itegeko N° 84/2013 ryo kuwa 11/09/2013 ryerekeye icyaha cy'ingengabitekerezo ya Jenoside n'ibindi byaha bifitanye isano na yo, In *Igazeti ya Repuburika y’u Rwanda*, Kigali, PRIMATURE.

[418] CNLG, (2018) *Raporo Rusange zo Kwibuka Jenoside Ku nshuro ya 22 na 23,* Kigali.

Urebye ubona ko mu Karere ka Nyarugenge abantu babanye neza, cyane ko burya mu Mujyi buri wese aba ahugiye mu bye. Haracyari bamwe bagifite ingengabitekerezo ya Jenoside. Nko mu gihe cyo kwibuka hakunze kugaraga imvugo zitari nziza cyane cyane mu tubari, urugero ukumva umuntu aravuze ati ese kuki batibuka n'Abahutu bapfuye?[419]

Bamwe mu barokotse Jenoside yakorewe Abatutsi bavuga ko bagerageza kubana n'ababahemukiye gusa imbogamizi bagira ni imitungo yabo yangijwe itarishyurwa kugeza uyu munsi kandi rimwe na rimwe bene yo bakayigurisha rwihishwa babifashijwemo na bamwe mu bayobozi b'inzego z'ibanze. Ikindi kibazo cy'imibiri y'ababo itaraboneka ngo ishyingurwe kugeza uyu munsi na cyo kibabuza amahoro. Bifuza ko abagize uruhare muri Jenoside bagira uruhare mu kugaragaza aho imibiri itarashyingurwa mu cyubahiro iherereye ndetse n'abagomba kwishyura bakabikora.

Abaturage bose b'Akarere ka Nyarugenge bafatanya muri gahunda zose zibateza imbere, zaba iza Leta ndetse n'izabo bwite. Umutekano urarinzwe kuri bose kandi n'ukoze amakosa cyangwa ibyaha ahanwa hakurikijwe amategeko. Bose bishimira iterambere rimaze kugerwaho n'Akarere ka Nyarugenge by'umwihariko n'Umujyi wa Kigali muri rusange.

[419] Ubuhamya bwatangiwe i Nyarugenge, Ukwakira 2018

# UMUTWE WA GATANDATU: UMWANZURO RUSANGE N'BYIFUZO

## 6.1. Umwanzuro rusange

Ubu bushakashatsi kuri Jenoside yakorewe Abatutsi mu Karere ka Nyarugenge bugamije kwerekana uko ingengabitekerezo y'urwango, ivangura n'amacakubiri yahemberewe mu Rwanda kuva 1959 kugera kuri Jenoside yakorewe Abatutsi muri Mata-Nyakanga 1994. Muri rusange Komini ya Nyarugenge, iya Butamwa n'Umurenge wa Kanyinya ubu byose bikaba bigize akarere ka Nyarugenge byakunze kuyoborwa n'abatoni b'ubutegetsi bwa Perezida Gregoire Kayibanda cyangwa ubwa Juvénal Habyarimana. Ibyo byaterwaga ni uko aka karere kari igicumbi cy'ubutegetsi bukuru bw'igihugu. Nyamara kandi ubwo butegetsi bwari bushingiye ku ivanguramoko no gutoteza Abatutsi kugera aho kubarimbura.

Mu gihe cya Jenoside, Komini ya Nyarugenge yari iyobowe na Jean Bizimana wari umaze imyaka ibiri kuri ubwo buyobozi. Yari aturutse muri Perezidansi ya Repubulika. Yagize uruhare rutaziguye mu kurimbura Abatutsi atanga amabwiriza ku bayobozi yari akuriye no ku baturage yari ayoboye. Ahantu henshi babereye ubwicanyi rusange muri komini ya Nyarugenge avugwamo. Kubera uruhare rw'iyi komini mu miyoborere y'igihugu, igihe cyose Bizimana yabaga ari kumwe n'abategetsi bakuru; by'umwihariko colonel Tharcisse Renzaho wayoboraga Perefegitura y'Umujyi wa Kigali. Uyu Jean Bizimana yaje kwirega no kwemera icyaha cya Jenoside. Ibyo byatumye ashinja Colonel Renzaho uruhare yagize muri Jenoside yakorewe Abatutsi ku buryo ubungubu Renzaho amuvumira ku gahera nkuko yabyanditse mu gitabo cye cyasohotse mu 2015[420]. Nyamara kandi muri uko gushinja Renzaho, Bizimana yashatse kumuvugira neza ariko abandi bakoranya ubwicanyi bwa Jenoside babavamo. Bizimana nawe yabonye arushywa n'ubusa arakomeza aramushinja. Muri iyo mikoranire n'abandi bategetsi, Jean Bizimana yanakoranaga na François Karera wayoboye Nyarugenge guhera mu 1975 kugera mu Ukuboza 1990 ariko guhera mu 1992 kugera mu gihe cya Jenoside akaba yari Perezida wa MRND muri iyo komini.

---

[420] Renzaho Tharcisse (2015). La bataille de Kigali du 06 avril au 04 juillet 1994 en 1994: le calvaire de la population de Kigali pendant le génocide, Collection "Le droit à la parole" , Lille, Editions Sources du Nil, 347p. Iki gitabo kigaragaramo amagambo n'uburyo bwinshi bihakana cyangwa bipfobya Jenoside yakorewe Abatutsi. *Editions Sources du Nil* yamufashije kwandika iki gitabo yiyemeje gupfobya Jenoside yakorewe Abatutsi no gukwirakwiza urwango mu Banyarwanda.

Muri icyo gihe cya Jenoside, guhera mu 1992, Komini ya Butamwa yo yayoborwaga na Laurent Twagirayezu wakomokaga mu ishyaka rya MDR. Nta ruhare yagize muri Jenoside. Ahubwo yagerageje gucikisha Abatutsi nubwo abenshi baje kwicirwa ahandi, cyane cyane muri Komini ya Mugina muri Perefegitura ya Gitarama. Nyamara uwo yasimbuye, Stanislas Ruberangondo, yakomeje kuba Perezida wa MRND muri Komini ya Butamwa. Yagize uruhare rukomeye mu kurimbura Abatutsi akoresha inama zo gushishikariza abandi baturage ubwo bwicanyi. Ubu bushakashatsi bugaragaza imyitwarire y'abo bayobozi bose, ahagiye habera Jenoside n'uruhare bagiye bagira aha n'aha.

Abayobozi b'inzego z'ibanze n'abakozi w'ibizi komini zombi nabo bagize uruhare mu gutoteza Abatutsi kuva mu myaka ya 1960, mu gihe cy'intambara yo kubohora u Rwanda no kubarimbura muri Mata-Nyakanga 1994. Ibyo ubu bushakashatsi bwarabigaragaje. Ariko hari n'Abatutsi bamwe bari muri izo nzego. Ubu bushakashatsi bwagaragaje uburyo bahohotewe kugera ubwo bicwa. Abo bose bishwe nabo bari baziranye, baturanye, biganye kandi bakoranaga.

Buri mwaka Akarere ka Nyarugenge gategura ibikorwa byo kwibuka abo bose bazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu rwego rwo kubasubiza agaciro bambuwe no kwigisha abantu bose (cyane cyane abakiri bato) indangagaciro zo kubaha no gukunda ubuzima, ubworoherane no gufatanya mu kurwanya urwango n'amacakubiri ashobora guteza ibyago bikomeye birimo na Jenoside. Izo nzego kandi zitera inkunga ifatika abacitse ku icumu batishoboye mu rwego rwo kongera gusana no kunga umuryango nyarwanda. Byose bigirwamo uruhare n'abakozi n'abafatanyabikorwa bemeza ko hari itandukaniro rinini hagati y'ubutegetsi bwariho kugera mu 1994 n'ubuyobozi bushyize hamwe kandi buha agaciro buri wese buriho ubu.

Cyokora ubu bushakashatsi kuri Jenoside yakorewe Abatutsi aho Akarere ka Nyarugenge gahereyeye ubu, bwagaragaje ko hari ibikenewe kunozwa nkuko bigaragara mu byifuzo nama bikurikira.

## 6.2. Ibyifuzo

Ibyinshi muri ibi byifuzo ni ibyo ubushakashatsi bwakuye mu nzego zinyuranye harimo n'iz'abarokotse Jenoside cyangwa na bo ubwabo ku giti cyabo. Ibyo byifuzo ni ibi bikurikira:

- Hakwiye gukorwa *film documentaire* hifashishijwe ubuhamya bw'abarokotse hagaragazwa aho Abatutsi bagiye bicirwa cyangwa bajungunywe muri aka Karere;
- Ku biro by'Akarere ka Nyarugenge hakwiye kujya urukuta rwanditseho amazina y'abari abakozi ba Komini ya Nyarugenge, iya Butamwa na Segiteri ya Kanyinya bazize Jenoside yakorewe Abatutsi;
- Hakwiye kujyaho ikusanyirizo ry'inyandiko ( Documentation Center ) zirebana na Jenoside
- Hakwiye gukorwa ikarita ( *Map*) igaragaza aho Abatutsi bagiye bicirwa mu Karere ka Nyarugenge;
- Hakwiye gukorwa ikarita ( *Map*) iragaragaza aho inzego z'ubutegetsi, iz'umutekano n'ibigo byihariye ( amabanki, amaradiyo, n'ibindi) byari biherereye muri 1994
- Aho izo nzego zose zari ziherereye hakwiye gushyirwa ikirango cyo kwibuka (commemorative plaque) kugira ngo amateka yayo adasibangana burundu kandi haracuriwe imigambi yo kurimbura Abatutsi;
- Abakozi ba Komini ya Nyarurgenge, iya Butamwa na Segiteri ya Kanyinya barokotse Jenoside n'abaharagarariye imiryango y'abishwe (ababakomokaho n'abafitanye isano nabo) bakwiye kwibumbira mu muryango (association) kandi Akarere ka Nyarugenge kakabibafashamo;
- Hakwiye gukorwa ubushakashatsi bwihariye kandi bwimbitse kuri buri hantu hagiye habera Jenoside mu Karere ka Nyarugenge
- Akarere ka Nyarugenge gakwiye gukurikirana ikibazo cy'abakekwaho Jenoside bataburanishijwe, imanza zitagenze neza n'ibibazo by'irangizarubanza.

## INKOMOKO Y'AMAKURU

**Amazina y'abafitanye isano n'abazize Jenoside yakorewe Abatutsi bakoreraga Komini ya Nyarugenge cyangwa Komini ya Butamwa**

| Amazina | Isano bafitanye | Telefone |
|---|---|---|
| Mugemana Uwase Teddy | Umwana wa Mukampabuka M Goretti | 0788554818 |
| Umuhoza Regine | Mushiki wa Rugumire Jean Bosco/Remera | 0788528684 |
| Kagitare Asiya | Umugore wa Binego Djuma /Nyamirambo | 0788415791 |
| Mukandahiro Domitilla | Umugore wa Rutikanga Alexandre/Gatenga | 0785154141 |
| Hitimana Pio | Sebukwe wa Munana Théoneste/Mwendo | 0788858607 |

**Amazina y'abatanze amakuru kuri Jenoside yakorewe Abatutsi muri Komini ya Nyarugenge na Komini ya Butamwa**

| Amazina | Aho atuye | Telefone |
|---|---|---|
| Charles Kabanda | Muhima | 0788423080 |
| Dusabemungu Gervais | Nyakabanda-Ruyenzi | |
| Gafaranga Omar | Ibuka Biryogo | 0783044557 |
| Gakwaya Bénoite | Muhima | 0788437550 |
| Gasamagera Wellars | Nyarugenge | |
| Gatsimbanyi Felicien | Gitega | |
| Impore Innocent | Kanyinya/Nzove | |
| Kamana Modeste | Rugunga | |
| Kayibanda Elisée | Ibuka Kigali | 0782132134 |

| | | |
|---|---|---|
| Kayiranga Jean Bosco | Kanyinya/Taba | 0785074566 |
| Longolongo Hussein | Muhima-Fumbwe | |
| Mparabanyi Faustin | Ibuka Gitega | 0788551571 |
| Mudacyahwa Emmanuel | Kimisagara | |
| Mudenge Martin | Rugenge/Muhima | 0788596085 |
| Mugema Olivier | Nyakabanda | |
| Muhawenimana Denise | Kanyinya | 0788601900 |
| Mukakimenyi Speciose | Rwezamenyo | 0788537807 |
| Mukasarambuye Antoinette | Rugunga | 0788667608 |
| Mupfasoni Anita | Kigali/Norvège | 0788572911 |
| Murangwa Jean-Damascène | Ibuka Mageragere | 0788306197 |
| Muyombano Joseph | Biryogo/Rwampara | |
| Ndahiro Jean Baptiste | Kicukiro/Niboye | 0788301733 |
| Nizeyimana Oliver de Maurice | Ibuka Muhima | 0788357792 |
| Nkerabigwi Etienne | Kabuga | |
| Nsanzamahoro Budagisi | Kanyinya | |
| Nyabyenda Jean Baptiste | Nyakabanda | |
| Nyiramukwende Marie | Muhima | |
| Nyiringondo Epaphrodite | Muhima/Tetero | 0785112475 |
| Patrick Kamanzi | Rugunga | |
| Rugero Paulin | Rugenge | 0785926180 |

| | | |
|---|---|---|
| Rugundana Vedaste | Nyamirambo/Rugarama | 0788274885 |
| Rutayisire Eugène | Biryogo/Rwampara | 0788766432 |
| Rutayisire Masengo Gilbert | Ibuka /Akarere ka Nyarugenge | 0788834309 |
| Rwego Yussuf | Ibuka Rwezamenyo | 0788817328 |
| Seburengo Abdul Karim | Rwezamenyo | |
| Twagirimana Theomistocles | Kanyinya/Nzove | |
| Ugirashebuja Emmanuel | Mageragere | 0787493499 |
| Uwineza Jeanne d’Arc | Kabasengerezi | 0788594057 |
| Uwingabe Julienne | Ibuka Cyahafi | 0788221283 |

**Inyandiko zifashishijwe**


- Bizimana Jean Damascène (2014). *Inzira ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu Rwanda*, Kigali
- Blaxter Lorraine, Hughes Christina & Tight Malcolm (1996). *How to Research*. Buckingham: Open University Press.
- CLADHO-KANYARWANDA (1994). *Rapport de la commission d'enquête sur les violations massives des droits de l'homme commises au Rwanda à partir du 06 avril 1994, première phase*, Kigali le10 décembre 1994, p. 237
- CNLG (2015). *Gusobanukirwa Jenoside*, Kigali, CNLG
- CNLG (2018). *Raporo Rusange zo Kwibuka Jenoside Ku nshuro ya 22 na 23,* Kigali.
- Denscombe Martyn (2002). *Ground rules for Good Research: a 10-point guide for social researchers*, Philadelphia, Open University
- Des Forges Alison (1999). *Leave none to tell the story. Genocide in Rwanda*, London, Human Rights Watch (HRW).
- Frieda Schaubroeck (1973). *Ibaruwa yandikiwe burugumesitiri wa Komini ya Musambira*, Kigali, kuwa 20 Mata 1973
- Frieda Schaubroeck (1973). *Lettre au bourgmestre* (tous), Kigali le 3 septembre, 19973
- Gerring, John (2011). "*Social Science methodology: Strategies for Social Inquiry"*, Cambridge, Cambridge University Press
- Hatzfeld Jean (2003). *Une saison de machettes*, Paris, Seuil.
- Kangura no 7, Ugushyingo 1990, p.14.
- Kimonyo Jean Paul (2008). *Rwanda. Un génocide populaire*, Paris, Karthala
- Lemkin, Raphael (1944). *Lemkin's Axis Rule in Occupied Europe: Laws of Occupation - Analysis of* Government - *Proposals for Redress*, Washington DC, Carnegie Endowment for International Peace, (pp. 79 – 95)
- Melvern Linda (2006). *Conspiracy to Murder: The Rwandan genocide*, New York, Verso
- Mfizi Christophe (2006) *Le reseau zero (B), Fossoyeur de la Démocratie et de la République au Rwanda (1975-1994)*, TPIR
- MINALOC (2004). *Dénombrement des victimes du Génocide des Tutsi*, Kigali

- MINESUPRES (1996). Rapport préliminaire d'identification des sites du génocide et des massacres d'avril-juillet 1994, Kigali, Février 1996
- Itegeko n˚ 59/2018 ryo kuwa 22/08/2018 ryerekeranye n'icyaha cy'ingengabitekerezo ya Jenoside n'ibindi byaha bifitanye isano na yo
- African Rights (1999). Father Wenceslas Munyeshyaka: In the Eyes of the Survivors of Sainte Famille, 1999, p.77.
- Mironko Charles (2014). Dehumanization revisited in Confronting genocide in *Rwanda: Dehumanization, Denial and Strategies for Prevention*, Conference Proceedings, Bogota, Epidama Ediciones Ltd
- Mukagasana Yolande (1997). *La mort ne veut pas de moi*, Fixot : Robert Laffont
- Nkusi Laurent (2010). Le Génocide perpétré contre les Tutsi: Documentation, Mémoire et Réconciliation après le Génocide des Tutsi en 1994: Un défi possible à relever. In :«*Actes du Colloque 16 years after the genocide perpetrated against Tutsi:Handling its Consequences*», Kigali, CNLG
- Prunier, Gerard, (1997), *The Rwanda Crisis: History of a genocide*, New York, Columbia University Press
- FIDH (1993). Rapport de la Commission Internationale d'Enquête sur les Violations de Droits de l'Homme au Rwanda depuis le 1er Octobre 1990 (7-21 Janvier 1993)
- Repuburika y'u Rwanda (2007). Itegeko N° 09/2007 ryo kuwa 16/02/2007 rigena inshingano, imiterere n'imikorere bya Komisiyo y'Igihugu yo Kurwanya Jenoside, In *Igazeti ya Repuburika y'u Rwanda*
- Repuburika y'u Rwanda (2007). Itegeko N° 09/2007 ryo kuwa 16/02/2007 rigena inshingano, imiterere n'imikorere bya Komisiyo y'Igihugu yo Kurwanya Jenoside, In *Igazeti ya Repuburika y'u Rwanda*.
- Repuburika y'u Rwanda (1996). Itegeko-ngenga n°8/96 ryo kuwa 30/8/1996 rigena imitunganirize y'ikurikirana ry'ibyaha bigize icyaha cy'itsembabwoko n'itsembatsemba cyangwa ibyaha byibasiye inyoko muntu byakozwe kuva tariki ya mbere Ukwakira 1990, In *Igazeti ya Republika y'u Rwanda*.
- Repuburika y'u Rwanda (2001). Itegeko-ngenga n°33/2001 ryo kuwa 22/06/2001 rihindura kandi ryuzuza itegeko ngenga n°40/2000 ryo kuwa 26/01/2001 rishyiraho

Inkiko-GACACA rigena imitunganirize y'ikurikirana ry'ibyaha bigize icyaha cy'itsembabwoko n'itsembatsemba cyangwa ibyaha byibasiye inyoko-muntu, byakozwe hagati y'itariki ya mbere Ukwakira 1990 n'iya 31 Ukuboza 1994.

- Renzaho Tharcisse (2015). La bataille de Kigali du 06 avril au 04 juillet 1994 en 1994: le calvaire de la population de Kigali pendant le génocide, Collection "Le droit à la parole" , Lille, Editions Sources du Nil, 347p.
- République du Rwanda, *Rapport de la Commission Nationale Indépendante chargée de rassembler les preuves montrant l'implication de l'Etat français dans le génocide perpétré au Rwanda en 1994*, Kigali, p. 79
- Rutayisire Paul et Rutazibwa Privat (2007). *Le génocide à Nyarubuye*, Kigali, Editions Rwandaises
- Rutayisire Paul (2003). *Memoire et/ou oubli comme rançon à la paix civile* [Online]
- Rutembesa Faustin et Mutwarasibo Ernest (2009). *Amateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi muri Mujyina*, Kigali, CNLG
- Rutinduka Laurent (2010). *Amateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi muri Murambi*, Kigali, CNLG
- SNJG, (2012), *Raporo isoza imirimo y'Inkiko Gacaca*, Kigali, SNJG, p.3
- Staub Ervin (2015). The *Roots of Goodness & Resistance to Evil*, New York, Oxford University Press
- Totten Samuel (Ed.) (2009). *The Genocide Studies Reader*, New York and London, Routledge
- Totten Samuel & Parsons Walter (2009). *Century of Genocide: Critical Essays and Eyewitness accounts (3ed.)*, New York, Routledge
- Urwego rw'Igihugu Rushinzwe Inkiko Gacaca, (2012), *Raporo isoza imirimo y'Inkiko Gacaca*, Kigali
- United Nations on the Prevention and Punishment of the Crime of Genocide adopted by Resolution 260 (III) A of the United Nations General Assembly on 9, November 1948.

**Inyandiko zavanywe kuri murandasi**

- Trial International, www. trialinternational.org/fr/latest-post/pascal-simbikangwa/, kuwa 31 Gicurasi 2020

- Stanton, Gregory (2013). The ten stages of Genocide. Genocide Watch, The International Alliance to End Genocide, retrieved from http://www.genocidewatch.org/images/Ten_Stages_of_Genocide_by_Gregory_Stanton.pdf.
- Novopress, www.novopress.info, le massacre des para-commandos belges au Rwanda, kuwa 15 Ukuboza 2018
- Igihe.com, www.igihe.com/amakuru/u-rwanda/article/ kuwa 19 Nyakanga 2019
- www.unictr.org, ICTR-99-52-T (Dossier Nahimana Ferdinand 23.9.2002). Structure de la Société RTLM S.A.
- www.unictr.org, Théonest Bagosora et consorts, Case no 98-48-T (TPIR, 18 Décembre 2008)
- www.unictr.org, Francois Karera, Jugement portant condamnation, affaire n° ICTR-OI-74-T, Arusha, le 07 décembre 2007, p.159
- www.unictr.org, Tharcisse Renzaho, Case no 97-31-I (TPIR, 16 Février 2006)

**IMIGEREKA**

**Umugereka wa mbere: Ingingo nyoborakiganiro yifashishijwe mu bushakashatsi**

***Ingingo ya mbere*****: Imibanire y'abanyarwanda mbere ya 1959**

- Mbere ya 1959, agace mwari mutuyemo kitwaga iyihe sheferi? Ni nde wayoboraga iyo sheferi? Susheferi yitwaga ite? Sushefu yitwaga nde?
- Mbere ya 1959, abaturage bari babanye bate mu gace mwari mutuyemo?
- Gucikamo ibice mu Banyarwanda byatangiye ryari? Byatewe n'iki? Ni bande babigizemo uruhare?
- Ni iki wibuka ku byerekeye imvururu zabaye mu 1959? Byagenze gute mu gace mwari mutuyemo ?

**Ingingo ya 2 : Imibanire y'abaturage bari batuye mu cyahoze ari Komini ya Nyarugenge mu gihe cy'ubutegetsi bwa Perezida Grégoire Kayibanda**

- Ubutegetsi n'imibanire y'abaturage byari bimeze bite mu gihe cy'ubutegetsi bwa Grégoire Kayibanda (1962-1973) ?
- Abaturage bose bafatwaga kimwe no guhabwa amahirwe angana? Niba ari yego cyangwa oya, sobanura.
- Haba hari ibikorwa by'ivangura n'itotezwa byakorerwaga Abatutsi mu gihe cy'ubutegetsi bwa Kayibanda?
- Haba harabayeho ubwicanyi bwibasiye Abatutsi mu gace mwari mutuyemo mu gihe cy'ubutegetsi bwa Kayibanda? Niba ari yego, ubwo bwicanyi bwabaye ryari? Bwatewe n'iki? Ni bande bari ku isonga? Ababigizemo uruhare ni bande? Ni izihe ntwaro zakoreshejwe?

**Ingingo ya 3: Imibereho y'Abatutsi mu gihe cy'ubutegetsi bwa Perezida Juvénal Habyarimana mbere ya 1990**

- Mu gihe cy'ubutegetsi bwa Perezida Juvénal Habyarimana mbere ya 1990, imibanire y'abaturage yari imeze ite? Abaturage bose bafatwaga kimwe?
- Haba hari ibikorwa by'ivangura, itotezwa no guhezwa byakorerwaga Abatutsi mbere ya 1990? Niba ari yego byakorwaga bite?
- Ese hari icyo uzi cyangwa wumvise kuri politiki y'iringaniza? Niba ari yego, iyo politiki yari imeze ite? (mu kazi, mu mashuri, mu gisirikare n'ibindi).

**Ingingo ya 4: Ibikorwa by'ivangura, urugomo n'ubwicanyi hagati ya 1990 kugera 1993**

- Nyuma y'igitero cya RPF- Inkotanyi cyo kubohora igihugu mu Kwakira 1990, byagenze gute mu gace mwari mutuyemo?
- Hari ibikorwa byo gutesha agaciro, iby'urugomo, ubwicanyi byabereye mu karere mwari mutuyemo hagati ya 1990 na 1993? Niba ari yego, Ibyo bikorwa byabereye he? ryari? Byibasiraga bande? Ni bande babigizemo uruhare?
- Haba hari abayobozi mu butegetsi bwite bwa Leta, abakuru b'amashyaka, abashinzwe umutekano wibuka bari ku isonga y'ibyo bikorwa?
- Ni ubuhe buryo bwakoreshwaga n'abayobozi (aba gisivile n'abashinzwe umutekano) mu gushishikariza abaturage urwango n'ubwicanyi bwakorerwaga Abatutsi?
- Ni iki bizezaga abaturage baramutse bakoze ibyo babasabaga? Haba hari abo muzi babihawe?
- Uretse ubwicanyi, haba harabaye guhunga ku batotezwaga muri aka karere mbere ya 1994? Niba byarabaye bahungiye he? Babifashwagamo na bande?
- Haba hari uruhare amashyaka ya politiki, imitwe yitwara gisirikare, abayobozi ba gisiviri, abashinzwe umutekano n'abarezi bagize mu bwicanyi bwakorewe Abatutsi hagati ya 1990 na 1994?

**Ingingo ya 5: Uburyo bwakoreshejwe mu gutegura Jenoside**

- Haba hari inama zakoreshejwe zikangurira Abahutu kwanga no kwica Abatutsi? Niba ari yego, zakoreshejwe na ba nde, ryari kandi hehe?

- Haba hari ubundi buryo bwakoreshejwe mu gushishikariza Abahutu kwanga no kwica Abatutsi? Niba ari yego ni ubuhe?

- Haba hari ibiganiro mbwirwaruhame n'inama (meeting) wibuka byabaye muri aka gace mwari mutuyemo hagati ya 1990-1994 bishishikariza Abahutu kwanga no kwica Abatutsi? Niba ari yego, ibyo biganiro byabaye ryari? Byabereye hehe? Byayobowe na bande? Ni ubuhe butumwa bwavugiwe muri ibyo biganiro?

- Nyuma y'ibyo biganiro imyitwarire y'abaturage yagenze ite?

- Mu gace mwari mutuyemo, haba harabayeho gutoza imitwe yitwara gisirikare? Niba ari yego, ni iyihe? Batorejwe he? Batozwaga na bande? Byatangiye ryari?

- Mu gace mwari mutuyemo, haba harabayeho gutanga imbunda, gerenade cyangwa intwaro gakondo mu baturage? Niba ari yego, ni bande bazitangaga, zahabwaga bande, zatanzwe guhera ryari ?

**<u>Ingingo ya 6</u> : Ishyirwa mu bikorwa rya Jenoside yakorewe Abatutsi mu yahoze ari Komini ya Nyarugenge**

- Mbere y'ihanurwa ry'indege ya Perezida Habyarimana, umutekano w'abaturage muri rusange wari umeze ute muri karere mwari mutuyemo ? Umutekano w'Abatutsi bari batuye muri aka gace wari umeze ute ? Nyuma y'ihanurwa ry'indege, byagenze gute ?

- Ni ayahe matariki y'ingenzi wibuka Jenoside yaba yaratangiriyeho n'aho yatangiriye mbere y'uko ikwirakwizwa mu gace mwari mutuyemo ?

- Ni abahe bantu bari ku isonga mu gukangurira abaturage kwitabira ibikorwa bya Jenoside muri aka karere ?
- Ni ibihe bikoresho byakoreshejwe muri Jenoside muri aka karere mutuyemo ? Ibyo bikoresho byavuye he? Byakoreshejwe na bande (imitwe yitwara gisirikare, abaturage basanzwe…)?

- Ni ubuhe buryo bwakoreshejwe kugira ngo byorohere abicanyi kugera ku bo bashaka kwica?
- Haba harabayeho kugerageza kwirwanaho kw'abicwaga mbere y'uko bicwa? Niba ari yego cyangwa oya, Sobanura.
- Ni hehe wibuka hiciwe abantu benshi mu karere mwari mutuyemo? Abamaze kwicwa bashyirwaga hehe?
- Haba harabayeho ibikorwa by'iyicarubozo byakorerwaga Abatutsi bicwaga mu gihe cya Jenoside? Niba ari yego, ni ibihe? Ni bande wibuka babikoze? Abo wibuka babikorewe ni bande?
- Haba harabayeho gusibanganya ibimenyetso bya Jenoside mu gihe yashyirwaga mu bikorwa na nyuma yaho? Niba ari yego, byakorwaga bite? Ni bande babigizemo uruhare?

**Ingingo ya 7: Urutonde rw'abagize uruhare mu itegurwa n'ishyirwa mu bikorwa rya Jenoside yakorewe Abatutsi**

- Watubwira amazina y'abagize uruhare mu itegurwa n'ishyirwa mu bikorwa rya Jenoside yakorewe Abatutsi mu gace mwari mutuyemo?

**Ingingo ya 8: Urutonde rw'abazize Jenoside yakorewe Abatutsi**

- Watubwira amazina y'abazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu gace mwari mutuyemo?

**Ingingo ya 9: Ingaruka za Jenoside**

- Ni izihe ngaruka za Jenoside yakorewe Abatutsi zikigaragara mu gace mutuyemo?

**Ingingo ya 10: Imibanire y'abatuye Akarere ka Nyarugenge nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi**

- Nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi, ubona abaturage babanye bate?
- Ese haba hari ibikorwa byo kwishishanya n'urwicyekwe bigaragara hagati y'abaturage mu gace mutuyemo? Niba ari yego, Ni ibihe? Ubona byaba biterwa n'iki?